# Quran

RWANDESE

# QURAN

QURAN, ni igitabo gitanga inkuru nziza n'ububurizi ku kiremwa muntu, igashimangira kugaragariza umuntu ukuri kwaba uko kwizera ndetse n'imitekerereze

Buri gitabo kigira intego n'intego za Quran ni ukugirango umuntu asobanukirwe umugambi w'Imana wo kurema. Ibyo akaba, ari ugusobanurira umuntu ni kuki Imana yaremye iyi Isi; ni iyihe mpamvu yatumye Imana ishyira umuntu ku Isi; ni iki umuntu asabwa mbere y'uko yitaba Imana, kandi ni iki kimutegereje nyuma yo kuva kuri iyi Isi. Intego ya Quran ni ukugirango umuntu abeho ariko azi neza ukuri kuri ibi, bityo iyobore umuntu mu rugendo rwe rwo muri ubu buzima kugeza mu buzima bwa nyuma y'urupfu.

Ingingo zibanze za Quran ni ukwiyeza, kwiyegereza Imana, amahoro no kuganduka. Quran ikoresha imvugo nyinshi, *tawassum, tadabbur na tafakkur* aribyo bisobanura kwiga isomo ukaritekerezaho ukanitegereza ibimenyetso by'Imana bizungurutse hose ku Isi. Quran ikaba yaragiye isobanurwa hazirikanwa izi ngingo zibanze.

# Quran

First published 2022
This edition published 2025

Goodword Books
A-21, Sector 4, NOIDA-201301, Delhi-NCR, India
Tel. +91 120 4131448, Mob. +91-8588822672
email: info@goodwordbooks.com
www.goodwordbooks.com

CPS International
Centre for Peace and Spirituality International
1, Nizamuddin West Market, New Delhi-110013
Mob. +91-9999944119
email: info@cpsglobal.org
www.cpsglobal.org

Center for Peace and Spirituality USA
2665 Byberry Road, Bensalem, PA 19020, USA
Mob. 617-960-7156
email: kkaleemuddin@gmail.com
www.cpsusa.net

# CONTENTS


| | |
|---|---|
| Itangiriro | 9 |
| Surat 1. Al-Faatihah | 21 |
| Surat 2. Al’Baqarah | 21 |
| Surat 3. Aal Imraan | 58 |
| Surat 4. An-Nissaa’u | 80 |
| Surat 5. Al-Maa’idah | 103 |
| Surat 6. Al-An’aam | 120 |
| Surat 7. Al- A’araaf | 139 |
| Surat 8. Al-An’ faal | 159 |
| Surat 9. At-Taubah | 167 |
| Surat 10. Yuunus | 183 |
| Surat 11. Huud | 194 |
| Surat 12. Yuusuf | 206 |
| Surat 13. Ra’ad | 217 |
| Surat 14. Ibraahiim | 223 |
| Surat 15. Al-Hidj’r | 228 |
| Surat 16. An’nahl | 233 |
| Surat 17. Is’raa’u | 245 |
| Surat 18. Al- Kah’f | 255 |
| Surat 19. Mariam | 265 |
| Surat 20. Twaahaa | 271 |
| Surat 21. Al An’biyaa’u | 280 |
| Surat 22. Al Hadj | 287 |
| Surat 23. Al Mu’uminnun | 296 |
| Surat 24. An’nuur | 302 |
| Surat 25. Al Fur’qan | 311 |
| Surat 26. Ash-Shu’araa’u | 317 |
| Surat 27. An’nam’lu | 326 |

Surat 28. Al Qaswas 333
Surat 29. Al A'ankabuut 342
Surat 30. Ar'ruum 348
Surat 31. Lu'qmaan 353
Surat 32. Sadj'dah 357
Surat 33. Al Ah'zaab 359
Surat 34. Saba'u 368
Surat 35. Faatwir 373
Surat 36. Yaasiin 378
Surat 37. As-Swafaat 383
Surat 38. Swaad 389
Surat 39. Az'zumar 394
Surat 40. Ghaafir 401
Surat 41. Fusswilat 409
Surat 42. As-Shuuraa 414
Surat 43. Zukh'ruf 420
Surat 44. Ad'dukhaan 425
Surat 45. Al-Djaathiyah 428
Surat 46. Al-Ah'qaaf 431
Surat 47. Muhammad 435
Surat 48. Al-Fat'h 439
Surat 49. Al Hudjurat 443
Surat 50. Qaaf 445
Surat 51. Ad-Dhariyyaat 448
Surat 52. At-Twuur 450
Surat 53. An-Nadj'm 452
Surat 54. Al Qamar 455
Surat 55. Al Rahman 457
Surat 56. Al-Waaqi'ah 460
Surat 57. Al-Hadiid 463

Surat 58. Al-Mudjaadalah 466
Surat 59. Al-Hash’r 470
Surat 60. Al-Mum’tahanah 473
Surat 61. As-Swaff 475
Surat 62. Al-Djum’ah 477
Surat 63. Al-Munaafiquun 478
Surat 64. At-Taghabun 479
Surat 65. At-Twalaaq 481
Surat 66. At-Tah’riim 483
Surat 67. Al Mulk 485
Surat 68. Al-Qalam 487
Surat 69. Al Haaqqah 489
Surat 70. Al Ma’aridj 491
Surat 71. Nuuh 493
Surat 72. Al Djinn 494
Surat 73. Al-Muzammil 496
Surat 74. Al-Mudathir 498
Surat 75. Al-Qiyaamah 500
Surat 76. Al In’saan 501
Surat 77. Al-Mursalat 503
Surat 78. An-Naba’u 504
Surat 79. An Naaz’iaat 506
Surat 80. Abasa 507
Surat 81. At-Tak’wiir 508
Surat 82. Al-In’fitwaar 509
Surat 83. Al-Mutwaffifiin 510
Surat 84. Al-Insh’qaaq 511
Surat 85. Al-Buruudj 512
Surat 86. At-Twaariq 513
Surat 87. Al- A’ala 513

Surat 88. Al-Ghaashiyah 514
Surat 89. Al-Fadj'r 515
Surat 90. Al-Balad 516
Surat 91. A-Sham's 516
Surat 92. Al-Lail 517
Surat 93. A-Dhwuhaa 518
Surat 94. A-Shar'h 518
Surat 95. At-Tiin 519
Surat 96. Al 'Alaq 519
Surat 97. Al-Qadar 520
Surat 98. Al-Bayyinah 520
Surat 99. Az- Zal'zalah 521
Surat 100. Al'adiyaat 521
Surat 101. Al- Qaari'ah 522
Surat 102. At-Takaathur 522
Surat 103. Al-As'r 523
Surat 104. Al-Humazah 523
Surat 105. Al-Fiil 523
Surat 106. Quraish 524
Surat 107. Al-Maa'uun 524
Surat 108. Al-Ka'uthar 524
Surat 109. Al-Kaafiruun 525
Surat 110. An-Nas'r 525
Surat 111. Al-Masad 525
Surat 112. Al-Ikh'laasw 526
Surat 113. Al- Falaq 526
Surat 114. An-Naas 527

# ITANGIRIRO

Quran ni igitabo cy'Imana. Ikaba yararinzwe uko yakabaye kugirango itugereho. Nubwo bwose yanditswe mu cyarabu, ikaba yarorohejwe kugirango isobanukirwe na babandi batumva ururimi rw'icyarabu binyuze mu kuyisobanura mu zindi ndimi. Ntakintu nakimwe gihinduweho ku mwimerere wayo, ubusobanuro bufasha babanadi batazi icyarabu gusobanukirwa ijambo ry'Imana.

Quran ikaba igaragara mu rurimi rw'icyarabu, ariko muby'ukuri, ikaba iri mu rurimi rw'umwimerere, urwo akaba ari ururimi Imana yeretse abantu mu gihe cyo kurema. Uyu muhamagaro mwiza ku kiremwa muntu wahozeho muri kamere ya muntu, niyo mpamvu Quran ari imwe ku isi yose kdi ifatwa kimwe ku bantu b'ingeri zitandukanye. Uku kuri kukaba kwaragaragajwe muri Quran nk'"ikimenyetso kigaragara mu mitima ya babandi bahawe ubumenyi." Uyu murongo ukomeza uvuga uti: " ntanumwe uhinyura ibimenyetso byacu uretse abangizi" (29:49)

Ibi bosbanura ko ukuri nyako, kwasobanuwe na Quran mu bumenyi, umuntu yahoranye na mbere yo gutera imbere mu bumenyi bwisumbuye. Ubutumwa bwa Quran ntago ari, nk'ikintu cyaje kimwituraho gutyo gusa. Ni imvugo zijyanye n'uwo muhamagaro w'ukuri uhuye na kamere muntu ndetse n'ibyo asangiye nabyo isano. Quran isobanura ibi ivuga ko na babandi bazavuka mu bihe byanyuma nabo bavutse mu gihe cyo kuremwa kwa Adamu kandi icyo gihe Imana ikaba yarashyize roho mu bantu bose.

Iki gikorwa kikaba cyaranavuzweho muri Quran:

'[Ntumwa], igihe nyagasani wawe yazanaga bene Adamu

kugirango bitangeho ubuhamya, yaravuze ati: "Ese sindi Nyagasani wanyu" zirasubiza ziti: " Yego, turi abahamya ko uri we." Ngaho ku munsi w'izuka ntimuzavuge ko mutari mubizi"(7:172)

Mu murongo ukurikira,iragaraza byisumbuyeho ikiganiro hagati y'Imana n'umuntu.

" mu kuri twahaye indagizo ikirere n'Isi ndetse n'imisozi, birayanga kubera gutinya. Maze umuntu yemera kuyakira ari injiji kandi uhuguza." (33:72)

Qur'an, ku muntu, ni Ibisobanuro rw'ibyo yari azi kuruta icyaricyo cyose. Mu kuri, Quran yagura imitekerereze n'ubwenge bwa muntu.

Ufite kamere nzima akaba ashaka kuva mu bibi ajya mu byiza asoma Quran, imitekerereze ye isubira kuri ya kamere ndemano Imana yaremanye ikiremwa muntu. Ibi tubishyize mu nyurabwenge ntago byagorana kwakira neza ko gusobanura Quran ari inzira nziza yo kuyisobanukirwa.

Niba ubutumwa bw'Imana bwa mbere bwari isezerano, Quran ni Isezerano rya Kabiri. Buri kimwe gihamya ukuri kw'ikindi. Niba hari udasobanukiwe neza ururimi rw'icyarabu, akaba gusa yasoma ibyanditswe bisemuye mu rundi rurimi, ntago akwiye kugira impungenge z'uko Atari busobanukirwe Quran. Gahunda ya Quran ku muntu ni umurongo kamere w'ijambo ry'Imana ryabaye ukuri mu buryo buhambaye. Ubumenyi ku ihindagurika ry'ubuzima bwa muntu byose bishimangira izi nyigisho.

### *Umugambi w'Imana wo Kurema*

Buri gitabo kigira intego zacyo n'intego ya Quran ni ukugirango umuntu asobanukirwe neza impamvu

y'umugambi w'Imana wo kurema. Ibyo akaba ari ukubwira Umuntu impamvu Imana yaremye iyi Isi; n'intego yo gushyira umuntu ku Isi; icyo umuntu asabwa mu buzima mbere y'uko ahura n'urupfu kandi n'iki kimutegereje nyuma y'urupfu. Umuntu avuka ameze nk'ikiremwa kizahoraho. Ubwo Imana yaremaga umuntu, yagabanyije ubuzima bwe mu byiciro bibiri, ubwa mbere y'urupfu, aribwo buzima bw'inzitane n'ibigeragezo, n'ubwa nyuma y'urupfu, aricyo gihe cyo guhabwa ingororano cyangwa ibihano bijyanye n'ibikorwa bye hano ku Isi. Ibi bikaba hagati yo gutuzwa m'ubusitani iteka ryose cyangwa Umuriro w'ubuziraherezo. Intego ya Quran akaba ari ukugirango umuntu asobanukirwe neza uku kuri. Iyi akaba ariyo ntego nyamukuru y'iki gitabo gitangaje, gifasha kuyobora umuntu mu rugendo rw'ubuzima kugera nyuma y'ubu buzima.

Byakumvikana neza uvuze ko umuntu ari uwo gukora no gushakisha kuva avutse. Ibi bibazo biri mu bwenge bwa buri umwe: ndi inde? Ni iyihe ntego y'ubuzima bwanjye? Ni ukuhe kuri k'ubuzima n'urupfu? Ni irihe banga ry'intsinzi y'umuntu no guhomba kwe? N'ibindi…. Dushingiye kuri Quran, igisubizo kuri ibi bibazo ni uko Isi turimo ari ahantu ho kugeragerezwa ndetse ingororano umuntu azahabwa mu buzima bwa nyuma y'urupfu akazaba ari ukubera uko yitwaye muri ibyo bigeragezo. Imperuka ikazaba umusaruro w'ibigeragezo uzashyirwa ku munzani n'Imana umuntu akazawubona mu buzima bwa nyuma y'urupfu, yaba guhembwa cyangwa guhanwa bijyanye n'ibikorwa bye hano ku Isi. Ibanga ry'itsinzi ku kiremwa muntu ni ugusobanukirwa umpamvu y'umugambi w'Imana wo kurema n'uko asabwa kwitwara.

## *Igitabo cy'ububurizi*

Quran ni igitabo cy'ububurizi. Ihuriro ry'amasomo n'ububurizi, byanafata inyito nziza y'igitabo cy'ubwenge n'ubushishozi. Quran ntago ikurikiza umuyoboro w'imyigishirize gakondo. Ahubwo, umubare uteri muto w'abasomyi iyo afashe Quran, imugaragarira nk'ikusanyirizo ry'ibintu by'amayobera ariko ibi si ukuri. Ariko uku Quran iteguye ntago bishingiye kuri gahunda y'igihe gito, ahubwo harimo isano no kuba igomba kugumana umwimerere wayo mu rwego rwo kuzuza intego yo kugeza ubutumwa bw'ukuri ku uyisoma ngo abashe gusobanukirwa n'ibyahanuwe, gusoma gusa urupapuro rumwe, igika kimwe, cyangwa umurongo umwe.

Impamvu imwe y'ibanze ya Quran ni uko ari urwibutso rw'ibyiza ruturuka ku isumba byose. Icy'ingenzi kuri ibi ni ibyiza byihariye Imana yahaye umuntu mugihe cyo kumurema. No mubindi byiza harimo kuba yaramushyize ku Isi, umubumbe urihol ibyiza byose bifitiye umuntu akamaro. Intego ya Quran ikaba ari ukugirango igihe umuntu abayeho neza yishimira ibi byiza kamere, azakomeze kuzirikana uwabimuhaye: agomba kwemera ubuntu bw'umuremyi we. Kubw'ibyo akazabasha kubona ingororano zo gutuzwa mu busitani iteka ryose; naho kwigomeka ku wabimuhaye, kandi, bakizamworeka mu muriro utazima. Kubwibyo rero Quran akaba ari urwibutso kuri uku kuri kudashidikanywaho.

## *Kamere ndemano n'igeno ry'Imana*

Kimwe mu byiza bya Quran ni uko iduha bicye ariko iby'ingenzi, kenshi ari ingabo ikadushishikariza

kubyibandaho. Ibitari ibyo, bitari ingenzi, cyangwa ibindi bisa nabyo, Bizana ukunyuranya n'ibyanditswe. Iki akaba aricyo kigereranyo cya Quran, kukuba hari ibindi byaza biyunganira. Kuri Quran, izo nyigisho akaba ari ingenzi kuko arizo musingi w'ibanze. Uku Quran iteye ikaba ari umwimerere ntakindi uyisoma yakongeraho uretse kunyurwa nayo gusa.

Ukuri ni uko kamere ndemano ari ingenzi kubakira kuri gahunda ya Islam. Igihe kamere ndemano iteye imbere ntakabuza izajya ku murongo ugororotse. Ariko kugendera kubyayo yishakiye ntago byatuma itungana. Niyo mpamvu intego ya Quran ari ugushyira mu bikorwa no kwagura ubumenyi n'imitekerereze ya muntu. Ijambo ryakoreshejwe na Quran kubijyanye no kwagura ubumenyi ari ma'rifah (Kumenya ukuri) (5:83).

Quran ihatira umuntu kumva akamaro ko kugera ku kuri ku bijyanye n'igeno. Ukuri kwemera Imana byanyakuri ni kimwe mu musaruro umuntu akuramo. Ahatari igeno nta n'ukwemera kwahaba.

## *Ijambo ry'Imana*

Iyo usomye Quran, ukomeza kubona isubiramo ko ari ijambo ry'Imana. Mu bigaragara iki ni ikimenyetso gifatika. Ariko urebeye mu buhanga bw'umugeni, yo ni igitanganza gihambaye. Hari ibitabo byinshi ku Isi byizerwa ko ari bitagatifu. Ariko, uretse Quran, ntakindi gitabo tubona cy'iyobokamana gitunganye cyafatwa nk'ijambo ry'Imana. Uyu mwihariko gusa uboneka kuri Quran, iha umurongo uzira amakemwa ku musomyi wayo. Hanyuma akayiga nk'igitabo cy'umwihariko, bitandukanye n'ibitabo rusange

byanditswe n'ikiremwa muntu. Tubona ugusubiramo muri Quran kw'amagambo kenshi cyangwa gacye nka, 'Yewe muntu, ni nyagasani wawe ukubwira. Umva amagambo ye kandi umukurikire' yemwe n' ijambo nk'iri ni umwihariko. Umuhamagaro mwiza nk'uyu mu ijambo ritomoye ntago warisanga mu kindi gitabo icyaricyo cyose. Risiga ikimenyetso gihoraho k'umuntu. Yumva neza ko ariwe uwiteka abwira. Ibi byiyumviro bituma muri we afata Quran mu buryo bukomeye kandi butarimo ugushidikanya, bitandukanye no kuba yafata amagambo yayo nk'ayo mu bindi bitabo bisanzwe ahura nabyo mu buzima bwa buri munsi. N'uburyo Quran ihurijwe hamwe ubwabyo ni umwihariko. Ibitabo byanditswe n'abantu usanga bitondetse ukurikije uko inyuguti zikurikirana nko kuva kuri A kugeza kuri Z, bakurikije imitwe y'inyandiko. Ariko Quran yo ntago ikurikiza uyu murongo, kuburyo kubantu bandi bashobora kuyibona nk'itari ku murongo. Iyo urebye mu kuri, ahubwo, usanga yanditse muburyo butunganye, inanditse mu buryo butangaje. Iyo dusomye Quran, twumva neza ko uwayanditse aherereye ahirengeye aho areba buri kimwe akanabwira ikiremwa muntu aho kiva kikagera, ibyo afiteho ububasha. Iri jambo rikibanda ku bantu mu ngeri zitandukanye, mu gihe kandi byose aba ari kubikurikiranira rimwe.

Umwe mu myihariko kandi ya Quran ni uko mu gihe icyaricyo cyose uyisoma ashobora no kwivugishiriza uwayanditse, akaba yabaza ndetse akabona ibisubizo, k'umwanditsi wa Quran akaba ari Imana ubwayo. Ni uhoraho. Nk'umuremyi w'ikiremwa muntu, yumva kandi agasubiza umusabye.

*Intambara y'amahoro ijyanye n'imyumvire*

Bandi bumva uko Quran ivugwa mu bitangazamakuru, muri rusange basobanurirwa ko Quran ari igitabo cya Jihad, kandi Jihad kuri bo bakaba barasobanuriwe ko ari inzira yo kugera ku ntego runaka bikozwe mu bugizi bwa nabi. Ariko iyi myumvire ikaba ishingiye ku kudasobanukirwa. Uwariwe wese usomye Quran we ubwe yibonera ko ubutumwa buyikubiyemo ntaho buhuriye no kugira nabi aho kuva kukagera. Quran kuva itangira kugeza isoza, ni igitabo gihamagarira amahoro ntanahamwe ishyigikira ubugizi bwa nabi. Ni ukuri ko Jihad ari zimwe mu nyigisho usanga muri Quran. Ariko Jihad, mu nyito yayo ya nyakuri, ni inyito y'intambara y'amahoro bitandukanye n'ubugizi bwa nabi aho buva bukagera. Ijambo Jihad muri Quran ryagaragajwe mu murongo ukurikira, ' Murwane Jihad ikomeye' (urugero: muhatane n'umuhate ukomeye) twifashishije ibi [Quran]'(25:52).

Nkuko bigaragara, Quran si intwaro, ni igitabo kiduha ubusobanuro ku myumvire iboneye y'intambara y'amahoro. Uburyo bw'iyo ntambara, dushingiye kuri Quran, ni 'ukubabwira ijambo rikagera ku mitima na roho zabo' (4:63).

Bityo, ugushaka gukwiye, dushingiye kuri Quran, niyo ihindura umutima w'umuntu ndetse n'ibitekerezo. Ibyo akaba ari, mukubwira ubwenge bw'abantu, ikabanyura, bakanyurwa n'ukuri kwa Quran kandi, munshamake,ikanabaha kwaguka mu mitekerereze. Iyi akaba ari intego ya Quran. Kandi iyi ntego ikaba yagerwaho munzira y'ibiganiro. Iyi ntego ntago ntago ishobora kugerwaho binyuze mu kugira uwo ugirira nabi cyangwa hifashishijwe imirwano.

Ni ukuri ko hari imirongo imwe muri Quran, ibwiriza muri ubu buryo, ‘mubice aho mubabona hose’ (2:191).

Ushingiye ku mirongo nk’iyo, hari bamwe bayifashisha mu kugaragaza ko Islam ari idini y’intambara no kugira nabi. Ibi rwose ntaho bihuriye n’ukuri. Iyo mirongo ivuga ku gihe runaka, kuri babandi babaga baje kugirira nabi Abayislamu babahora ubusa. Uwo murongo ntago usobanura umurongo cg itegeko muri Islam.

Ibyo bishingiye ku kuba Quran itaramanutse mu bihe bihuye neza n’uko imeze ubu, ahubwo yamanutse igihe ku kindi, bitewe n’imibereho, mu gihe cy’imyaka 23. Iyi uyigabanyije mu myaka y’intambara n’amahoro, ubwo igihe cy’amahoro cyangana n’imyaka 20 naho igihe cy’intambara kikangana n’imyaka 3. Mu ihishurwa ryayo mu gihe cy’imyaka 20 y’amahoro zari inyigisho z’amahoro gusa nkuko bigaragara mu mirongo ijyanye na gahunda y’Imana, kuyigaragira, ubugwaneza, ubutabera, n’ibindi….

Uku kugabanya amategeko mu byiciro bitandukanye ni umwimerere kandi ubisanga mu bitabo byose by’iyobokamana. Urebye, Gita, igitabo cy’aba Hindu, kibanda ku bumenyi, indangagaciro. Hamwe no kuba izi ari amagambo ya Krisha abwira Arjun, amushishikariza kurwana(Bhagavad Gita, 3:30). Ibi ntago bisobanura ko abizerera muri Gita bagomba guhora mu ntambara ibihe byose. Mahatma Gandhi, nyuma yabyo, akaba yarasohoye ubushakashatsi bwe bwo kutagira nabi azikomoye muri Gita. Amagambo yerekeye intambara zigamije inyungu ari muri Gita akoreshwa ku mpamvu zidasanzwe usanga ntabundi buryo bushoboka bwo gukemura ikibazo. Gusa muri rusange

itanga umwanzuro w'amahoro nkuko byagaragajwe na Mahatma Ghandhi.

Ni cyo kimwe Yesu Kristu yagize ati: ' ntimukeke ko naje gutanga amahoro ku Isi. Sinazanywe no gutanga amahoro, uretse inkota.'Matayo, 10:34'

Ntago bikwiye kwanzura ko iyobokamana ryigishijwe na Yesu Kristu ryaba ari intambara no kugira nabi. Ahubwo iryo jambo rigaragaza impamvu zidasanzwe. Nkuko ubuzima muri rusange bubyerekana, Kristo yigishije indangagaciro z'amahoro, nko kwigisha kugira imico myiza, gukundana, gufasha abakene n'abatishoboye, n'ibindi,..

Ni kimwe n'ukuri kwa Quran, ubwo intumwa Muhamad ubwo yahungaga iva Makka ijya Madina, amoko y'abataremeraga Imana baramurwanyije. Ariko intumwa yigobotoraga imitego yabo yibashishije ukwihangana no kwirinda. Kuko muri ako kanya ntayandi mahitamo yari ahari, uretse ayo yo kwirinda. Kubw'ibyo, yagombaga kwirwanaho mugihe nk'icyo. Ni izo mpamvu, zatumye habaho ihishurwa ry'imirongo yerekeye intambara. Aya mategeko, akaba areba impamvu runaka, ntago ari impamvu rusange zibonetse zose. Ntago yamanutse ngo ikoreshwe mu bihe byose. Niyo mpamvu; mubiranga kamere y'intumwa yiswe ' impuhwe ku biremwa' (21:107)

Islam ni idini y'amahoro mu buryo bwose yakumvikanamo. Quran iyivuga muri ubu buryo 'Inzira y'amahoro' (5:16). Igaragaza ubwiyunge nk'uburyo bwiza (4:128), ikanagaragaza ko Imana itishimira icyahungabanya amahoro cyose aho kiva kikagera. (2:205). Twavuga ko nta marangamutima arimo, uvuze ko Islam n'ubugizi bwa nabi ari ibintu bitandukanye cyane.

*Ihishurwa ry'igitabo*

Quran ni igitabo cy'Imana cyahishuriye Intumwa Muhammad. Ntago yamumanukiye nk'igitabo cyuzuye, ahubwo cyamanutse mu byiciro mu gihe cy'imyaka 23. Igice cya mbere cyamanutse muri 610 nyuma y'ivuga rya Yesu Kristo, ubwo intumwa y'Imana yari I Makka, nyuma yabwo, ibindi bice byakomejwe kugenda bihishurwa bitewe n'impamvu. Igice cya nyuma cyahishuwe mu mwaka wa 632, ubwo intumwa yari I Madina.

Muri Quran harimo ama Surat 114, zaba indende ndetse n'ingufi. Ikaba igizwe n'imirongo 6600. Kugirango byorohere abasomyi, Quran ikaba yaragabanyijwe mu bice 30. Ibi bice bikaba byaratondetswe ku murongo intumwa ibyigishijwe na Malayika Jibril, ari na we Imana yayihaga ngo ayigeze ku ntumwa y'Imana mu gihe cy'ihishurwa.

Ubwo Quran yahishurwaga muri kimwe cya kane cy'ikinyejana cya 7, impapuro zari zaramaze gukorwa. Izi mpapuro zizwi nka papyrus, zakorwaga mu bishishwa by'ibiti. Iyo hahishurwaga umurongo muri Quran wahitaga wandikwa kuri Papyrus, cyangwa muri Qirtas z'icyarabu (6:7). Muri icyo gihe, imirongo banayifataga mu mutwe, Quran akaba ariyo magambo muri Islam yonyine asomwa mu isengesho, akanasomwa cyane ku mpamvu z'ibwirizabutumwa. Muri ubwo buryo, Quran yakomeje gufatwa mu mutwe ari nako yandikwa. Uburyo bwo kuyibungabunga bwarakomeje mugihe intumwa y'Imana yari ikiri mu buzima. Muri ubwo buryo mubuzima bw'intumwa y'Imana Quran yakomeje kuyibumbatira.

Umuzungura wa gatatu w'intumwa y'Imana, 'Uthman

ibn ‘Affan, yari afite impapuro zitunganyije. Yazohereje mu mijyi itandukanye, aho zabitswe mu misigiti mikuru. Abantu bakaba batarasomaga gusa muri izo mpapuro ahubwo bakaba barakoporoye izindi nkazo nyinshi.

Kwandika Quran hakoreshejwe intoki bikaba byarakomeje kugeza ubwo havumbuwe ikoranabuhanga ryo gusohora impapuro n’impapuro zatangiye kujya zikorwa kungano nini hanishimirwa iterambere ry’inganda. Icyo gihe rero, Quran yatangiye kujya isohorwa. Uburyo bwo gusohora impapuro bukaba bwaragiye butera imbere n’uburyo bwo gusohora Quran bugenda buvugururwa. Umunsi wa none Quran zisohowe mu mashini zikaba zarabaye nyinshi ku buryo unayisanga mu rugo urwarirwo rwose, mu misigiti, mu masomera no mu bubiko bw’ibitabo. Uyu munsi uwariwe wese yabona Igitabo cya Quran gisa neza, aho yaba ari hose, mu bice bitandukanye by’Isi.

## *Quran isomwa gute?*

Quran iragira iti,‘soma Quran utuje kandi neza.’ (73:4) ibi bisobanuye ngo, Soma Quran witonze, mu ijwi ryiza. Bivuze ngo, Soma mu mwimerere wayo. Usomye gutya, haba ukuzerwa n’umusomyi akanyurwa n’ibyo ari kumva. Kuri we, Quran ni ijambo ry’Imana naho umutima weugasubiza aya magambo kuri buri murongo. Muri Quran buri ahagaragajwe ubuhambare bw’Imana, Usoma yumva neza muri we ubuhambare bwayo; Iyo imigisha y’Imana ivuzwe muri Quran, umutima w’usoma usenderamo ingabire; Iyo ibihano by’Imana bivuzwe muri Quran, usoma ahinda umushyitsi; iyo hatanzwe itegeko muri Quran, usoma yicisha

bugufi akaba uwumvira umuremyi we ashyira mu bikorwa iryo tegeko.

Maulana Wahiduddin Khan
www. mwkhan.com

Surat 1

## AL-FAATIHAH

1 Ku izina rya IMANA (ALLAH) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

2 Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH),
Nyagasani w'ibiremwa byose. 3 Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.
4 Umwami w'umunsi w'ibihembo. 5 Ni Wowe gusa tugaragira
ni na We gusa twiyambaza. 6 Tuyobore inzira igororotse.
7 Inzira y'abo wahundagajeho inema, itari iy'abarakariwe
cyangwa abayobye.

Surat 2

## AL'BAQARAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi

1 *Alif Laam Miim*

2 Icyo gitabo ntigishidikanywaho, ni buyobozi ku bagandukira
IMANA (ALLAH). 3 Babandi bemera ibitagaragara,
bakanahozaho Swalaat kandi bagatanga mu byo twabahaye.
4 Ni na babandi bemera ibyo wamanuriwe n'ibyamanuwe
mbere yawe, kandi bakemera badashidikanya imperuka.
5 Abo bari mu nzira iboneye ya Nyagasani wabo, abo ni nabo
bakiranutsi.

6 Mu by'ukuri, abahakanye ni kimwe kuri bo, wababurira
utababurira, ntibazemera. 7 ALLAH (IMANA) yapfundikiye
imitima yabo n'amatwi yabo, no ku maso yabo hari
igikingirizo. Kandi bafite ibihano bihambaye.

8. Mu bantu hari abavuga bati: twemeye ALLAH
(IMANA) n'umunsi w'imperuka. Kandi bo atari abemera.
9. Baryarya ALLAH (IMANA) n'abemeye, nyamara
baririyarya ariko ntibabyiyumvamo. 10. Mu mitima yabo
harimo indwara, ALLAH (IMANA) abongerera uburwayi.
Bafite ibihano bibabaza kubera ibyo babeshyaga. 11. Iyo
babwiwe ngo mwikwangiza ku isi, baravuga bati: mu
by'ukuri ni twe dutunganya. 12. Mumenyeko ari bo bangizi
ariko ntibabyiyumvamo. 13. Iyo babwiwe ngo nimwemere
nk'uko abandi bantu bemeye, baravuga bati: ese twemere
nk'uko ibicucu byemeye? Mumenyeko ari bo bicucu
uretse ko batabizi. 14. Iyo bahuye n'abemeye baravuga bati:
twaremeye. Bakwiherera na za sha'itwani zabo bakavuga
bati: twe turi kumwe namwe, mu by'ukuri turi abannyezi.
15. ALLAH (IMANA) arabanenera, akanabongerera mu
bwigomeke bwabo barindagira. 16. Abo ni bo baguranye
ubuyobe ubuyoboke, ubucuruzi bwabo ntibwunguka, ntibari
no mu bayoboke.

17. Urugero rwabo ni nk'urw'uwacanye umuriro, umaze
kumurika ibimukikije; ALLAH (IMANA) atwara urumuri
rwabo, abarekera mu mwijima batabona. 18. Ni ibipfamatwi,
ibiragi n'impumyi, kandi nta n'ubwo bazisubiraho. 19. Ni nk'
imvura nyinshi iva mu kirere, irimo umwijima, inkuba n'
imirabyo; bagashyira intoki zabo mu matwi kubera ibishashi
by' inkuba birinda urupfu. Kandi ALLAH (IMANA) agose
abahakanyi. 20. Umurabyo wenda kubanoboramo amaso,
uko ubamurikiye baragenda, wabazimiraho bagahagarara.
Iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubambura ukumva no
kubona byabo. Mu by' ukuri, ALLAH (IMANA) ni Ushobora
cyane buri kintu.

21. Yemwe bantu! Nimugaragire Nyagasani wanyu,
wabaremye n’abababanjirije, kugira ngo mugandukire
IMANA (ALLAH). 22. Ni We wabagiriye isi isaso, n’ikirere
kuba inyubako, anamanura amazi mu kirere ayameresha
imbuto ziba amafunguro yanyu. Ntimukagereranye
ALLAH (IMANA) n’ ibigirwamana kandi mubizi.
23. Kandi niba mushidikanya ku byo twamanuriye umugaragu
wacu, nimuzane urugero rwa Suurat imwe imeze nka yo,
munahamagare abahamya banyu batari IMANA (ALLAH),
niba muri abanyakuri. 24. Nimutabikora, nta n’ubwo muteze
kubikora, nimwirinde umuriro, ibicanwa byawo ni abantu n’
amabuye; wateguriwe abahakanyi. 25. Geza inkuru nziza kuri
babandi bemeye bakanakora ibitunganye, ko bafite Djannah
zitembamo imigezi. Uko bafunguriwemo zimwe mu mbuto
baravuga bati: izi ni zo twafungurirwaga; kuko bazihawe
zisa. Bafitemo abagore basukuye. Kandi bazazibamo
ubuziraherezo.

26. Mu by’ukuri, ALLAH (IMANA) ntaterwa ikimwaro
no gutanga urugero urwo ari rwo rwose ni yo rwaba urw’
umubu cyangwa ikiwuruta. Abemeye bakamenyako ari ukuri
guturutse kwa Nyagasani wabo, na ho abahakanye bakavuga
bati: ni iki ALLAH (IMANA) yari agamije mu gutanga
uru rugero? Aruyobesha benshi akanaruyoboresha benshi.
Kandi ntawe aruyobesha uretse abigomeka. 27. Babandi bica
isezerano rya IMANA (ALLAH) nyuma yo kuryemeza, kandi
bagaca ibyo ALLAH (IMANA) yategetse kunga bakanangiza
ku isi, abo ni bo banyagihombo. 28. Ni gute mwahakana
IMANA (ALLAH), kandi mutari muriho, akabarema abaha
ubuzima, hanyuma akabambura ubuzima kandi akazabazura,
nyuma mukazasubizwa iwe. 29. Ni We wabaremeye ibiri

mu isi byose, hanyuma akurikizaho ikirere agitunganyamo
ibirere birindwi. Kandi ni We Mumemyi cyane wa buri kintu.
30 Zirikana ubwo Nyagasani wawe yabwiraga
Abamala'ika ati: Njye ndashyira umusigire ku isi. Baravuga
bati: urayishyiraho uzayikoraho ubwangizi akanamena
amaraso? Kandi twe dusingiza ishimwe n'ikuzo byawe
tunagutagatifuza? Aravuga ati: Njyewe nzi ibyo mutazi.
31. Amenyesha Aadam amazina y' ibintu byose, hanyuma
abimurikira abamala'ika, arababwira ati: ngaho nimumbwire
amazina yabyo niba muri abanyakuri. 32. Baravuze bati:
ubutagatifu ni ubwawe, nta bumenyi dufite uretse ubwo
waduhaye. Mu by'ukuri ni wowe Mumenyi cyane, Ushishoza.
33. Aravuga ati: yewe Aadam! Babwire amazina yabyo.
Amaze kubabwira amazina yabyo, (IMANA (ALLAH))
aravuga ati: ese sinababwiye ko Jye nzi ibyihishe mu kirere
no mu isi, nkaba nzi ibyo mugaragaza n'ibyo mwahishaga?
34. Muzirikane ubwo twabwiraga abamala'ika tuti:
nimwubamire Aadam, bakubama bose uretse Ibliis wanze,
akikuza akaba no mu bahakanyi. 35. Turanavuga tuti: yewe
Aadam! Tura wowe n'umugore wawe mu busitani, murye
ibirimo mu mudendezo aho mushatse. Ntimuzegere iki
giti mukaba mu bahuguza. 36. Sha'itwaan irabubatesha,
ibakura mu byo bari barimo. Turababwira tuti: mumanuke
muvemo, bamwe muri abanzi b' abandi. Mufite ubuturo
ku isi n' umunezero w'igihe cyagenwe. 37. Aadam yakira
amagambo avuye kwa Nyagasani we, yemera ukwicuza kwe.
Mu by'ukuri ni We Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi.
38. Turavuga tuti: nimumanuke muvemo mwese, nimugerwaho
n'ubuyobozi bwanjye, abazakurikira ubuyobozi bwanjye
nta bwoba nta n' agahinda bazagira. 39. Naho abahakanye

bakanahinyura amagambo yacu, abo ni abo mu muriro,
bazawubamo ubuziraherezo.
40. Yemwe bana ba Israa’iil! Nimwibuke inema zanjye
nabahundagajeho, maze mwuzuze isezerano ryanjye, nanjye
nuzuze iryanyu, kandi muntinye Njye Jyenyine. 41. Kandi
mwemere ibyo namanuye (Qur’aan) byemeza ibyo mufite
(Ta’uraat), ntimuzabe abambere babihakana, ntimuzagurane
amagambo yanjye igiciro gito kandi mungandukire Njyenyine.
42. Ntimuzavange ukuri n’ikinyoma, mugahisha ukuri kandi
mukuzi. 43. Muhozeho Swalaat, mutange na Zakaat kandi
mwuname hamwe n’abunama (gukora Swalaat). 44. Ese
murategeka abantu gukora ibyiza mwe mukiyibagirwa,
kandi musoma igitabo (Ta’uraat). Ese nta bwenge mugira!?
45. Mwifashishe ubwihangane na Swalaat n’ubwo bikomeye
usibye ku bibombarika. 46. Babandi bizera ko bazahura na
Nyagasani wabo, kandi ko Iwe ariho bazasubira.
47. Yemwe bana ba Israa’iil! Nimwibuke inema zanjye
nabahundagajeho, no kuba narabarutishije ibindi biremwa.
48. Munatinye umunsi umuntu atazagira icyo amarira undi,
ubuvugizi bwe ntibuzemerwa, icyiru cye ntikizakirwa nta
n’ubwo bazatabarwa. 49. Muzirikane ubwo twabarokoraga
tukabakiza abantu ba Fir’aun babahanishaga ibihano bibi;
babaga abana banyu b’abahungu bakareka ab’ abakobwa.
Muri ibyo hari ibigeragezo bihambaye bituruka kwa
Nyagasani wanyu. 50. Muzirikane ubwo twabatandukanyirije
inyanja tukabarokora, turoha abantu ba Fir’aun mwe mureba.
51. Muzirikane ubwo twasezeranyaga Muusa amajoro mirongo
ine, mu gihe adahari mwigirira inyana (ikigirwamana cyanyu)
mwihuguza. 52. Nyuma y’ibyo, turababababarira kugira ngo
mushimire. 53. Muzirikane ubwo twahaga Muusa igitabo

na Fur'qaan kugira ngo muyoboke. 54. Muzirikane ubwo
Muusa yabwiraga abantu be ati: Yemwe bantu banjye! Mu
by'ukuri mwe, mwarihuguje mu kwihangira (ikigirwamanA)
cy' inyana. Ngaho nimwicuze ku Muhanzi wanyu , mwicane,
ibyo nibyo byiza kuri mwe imbere y'Umuhanzi wanyu,
yakira ukwicuza kwanyu, mu by' ukuri Ni We Uwakira cyane
ukwicuza, Nyirimbabazi. 55. Muzirikane ubwo mwavugaga
muti: yewe Muusa ! Ntituzakwemera kugeza ubwo tubonye
ALLAH (IMANA) imbona nkubone, ubwo mukubitwa
n'umuriro w'inkuba mureba. 56. Maze turabazura nyuma
yo gupfa kwanyu, kugira ngo mushimire. 57. Tubugamisha
mu gicu, tubamanurira Manna na Sal'wa. Murye mu byiza
twabafunguriye. Ntabwo ari Twe bahuguje ahubwo ni bo
bihuguje ubwabo.

58. Muzirikane ubwo twavugaga tuti:mwinjire muri
uyu mudugudu, muryemo ibyo mushaka mu mudendezo,
muninjire mu miryango yawo mwubamye, muvuge
muti: hitwatun. Turabahanagurira amakosa yanyu, kandi
tuzongerera abagiraneza. 59. Abahuguje, bahinduramo
ijambo batabwiwe. Tumanurira abahuguje igihano giturutse
mu kirere kubera ko bangizaga. 60. Muzirikane ubwo Muusa
yasabiraga abantu be amazi, turamubwira tuti: kubitisha
inkoni yawe urutare. Haturikamo amasoko cumi n' abiri, buri
muryango umenya aho unywera. Nimurye kandi munywe ku
mafunguro ya IMANA (ALLAH), kandi ntimuzigomeke ku
isi mwangiza. 61. Munazirikane ubwo mwavugaga muti: yewe
Muusa! Ntituzihanganira indyo imwe, dusabire Nyagasani
wawe atumereze mu byezwa n'ubutaka nk'imboga zabwo,
Qithaa'u yabwo, ingano zabwo na Adasi zabwo, n'ibitunguru
byabwo. Muusa Aravuga ati: ibyiza murabigurana ibiciriritse

!? Ngaho mumanuke mujye mu Mudugudu muzabonamo ibyo musabye. Bambikwa gusuzugurika n’ubutindi. Batahukana uburakari bwa IMANA (ALLAH). Byose byatewe n’uko bahakanaga amagambo ya IMANA (ALLAH), bakanica abahanuzi nta kuri. Ibyo byose ni ukubera ko bigometse bakanarengera.

62. Mu by’ukuri Abemeye, Abayahudi, Abanaswaara n’Abaswaabi’i muri bo uzemera ALLAH (IMANA) n’umunsi w’imperuka, akanakora ibyiza, abo bazagira ibihembo kwa Nyagasani wabo, kandi nta bwoba nta n’agahinda bazagira.

63. Muzirikane ubwo twakiraga isezerano ryanyu, tukazamura hejuru yanyu Twuur. Ngaho mwakire ibyo twabahaye mubikomeze, muzirikane ibirimo kugira ngo muganduke. 64. Hanyuma mubitera umugongo. Iyo hataba ineza ya ALLAH (IMANA) kuri mwe n’impuhwe ze, mwari kuba mu banyagihombo. 65. Kandi mwamenye bamwe muri mwe barengereye Isabato, tukababwira tuti: nimube inkende z’ ibicibwa. 66. Tubigira isomo ku bariho no kubazabaho nyuma ya byo, binaba inyigisho ku baganduka.

67. Muzirikane ubwo Muusa yabwiraga abantu be ati: mu by’ukuri ALLAH (IMANA) arabategeka kubaga inka. Baravuga bati: ese uratugira igikinisho? Aravuga ati: nikinze kuri ALLAH (IMANA) andinde kuba mu njiji. 68. Baravuga bati: dusabire Nyagasani wawe, adusobanurire iyo ari yo. Aravuga ati: avuze ko ari inka itari ijigija ntibe n’ umutavu, iri hagati yazo, nimukore ibyo mutegetswe. 69. Baravuga bati: dusabire Nyagasani wawe, adusobanurire ibara ryayo. Aravuga ati: mu by’ ukuri avuze ko ari inka y’ igaju, ibara ryayo rirakeye rishimisha abayireba. 70. Baravuga bati: dusabire Nyagasani wawe, adusobanurire iyo ari yo, rwose

inka zaduteye urujijo, kandi mu by' ukuri ALLAH (IMANA)
ni abishaka turayoboka. 71. Arababwira ati: mu by'ukuri,
avuzeko ari inka idasuzuguritse irima, ntinuhira imirima, ni
inziranenge nta n' icyasha ifite. Baravuga bati: noneho uvuze
ukuri. Ubwo barayibaga, nyamara bari hafi yo kutabikora.
72. Muzirikane ubwo mwicaga umuntu ntimwamuvugaho
rumwe, kandi ALLAH (IMANA) ni ushyira ahagaragara ibyo
mwari muhishe. 73. Turababwira tuti: nimumukubite bimwe
mu bice byayo. Uko ni ko ALLAH (IMANA) azura abapfuye,
kandi akabereka ibitangaza bye kugirango musobanukirwe.
74. Maze imitima yanyu irakomera nyuma y'ibyo, imera
nk'ibuye cyangwa gukomera kurenze. Mu by'ukuri no mu
mabuye harimo aturikamo imigezi, no muri yo, hari ayiyasa
akavamo amazi, no muri yo hari ahanuka kubera gutinya
IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ntabwo ari
indangare ku byo mukora.
75. Ese mwifuza ko babemera, kandi agatsiko muri bo
kumva amagambo ya ALLAH (IMANA) kakayahindura
nyuma y'uko kayasobanukirwa, kandi kabizi? 76. Iyo bahuye
n' Abemeye baravuga bati: twaremeye. Bakwiherera ubwabo
bakavuga bati: ese murabaganirira ibyo ALLAH (IMANA)
yabahishuriye, kugira ngo bazabibashinjishe imbere ya
Nyagasani wanyu? Ese nta bwenge mufite? 77. Ese ntibazi
ko ALLAH (IMANA) azi ibyo bahisha n'ibyo bagaragaza?
78. No muri bo hari abatazi gusoma no kwandika, ntibamenye
n' igitabo (Ta'urat) uretse icyizere cyo kwibeshya, nta cyo
bari ho uretse ko bakeka. 79. Rero bafite ibihano bikomeye
abiyandikira igitabo n' intoki zabo, nyuma bakavuga bati:
iki giturutse kwa ALLAH (IMANA) kugira ngo bakigurane
igiciro gito. Bafite ibihano bikomeye kubera ibyo intoki zabo

zanditse kandi bafite ibihano bikomeye kubera ibyo bakora.
80. Baranavuze bati: umuriro ntuzadutwika uretse iminsi mbarwa. Vuga uti: ese mwagiranye na ALLAH (IMANA) isezerano atagomba gutatira, cyangwa muvuga kuri ALLAH (IMANA) ibyo mutazi ? 81. Si byo! Ukoze ikibi akanagotwa n' icyaha cye, abo ni abantu bo mu muriro, bazawubamo ubuziraherezo. 82. Naho Abemeye bakanakora ibikorwa byiza, abo ni abantu bo muri Djannah, bazayibamo ubuziraherezo.

83. Muzirikane ubwo twakiraga isezerano rikomeye ry'abana ba Israa'iil; ntimuzagaragira ikindi kitari IMANA (ALLAH), muzagirira neza ababyeyi bombi, abo mufitanye isano, impfubyi n'abakene munavugane n'abantu neza, muzahozaho Swalaat kandi mutange Zakaat. Hanyuma mubitera umugongo mwirengagiza uretse bake muri mwe.

84. Munazirikane ubwo twakiraga isezerano ryanyu rikomeye; ntimuzamena amaraso yanyu, ntimuzanameneshana mu ngo zanyu. Maze mubyemeza munabihamya. 85. Hanyuma mwe ubwanyu muricana, mumenesha bamwe muri mwe mu ngo zabo, mushyigikirana mu kubakorera icyaha n'ubugome. Iyo babagannye barafatiwe ku rugamba mubatangira ingurane kandi ari ikizira kuri mwe kubirukana. Ese mwemera bimwe mu gitabo mugahakana ibindi? Nta kindi gihembo cy'ukora ibyo muri mwe uretse igisebo mu buzima bwo ku isi, na ho ku munsi w' imperuka bazasubizwa mu bihano bikomeye cyane. Kandi ALLAH (IMANA) ntabwo ari indangare ku byo mukora. 86. Abo nibo baguranye ubuzima bwo ku isi imperuka, ntabwo bazoroherezwa ibihano nta n'ubwo bazatabarwa.

87. Mu by'ukuri twahaye Muusa igitabo tunakurikiza inyuma ye izindi ntumwa. Duha Isa mwene Mariam

ibisobanuro tunamushyigikiza Ruuhul Qudus. Ese buri uko intumwa ibazaniye ibyo imitima yanyu idakunda murikuza? Zimwe mukazihinyura izindi mukazica ! 88. Kandi baravuze bati: imitima yacu irapfundikiye. Ahubwo ALLAH (IMANA) yarabavumye kubera ubuhakanyi bwabo, dore ko ibyo bemera ari bike.

89. Ubwo igitabo (Qur'aan) cyabageragaho giturutse kwa IMANA (ALLAH), gihamya ibyo bafite, kandi na mbere baragisabishaga intsinzi ku bahakanyi; icyo bazi kibagezeho baragihakana. Umuvumo wa ALLAH (IMANA) ni ube ku bahakanyi. 90. Ibyo baguranye imitima yabo ni bibi, kuba bahakana ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye, bitewe n'ishyari ry' uko ALLAH (IMANA) yamanuriye ibyiza bye kuwo ashaka mu bagaragu be. Batahukanye uburakari ku burakari, kandi abahakanyi bafite ibihano bisuzuguza.

91. N'iyo babwiwe ngo nimwemere ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye, baravuga bati: twemera icyo twamanuriwe, bagahakana ikiri inyuma yacyo (Qur'aan), kandi ari cyo kuri gihamya icyo bafite (Tauraat). Vuga uti: ni kuki mbere mwicaga Abahanuzi ba ALLAH (IMANA) niba koko muri Abemera ? 92. Kandi Muusa yabazaniye ibisobanuro, nyuma mugira inyana ikigirwamana adahari muri abahuguza. 93. Muzirikane ubwo twakiraga isezerano ryanyu, tukazamura hejuru yanyu Twuur, ngaho mwakire ibyo twabahaye mubikomeze kandi mwumve. Baravuga bati: twumvise ariko turanze. Ku bw' ubuhakanyi bwabo imitima yabo inyurwa no gusenga inyana. Vuga uti: ibyo imitima yanyu ibategeka ni bibi, niba koko muri Abemera. 94. Vuga uti: niba inzu y'imperuka kwa IMANA (ALLAH), ari umwihariko wanyu, nta bandi bantu(bayigenewe), ngaho nimwifuze urupfu niba

muri abanyakuri. 95. Ntibazarwifuza na rimwe kubera ibyo bakoze mbere, kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w’ abahuguza. 96. Uzasanga ari bo bararikira ubuzima kurusha abandi bantu, no kurusha ababangikanya. Umwe muri bo yifuza ko yarama imyaka igihumbi. Nyamara kurama si byo byamukiza ibihano. Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo bakora.

97. Vuga uti: uwaba ari umwanzi wa Djib’riil, mu by’ ukuri we yayimanuriye ku mutima wawe ku burenganzira bwa IMANA (ALLAH), ihamya ibyayibanjirije inayobora ikaba n’ inkuru ishimishije ku bemera. 98. Uwaba ari umwanzi wa IMANA (ALLAH), Abamala’ika be, intumwa ze, Djib’riil na Mikaa’il; mu kuri ALLAH (IMANA) ni umwanzi w’ Abahakanyi. 99. Kandi twakumanuriye ibimenyetso bisobanutse, nta n’ubihakana uretse ibyigomeke. 100. Ese buri uko batanze isezerano, itsinda muri bo riraryica ?! Ahubwo abenshi muri bo ntibemera. 101. Igihe intumwa iturutse kwa ALLAH (IMANA) yabageragaho, ihamya ibyo bafite, itsinda mu bahawe ibitabo, ryataye igitabo cya ALLAH (IMANA) inyuma y’imigongo yaryo, nk’ aho ntacyo rikiziho.

102. Bakurikiye ibyo za sha’itwan zasomaga ku ngoma ya Sula’iman, nyamara Sula’iman ntiyahakanye, ariko mu kuri za sha’itwan nizo zahakanye, zigishaga abantu uburozi n’ibyamanuwe ku Bamala’ika babiri i Baabil; Haaruuta na Maaruuta; ntawe bigishaga usibye ko bamubwiraga bati: mu by’ ukuri twe turi ikigeragezo; ntuhakane. Bakiga kuri bo igitanya umugabo n’umugore we. Nta n’uwo bashoboraga kugirira nabi babukoresheje uretse ku bushake bwa IMANA (ALLAH). Babigagaho ibibagirira nabi bitanabafitiye akamaro, kandi bari bazi ko ubuguze nta mugabane mwiza

azagira ku mperuka. Ni bibi ibyo baguranye imitima yabo,
iyaba bari babizi. 103. Mu by'ukuri iyo bemera bakanaganduka,
ibihembo bituruka kwa ALLAH (IMANA) ni byo byiza, iyo
baba babizi.

104. Yemwe abemeye! Ntimukavuge Raainaa ahubwo
mujye muvuga Un'dhurnaa, kandi mwumve. Abahakanyi
bazahabwa ibihano bibabaza. 105. Abahakanye mu bahawe
ibitabo cyangwa ababangikanya ntibifuzako hari icyiza
mwamanurirwa giturutse kwa IMANA (ALLAH), kandi
ALLAH (IMANA) aha by'umwihariko impuhwe ze
uwo ashatse, na ALLAH (IMANA) ni We Nyir' ingabire
zihambaye. 106. Ntidukuraho ayah cyangwa ngo tuyibagize,
uretse ko tuyisimbuza inziza kuyirusha cyangwa ihwanye
na yo, ese ntuzi ko ALLAH (IMANA) ari Ushobora cyane
buri kintu. 107. Ese ntuzi ko ALLAH (IMANA) afite ubwami
bw'ibirere n'isi? Nta wundi murinzi cyangwa umutabazi
mufite utari IMANA (ALLAH). 108. Cyangwa murashaka
kubaza intumwa yanyu nk'uko Muusa yabajijwe mbere!?
Uhindura ukwemera mo ubuhakanyi azaba ayobye inzira
igororotse.

109. Abenshi mu bahawe ibitabo bifuzako babasubiza kuba
abahakanyi nyuma yo kwemera kwanyu; kubera ishyari
bafite mu mitima yabo, nyuma y' uko ukuri kubagaragariye.
Nimubabarire murenzeho kugeza ubwo ALLAH (IMANA)
azazana itegeko rye. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni
Ushobora cyane buri kintu. 110. Muhozeho Swalaat munatange
Zakaat. Icyiza mwiteganyirije imbere, muzagisanga kwa
IMANA (ALLAH). Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni
Ubona ibyo mukora. 111. Baravuze bati: ntawe uzinjira muri
Djannah keretse Abayahudi cyangwa Abanaswaara. Ibyo ni

ibyifuzo byabo. Vuga uti: nimuzane gihamya yanyu niba muri
abanyakuri. 112. Si byo! Uwiyeguriye ALLAH (IMANA)
akaba n’umugiraneza afite igihembo cye kwa Nyagasani we,
nta bwoba bazagira nta n’agahinda.

113. Abayahudi baravuze bati: Abanaswaara nta cyo bariho,
n’Abanaswaara baravuga bati: Abayahudi nta cyo bariho.
Kandi basoma ibitabo. Uko ni nako abadafite ubumenyi
bavuze ijambo nk’iryabo. ALLAH (IMANA) ni We
uzabakiranura ku munsi w’ izuka mu byo batumvikanagaho.
114. Ni nde uhuguza kurusha ubuza imisigiti ya ALLAH
(IMANA) kuvugirwamo izina rye, akanihatira kuyangiza?
Abo ntibakwiye kuyinjiramo keretse bafite ubwoba. Bafite
uguseba ku isi. Ku mperuka bazagira ibihano bihambaye.
115. Uburasirazuba n’Uburengerazuba ni ibya IMANA
(ALLAH), aho mwerekera hose ALLAH (IMANA) aba
ahari. Mu by’ ukuri ALLAH (IMANA) ni Ukwiriye hose,
Umumenyi cyane. 116. Baravuze bati: ALLAH (IMANA)
yihaye umwana. Ubutagatifu ni ubwe. Ahubwo ibiri mu
birere no mu isi byose ni ibye, byose bimwicishaho bugufi.
117. Ni We Muhanzi w’ibirere n’ isi, n’iyo agennye ikintu, mu
by’ukuri arakibwira ba! Kikaba.

118. Abadafite ubumenyi baravuze bati: kuki ALLAH
(IMANA) atatuvugisha cyangwa tukagerwaho n’ igitangaza?
Uko ni ko n’ abababanjirije bavuze ijambo nk’ iryabo.
Imitima yabo irasa. Mu by’ ukuri twagaragaje ibitangaza
ku bantu bemera badashidikanya. 119. Rwose twakohereje
mu kuri, uri utanga inkuru nziza unaburira. Kandi ntubazwa
iby’abo muri Djahiim. 120. Abayahudi n’Abanaswaara,
ntibazakwishimira keretse nukurikira inzira yabo. Vuga uti:
mu by’ ukuri ubuyoboke buturutse kwa ALLAH (IMANA) ni

bwo buyoboke nyabwo. Kandi ukurikiye irari ryabo, nyuma
y'ubumenyi bwakugezeho, ntuzagira umurinzi cyangwa
umutabazi utari IMANA (ALLAH). 121. Abo twahaye ibitabo,
bakabisoma uko bigomba gusomwa abo barayemera. Naho
abayihakana, abo ni bo banyagihombo.
122. Yemwe bana ba Israa'iil! Nimwibuke inema zanjye
nabahundagajeho, no kuba narabarutishije ibiremwa.
123. Nimutinye umunsi roho itazagira icyo imarira indi, nta
cyiru cyayo kizakirwa, kuvuganirwa nta cyo bizayimarira,
nta n'ubwo zizatabarwa. 124. Zirikana ubwo Nyagasani wa
Ibraahiim yamugeragereshaga amategeko akayubahiriza.
Aravuga ati: mu by'ukuri Jye ndakugira umuyobozi w'abantu.
Aravuga ati: no mu rubyaro rwanjye ? Aravuga ati: isezerano
ryanjye ntirigera ku bahuguza 125. Zirikana ubwo twagize
inzu (Ka'abah) ihuriro n'amahoro ku bantu. Nimugire
Maqaam Ibraahiim aho gusarira. Dutegeka Ibraahiim na
Ismaa'iil; musukurire inzu yanjye abazenguruka, abiherera
n'abunama bubama. 126. Zirikana ubwo Ibraahiim yavugaga
ati: ayi Nyagasani! Uyu murwa wugire ahantu h'amahoro,
abemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka muri
bo ubafungurire ibimera. Aravuga ati: naho uzahakana,
nzamushimisha gato, nyuma tumuhirikire mu bihano by'
umuriro. Ni ryo garukiro ribi!
127. Zirikana ubwo Ibraahiim na Ismaa'iil bazamuraga
imisingi y'inzu, (bagira bati): ayi Nyagasani wacu! Twakirire,
mu by' ukuri Wowe uri Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
128. Ayi Nyagasani wacu! Utugire abakwicishaho bugufi, no
mu rubyaro rwacu habe Ummah[2] yicisha bugufi. Utwereke
imigenzo yacu, kandi wakire ukwicuza kwacu, kuko ari
wowe Uwakira cyane ukwicuza,Nyirimbabazi. 129. Ayi

Nyagasani wacu! Uzaboherezemo intumwa ibakomokamo,
ibasomera amagambo yawe, ibigisha igitabo n’ubushishozi
inabeza. Mu by’ ukuri ni wowe Utsinda, Ushishoza.
130. Ni nde wakwanga idini rya Ibraahiim uretse uwigize
igicucu. Mu by’ukuri twamuhisemo ku isi kandi ku mperuka
azaba mu batunganya. 131. Zirikana ubwo Nyagasani we
yamubwiraga ati: icishe bugufi. Aravuga ati: nicishije bugufi
kuri Nyagasani w’ ibiremwa. 132. Ibraahiim abiraga abana
be, ni nako Ya’aquub yabigize. Bana banjye! Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) yabahitiyemo idini. Rwose ntimuzapfe
mutari abayislam. 133. Ese mwari muhari igihe urupfu
rwageraga kuri Ya’aquub, ubwo yabwiraga abana be ati:
muzagaragira nde nyuma yanjye? Baravuga bati: tuzagaragira
Imana yawe ariyo Mana y’abakurambere bawe Ibraahiim,
Ismaa’iil na Is’haaq; Imana imwe kandi ni nayo twicishaho
bugufi. 134. Iyo ni ummah yahise, ifite ibyo yakoze, namwe
mufite ibyo mukora. Kandi ntimuzabazwa ibyo yakoraga.
135. Baravuze bati: nimube Abayahudi cyangwa
Abanaswara muyoboke. Vuga uti: ahubwo nidukurikire
idini Haniifa rya Ibraahim. Kandi ntiyari mu babangikanya.
136. Muvuge muti: twemeye ALLAH (IMANA) n’ ibyo
twamanuriwe, ibyamanuriwe Ibraahiim, Ismaa’iil, Is’haaq,
Ya’aquub n’abamukomokaho, ibyahawe Muusa na Isa
n’ibyahawe abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo.
Nta n’ umwe tuvangura muri bo, ni na We twicishaho
bugufi. 137. Nibemera nk’ibyo mwemera bazaba bayobotse;
nibabitera umugongo bazaba bari mu bushyamirane.
ALLAH (IMANA) azabagutsindira ni We Wumva cyane,
Umumenyi cyane. 138. Mukomere kuri kamere ndemano ya
IMANA (ALLAH). Ni nde watunganya kamere ndemano

kurusha IMANA (ALLAH)? Ni We twe tugaragira.
139. Vuga uti: ese muratugisha impaka kuri ALLAH (IMANA)
kandi ari Nyagasani wacu akaba na Nyagasani wanyu?
Dufite ibikorwa byacu namwe mukagira ibyanyu. Ni na We
twiyegurira. 140. Cyangwa muravuga ko Ibraahiim, Ismaa'iil,
Is'haaq, Ya'aquub n'abamukomokaho bari Abayahudi
cyangwa Abanaswaara? Vuga uti: ese ni mwe mubizi cyane
cyangwa ni ALLAH (IMANA) ? Ni nde uhuguza kurusha
uhisha ubuhamya afite buturuka kwa IMANA (ALLAH)?
Kandi ALLAH (IMANA) si indangare ku byo mukora.
141. Iyo ni ummah yahise, ifite ibyo yakoze, namwe mufite
ibyo mukora. Kandi ntimuzabazwa ibyo bakoraga.

142. Ibicucu mu bantu bizavuga biti: ni iki cyabakuye ku
cyerekezo cyabo bari basanzweho? Vuga uti: Iburasirazuba
n'Iburengerazuba ni aha IMANA (ALLAH), ayobora uwo
ashatse mu nzira igororotse. 143. Uko niko twabagize ummah
yo hagati kugira ngo mube abahamya ku bantu n'Intumwa ibe
umuhamya kuri mwe. Kandi ntitwaguhaye icyerekezo wari
uriho uretse ko kwari ukugira ngo dutandukanye ukurikira
Intumwa by'ukuri n'abateye ukuri umugongo bakuzi, kandi
byari binakomeye uretse ku bo ALLAH (IMANA) yayoboye.
ALLAH (IMANA) si uwo kuburizamo ukwemera kwanyu,
mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ku bantu ni Nyirimpuhwe
cyane, Nyirimbabazi.

144. Mu by'ukuri, turabona uhindukiza uburanga bwawe mu kirere; rwose turakwerekeza ku cyerekezo wishimiye. Ngaho erekeza uburanga bwawe ahagana Mas'djid Al-Haraam, n'aho muzaba muri hose mujye mwerekeza uburanga bwanyu aho iri. Mu by'ukuri abahawe igitabo bazi neza ko ari ukuri guturuka kwa Nyagasani wabo, kandi

ALLAH (IMANA) si indangare ku byo bakora. 145. Abahawe
ibitabo nubwo wabazanira buri kimenyetso, ntibakurikira
icyerekezo cyawe, kandi nawe nturi ukurikira icyerekezo
cyabo, na bamwe muri bo ntibakurikira icy'abandi. Kandi ni
ukurikiza irari ryabo nyuma y' uko ubumenyi bukugezeho,
mu by'ukuri ubwo waba mu bahuguza. 146. Abo twahaye
ibitabo baramuzi (Muhammad) nk' uko bazi abana babo.
Mu by'ukuri agatsiko muri bo gahisha ukuri kandi kakuzi.
147. Ukuri nyako ni uguturutse kwa Nyagasani wawe, rwose
ntube mu bashidikanya.

148. Buri bantu bafite icyerekezo berekeraho, ngaho
nimutanguranwe ibyiza. Aho muzaba muri hose ALLAH
(IMANA) azabazana mwese. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 149. Mu gihe ugize
urugendo ujye werekeza uburanga bwawe ahagana Mas'djid
AlHaraam. Mu by'ukuri ni ukuri guturutse kwa Nyagasani
wawe. Kandi ALLAH (IMANA) si indangare ku byo
mukora. 150. N'igihe uri ku rugendo ujye werekeza uburanga
bwawe ahagana Mas'djid AlHaraam. Naho muzaba muri
hose mujye mwerekeza uburanga bwanyu aho iri; kugira
ngo abantu batazabagiraho urwitwazo uretse abahuguje muri
bo. Ntimukabatinye ahubwo mujye muntinya; kugira ngo
mbasenderezeho inema zanjye no kugira ngo muyoboke.
151. Uko ni ko twaboherejemo Intumwa ibakomokamo,
ibasomera ayah zacu, ibeza ikabigisha igitabo n'ubushishozi
ikanabigisha ibyo mutari muzi. 152. Ngaho nimunyambaze;
mbazirikane. Munanshimire kandi ntimumpakane.

153. Yemwe abemeye! Nimwifashishe ukwihangana
na Swalaat. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe
n'abihangana. 154. Ntimukavuge ko abishwe mu nzira ya

IMANA (ALLAH), ari abapfuye, ahubwo ni bazima, ariko ntimubizi. [155.] Rwose tuzabageragerasha ikintu cy'ubwoba, inzara, kugabanuka kw'imitungo n'abantu n'ibimera. Bwira inkuru nziza abihangana. [156.] Babandi iyo bagize ibyago bavuga bati: mu by'ukuri turi aba ALLAH (IMANA) kandi iwe ni ho dusubira. [157.] Abo bafite imigisha n'imbabazi bituruka kwa Nyagasani wabo, abo ni nabo bayobotse.

[158.] Mu by'ukuri Swafaa na Mar'wah ni mu bimenyetso bya IMANA (ALLAH). Uzakora Hidjah kuri iyo nzu cyangwa agakora Um'rah; nta kibi kuri we kuyitambagira yombi. Uzarenzaho ibyiza, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ushima, Umumenyi cyane. [159.] Mu by'ukuri abahisha ibyo twamanuye mu bimenyetso bigaragara n'ubuyobozi, nyuma yo kubigaragariza abantu mu gitabo, abo ALLAH (IMANA) arabavuma n'abavumyi bose barabavuma. [160.] Uretse abicujije, bagatunganya kandi bakagaragaza (ibyo bari barahishe), abo ni bo nakira ukwicuza kwabo. Ni Nanjye Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi. [161.] Mu by'ukuri abahakanye bagapfa ari abahakanyi, abo bafite umuvumo wa IMANA (ALLAH), uw' Abamala'ika, n'uw' abantu bose. [162.] Bazawubamo ubuziraherezo nta nubwo bazagabanyirizwa ibihano. Kandi ntibazahabwa amahwemo.

[163] Imana yanyu ni Imana Imwe, nta yindi Mana uretse Yo, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. [164] Mu by'ukuri mu kuremwa kw' ibirere n'isi, urunyuranyurane rw'ijoro n'amanywa, amato agenda mu nyanja mu bifitiye abantu akamaro n'amazi ALLAH (IMANA) amanura mu kirere, akayazuza isi nyuma yo gupfa kwayo, akanakwizamo inyamaswa z'ubwoko bwose; n'ihindagurika ry'imiyaga n'ibicu bigenzwa hagati

y’ikirere n’isi ; ibyo byose ni ibimenyetso ku bantu bafite ubwenge.

[165.] No mu bantu hari abihangira ibigirwamana baretse IMANA (ALLAH), bakabikunda nk’uko bagakunze IMANA (ALLAH). Nyamara Abemeye bafitiye ALLAH (IMANA) urukundo rukomeye. Iyo abahuguje bazirikanako nibabona ibihano, bazamenyako imbaraga zose ari iza ALLAH (IMANA) kandi ko mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ari Nyir’ ibihano bikomeye. [166.] Zirikana ubwo abakurikiwe bazihakana ababakurikiye, babonye ibihano, impamvu zabahuzaga zikavaho. [167.] Abakurikiye ubuyobe bazavuga bati: iyaba twari dufite ukugaruka tukabihakana nk’ uko batwihakanye. Uko ni ko ALLAH (IMANA) azabereka ibikorwa byabo, ari ikimwaro, kandi bo ntibazava mu muriro.

[168.] Yemwe bantu! Nimurye mu biri ku isi bya Halaal byiza, ntimukurikire intambwe za sha’itwaan mu by’ukuri yo ni umwanzi wanyu ugaragara. [169.] Mu by’ukuri ibategeka ibibi, ibikozasoni no kuvuga kuri ALLAH (IMANA) ibyo mutazi. [170.] Iyo babwiwe bati: nimukurikire ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye. Baravuga bati: ahubwo turakurikira ibyo twasanganye abakurambere bacu. Ese n’ ubwo abakurambere babo nta cyo bari bazi bataranayobotse!? [171.] Urugero rw’abahakanye ni nk’urugero rw’ukabukana ibitumva keretse urusaku no gutera urwamo. Ni ibipfamatwi, ni ibiragi, ni impumyi. Abo nta bwenge bagira.

[172.] Yemwe abemeye! Murye mu byiza twabafunguriye kandi mushimire ALLAH (IMANA) niba ari We wenyine mugaragira. [173.] Mu by’ukuri ibyo yabaziririje ni icyapfuye, amaraso, inyama y’ingurube n’icyo bavugiyeho izina ritari irya IMANA (ALLAH). Ariko uzasumbirizwa adatandukiriye

cyangwa ngo arengere nta cyaha kuri we. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 174. Mu by'ukuri abahisha ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye mu bitabo, maze bakabigurana igiciro gito, abo nta kindi bashyira mu nda zabo uretse umuriro kandi abo ntabwo ALLAH (IMANA) azabavugisha nta n' ubwo azabeza, kandi bafite ibihano bibababaza. 175. Abo ni bo baguranye ubuyobe ubuyoboke, n'ibihano babigurana guhanagurirwa ibyaha. Ni iki cyabihanganisha umuriro!? 176. Ibyo, ni uko ALLAH (IMANA) yamanuye ibitabo mu kuri. Rwose abatandukanye mu bitabo, bari mu bushyamirane bwa kure.

177. Ineza si ukwerekeza uburanga bwanyu ahagana Iburasirazuba n'Iburengerazuba gusa; ahubwo ineza ni ukwemera IMANA (ALLAH), umunsi w' imperuka, Abamala'ika, Ibitabo n'Abahanuzi ; no gutanga umutungo awukunze awuha ab' isano, imfubyi, abakene, abagenzi n' abasaba; no kubohoza abacakara, guhozaho Swalaat, gutanga Zakaat; n'abuzuza amasezerano yabo iyo basezeranyije n'abihangana mu makuba n'ingorane n'igihe urugamba rwakomeye. Abo ni bo banyakuri abo ni na bo baganduka.

178. Yemwe abemeye! Mwategetswe Qiswaas kubera abishwe, umwigenge ku mwigenge, umucakara ku mucakara n'umugore ku mugore. Ariko uwagira icyo ababarirwaho n'umuvandimwe we, nigikurikiranwe ku neza kandi agihabwe ku neza. Uko ni ukworoherezwa n'impuhwe biturutse kwa Nyagasani wanyu. Uzarengera nyuma y'ibyo, azahabwa ibihano bibababaza. 179. Mufite ubuzima muri Qiswaas yemwe banyabwenge kugira ngo muganduke. 180. Mwategetswe, niba umwe muri mwe yegereje gupfa, hakaba hari umutungo

asize, gukorera irage ababyeyi n’abavandimwe mu buryo
bwiza. Ni itegeko ku baganduka. 181. Uzarihindura nyuma yo
kuryumva, rwose icyaha kizaba ku barihindura. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
182. Uzatinya ukubogama cyangwa uguhuguza kw’uraga,
akabunga nta cyaha azaba afite. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

183. Yemwe Abemeye! Mwategetswe ugisiba nk’ uko
abababanjirije babitegetswe kugira ngo muganduke.
184. Ni iminsi mbarwa. Muri mwe uzaba arwaye, cyangwa
ari ku rugendo, azuzuze umubare mu yindi minsi. Ku
batabishoboye nibatange ingurane yo kugaburira umukene.
Uzarenzaho ni byiza kuri we, kandi gusiba ni byo byiza kuri
mwe iyaba mwari mubizi. 185. Ukwezi kwa Ramadhan ni ko
Qur’aan yamanuwemo kugira ngo ibe ubuyobozi ku bantu
n’ibimenyetso bigaragara by’ubuyobozi hamwe na fur’qaan.
Uwo uko kwezi muri mwe kuzasanga, azagusibe. Uzaba
arwaye cyangwa ari ku rugendo, azuzuze umubare mu yindi
minsi. ALLAH (IMANA) arabashakira ibyoroshye ntabwo
abashakira ibikomeye. Nimwuzuze umubare munakuze
ALLAH (IMANA) ku byo yabayoboye kugira ngo mushime.

186. Abagaragu banjye nibakubaza aho ndi, mu by’ukuri Jye
ndi hafi, nikiriza ugusaba k’ usaba iyo ansabye. Ni banyoboke
bananyizere kugira ngo bayoboke. 187. Mu ijoro ry’igisibo,
mwemerewe guhura n’abagore banyu, bo ni umwambaro
wanyu namwe muri umwambaro wabo. ALLAH (IMANA)
yari azi ko mwihemukiraga, yakira ukwicuza kwanyu
aranabababarira. Noneho nimubegere mushake ibyo ALLAH
(IMANA) yabageneye. Nimurye kandi munywe kugeza
igihe mutandukanyirizwa urudodo rw’umweru rw’umuseke

n'urw'umukara rw'ijoro. Maze mwuzuze igisibo kugeza
nijoro. Ntimukabegere mu gihe muri mu mwiherero mu
misigiti. Izo ni imbago za ALLAH (IMANA) ntimuzegere.
Uko ni ko ALLAH (IMANA) asobanurira abantu amagambo
ye kugira ngo baganduke. 188. Ntimukarye imitungo yanyu
hagati yanyu mu buryo butemewe, muyitanga mu bacamanza
kugira ngo murye imwe mu mitungo y'abantu mu mahugu
kandi mwe mubizi.

189. Barakubaza ibyerekeye imboneko z'ukwezi. Vuga
uti: ni ingengabihe ku bantu na Hidjah. Si byiza kwinjira
mu mazu muyaturutse inyuma. Ariko ibyiza ku muntu ni
ukuganduka. Ahubwo mujye mwinjira mu mazu munyuze
mu miryango yayo munagandukire ALLAH (IMANA) kugira
ngo mukiranuke. 190. Nimurwanye mu nzira ya ALLAH
(IMANA) ababarwanya. Kandi ntimuzarengere. Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ntakunda abarengera. 191. Mubice aho
mubasanze hose, munabameneshe aho babameneshejе, kuko
kubangikanya ALLAH (IMANA) ari icyaha kurusha kwica.
Ntimuzabarwanyirize kuri Mas'djid Al-Haraam, keretse
babarwanyirijemo, nibabarwanya muzabice. Ibyo ni byo
bihembo by'abahakanyi. 192. Nibabireka mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
193. Mubarwanye kugeza ubwo hataba ibangikanyamana.
Kugira ngo idini ribe irya IMANA (ALLAH). Nibabireka nta
rwango keretse ku bahuguza.

194. Ukwezi gutagatifu ku kwezi gutagatifu n'ibiziririjwe
bigomba Qiswaas. Uzabarengera muzamurengere nk'uko
yabarengereye. Mugandukire ALLAH (IMANA) kandi
mumenyeko, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe
n'abaganduka. 195. Mutange mu nzira ya IMANA (ALLAH).

Ntimukiyahure. Mugire neza. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) akunda abagiraneza.
196. Nimwuzuze Hidjah na Um’rah kubera IMANA
(ALLAH). Nimugotwa, mujye mwitwaza ikiboroheye
mu mpano. Ntimukogoshe imisatsi yanyu kugeza igihe
iyo mpano igereye aho ibagirwa. Muri mwe uzaba arwaye
cyangwa afite ikimubangamiye mu mutwe we, agomba
gutanga ingurane y’igisibo cyangwa Swadaqah cyangwa
nusuk. Nimutekana, uzaba arangije Umrah agakora Hidjah,
atange ikimworoheye mu mpano. Uzaba atayibonye agomba
gusiba iminsi itatu muri Hidjah n’irindwi mugarutse. Iyo ni
icumi yuzuye. Ibyo ni kuri wa wundi abe batari mu baturiye
Masdjid Al-Haram. Mugandukire ALLAH (IMANA) kandi
mumenyeko ALLAH (IMANA) ari Nyiribihano bikomeye.
197. Hidjah iba mu mezi azwi. Uzaba yiyemeje kuyakoramo
Hidjah kirazira amagambo y’urukozasoni cyangwa gukora
ibyaha cyangwa intonganya mu gihe cya Hidjah; n’icyiza
mukoze ALLAH (IMANA) arakimenya; mujye mwitwaza
impamba, ariko mu by’ukuri impamba nziza ni ukuganduka.
Mungandukire yemwe banyabwenge.
198. Nta cyaha kiri kuri mwe mu gushaka ingabire za
Nyagasani wanyu. Mukubutse Arafaati, mujye mwambaza
ALLAH (IMANA) mugeze Mash’ar Al-Haraam
(Muzdalifah). Mumwambaze nk’uko yabayoboye n’ ubwo
mbere y’ aho mwari mu bayobye.
199. Maze mukubuke aho
abandi bantu bakubukira, munasabe ALLAH (IMANA)
kubahanaguraho ibyaha. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA)
ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
200. Nimurangiza imigenzo ya Hidjah, mujye mwambaza
ALLAH (IMANA) nk’uko mwibuka ababyeyi banyu ndetse

no kurushaho. Mu bantu, hari abavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Duhe iby' isi. Abo nta mugabane bafite ku mperuka.
201. No muri bo hari abavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Duhe ibyiza ku isi no ku mperuka uduhe ibyiza unaturinde ibihano by'umuriro. 202. Abo bafite umugabane mu byo bakoze. Kandi ALLAH (IMANA) ni We Ubanguka mu ibarura. 203. Mujye mwambaza ALLAH (IMANA) mu minsi mbarwa;uzihuta akagenda mu minsi ibiri nta cyaha afite n' uzakererwa nta cyaha afite iyo aganduka. Nimugandukire ALLAH (IMANA) kandi mumenyeko iwe ari ho muzakoranyirizwa.

204. Mu bantu, hari ugushimisha kubera imvugo ye mu buzima bw'isi, anatangaho ALLAH (IMANA) umuhamya mu biri mu mutima we, nyamara ari we munyempaka wa cyane.
205. Iyo ahindukiye azenguruka ku isi kugira ngo ayangize, akangiza ibihingwa n'urubyaro. ALLAH (IMANA) ntakunda ubwangizi. 206. N'iyo abwiwe ati: gandukira IMANA (ALLAH). Ubwibone bumugusha mu cyaha. Djahannam iramuhagije, ni na yo saso mbi. 207. Mu Bantu, hari abitanga bashaka ishimwe rya IMANA (ALLAH), kandi ALLAH (IMANA) ni We Nyirimpuhwe cyane ku bagaragu be.

208. Yemwe abemeye! Nimwinjire muri Islaam byimazeyo. Ntimukurikire intambwe za sha'itwaan, mu by'ukuri yo ni umwanzi wanyu ugaragara. 209. Nimuteshuka nyuma yo kugerwaho n'ibisobanuro, mumenyeko ALLAH (IMANA) ari Utsinda, Ushishoza. 210. Ese hari icyo bategereje uretse ko ALLAH (IMANA) abageraho n'Abamala'ika mu gicucu cy'ibicu!? Hagacibwa iteka. Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho ibintu bizasubizwa 211. Baza bene Israa'iil uti: ni ibimenyetso bingahe bigaragara twabahaye? Kandi uhindura inema za ALLAH (IMANA) nyuma y' uko zimugeraho, mu

by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyir' ibihano bikomeye.
212. Abahakanye batakiwe ubuzima bw'isi, bannyega abemeye. Nyamara abagandutse bazaba hejuru yabo ku munsi w'izuka kandi ALLAH (IMANA) afungurira uwo ashaka nta kubara.

213. Abantu bari ummah imwe (mu kwemera ALLAH (IMANA) nyuma baza gutandukanA), ALLAH (IMANA) yohereza abahanuzi ari abatanga inkuru nziza banaburira. Abamanurira ibitabo by'ukuri kugira ngo bikiranure abantu ku byo batandukanyeho. Nta n'ababitandukanyeho uretse ababihawe nyuma yuko bagerwaho n'ibimenyetso bigaragara, kubera urwango hagati yabo. ALLAH (IMANA) ayobora abemeye ku byo batandukanyeho mu kuri, ku bushake bwe. Kandi ALLAH (IMANA) ayobora uwo ashaka inzira igororotse.
214. Mukekako muzinjira muri Djannah mutabanje kugerwaho n' urugero rw'abahise mbere yanyu? Bagezweho n'amakuba n'ingorane baranatigiswa kugeza ubwo intumwa n' abemeye bavuze bati: ni ryari inkunga ya ALLAH (IMANA) izaza? Mumenyeko mu by'ukuri inkunga ya ALLAH (IMANA) iri hafi.

215. Barakubaza ibyo batanga. Vuga uti: ibyiza mutanze mujye mubiha ababyeyi, ab' isano, impfubyi, abakene n'abari ku rugendo. Nta n'ibyiza mukora uretse ko ALLAH (IMANA) ari Umumenyi cyane wabyo.
216. Mwategetswe intambara kandi muyanga. Wenda mushobora kwanga ikintu ari cyo cyiza kuri mwe, munashobora gukunda ikintu ari cyo kibi kuri mwe. ALLAH (IMANA) ni We ufite ubumenyi na ho mwebwe nta bumenyi mufite.

217. Barakubaza ku kurwana mu kwezi gutagatifu. Vuga uti: kukurwaniramo ni icyaha gikomeye. Naho gukumira ku

nzira ya IMANA (ALLAH), kumuhakana, kubuza kugana Mas'djid Al-Haraam no kwirukanamo abawuturiye ni cyo cyaha gikomeye cyane imbere ya IMANA (ALLAH). Itoteza ni ribi kuruta kwica. Bazakomeza kubarwanya kugeza ubwo babashyigura ku idini ryanyu nibabishobora. Uzava ku idini rye muri mwe agapfa ari umuhakanyi, abo ibikorwa byabo bizaba impfabusa ku isi no ku mperuka, kandi abo ni abo mu muriro, bazawubamo ubuziraherezo.
218. Mu by'ukuri abemeye n'abakoze hidj'rah bakanaharanira inzira ya IMANA (ALLAH), abo ni abizeye imbabazi za IMANA (ALLAH), kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

219. Barakubaza ku nzoga n'urusimbi. Vuga uti: birimo ingaruka zikomeye n'inyungu ku bantu ariko ingaruka zabyo zirakomeye kuruta inyungu zabyo. Baranakubaza ibyo bagomba gutanga. Vuga uti: ni ibisagutse. Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira ayah kugira ngo mutekereze.
220. Ku isi n'imperuka. Barakubaza ku mpfubyi. Vuga uti: kuzikorera ibitunganye ni byiza. Nimwivanga na zo, zizaba abavandimwe banyu. ALLAH (IMANA) azi umwangizi ku utunganya. Iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubananiza. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.

221. Ntimuzarongore ababangikanya ALLAH (IMANA) keretse bemeye, kandi umucakarakazi wemera ni mwiza kuruta ubangikanya ALLAH (IMANA) n'ubwo yabashimisha. Ntimuzashyingire ababangikanya keretse bemeye, umucakara wemera ni mwiza kuruta ubangikanya ALLAH (IMANA) n'ubwo yabashimisha. Abo barahamagarira kugana umuriro, kandi ALLAH (IMANA) ahamagarira kugana Djannah no guhanagurirwa ibyaha

ku bushake bwe. Anagaragariza abantu ibimenyetso bye kugira ngo bibuke. 222. Barakubaza ku mihango y'abagore. Vuga uti: ni umwanda. Mujye mwitarura abagore igihe cy' imihango. Ntimukabegere kugeza ubwo imihango ihagaze, nibamara kwisukura mujye mubegera aho ALLAH (IMANA) yabategetse, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) akunda abicuza agakunda n'abisukura. 223. Abagore banyu ni imirima yanyu. Ngaho nimujye mu mirima yanyu uko mushaka, kandi mujye mubanza mutegurane ubwanyu. Mugandukire ALLAH (IMANA) kandi mumenye rwose ko mwe muzahura na We. Geza inkuru nziza ku bemera.

224. Ntimugakoreshe izina rya ALLAH (IMANA) mu ndahiro zanyu kugira ngo bibabuze kugira neza, kuganduka no kunga abantu. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 225. ALLAH (IMANA) ntabahora indahiro murahira mudakomeje ariko abahora ibyo mwagambiriye mu mitima yanyu. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Umwitonzi. 226. Abarahira kudahura n'abagore babo, bafite gutegereza amezi ane. Nibisubiraho mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 227. Ariko nibiyemeza Twalaaq, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 228. Abahawe Twalaaq bategereza igihe cy'imihango itatu. Nta n'ubwo bemerewe guhisha ibyo ALLAH (IMANA) yaremye muri nyababyeyi zabo niba koko bemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka. Kandi abagabo babo ni bo bafite uburenganzira bwo kubagarura niba bashaka ubwiyunge. Bafite uburenganzira ku bagabo babo nk'ubwo abagabo babafiteho ku neza. Ariko abagabo babasumbya urwego. ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.

229. Twalaaq ziri ukubiri: Twalaaq yemera gusubirana ku neza cyangwa Twalaaq isenda mu bupfura. Nta n' ubwo mwemerewe kugira icyo mwisubiza namba mu byo mwabahaye keretse batinye bombi kutubahiriza imbago za IMANA (ALLAH). Nimutinyako batazubahiriza imbago za IMANA (ALLAH), nta kibi kuri bo bombi ku cyo umugore yicunguje. Izo ni imbago za ALLAH (IMANA) ntimukazirenge. Abazarenga imbago za IMANA (ALLAH), abo ni bo bahuguza.
230. Namuha Twalaaq isenda ntabwo amwemerewe nyuma y' aho. Kugeza ubwo ashyingiranywe n'undi mugabo. Uyu na we namuha Twalaaq isenda, nta kibi kuri bombi gusubirana (n'umugabo wa mbere) niba bizeye kubahiriza imbago za IMANA (ALLAH). Izo ni imbago za IMANA (ALLAH), azisobanurira abantu bafite ubumenyi.
231. Nimuha abagore Twalaaq, bakageza igihe cyabo, mujye mubagarura ku neza cyangwa mubahe Twalaaq isenda ku neza. Ntimukabagarure mugamije kubababaza kuko mwaba murengereye. Uzakora ibyo azaba yihuguje. Ntimukagire amategeko ya ALLAH (IMANA) igikinisho. Mwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe n' ibyo yabamanuriye mu gitabo n'imigenzo y'Intumwa, akabibayoboresha. Nimugandukire ALLAH (IMANA) munamenyeko ALLAH (IMANA) ari Umumenyi cyane wa buri kintu.

232. Nimuha abagore Twalaaq bakageza igihe cyabo, ntimuzababuze gushakana n'abagabo babo nibashimana ku neza. Ibyo ni isomo ku wemera ALLAH (IMANA) n'Umunsi w'Imperuka muri mwe. Ibyo ni byo byiza binasukuye kuri mwe. ALLAH (IMANA) ni We ufite ubumenyi na ho mwe nta bumenyi mufite.
233. Ababyeyi bonsa abana babo imyaka ibiri yuzuye, ku ushaka kuzuza ukonsa. Uwabyariwe (se

w'umwanA) ategetswe gutanga amafunguro n'imyambaro ku buryo buzwi. Umuntu ntategekwa keretse icyo ashoboye. Umubyeyi (nyinA) ntababazwe kubera umwana we, cyangwa uwabyariwe ntababazwe kubera umwana we kimwe n' umuzungura wa se. Nibashaka bombi gucutsa ku bwumvikane bwabo no kujya inama, nta kibi kuri bo. Nimushaka konkerezwa abana banyu, nta kibi kuri mwe nimutanga ibyo mwumvikanye (n'abonsa batari ba nyina b' abanA) ku neza. Nimugandukire ALLAH (IMANA) kandi mumenyeko ALLAH (IMANA) ari Ubona ibyo mukora.

234. N' abapfa muri mwe bagasiga abagore, bategereza amezi ane n'iminsi icumi. Nibageza igihe cyabo, nta kibi kuri mwe mu byo bibezaho mu buryo bwemewe. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora.
235. Si bibi kuri mwe mu byo mucamo amarenga murambagiza abagore bapfakaye cyangwa mukabihisha mu mitima yanyu. ALLAH (IMANA) azi ko muzabazirikana. Cyakora ntimuzagire isezerano mubaha mu ibanga keretse kuvuga ijambo ryiza. Ntimuzagambirire isezerano ryo gushyingirwa kugeza igihe cyategetswe kigeze. Mumenyeko ALLAH (IMANA) azi ibiri mu mitima yanyu, mubyirinde. Kandi mumenyeko ALLAH (IMANA) ari Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Umwitonzi.
236. Si bibi kuri mwe nimuha abagore Twalaaq isenda mutarahura, cyangwa mutarabahamiriza inkwano, kubanezeza. Umukire ku bushobozi bwe n'umukene ku bushobozi bwe; gushimisha mu buryo bukwiye. N' itegeko ku bagiraneza.
237. Nimubaha Twalaaq isenda mbere y' uko muhura kandi mwarabahamirije inkwano, mutegetswe kubaha icya kabiri cy' ibyo mwahamije, keretse bababariye cyangwa hakababarira ufite ububasha ku isezerano ryo

gushyingira. Kandi kubabarira ni byo byegereye kuganduka.
Ntimuzanibagirwe ineza hagati yanyu. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Ubona ibyo mukora.
238. Muhozeho Swalaat na Swalaat yo hagati.
Munazihozeho kubera ALLAH (IMANA) mwibombarika.
239. Nimutinya, mujye mukora Swalaat mugendesha amaguru
cyangwa muri ku byurirwa. Nimutekana, mujye mwambaza
ALLAH (IMANA) nk' uko yabigishije ibyo mutari muzi.
240. N' abapfa muri mwe, bagasiga abagore, ni ihame ku
bagore babo; kunezezwa kugeza ku mwaka badasohowe.
Nibasohoka, si bibi kuri mwe ku byo bibezaho mu buryo
bwemewe. ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.
241. N'abahawe Twalaaq bafite uburenganzira bwo kunezezwa
mu buryo bukwiye. Ni itegeko ku baganduka. 242. Uko ni ko
ALLAH (IMANA) asobanura amagambo ye, kugira ngo
mugire ubwenge.
243. Ese ntureba abantu bavuye mu ngo zabo ari ibihumbi
batinya urupfu? ALLAH (IMANA) akababwira ati: mupfe!
Hanyuma akabazura. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni
Nyir' ingabire ku bantu uretse ko abantu benshi badashimira.
244. Murwane mu nzira ya IMANA (ALLAH), munamenyeko
ALLAH (IMANA) ari Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
245. Ni nde waguriza ALLAH (IMANA) inguzanyo nziza maze
akayimutuburira ugutubura kwinshi? ALLAH (IMANA) ni
We utubya ni na We utubura. Kandi iwe ni ho muzagarurwa.
246. Ese ntubona ibikomerezwa mu bana ba Israa'iil
nyuma ya Muusa? Igihe byabwiraga umuhanuzi wabyo biti:
twimikire umwami kugira ngo turwane mu nzira ya IMANA
(ALLAH). Arabibwira ati: ese ntimushobora kwanga
kurwana muramutse mubitegetswe? Biravuga biti: ni kuki

tutarwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) kandi twe ubwacu twarameneshejwe mu ngo zacu? Aho bitegekewe kurwana byarahindukiye uretse bake muri byo kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w' abahuguza. 247. Umuhanuzi wabyo arabibwira ati: mu by'ukuri ALLAH (IMANA) abimikiye Twaaluut kuba umwami. Biravuga biti: ni gute yagira ubwami kuri twe kandi ari twe dukwiye ubwami kumurusha, ataranahawe umutungo utubutse? Aravuga ati: mu by'ukuri yamubahitiyemo amwongera intera mu bumenyi n'umubiri. Kandi ALLAH (IMANA) agabira ubwami bwe uwo ashaka. ALLAH (IMANA) ni Ukwiriye hose, Umumenyi cyane. 248. Umuhanuzi wabyo arabibwira ati: mu by'ukuri ikimenyetso cy'ubwami bwe ni uko isanduku yabageraho irimo ituze riturutse kwa Nyagasani wanyu n'ibyasizwe n'abantu ba Muusa na Haruun ihetswe n'Abamala'ika. Mu by'ukuri muri ibyo hari igitangaza kuri mwe niba muri abemera.

249. Twaaluut amaze kurengana ingabo aravuga ati: mu by'ukuri ALLAH (IMANA) arabageragegeresha umugezi. Uri buwunyweho ntari kumwe na njye. Utari buwusogongereho, uwo turi kumwe keretse uri budahishe ikiganza cye. Banywaho uretse bake muri bo. Amaze kuwambuka we n'abamwemeye, baravuga bati: uyu munsi ntidushobora Djaaluut n'ingabo ze. Abazi ko bazahura na ALLAH (IMANA) baravuga bati: ni amatsinda angahe make yatsinze amatsinda menshi ku bushake bwa IMANA (ALLAH)? Kandi ALLAH (IMANA) ari hamwe n'abihangana. 250. Bahanganye na Djaaluut n'ingabo ze baravuga bati: ayi Nyagasani wacu! Duhundagazeho ukwihangana, ukomeze ibirenge byacu unaduhe gutsinda abahakanyi. 251. Barabatsinda ku bushake

bwa IMANA (ALLAH). Daawuud yica Djaaluut. ALLAH
(IMANA) amugabira ubwami n'ubushishozi anamwigisha
mu byo ashaka. Iyo ALLAH (IMANA) adakoresha abantu
mu gukumira abandi, isi yari kononekara. Mu by'ukuri,
ALLAH (IMANA) ni Nyir' ingabire ku biremwa.
252. Ayo ni amagambo ya ALLAH (IMANA)
turayagusomera mu kuri. Rwose uri mu ntumwa. 253. Izo
ntumwa, zimwe twazisumbije izindi. Muri zo hari izo
ALLAH (IMANA) yavugishije anazamura zimwe mu ntera.
Twahaye Isa mwene Mariam ibimenyetso tunamushyigikiza
Ruhul Qudus. Iyo ALLAH (IMANA) abishaka, abaje nyuma
yabo ntibari kwicana nyuma y' uko ibimenyetso bibageraho
nyamara baratandukanye; muri bo hari abemeye no muri bo
hari abahakanye. Iyo ALLAH (IMANA) atabishaka ntibari
kwicana uretseko ALLAH (IMANA) akora ibyo ashaka.
254. Yemwe abemeye! Mutange mu byo twabahaye mbere
y'uko haza umunsi utazabamo ubucuruzi, ubucuti cyangwa
ubuvugizi. Kandi abahakanyi ni bo bahuguza. 255. IMANA
(ALLAH), nta yindi mana ikwiriye gusengwa mu kuri uretse
We, Uhoraho, Uwigize. Ntafatwa no guhunyiza cyangwa
ibitotsi, ibiri mu birere no mu isi ni ibye. Ni nde wakora
ubuvugizi iwe uretse ku bushake bwe? Azi ibiri imbere yabo
n'ibiri inyuma yabo nyamara nta kintu bahetura mu bumenyi
bwe uretse icyo ashatse. Intebe Ye y'ubwami ikwiriye
ibirere n'isi, ntananizwa no kubirinda. Ni We Uwikirenga,
Uhambaye. 256. Nta gahato mu kwinjira mu idini, ubuyoboke
bwitandukanyije n' ubuyobe. Uhakana Twaaghuut akemera
IMANA (ALLAH), aba afashe umugozi uboshye ukomeye,
udacika. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane,
Umumenyi cyane. 257. ALLAH (IMANA) ni Inshuti koya

y'abemeye abakura mu mwijima abaganisha mu rumuri. Na ho abahakanye, inshuti koya zabo ni Twaaghuut zibakura mu rumuri zibaganisha mu mwijima. Abo ni abantu bo mu muriro, bazawubamo ubuziraherezo.

258. Ese ntiwabonye uwagishije impaka Ibraahiim kuri Nyagasani we yitwaje ubwami ALLAH (IMANA) yamuhaye!? Ubwo Ibraahiim yavugaga ati: Nyagasani wanjye ni utanga ubuzima agatanga n' urupfu. Aravuga ati: ni jye utanga ubuzima ngatanga n'urupfu. Ibraahiim aravuga ati: mu by'ukuri ALLAH (IMANA) aturutsa izuba Iburasirazuba. Ngaho riturutse Iburengerazuba. Uwahakanye arumirwa! Kandi ALLAH (IMANA) ntayobora abantu bahuguza.

259. Cyangwa nk'uwanyuze ku mudugudu wasenyutse ari itongo akavuga ati: ni gute ALLAH (IMANA) yawuzura nyuma yo gupfa kwawo!? ALLAH (IMANA) amuha gupfa imyaka ijana. Hanyuma aramuzura, aravuga ati: umaze igihe kingana iki? Aravuga ati: maze umunsi cyangwa igice cy'umunsi. Aravuga ati: ahubwo umaze imyaka ijana. Itegereze ibiryo byawe n'ibinyobwa byawe. Ntibyangiritse. Itegereze na none indogobe yawe kugira ngo tukugire ikimenyetso ku bantu unitegereze amagufa; uko tuyasubiranya hanyuma tukayambika inyama. Bimugaragariye, aravuga ati: mu by'ukuri menye ko ALLAH (IMANA) ari Ushobora cyane buri kintu. 260. Zirikana ubwo Ibraahiim yavugaga ati: ayi Nyagasani wanjye! Nyereka uko uzura ibyapfuye. Aravuga ati: ese ntiwemeye? Aravuga ati: ndemera ariko ni ukugira ngo umutima wanjye utuze. Aravuga ati: ngaho fata inyoni enye uzicagagure hanyuma ushyire kuri buri musozi igice. Maze uzihamagare, ziragusanga zihuta. Umenyeko ALLAH (IMANA) ari Utsinda, Ushishoza.

261. Urugero rw'abatanga imitungo yabo mu nzira ya
IMANA (ALLAH), ni nk'urugero rw'impeke yeza amahundo
arindwi kuri buri hundo harimo impeke ijana. ALLAH
(IMANA) atuburira uwo ashaka kandi ALLAH (IMANA)
ni Ukwiriye hose, Umumenyi cyane. 262. Abatanga imitungo
yabo mu nzira ya ALLAH (IMANA) hanyuma ntibakurikize
ibyo batanze incyuro cyangwa gutoteza, bafite ibihembo byabo
kwa Nyagasani wabo nta n'ubwoba kuri bo nta n'agahinda.
263. Ijambo ryiza n' imbabazi biruta Swadaqah ikurikirwa no
gutoteza kandi ALLAH (IMANA) ni Umukungu, Umwitonzi.
264. Yemwe Abemeye! Ntimukangirishe Swadaqah zanyu
incyuro no gutoteza. Nk'utanga umutungo we ari ukwereka
abantu atemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w' imperuka.
Urugero rwe ni nk' urugero rw'urutare ruriho itaka, imvura
nyinshi ikarugwaho, ikarusiga rwera. Nta cyo bashobora
guhemberwa mu byo bakoze kandi ALLAH (IMANA)
ntayobora abantu b' abahakanyi.

265 Naho urugero rw' abatanga imitungo yabo bashaka
ishimwe rya ALLAH (IMANA) kandi bemera mu mitima
yabo, ni nk'urugero rw'umurima uri ku murambi ukagwamo
imvura nyinshi, ukeza ibiribwa byawo byikubye kabiri. N'
iyo imvura nyinshi itawuguyemo, ibijojoba biba bihagije.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo mukora. 266 Ese
umwe muri mwe yakwifuza kuba afite umurima w'itende
n'imizabibu utembamo imigezi, akagiramo imbuto z'amoko
yose, akagera mu za bukuru afite abana b' abanyantege nke,
ugaterwa na serwakira irimo umuriro mwinshi ugakongoka?
Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira ibimenyetso
kugira ngo mutekereze.

267. Yemwe Abemeye! Nimutange mu byiza mwasaruye no

mu byo twabakuriye mu butaka. Ntimugahitemo ikibi muri
byo ngo abe ari cyo mutanga kandi mudashobora kucyakira
keretse muhumirije n’ ubushake buke. Mumenyeko ALLAH
(IMANA) ari Umukungu, Ushimwa cyane. 268. Sha’itwaan
abasezeranya ubutindi akabategeka ibibi. Na ho ALLAH
(IMANA) abasezeranya ukubahanaguraho ibyaha n’ingabire
bituruka iwe. ALLAH (IMANA) ni Ukwiriye hose,
Umumenyi cyane. 269. Aha ubushishozi uwo ashatse kandi
uhawe ubushishozi aba ahawe ibyiza byinshi. Nta wibuka
uretse abafite ubwenge.
270. N’ icyo mutanze mu bitangwa cyangwa mwakoze
Nadh’r, mu by’ukuri ALLAH (IMANA) arabimenya. Kandi
abahuguza ntibafite abatabazi. 271. Nimugaragaza Swadaqah
byaba ari byiza. Nimunazihisha mukaziha abatindi ni
akarusho kuri mwe. Abahanaguraho ibyaha byanyu, kandi
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w’ ibyihishe mu byo
mukora. 272. Ntubazwa ukuyoboka kwabo. Kuko ALLAH
(IMANA) ayobora uwo ashaka. N’ ibyo mutanga mu byiza
biba ari ibyanyu; nta n’ icyo mutanga uretse ko muba
mushaka uburanga bwa IMANA (ALLAH). Kandi n’ iyo
mutanze ibyiza mubihemberwa byuzuye mudahuguzwa.
273. (Swadaqah) ihabwa abatindi bagoswe mu nzira ya IMANA
(ALLAH), badashobora kugenda ku isi bakora. Utabazi
akeka ko ari abakire kubera ubunyangamugayo. Ubamenyera
ku bibaranga; ntibasaba abantu bagondoza. Ibyo mutanze
mu byiza mu by’ ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane wabyo. 274. Abatanga imitungo yabo ijoro n’amanywa
mu ibanga no ku mugaragaro, bafite ibihembo byabo kwa
Nyagasani wabo nta bwoba kuri bo nta n’agahinda.
275. Abarya Riba ntibahaguruka uretse nko guhaguruka

k'umuntu wahanzweho agaragurwa na sha'itwaan. Ibyo ni ukubera ko bavuze bati: mu by'ukuri ubucuruzi ni kimwe na Riba nyamara ALLAH (IMANA) azirura ubucuruzi akaziririza Riba. Cyakora uzagerwaho n'inyigisho ziturutse kwa Nyagasani we akarekeraho akomorewe ibyahise. Naho urubanza rwe rwihariwe na IMANA (ALLAH). Abazasubira, abo ni abantu bo mu muriro bazawubamo ubuziraherezo.
276. ALLAH (IMANA) atubya umutungo urimo Riba maze agatubura Swadaqah kandi ALLAH (IMANA) ntakunda buri muhakanyi, umunyabyaha. 277. Mu by'ukuri Abemeye bagakora ibitunganye, bagahozaho Swalaat bakanatanga Zakaat bafite ibihembo byabo kwa Nyagasani wabo. Nta bwoba kuri bo nta n'agahinda.

278. Yemwe Abemeye! Nimugandukire ALLAH (IMANA) munareke ibyari bisigaye muri Riba niba muri Abemera.
279. Nimutabikora, mumenyeko hari intambara iturutse kwa ALLAH (IMANA) no ku ntumwa ye. Nimwicuza muzahabwa urushoro rw' imari yanyu, mudahuguje mutanahugujwe.
280. Niba uwishyuzwa aremerewe, hategerezwe kugeza aho ashoboreye. Kandi nimutanga Sadaqah ni byiza kuri mwe iyaba mwari mubizi. 281. Mutinye umunsi muzasubirizwaho kwa ALLAH (IMANA) hanyuma buri muntu akuzurizwa ibyo yakoze kandi badahuguzwa.

282. Yemwe Abemeye! Nimuhana umwenda ku gihe cyagenwe mujye muwandika. Umwanditsi ajye yandika hagati yanyu, mu butabera. Umwanditsi ntakange kwandika nk' uko ALLAH (IMANA) yamwigishije. Niyandike, ufite umwenda avuge ibyandikwa kandi atinye ALLAH (IMANA) Nyagasani we, ntagire icyo agabanyamo. Niba ufite umwenda ari injiji cyangwa ari umunyantegenke, cyangwa

we adashoboye kuvuga ibyandikwa, umuhagarariye navuge ibyandikwa mu butabera. Mujye mushyiraho abahamya babiri mu bagabo muri mwe. Nibataba abagabo babiri, ni babe umugabo n’abagore babiri, mu bo mushimye mu bahamya, kugira ngo umwe (muri abo bagore) niyibagirwa undi amwibutse. Abahamya ntibakange igihe bahamagawe. Ntimuzarambirwe kuwandika muto cyangwa munini, kugeza igihe cyawo. Ibyo ni byo butabera imbere ya ALLAH (IMANA) ni na byo bibereye ubuhamya akaba ari na byo byegereye kudashidikanya. Keretse ari ubucuruzi bw’ako kanya bukorwa hagati yanyu, nta kibi mu kutabwandika. Mujye mushyiraho abahamya igihe mugurirana kandi umwanditsi n’umuhamya ntibakagorwe. Nimubikora (kubagorA) muzaba mukoze icyaha. Nimugandukire IMANA (ALLAH), ALLAH (IMANA) abigishe. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.
283. Nimuba muri ku rugendo, ntimubone umwanditsi, icyo gihe ni ugutanga ingwate ifatwa. Kandi nimwizerana, uwizewe azatange indagizo ye anatinye ALLAH (IMANA) Nyagasani we. Ntimugahishe ubuhamya. Ubuhisha, umutima we uba ukoze icyaha. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane ku byo mukora.

284. Ibiri mu birere ni ibya ALLAH (IMANA) ndetse n’ibiri mu isi. Mwagaragaza (ibyahA) biri mu mitima yanyu cyangwa mwabihisha, ALLAH (IMANA) azabibaryoza. Ahanaguraho ibyaha uwo ashaka, akanahana uwo ashaka. Kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.
285. Intumwa n’abemera, bemeye ibyo yamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo. Bose bemeye IMANA (ALLAH), Abamala’ika be, Ibitabo bye n’ Intumwa ze. Nta n’ imwe

tuvangura mu ntumwa ze. Baravuga bati: turumvise kandi
turumviye, turagusaba ukuduhanaguraho ibyaha kwawe,
Nyagasani wacu, kandi iwawe ni ho garukiro. 286. ALLAH
(IMANA) ntategeka umuntu keretse ikiri mu bushobozi
bwe. Ahemberwa ibyo yakoze akanahanirwa ibyo yakoze.
Ayi Nyagasani wacu! Ntuturyoze ibyo twakoze twibagiwe
cyangwa twibeshye. Ayi Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze
ingorane nk' uko wazikoreje abatubanjirije. Ayi Nyagasani
wacu! Ntuzaduhore ibyo tudafitiye ubushobozi. Tubabarire,
duhanagureho ibyaha, tugirire impuhwe, ni wowe Murinzi
wacu, dutabare udukize abantu b'abahakanyi.

## Surat 3

# AAL IMRAAN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim.*

2 IMANA (ALLAH). Nta yindi mana ikwiye gusengwa mu
kuri uretse We, Uhoraho, Uwigize. 3 Yakumanuriye Igitabo
gikubiyemo ukuri, gihamya ibyakibanjirije yanamanuye
Ta'uraat na In'jiil. 4 Mbere. Kugira ngo biyobore abantu.
Anamanura Furqaan. Mu by'ukuri, abahakanye amagambo
ya ALLAH (IMANA) bafite ibihano bikomeye. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Nyir'uguhora. 5 Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ntakimwihisha mu isi no mu kirere. 6 Ni
We ubaha amashusho uko ashaka muri nyababyeyi. Nta yindi
mana iriho ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We Utsinda,
Ushishoza.

7 Ni We wakumanuriye igitabo kiri mo ayah zisobanutse,
ari zo shingiro ry'Igitabo n'izindi zirimo ibisobanuro bijya
gusa. Abafite ukubogamira ku buyobe mu mitima yabo,
bakurikira izirimo ibisobanuro bijya gusa muri cyo, bashaka
kugerageza(abemerA) no gushaka kuzisobanura (bijyanye
n'amarangamutima yabo). Kandi ntawe uzi ibisobanuro
byazo uretse IMANA (ALLAH). Intiti mu bumenyi ziravuga
ziti: tTurazemeye, zose ni izituruka kwa Nyagasani wacu. Nta
bibuka uretse abanyabwenge. 8 Nyagasani wacu! Ntuyobye
imitima yacu nyuma y' uko utuyobora. Tugabire impuhwe
ziguturutseho. Mu by'ukuri ni Wowe Ugaba cyane. 9 Ayi
Nyagasani wacu! Mu by'ukuri ni Wowe uzakoranya abantu
ku munsi udashidikanywaho. Rwose ALLAH (IMANA)
ntiyica isezerano.

10. Mu by'ukuri abahakanye, imitungo yabo n'abana
babo nta cyo bizabamarira imbere ya IMANA (ALLAH).
Abo ni na bo bicanwa by'umuriro. 11. Ni nk' imigenzereze
y'abantu ba Fir'aun n'abababanjirije, bahinyuye ibitangaza
byacu; ALLAH (IMANA) abahanira ibicumuro byabo.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Nyiribihano bikomeye.
12. Bwira abahakanye uti: muzatsindwa maze mukoranyirizwe
muri Djahannam, ni na yo saso mbi. 13. Mu by' ukuri mufite
icyitegererezo mu matsinda abiri yahuriye ku rugamba;
itsinda rirwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) n'irindi
ry'irihakanyi. Bababonamo inshuro zabo ebyiri ku ndoro
y' ijisho. ALLAH (IMANA) ashyigikiza inkunga ye uwo
ashaka. Mu by'ukuri muri ibyo harimo inyigisho ku bafite
amaso.

14. Abantu batakiwe gukunda ibishimisha mu bagore,
abana, akayabo karundanyije ka zahabu, ifeza, n'ifarasi

z’inkomoko nziza, amatungo n’ibihingwa. Ibyo ni ibyishimo
by’ubuzima bw’isi. Kandi ALLAH (IMANA) iwe ni ho hari
igarukiro ryiza. 15. Vuga uti: ese mbabwire ibiruta ibyo?
Abaganduka bafite kwa Nyagasani wabo Djannah zitembamo
imigezi, bazabamo ubuziraherezo n’abagore basukuye,
no kwishimirwa na IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH
(IMANA) ni Ubona abagaragu. 16. Babandi bavuga bati: ayi
Nyagasani wacu! Mu by’ukuri twe turemeye, duhanagureho
ibyaha byacu unaturinde ibihano by’umuriro. 17. Ni
abihangana, abanyakuri, abibombarika, abatanga n’abasaba
guhanagurwaho ibyaha mbere y’itambika ry’umuseke.

18. ALLAH (IMANA) yahamije kimwe n’ Abamala’ika
n’ abafite ubumenyi, ko nta yindi mana ikwiye gusengwa
by’ukuri uretse We. ALLAH (IMANA) agenga ubutabera.
Nta yindi mana ikwiriye gusengwa by’ukuri uretse We. Ni
We Utsinda, Ushishoza. 19. Mu by’ukuri idini kwa ALLAH
(IMANA) ni Islaam. Abahawe ibitabo ntibatandukanye
keretse nyuma y’ uko bagerwaho n’ubumenyi, kubera ishyari
ryari muri bo. Uzahakana amagambo ya IMANA (ALLAH),
mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwihutisha ibarura.
20. Nibakugisha impaka uvuge uti: neguriye uburanga
bwanjye IMANA (ALLAH), njye n’abankurikiye. Ubwire
abahawe ibitabo n’abatazi gusoma no kwandika uti: ese
mubaye Abaislamu? Nibaba Abaislamu bazaba bayobotse.
Nibatera umugongo, mu by’ukuri icyo ushinzwe ni ugusohoza
ubutumwa kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona abagaragu.
21. Mu by’ukuri abahakana amagambo ya IMANA (ALLAH),
bakica abahanuzi bidakwiye, bakanica abategeka ubutabera
mu bantu, bahe inkuru nziza y’ibihano bibabaza. 22. Abo ni

bo ibikorwa byabo byabaye impfabusa ku isi no ku mperuka, kandi nta batabazi bafite.

23. Ese ntureba abahawe umugabane mu gitabo bahamagarirwa igitabo cya ALLAH (IMANA) kugira ngo kibakiranure, hanyuma agatsiko muri bo kakabitera umugongo kandi kirengagiza. 24. Ibyo babiterwa n' uko bavuze bati: umuriro ntuzadukoraho uretse iminsi mbarwa. Bashukwa mu idini ryabo n'ibyo bihimbiraga. 25. Bizamera bite ku munsi udashidikanywaho nitubarundanya, buri muntu akuzurizwa ibyo yakoze kandi badahuguzwa? 26. Vuga uti: ayi IMANA (ALLAH)! Umwami w'ubwami ugabira ubwami uwo ushaka kandi ukanyaga ubwami uwo ushaka. Wubahisha uwo ushaka ukanasuzuguza uwo ushaka. Ibyiza biri mu kuboko kwawe. Mu by'ukuri uri Ushobora cyane buri kintu. 27. Winjiza ijoro mu manywa ukaninjiza amanywa mu ijoro. Ukura ikizima mu gipfu ukanavana igipfu mu kizima, ugafungurira uwo ushaka nta kubara.

28. Abemera ntibakagire abahakanyi inshuti magara babarutisha Abemera. Ukora ibyo nta cyo ari cyo kwa ALLAH (IMANA) keretse hari icyo mubikinga. ALLAH (IMANA) arababurira kumutinya. Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho garukiro. 29. Vuga uti: mwahisha ibiri mu bituza byanyu cyangwa mwabigaragaza, ALLAH (IMANA) arabimenya akanamenya ibiri mu birere no mu isi. ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 30. Umunsi buri muntu azasanga ibyiza yakoze bihari ndetse n' ibibi yakoze, azifuzako hagati ye n'ibibi bye haba intera ndende. ALLAH (IMANA) arababurira kumutinya. Kandi ALLAH (IMANA) ni Nyirimpuhwe cyane ku bagaragu. 31. Vuga uti: niba mukunda ALLAH (IMANA) nimunkurikire, ALLAH

(IMANA) abakunde anabahanagureho ibyaha byanyu.
ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi. 32. Vuga uti: nimwumvire ALLAH (IMANA)
n'Intumwa. Nibatera umugongo, mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ntakunda abahakanyi.
33. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yarutishije Aadam,
Nuuh, Umuryango wa Ibraahiim n'umuryango wa Imraan
ibiremwa byose. 34. Ni urubyaro rukomoka ku rundi, kandi
ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
35. Zirikana ubwo umugore wa Imraan yavugaga ati: ayi
Nyagasani wanjye! Mu by'ukuri njye ngukoreye Nadh'r
ko ikiri mu nda yanjye kikwegurirwa kandi binyakirire.
Mu by'ukuri ni Wowe Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
36. Amaze kumubyara yaravuze ati: ayi Nyagasani wanjye!
Mu by'ukuri mubyaye ari umukobwa. Nyamara ALLAH
(IMANA) ni We uzi cyane icyo yabyaye kandi umuhungu
si nk'umukobwa. Namwise Mariam, mu by'ukuri
ndamukurindishije n'urubyaro rwe, sha'itwaan wavumwe.
37. Nyagasani we amwakira ukwakira kwiza anamukuza
mu burere bwiza, amuragiza Zakariyyaa. Uko yinjiraga
muri Mih'raab, yasangaga afite amafunguro. Akavuga ati:
yewe Mariam! Ibi ubikura he? Akavuga ati: ibyo bituruka
kwa IMANA (ALLAH), mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
afungurira uwo ashaka nta kubara. 38. Ni bwo Zakariyyaa
yasabye Nyagasani we aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye!
Mpa ku bwawe urubyaro rwiza. Mu by'ukuri uri Uwumva
cyane ugusaba. 39 Abamala'ika baramuhamagara ahagaze
akora Swalaat muri Mih'raab: ALLAH (IMANA) araguha
inkuru nziza y' ivuka rya Yah'yaa wemeza ijambo riturutse
kwa IMANA (ALLAH), akaba umunyacyubahiro utegera

abagore n'umuhanuzi uri mu ntungane. 40 Aravuga ati: ayi
Nyagasani wanjye! Ni gute nagira umuhungu kandi ngeze mu
za bukuru n'umugore wanjye ari urubereri ? Aravuga ati: ni
ko bimeze. ALLAH (IMANA) akora ibyo ashaka. 41 Aravuga
ati: ayi Nyagasani wanjye! Mpa ikimenyetso. Aravuga ati:
ikimenyetso cyawe ni ukutavugisha abantu iminsi itatu
keretse uca amarenga. Wambaze Nyagasani wawe kenshi,
unamusingize nimunsi no mu museso. 42 Zirikana ubwo
Abamala'ika bavugaga bati: yewe Mariam! Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) yaguhisemo arakweza akurutisha
abagore mu biremwa byose. 43 Yewe Mariam! Ibombarike
kuri Nyagasani wawe kandi wubame ununame hamwe
n'abunama. 44 Ibyo biri mu nkuru zihishe tuguhishurira. Nta
bwo wari hamwe na bo ubwo banagaga ikaramu zabo kugira
ngo haboneke muri bo uzarera Mariam. Nta n' ubwo wari
hamwe na bo ubwo bajyaga impaka.

45. Zirikana ubwo Abamala'ika bavugaga bati: yewe
Mariam! Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) araguha inkuru
nziza y'ijambo rimuturutseho. Izina rye ni Masiih Isa
mwene Mariam. Ni nyir'icyubahiro ku isi no ku mperuka
kandi azaba mu bari hafi. 46. Azavugisha abantu akivuka
no mu bukwerere kandi azaba mu ntungane. 47. Aravuga
ati: ayi Nyagasani wanjye! Ni gute nagira umwana kandi
ntarakorwaho n'umuntu? Aravuga ati: ni uko bimeze,
ALLAH (IMANA) arema icyo ashatse. Iyo yemeje ikintu,
mu by'ukuri arakibwira: Ba!Ubwo kikaba. 48. Azamwigisha
kwandika, ubushishozi, Ta'uraat na In'jiil. 49. Nzamugira
intumwa ku bana ba Israa'iil. (Isa arababwirA) : Mu by'ukuri
njye mbazaniye ibitangaza biturutse kwa Nyagasani wanyu:
ndababumbira mu cyondo igisa n'inyoni, nkagihuhamo

kikaba inyoni ku bushake bwa IMANA (ALLAH); nkakiza uwavutse ari impumyi n'umubembe; nkazura n'abapfuye ku bushake bwa IMANA (ALLAH); nkababwira ibyo murya n'ibyo muhunika mu ngo zanyu. Mu by'ukuri muri ibyo harimo igitangaza kuri mwe niba muri abemera. 50. Mpamya ibyambanjirije biri muri Ta'uraat no kugira ngo mbazirurire bimwe mu byo mwari muziririjwe. Kandi mbazaniye ikimenyetso giturutse kwa Nyagasani wanyu. Nimugandukire ALLAH (IMANA) munanyumvire. 51. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyagasani wanjye akanaba Nyagasani wanyu; nimumugaragire. Iyo ni yo nzira igororotse.

52. Isa amaze kubumvamo ubuhakanyi yaravuze ati: ni bande banshyigikira mu nzira ya ALLAH (IMANA)? Hawaariyyuuna baravuga bati: twe turi abashyigikira inzira ya IMANA (ALLAH), twemeye ALLAH (IMANA) unahamyeko turi abicisha bugufi. 53. Ayi Nyagasani wacu! Twemeye ibyo wamanuye kandi dukurikira Intumwa, twandike hamwe n'abahamya. 54. Baragambanye, ALLAH (IMANA) aburizamo akagambane kabo. ALLAH (IMANA) aruta abagambanyi. 55. Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yavugaga ati: yewe Isa! Mu by'ukuri Njye nzakuzuriza igihe cyawe, nkuzamure iwanjye ngukize abahakanye, nshyire abagukurikiye hejuru y'abahakanye kugeza ku munsi w'imperuka. Hanyuma iwanjye ni ho garukiro ryanyu, nkazabakiranura mu byo mwatandukanagaho. 56. Abahakanye nzabahanisha igihano gikomeye ku isi no ku mperuka kandi ntibafite abatabazi. 57. Naho abemeye bagakora ibitunganye akabuzuriza ibihembo byabo kandi ALLAH (IMANA) ntakunda abahuguza. 58. Ibyo turabigusomera biva muri Ayah n'Urwibutso byuje ubushishozi.

59. Mu by'ukuri urugero rwa Isa kwa ALLAH (IMANA)
ni nk'urugero rwa Aadam. Yamuremye mu gitaka maze
aramubwira: Ba!Ubwo abaho. 60. Ukuri ni uguturutse kwa
Nyagasani wawe ntube mu bashidikanya. 61. Uzamukugishaho
impaka nyuma y'ubumenyi bwakugezeho, uzavuge uti:
nimuze duhamagare abana bacu n'abana banyu, abagore bacu
n'abagore banyu, na twe ubwacu na mwe ubwanyu hanyuma
dutakambe dusabira umuvumo wa ALLAH (IMANA)
ababeshyi. 62. Rwose izi ni zo nkuru z'ukuri. Nta wukwiye
gusengwa mu kuri uretse IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ni We Utsinda, Ushishoza. 63. Nibatera
umugongo, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane ku bangizi.

64. Vuga uti: yemwe ba nyir'ibitabo! Nimuze ku ijambo
rigororotse hagati yacu namwe; ko tutagira uwo tugaragira
uretse ALLAH (IMANA) ntitunagire icyo tumubangikanya
na cyo, kandi bamwe muri twe ntibagire abandi ibigirwamana
baretse IMANA (ALLAH). Nibabitera umugongo, muvuge
muti: nimuhamyeko twe turi Abaislam. 65. Yemwe ba
nyir'ibitabo! Kuki mujya impaka kuri Ibraahiim kandi
Ta'uraat na In'jiil bitaramanuwe uretse nyuma ye? Ese
nta bwenge mugira? 66. Dore mwe mwagiye impaka ku
byo mufiteho ubumenyi. Ni kuki mujya impaka z'ibyo
mudafiteho ubumenyi? ALLAH (IMANA) arabizi na ho
mwe nta cyo muzi. 67. Ibraahiim ntiyari Umuyahudi cyangwa
Umunaswaara ahubwo yari Haniifa, Uwicisha bugufi kandi
ntiyari mu babangikanya. 68. Mu by' ukuri abantu bagomba
kwitirirwa Ibraahiim ni abamukurikiye, uyu Muhanuzi
hamwe n' abemeye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Inshuti
koya y' Abemera. 69. Hari itsinda muri ba nyir' ibitabo ryifuza

kubayobya. Nyamara nta we bayobya uretse bo ubwabo
kandi ntibabyiyumvamo. 70. Yemwe ba nyir' ibitabo! Kuki
muhakana amagambo ya ALLAH (IMANA) kandi mwe
mubihamya? 71. Yemwe ba nyir'ibitabo! Kuki muvanga ukuri
n'ikinyoma, mugahisha ukuri kandi mwe mubizi?
72. Hari agatsiko muri ba nyir'ibitabo, kavuze kati:
nimwemere ibyamanuriwe abemeye ku ntangiriro
y'amanywa, mubihakane ku mpera yayo, wenda bagaruka.
73. Kandi ntimwemere uretse ukurikira idini ryanyu.
Vuga uti : mu by'ukuri ubuyoboke nyabwo ni ubuyoboke
bwa IMANA (ALLAH). Kuba umwe yarahawe nk'ibyo
mwahawe, cyangwa kubaburanya imbere ya Nyagasani
wanyu (bibatera ishyari). Vuga uti: mu by'ukuri ingabire ziri
mu kuboko kwa ALLAH (IMANA) aziha uwo ashaka kandi
ALLAH (IMANA) ni Ukwiriye hose, Umumenyi cyane.
74. Aharira impuhwe ze uwo ashatse kandi ALLAH (IMANA)
ni We Nyir' ingabire zihambaye. 75. Muri ba nyir'ibitabo, hari
uwo uragiza akayabo akakagusubiza. Hari n'uwo uragiza
Diinaar ntarigusubize keretse umutitirije. Ibyo ni uko bavuze
bati: abatazi gusoma no kwandika nta cyo badukurikiranaho,
bagahimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma kandi babizi. 76. Si
uko bimeze. Uwujuje isezerano rye akaganduka, mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) akunda abaganduka.
77. Mu by'ukuri abagurana isezerano rya ALLAH
(IMANA) hamwe n'indahiro zabo agaciro gato; abo nta
mugabane mwiza bafite ku munsi wa nyuma nta nubwo
ALLAH (IMANA) azabavugisha, ntazabareba ku munsi
w'izuka ntazanabeza kandi bazaba bafite ibihano bibabaza.
78. Muri bo hari agatsiko k'abagobeka indimi zabo iyo basoma
igitabo, kugira ngo mukeke ko biri mu gitabo kandi bitari

mu gitabo. Bakavuga bati: ibyo ni ibiturutse kwa IMANA (ALLAH), kandi bidaturutse kwa IMANA (ALLAH). Bagahimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma kandi babizi.
79. Ntibishobokako umuntu ALLAH (IMANA) yamuha igitabo, ubushishozi n'ubuhanuzi, hanyuma akabwira abantu ati: nimube abagaragu banjye aho kuba aba IMANA (ALLAH). Ahubwo nimube abamenyi bo kwigisha igitabo nk' uko mwacyize. 80. Nta n'ubwo abategeka kugira Abamala'ika n'abahanuzi ibigirwamana. Ese yabategeka ubuhakanyi nyuma y' uko mwe mubaye Abaislamu?

81. Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yafashe isezerano rikomeye ry'abahanuzi. Kuba narabahaye ibitabo n'ubushishozi maze Intumwa ikabageraho ihamya ibyo mufite, mugomba kuyemera kandi mugomba no kuyishyigikira. Aravuga ati: ese murabyemeye mukaba munabigize ihame ryanjye? Baravuga bati: turabyemeye. Aravuga ati: nimube abahamya na Njye hamwe na mwe ndi mu babyemeza.
82. Uzatera umugongo nyuma y'ibyo, abo ni bo byigomeke.
83. Ese idini ritari irya ALLAH (IMANA) ni ryo bashaka kandi ari We ibyo mu birere no mu isi byicishaho bugufi, ku bushake no ku gahato? Kandi iwe ni ho bazasubizwa.
84. Vuga uti: twemeye ALLAH (IMANA) n'ibyo twamanuriwe n'ibyamanuriwe Ibraahiim, Ismaa'iil, Is'haaq, Ya'aquub, urubyaro rwe n'ibyahawe Muusa, Isa n'abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo. Nta n' umwe tuvangura muri bo kandi We ni We twibombarikaho. 85. Uzashaka idini ritari Islaam, nta bwo azaryemererwa. Kandi ku mperuka azaba mu bahombye.
86. Ni gute ALLAH (IMANA) yayobora abantu bahakanye nyuma yo kwemera kwabo kandi barahamije ko intumwa ari ukuri, n'ibisobanuro byarabagezeho? Kandi ALLAH

(IMANA) ntayobora abantu bahuguza. 87. Abo, igihembo
cyabo ni uko umuvumo wa IMANA (ALLAH), Abamala'ika
n'abantu bose ubabaho. 88. Bazawubamo ubuzira herezo,
ntibazagabanyirizwa ibihano nta n' ubwo bazarindirizwa.
89. Uretse abicujije nyuma yaho, bagatunganya ibikorwa
byabo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 90. Mu by'ukuri
abahakanye nyuma yo kwemera kwabo hanyuma bakiyongera
mu buhakanyi, ukwicuza kwabo ntikuzigera kwemerwa kandi
abo ni bo bayobe. 91. Mu by'ukuri abahakanye bakanapfa ari
abahakanyi nta n' umwe muri bo uzemererwa zahabu yuzuye
isi n' ubwo yayicunguza. Abo bafite ibihano bibabaza kandi
ntibafite abatabazi.

92. Ntimuzabona ibyiza byuzuye keretse mutanze mu
byo mukunda kandi icyo muzatanga mu by' ukuri ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane wacyo. 93. Ibiryo byose byari
biziruwe kuri bene Israa'iil uretse ibyo Israa'iil yiziririje mbere
y' uko Ta'uraat imanurwa. Vuga uti: ngaho nimuzane Ta'uraat
muyisome niba muri abanyakuri. 94. Uzahimbira ALLAH
(IMANA) ikinyoma nyuma y'ibyo, abo ni bo bahuguza.
95. Vuga uti: ALLAH (IMANA) yavuze ukuri. Nimukurikire
idini rya Ibraahiim Haniifa, kandi ntiyari mu babangikanya.
96. Mu by' ukuri inzu ya mbere yubakiwe abantu ni iri i
Makkah. Yuje imigisha n' ubuyobozi ku biremwa. 97. Irimo
ibimenyetso bigaragara; Maqaam Ibraahiim. Uyinjiyemo
aba atekanye. Ni itegeko rya ALLAH (IMANA) ku bantu
gukora Hidjah kuri iyo nzu k' ufite uburyo bwo kuyigeraho.
Uzahakana, mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwihagije
(Udakeneye) ibiremwa. 98. Vuga uti: yemwe ba Nyir' ibitabo!
Kuki muhakana ayah za ALLAH (IMANA) Kandi ALLAH

(IMANA) ari Umuhamya ku byo mukora!? 99. Yemwe ba
Nyir’ ibitabo! Kuki mukumira abemera ku nzira ya IMANA
(ALLAH), mwerekanako igoramye kandi muri abahamya!?
Nyamara ALLAH (IMANA) si indangare ku byo mukora.
100. Yemwe Abemeye! Nimwumvira agatsiko mu bahawe
ibitabo, kazabasubiza kuba abahakanyi nyuma yo kwemera
kwanyu. 101. Ni gute mwahakana kandi mwe musomerwa
amagambo ya ALLAH (IMANA) n’ Intumwa ye ibarimo
? Uwiringiye ALLAH (IMANA) aba ayobowe inzira
igororotse. 102. Yemwe Abemeye! Nimugandukire ALLAH
(IMANA) ukuri ko kumugandukira kandi ntimuzapfe mutari
abaislamu. 103. Mufatane urunana mwese ku mugozi wa
ALLAH (IMANA) kandi ntimugatandukane. Mwibuke
inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe ubwo mwari abanzi,
agahuza imitima yanyu, ku bw’ inema ze muba abavandimwe.
Mwari no ku nkengero z’ umuriro arawubakiza. Uko ni ko
ALLAH (IMANA) abasobanurira amagambo ye kugira ngo
muyoboke.
104. Nihabeho muri mwe Ummah ihamagarira ibyiza,
igategeka ibiboneye, ikanabuza ibibi. Abo ni bo bakiranutsi.
105. Ntimuzabe nka babandi batandukanye ntibavuge rumwe
nyuma y’ uko ibisobanuro bibageraho, abo bafite ibihano
bihambaye. 106. Zirikana umunsi uburanga buzererana
n’ubundi bukijima. Abo uburanga bwabo buzaba bwijimye
(bazabwirwA) : ese mwahakanye nyuma yo kwemera kwanyu?
Ngaho musogongere ibihano kubera ibyo mwakoraga.
107. Naho abo uburanga bwabo buzaba bwererana, bazaba mu
mpuhwe za IMANA (ALLAH), aho bazaba ubuziraherezo.
108. Ayo ni amagambo ya ALLAH (IMANA) turayagusomera
mu kuri. Kandi ALLAH (IMANA) ntashaka guhuguza

ibiremwa. 109. Ibyo mu birere n’ ibyo mu isi ni ibya IMANA (ALLAH). Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho ibintu bigarurwa.

110. Muri Ummah iboneye yahawe abantu ; mutegeka ibyiza mukabuza ibibi mukanemera IMANA (ALLAH). Iyo ba Nyir’ ibitabo bemera byari kuba byiza kuri bo. Muri bo hari abemera ariko abenshi muri bo ni ibyigomeke. 111. Ntacyo bazabatwara uretse gutoteza. Nibanabarwanya, bazabatera imigongo (bahungA) kandi ntibatabarwe. 112. Bokamwe no gusuzugurwa aho basanzwe hose, keretse ari isezerano rya IMANA (ALLAH), n’isezerano ry’ abantu. Batahukanye uburakari bwa IMANA (ALLAH). Bokamwe n’ akaga. Ibyo ni ukubera ko bahakanaga amagambo ya ALLAH (IMANA) bakanica abahanuzi bidakwiye. Ibyo ni ukubera ko bigometse bakaba bararengeraga.

113. Si bamwe, muri ba Nyir’ ibitabo harimo Ummah iboneye, isoma amagambo ya ALLAH (IMANA) mu bihe by’ ijoro kandi yubama. 114. Bemera ALLAH (IMANA) n’ umunsi wa nyuma, bategeka ibyiza bakabuza ibibi, bakanihutira gukora ibyiza, abo ni mu ntungane. 115. Icyo bazakora mu byiza ntibazabura kugihemberwa kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w’ abaganduka. 116. Mu by’ ukuri abahakanye nta cyo imitungo yabo n’ abana babo bizabamarira kwa IMANA (ALLAH). Abo ni ba nyir’ umuriro bazawubamo ubuziraherezo. 117. Urugero rw’ ibyo batanga muri ubu buzima bw’ isi, ni nk’ urugero rw’ umuyaga uri mo imbeho nyinshi, yangije ibihingwa by’ abantu bihuguje ukabyoreka. Nyamara ALLAH (IMANA) ntiyabahuguje ahubwo ni bo bihuguje.

118. Yemwe Abemeye! Ntimuzagire abatari muri mwe

inshuti koya. Ntibahwema kubagirira inabi babifuriza
amagorwa. Urwango rwagaragaye mu minwa yabo kandi
ibihishwe n'ibituza byabo ni byo bisumbije. Mu by' ukuri
tubasobanuriye ibimenyetso niba mufite ubwenge. 119. Dore
mwebwe murabakunda nyamara bo ntibabakunda kandi
mwemera ibitabo byose. Iyo bahuye namwe baravuga bati:
turemera. Bakwiherera bakabarumira imitwe y' intoki kubera
umujinya. Vuga uti: nimwicwe n' umujinya wanyu. Mu by'
ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w' ibiri mu
bituza. 120. Iyo mwe icyiza kibagezeho, bo kirababababaza,
ikibi cyabageraho bakacyishimira. Nyamara nimwihangana
mukanaganduka, uburiganya bwabo nta cyo bwabatwara.
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhetura ibyo bakora.

121. Zirikana ubwo wasigaga ab' iwawe mu gitondo,
ushyira Abemera mu birindiro by'intambara kandi ALLAH
(IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 122. Ubwo
amatsinda abiri muri mwe yashatse kugira ubwoba, kandi
ALLAH (IMANA) ari We Mutabazi wayo. ALLAH (IMANA)
abe ari We Abemera biringira. 123. Mu by' ukuri ALLAH
(IMANA) yabateye inkunga i Badr, kandi mwari bake. Ngaho
nimugandukire ALLAH (IMANA) kugira ngo mushimire.
124. Ubwo wabwiraga Abemera uti: ese ntimuhagijwe no kuba
Nyagasani wanyu yabatera inkunga y' abamala'ika bamanuwe
ibihumbi bitatu. 125. Ni byo. Nimwihangana mukanaganduka,
ako kanya (abanzi) bakabatera, Nyagasani wanyu azabatera
inkunga y' Abamala'ika ibihumbi bitanu bafite ibimenyetso.
126. (Iyo nkungA) nta kindi ALLAH (IMANA) yayigize
uretse kuba inkuru nziza kuri mwe no kugira ngo imitima
yanyu ituze kubera yo. Nta n' ahandi intsinzi ituruka uretse
kwa ALLAH (IMANA) Utsinda, Ushishoza. 127. Kugira ngo

arimbure agatsiko mu bahakanye cyangwa agasuzuguze,
kakagaruka kamwaye. 128. (Muhammad)! Nta bushobozi
ubifiteho, (IMANA (ALLAH)) yakwakira ukwicuza
kwabo cyangwa akabahana. Mu by' ukuri bo ni abahuguza.
129. Ibyo mu birere n' ibyo mu isi ni ibya IMANA (ALLAH).
Ahanaguraho ibyaha uwo ashaka kandi agahana uwo ashaka.
ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi.

130. Yemwe Abemeye! Ntimukarye Riba mwungikanya,
kandi mugandukire ALLAH (IMANA) kugira ngo
mukiranuke. 131. Munatinye umuriro wo wateguriwe
abahakanyi. 132. Mwumvire ALLAH (IMANA) n'
Intumwa kugira ngo mugirirwe imbabazi. 133. Munihutire
uguhanagurwaho ibyaha guturuka kwa Nyagasani wanyu
na Djannah yateguriwe abaganduka. Ubugari bwayo ni
ibirere n' isi. 134. Abatanga mu byishimo no mu ngorane
bagatsinda uburakari bakanababarira abantu. Kandi ALLAH
(IMANA) akunda abagiraneza. 135. Na babandi iyo bakoze
igikozasoni cyangwa bakihuguza bibuka ALLAH (IMANA)
basaba guhanagurwaho ibyaha byabo. Ni nde uhanagura
ibyaha uretse IMANA (ALLAH)!? Ntibanatsimbarara
ku byo bakoze kandi babizi. 136. Abo ibihembo byabo ni
uguhanagurwaho ibyaha guturutse kwa Nyagasani wabo
na Djannah zitembamo imigezi, bazabamo ubuziraherezo.
Ibyo ni ibihembo byiza by' abakora. 137. Mbere yanyu hahise
ingero. Ngaho nimutambagire isi maze murebe uko iherezo
ry'abahinyura ryabaye. 138. Ibi ni ibisobanuro ku bantu,
ubuyobozi n' inyigisho ku baganduka.

139. Ntimucike intege ntimunagire agahinda ni mwe
abo hejuru niba muri Abemera. 140. Niba mwagezweho

n' igikomere, n'abantu (abanzi), igikomere nk'icyo cyabagezeho. Iyo minsi tuyisimburanya hagati y' abantu no kugira ngo ALLAH (IMANA) agaragaze abemeye anagire muri mwe Shuhadaa'u. Kandi ALLAH (IMANA) ntakunda abahuguza. [141.] No kugira ngo ALLAH (IMANA) yeze Abemera anoreke uruhongohongo abahakanyi. [142.] Ese mwibwirako muzinjira muri Djannah, ALLAH (IMANA) atari yerekana abaharaniye inzira ye muri mwe akanagaragaza abihangana!? [143.] Nyamara mwajyaga mwifuza urupfu mbere y' uko muhura na rwo. Mu by' ukuri mwarubonye namwe mureba.

[144.] Muhammad nta kindi ari cyo uretse kuba intumwa. Mbere ye hari izindi ntumwa zahise. Ese apfuye cyangwa se yishwe mwahindukirira ku dutsintsino twanyu? Uzahindukirira ku dutsintsino twe nta cyo azatwara IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) azahemba abashimira. [145.] Umuntu ntashobora gupfa keretse ku bushake bwa IMANA (ALLAH). Ni igihe cyagenwe. Ushaka ibihembo by' isi tumuhaho n' ushaka ibihembo by' imperuka tukamuhaho. Kandi tuzahemba abashimira. [146.] Ni abahanuzi bangahe barwanye bari kumwe n' abayoboke benshi, ntibatezuka kubera ibyabagezeho mu nzira ya IMANA (ALLAH), ntibacika intege, ntibanemera kuba ingaruzwamuheto!? ALLAH (IMANA) akunda abihangana. [147.] Nta rindi jambo ryabo uretse kuvuga : ayi Nyagasani wacu! Duhanagurire ibyaha byacu, kurengera mu myifatire yacu, ukomeze ibirenge byacu, unadutabare ku bantu b'abahakanyi. [148.] ALLAH (IMANA) abaha ibihembo by' isi n' ibihembo byiza by' imperuka. Kandi ALLAH (IMANA) akunda abagiraneza.

149. Yemwe Abemeye! Nimwumvira abahakanye
bazabasubiza ku dutsintsino twanyu, muhindukire muri
abahomba. 150. Ahubwo ALLAH (IMANA) ni We murinzi
wanyu, kandi ni We Uhebuje mu batabazi. 151. Tuzatera
ubwoba mu mitima y'abahakanyi kuko babangikanyije
ALLAH (IMANA) ku bw'ibyo atamanuriye gihamya.
Ubuhungiro bwabo ni umuriro. Ni icyicaro kibi ku bahuguza.
152. Mu by' ukuri isezerano rye yarigize ukuri kuri mwe
ubwo mwabicaga ku bushake bwe kugeza ubwo mudohotse,
mujya impaka ku itegeko muranigomeka nyuma y' uko
abereka ibyo mukunda. Muri mwe hari ushaka isi no muri
mwe hari ushaka imperuka. Hanyuma arababatesha kugira
ngo abagerageze. Mu by' ukuri yarababariye. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Nyir'ingabire ku bemera. 153. Zirikana
ubwo mwayabangiraga ingata nta we mukebuka Intumwa
ibahamagarira inyuma yanyu. (IMANA (ALLAH)) abahemba
ishavu ku ishavu kugira ngo mutababazwa n' ibyabacitse
cyangwa n' ibyababayeho. Kandi ALLAH (IMANA) ni
Umumenyi w'ibyihishe ku byo mukora.

154. Maze nyuma y' ishavu abamanurira ituze n' ibitotsi
bitwikira itsinda muri mwe. Irindi tsinda ryari rishishikajwe
n' imitima yaryo rikekera ALLAH (IMANA) ibitari ukuri
ugukeka kwa djaahiliyyah rivuga riti: ese hari uruhare dufite
kuri iri tegeko? Vuga uti: itegeko ryose ni irya IMANA
(ALLAH). Rihisha mu mitima yaryo ibyo ritakugaragariza,
rivuga riti: iyo tuba dufite uruhare kuri iryo tegeko ntitwari
kwicirwa hano. Vuga uti: n'iyo muza kuba mu ngo zanyu
urupfu rwari kugaragarira abarugenewe mu buryamo
bwabo. Kugira ngo ALLAH (IMANA) agerageze ibiri mu
bituza byanyu aneze ibiri mu mitima yanyu. Kandi ALLAH

(IMANA) ni Umumenyi cyane w' ibiri mu bituza. 155. Mu by' ukuri abateye umugongo muri mwe umunsi amatsinda abiri ahangana, rwose banyerejwe na sha'itwaan kubera bimwe mu byo bakoze. ALLAH (IMANA) yarababababariye. ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Umwitonzi.

156. Yemwe Abemeye ! Ntimukabe nk'abahakanye bavuga ku bavandimwe babo bari ku rugendo cyangwa bari ku rugamba: iyo bagumana natwe ntibari gupfa ntibari no kwicwa kugira ngo ibyo ALLAH (IMANA) abigire agahinda mu mitima yabo. ALLAH (IMANA) ni We utanga ubuzima akanatanga urupfu. ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo mukora. 157. Kandi mwishwe mu nzira ya ALLAH (IMANA) cyangwa mugapfa urw'ikirago; uguhanagurwaho ibyaha n'impuhwe bituruka kwa ALLAH (IMANA) biruta ibyo barundanya. 158. Munapfuye cyangwa mukicwa, kwa ALLAH (IMANA) ni ho muzakoranyirizwa. 159. Ku bw' impuhwe za ALLAH (IMANA) waraboroheye. Iyo uba umunyamwaga n'umunyamutima mubi bari kuguhunga. Bababarire, ubasabire guhanagurwaho ibyaha unabagishe inama ku bintu. Niwiyemeza, wiringire IMANA (ALLAH). Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) akunda abiringira. 160. ALLAH (IMANA) abatabaye ntawabatsinda. Anabatereranye, ni nde wundi wabatabara nyuma ye!? Abemera nibiringire IMANA (ALLAH).

161. Ntibikwiye ko umuhanuzi uwo ari we wese yariganya. Uriganyije azazana ibyo yariganyije ku munsi w' izuka. Hanyuma buri muntu azuzurizwa ibyo yakoze kandi bo badahuguzwa. 162. Ese uwakurikiye kunezeza ALLAH (IMANA) ni kimwe n' ugarukanye uburakari buturutse kwa ALLAH (IMANA) n' ubuhungiro bwe ari Djahannam!? Kandi

ni ryo garukiro ribi. 163. Bo ni inzego kwa IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo bakora. 164. ALLAH (IMANA) yatonesheje Abemera ubwo yaboherezagamo Intumwa ibaturutsemo, ibasomera amagambo Ye, ikabeza ikanabigisha Igitabo n' ubushishozi (imigenzo y' intumwA) n' ubwo mbere bari mu buyobe bugaragara.

165. Cyangwa ubwo mwagerwagaho n'amakuba nyamara mwarayakubye kabiri mukavuga muti: ibyo biturutse he? Vuga uti: ibyo biraturuka kuri mwe ubwanyu. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 166. Ibyabagezeho umunsi amatsinda abiri yasakiranaga ni ku bushake bwa ALLAH (IMANA) no kugira ngo agaragaze Abemera. 167. No kugira ngo ALLAH (IMANA) agaragaze abakora Nifaaq kandi barabwiwe bati: nimuze murwane mu nzira ya ALLAH (IMANA) cyangwa murinde. Baravuga bati: iyo tumenya ko hari imirwano, twari kubakurikira. Bo uwo munsi bari hafi cyane y' ubuhakanyi kurusha ukwemera. Baravugisha iminwa yabo ibitari mu mitima yabo. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uzi cyane ibyo bahisha. 168. Ababwiye bagenzi babo bituramiye bati: iyo batwumvira ntibari kwicwa. Vuga uti: ngaho nimwikingire urupfu niba muri abanyakuri.

169. Ntukeke na gato ko abishwe mu nzira ya ALLAH (IMANA) ari abapfu ahubwo ni bazima kwa Nyagasani wabo, barahabwa amafunguro. 170. Bishimiye ibyo ALLAH (IMANA) yabahaye mu ngabire ze bashishikariza abatari babageraho bakiri inyuma yabo ko nta gutinya kuri bo kandi ko nta n' ubwo bazagira agahinda. 171. Bishimiye inema n' ingabire bivuye kwa ALLAH (IMANA) n' uko ALLAH (IMANA) ataburizamo ibihembo by' abemera. 172. Abitabiriye ALLAH (IMANA) n' Intumwa nyuma y'aho

baboneye ibikomere; abagize neza muri bo bakanaganduka bafite ibihembo bihambaye. 173. Babandi abantu babwiye bati: mu by'ukuri abantu babikoranyirije, nimubatinye. Bibongerera ukwemera baravuga bati: ALLAH (IMANA) araduhagije ni We Uwiringirwa mwiza. 174. Bagarukana inema n'ingabire bya ALLAH (IMANA) nta kibi kibagezeho. Babona ishimwe rya IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ni Nyiringabire zihambaye. 175. Mu by' ukuri uwo ni sha'itwaan aratera ubwoba abambari be. Ntimubatinye ahubwo muntinye niba muri abemera.

176. Abihutira mu buhakanyi ntibagutere agahinda. Mu by' ukuri bo nta cyo batwara IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) arashaka kutazabaha umugabane ku mperuka. Kandi bafite ibihano bihambaye. 177. Mu by'ukuri abaguranye ubuhakanyi ukwemera nta cyo batwara ALLAH (IMANA) kandi bafite ibihano bibabaza. 178. Abahakanye ntibibwire na rimwe ko kubarindiriza kwacu ari byiza kuri bo. Mu by'ukuri tubarindiriza kugira ngo bongere ibicumuro. Kandi bafite ibihano bisuzuguza. 179. ALLAH (IMANA) si uwo kureka Abemera uko muri uko kugeza atandukanyije ikibi ku cyiza. Kandi ALLAH (IMANA) si ubahishurira ibitagaragara. Cyakora ALLAH (IMANA) ahitamo mu ntumwa ze uwo ashaka. Ngaho nimwemere ALLAH (IMANA) n' intumwa ze. Kandi nimwemera mukanaganduka muzabona ibihembo bihambaye.

180. Abagira ubugugu ku byo ALLAH (IMANA) yabahaye mu ngabire ze ntibibwire na rimwe ko ari byo byiza kuri bo. Ahubwo ni bibi kuri bo. Bazanigirizwa ibyo bagiriye ubugugu ku munsi w'izuka. ALLAH (IMANA) ni We ufite izungura ry' ibirere n' isi. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'

ibyihishe mu byo mukora. 181. Ni ukuri ALLAH (IMANA) yumvise imvugo y'abavuze bati: mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni umutindi twe tukaba abakungu. Turandika ibyo bavuze no kwica kwabo abahanuzi bidakwiye tunavuge tuti: nimusogongere ibihano bitwika. 182. Ibyo, ni ukubera ibyo amaboko yanyu yakoze. Kandi mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntabwo ari Uhuguza abagaragu. 183. Abavuze bati: mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yaturazeko tutazemera intumwa iyo ari yo yose keretse ituzaniye igitambo kiribwa n'umuriro. Vuga uti: intumwa zabagezeho mbere yanjye zifite ibitangaza n'ibyo muvuze. Ni kuki mwazishe niba muri abanyakuri!? 184. Nibaguhinyura, n'izindi ntumwa mbere yawe zarahinyuwe kandi zarazanye ibitangaza, ibitabo ndetse n' igitabo kimurika. 185. Buri muntu azasogongera urupfu. Rwose muzuzurizwa ibihembo byanyu ku munsi w' izuka. Uzashyirwa kure y'umuriro akinjizwa muri Djannah azaba atsinze. Ubuzima bw' isi nta cyo buri cyo uretse ibyishimo by' akanya gato bishuka.

186 Rwose muzageragezwa mu mitungo yanyu no muri mwe ubwanyu ndetse muzanumva ugutotezwa kwinshi mu bahawe ibitabo mbere yanyu n' ababangikanyije. Cyakora nimwihangana mukaganduka mu by'ukuri ibyo ni mu byemezo byiza bihambaye. 187 Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yakiriye isezerano rikomeye ry' abahawe ibitabo; mugomba kubisobanurira abantu mutabihisha; babita inyuma y'imigongo yabo, babigurana agaciro gato. Ni bibi ibyo babigurana. 188 Rwose ntukeke ko abiratira ibyo bakoze bakanakundako bashimirwa ibyo batakoze, ntukeke na gato ko bazakiranuka n'ibihano kandi bafite ibihano bibabaza.

189 Ubwami bw'ibirere n'isi ni ubwa IMANA (ALLAH).
Kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.
190. Mu by'ukuri mu kuremwa kw'ibirere n'isi
n'urunyuranyurane rw'ijoro n'amanywa, harimo ibimenyetso
ku banyabwenge. 191. Babandi bambaza ALLAH (IMANA)
bahagaze, bicaye banaryamye. Bakibaza ku iremwa ry' ibirere
n' isi (bavugA) : ayi Nyagasani wacu! Ibi ntiwabiremye ku
busa, ubutagatifu ni ubwawe. Turinde ibihano by' umuriro.
192. Ayi Nyagasani wacu! Mu by' ukuri Wowe uwo winjije
mu muriro uba umusuzuguje. Kandi abahuguza nta batabazi
bagira. 193. Ayi Nyagasani wacu! Mu by' ukuri twe twumvise
uhamagara, ahamagarira ukwemera: nimwemere Nyagasani
wanyu, turemera. Ayi Nyagasani wacu! Duhanagureho ibyaha
byacu, udukureho ibicumuro byacu, kandi uduhuze n' abeza.
194. Ayi Nyagasani wacu! Unaduhe ibyo wadusezeranyije
binyuze ku ntumwa zawe. Ntuzatumwaze ku munsi w' izuka.
Mu by' ukuri Wowe ntiwica isezerano.
195. Nyagasani wabo abakirira ugusaba (ati) mu by'ukuri
Jye simburizamo igikorwa cy'uwagikoze muri mwe yaba
gabo cyangwa gore, mukomokanamo. Abakoze Hidj'rah
bakameneshwa mu ngo zabo, bagatotezwa mu nzira yanjye
bakarwana bakanicwa. Rwose nzabakuraho ibicumuro byabo
nzanabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi. Ni ibihembo
biturutse kwa ALLAH (IMANA) kandi ALLAH (IMANA)
afite ibihembo byiza. 196. Ntuzashukwe n'umudendezo
w'abahakanye ku isi. 197. Ni umunezero w' akanya gato,
hanyuma ubuhingiro bwabo ni Djahannam kandi ni yo saso
mbi. 198. Ariko abagandukiye Nyagasani wabo bafite Djannah
zitembamo imigezi bazazibamo ubuziraherezo. Ni ukwakirwa
guturutse kwa IMANA (ALLAH). Kandi ibiri kwa ALLAH

(IMANA) ni byo byiza ku beza. 199. Mu by’ ukuri mu bahawe
ibitabo hari abemera IMANA (ALLAH), ibyo mwamanuriwe
n’ibyo bamanuriwe. Bibombarika kuri ALLAH (IMANA)
ntibagurana amagambo ya ALLAH (IMANA) igiciro gito.
Abo bafite ibihembo byabo kwa Nyagasani wabo. Mu by’
ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwihutisha ibarura. 200. Yemwe
Abemeye! Mujye mwihangana, mwihanganishanye munabe
ku rugerero ndetse mugandukire ALLAH (IMANA) kugira
ngo mukiranuke.

Surat 4

# AN-NISSAA’U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yemwe bantu! Mugandukire Nyagasani wanyu wabaremye
abakomoye ku muntu umwe, akamuremamo umugore we;
akwirakwiza abagabo benshi n’abagore ababakomoyemo.
Ngaho nimugandukire ALLAH (IMANA) We musabana ku
bwe (munatinye gucA) imiryango. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) kuri mwe ni Umugenzuzi. 2 Muhe impfubyi
imitungo yazo. Kandi icyiza ntimukakigurane ikibi.
Ntimukanavange imitungo yazo n’iyanyu ngo muyirye. Mu
by’ukuri icyo ni icyaha gikomeye. 3 Nimutinya ukubera mu
mpfubyi; nimurongore ababashimishije mu bandi bagore:
babiri, batatu cyangwa bane. Nimutinya ukubera abe umwe
cyangwa abaja banyu. Ibi ni byo byegereye ukutarengera
kwanyu. 4 Mujye muha abagore inkwano zabo ari impano.
Nibagira icyo babahamo ku neza mujye mucyakirana ubwuzu
n’ umutima mwiza.

5 Ntimugahe ibicucu imitungo yanyu ALLAH (IMANA)
yagize ikibabeshaho. Mubagaburiremo, mubambikemo
munababwire ijambo ryiza. 6 Mujye mugerageza impfubyi
kugeza ubwo zigeze mu gihe cyo gushaka. Nimuzibonamo
uguca ubwenge mujye muziha imitungo yazo. Ntimukayirye
musesagura mutanguranwa n' uko zikura. Uzaba yishoboye
azifate; uzaba ari umutindi azarye ashyira mu gaciro. Igihe
muziha imitungo yazo mujye muzishakira ababihamya,
kandi ALLAH (IMANA) arahagije kuba Ubarura. 7 Abagabo
bafite umugabane mu byo ababyeyi bombi n' abo bafitanye
isano basize n'abagore bafite umugabane mu byo ababyeyi
n' abo bafitanye isano basize. Byaba bike cyangwa byinshi
hari umugabane utegetswe. 8 Abo bafitanye isano, impfubyi
n' abakene nibaba bahari mu igabana mujye mubahamo
munababwire ijambo ryiza. 9 Ababa batinya gusiga inyuma
yabo urubyaro rw' intege nke, nibatinye (gufata nabi impfubyi)
bagandukire ALLAH (IMANA) banavuge ijambo rihwitse.
10 Mu by'ukuri abarya imitungo y'impfubyi bahuguza, rwose
ibyo barya ni umuriro mu nda zabo kandi bazinjira muri Saiir
11. ALLAH (IMANA) arabategeka mu izungura ry'abana
banyu: Gabo afata urugero rw'umugabane wa gore kabiri.
Nibaba gore barenze babiri, bafata bibiri bya gatatu by'ibyo
yasize. Ni aba ari umwe afata icya kabiri. Na buri umwe
mu babyeyi be bombi afite icya gatandatu mu byo yasize
niba afite umwana. Niba adafite umwana akazungurwa
n' ababyeyi be bombi, nyina afata icya gatatu. Niba afite
abavandimwe, nyina afata icya gatandatu, nyuma y' irage
yaraze cyangwa umwenda. Ba so n' abahungu banyu
ntimuzi ubafitiye akamaro kurusha undi. Itegeko riturutse
kwa IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)

ni Umumenyi cyane, Ushishoza. 12. Mufata icya kabiri cy' ibyo abagore banyu basize niba badafite abana. Iyo bafite abana mufata icya kane cy' ibyo basize nyuma y' irage baraze cyangwa umwenda. Na bo bafata icya kane mu byo mwasize iyo mudafite abana. Iyo mufite abana bafata icya munani mu byo mwasize nyuma y'irage mwaraze cyangwa umwenda. Iyo umugabo azunguwe ari incike cyangwa umugore, akaba afite umuvandimwe cyangwa mushiki we, buri umwe muri bombi ahabwa icya gatandatu. Baba barenze abo, bafatanya icya gatatu nyuma y' irage ryarazwe cyangwa umwenda nta kubabaza (abazungurA). Itegeko riturutse kwa IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Umwitonzi. 13. Izo ni imbago za IMANA (ALLAH). Abumvira ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye azabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo. Uko ni ugutsinda guhambaye. 14. N' uzigomeka kuri ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye akarengera imbago ze azamwinjiza mu muriro azabamo ubuziraherezo kandi afite ibihano bisuzuguza.

15. No mu bagore banyu abakora ibikozasoni (ubusambanyi) hakaboneka muri mwe ababibahamya bane. Nibatanga ubuhamya muzabafungire mu ngo kugeza ubwo bashyikiwe n'urupfu cyangwa ALLAH (IMANA) akabagenera ubundi buryo. 16. Abakora (ubusambanyi, yaba gabo cyangwa gore) muri mwe muzababababaze. Nibicuza bagakora neza muzabihorere. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni We wakira ukwicuza, Nyirimbabazi. 17. Mu by' ukuri ukwicuza ALLAH (IMANA) yakira ; ni kuri babandi bacumura ku bujiji hanyuma bakicuza vuba. Abo ALLAH (IMANA) yakira ukwicuza kwabo kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi

cyane, Ushishoza. 18. Nta bwo ukwakiririrwa ukwicuza ari ukwa babandi bacumura kugeza ubwo umwe muri bo agerwaho n'urupfu akavuga ati: noneho ubu ndicujije. Cyangwa ntikuba kuri babandi bapfa ari abahakanyi. Abo twabateguriye ibihano bibabaza.

19. Yemwe Abemeye! Ntimuziruriwe kuzungura abagore ku gahato kandi ntimukabagore kugira ngo mubambure bimwe mu byo mwabahaye keretse bakoze icyaha kigaragara. Nimubane na bo ku neza. Nimubanga hari ubwo mwakwanga ikintu ALLAH (IMANA) akagishyiramo imigisha myinshi. 20. Nimushaka kurongora umugore mumusimbuza undi, mukaba mwarahaye umwe muri bo akayabo ntimuzagire icyo mugabanyaho. Ese muragitwara kandi ari amahugu n' icyaha kigaragara!? 21. Ni gute mwagitwara kandi mwarahanye ibanga bakaba baranabafasheho isezerano rikomeye!? 22. Ntimukarongore abarongowe na ba so mu bagore uretse ibyahise (mbere ya Islaam). Mu by' ukuri icyo ni igikozasoni kirakaza kandi ni inzira mbi.

23. Muziririjwe kurongora: ba nyoko, abakobwa banyu, bashiki banyu, ba nyogosenge, ba nyoko wanyu, abakobwa b' ababavandimwe banyu, abishywa banyu, ba nyoko babonkeje, bashiki banyu mwasangiye ibere, ba nyokobukwe, abakobwa mwareze b' abagore banyu mwarwubakanye niba mutararwubakanye nta cyaha mufite, n' abakazana banyu ku bana babakomokaho, no gutunga abavandimwe babiri uretse ibyahise (mbere ya Islaam). Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 24. N' abubatse mu bagore uretse abaja banyu. Ni itegeko rya ALLAH (IMANA) kuri mwe. Muziruriwe abatari abo ko mushakisha imitungo yanyu

murongora mutari abasambanyi. Icyo muzishimisha na cyo
muri bo mubarongora muzabahe inkwano zabo z' itegeko.
Nta kibi kuri mwe ku byo mwemeranyijweho birenze ku
nkwano. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane, Ushishoza. 25. Uzaba adafite amikoro muri mwe yo
kurongora abigenge bemera, yarongora mu baja banyu
abakobwa bemera. ALLAH (IMANA) ni We uzi cyane
ukwemera kwanyu. Mukomokanaho, mujye mubarongora ku
burenganzira bw' ababahatse, mubahe inkwano zabo ku neza
biyubashye, batari abasambanyi cyangwa batishyiriyeho
abasambane. Nibamara kurongorwa bagakora ibikozasoni,
bazahabwe icya kabiri cy' ibihano cy' abigenge. Ibyo ni
ku utinya kugwa mu busambanyi muri mwe. Ukwihangana
kwanyu ni byo byiza kuri mwe. Kandi ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

26. ALLAH (IMANA) arashaka kubagaragariza no
kubayobora imigirire y' abababanjirije no kwakira ukwicuza
kwanyu. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane,
Ushishoza. 27. ALLAH (IMANA) arashaka kwakira ukwicuza
kwanyu n' aho abakurikira irari barashakako mwatana ugutana
guhambaye. 28. ALLAH (IMANA) arashaka kuborohereza
kuko umuntu yaremwe ari umunyantegenke.

29. Yemwe Abemeye! Ntimukarye imitungo yanyu hagati
yanyu ku mahugu keretse ari ubucuruzi bushingiye ku
bwumvikane. Kandi ntimukiyahure mu by' ukuri ALLAH
(IMANA) ni Nyirimbabazi kuri mwe. 30. Uzabikora arengera
anahuguza tuzamwinjiza mu muriro kandi kuri ALLAH
(IMANA) ibyo biroroshye. 31. Nimwirinda ibyaha bikomeye
mubuzwa, tuzabakuraho ibicumuro byanyu tunabinjize mu
irembo ryubahitse. 32. Ntimuzifuze ibyo ALLAH (IMANA)

yarutishije bamwe ku bandi; abagabo bafite umugabane ku byo bakoreye n' abagore bafite umugabane ku byo bakoreye. Musabe ALLAH (IMANA) mu ngabire ze mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.
33. Buri wese twamugeneye abazungura mu byasizwe n' ababyeyi n' abo bafitanye isano. Abo mwagiranye igihango muzabahe umugabane wabo mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni We Muhamya wa buri kintu.

34. Abagabo ni abahagararizi b'abagore kubera ibyo ALLAH (IMANA) yabarutishije ubwabo ku bwabo no ku bw' ibyo batanze mu mitungo yabo. Abagore batunganya, bibombarika, bakazirikana iby' abo bashakanye badahari kubera uburenganzira ALLAH (IMANA) yabahaye (ku bagabo). Kandi abo mutinya ukwigomeka kwabo mujye mubigisha, mubimuke mu buryamo (nibanangirA) mubakubite. Nibabumvira ntimuzabashakeho impamvu. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwikirenga, Umukuru.
35. Nimutinya ubutane hagati yabo bombi muzohereze umwunzi mu bantu be(umugabo) n' umwunzi mu bantu be(umugore). Nibashaka gutunganya ALLAH (IMANA) azabashoboza mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Umumenyi w' ibyihishe.

36. Kandi mujye mugaragira IMANA (ALLAH), ntimukamubangikanye n' icyo ari cyo cyose. N'ababyeyi bombi mujye mubagirira ineza, abo mufitanye isano, impfubyi, abakene, umuturanyi mufitanye isano, umuturanyi usanzwe, inshuti ya hafi, uri ku rugendo n' abacakara banyu. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda umunyagasuzuguro, umwirasi.
37. Babandi bagundira bagashishikariza abantu ubugugu bakanahisha ibyo ALLAH (IMANA) yabahaye

mu ngabire ze. Twateguriye abahakanyi ibihano bisuzuguza.
38. Na babandi batanga imitungo yabo biyereka abantu
batemera ALLAH (IMANA) cyangwa umunsi w’ imperuka.
Uwo Sha’itwaan abereye inshuti aba agize inshuti mbi.
39. Bari kuba iki iyo bemera ALLAH (IMANA) n’umunsi
w’ imperuka bakanatanga mu byo ALLAH (IMANA)
yabagabiye!? Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubazi cyane.
40. Mu by’ ukuri ALLAH (IMANA) ntahuguza n’ubwo
cyaba ari igipimo cya Dharra. Cyaba ari cyiza akagitubura
akanatanga ku bwe ibihembo bihambaye.
41. Bizamera bite ubwo tuzazana muri buri ummah
umuhamya tukanakuzana uri umuhamya kuri abo!?
42. Kuri uwo munsi abahakanye bakanigomeka ku ntumwa
bazifuzako isi yaringanizwa na bo kandi nta jambo bahisha
IMANA (ALLAH). 43. Yemwe Abemeye! Ntimukegere
Swalaat mwasinze kugeza igihe mumenyeye ibyo muvuga,
cyangwa mufite Djanaabah keretse mwambukiranya inzira
kugeza mwiyuhagiye. Niba murwaye cyangwa muri ku
rugendo cyangwa umwe muri mwe avuye k’umusarani
cyangwa mwabonanye n’abagore banyu ntimubone amazi
mujye mukora Tayammum n’itaka risukuye; muryihanaguze
uburanga bwanyu n’ amaboko yanyu. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) ni Ubabarira cyane, Uhebuje mu guhanagura
ibyaha.
44. Ese ntureba abahawe umugabane w’ubumenyi mu
bitabo bahitamo ubuyobe bakanashakako muyoba inzira!?
45. ALLAH (IMANA) ni We uzi cyane abanzi banyu kandi
ALLAH (IMANA) arahagije kuba Umurinzi aranahagije
kuba Umutabazi. 46. Mu babaye Abayahudi hari abahindura
amagambo bayakura mu myanya yayo bakavuga bati:

turumvise ariko turigometse. Umva utumvwa kandi raiina bagoreka indimi zabo banakerensa idini. Nyamara iyo bavuga bati: turumvise turanumviye. Umva kandi undhur'naa byari kuba byiza binagororotse kuri bo. Cyakora ALLAH (IMANA) yarabavumye kubera ubuhakanyi bwabo ntibemera uretse gake.

47. Yemwe Abahawe ibitabo! Nimwemere ibyo twamanuye bihamya ibyo mufite mbere y' uko dusiba uburanga tukanabuhindukiza inyuma habwo cyangwa tukabavuma nk' uko twavumye ab' isabato. Kandi itegeko rya ALLAH (IMANA) rirakorwa. 48. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ntahanagura icyaha cyo kumubangikanya. Ahanagura ibitari ibyo k'uwo ashaka. Ubangikanya ALLAH (IMANA) aba ahimbye icyaha gihambaye. 49. Ese ntubona abo bigira abere ubwabo!? Ahubwo ALLAH (IMANA) yeza uwo ashaka. Ntibazahuguzwa habe na fatiil. 50. Reba uko bahimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma! Kandi birahagije kuba icyaha kigaragara.

51. Ese ntubona abahawe umugabane w'ubumenyi bw' ibitabo bemera Djib't na Twaaghuut bakanabwira abahakanye bati: bariya ni bo bayobotse inzira kurusha abemeye (IMANA (ALLAH)). 52. Abo ni bo ALLAH (IMANA) yavumye. Kandi uwo ALLAH (IMANA) yavumye ntuzamubonera Umutabazi. 53. Cyangwa bafite umugabane mu bwami! Ari uko, ntibaha abantu habe na Naqiir 54. Cyangwa baragirira ishyari abantu ku byo ALLAH (IMANA) yabahaye mu ngabire ze ! Mu by' ukuri twahaye umuryango wa Ibraahim ibitabo, ubushishozi tunabaha ubwami buhambaye. 55. Muri bo hari uwabyemeye no muri bo hari uwabiteye umugongo. Kandi Djahannam irahagije kuba Saiir. 56. Mu by' ukuri

abahakanye amagambo yacu tuzabinjiza mu muriro ; buri uko impu zabo zihiye tuzisimbuza izindi kugira ngo basogongere ibihano. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza. 57. Abemeye bagakora ibitunganye tuzabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo. Bafitemo abagore basukuye tuzanabinjiza mu gicucu kigaye.

58. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) abategeka gusubiza indagizo ba nyirazo. Kandi mu gihe mukiranuye abantu mujye mubakiranura mu butabera. Ibyo ALLAH (IMANA) ababwiriza ni byiza. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Ubona cyane. 59. Yemwe Abemeye! Nimwumvire ALLAH (IMANA) munumvire Intumwa n' abafite ubutegetsi muri mwe. Nimutavuga rumwe ku kintu mujye mugisubiza kwa ALLAH (IMANA) no ku Ntumwa niba mwemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w' imperuka. Ibyo ni byo byiza binafite iherezo ryiza. 60. Ese ntubona abigambako bemeye ibyo wamanuriwe n'ibyamanuwe mbere yawe!? Barashakako bakiranurwa na Twaaghuut kandi barategetswe kuyihakana. Sha'itwaan arashaka kubayobya ukuyoba gukabije. 61. N'iyo babwiwe ngo nimuze tugane ku byo ALLAH (IMANA) yamanuye no ku Ntumwa ubona abakora Nifaaq bagutera umugongo. 62. Bizamera bite ubwo amakuba azaba abagezeho kubera ibyo bakoze!? Hanyuma bakakugana barahira ALLAH (IMANA) (bavugA) : nta kindi twashatse uretse ineza no kwunga. 63. Abo ngabo ALLAH (IMANA) azi ibiri mu mitima yabo. Birengagize, ubabwirize unababwire muri bo ijambo risobanutse.

64. Ntitwohereje intumwa iyo ari yo yose uretse kugira ngo yumvirwe ku bushake bwa IMANA (ALLAH). Nyamara bamaze kwihuguza bakugana basaba ALLAH

(IMANA) guhanagurwaho ibyaha n'Intumwa ikabasabira
guhanagurwaho ibyaha bari gusanga ALLAH (IMANA) ari
Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi. 65. Oya! Ndahiye
ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazemera by'ukuri kugeza
ubwo bagusaba kubakiranura mu byo bashyamiranyeho,
kandi ntibagire mu mitima yabo ingingimira mu byo
waciyemo urubanza, kandi babyakire banyuzwe. 66. Niyo Twe
tubategeka ngo mwiyice cyangwa musohoke mu ngo zanyu
ntibari kubikora uretse bake muri bo. Nyamara iyo bakora
ibyo babwirizwa, byari kuba byiza kuri bo n'ibibakomeza
cyane. 67. Ku bw'ibyo, twari kubaha ibihembo bihambaye
biduturutseho. 68. Twari no kubayobora inzira igororotse.
69. Abumvira ALLAH (IMANA) n'Intumwa, abo bazaba bari
kumwe n'abo ALLAH (IMANA) yahundagajeho inema ze
mu bahanuzi, abanyakuri, Shuhadaa'u n'abakora ibitunganye,
abo akaba aribo nshuti nziza. 70. Izo ni ingabire ziturutse kwa
ALLAH (IMANA) kandi birahagije kuba ALLAH (IMANA)
ari Umumenyi cyane.

71. Yemwe abemeye! Mwitondere (abanzi banyu), kandi
mujye mujya ku rugamba mu matsinda atandukanye cyangwa
muri hamwe. 72. Mu by'ukuri muri mwe hari mo uwanga
kujya ku rugamba kandi iyo mugezweho n'ibyago akavuga
ati: Rwose ALLAH (IMANA) yampundagajeho inema kuba
ntari kumwe na bo. 73. N'iyo mugezweho n'ingabire ziturutse
kwa IMANA (ALLAH), rwose avuga nk'aho nta rukundo
rwari hagati yanyu na we agira ati: Iyo nza kuba hamwe na
bo ngatsinda ugutsinda guhambaye! 74. Nibarwanye mu nzira
ya ALLAH (IMANA) abagurana ubuzima bw'isi imperuka.
Kandi uzarwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) akicwa
cyangwa agatsinda, tuzamuha ibihembo bihambaye. 75. Ni

gute mwe mutarwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) kandi abanyantege nke mu bagabo no mu bana bavuga bati: Ayi Nyagasani wacu! Tuvane muri uyu mudugudu (kuko) abawo ni abahuguza. Kandi uduhe umurinzi uturutse iwawe unaduhe umutabazi uturutse iwawe [76.] Abemeye barwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) n'aho abahakanye bakarwana mu nzira ya twaaghuut! Ngaho nimurwanye inshuti koya za sha'itwaan, mu by'ukuri uburiganya bwa sha'itwaan burorosh ye.

[77.] Ese ntubona ababwiwe bati: Muhagarike imirwano ahubwo muhozeho Swalaat munatange Zakaat. Ubwo bategekwaga kurwana, ni bwo agatsiko muri bo katinye abantu nk'uko kagatinye ALLAH (IMANA) cyangwa ugutinya kurenzeho. Karavuga kati: Ayi Nyagasani wacu! Kuki wadutegetse kurwana? Iyo uturindiriza igihe cya hafi. Vuga uti: Ibyishimo by'isi ni iby'igihe gito n'aho imperuka ni nziza ku baganduka kandi ntimuzahuguzwa habe na Fatiil. [78.] Aho muzaba muri hose urupfu ruzabasanga. N'ubwo mwaba mu nyubako z'imitamenwa. N' iyo bagezweho n' icyiza, baravuga bati: Iki giturutse kwa IMANA (ALLAH), bagerwaho n'ikibi bakavuga bati: Iki kiguturutseho. Vuga uti: Byose bituruka kwa IMANA (ALLAH). Ese ni kuki aba bantu batari hafi yo gusobanukirwa amagambo!? [79.] Ikikubayeho mu byiza kiba giturutse kwa ALLAH (IMANA) n'aho ikibi kikubayeho kiba kiguturutseho. Kandi twakohereje ku bantu uri intumwa, kandi ALLAH (IMANA) arahagije kuba Umuhamya.

[80.] Uwumviye Intumwa mu by'ukuri aba yumviye IMANA (ALLAH). N'aho uteye umugongo nta bwo twakohereje ngo ube umurinzi kuri bo. [81.] Baravuga bati: Ukumvira! Bava iwawe agatsiko muri bo kakararana umugambi w'ibitari ibyo

kavuze. Nyamara ALLAH (IMANA) yandika ibyo kararana. Kirengagize kandi wiringire IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) arahagije kuba Uwiringirwa. 82. Ese ntibatekereza kuri Qur'aan!? Iyo iza kuba yaraturutse ku wundi utari IMANA (ALLAH), bari kuyisangamo ukwivuguruza kwinshi. 83. N'iyo bagezweho n'ikintu cy'umutekano cyangwa cy'ubwoba baragisakaza, nyamara iyo bagisubiza ku Ntumwa n'abafite ubutegetsi muri bo, cyari kumenywa n'abagicukumbura muri bo. Iyo zitaba ingabire n'imbabazi bya ALLAH (IMANA) kuri bo, mwari gukurikira sha'itwaan uretse bake.

84. Rwana mu inzira ya IMANA (ALLAH), ntawe ubazwa uretse wowe ubwawe. Ushishikaze abemera. Kugira ngo ALLAH (IMANA) ahagarike ikibi cy'abahakanyi. Kandi ALLAH (IMANA) ni We ufite imbaraga cyane ni na We ufite ibihano bikaze. 85. Uzavuganira ukuvuganira kwiza azakugiramo umugabane n'uzavuganira ukuvuganira kubi na we azakugiramo umugabane kandi ALLAH (IMANA) ni We ufite ubushobozi kuri buri kintu. 86. Nimuramutswa indamutso (nzizA) mujye musubiza iyirusha cyangwa musubize nka yo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ubarura buri kintu. 87. IMANA (ALLAH), nta wukwiriye gusengwa by'ukuri uretse We. Rwose azabakoranyiriza hamwe ku munsi w'imperuka udashidikanywaho. Ni nde warusha ALLAH (IMANA) imvugo y' ukuri!?

88. Kuki muri amatsinda abiri ku bakora Nifaaq kandi ALLAH (IMANA) yarabadindije kubera ibyo bakoze? Ese murashaka kuyobora uwo ALLAH (IMANA) yayobeje? Kandi uwo ALLAH (IMANA) yayobeje ntuzamubonera inzira. 89. Bifujeko mwahakana nk'uko bahakanye mukaba

kimwe. Ntimukagire muri bo inshuti koya kugeza bimutse kubera inzira ya IMANA (ALLAH); nibatera umugongo, mubacakire mubice aho mubasanze hose. Kandi ntimuzagire muri bo inshuti koya cyangwa umutabazi. 90. Uretse babandi bagera ku bantu mufitanye amasezerano (y'amahoro), cyangwa babagezeho imitima yabo yanga kubarwanya cyangwa kurwanya bene wabo. Iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubaha ububasha bakabarwanya. Nibabareka ntibabarwanye bakishyira mu maboko yanyu, ALLAH (IMANA) nta nzira yabahaye kuri bo. 91. Muzasanga abandi bashaka kubaha amahoro no kuyaha bene wabo. Buri uko basubijwe mu bigeragezo babigaragurwamo. Nibatabireka ngo babahe amahoro bakanahagarika imirwano, mubacakire mubice aho mubasanze hose. Abo twabahaye ububasha bugaragara kuri bo.

92. Ntibyemeweko uwemera yica uwemera uretse bimugwiririye. N'uwishe uwemera bimugwiririye; abohora umucakara wemera akanatanga icyiru gihabwa abe, kereka babitanzemo Swadaqah. Iyo uwishwe akomoka mu bantu b'abanzi banyu we ari uwemera, uwishe abohora umucakara wemera. Niba akomoka mu bantu mufitanye amasezerano (y'amahoro); atanga icyiru gihabwa abe akanabohora umucakara wemera. Utabonye (umucakara abohorA) nasibe amezi abiri akurikirana, kugira ngo ALLAH (IMANA) yemere ukwicuza. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza. 93. N'aho uwica uwemera abigambiriye, igihano cye ni Djahannam azabamo ubuziraherezo kandi ALLAH (IMANA) aramurakarira, akamuvuma yanamuteguriye ibihano bihambaye.

94. Yemwe abemeye! Nimujya mujya mu ngendo z'inzira

ya ALLAH (IMANA) mujye mushishoza, ntimukabwire ubahaye Salaam muti: Ntabwo uri Uwemera. Ari ugushaka amaronko y'ubuzima bw'isi. Kwa ALLAH (IMANA) ni ho hari inyungu nyinshi, uko ni ko mwari mumeze mbere, ALLAH (IMANA) arabagabira, nimushishoze rero. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora. 95. Ntibangana; abaturamye mu bemera badafite ubumuga n'abaharanira inzira ya ALLAH (IMANA) bakoresheje imitungo yabo na bo ubwabo. ALLAH (IMANA) yasumbishije urwego abaharanira inzira ya ALLAH (IMANA) bakoresheje imitungo yabo na bo ubwabo ku baturamye. Kandi bose ALLAH (IMANA) yabasezeranyije ibyiza. Nyamara ALLAH (IMANA) asumbisha abaharanira inzira ye abaturamye ibihembo bihambaye. 96. Inzego zimuturutseho no guhanagura ibyaha n'impuhwe kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi

97. Mu by'ukuri abihuguje bakurwamo roho n'Abamala'ika bababwira bati: Mwari mu biki? Bakavuga bati: Twagizwe abanyantegenke mu gihugu. Bakavuga bati: Ese isi ya ALLAH (IMANA) ntiyari ngari ngo mukore Hidj'rah!? Abo Icyicaro cyabo ni Djahannam akaba ari yo garukiro ribi. 98. Keretse abagizwe abanyantegenke mu bagabo, abagore n'abana badafite uburyo ntibanayoboke inzira. 99. Abo ALLAH (IMANA) azababababarira kandi ALLAH (IMANA) ni Ubabarira cyane, Uhebuje mu guhanagura ibyaha. 100. Ukora Hidj'rah mu nzira ya ALLAH (IMANA) azasanga ku isi umudendezo mwinshi n'ubukungu. N'uzasohoka mu nzu ye akora Hidj'rah kubera ALLAH (IMANA) n'intumwa ye hanyuma akagerwaho n'urupfu, igihembo cye kiba

kibaye kwa IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
101. Nimujya mu rugendo nta kibi kuri mwe kugabanya
Swalaat nimutinyako abahakanyi babagerageza. Mu
by'ukuri abahakanyi ni abanzi kuri mwe bagaragara.
102. N'igihe uzaba uri kumwe na bo ukabayobora muri
Swalaat, itsinda muri bo nirikore Swalaat hamwe na we
rinakomeze intwaro zaryo. Niryubama, ribe inyuma yanyu.
Haze irindi tsinda ritari ryakora Swalaat naryo rikorane na we
Swalaat, ribe menge rinakomeze intwaro zaryo. Abahakanye
bifuzako mwarangara ku ntwaro zanyu n'imitwaro yanyu
bakababatera icya rimwe babatunguye. Nta kibi kuri mwe, niba
mufite imbogamizi nk'imvura cyangwa murwaye kurambika
intwaro zanyu. Mube menge, mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
yateguriye abahakanyi ibihano bisuzuguza. 103. Nimurangiza
Swalaat musingize ALLAH (IMANA) muhagaze, mwicaye,
munaryamye. Nimutekana, muhozeho Swalaat mu by'ukuri
Swalaat ni itegeko rihamye ku bemera kuyikorera igihe.
104. Ntimuzacike intege mu gukurikirana abo bantu, niba
mubabara na bo barababara nk'uko mubabara, mukiringira
kwa ALLAH (IMANA) ibyo batiringira. Kandi ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
105. Rwose Twe twakumanuriye igitabo gikubiyemo
ukuri kugira ngo ukiranure abantu ukoresheje ibyo ALLAH
(IMANA) yakwigishije kandi ntukaburanire abahemu.
106. Usabe ALLAH (IMANA) guhanagurwaho ibyaha. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhangura ibyaha
Nyirimbabazi. 107. Ntukajye impaka ku bihemukira ubwabo.
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda umugambanyi,
umunyabyaha. 108. Bihisha abantu ntibihishe IMANA

(ALLAH); kandi ari kumwe na bo igihe bagambirira ibyo
atishimira mu mvugo. ALLAH (IMANA) ku byo bakora ni
Uhetura.
109. Dore ngaho mwe murababuranira mu buzima
bw'isi. Ni nde uzagisha impaka ALLAH (IMANA) kuri bo
umunsi w'izuka cyangwa ni nde uzababera umuburanyi!?
110. N'ukora ikibi cyangwa akihuguza hanyuma agasaba
ALLAH (IMANA) guhanagurwaho ibyaha asanga ALLAH
(IMANA) ari Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
111. N'ukoze icyaha aba acyikoreye, kandi ALLAH (IMANA)
ni Umumenyi cyane, Ushishoza. 112. N'ukoze igicumuro
cyangwa icyaha hanyuma akakigereka ku mwere aba
yikoreye ikinyoma gikomeye n'icyaha kigaragara. 113. Iyo
zitaba ingabire n'imbabazi za ALLAH (IMANA) kuri wowe
agatsiko muri bo kari gushaka kukuyobya. Nyamara nta
we kayobya uretse ko ubwako kandi nta n'icyo kagutwara.
ALLAH (IMANA) yakumanuriye igitabo n'ubushishozi
anakwigisha ibyo utari uzi. Kandi ingabire za ALLAH
(IMANA) kuri wowe zirahambaye.
114. Nta cyiza na kimwe mu mabanga yabo menshi;
keretse utegeka gutanga Swadaqah, gukora ibitunganye
cyangwa kunga abantu. Ukora ibyo ashaka ishimwe rya
ALLAH (IMANA) tuzamuha ibihembo bihambaye.
115. N'uzatandukana n'Intumwa nyuma y'uko ubuyoboke
bumugaragarira agakurikira inzira itari iya abemera;
tumurekera ibyo yahisemo tukanamwinjiza muri Djahannam
kandi ni ryo garukiro ribi.
116. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntahanagura icyaha cyo
kumubangikanya. Ahanagura ibitari icyo k'uwo ashaka kandi
ubangikanya ALLAH (IMANA) rwose aba ayobye ukuyoba

gukabije. 117. Nta cyo bagaragira kitari We uretse igitsina gore nta ni cyo bagaragira uretse sha'itwaan wigometse. 118. ALLAH (IMANA) yaramuvumye. Aravuga (sha'itwaan) ati: Ndahiye ko nzafata mu bagaragu bawe umugabane uzwi. 119. Rwose nzabayobya, nzabizeza, nzabategeka guca amatwi y'amatungo, nzanabategeka bahindure ibiremwa bya IMANA (ALLAH). Uzagira sha'itwaan inshuti koya aretse ALLAH (IMANA) azaba ahombye igihombo kigaragara. 120. Arabasezeranya, akabizeza. Kandi nta cyo sha'itwani abizeza uretse ibishuko. 121. Abo ishyikiro ryabo ni Djahannam kandi ntibazabona aho bayihungira. 122. N'aho abemeye bagakora ibitunganye tuzabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi. Bazabamo ubuziraherezo. Isezerano rya ALLAH (IMANA) ni ukuri. Ni nde warusha ALLAH (IMANA) imvugo y' ukuri!?

123. Ntabwo ari ku bw'ibyifuzo byanyu cyangwa ibyifuzo bya ba nyiribitabo. Ukora ikibi azagihanirwa nta n'ubwo azibonera umurinzi cyangwa umutabazi utari ALLAH (IMANA). 124. N'uzakora mu bitunganye yaba gabo cyangwa gore akaba ari uwemera abo bazinjira muri Djannah kandi ntibazahuguzwa habe na Naqiir. 125. Ni nde wagira idini ryiza kuruta uwiyeguriye ALLAH (IMANA) kandi akaba ari umugiraneza akanakurikira inzira ya Ibraahiim ari Haniifa. Kandi ALLAH (IMANA) yagize Ibraahiim inshuti magara. 126. Ibiri mu birere no mu isi ni ibya ALLAH (IMANA) kandi ALLAH (IMANA) ni Uhetura buri kintu.

127. Barakubaza ku by'abagore. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni We ubasobanurira ibirebana na bo n'ibyo musomerwa mu gitabo ku bagore b'impfubyi n'abanyantegenke mu bana mudaha ibyo bagenewe, mukanashaka kubarongora. Kandi

mujye mubanira impfubyi mu butabera. Ibyo mukora mu
byiza, ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane kuri byo.
128. Kandi umugore natinya kubuzwa amahoro n’umugabo
we cyangwa kumuta, ntabwo ari bibi kuri bo ko bakwiyunga.
Ukwiyunga ni kwiza. Kandi imitima yaremanywe ubugugu.
Nimugira neza mukanaganduka mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi w’ ibyihishe mu byo mukora.
129. Nta n’ubwo muzashobora kutabera (mu rukundo) hagati
y’abagore n’ubwo mwakwitwararika. Ntimuzabogame
ukubogama kose mukamusiga nk’utendetswe. Kandi
nimwiyunga mukanaganduka mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
130. Kandi nibatandukana, ALLAH (IMANA) azaha buri
wese mu bukungu bwe kandi ALLAH (IMANA) ni Ukwiriye
hose, Ushishoza.

131. Ibiri mu birere ni ibya ALLAH (IMANA) ndetse
n’ibiri mu isi. Mu by’ukuri twagiriye inama abahawe ibitabo
mbere yanyu na mwe ko mugandukira IMANA (ALLAH);
nimumuhakana, mu by’ukuri ibiri mu birere ndetse n’ibiri
mu isi ni ibya IMANA (ALLAH), kandi ALLAH (IMANA)
ni Umukungu, Ushimwa cyane. 132. Ibiri mu birere ni ibya
ALLAH (IMANA) ndetse n’ibiri mu isi kandi ALLAH
(IMANA) arahagije kuba Uwiringirwa. 133. Abishatse
yabavanaho mwa bantu mwe akazana abandi. Kandi ALLAH
(IMANA) kuri ibyo ni Ushoboye cyane. 134. Ushaka ibihembo
by’isi, mu by’ukuri kwa ALLAH (IMANA) hari ibihembo
by’isi n’imperuka. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uwumva
cyane, Ubona cyane.

135. Yemwe Abemeye! Mube abahagararizi b’ubutabera,
abatangabuhamya kubera ALLAH (IMANA) n’ubwo byaba

kuri mwe, ababyeyi cyangwa abo mufitanye isano. Yaba umukungu cyangwa umutindi, ALLAH (IMANA) arabaruta kandi ntimuzakurikire irari ngo muyobe. Nimubogama cyangwa mukabwirengagiza, mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora.

136 Yemwe Abemeye! Nimwemere IMANA (ALLAH), Intumwa ye, Igitabo yahishuriye Intumwa ye n'ibitabo byamanuwe mbere. Uzahakana IMANA (ALLAH), Abamala'ika be, ibitabo bye, intumwa ze n'umunsi wa nyuma azaba ayobye ubuyobe bukabije. 137 Mu by'ukuri abemeye nyuma bagahakana, bakongera bakemera na none bagahakana hanyuma bakiyongera ubuhakanyi, ALLAH (IMANA) nta bwo azabahanaguraho ibyaha nta n'ubwo azabayobora inzira. 138 Geza inkuru nziza ku bakora Nifaaq ko bafite ibihano bibabaza. 139 Abagira abahakanyi inshuti koya baretse Abemera; ese n'icyubahiro babashakaho!? Mu by'ukuri icyubahiro cyose ni icya IMANA (ALLAH).

140. Mu by' ukuri yabamanuriye mu gitabo ko nimwumva amagambo ya ALLAH (IMANA) ahakanwa anakerenswa, ntimuzicarane na bo (abayahakana n'abayakerensA) kugeza ubwo binjira mu kindi kiganiro. Nimuhaguma mu by'ukuri icyo gihe muzaba mumeze nka bo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni ukoranya abakora Nifaaq n' abahakanyi bose muri Djahannam. 141. Ababatega iminsi, mwagira ugutsinda guturutse kwa ALLAH (IMANA) bakavuga bati: Ese ntitwari kumwe namwe? Abahakanye bagira umugabane ku rugamba, bakavuga bati: Ese ntitwabatsinze tukanabarinda abemera? ALLAH (IMANA) azabakiranura ku munsi w'izuka, kandi ALLAH (IMANA) ntazaha abahakanyi inzira ku bemera.

142. Mu by'ukuri abakora Nifaaq baryarya IMANA

(ALLAH), we akaburizamo ubwo buryarya. Iyo bahagurutse
bagiye gukora Swalaat bahagurukana ubunebwe biyereka
abantu, kandi ntibibuka ALLAH (IMANA) uretse gake.
143. Barahuzagurika hagati aho, ntibari muri aba cyangwa
muri bariya. Kandi uwo ALLAH (IMANA) yayobeje
ntuzamubonera inzira. 144. Yemwe Abemeye! Ntimuzagire
abahakanyi inshuti koya muretse Abemera. Ese murashaka
guha ALLAH (IMANA) impamvu igaragara kuri mwe!?
145. Mu by'ukuri Abakora Nifaaq bazashyirwa mu ndiba
y'umuriro hasi, kandi ntuzababonera umutabazi. 146. Uretse
abicujije, bagatunganya, bagafatana urunana kuri ALLAH
(IMANA) bakanegurira idini ryabo IMANA (ALLAH);
abo bari kumwe n'Abemera kandi ALLAH (IMANA)
azaha Abemera ibihembo bihambaye. 147. Ni iyihe nyungu
ALLAH (IMANA) yagira mu kubahana, niba mushimira
mukanemera!? Kandi ALLAH (IMANA) ni Ushima,
Umumenyi cyane.

148. ALLAH (IMANA) ntakunda ukwatura ikibi mu
mvugo uretse uwahugujwe kandi ALLAH (IMANA) ni
Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 149. Mwagaragaza
icyiza mwagihisha cyangwa mwababarira ikibi mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ni Ubabarira cyane, Ushobora cyane.
150. Mu by'ukuri abahakana ALLAH (IMANA) n'intumwa ze
bakanashaka gutandukanya ALLAH (IMANA) n'intumwa ze
bavuga bati: Twemera zimwe tugahakana izindi, bagashaka
kugira inzira hagati aho. 151. Abo ni bo bahakanyi nyabo kandi
twateguriye abahakanyi ibihano bisuzuguza. 152. Abemeye
ALLAH (IMANA) n'intumwa ze ntibavangure n'imwe muri
zo, abo azabaha ibihembo byabo kandi ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

153 Abahawe ibitabo baragusabako ubamanurira igitabo
giturutse mu kirere. Mu by'ukuri basabye Muusa ikirenze
icyo bavuga bati: Twereke ALLAH (IMANA) imbona
nkubone, bakubitwa n'ikibatsi cy'umuriro kubera uguhuguza
kwabo. Hanyuma bigirira inyana (ikigirwamanA) nyuma
y'uko ibisobanuro bibageraho. Icyo turakibabarira, kandi
Muusa tumuha ibimenyetso bigaragara. 154 Tuzamura Twuur
hejuru yabo kubera isezerano ryabo rikomeye. Turababwira
tuti: Nimwinjire mu muryango mwubamye, turanababwira
tuti: Ntimuzarengere ku isabato tunabafataho isezerano
rikomeye.

155. K'ubwo kwica kwabo isezerano ryabo rikomeye,
guhakana kwabo Ayah za IMANA (ALLAH), kwica kwabo
abahanuzi bidakwiye no kuvuga kwabo bati: Imitima yacu
irapfundikiye. Ahubwo ALLAH (IMANA) yarayidanangiye
kubera ubuhakanyi bwabo, ntibemera uretse gake. 156. No
k' ubw'ubuhakanyi bwabo n'imvugo yabo y'ikinyoma
gihambaye kuri Mariam. 157. N'imvugo yabo: Rwose twe
twishe Masiih Isa mwene Mariam intumwa ya IMANA
(ALLAH). Nyamara ntibamwishe ntibanamubambye, ahubwo
(bishe banababambA) uwahawe ishusho ye. Mu by'ukuri na
babandi batabivugaho rumwe baracyamushidikanyaho.
Nta bumenyi bamufiteho usibye gukurikira ugukeka. Mu
by'ukuri nta n'ubwo bamwishe. 158. Ahubwo ALLAH
(IMANA) yamuzamuye iwe kandi ALLAH (IMANA) ni
Utsinda, Ushishoza.

159. Nta n' umwe mu bahawe ibitabo usibye ko azamwemera
rwose mbere yo gupfa kwe(IsA) , no ku munsi w'izuka azaba
umuhamya kuri bo. 160. No kubwo guhuguza kwa bamwe
mu babaye Abayahudi no gukumira kwabo benshi ku nzira

ya IMANA (ALLAH), twabaziririje ibyiza bari baziruriwe.
161. No kwakira kwabo Riba kandi barayibujijwe no kurya kwabo imitungo y'abantu mu buriganya. Twateguriye abahakanyi muri bo ibihano bibabaza.
162. Cyakora, intiti mu bumenyi muri bo n'abemera; bemera ibyo wamanuriwe n'ibyamanuwe mbere yawe. (Nshima by'umwihariko) abahozaho Swalaat. abatanga Zakaat n'bemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka, abo tuzabaha ibihembo bihambaye.

163. Mu by'ukuri Twe twaguhishuriye nk'uko twahishuriye Nuuh n'abahanuzi baje nyuma ye twanahishuriye Ibraahiim, Ismaa'iil, Is'haaq, Ya'aquub n'urubyaro rwe, Isa, Ayyuub, Yuunus, Haaruun na Sula'imaan. Daawuud twamuhaye Zabuur.
164. Hari n'intumwa twakuganiriye mbere n'intumwa tutakuganiriye. ALLAH (IMANA) yavugishije Muusa mu buryo butaziguye.
165. Ni intumwa zitanga inkuru nziza zikanaburira, kugira ngo abantu batazagira urwitwazo kwa ALLAH (IMANA) nyuma y' intumwa. Kandi ALLAH (IMANA) ni Nyiricyubahiro, Ushishoza.

166. Cyakora, ALLAH (IMANA) arahamya ibyo yakumanuriye; yabimanuye ku bumenyi bwe. Abamala'ika barabihamya. Kandi ALLAH (IMANA) arahagije kuba Umuhamya.
167. Mu by'ukuri abahakanye bagakumira ku inzira ya ALLAH (IMANA) rwose barayobye Ubuyobe bukabije.
168. Mu by'ukuri abahakanye bakanahuguza, ALLAH (IMANA) si uwo kubahanaguraho ibyaha cyangwa kubayobora inzira.
169. Uretse inzira ya Djahannam bazabamo ubuziraherezo kandi ibyo kwa ALLAH (IMANA) biroroshye.
170. Yemwe bantu! Intumwa yabazaniye ukuri guturutse kwa Nyagasani wanyu, nimwemere ni byo byiza

kuri mwe. Nimuhakana, mu by’ ukuri ibiri mu birere n’isi
ni ibya ALLAH (IMANA) kandi ALLAH (IMANA) ni
Umumenyi cyane, Ushishoza.
171. Yemwe ba nyiribitabo! Ntimukarengere mu idini ryanyu
ntimukanavuge kuri ALLAH (IMANA) uretse ukuri. Masiih
Isa mwene Mariam nta cyo ari cyo uretse kuba intumwa ya
IMANA (ALLAH), ijambo rye yoherereje Mariam na Roho
imuturutseho. Nimwemere ALLAH (IMANA) n’intumwa ze.
Ntimukavuge ubutatu, mubireke ni byo byiza kuri mwe. Mu
by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Imana imwe. Ubutagatifu ni
ubwe ntiyagira umwana. Ibyo mu birere n’ ibyo mu isi byose ni
ibye. Kandi ALLAH (IMANA) arahagije kuba Uwiringirwa.
172. Masiih n’Abamalaika b’ibyegera ntibaterwa isoni no
kuba abagaragu ba IMANA (ALLAH). Uzaterwa isoni no
kumugaragira akanibona, bose azabarundanyiriza iwe. 173. Na
ho abemeye bagatunganya ibikorwa, azabuzuriza ibihembo
byabo anabongere mu ngabire ze. Naho abatewe isoni (no
kugaragira IMANA (ALLAH)) bakanikuza azabahanisha
ibihano bibabaza kandi ntibazabona umurinzi cyangwa
umutabazi utari IMANA (ALLAH). 174. Yemwe bantu!
Mu by’ukuri ibitangaza biturutse kwa Nyagasani wanyu
byabagezeho kandi twabamanuriye urumuri rugaragara.
175. Naho abemeye ALLAH (IMANA) bakamwishingikiriza,
azabinjiza mu mpuhwe n’ingabire bimuturutseho, kandi
abayobore inzira igororotse igana iwe. 176. Baragusobanuza.
Vuga uti: ALLAH (IMANA) arabasobanurira ku inake.
Niba umuntu apfuye adafite umwana ariko afite mushiki we,
ahabwa icya kabiri cy’ibyo yasize. Na we aramuzungura niba
adafite umwana. Baba ari babiri (bashiki be) bafata bibiri bya
gatatu by’ibyo yasize. Baba ari abavandimwe gabo na gore;

gabo afata urugero rw’umugabane wa gore kabiri. ALLAH (IMANA) arabasobanurira kugira ngo mutayoba, kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

Surat 5

## AL-MAA’IDAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yemwe abemeye! Nimwuzuze amasezerano. Mwaziruriwe
amatungo mu nyamaswa usibye ibyo musomerwa,
mutazirura guhiga mugambiriye Hidjah, mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ategeka ibyo ashaka. 2 Yemwe abemeye!
Ntimukazirure imigenzo ya ALLAH (IMANA) ijyanye na
Hidjah cyangwa ukwezi gutagatifu, itungo ryagenewe kuba
impano, amatungo ari ho ibimenyetso cyangwa abagana Inzu
Ntagatifu bashaka ingabire zivuye kwa Nyagasani wabo no
kwishimirwa. Nimuva mu miziririzo mushobora guhiga.
Urwango mufitiye abantu rwo kuba barabakumiriye kuzagera
kuri Mas’djid Al-Haraam ntiruzatume mugira nabi. Muterane
inkunga mu byiza no kuganduka kandi ntimuterane inkunga
ku bibi n’ubugizi bwa nabi. Mutinye IMANA (ALLAH), mu
by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhana cyane.
3 Mwaziririjwe iyipfushije, amaraso, inyama y’ingurube,
iyabazwe itavugiweho izina rya IMANA (ALLAH), iyanizwe,
iyakubiswe, iyahanutse, iyatsimbwe n’indi, iyariweho
n’inyamaswa uretse iyo mwabaze. Iyabagiwe ku mabuye
yagizwe imana no guteza inzuzi; ibyo ni umwanda. Uyu
munsi abahakanye bihebye ku idini ryanyu. Ntimukabatinye
ahubwo muntinye. Uyu munsi nabuzurije idini ryanyu

mbasenderezaho inema zanjye mbashimira Islaam kuba
idini. Uzasumbirizwa kubera inzara atagendereye ikibi mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi.
4. Barakubaza bati: ni iki baziruriwe ? Vuga uti: Muziruriwe
ibyiza n'umuhigo w'izo mutoza mu mbwa zihiga, muzigisha
ibyo ALLAH (IMANA) yabigishije. Nimurye mu byo
zabafatiye munabivugireho izina rya IMANA (ALLAH),
mutinye ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ni Uwihutisha ibarura. 5. Uyu munsi muziruriwe ibyiza.
Ibiryo by'abahawe ibitabo biraziruwe kuri mwe n'ibiryo
byanyu biraziruwe kuri bo, n'abiyubashye mu bemerakazi
n'abiyubashye mu bahawe ibitabo mbere yanyu niba
mubahaye inkwano zabo mwiyubashye mutiyandaritse
cyangwa mutagize inshoreke. Uhakana ukwemera, mu
by'ukuri ibikorwa bye biba imfabusa kandi ku mperuka
azaba mu bahombye.
6. Yemwe abemeye! Nimuhaguruka mushaka gukora
Swalaat, mujye mukaraba uburanga bwanyu n'amaboko
yanyu kugeza mu nkokora, muhanagure ku mitwe yanyu
munakarabe amaguru yanyu kugeza ku tubumbankore.
Nimuba mufite Djanaabah mwisukure. Nimuba murwaye
cyangwa muri ku rugendo, cyangwa umwe muri mwe
avuye ku musarani cyangwa mwabonanye n'abagore
ntimubone amazi mukore Tayammum mukoresheje itaka
ryiza; murihanaguze uburanga bwanyu no ku maboko yanyu.
ALLAH (IMANA) ntashaka kubashyiraho amananiza
ahubwo arashaka kubasukura no kubasenderezaho inema ze
kugira ngo mushimire.
7. Mwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe

n'isezerano rye rikomeye yabasezeranyije ubwo mwavugaga muti: Turumvise turanumviye. Mugandukire ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza. [8.] Yemwe abemeye! Nimube abagororotse cyane ku bwa IMANA (ALLAH), abahamya b'ubutabera. Urwango mufitiye abantu ntiruzatume mudakoresha ubutabera. Nimukoreshe ubutabera ni byo byegereye kuganduka kandi mugandukire IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora. [9.] ALLAH (IMANA) yasezeranyije abemeye bakanakora ibitunganye ko bafite uguhanagurwaho ibyaha n'ibihembo bihambaye. [10.] Abahakanye bakanahinyura Ayah zacu, abo ni abo muri Djahiim. [11.] Yemwe abemeye ! Nimwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe ubwo abantu bashatse kubica agakumira amaboko yabo kuri mwe. Nimugandukire ALLAH (IMANA) kandi Abemera nibiringire ALLAH (IMANA).

[12.] Rwose ALLAH (IMANA) yakiriye isezerano rikomeye ry'abana ba Israa'iil, twohereza muri bo abayobozi cumi na babiri. ALLAH (IMANA) aravuga ati: Mu by'ukuri Jye, ndi kumwe namwe nimuhozaho Swalaat, mugatanga Zakaat, mukemera intumwa zanjye mukazishyigikira mukanaguriza ALLAH (IMANA) inguzanyo nziza. Rwose nzabahanaguraho ibyaha byanyu nzanabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi. Uzahakana nyuma y'ibyo muri mwe, azaba ayobye inzira igororotse. [13.] Kubera kwica kwabo amasezerano yabo akomeye twarabavumye n'imitima yabo turayinangiza. Bakura amagambo mu myanya yayo banibagirwa umugabane mu byo bategetswe. Uzakomeza ubone ubuhemu bubaturutseho uretse bake muri bo.

Bababarire unarenzeho, mu by'ukuri ALLAH (IMANA) akunda abagiraneza.

14. No mu bavuze bati: Mu by'ukuri twe turi abanaswara, twakiriye isezerano ryabo rikomeye. Bibagirwa umugabane mu byo bategetswe, twomeka hagati yabo ubugome n'urwango kugeza ku munsi w'izuka. Kandi ALLAH (IMANA) azababwira ibyo bakoraga.

15. Yemwe ba nyiribitabo! Mwagezweho n'intumwa yacu ibasobanurira byinshi mu byo mwahishaga mu bitabo ikanirengagiza byinshi. Mu by'ukuri mwagezweho n'urumuri n'igitabo kigaragara biturutse kwa IMANA (ALLAH).
16. ALLAH (IMANA) akiyoboresha ukurikiye ishimwe rye inzira z'amahoro akanabakura mu mwijima abaganisha ku rumuri ku bushake bwe, akabayobora inzira igororotse.
17. Mu by'ukuri, abavuze ko Masiih mwene Mariam ari imana barahakanye. Vuga uti: ni nde ufite icyo yategekaho ALLAH (IMANA) ashatse koreka Masiih mwene Mariam, nyina n'abari ku isi bose!? ALLAH (IMANA) afite ubwami bw' ibirere, isi n' ibiri hagati yabyo. Arema icyo ashaka kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.

18. Abayahudi n'Abanaswara baravuze bati: twe turi abana n' abakunzi ba IMANA (ALLAH). Vuga uti: Kuki abahanira ibyaha byanyu? Ahubwo mwe muri abantu mu bo yaremye. Ahanaguraho ibyaha uwo ashaka. ALLAH (IMANA) afite ubwami bw'ibirere, isi n'ibiri hagati yabyo kandi iwe ni
ho garukiro. 19. Yemwe abahawe ibitabo! Mu by'ukuri
intumwa yacu yabagezeho ibasobanurira mu gihe cy'ubucike bw'intumwa kugira ngo mutavuga muti: nta wuvuga inkuru nziza cyangwa uburira watugezeho. Mu by'ukuri uvuga

inkuru nziza n'uburira yabagezeho kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.

20. Zirikana ubwo Muusa yabwiraga abantu be ati: Yemwe bantu banjye! Mwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe ubwo yashyiraga muri mwe abahanuzi, akabagira abami akanabaha ibyo atahaye uwo ari we wese mu biremwa.
21. Yemwe bantu banjye! Mwinjire mu gihugu gitagatifu ALLAH (IMANA) yabasezeranyije. Ntimuzasubire inyuma yanyu, mugahindukira muri abahombye. 22. Baravuga bati:
Yewe Muusa! Mu by'ukuri, harimo abantu b'ibigango kandi nta bwo turi bucyinjiremo keretse bagisohotsemo; nibagisohokamo, ubwo ni bwo tucyinjira. 23. Abagabo babiri
mu batinya, ALLAH (IMANA) yahaye inema ze baravuga bati: nimubinjirane mu muryango. Nimwinjira mu by'ukuri muratsida kandi mwiringire ALLAH (IMANA) niba muri Abemera. 24. Baravuga bati: yewe Muusa! Mu by'ukuri,
twe nta bwo tucyinjira na gato bakikirimo. Genda wowe na Nyagasani wawe, murwane, twe turi hano turicaye.

25. Aravuga at: Nyagasani wanjye! Mu by'ukuri, nta we ntegeka uretse Jye n'umuvandimwe wanjye, dutandukanye n'abantu b' ibyigomoke. 26. Aravuga ati: mu by'ukuri
kiziririjwe kuri bo imyaka mirongo ine barindagira ku isi, ntugire agahinda ku bantu b'ibyigomeke.

27. Basomere inkuru y'abana babiri ba Aadam mu kuri, ubwo batangaga ibitambo; icy'umwe muri bo kikakirwa, icy'undi nticyakirwe. Aravuga ati: rwose ndakwica. (Undi) Aravuga ati: Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yakirira abaganduka. 28. Nundamburiraho ukuboko kwawe kugira
ngo unyice, jye sinkuramburiraho ukuboko kwanjye kugira ngo nkwice. Mu by'ukuri jye ndatinya ALLAH (IMANA)

Nyagasani w’ibiremwa. 29. Jye ndashakako utahukana icyaha
cyanjye n’icyawe ukaba mu bo mu muriro. Icyo ni cyo
gihembo cy’abahuguza.
30. Umutima we umworohereza kwica umuvandimwe we,
aramwica. Ubwo aba mu bahombye. 31. ALLAH (IMANA)
yohereza icyiyoni gicukura mu butaka kugira ngo kimwereke
uko ahishira ubwambure bw’ umuvandimwe we. Aravuga
ati: ayiwe! Ese naniwe kumera nk’iki cyiyoni ngo mpishire
ubwambure bw’umuvandimwe wanjye!? Aba abaye mu
bicuza.
32. Kubera iyo mpamvu twategetse abana ba Israa’il ko
uwishe umuntu utishe undi cyangwa ukora ubwononnyi ku
isi, ni nk’aho yishe abantu bose. Numurekeye ubuzima, ni
nk’aho aburekeye abantu bose. Mu by’ukuri intumwa zacu
zabazaniye ibisobanuro hanyuma abenshi muri bo nyuma
yabyo bakaba bakabya mu kwangiza ku isi. 33. Mu by’ukuri
igihano cy’abarwanya ALLAH (IMANA) n’ intumwa
ye bagakwiza ubwangizi ku isi; ni uko bicwa cyangwa
bakabambwa cyangwa bagacibwa amaboko yabo n’amaguru
yabo imbusane cyangwa bakirukanwa mu gihugu. Ibyo
kuri bo ni ugusuzugurika ku isi kandi ku munsi wa nyuma
bafite ibihano bihambaye. 34. Uretse abicujije mbere y’uko
mubafata mukabahana. Mumenye ko ALLAH (IMANA) ari
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
35. Yemwe abemeye! Mugandukire ALLAH (IMANA)
munashake icyamubegereza kandi mutange mu nzira ye kugira
ngo mukiranuke. 36. Mu by’ukuri abahakanye iyo baza kuba
bafite ibiri mu isi byose hamwe n’ibindi nka byo, bakabitanga
kugira ngo babyicunguze ibihano by’umunsi w’imperuka,
nta bwo babyakiririrwa kandi bafite ibihano bibabaza.

37. Barashaka kuva mu muriro, kandi bo si abo kuwuvamo.
Bafite ibihano bihoraho. 38. Umujura gabo n'umujura gore,
mujye muca amaboko yabo, ari igihano ku byo bakoze,
igihano ntangarugero giturutse kwa IMANA (ALLAH), kandi
ALLAH (IMANA) ni Nyiricyubahiro, Ushishoza. 39. Uzicuza
nyuma yo guhuguza kwe akanatunganya, rwose ALLAH
(IMANA) yakira ukwicuza kwe. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
40. Ese ntuzi ko ALLAH (IMANA) afite ubwami bw'ibirere
n'isi? Ahana uwo ashaka akanahanaguraho ibyaha uwo
ashaka kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri
kintu.

41. Yewe ntumwa! Ntugaterwe agahinda n'abihutira mu
buhakanyi mu bavugishije iminwa yabo bati: twaremeye.
Nyamara imitima yabo itaremera. No mu babaye Abayahudi
bumva cyane ikinyoma, bumvira cyane abandi bantu batari
bakugeraho; bagoreka amagambo bayakura mu myanya yayo
bavuga bati: nimuhabwa iki muzacyakire; nimutagihabwa
muzabe menge. Uwo ALLAH (IMANA) ashatse kugerageza
nta cyo wamumarira kwa IMANA (ALLAH). Abo ni bo
ALLAH (IMANA) atashatse kweza imitima yabo. Bafite
ikimwaro ku isi, no ku mperuka bazagira ibihano bihambaye.

42. Ni abumva cyane ibinyoma, abarya cyane ibizira;
nibakugana, ujye ubakiranura cyangwa ubirengagize.
Nubirengagiza nta cyo bazagutwara kandi nubakiranura ujye
ubakiranura mu butabera. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
akunda abatabera. 43. Ni gute bagusabako ubakiranura kandi
bafite Ta'uraat iri mo amategeko ya IMANA (ALLAH)!?
Kandi nyuma y'ibyo bagahindukira. Abo si abemera.

44. Mu by'ukuri Twe twamanuye Ta'uraat irimo

ubuyobozi n'urumuri. Abahanuzi, abamenyi b'idini
n'abasenga bayitegekesha ababaye Abayahudi. Ku
bw'ibyo barindishijwe mu gitabo cya ALLAH (IMANA)
kandi bari abahamya bacyo. Ntimugatinye abantu mujye
muntinya ntimukanagurane amagambo yanjye agaciro gato.
Abatarategekesheje ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye, abo
ni bo bahakanyi. 45. Twabategetsemo ko umuntu ku muntu,
ijisho ku jisho, izuru ku zuru, ugutwi ku gutwi, iryinyo ku
ryinyo n'ibisare bikorerwa Qisas. Uzayibabarira bizaba
ari incungu kuri we. Abatarategekesheje ibyo ALLAH
(IMANA) yamanuye, abo ni abahuguza. 46. Dukurikizaho
nyuma yabo (ikirenge mu kindi) Isa mwene Mariam ari
uwemeza ibimuri imbere byo muri Ta'uraat, tumuha In'jiil
iri mo ubuyobozi n'urumuri, ari iyemeza ibiri imbere yayo
byo muri Ta'uraat. Ni Ubuyobozi n'inyigisho ku baganduka.
47. Ngaho ba nyiri In'jiil nibategekeshe ibyo ALLAH
(IMANA) yayimanuyemo. Abataraategekesheje ibyo ALLAH
(IMANA) yamanuye ni bo byigomeke.

48. Twakumanuriye igitabo mu kuri cyemeza ibiri imbere yacyo mu bitabo, kinabihaka. Bakiranuze ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye. Ntukurikize irari ryabo ngo ute ukuri kwakugezeho. Buri tsinda muri mwe twarihaye amategeko n'inzira igaragara; iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubagira Ummah imwe, ariko yabagize (Ummah zinyuranye) kugira ngo abagerageze mu byo yabahaye. Ngaho nimutanguranwe ku byiza. Kwa ALLAH (IMANA) ni ho garukiro ryanyu mwese akazababwira ibyo mwatandukanagaho.

49. Ubakiranuze ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye. Ntukurikire irari ryabo, ubirinde kugira ngo batakugerageza

kuri bimwe mu byo ALLAH (IMANA) yakumanuriye.
Nibahindukira, umenyeko ALLAH (IMANA) ashaka
kubahanira bimwe mu byaha byabo. Mu by'ukuri abenshi
mu bantu ni ibyigomeke. 50. Ese barashaka amategeko ya
Djaahiliyyah!? Ni nde urusha ALLAH (IMANA) amategeko
meza ku bantu bemera badashidikanya!?

51. Yemwe abemeye! Ntimukagire Abayahudi
n'Abanaswara inshuti koya. Bamwe ni inshuti koya z'abandi.
Uzabagira inshuti koya muri mwe, uwo azaba ari muri bo.
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntayobora abantu bahuguza.
52. Ubona abafite indwara mu mitima yabo babihutira
bavuga bati: turatinyako twagerwaho n'insanganya. ALLAH
(IMANA) yazana ugutsinda cyangwa itegeko riturutse kuri
We, bakaba abicuza ibyo bagize ibanga mu mitima yabo.
53. Abemeye bo baravuga bati: ese abo ni bo barahiye ku
izina rya ALLAH (IMANA) indahiro yabo ikomeye ngo
bari kumwe namwe!? Ibikorwa byabo byapfuye ubusa baba
abahombye.

54. Yemwe abemeye! Muri mwe uzava mu idini rye, ALLAH
(IMANA) azazana abandi bantu akunda nabo bakamukunda,
borohera Abemera, inkazi ku bahakanyi, bitanga mu nzira ya
ALLAH (IMANA) kandi badatinya umugayo w'ugaya. Izo
ni ingabire za ALLAH (IMANA) aha uwo ashaka. ALLAH
(IMANA) ni Ukwiriye hose, Umumenyi cyane. 55. Mu
by'ukuri inshuti koya yanyu ni IMANA (ALLAH), intumwa
ye n'abemeye; babandi bahozaho Swalaat bagatanga Zakaat
na bo bunamye. 56. Kandi ukunze IMANA (ALLAH),
intumwa ye n'abemeye; mu by ukuri itsinda rya ALLAH
(IMANA) ni ryo ritsinda.

57. Yemwe abemeye! Ntimukagire inshuti koya abagize

idini ryanyu urunnyego n'igikinisho mu bahawe ibitabo
mbere yanyu n'abahakanyi. Mugandukire ALLAH (IMANA)
niba muri abemera. 58. N'iyo muhamagariye gukora Swalaat
babigira urunnyego n' igikinisho. Ibyo ni ukubera ko ari
abantu badafite ubwenge. 59. Vuga uti: Yemwe ba nyiribitabo!
Ese hari icyo mutunenga uretse kuba twemera IMANA
(ALLAH), ibyo twamanuriwe n'ibyamanuwe mbere no kuba
abenshi muri mwe ari ibyigomeke!? 60. Vuga: Ese mbabwire
ibibi kurusha ibyo, bihemberwa kwa ALLAH (IMANA) ?
Ni abavumwe na IMANA (ALLAH), akabarakarira, akagira
bamwe muri bo inkende n' ingurube. Bagaragira Twaaghuut.
Abo bari mu mwanya urusha indi ububi; kandi bayobye
cyane inzira igororotse.

61. Iyo babagezemo baravuga: Twaremeye. Kandi mu
by' ukuri binjiranye ubuhakanyi baranabusohakana. Mu
by' ukuri, ALLAH (IMANA) azi cyane ibyo bahishaga.
62. Uzasanga abenshi muri bo bihutira kujya mu byaha,
ubugome no kurya kwabo ibyaziririjwe. Rwose ni bibi ibyo
bakoraga. 63. Iyaba abasenga n' intiti zababuzaga imvugo
yabo y' icyaha no kurya kwabo ibyaziririjwe! Rwose ni bibi
ibyo bakoraga.

64. Abayahudi baravuze: Ukuboko kwa ALLAH
(IMANA) ni ukugundira. Amaboko yabo ni yo yaboshywe.
Baranavumwe kubera ibyo bavuze. Ahubwo amaboko ye
ararambuye, atanga uko ashaka. Ibyo wamanuriwe biturutse
kwa Nyagasani wawe bizongerera rwose abenshi muri bo
ubwigomeke n' ubuhakanyi. Twashyize hagati yabo ububisha
n' urwango kugeza ku munsi w' izuka; uko bashakaga
gukongeza umuriro w' intambara, ALLAH (IMANA)

yarawuzimyaga, bakagenda ku isi bakwiza ubwononnyi
kandi ALLAH (IMANA) ntakunda abangizi.
65. Mu by'ukuri, iyo ba nyir' ibitabo bemera bakanaganduka,
twari kubahanaguraho ibibi byabo tukanabinjiza muri
Djannah z' inema. 66. Kandi mu by' ukuri iyo bo bashyira
mu bikorwa Ta'uraat, In'jiil n'ibyamanuwe biturutse kwa
Nyagasani wabo bari kurya ibiturutse hejuru yabo no mu
nsi y' ibirenge byabo. Muri bo hari Ummah igororotse ariko
abenshi muri bo ibyo bakora ni bibi.
67. Yewe Ntumwa! Sohoza ibyo wamanuriwe biturutse kwa
Nyagasani wawe. Nutabikora uzaba udasohoje ubutumwa
bwe. ALLAH (IMANA) azakurinda abantu. Mu by' ukuri
ALLAH (IMANA) ntayobora abantu b' abahakanyi.
68. Vuga uti: yemwe ba nyiribitabo! Ntacyo muzaba
mushingiyeho keretse mushyize mu bikorwa Ta'uraat, In'jiil
n'ibyo mwamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu. Ibyo
wamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe bizongerera
rwose abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Ntugirire
agahinda abantu b'abahakanyi. 69. Mu by'ukuri abemeye,
ababaye Abayahudi, abaswaabi'i n'Abanaswara; abemeye
ALLAH (IMANA) n'umunsi w'Imperuka bakanakora
ibitunganye nta bwoba nta n'agahinda bazagira.
70. Mu by'ukuri twakiriye isezerano rikomeye ry'abana
ba Israa'iil tunabohereza intumwa. Uko intumwa
yabazaniraga ibyo imitima yabo idashaka bamwe
barabahinyuye abandi barabica. 71. Baketseko batazahanwa
barahuma baba n'ibipfamatwi. Hanyuma ALLAH (IMANA)
arababababarira maze abenshi muri bo barongera barahuma
baba n' ibipfamatwi. ALLAH (IMANA) ni Ubona cyane ibyo
bakora.

72. Rwose barahakanye abavuze bati: mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ni Masiih mwene Mariam, kandi Masiih
yaravuze ati: yemwe bana ba Israa'iil! Nimugaragire
ALLAH (IMANA) Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani
wanyu. Mu by' ukuri ubangikanya IMANA (ALLAH),
ALLAH (IMANA) yamuziririje Djannah kandi ubuhungiro
bwe ni umuriro. Abahuguza nta batabazi bafite. 73. Rwose
barahakanye abavuze bati: mu by' ukuri ALLAH (IMANA)
ni uwagatatu muri batatu. Kandi nta yindi mana uretse Imana
imwe. Nibatarekeraho ibyo bavuga rwose abahakanye muri
bo bazagerwaho n' ibihano bibabaza. 74. Ese bakwicujije kuri
ALLAH (IMANA) bakanamusaba guhanagurwaho ibyaha!?
Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi. 75. Masiih mwene Mariam nta cyo ari
cyo uretse kuba intumwa rwose hari izindi ntumwa zahise
mbere ye. Na nyina yari umunyakuri cyane; baryaga ibiryo.
Reba uko tubasobanurira ibimenyetso hanyuma urebe uko
babyirengagiza. 76. Vuga uti: ese muragaragira ibitari ALLAH
(IMANA) bitabagenera ikibi cyangwa ibifite akamaro !?
Kandi ALLAH (IMANA) ni We Uwumva cyane, Umumenyi
cyane.

77. Vuga uti: yemwe ba nyiribitabo! Ntimugakabye mu
idini ryanyu ibitari ukuri ntimukanakurikire irari ry' abantu
bayobye mbere, bakayobya benshi bakanayoba inzira
igororotse.

78. Abahakanye mu bana ba Israa'iil bavumwe ku rurimi
rwa Daawuud na Isa mwene Mariam. Ibyo ni ukuberako
bigometse kandi bararengeraga. 79. Ntabwo babuzanyaga
ikibi bakoze. Ni bibi rwose ibyo bakoraga. 80. Ubona abenshi
muri bo bacudika cyane n' abahakanye. Rwose ni bibi ibyo

bishyiriye imbere bituma ALLAH (IMANA) abarakarira.
Kandi mu bihano bazabamo ubuziraherezo. 81. Iyo baba
bemera IMANA (ALLAH), umuhanuzi wabo n' ibyo
yamanuriwe ntibari kubagira inshuti koya ariko abenshi muri
bo ni ibyigomeke.
82. Rwose uzasanga abantu bagirira urwango abemera
kurusha abandi, ari Abayahudi n'ababangikanya. Rwose
uzanasanga abarusha abandi kwegera abemera mu rukundo
ari abavuze bati: mu by' ukuri twe turi abanaswaara. Ibyo
ni uko muri bo hari abafite ubumenyi bw'idini n'abasenga
no kuba bo batikuza. 83. Iyo bumvise ibyamanuriwe Intumwa
ubona amaso yabo atemba amarira kubera ibyo bamenye
by' ukuri bavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Twaremeye,
twandike hamwe n' abahamya. 84. Ni iki cyatubuza kwemera
ALLAH (IMANA) n' ibyatugezeho by' ukuri kandi twifuzako
Nyagasani wacu adushyira hamwe n' abantu b' intungane.
85. ALLAH (IMANA) abahemba kubera ibyo bavuze
Djannah zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo.
Ibyo ni byo bihembo by' abagiraneza. 86. Naho abahakanye
bakanahinyura Ayah zacu, abo ni ba nyiri Djahannam.
87 Yemwe abemeye! Ntimukaziririze ibyiza ALLAH
(IMANA) yaziruye kandi ntimukarengere. Mu by' ukuri
ALLAH (IMANA) ntakunda abarengera. 88 Mujye murya
mu byo ALLAH (IMANA) yabafunguriye ari Halaal kandi
ari byiza. Mugandukire IMANA (ALLAH), We mwe
mwemera. 89 ALLAH (IMANA) ntabahora indahiro zanyu
mutagambiriye ahubwo abahora ibyo mwagambiriye mu
ndahiro. Kuyihanagura ni ukugaburira abakene icumi
mu biringaniye mugaburira abanyu cyangwa kubambika
cyangwa kubohora umucakara. Utazabibona azasibe iminsi

itatu. Uko ni ko guhanagura indahiro zanyu igihe murahiye. Mujye murinda indahiro zanyu. Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira amagambo ye kugira ngo mushimire.

90. Yemwe abemeye! Mu by' ukuri inzoga, urusimbi, an'swaab no gutera inzuzi ni umwanda wo mu bikorwa bya sha'itwaan mubyirinde kugira ngo murokoke. 91. Mu by' ukuri sha'itwaan arashaka kubiba hagati yanyu ububisha n'urwango akoresheje inzoga n'urusimbi anabakumire ku kwambaza ALLAH (IMANA) no gukora Swalaat. Ese mwebwe murabiretse? 92. Mwumvire ALLAH (IMANA) munumvire Intumwa kandi mwirinde. Nimuhindukira mumenyeko nta kindi Intumwa yacu isabwa uretse gusohoza ubutumwa bugaragara. 93. Nta kibi kiri ku bemeye bakanakora ibitunganye mu byo bariye iyo batinye bakemera bakanakora ibitunganye maze bagatinya bakanemera hanyuma bagatinya bakanagira neza. ALLAH (IMANA) akunda abagiraneza.

94. Yemwe abemeye! Rwose ALLAH (IMANA) azabagerageza ku kintu cy' umuhigo ufatwa n' amaboko yanyu n' amacumu yanyu kugira ngo ALLAH (IMANA) agaragaze umutinya atamubona. Uzarengera nyuma y' ibyo azagira ibihano bibabaza. 95. Yemwe abemeye! Ntimukice umuhigo mwagambiriye Hidjah cyangwa Um'rah. N' uzawica muri mwe abigendereye, igihano cye ni ugutanga urugero rw' icyo yishe mu matungo byemejwe n' inyangamugayo ebyiri muri mwe; ribe itungo rigezwa kuri Ka'abah. Cyangwa guhanagura ibyo ni ukugaburira abakene cyangwa ikingana n' ibyo ni ugusiba. Kugira ngo asogongere ingaruka z' igikorwa cye. ALLAH (IMANA) yababariye ibyahise ariko uzasubira ALLAH (IMANA) azabimuhanira. Kandi ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Nyiruguhora.

[96.] Mwaziruriwe umuhigo wo mu nyanja n' ibiribwa biyirimo ari inyungu zanyu muri abagenzi. Cyakora mwaziririjwe umuhigo w' imusozi igihe cyose mwagambiriye Hidjah na Um'rah. Mutinye IMANA (ALLAH), We iwe, ni ho muzakoranyirizwa. [97.] ALLAH (IMANA) yagize Ka'abah inzu ntagatifu anagira amezi matagatifu, amatungo n' ingamiya zifite ibimenyetso gutekana kw' abantu. Ibyo ni ukugira ngo mumenye ko ALLAH (IMANA) azi ibiri mu birere n' ibiri mu isi kandi ko ALLAH (IMANA) ari Umumenyi cyane wa buri kintu. [98.] Mumenye ko ALLAH (IMANA) ari Nyiribihano bihambaye kandi ko ALLAH (IMANA) ari Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. [99.] Nta kindi Intumwa ishinzwe uretse gusohoza ubutumwa. Kandi ALLAH (IMANA) azi ibyo mugaragaza n' ibyo muhisha. [100.] Vuga uti: ikibi ntigihwanye n'icyiza n' ubwo watangazwa n'ubwinshi bw' ibibi. Ngaho nimugandukire ALLAH (IMANA) yemwe banyabwenge kugira ngo mukiranuke.

[101.] Yemwe abemeye! Ntimukabaze ku bintu nyamara muramutse mubigaragarijwe byabababaza! Kandi nimubibaza Qur'aan ikimanuka muzabigaragarizwa. ALLAH (IMANA) yarabyihoreye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Umwitonzi. [102.] Rwose mbere yanyu hari abantu babibajije hanyuma barabihakana. [103.] ALLAH (IMANA) ntiyashyizeho Bahiirah cyangwa Saa'ibah cyangwa Waswiilah cyangwa Haam ariko abahakanye bahimbira ALLAH (IMANA) ibinyoma. Kandi abenshi muri bo nta bwenge bafite. [104.] N'iyo babwiwe bati: nimuze ku byo ALLAH (IMANA) yamanuye no ku Ntumwa baravuga bati: ibyo twasanzeho abakurambere bacu biraduhagije. Ese n'

ubwo abakurambere babo nta cyo bari bazi bataranayobotse!?
105. Yemwe abemeye! Nimwiyiteho ubwanyu. Abayobye nta
cyo babatwara igihe muyobotse. Kwa ALLAH (IMANA) ni
ho garukiro ryanyu mwese akababwira ibyo mwakoraga.

106. Yemwe abemeye! Igihe umwe muri mwe yegerewe n'
urupfu; igihe cyo gutanga irage ubuhamya hagati yanyu ni
abantu babiri b' inyangamugayo muri mwe. Cyangwa abandi
babiri batari muri mwe igihe muri mu rugendo mukagerwaho
n' icyago cy' urupfu. Niba mushidikanye mubahagarike
nyuma yo gukora Swalaat babarahirire izina rya ALLAH
(IMANA) (bavuge): ntabwo tuyigurana agaciro n' iyo yaba
ari uwo dufitanye isano kandi ntiduhisha ubuhamya bwa
IMANA (ALLAH). Mu by' ukuri (tubikoze) twaba turi mu
banyabyaha. 107. Nibigaragarako bakoze icyaha abandi babiri
mu bakwiye ukuri bajye mu cyimbo cyabo. Hanyuma barahire
izina rya ALLAH (IMANA) : rwose ubuhamya bwacu ni
ukuri kurusha ubuhamya bwabo kandi ntitwarengereye. Mu
by' ukuri twe (tubikoze) twaba turi mu bahuguza. 108. Ibyo ni
byo byegereye gutuma batanga ubuhamya uko buri cyangwa
bagatinya ko indahiro zangwa nyuma y'indahiro zabo.
Mutinye ALLAH (IMANA) munumve. ALLAH (IMANA)
ntayobora abantu b' ibyigomeke.

109. Umunsi ALLAH (IMANA) azakoranya intumwa
akavuga ati: mwashubijwe iki ? Zizavuga ziti: nta bumenyi
tubifiteho. Mu by' ukuri ni wowe Mumenyi cyane w'
ibitagaragara. 110. Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yavuze
ati: yewe Isa mwene Mariam! Ibuka inema zanjye kuri wowe
no ku mubyeyi wawe; ubwo nagushyigikizaga Ruuhul-
Qudus uvugisha abantu ukivuka no mu gihe cy'ubukwerere
n'ubwo nakwigishiga kwandika, ubushishozi, Ta'uraat na

In'jiil. N'igihe wabumbaga mu cyondo igisa n'inyoni ku
bushake bwanjye ugahuhamo kikaba inyoni ku bushake
bwanjye, ukavura impumyi n'ababembe ku bushake
bwanjye. N'igihe wazuraga abapfuye ku bushake bwanjye.
N'igihe nakurindaga abana ba Israa'iil ubwo wabazaniraga
ibitangaza abahakanye muri bo bakavuga bati: ibi nta kindi
biri cyo uretse uburozi bugaragara.

111. Zirikana ubwo nahishuriraga Hawariyuun:
nimunyemere Jye n'intumwa yanjye. Baravuga bati: turemeye
unahamyeko rwose turi abicishabugufi. 112. Zirikana ubwo
Hawariyyuun bavuze bati: yewe Isa mwene Mariam! Ese
Nyagasani wawe ashobora kutumanurira ameza ateguye
amafunguro avuye mu kirere? Aravuga ati: mutinye ALLAH
(IMANA) niba muri abemera. 113. Baravuga bati: turashaka
kuyaryaho; imitima yacu ituze tunayabere mu bahamya.
114. Isa mwene Mariam aravuga ati: ayi ALLAH (IMANA)
Nyagasani wacu! Tumanurire mu kirere ameza ateguye
amafunguro atubere ibyishimo ku wa mbere wacu n'uwa
nyuma wacu n'igitangaza kiguturutseho. Unadufungurire
kuko ari wowe uruta abatanga amafunguro. 115. ALLAH
(IMANA) aravuga ati: mu by'ukuri Jye ndayabamanurira
cyakora uzahakana nyuma muri mwe rwose Jye nzamuhanisha
igihano ntazahanisha ikindi mu biremwa.

116. Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yavuze ati: yewe Isa
mwene Mariam! Ese ni wowe wabwiye abantu uti: nimungire
jye na mama imana ebyiri zitari IMANA (ALLAH)? Aravuga
ati: ubutagatifu ni ubwawe! Ntibyambaho ko navuga ibyo
ntafitiye uburenganzira. Niba narabivuze rwose warabimenye.
Uzi ibiri mu mutima wanjye nyamara jye sinzi ibyawe.
Mu by'ukuri ni wowe Mumenyi cyane w'ibitagaragara.

117. Nta cyo nababwiye uretse ibyo wantegetse; nimugaragire
ALLAH (IMANA) Nyagasani wanjye ari we Nyagasani
wanyu. Nari umuhamya kuri bo igihe cyose nari mbarimo.
Unyujurije igihe cyanjye ni wowe wari Umugenzuzi wabo.
Kandi wowe uri Umuhamya kuri buri kintu. 118. Nubahana
rwose ni abagaragu bawe. Kandi nubahanaguraho ibyaha mu
by'ukuri ni wowe Nyiricyubahiro, Ushishoza.
119. ALLAH (IMANA) aravuga ati: uyu ni umunsi
abanyakuri bagirirwa akamaro n'ukuri kwabo. Bafite
Djannah zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo.
ALLAH (IMANA) yarabishimiye na bo baramwishimira.
Uko ni ko gutsinda guhambaye. 120. Ubwami bw'ibirere n'isi
n'ibirimo ni ubwa ALLAH (IMANA) ni na We Ushobora
cyane buri kintu.

## Surat 6

# AL-AN'AAM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) We
waremye ibirere n'isi akanashyiraho umwijima n' umucyo
hanyuma abahakanye Nyagasani wabo bakamugereranya
n'ibindi. 2 We ni We wabaremye mu cyondo arangije
agena igihe kandi igihe kizwi kiri iwe hanyuma mwe
mugashidikanya. 3 Ni na We ALLAH (IMANA) mu birere
no ku isi azi amabanga yanyu n' ibyo mugaragaza. Kandi azi
ibyo mukora. 4 Nta kimenyetso mu bimenyetso bya Nyagasani
wabo kibageraho uretse ko bagitera umugongo. 5 Rwose
bahinyuye ukuri ubwo kwabageragaho. Amakuru y'ibyo

bannyegaga azabageraho. 6 Ese ntibabonako twarimbuye
abantu benshi bababanjirije? Twabatekanyije mu isi uko
mwe tutabatekanyije, tubamanurira imvura nyinshi dutuma
imigezi itemba hagati yabo. Tuza kubarimbura kubera ibyaha
byabo nyuma yabo tuzana abandi bantu.

7 N’iyo tukumanurira ibyanditse ku mpapuro
bakabikozaho intoki zabo, abahakanye bari kuvuga bati:
iki nta kindi uretse uburozi bugaragara. 8 Baravuze bati:
iyo aza kuba yaramanuriwe Mala’ika ! Iyo tumanura
Mala’ika (bagahakanA) bari kugerwaho n’ibihano maze
ntibarindirizwe. 9 N’iyo tumugira Mala’ika, twari kumushyira
mu ishusho y’ umuntu kandi twari kubatera urujijo nk’urwo
barimo. 10 Mu by’ ukuri n’ intumwa za mbere yawe
zarannyezwe maze ingaruka z’ ibyo bannyegaga zigera ku
bannyegaga. 11 Vuga uti: nimutambagire ku isi maze murebe
uko iherezo ry’ abahinyura ryari rimeze.

12. Vuga uti:ibyo mu birere n’ isi ni ibya nde? Vuga
uti: ni ibya IMANA (ALLAH). Yiyemeje impuhwe.
Rwose azabakoranya kugeza ku munsi w’ imperuka nta
kubishidikanyaho. Abihombeje ubwabo bo ntibemera.
13. Ibituje mu ijoro n’ amanywa ni ibye. Kandi ni We Uwumva
cyane, Umumenyi cyane. 14. Vuga uti: ese ikitari ALLAH
(IMANA) wahanze ibirere n’ isi, ugabura ntagaburirwe ni cyo
nagira inshuti koya? Vuga uti: mu by’ ukuri jye nategetswe
kuba uwa mbere wicisha bugufi. Kandi rwose ntuzabe mu
babangikanya. 15. Vuga uti: mu by’ ukuri jye ndatinya ibihano
by’umunsi uhambaye nigometse kuri Nyagasani wanjye.
16. Uzabikurwaho uwo munsi azaba amugiriye impuhwe.
Kandi uko ni ko gutsinda kugaragara.

17. ALLAH (IMANA) aguteje ingorane ntawazigukuraho

uretse We. Anaguhaye icyiza, We ni Ushobora cyane buri
kintu. 18. Ni We Uganza abagaragu be, kandi ni na We
Ushishoza, Umumenyi w'ibyihishe. 19. Vuga uti: ni ikihe
kintu gisumba ibindi mu buhamya ? Vuga uti: ALLAH
(IMANA) ni Umuhamya hagati yanjye namwe. Nahishuriwe
iyi Qur'aan kugira ngo nyibaburirishe n' undi bizageraho.
Ese mwe mu by' ukuri murahamyako hamwe na ALLAH
(IMANA) hari izindi mana!? Vuga uti: simbihamya. Vuga
uti: mu by' ukuri We ni Imana imwe kandi jye nitaruye ibyo
mubangikanya.

20. Abo twahaye ibitabo bamuzi nk'uko bazi abana
babo. Abihombeje ubwabo bo ntibemera. 21. Ni nde urusha
guhuguza uwahimbiye ALLAH (IMANA) ikinyoma
cyangwa uwahinyuye amagambo ye? Mu by' ukuri abahuguza
ntibazakiranuka. 22. Umunsi tuzabakoranya bose maze
tukabwira ababangikanyije tuti: bari hehe abo mwibwiragako
ari abafasha banyu? 23. Hanyuma nta kindi kizaba urwitwazo
rwabo uretse kuvuga bati: turahiye izina rya ALLAH
(IMANA) Nyagasani wacu ntitwari ababangikanya. 24. Reba
uko bazibeshyera! Ibyo bahimbye bizabura.

25. Muri bo hari abakumviriza. Twashyize ku mitima
yabo ibipfundikizo no mu matwi yabo ibihato kugira ngo
batayisobanukirwa. Iyo babonye buri gitangaza ntibacyemera.
Kugeza ubwo bakugezeho bakugisha impaka abahakanye
bavuga bati: iki si ikindi uretse imigani y' abo hambere.
26. Bo bayibuza abantu bakanayigendera kure. Nta wundi
boreka uretse bo ubwabo ariko bo ntibabizi. 27. Iyaba
wababonaga bahagaritswe ku muriro bavuga bati: iyaba
twasubizwaga ku isi ntiduhinyure amagambo ya Nyagasani
wacu tukaba no mu bemera. 28. Ahubwo ibyo bahishaga

mbere byabagaragariye. N’ iyo bagarurwa ku isi bari gusubira
mu byo babujijwe. Mu by’ ukuri bo ni ababeshyi.
29. Bavuga bati: ibi si ikindi uretse kuba ari ubuzima bwacu
bw’ isi nta bwo twe turi abazazurwa. 30. N’iyo ubabona
bahagaritswe imbere ya Nyagasani wabo akavuga ati: ese ibi
si ukuri ? Bavuga bati: ni ukuri, turahiye Nyagasani wacu.
Akavuga ati: ngaho nimusogongere ibihano kubera ibyo
mwahakanaga.
31. Rwose barahombye abahinyuye uguhura na ALLAH
(IMANA) kugeza ubwo imperuka ibagezeho ibatunguye.
Baravuga bati: mbega ukwicuza kwacu ku byo twadohotseho!
Bazaba bahetse ibyaha byabo ku migongo yabo. Mumenyeko
ibyo bazaba bahetse ari bibi. 32. Ubuzima bw’ isi nta kindi
buri cyo uretse umukino n’ ibidafite akamaro. Rwose inzu
y’imperuka ni nziza ku baganduka. Ese nta bwenge mufite?
33. Rwose tuziko uterwa agahinda cyane n’ibyo bavuga. Mu
by’ ukuri si wowe bahinyura ahubwo abahuguza bahakana
nkana amagambo ya IMANA (ALLAH). 34. Rwose intumwa
zakubanjirije zarahinyuwe zihanganira ibyo zahinyuweho.
Ziratotezwa kugeza ubwo ubutabazi bwacu buzigezeho.
Nta n’ umwe uhindura amasezerano ya IMANA (ALLAH).
Kandi mu by’ukuri hari inkuru z’ intumwa zakugezeho.
35. Niba uvunwa no kugutera umugongo kwabo nushobora
uzashake inzira y’ikuzimu cyangwa urwego rujya mu
kirere ubazanire igitangaza. Iyo ALLAH (IMANA) ashaka
yari kubakoranyiriza ku buyoboke. Ntube rwose mu njiji.
36. Mu by’ukuri abitabira ukwemera ni abumva. Naho
abapfu; ALLAH (IMANA) ni We ubazura hanyuma iwe ni
ho bazagarurwa.
37. Baravuze bati: iyaba yamanurirwaga igitangaza

giturutse kwa Nyagasani we. Vuga uti: mu by' ukuri ALLAH
(IMANA) ni Ushobora kumanura igitangaza ariko abenshi
muri bo ntibabizi. 38. Nta nyamaswa ku isi cyangwa inyoni
igurukisha amababa yayo uretse ko ari Ummah nkamwe.
Nta cyo twasize mu gitabo. Hanyuma kwa Nyagasani wabo
ni ho bazakoranyirizwa. 39. Abahinyuye amagambo yacu
ni ibipfamatwi n' ibiragi bari mu mwijima. Uwo ALLAH
(IMANA) ashatse aramuyobya n' uwo ashatse amushyira ku
nzira igororotse.

40. Vuga uti: nimumbwire! Igihano cya ALLAH
(IMANA) kibagezeho cyangwa imperuka, ese hari undi
mwakwiyambaza utari ALLAH (IMANA) niba muri
abanyakuri!? 41. Ahubwo ni We wenyine mwakwitabaza
agakuraho icyo mumwitabarije abishatse. Maze mukibagirwa
ibyo mubangikanya.

42. Rwose twohereje (intumwA) kuri Ummah zakubanjirije.
(Abazihinyuye) tubahanisha amakuba n' ingorane kugira
ngo bibombarike. 43. Ubona iyo bagerwaho n' ibihano byacu
bakibombarika! Ariko imitima yabo yaranangiye sha'itwaan
abatakira ibyo bakora. 44. Bamaze kwibagirwa ibyo bibukijwe
twabafunguriye imiryango ya buri kintu kugeza aho bishimira
ibyo bahawe. Tubahana tubatunguye ubwo bahita biheba.
45. Harimburwa abantu bahuguje kugeza ku wa nyuma. Kandi
ishimwe n' ikuzo ni ibya ALLAH (IMANA) Nyagasani w'
ibiremwa byose.

46. Vuga uti: nimumbwire! ALLAH (IMANA) aramutse
atwaye ukumva kwanyu n' ukureba kwanyu agapfundikira
imitima yanyu, ni nde mana y'indi itari ALLAH (IMANA)
yabibazanira? Reba uburyo tubasobanurira amagambo
hanyuma bo bagatera umugongo! 47. Vuga uti: nimumbwire!

Ibihano bya ALLAH (IMANA) biramutse bibagezeho
bitunguranye cyangwa ku mugaragaro, ese hari abakorekwa
uretse abantu bahuguza!? 48. Ntitwohereza intumwa
uretseko ari izivuga inkuru nziza n' iziburira. Abazemera
bakanatunganya nta bwoba bazagira nta n' agahinda.
49. Abahinyuye amagambo yacu bazagerwaho n'ibihano
kubera ko bigomekaga. 50. Vuga uti: simbabwirako mfite
ibigega bya ALLAH (IMANA) nta n'ubwo nzi ibyihishe
sinanababwirako ndi Mala'ika. Nta kindi nkurikiza uretse
ibyo mpishurirwa. Vuga uti: ese impumyi ihwanye n' ubona?
Ese ntimutekereza?

51. Yiburirishe abatinyako bazakoranyirizwa kwa
Nyagasani wabo. Nta wundi bafite utari We w' Umurinzi
cyangwa Umuvugizi (yibaburirishe) kugira ngo baganduke.
52. Ntiwirukane abasaba Nyagasani wabo mu gitondo na
nimugoroba bashaka kumwiyegereza. Nta cyo ubazwa mu
byo bakora nabo ntibababazwa ibyo ukora. Nubirukana uzaba
mu bahuguza. 53. Uko ni ko twagerageje bamwe ku bandi
kugira ngo bavuge bati: ese aba ni bo ALLAH (IMANA)
yagabiye muri twe? Ese si We uzi cyane abashimira?

54. Abemera amagambo yacu nibaza bakugana ujye
uvuga uti: salaamun alaikum. ALLAH (IMANA) yiyemeje
impuhwe; uwakoze ikibi muri mwe ku bujiji hanyuma
akacyicuza akanatunganya, mu by' ukuri We ni Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 55. Uko ni ko dusobanura
amagambo kugira ngo inzira y' abagome igaragare.

56. Vuga uti: mu by' ukuri jye nabujijwe kugaragira ibyo
musaba bitari IMANA (ALLAH). Vuga uti: sinkurikira irari
ryanyu rwose ubwo naba nyobye kandi jye sinaba ndi mu
bayobotse. 57. Vuga uti: mu by' ukuri jye ndi ku bisobanuro

bya Nyagasani wanjye nyamara mwaramuhinyuye. Simfite ibyo mwihutisha. Nta tegeko uretse irya IMANA (ALLAH), avuga ukuri kandi ni We uruta abakiranuzi. 58. Vuga uti: iyo mba mfite ibyo mwihutisha ikibazo hagati yanjye namwe cyari kuba cyararangiye. Kandi ALLAH (IMANA) ni We uzi cyane abahuguza. 59. Ni We ufite imfunguzo z'ibitagaragara nta wuzizi uretse we. Azi ibiri imusozi no mu nyanja. Nta kibabi kigwa uretse ko akimenya nta n'impeke mu mwijima w' isi cyangwa ikibisi cyangwa icyumye uretse ko biri mu gitabo gisobanutse.

60. Ni We ubasinziriza mu ijoro akanamenya ibyo mwakoze ku manywa maze akabakanguramo kugira ngo igihe kizwi kigere. Hanyuma iwe ni ryo garukiro ryanyu akazababwira ibyo mwakoraga. 61. Ni We Uganza abagaragu be abohereza abarinzi kugeza ubwo umwe muri mwe urupfu rumugezeho; intumwa zacu zikabakuramo roho zitajenjeka. 62. Hanyuma basubizwa kwa ALLAH (IMANA) Umugenga wabo w' ukuri. Mumenyeko ari We ufite itegeko kandi ko ari We wihuta mu ibarura kurusha ababara.

63. Vuga uti: ni nde ubakiza umwijima w'imusozi n' uwo mu nyanja musaba mwibombaritse no mu ibanga? Mu by' ukuri nadukiza iki, turaba mu bashimira. 64. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni We ukibakiza ndetse na buri makuba hanyuma mwe mukabangikanya. 65. Vuga uti: ni We wenyine ushobora kubohereza ibihano biturutse hejuru yanyu cyangwa mu nsi y' ibirenge byanyu cyangwa akabagira udutsiko tutavuga rumwe agasogongeza bamwe muri mwe ububi bw' abandi. Reba uburyo dusobanura amagambo kugira ngo basobanukirwe. 66. Abantu bawe barayihinyuye kandi ariyo

kuri. Vuga uti: ntabwo ndi ubashinzwe! 67. Buri nkuru igira igihe ntarengwa kandi muzamenya.

68. Nubona abakerensa amagambo yacu ujye ubitarura kugeza ubwo binjiye mu kindi kiganiro. Naho sha’itwaan nakwibagiza ntuzicarane n’ abahuguza nyuma yo kwibuka.
69. Abaganduka ntacyo ubabazwaho uretse kwibutsa kugira ngo batinye. 70. Reka abagize idini ryabo igikinisho n’ikirangaza bagashukwa n’ ubuzima bw’isi. Yibukishe kugira ngo umuntu atagwatirizwa ubupfu kubera ibikorwa bye kandi adafite umurinzi cyangwa umuvugizi utari IMANA (ALLAH). N’ ubwo yatanga incungu iyo ari yo yose ntayakiririrwa. Abo ni bo bagwatirijwe ubupfu kubera ibyo bakoze. Bafite ikinyobwa cyatuye n’ ibihano bibabaza ku bw’ ibyo bahakanaga.

71. Vuga uti: ese dusabe ibitari ALLAH (IMANA) bitadufitiye akamaro cyangwa bidafite n’icyo bidutwara tunasubizwa ku dutsintsino twacu nyuma y’uko ALLAH (IMANA) atuyoboye ? Ni nk’uwahanzweho na sha’itwaan ku isi arindagira afite inshuti zimuhamagarira ubuyoboke ziti : dusange. Vuga uti: mu by’ukuri ubuyoboke bwa ALLAH (IMANA) ni bwo buyoboke nyabwo kandi twategetswe kwicisha bugufi kuri Nyagasani w’ibiremwa byose.
72. Muhozeho Swalaat munamutinye. Kandi We iwe niho muzakoranyirizwa. 73. Ni We waremye ibirere n’isi mu kuri. Muzirikane n’umunsi azavuga: Ba! Bikaba. Imvugo ye ni yo y’ukuri. Afite ubwami bwuzuye umunsi impanda izahuhwamo. Ni Umumenyi w’ibyihishe n’ibigaragara kandi ni We Ushishoza, Umumenyi w’ibyihishe. 74. Zirikana ubwo Ibraahiim yabwiraga se Aazar: Ese uragira amashusho

imana? Mu by'ukuri jye ndakubona wowe n'abantu bawe mu
buyobe bugaragara.
75. Uko ni ko tweretse Ibraahiim ubwami bw'ibirere
n'isi kugira ngo abe mu badashidikanya. 76. Ubwo ijoro
ryamutwikiraga akabona inyenyeri akavuga ati: uyu ni we
nyagasani wanjye. Igihe izimiriye aravuga ati: sinkunda
ibizimira. 77. Ubwo yabonaga ukwezi kubanduye aravuga ati:
uyu ni we nyagasani wanjye. Kwijimye aravuga ati: Nyagasani
wanjye natanyobora rwose nzaba mu bantu bayobye.
78. Abonye izuba rirashe aravuga ati: uyu ni we nyagasani
wanjye, uyu arabisumba. Rirenze aravuga ati: yemwe bantu
banjye! Rwose jye nitaruye ibyo mubangikanya. 79. Mu
by'ukuri jye nerekeje uburanga bwanjye k'uwahanze ibirere
n'isi. Ndi Haniif. Kandi jye sindi mu babangikanya. 80. Abantu
be bamugisha impaka aravuga ati: murangisha impaka kuri
ALLAH (IMANA) kandi rwose yaranyoboye? Sintinya ibyo
mumubangikanya keretse icyo Nyagasani wanjye ashaka.
Nyagasani wanjye abumbatije buri kintu ubumenyi. Ese
ntimuzirikana? 81. Ni gute natinya ibyo mwabangikanyije
ALLAH (IMANA) ibyo atamanuranye gihamya kuri
mwe kandi mwe mudatinya ko mwabangikanyije IMANA
(ALLAH)!? Ni irihe tsinda muri yombi rikwiriye amahoro
niba mufite ubumenyi? 82. Abemeye ntibavange ukwemera
kwabo no guhuguza abo bafite amahoro ni na bo bayoboke.
83. Iyo ni gihamya yacu twahaye Ibraahiim ku bantu be.
Tuzamura intera uwo dushaka. Mu by'ukuri Nyagasani wawe
ni Ushishoza, Umumenyi cyane. 84. Twamuhaye Is'haaq
na Ya'aquub bose twarabayoboye. Na Nuuh twamuyoboye
mbere. No mu rubyaro rwe harimo Daawuud, Sula'imaan,

Ayyuub, Yuusuf, Muusa na Haaruun. Uko ni ko duhemba
abagiraneza.

85. Na Zakariyyaa, Yahyaa, Isa na Il’yaas bari mu
ntungane. 86. Na Ismaa’il, Al’yasa’a, Yuunus na Luut. Kandi
bose twabasumbije ibiremwa. 87. No mu bakurambere babo,
urubyaro rwabo n’abavandimwe babo. Twarabatoranyije
tunabayobora inzira igororotse. 88. Ubwo ni ubuyoboke
bwa ALLAH (IMANA) abuyoboresha uwo ashaka mu
bagaragu be. N’iyo babangikanya, ibyo bakoraga byari
kuba impfabusa. 89. Abo nibo twahaye ibitabo, ubushishozi
n’ubuhanuzi. Aba nibabihakana rwose twabishinze abantu
batabihakana. 90. Abo ni bo ALLAH (IMANA) yayoboye,
kurikira ubuyoboke bwabo. Vuga uti: sinyibasabisha
igihembo nta kindi iri cyo uretse urwibutso ku biremwa.
91. Ntabwo bamenye ALLAH (IMANA) ukuri ko kumumenya
ubwo bavugaga bati: ALLAH (IMANA) nta kintu icyo ari
cyo cyose yamanuriye umuntu. Vuga uti: ni nde wamanuye
igitabo Muusa yazanye ari urumuri n’ubuyoboke ku bantu
mukigira impapuro mugaragaza kandi muhishamo byinshi?
Nyamara mwarigishijwe ibyo mutari muzi mwebwe cyangwa
abakurambere banyu. Vuga uti: ni IMANA (ALLAH). Maze
ubareke mu kunnyega kwabo bakina.

92. N’iki ni igitabo twamanuye, cyuje imigisha gihamya
ibyakibanjirije kugira ngo uburire Ummul-Quraa n’ abari mu
nkengero zayo. Abemera imperuka baracyemera kandi bo
bazirikana Swalaat zabo. 93. Ni nde uhuguza cyane kurusha
uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma cyangwa uwavuze
ati: narahishuriwe kandi nta kintu icyo ari cyo cyose
yahishuriwe n’uwavuze ati: nzamanura nk’ibyo ALLAH
(IMANA) yamanuye!? N’iyo ubona ubwo abahuguza bari

mu kurengerwa n'urupfu, abamala'ika barambuye amaboko
yabo bababwira bati: ngaho nimwikuremo roho zanyu.
Uyu munsi murahembwa ibihano bisuzuguritse kubera
ibyo mwavugaga kuri ALLAH (IMANA) bitari ukuri kandi
mwaribonaga ku magambo ye.
94. Rwose muje mutugana umwe umwe nk'uko
twabaremye bwa mbere. Musize ibyo twabahundagajeho
inyuma y'imigongo yanyu. Kandi ntitubabonana abavugizi
banyu mwabeshyagako kuri mwe ari abafasha. Ubumwe
bwanyu bwacitse n'ibyo mwabeshyaga byabayobanye. 95. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We uturitsa impeke n'imbuto.
Akura ikizima mu gipfu ni n'ukura igipfu mu kizima. Uwo ni
We IMANA (ALLAH). Ni gute mwateshwa ukuri!?
96. Ni Utamanzura umucyo akanagira ijoro ituze;
izuba n'ukwezi ifatizo ryo kubara. Uko ni ukugera kwa
Nyiricyubahiro, Umumenyi cyane. 97. Ni We wabashyiriyeho
inyenyeri kugira ngo muziyoboreshe mu mwijima w'imusozi
n'inyanja. Rwose twasobanuye amagambo ku bantu bafite
ubumenyi. 98. Ni We wabakomoye ku muntu umwe mukaba
mu buturo no mu bubiko. Mu by'ukuri twasobanuye
ibimenyetso ku bantu basobanukirwa.
99. Ni na We wamanuye amazi ayakuye mu kirere
tuyameresha ibimera bya buri kintu, tuyakuramo
ikoreshazubarwatsi turikuramo impeke zigerekeranye; no
mu mitende mu myumba yayo dukuramo imitumba iri hafi;
n'imirima y'imizabibu n'imizeti n'imikomamanga ibisa
n'ibidasa. Nimwitegereze imbuto zabyo iyo zera n'iyo
zihisha. Mu by'ukuri muri ibyo hari mo ibimenyetso ku bantu
bemera. 100. Bageretse kuri ALLAH (IMANA) abafasha mu
ma djinn kandi ari We wayaremye banamutwerera abahungu

n'abakobwa nta bumenyi. Ubutagatifu ni ubwe arenze ibyo bamuvugaho. [101.] Ni Umuhanzi w'ibirere n'isi. Yagira umwana ate kandi nta mugore yagize!? Yaremye buri kintu kandi We ni Umumenyi cyane wa buri kintu. [102.] Uwo ni We ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu nta yindi mana uretse We. Umuremyi wa buri kintu. Ngaho nimumugaragire kandi ni We Uwiringirwa kuri buri kintu. [103.] Amaso ntamuhetura ariko We ahetura amaso. Ni we Ugenzabuhoro, Umumenyi w'ibyihishe. [104.] Ibimenyetso biturutse kwa Nyagasani wanyu byabagezeho. Uzareba ni ku nyungu ze n'uzahuma azaba yikozeho kandi jye kuri mwe sindi umurinzi. [105.] Uko ni ko dusobanura amagambo bigatuma bavuga ngo warize. No kugira ngo tuyisobanurire abantu basobanukirwa.

[106.] Kurikira ibyo uhishurirwa bituruka kwa Nyagasani wawe. Nta yindi mana uretse We. Irengagize ababangikanya. [107.] Iyo ALLAH (IMANA) abishaka ntibari kubangikanya. Ntitwakugize umurinzi wabo kandi wowe ntubashinzwe. [108.] Ntimugatuke abasenga ibitari ALLAH (IMANA) bigatuma batuka ALLAH (IMANA) ari ukwandura kudashingiye ku bumenyi. Uko ni ko twatakiye buri Ummah ibikorwa byayo hanyuma kwa Nyagasani wabo ni ho garukiro akababwira ibyo bakoraga. [109.] Barahiye ALLAH (IMANA) indahiro zabo zikomeye ko igitangaza nikibageraho rwose bazacyemera. Vuga uti: mu by'ukuri ibitangaza biri kwa IMANA (ALLAH). Mwabwirwa n'iki ko bije bakwemera?

[110.] Duhindura imitima yabo n'amaso yabo kuko batigeze bayemera bwa mbere. Tubarekera mu buyobe bwabo barindagira. [111.] N'iyo tubamanurira abamala'ika, abapfu bakababavugisha tukanabakoranyiriza buri kintu imbona nkubone ntibari kwemera keretse ALLAH (IMANA)

abishatse. Ariko abenshi muri bo nta bumenyi bafite.
112. Uko ni ko twashyiriyeho buri muhanuzi abanzi;
sha'itwaan mu bantu n'amadjinn, bamwe muri bo bahishurira
abandi imvugo itatse ikinyoma. Iyo Nyagasani wawe
abishaka ntibari kubikora. Bareke n'ibyo bahimba. 113. Ni no
kugira ngo imitima y'abatemera imperuka iyibogamireho.
Bayishime banakore ibicumuro basanzwe bakora. 114. Ese
ikitari ALLAH (IMANA) ni cyo nashakaho umucamanza
kandi ari We wabamanuriye igitabo gisesenguye? Abo
twahaye ibitabo baziko cyamanuwe giturutse kwa Nyagasani
wawe mu kuri. Rwose ntuzabe mu bashidikanya.

115. Ijambo rya Nyagasani wawe ryaruzuye ari ukuri n'
ubutabera. Nta wuhindura amagambo ye. We ni Uwumva
cyane, Umumenyi cyane. 116. Niwumvira abenshi mu bari
ku isi bazakuyobya ku nzira ya IMANA (ALLAH). Nta cyo
bakurikira uretse gukeka nta n'icyo bakora uretse kubeshya.
117. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We uzi cyane abayoba
ku nzira ye ni na We uzi cyane abayoboka. 118. Ngaho
nimurye ibyavugiweho izina rya ALLAH (IMANA) niba
muri abemera amagambo ye.

119. Ni iki cyababuza kurya ibyavugiweho izina rya
ALLAH (IMANA) kandi yarabasobanuriye ibyo yabaziririje
uretse ibyo mwasumbirijweho? Rwose abenshi bayobesha
irari ryabo nta bumenyi. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni
We Mumenyi cyane w'abarengera. 120. Mureke igicumuro
kigaragara n'cyihishe. Mu by'ukuri abakora ibicumuro
bazahemberwa ibyo bacumuraga. 121. Ntimukarye mu
bitavugiweho izina rya IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri
ibyo ni ukwigomeka. Rwose sha'itwaan zihishurira inshuti
koya zazo kugira ngo zibagishe impaka. Nimuzumvira mu

by'ukuri muzaba muri ababangikanya. 122. Ese uwari umupfu tukamuha ubuzima tukanamuha urumuri agenderaho mu bantu, urugero rwe ni nk'urw'uri mu mwijima atazavamo!? Uko ni ko abahakanyi batakiwe ibyo bakoraga.

123. Uko ni ko twashyize muri buri mudugudu abagome bakuru kugira ngo bakoremo ubwangizi, nyamara ni bo biyangiriza ubwabo ariko ntibabizi. 124. N'iyo ayah zibagezeho baravuga bati: ntituzemera keretse duhawe nk'ibyo intumwa za ALLAH (IMANA) zahawe. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w' aho ashyira ubutumwa bwe. Abakoze ubugome bazagerwaho no gusuzugurwa kwa ALLAH (IMANA) n'ibihano bikomeye kubera imigambi mibi bacuraga. 125. Kandi uwo ALLAH (IMANA) ashaka kuyobora yagurira igituza cye Islaam. N'uwo ashaka kuyobya afunganya igituza cye cyane nk'aho yihatira kuzamuka mu kirere. Uko ni ko ALLAH (IMANA) ashyira ikibi ku batemera.

126. Iyi ni inzira ya Nyagasani wawe igororotse. Mu by'ukuri twasesenguye amagambo ku bantu batekereza. 127. Bafite inzu y' amahoro kwa Nyagasani wabo kandi ni We nshuti koya yabo kubera ibyo bakoraga. 128. Umunsi azabakoranya bose (akababwirA) : yemwe mbaga y'amadjinn! Mwakabirije abantu mu kubayobya. Inshuti koya zabo mu bantu zizavuga ziti: ayi Nyagasani wacu! Twagiriranye akamaro, tugeza igihe cyacu watugeneye. Azavuga ati: umuriro ni ubuturo bwanyu muzabamo igihe kirekire uretse icyo ALLAH (IMANA) yashatse. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni Ushishoza, Umumenyi cyane.

129. Uko ni ko dutegekesha bamwe mu bahuguza abandi kubera ibyo bakoraga. 130. Yemwe mbaga y'amadjinn

n'abantu! Ese intumwa zibakomokamo ntizabagezeho
zikabatekerereza amagambo yanjye zikanababurira guhura
n'uyu munsi wanyu? Baravuga bati: twitanzeho ubuhamya.
Ubuzima bw'isi bwarabashutse bitangaho ubuhamya ko
bari abahakanyi. 131. Ibyo ni uko Nyagasani wawe atari uwo
koreka ku mahugu imidugudu kandi abayituye ari injiji.
132. Buri wese afite inzego mu byo bakoze kandi Nyagasani
wawe si indangare ku byo bakora.

133 Nyagasani wawe ni We Mukungu Nyir'impuhwe.
Ashatse yabarimbura nyuma yanyu akabasimbuza abo
ashaka nk'uko yabaremye abakuye mu rubyaro rw'abandi
bantu. 134 Mu by'ukuri ibyo musezeranywa bizaza kandi mwe
ntimunaniranye. 135 Vuga uti: Yemwe bantu banjye! Nimukore
ibyo mukora nanjye ndakora. Muzamenya uzagira urugo
rwiza ku mperuka. Mu by'ukuri abahuguza ntibazakiranuka.
136 Bageneye ALLAH (IMANA) umugabane mu byo yaremye
mu bihingwa n'amatungo, baravuga bati: ibi ni ibya ALLAH
(IMANA) mu kubeshya kwabo naho ibi ni iby'ibigirwamana
byacu. Ibyo bageneye ibigirwamana byabo ntibigera kwa
ALLAH (IMANA) naho ibyo bageneye ALLAH (IMANA)
bikagera ku bigirwamana byabo. Ni bibi ibyo bemeza.

137. Uko ni ko ibigirwamana byabo byatakiye abenshi
mu babangikanya kwica abana babo kugira ngo biboreke
no kugira ngo bibajijishe mu idini ryabo. Iyo ALLAH
(IMANA) abishaka ntibari kubikora. Bareke n'ibyo bahimba.
138. Baravuze bati: Aya matungo n'ibihingwa birabujijwe,
nta ubirya uretse uwo dushaka mu kubeshya kwabo hamwe
n'amatungo imigongo yayo yaziririjwe (kuyihekaho)
n'amatungo batavugiraho izina rya ALLAH (IMANA) ari
ukumuhimbira. Azabahembera ibyo bahimbaga.

139. Baranavuze bati: ibiri mu nda z'aya matungo ni
umwihariko w'igitsina gabo muri twe biraziririjwe ku bagore
bacu. Nyamara cyaba ari igipfu bakagisangira. Azabahanira
ibinyoma byabo. Mu by'ukuri We ni Ushishoza, Umumenyi
cyane. 140. Rwose barahombye abishe abana babo kubera
ubujiji nta bumenyi bakanaziririza ibyo ALLAH (IMANA)
yabafunguriye bahimbira IMANA (ALLAH). Rwose
barayobye ntabwo bari abayoboke. 141. Ni We waremye
imirima yubakiye n'itubakiye, imitende, n'ibimera
bitandukanye mu buryohe bwabyo, imizeti n'imikomamanga
ibisa n'ibidasa. Ngaho nimurye imbuto zabyo igihe zeze
munatange umugabane wabyo umunsi w' isarura ryabyo.
Ntimugasesagure mu by'ukuri we ntakunda abasesagura.

142. No mu matungo (yabaremeye) ayikorera n'abagwa.
Nimurye mu byo ALLAH (IMANA) yabafunguriye.
Ntimugakurikire intambwe za sha'itwaan. Mu by'ukuri we ni
umwanzi wanyu ugaragara. 143. (Yabiremye) ari bibiri bibiri
umunani, mu ntama ebyiri no mu hene ebyiri. Vuga uti: Ese
ni amasekurume abiri yaziririje cyangwa ni inyagazi ebyiri
cyangwa ni ibiri mu nda z'inyagazi ebyiri? Nimumbwize
ubumenyi niba muri abanyakuri.

144. No mu ngamiya ebyiri no mu nka ebyiri. Vuga uti:
Ese ni ibimasa bibiri yaziririje cyangwa ni amashashi abiri
cyangwa ni ibiri mu nda z'amashashi abiri? Cyangwa mwari
muhari ubwo ALLAH (IMANA) yabategekaga ibi? Ni nde
wahuguje kurusha uwahimbiye ALLAH (IMANA) ikinyoma
kugira ngo ayobye abantu nta bumenyi!? Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ntayobora abantu bahuguza. 145. Vuga
uti: ntacyo mbona mu byo nahishuriwe kiziririjwe ku cyo
umuntu arya uretse kuba ari icyipfushije cyangwa amaraso

cyangwa inyama y'ingurube mu by'ukuri yo ni umwanda. Cyangwa icyabaye kibi kubera kubagwa mu izina ritari irya IMANA (ALLAH). Uzasumbirizwa atari umwigomeke cyangwa urengera mu by'ukuri Nyagasani wawe ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbababazi. 146. No ku babaye Abayahudi, twaziririje buri igifite urwara. Mu nka n'ihene twabaziririje urugimbu rwabyo uretse ururi ku migongo yabyo cyangwa ibyo mu nda cyangwa urwavanzwe n'amagufa. Ibyo twabibahembye kubera ubwigomeke bwabo. Rwose turi abanyakuri.

147. Nibaguhinyura uvuge uti: Nyagasani wanyu ni Nyir'impuhwe nyinshi kandi ibihano bye ntibikurwa ku bantu babagome. 148. Ababangikanyije bazavuga bati: iyo ALLAH (IMANA) abishaka ntitwari kubangikanya twe kimwe n'abakurambere bacu nta n'icyo twari kuziririza. Uko ni ko abababanjirije bahinyuye kugeza basogongeye ibihano byacu. Vuga uti: ese mufite ubumenyi ngo mubutugaragarize? Nta kindi mukurikira uretse gukekeranya nta n'ikindi mukora uretse kubeshya.

149. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni We ufite ibimenyetso simusiga. Iyo ashaka yari kubayobora mwese. 150. Vuga uti: ngaho nimuzane abahamya banyu bemezako ALLAH (IMANA) yaziririje ibi. Nibabyemeza, ntuzabyemezanye nabo. Ntuzakurikire irari ry'abahinyuye amagambo yacu n'abatemera imperuka kandi bo bakaba babangikanya Nyagasani wabo. 151. Vuga uti: nimuze mbasomere ibyo Nyagasani wanyu yabaziririje; ko mutagira icyo mumubangikanya na cyo, mugirire ineza abebyeyi bombi ntimukice abana banyu kubera ubukene. Ni Twe tubafungurira mwe na bo. Ntimukegere ibicumuro ibigaragara muri

byo n’ibyihishe ntimukanice umuntu ALLAH (IMANA)
yaziririje uretse mu kuri. Ibyo yarabibategetse kugira ngo
mugire ubwenge.
152. Ntimukegere umutungo w’impfubyi uretse ku neza
kugeza ubwo zigereye ku bukure. Mujye mwuzuza ibipimo
n’iminzani muyiringanize. Ntidutegeka umuntu uretse ibiri
mu bushobozi bwe. Nimunavuga mujye muvuga mutabera n’
ubwo byaba k’uwo mufitanye isano kandi mujye mwuzuza
isezerano rya IMANA (ALLAH). Ibyo yarabibategetse
kugira ngo mwibuke.
153. Rwose iyi ni yo nzira yanjye igororotse, nimuyikurikire.
Ntimuzakurikire andi mayira akabatandukanyiriza kure
y’inzira ye. Ibyo yarabibategetse kugira ngo muganduke.
154. Hanyuma twahaye Muusa igitabo gisendereza inema zacu
ku wagize neza n’ibisobanuro kuri buri kintu n’ubuyobozi
n’impuhwe kugira ngo bizere kuzahura na Nyagasani wabo.
155. N’iki gitabo twakimanuye cyuje imigisha.
Nimugikurikire munaganduke kugira ngo mugirirwe
impuhwe. 156. (Twangako) mwavuga muti: mu by’ukuri
ibitabo byamanuriwe amatsinda abiri yatubanjirije n’ubwo
twari injiji ku misomere yabo. 157. Cyangwa ngo muvuge muti:
iyo rwose twe tumanurirwa igitabo twari kuba abayoboke
cyane kubarusha. Dore ibisobanuro, ubuyoboke n’impuhwe
biturutse kwa Nyagasani wanyu byabagezeho. Ni nde uhuguza
cyane kurusha uwahinyuye amagambo ya ALLAH (IMANA)
akanayirengagiza? Tuzahemba abirengagiza amagambo
yacu ibihano bibi kubera ibyo birengagizaga. 158. Ese hari
icyo bategereje uretse abamala’ika kubageraho cyangwa
ukuza kwa Nyagasani wawe cyangwa ukuza kwa bimwe
mu bimenyetso bya Nyagasani wawe? Umunsi bimwe mu

bimenyetso bya Nyagasani wawe bizaza, ukwemera k'umuntu
atemeye mbere ntacyo kuzamumarira, cyangwa ari nta cyiza
yakoze muri uko kwemera kwe. Babwire uti: nimuturame
na twe turategereje. 159. Mu by'ukuri abatandukanyije idini
ryabo bakaba udutsiko, ntacyo ubabazwaho. Rwose ibyabo
biri kwa ALLAH (IMANA) hanyuma azababwira ibyo
bakoraga.
160. Uzaza afite icyiza azahabwa icumi nka cyo n'uzaza afite
ikibi ntazahembwa uretse nka cyo kandi bo badahuguzwa.
161. Vuga uti: mu by'ukuri jye, Nyagasani wanjye yanyoboye
inzira igororotse; idini rihamye, inzira ya Ibraahiim haniifa
kandi ntiyari mu babangikanya.
162. Vuga uti: mu by'ukuri Swalaat yanjye, Nusuk zanjye,
ubuzima bwanjye n'urupfu rwanjye ni ibya ALLAH (IMANA)
Nyagasani w'ibiremwa byose. 163. Nta we babangikanye. Ni
n'ibyo nategetswe kandi jye ndi uwa mbere mu baislamu.
164. Vuga uti: ese ikitari ALLAH (IMANA) ni cyo
nashaka kugira Nyagasani kandi We ari We Nyagasani
wa buri kintu!? Buri muntu ikibi akoze aba acyikoreye
kandi umuntu ntazikorera ibyaha by'undi. Hanyuma kwa
Nyagasani wanyu ni ryo garukiro ryanyu, akazababwira
ibyo mwatandukanagaho. 165. Ni We wabagize abasigire
ku isi, azamura bamwe muri mwe ku bandi inzego kugira
ngo abagerageze mu byo yabahaye. Mu by'ukuri Nyagasani
wawe ni Uwihutisha ibihano, kandi We rwose ni Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

Surat 7

# AL- A’ARAAF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim Swaad.*

2 Ni igitabo twakumanuriye, mu gituza cyawe ntihabemo
ingingimira kuri cyo kugira ngo ukiburirishe kibe
n’urwibutso ku bemera. 3 Nimukurikire ibyo mwamanuriwe
biturutse kwa Nyagasani wanyu. Ntimukurikire ibitari We
mubigira abarinzi. Ni bike ibyo mwibuka. 4 Ni imidugudu
ingahe tworetse ibihano byacu bikayigeraho nijoro cyangwa
baryamye ku gicamunsi? 5 Ntikwari ugusaba kwabo ubwo
ibihano byacu byabageragaho uretse kuvuga bati: Mu by’
ukuri twe twari abahuguza. 6 Rwose tuzabaza aboherejweho,
rwose kandi tuzanabaza n’ intumwa. 7 Rwose tuzabatekerereza
ku bumenyi kandi ntitwigeze tubura. 8 Iminzani uwo munsi
izaba ari iy’ukuri. Abo ibikorwa byabo byiza bizaremera,
abo ni bo bazakiranuka. 9 Naho abo ibikorwa byabo byiza
bizoroha, abo ni abahombye ubwabo kubera ko bahuguzaga
amagambo yacu.

10 Rwose twabatuje ku isi tubageneramo imibereho. Ni
bike ibyo mushima. 11 Mu by’ukuri twarabaremye hanyuma
tubaha ishusho maze tubwira Abamala’ika tuti: mwubamire
Aadam. Barubama uretse Ibliis. Ntabwo yari mu bubamye.
12 Aravuga ati: Ni iki cyakubujije kubama ubwo nagutegekaga?
Aravuga ati: Jye ndi mwiza kumurusha wandemye mu
muriro, umurema mu cyondo. 13 Aravuga ati: Busohokemo
ntibikwiyeko ubwikuzamo. Sohoka! Mu by’ukuri wowe uri

mu basuzuguritse. 14 Aravuga ati: Mpa igihe kugeza ku munsi
bazazurwa. 15 Aravuga ati: Rwose uri mu barindirizwa. 16
Aravuga ati: Kubera ko unyoretse, nzabubikira ku nzira yawe
igororotse. 17 Hanyuma rwose nzabageraho nturutse imbere
yabo, inyuma yabo, iburyo bwabo n' ibumoso bwabo. Abenshi
babo ntuzasanga ari abashimira. 18 Aravuga ati: Busohokemo
umwaye, wirukanywe. Mu by'ukuri, uzagukurikira muri bo,
rwose nzabuzurisha Djahannam mwese.

19. Yewe Aadam! Tura wowe n'umugore wawe mu busitani
muryemo ibyo mushaka. Ntimwegere iki giti mutazaba mu
bahuguza. 20. Sha'itwaan arabashuka kugira ngo abereke
ibyo bahishwe mu bwambure bwabo. Aravuga ati: Nyagasani
wanyu ntiyababujije iki giti usibye kuba mwaba ba mala'ika
cyangwa mukazabaho ubuziraherezo. 21. Arabarahirira: Mu
by' ukuri jye kuri mwe ndi mu babagira inama.

22. Abareshyeshya ikinyoma. Bamaze gusogongera ku giti,
bagaragariwe n'ubwambure bwabo batangira kwiyomekaho
ibibabi byo mu busitani. Nyagasani wabo arabahamagara;
ese sinari nababujije icyo giti nkanababwirako mu
by'ukuri sha'itwaan kuri mwe ari umwanzi ugaragara!?
23. Baravuga bati: ayi Nyagasani wacu! Twarihuguje ubwacu.
Nutaduhanaguraho ibyaha ngo unatugirire impuhwe, ni ukuri
rwose tuzaba mu bahombye. 24. Aravuga ati: nimumanuke
bamwe muri mwe ari abanzi b'abandi, mufite ubuturo ku
isi n'umunezero w'igihe gito. 25. Aravuga ati: Muri yo ni ho
muzagira ubuzima no muri yo ni ho muzapfira kandi muri yo
ni ho muzazurwa.

26. Yemwe bene Aadam! Mu by'ukuri twabamanuriye
umwambaro uhisha ubwambure bwanyu ari n'umutako,
kandi umwambaro wo kuganduka ni wo mwiza. Ibyo ni mu

bimenyetso bya ALLAH (IMANA) kugira ngo batekereze.
27. Yemwe bene Aadam! Rwose sha’itwaan ntazabashuke
nk’uko yasohoye ababyeyi banyu bombi abakuye mu busitani
akanababambura umwambaro wabo kugira ngo abagaragarize
ubwambure bwabo. Mu by’ukuri we n’abambari be
barabareba aho mwe mutababona. Rwose Twe sha’itwaan
twazigize inshuti koya z’abatemera.

28. N’iyo bakoze igicumuro baravuga bati: twabisanganye
abakurambere bacu kandi ALLAH (IMANA) yarabidutegetse.
Vuga uti: mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ntategeka
ugucumura. Ese muravuga kuri ALLAH (IMANA) ibyo
mutazi!? 29. Vuga uti: Nyagasani wanjye yategetse ubutabera.
Mujye mwerekeza uburanga bwanyu (kuri Ka’abA) uko
mwubamye munamusabe mumwereza idini. Nk’uko
yabatangije ni ko muzagaruka. 30. Itsinda yarariyoboye.
Agatsiko kokamwa n’ubuyobe; mu by’ukuri ko kagize
sha’itwaan inshuti koya karetse ALLAH (IMANA) kandi
gakekako rwose ko kayobotse.

31. Yemwe bene Aadam! Nimurimbe uko mugiye gukora
Swalaat. Kandi mujye murya, munywe kandi ntimukaye. Mu
by’ukuri We ntakunda abaya. 32. Vuga uti: ni nde uziririza
umutako wa ALLAH (IMANA) yashyiriyeho abagaragu
be n’ibyiza mu mafunguro ? Vuga uti: byo ni iby’abemeye
mu buzima bw’isi, bikaba umwihariko wabo ku munsi
w’imperuka. Uko ni ko dusobanura amagambo ku bantu
bafite ubumenyi. 33. Vuga uti: Mu by’ukuri Nyagasani
wanjye yaziririje ibicumuro ibigaragara muri byo n’ ibyihishe
n’ibyaha no kwikuza bitari mu kuri no kubangikanya ALLAH
(IMANA) ibyo atamanuriye ibimenyetso no kuvuga kuri
ALLAH (IMANA) ibyo mutazi.

34. Buri ummah ifite igihe ntarengwa. Iyo igihe cyayo kigeze ntikererwa igihe cyangwa ngo ize mbere yacyo. 35. Yemwe bene Aadam! Niba rwose intumwa zanjye zibaturukamo zibagezeho, zibatekerereza amagambo yanjye, abazaganduka bakanatunganya nta bwoba bazagira nta n'agahinda. 36. Naho abahinyuye amagambo yacu bakayikuzaho abo ni ba nyir' umuriro. Bazawubamo ubuziraherezo. 37. Ni nde uhuguza cyane kurusha uwahimbiye ALLAH (IMANA) ikinyoma cyangwa uwahinyuye amagambo ye? Abo bazagerwaho n'umugabane wabo uri mu gitabo, kugeza ubwo intumwa zacu zizabageraho zibavanamo roho zivuga ziti: biri hehe ibyo mwasengaga bitari IMANA (ALLAH)? Bavuge bati: Twabibuze. Bakihamirizako mu by'ukuri bari abahakanyi.

38. Aravuga ati: nimwinjire muri ummah zahise mbere yanyu mu madjinn n'abantu mujye mu muriro. Uko ummah yinjiye ikavuma mugenzi wayo kugeza ubwo bakoraniyemo bose. Iya nyuma muri zo ikabwira iya mbere yazo iti: ayi Nyagasani wacu! Aba ni bo batuyobeje. Bahe ibihano byikubye mu muriro. Aravuga ati: Buri wese afite ibyikubye ariko ntimubizi. 39 Aba mbere muri bo babwire aba nyuma bati: Ntacyo muturusha. Ngaho nimusogongere ibihano kubera ibyo mwakoraga.

40. Mu by'ukuri abahinyuye amagambo yacu bakayikuzaho, imiryango y'ikirere ntizabafungurirwa. Ntibazinjira muri Djannah keretse ingamiya yinjiye mu mwenge w'urushinge. Uko ni ko duhemba abahuguza. 41. Bafite Djahannam ho isaso no hejuru yabo ikaba ibyiyoroswa. Uko ni ko duhemba abahuguza. 42. Naho abemeye bakanakora ibitunganye, ntidutegeka umuntu keretse ibiri mu bushobozi bwe abo ni ba nyiri Djannah bazayibamo ubuziraherezo. 43. Dukura mu

bituza byabo inzika. Imigezi iratemba mu nsi yabo. Baravuga bati: Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) watuyoboye kuri ibi. Ntitwari kuyoboka iyo ALLAH (IMANA) atatuyobora. Intumwa za Nyagasani wacu zazanye ukuri. Maze barahamagarwa ngo ngiyo Djannah murayirazwe kubera ibyo mwakoraga.

44. Ba nyiri Djannah bahamagara ba nyir'umuriro bavuga bati: twasanze ibyo Nyagasani wacu yadusezeranyije ari ukuri. Ese mwasanze ibyo Nyagasani wanyu yabasezeranyije ari ukuri? Baravuga bati: yego! Uhamagara atangaze hagati yabo ko umuvumo wa ALLAH (IMANA) uri ku bahuguza.
45. Abakumira inzira ya ALLAH (IMANA) bakifuzako igorama kandi bo ari abahakana imperuka.

46. Hagati yabo hari urusika, no kuri A'araaf hari abantu bazi buri wese ku kimenyetso cye. Bahamagara ba nyiri Djannah (baravugA) : Salaamun alaikum! Ntabwo bari
bayinjira kandi bo bayifuza. 47. Amaso yabo ahindukirijwe ahateganye n'ahari ba nyir'umuriro, baravuga bati: ayi Nyagasani wacu! Ntudushyire hamwe n'abantu bahuguza.
48. Ba nyiri A'araaf bahamagara abantu bazi ku bimenyetso byabo, bavuga bati: Kwishyira hamwe kwanyu no kwikuza
kwanyu byabamariye iki? 49. Ese aba ni bo mwarahiyeko ALLAH (IMANA) atazabaha impuhwe? Nimwinjire muri Djannah nta bwoba mufite nta n'agahinda.

50. Ba nyir'umuriro bahamagara ba nyiri Djannah: Nimuduhe ku mazi cyangwa mu byo ALLAH (IMANA) yabafunguriye. Baravuga bati: mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) yabiziririje abahakanyi. 51. Abagize idini ryabo ibidafite akamaro n'umukino bagashukwa n'ubuzima bw'

isi, uyu munsi turabibagirwa nk'uko bibagiwe guhura n'uyu
munsi wabo no kuba barahakanaga amagambo yacu.
52. Rwose twabazaniye igitabo twasesenguye ku bumenyi,
ari ubuyoboke n'impuhwe ku bantu bemera. 53. Nta kindi
bategereje uretse ingaruka zacyo. Umunsi ingaruka zacyo
zaje abacyibagiwe mbere bazavuga bati: rwose intumwa
za Nyagasani wacu zazanye ukuri! Ese dufite abavugizi
ngo batuvuganire cyangwa tugarurwe (ku isi) dukore
ibyo tutakoraga! Barahombye ubwabo n'ibyo bahimbaga
barabibura.
54. Mu by' ukuri Nyagasani wanyu ni ALLAH (IMANA)
waremye ibirere n' isi mu bihe bitandatu, hanyuma akaganza
kuri A'rsh, atwikiriza ijoro amanywa riyashaka ryihuta.
Arema izuba, ukwezi n'inyenyeri bigendera ku itegeko
rye. Mumenyeko kurema no gutegeka ari ibye. Arubahitse
IMANA (ALLAH), Nyagasani w'ibiremwa. 55. Musabe
Nyagasani wanyu mwibombaritse no mu ibanga. Mu
by'ukuri We ntakunda abarengera. 56. Kandi ntimukangize
ku isi nyuma yo kuyitunganya. Mujye musaba mutinya kandi
mwizera. Mu by'ukuri impuhwe za ALLAH (IMANA) ziri
hafi y'abagiraneza.
57. Ni We wohereza imiyaga ari ibyishimo mbere
y'impuhwe ze, kugeza ubwo yikoreye igicu kiremereye
tukakimanuramo amazi tukayeresha ibimera byose. Uko ni
ko tuzura abapfu kugira ngo mwibuke. 58. Ubutaka bwiza ;
imbuto zabwo zera ku bushake bwa Nyagasani wabwo. Na
ho ubwangiritse ntizimera keretse bigoranye. Uko ni ko
dusobanura amagambo ku bantu bashimira.
59. Rwose twohereje Nuuh ku bantu be aravuga ati:
yemwe bantu banjye! Nimugaragire IMANA (ALLAH). Nta

yindi mana mufite uretse We. Mu by’ukuri jye ndatinyako muzabona ibihano by’umunsi uhambaye. 60. Ibikomerezwa mu bantu be biravuga biti: mu by’ukuri twe turakubona mu buyobe bugaragara. 61. Aravuga ati: yemwe bantu banjye! Jye nta buyobe bundiho ahubwo ndi intumwa ya Nyagasani w’ ibiremwa byose. 62. Ndabagezaho ubutumwa bwa Nyagasani wanjye nkanabagira inama. Nzi ibyo mutazi bituruka kwa IMANA (ALLAH). 63. Ese muratangazwa n’uko kwibutsa guturutse kwa Nyagasani wanyu kwabagezeho kunyuze ku muntu ubaturutsemo, kugira ngo ababurire muganduke no kugira ngo muhabwe impuhwe ? 64. Baramuhinyura. Turamurokora we n’abari kumwe na we mu nkuge, tworeka abahinyuye amagambo yacu. Mu by’ukuri bo bari abantu bahumye.

65. Twoherereje ba A’ad umuvandimwe wabo Huud. Aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimugandukire IMANA (ALLAH). Nta yindi mana mufite itari We. Ese ntimutinya ? 66. Ibikomerezwa byahakanye mu bantu be biravuga biti: mu by’ukuri twe turakubonamo ubucucu kandi rwose turagukekera mu babeshyi. 67. Aravuga ati: bantu banjye! Nta bucucu bundimo ahubwo jye ndi intumwa ya Nyagasani w’ibiremwa byose. 68. Ndabagezaho ubutumwa bwa Nyagasani wanjye kandi jye kuri mwe ndi umujyanama wizerwa. 69. Ese mwatangazwa n’uko ukwibutsa guturutse kwa Nyagasani wanyu kwabagezeho kunyuze ku muntu ubaturutsemo kugira ngo ababurire? Mwibuke ubwo yabagiraga abasigire nyuma y’abantu ba Nuuh akabongera ibigango mu kimero. Nimwibuke inema za ALLAH (IMANA) kugira ngo mukiranuke.

70. Baravuga bati: ese utuziye kugira ngo tugaragire

ALLAH (IMANA) wenyine tureke ibyo abakurambere bacu bagaragiraga? Ngaho tuzanire ibyo udusezeranya niba uri mu banyakuri. 71. Aravuga ati: ibihano n'uburakari biturutse kwa Nyagasani wanyu byabagezeho. Ese murangisha impaka ku mazina mwiyitiye mwe n'abakurambere banyu ALLAH (IMANA) atarayamanuriye ibimenyetso? Ngaho nimuturame. Mu by' ukuri jye ndi kumwe namwe mu bategereje. 72. Turamurokora we n' abari kumwe na we ku bw' impuhwe ziduturutseho. Turandura abahinyuye amagambo yacu, kandi ntibari abemera.

73. Twoherereje ba Thamuud umuvandimwe wabo Swaaleh aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimugaragire IMANA (ALLAH), nta yindi mana mufite itari We. Ese ntimutinya? Rwose ibimenyetso biturutse kwa Nyagasani wanyu byabagezeho; ngiyo ingamiya ya ALLAH (IMANA) igitangaza kuri mwe. Nimuyireke irishe ku isi ya IMANA (ALLAH). Ntimugire ikibi muyikorera mukazafatwa n' ibihano bibabaza. 74. Mwibuke ubwo yabagiraga abasigire nyuma ya ba A'ad, akabatuza ku isi, ibibaya byayo mukabigira ingoro mukanatazura imisozi mo amazu. Nimwibuke inema za ALLAH (IMANA) ntimukwire ku isi muri abangizi. 75. Ibikomerezwa byikujije mu bantu be, bibwira abagizwe abanyantegenke mu bemeye muri bo biti: ese muziko Swaaleh yoherejwe na Nyagasani we? Baravuga bati: Mu by'ukuri twe ku byo yoherezanywe turi Abemera. 76. Abikujije baravuga bati: mu by'ukuri twe ibyo mwemeye turabihakanye. 77. Ingamiya barayisogota. Bigomeka ku itegeko rya Nyagasani wabo. Baravuga bati: yewe Swaaleh! Ngaho tuzanire ibyo udusezeranya niba uri mu ntumwa. 78. Bafatwa n'umutingito, bakesha mu ngo zabo bapfukamye

bapfuye. 79. Abatera umugongo aravuga ati: yemwe bantu
banjye! Rwose nabagejejeho ubutumwa bwa Nyagasani
wanjye mbagira n’inama ariko ntimukunda abajyanama.
80. Na Luut ubwo yabwiraga abantu be ati: ese murakora
igicumuro kitigeze gikorwa na kimwe mu biremwa mbere
yanyu? 81. Mu by’ukuri mwe musanga abagabo mubifuza
muretse abagore! Ahubwo mwe muri abantu barengera.
82. Nticyari igisubizo cy’abantu be uretse kuvuga bati:
nimubasohore mu mudugudu wanyu. Mu by’ukuri bo ni
abantu bigira abere. 83. Turamurokora n’umuryango we uretse
umugore we wari mu basigaye barimbuwe. 84. Tubamanurira
imvura. Reba uko iherezo ry’abagome ryari rimeze.
85. Twoherereje ba Mad’yan umuvandimwe wabo
Shu’aib. Aravuga ati: yemwe bantu banjye! Mugaragire
ALLAH (IMANA) nta yindi mana mufite itari we. Rwose
ibimenyetso biturutse kwa Nyagasani wanyu byabagezeho.
Nimwuzuze ibipimo n’iminzani, ntimuhuguze abantu ibintu
byabo. Ntimukangize ku isi nyuma yo kuyitunganya. Ibyo ni
byo byiza kuri mwe niba muri abemera. 86. Ntimukicare kuri
buri nzira mutera ubwoba munakumira ku nzira ya ALLAH
(IMANA) abayemera, mwifuzako igorama. Mwibuke
ubwo mwari bake akabagira benshi munarebe uko iherezo
ry’abangizi ryari rimeze. 87. Niba hari itsinda muri mwe
ryemeye ibyo nohererejwe hakaba n’agatsiko kataremera,
nimwihangane kugeza ALLAH (IMANA) adukiranuye kandi
ni We Mukiranuzi usumba abandi.
88. Ibikomerezwa byikujije mu bantu be biravuga biti:
rwose tuzakwirukana yewe Shu’aib n’abemeye hamwe na
we mu mudugudu wacu cyangwa ugomba gusubira mu idini
ryacu. Aravuga ati: ese nubwo twaba abanga!? 89. Mu by’ukuri

twaba duhimbiye ALLAH (IMANA) ikinyoma dusubiye mu idini ryanyu nyuma y'uko ALLAH (IMANA) aridukiza. Nta n'ubwo dukwiye kurisubiramo keretse ALLAH (IMANA) Nyagasani wacu abishatse. Nyagasani wacu ahetuje buri kintu ubumenyi. ALLAH (IMANA) ni We twiringira. Ayi Nyagasani wacu ! Dukiranure n'abantu bacu mu kuri. Ni wowe usumba abakiranuzi. 90. Ibikomerezwa byahakanye mu muryango we biravuga biti: nimukurikira Shu'aib mu by'ukuri mwe muraba abahomba. 91. Bafatwa n'umutingito bakesha mu ngo zabo bapfukamye bapfuye. 92. Abahinyuye Shu'aib ni nk'aho batigeze bakungahariramo; abahinyuye Shu'aib ni bo bahombye. 93. Abatera umugongo aravuga ati: yemwe bantu banjye! Mu by'ukuri nabagejejeho ubutumwa bwa Nyagasani wanjye. Mbagira n'inama. Ni gute nagirira agahinda abantu b'abahakanyi!?

94. Ntitwohereza mu mudugudu umuhanuzi uretse ko duhanisha abawutuye amakuba n'ingorane kugira ngo bicishe bugufi. 95. Hanyuma tugahindura umwanya w'ikibi icyiza, kugeza ubwo biyongereye bakavuga bati: Abakurambere bacu bagezweho n'ingorane n'umudendezo. Tubafata gitumo na bo batabizi. 96. Iyo abantu b'imidugudu bemera bakanaganduka twari kubafungurira imigisha iturutse mu kirere no mu isi ariko barahakanye tubahanira ibyo bakoraga. 97. Ese abantu b'imidugudu bizerako batekanye, ko nta gihano cyacu cyabageraho nijoro baryamye? 98. Cyangwa ab'imidugudu bizerako batekanye, ko nta gihano cyacu cyabageraho ku gasusuruko bakina ? 99. Ese bizerako batekanye ku gihano cya IMANA (ALLAH)? Ntawizera umutekano ku gihano cya ALLAH (IMANA) uretse abantu bahombye.

100. Ese abazungura ubutaka nyuma ya ba nyirabwo,

ntibasobanukirwako tubishatse twabahanira ibyaha byabo
tugapfundikira imitima yabo ntibumve? 101. Iyo midugudu
turagutekerereza amakuru yayo. Mu by'ukuri intumwa
zabo zabazaniye ibitangaza ariko ntibari abo kwemera ibyo
bahinyuye mbere. Uko ni ko ALLAH (IMANA) apfundikira
imitima y'abahakanyi. 102. Nta sezerano twasanganye benshi
muri bo; ahubwo abenshi muri bo twasanze ari ibyigomeke.

103. Maze twohereza Muusa nyuma yabo n'ibitangaza
byacu kwa Fir'aun n'ibyegera bye. Barabihakana. Reba uko
iherezo ry'abangizi ryari rimeze! 104. Muusa aravuga ati:
yewe Fir'aun! Mu by'ukuri jye ndi intumwa ya Nyagasani
w'ibiremwa byose. 105. Birakwiye kuri jye kutavuga kuri
ALLAH (IMANA) uretse ukuri. Rwose mbazaniye ibitangaza
bya Nyagasani wanyu. Ngaho ndekurira abana ba Israa'iil.
106. Aravuga ati: niba wazanye igitangaza ngaho kizane
niba uri mu banyakuri. 107. Anaga inkoni ye ihita iba inzoka
igaragara. 108. Asohora ukuboko kwe guhita kuba urwererane
ku bareba. 109. Ibikomerezwa mu bantu ba Fir'aun biravuga
biti: mu by'ukuri uyu ni umurozi w'umumenyi cyane.
110. Arashaka kubakura mu gihugu cyanyu, ese murategeka
iki? 111. Baravuga bati: murindirize we na mukuru we
unatume mu mijyi abakoranya. 112. Bakuzanire buri murozi
w'umumenyi cyane.

113. Abarozi baza kwa Fir'aun, baravuga bati: ese rwose
turahabwa igihembo niba ari twe abatsinda? 114. Aravuga
ati: Ni byo. Rwose muraba mu byegera. 115. Baravuga
bati: Yewe Muusa! Uranaga, cyangwa abe ari twe tunaga?
116. Aravuga ati: Nimunage! Ubwo banaze, baroga amaso
y'abantu, babatera ubwoba banazana uburozi buhambaye.
117. Duhishurira Muusa tuti: Naga inkoni yawe. Ihita imiragura

ibyo bahimbaga. 118. Ukuri kuragaragara. Ibyo bakoraga bipfa
ubusa. 119. Aho barahatsindirwa, bahinduka abasuzuguritse.
120. Abarozi bikubita hasi bubama. 121. Baravuga bati:
twemeye Nyagasani w'ibiremwa. 122. Nyagasani wa Muusa
na Haaruun.

123. Fir'aun aravuga ati: ese mumwemeye mbere y'uko
mbaha uruhushya? Mu by'ukuri aka ni akagambane
mwagambanye mu mujyi, kugira ngo muwukuremo ba nyira
wo. Muraza kumenya! 124. Ndahiyeko mbacagagura amaboko
yanyu n'amaguru yanyu imbusane hanyuma mbabambe
mwese. 125. Baravuga bati: mu by'ukuri twe tugarutse kwa
Nyagasani wacu. 126. Ntacyo uduhora uretse kuba twemeye
ibitangaza bya Nyagasani wacu ubwo byatugeragaho. Ayi
Nyagasani wacu! Twuzuzeho ukwihangana kandi uduhe
gupfa turi abicisha bugufi.

127. Ibikomerezwa mu bantu ba Fir'aun biravuga biti:
urareka Muusa n'abantu be ngo bangize mu gihugu
anakureke n'imana zawe? Aravuga ati: Turicagura abahungu
babo turekere ubuzima abagore babo kandi twe kuri bo turi
ababaganza. 128. Muusa abwira abantu be ati: mwiyambaze
ALLAH (IMANA) munihangane. Mu by'ukuri isi ni iya
ALLAH (IMANA) ayiraga uwo ashatse mu bagaragu
be. Kandi iherezo ryiza ni iry'abaganduka. 129. Baravuga
bati: Twatotejwe mbere y'uko utuzamo na nyuma y'uko
utugeramo. Aravuga ati: Nyagasani wanyu azoreka umwanzi
wanyu, abagire abasigire mu gihugu anarebe uko mukora.

130. Mu by'ukuri twahanishije abantu ba Fir'aun amapfa
no kurumba kw'imbuto kugira ngo bibuke. 131. Iyo icyiza
kibagezeho baravuga bati: iki ni icyacu. Ikibi cyabageraho
bakacyitirira Muusa n'abari kumwe na we. Bamenyeko mu

by’ukuri ikibi kibagezeho ari igeno rya ALLAH (IMANA)
ariko abenshi muri bo ntibabizi. 132. Baravuga bati: icyo
watuzanira cyose mu bitangaza ngo ukiturogeshe ntabwo twe
tuzakwemera.
133. Tubohererereza umwuzure, inzige, inda, ibikeri
n’amaraso ari ibimenyetso bisobanutse. Barikuza baba abantu
b’abagome. 134. Ibihano bibaguyeho baravuga bati: yewe
Muusa! Dusabire Nyagasani wawe ku bw’ibyo yaguhaye,
ko natwamururaho ibihano, turahiyeko tuzakwemera kandi
ko tuzakurekurira abana ba Israa’iil. 135. Tubamuruyeho
ibihano kugeza igihe bo bagombaga kuzageraho baba bishe
isezerano.
136. Turabahana, tubaroha mu nyanja kubera ko bahinyuye
ibitangaza byacu no kuba batarabyitagaho. 137. Turaga
abantu bari barasuzuguwe iburasirazuba bw’igihugu
n’iburengerazuba bwacyo. Twashyizemo imigisha yacu.
Ijambo rya Nyagasani wawe ryiza risendera ku bana ba
Israa’iil kubera ko bihanganye. Dusenya ibyo Fir’aun
n’abantu be bakoraga n’ibyo bahakanaga.
138. Twambutsa bene Israa’iil inyanja, bagera ku bantu
bahoraga ku mashusho yabo bayasenga. Baravuga bati: yewe
Muusa! Dukorere imana nk’uko na bo bafite imana. Aravuga
ati: mu by’ukuri mwe muri abantu b’injiji! 139. Mu by’ukuri
abo, ibyo barimo ni ibyo korekwa kandi ibyo bakoraga ni
impfabusa. 140. Aravuga ati: Ese ikitari ALLAH (IMANA)
ni cyo nabifurizaho imana kandi We yarabarutishije
ibiremwa? 141. Muzirikane ubwo twabakizaga abantu ba
Fir’aun babahaga ibihano bibi; bicagura abahungu banyu
bakanarekera ubuzima abagore banyu. Kandi muri ibyo hari
mo ibigeragezo bihambaye biturutse kwa Nyagasani wanyu!

[142] Dusezeranya Muusa amajoro mirongo itatu, tuyuzurisha icumi. Isezerano rya Nyagasani we ryuzura ari amajoro mirongo ine. Muusa abwira mukuru we Haaruun ati: nsigarira mu bantu banjye, utunganye kandi ntukurikire inzira y' abangizi. [143] Muusa ageze mu mwanya w'isezerano ryacu, Nyagasani we aramuvugisha. Aravuga ati: Nyagasani wanjye! Nyereka nkubone. Aravuga ati: Nturi bumbone. Ariko urebe ku musozi, nuguma aho uri, uri bumbone. Nyagasani we yigaragarije umusozi, arawujanjagura. Muusa yitura hasi agwa igihumura. Azanzamutse aravuga ati: Ubutagatifu ni ubwawe. Nkwicujijeho kandi ni jye wa mbere mu bemera.

[144.] Aravuga ati: yewe Muusa! Mu by'ukuri Jye nagutoranyije mu bantu nguha ubutumwa bwanjye ndanakuvugisha. Fata ibyo nguhaye kandi ube mu bashimira. [145.] Tumwandikira ku mbaho buri kintu ari inyigisho n'ibisobanuro bya buri kintu. Ngaho bifatane imbaraga unategeke abantu bawe gufatamo ibyiza kurusha ibindi. Nzabereka urugo rw'abigomeka. [146.] Nzigiza kure y'amagambo yanjye abikuza ku isi nta kuri. Iyo babonye igitangaza ntibacyemera. Babona inzira y'ubuyoboke ntibayigire inzira. Naho babona inzira y'ubuyobe bakayigira inzira. Uko ni ko bahinyuye amagambo yacu no kuba batarayitagaho. [147.] Abahinyuye amagambo yacu no guhura n'imperuka, ibikorwa byabo byabaye impfabusa. Ese bazahembwa uretse ibyo bakoraga!?

[148.] Abantu ba Muusa nyuma ye babumbye mu mitako yabo ishusho y'inyana ifite ukwabira. Ese ntibabonako itabavugisha itanabayobora inzira!? Bayigize imana, baba abahuguza. [149.] Ubwo bicuzaga banabonako mu by'ukuri bo bayobye baravuze bati: Nyagasani wacu natatubabarira

ngo anaduhanagureho ibyaha rwose tuzaba mu bahombye. 150. Muusa agarutse ku bantu be arakaye n’agahinda kenshi aravuga ati: ni bibi ibyo mwakoze nyuma yanjye. Ese mwihutishije itegeko rya Nyagasani wanyu? Anaga imbaho, afata umutwe wa mukuru we awikururira. Aravuga ati: mwene mama! Mu by’ukuri abantu bansuzuguye, bari no hafi kunyica. Ntutume abanzi bishima kandi ntunshyire hamwe n’abantu bahuguza. 151. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Mpanaguraho jye na mukuru wanjye ibyaha unatwinjize mu mpuhwe zawe. Ni Wowe urusha impuhwe abanyampuhwe.

152. Mu by’ukuri abagize inyana ikigirwamana, bazagerwaho n’uburakari no gusuzugurika biturutse kwa Nyagasani wabo mu buzima bw’isi. Uko ni ko duhemba abahimba. 153. N’abakoze ibicumuro nyuma yabyo bakicuza bakanemera, mu by’ukuri Nyagasani wawe nyuma yabyo ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

154. Uburakari bumaze gutuza muri Muusa, yatoye imbaho. Mu mwandiko wazo harimo ubuyoboke n’impuhwe ku batinya Nyagasani wabo. 155. Muusa atoranya mu bantu be abagabo mirongo irindwi ku bw’isezerano ryacu. Bafashwe n’umutingito aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Iyo ushaka wari kuborekana na njye mbere. Ese uratworeka kubera ibyo injiji muri twe zakoze!? Ibi si ikindi uretse ibigeragezo byawe. Ubiyobesha uwo ushaka ukanayobora uwo ushaka. Ni wowe Murinzi wacu, duhanagureho ibyaha unatubabarire. Ni wowe uruta ababababarira. 156. Utwandikire muri ubu buzima bw’isi ibyiza no ku mperuka. Mu by’ukuri twe tukwicujijeho. Aravuga ati: Ibihano byanjye mbihanisha uwo nshaka, naho impuhwe zanjye zikwiriye buri kintu. Nzazandikira abaganduka bakanatanga Zakaat na babandi bemera

amagambo yacu. 157. Abakurikira intumwa umuhanuzi utazi
gusoma no kwandika basanga yanditswe iwabo muri Ta'uraat
na Injiil; abategeka ibyiza akababuza ibibi, akabazirurira
ibyiza akabaziririza ibibi, akanabakuraho uburemere n'ingoyi
by'amategeko byari bibariho. Abamwemeye, bakamwubaha,
bakamushyigikira bakanakurikira urumuri yamanuriwe, abo
ni bo bakiranutse.
158. Vuga uti: yemwe bantu! Mu by'ukuri jye ndi intumwa
ya ALLAH (IMANA) kuri mwe mwese. Afite ubwami
bw'ibirere n'isi. Nta yindi mana uretse We, atanga ubuzima
akanabwambura. Nimwemere ALLAH (IMANA) n'intumwa
ye, umuhanuzi utazi kwandika no gusoma wemera ALLAH
(IMANA) n'amagambo ye munamukurikire kugira ngo
muyoboke. 159. Mu bantu ba Muusa hari ummah iyoboresha
ukuri ikanagukoresha mu butabera.
160. Tubagabanyamo inzu cumi n'ebyiri mu miryango.
Duhishurira Muusa ubwo abantu be bamusabaga amazi tuti:
kubitisha inkoni yawe urutare. Ruturikamo amasoko cumi
n'abiri, buri bantu bamenya aho banywera. Tubatwikiriza
igicu, tubamanurira manna na sal'waa. Ngaho nimurye mu
byiza twabafunguriye. Ntibaduhuguje ahubwo ubwabo
barihuguje. 161. Zirikana ubwo babwirwaga ngo nimuture
muri uyu mudugudu, muryemo aho mushaka, muvuge
Hitwatun muninjire mu muryango mwubamye kugira ngo
tubahanagureho ibyaha byanyu. Tuzongerera abagiraneza.
162. Abahuguje muri bo bahindura ijambo uko bataribwiwe.
Tubohererereza igihano giturutse hejuru kubera ko bahuguzaga.
163. Ubabaze ku mudugudu wari wegereye inyanja ubwo
barengeraga isabato. Amafi yabo ku munsi w'isabato yazaga
ari menshi naho ku munsi batagize isabato ntabagaragarire.

Uko ni ko tubagerageza kuberako bigomekaga. 164. Zirikana ubwo ummah muri bo yavuze iti: kuki mubwiriza abantu kandi ALLAH (IMANA) ari uwo kuboreka cyangwa kubahana igihano gikomeye? Iravuga iti: turabikora, ari ukwiyeza kuri Nyagasani wanyu no kugira ngo baganduke.

165. Bibagiwe ibyo bibukijwe turokora ababuzaga ibibi, duhanisha abahuguje igihano kibi kubera ko bigomekaga. 166. Bikujije ku byo babujijwe turababwira tuti: Nimube inkende zisuzuguritse.

167. Zirikana ubwo Nyagasani wawe yiyemezagako rwose azabohererereza ababahanisha ibihano bibi kugeza ku munsi w'imperuka. Mu by' ukuri Nyagasani wawe ni Uwihutisha ibihano kandi ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbababazi. 168. Tubacamo amatsinda ku isi ; muri bo hari abatunganye no muri bo hari abatari abo. Tubageragerasha ibyiza n'ibibi kugira ngo bagaruke.

169. Nyuma yabo haza abantu, bazungura igitabo, bafata ibihita by'iyi si bisuzuguritse bakavuga bati: tuzahanagurwaho ibyaha. Bagerwaho n'igihita nka byo bakagikora. Ese ntibakiriwe isezerano ry'igitabo rikomeye ko batazavuga kuri ALLAH (IMANA) uretse ukuri, baranize ibirimo!? Inzu y'imperuka ni yo nziza ku baganduka. Ese nta bwenge mugira? 170. Naho abagendera ku gitabo bagahozaho Swalaat, mu by'ukuri Twe ntituburizamo ibihembo by'abatunganya. 171. Zirikana ubwo twaranduraga umusozi tukawuzamura hejuru yabo nk'igicucu babonako ubituraho. Nimufate n'imbaraga ibyo twabahaye mwibuke ibirimo kugira ngo muganduke.

172. Zirikana ubwo Nyagasani wawe yafataga bene Aadam n'urubyaro ruturuka mu migongo yabo akabagira abahamya

kuri bo ubwabo. Ese sindi Nyagasani wanyu!? Baravuga bati:
Yego uri We turabihamije! Kugira ngo mutazavuga ku munsi
w'imperuka ngo mu by'ukuri twe kuri ibi twari indangare.
173. Cyangwa ngo muvuge muti: mu by'ukuri abakurambere
bacu barabangikanyije mbere, twari urubyaro nyuma yabo.
Ese uratworeka kubera ibyo abangizi bakoze? 174. Uko ni ko
dusobanura amagambo kugira ngo bagaruke.

175. Basomere inkuru y'uwo twahaye ibimenyetso byacu,
akabisohokamo. Sha'itwaan aramukurikira, aba mu bayobye.
176. Iyo dushaka twari kubimuzamuza. Ariko we yagumye
ku by'isi akurikira irari rye. Urugero rwe, ni nk'urugero
rw'imbwa, iyo uyirukankanye irahagira, wayireka ikahagira.
Urwo ni rwo rugero rw'abantu bahinyuye amagambo yacu.
Vuga inkuru, wenda batekereza. 177. Ni urugero rubi rw'abantu
bahinyuraga amagambo yacu kandi babaga bihuguza.
178. Uwo ALLAH (IMANA) yayoboye ni We muyoboke
nyawe. N'uwo yayobeje abo ni bo bahombye.

179. Mu by'ukuri twaremeye Djahannam benshi mu
madjinn n'abantu bafite imitima ariko ntibayitekereresha.
Bafite amaso ariko ntibayarebesha. Bafite amatwi ariko
ntibayumvisha. Abo ni nk'amatungo, ahubwo bayarusha
ubuyobe. Abo ni bo ndangare. 180. ALLAH (IMANA)
afite amazina meza muyamusabishe. Mureke abagoreka
mu mazina ye. Bazahemberwa ibyo bakoraga. 181. Mu bo
twaremye hari ummah iyoboresha ukuri ikanagukoresha mu
butabera. 182. Naho abahinyuye amagambo yacu, tuzabajyana
buhoro buhoro mu buryo batazi. 183. Nzabarindiriza. Mu
by'ukuri imigambi yanjye irakomeye.

184. Ese ntibatekereza? Mugenzi wabo nta busazi afite
uretse ko ari umuburizi ugaragara. 185. Ese ntibareba mu

bwami bw’ibirere n’isi n’ibyo ALLAH (IMANA) yaremye
n’uko igihe cyabo cyegereje? Ese ni ikihe kiganiro nyuma
yayo bakwemera? 186. Uwo ALLAH (IMANA) ayobeje
nta muyobozi yabona. Kandi abarekera mu buyobe bwabo
barindagira. 187. Barakubaza ku mperuka igihe izabera. Vuga
uti: Mu by’ukuri ubumenyi bwayo buri kwa Nyagasani
wanjye, nta wuzayigaragaza ku gihe cyayo uretse We.
Iraremereye mu birere no ku isi. Ntizabageraho keretse
itunguranye. Barakubaza nkaho uyizi cyane. Vuga uti: Mu
by’ukuri ubumenyi bwayo buri kwa ALLAH (IMANA)
nyamara abenshi mu bantu ntibabizi. 188. Vuga uti: Ntacyo
nakwigezaho ku bwanjye cyaba cyiza cyangwa kibi uretse
icyo ALLAH (IMANA) ashatse. Iyo menya ibyihishe, nari
gukora ibyiza byinshi. Nta n’ikibi cyari kungeraho. Nta cyo
ndi cyo uretse umuburizi n’ugeza inkuru nziza ku bantu
bemera.

189. Ni We wabaremye abakomoye ku muntu umwe,
amukomoramo umugore we kugira ngo amubere ituze.
Babonanye yatwaye inda nto arayibana, aremerewe basabye
ALLAH (IMANA) Nyagasani wabo bati: Nuduha umwana
mwiza, rwose tuzaba mu bashimira. 190. Abahaye umwana
mwiza, bamushyiriraho ibigirwamana mu wo yabahaye.
ALLAH (IMANA) arenze ibyo bamubangikanya. 191. Ese
barabangikanya ibitarema ikintu kandi byo biremwa!?
192. Ntibinashobora kubatabara, nta n’ubwo ubwa byo
byakwitabara. 193. N’iyo mubahamagariye ubuyoboke
ntibababakurikira. Ni kimwe kuri mwe mwabahamagara
cyangwa mwe mwaba abaceceka. 194. Mu by’ukuri ibyo
musaba bitari ALLAH (IMANA) ni abagaragu nkamwe.
Ngaho nimubisabe maze bibasubize niba muri abanyakuri.

195. Ese bifite amaguru bigendesha cyangwa bifite amaboko
bikubitisha cyangwa bifite amaso birebesha cyangwa bifite
amatwi byumvisha? Vuga uti: nimuhamagare ibigirwamana
byanyu maze mungambanire, ntimundindirize. 196. Mu
by'ukuri umurinzi wanjye ni ALLAH (IMANA) wamanuye
igitabo. Ni na We urinda abatunganya. 197. N'ibyo musaba
bitari We, ntibishobora kubatabara cyangwa ngo byitabare
ubwabyo. 198. N'iyo mubahamagariye ubuyoboke ntibumva.
Ubabona bakureba kandi batabona.

199. Babarira, utegeke gukora ibyiza, wirengagize injiji.
200. Niba igishuko cya sha'itwaan kikujemo ujye wirindisha
IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri We ni Uwumva cyane,
Umumenyi cyane. 201. Mu by'ukuri abaganduka iyo igishuko
cya sha'itwaan kibajemo baribuka bagahita baba maso.
202. Naho abavandimwe bazo babongera mu buyobe maze
ntibagabanye.

203. N'iyo utabazaniye igitangaza baravuga bati:
wagihimbye! Vuga uti: Mu by'ukuri nkurikira ibyo
mpishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanjye. Iyi (Qur'aan)
ni ibimenyetso simusiga biturutse kwa Nyagasani wanyu,
ni ubuyobozi n'impuhwe ku bantu bemera. 204. Qur'aan
nisomwa, mujye muyumviriza munaceceke kugira ngo
mugiririrwe impuhwe. 205. Singiza Nyagasani wawe mu
mutima wawe, umwibombarikaho mu ibanga nta rusaku mu
mvugo mu gitondo na nimugoroba. Ntube mu barangara.
206. Mu by'ukuri abari kwa Nyagasani wawe ntibikuza mu
kumugaragira baranamwambaza, ni na We bubamira.

Surat 8

# AL-AN' FAAL

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimbabazi, Nyirimpuhwe.

1 Barakubaza ku minyago. Vuga uti: iminyago ni iya ALLAH
(IMANA) n'Intumwa. Nimutinye ALLAH (IMANA)
muniyunge hagati yanyu kandi mwumvire ALLAH
(IMANA) n'Intumwa ye niba muri Abemera. 2 Mu by'ukuri
Abemera nyabo ni babandi, iyo ALLAH (IMANA) avuzwe
imitima yabo ikangarana, basomerwa ayah ze zikabongerera
ukwemera. Kandi Nyagasani wabo ni We biringira. 3
Abahozaho Swalaat kandi bagatanga mu byo twabafunguriye.
4 Abo ni bo bemera nyakuri. Bafite inzego kwa Nyagasani
wabo, guhanagurwaho ibyaha n'amafunguro meza.

5 Nk'uko Nyagasani wawe yagukuye mu rugo rwawe mu
kuri, nyamara itsinda mu bemera ritabishakaga. 6 Bakugisha
impaka ku kuri kumaze kugaragara, nk'aho basunikirwa
urupfu na bo bareba. 7 Zirikana ubwo ALLAH (IMANA)
yabasezeranyagako kamwe mu dutsiko tubiri ari akanyu,
mwifuzako akatarimo intwaro ariko kaba akanyu. Nyamara
ALLAH (IMANA) ashaka kwemeza ukuri n'amagambo ye
akanarandurana n'imizi abahakanyi. 8 Kugira ngo yemeze
ukuri ananyomoze ikinyoma n' ubwo abagome batabishaka.

9. Zirikana ubwo mwitabazaga Nyagasani wanyu
akabikiriza; mu by'ukuri Jye ndabatera inkunga
y'abamala'ika igihumbi bakurikirana. 10. ALLAH (IMANA)
ntiyabigize uretse kuba inkuru nziza kugira ngo imitima
yanyu ituze. Kandi ubutabazi nta handi buturuka uretse
kwa IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)

ni Utsinda, Ushishoza. 11. Zirikana ubwo yabatwikirizaga
ibitotsi ari amahoro amuturutseho, akabamanurira amazi
aturutse mu kirere kugira ngo ayabasukuze anabakureho
ibishuko bya sha'itwaan no kugira ngo akomeze imitima
yanyu anayashikamishe ibirenge. 12. Zirikana ubwo
Nyagasani wawe yahishuriraga Abamala'ika avuga uti:
mu by'ukuri Jye ndi hamwe namwe mukomeze abemeye.
Ndashyira mu mitima y'abahakanye ubwoba, mukubite
ku majosi munakubite muri bo kuri buri mitwe y'intoki.
13. Ibyo ni ukubera y' uko baciye ukubiri na ALLAH
(IMANA) n'Intumwa ye. Kandi uciye ukubiri na ALLAH
(IMANA) n'Intumwa ye mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ni Nyiribihano bikomeye. 14. Ibyo nimubisogongere kandi
rwose abahakanyi bafite ibihano by'umuriro.

15. Yemwe abemeye! Nimuhura n'abahakanye ku rugamba
ntimukabatere umugongo. 16. Uzabatera umugongo kuri
uwo munsi, uretse ukora amayeri y'urugamba cyangwa
ugiye kwifatanya n'irindi tsinda, azagarukana uburakari bwa
IMANA (ALLAH). Kandi ubuturo bwe ni Djahannam. Ni
ryo garukiro ribi.

17. Ntabwo mwabishe ALLAH (IMANA) ni We wabishe.
Nta nubwo wanaze ubwo wanagaga ahubwo ALLAH
(IMANA) ni We wanaze kugira ngo ahembe Abemera
igihembo cyiza kimuturutseho. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 18. Uko ni
ko ALLAH (IMANA) acubya akagambane k'abahakanyi.
19. Nimusaba intsinzi, ngiyo intsinzi yabagezeho! Nimurekera
aho ni byo byiza kuri mwe. Nimusubira tuzongera. Agatsiko
kanyu nta cyo kazabamarira n'ubwo kaba kanini. Kandi
ALLAH (IMANA) ari hamwe n' Abemera.

20. Yemwe abemeye! Mwumvire ALLAH (IMANA)
n’Intumwa ye. Ntimumutere umugongo kandi mwe mwumva.
21. Ntimumere nk’abavuze bati: Turumvise kandi bo batumva.
22. Mu by’ukuri inyamaswa mbi kwa ALLAH (IMANA) ni
ibipfamatwi by’ibiragi bitagira ubwenge. 23. N’iyo ALLAH
(IMANA) abamenyamo icyiza yari kubumvisha. N’iyo
abumvisha bari guhindukira bo bateye umugongo.

24. Yemwe Abemeye! Nimwitabire ALLAH (IMANA)
n’Intumwa igihe abahamagariye ikibaha ubugingo.
Mumenyeko ALLAH (IMANA) ajya hagati y’umuntu
n’umutimanama we no kuba iwe ari ho muzakoranyirizwa.
25. Mutinye ibigeragezo kuko bitagera ku bahuguje muri
mwe gusa. Mumenyeko ALLAH (IMANA) ari Nyir’ibihano
bikaze.

26. Mwibuke ubwo mwari bake muri abanyantege nke
mu gihugu mutinyako abantu babashimuta. Abaha ubuturo,
abashyigikiza intsinzi ye anabafungurira mu byiza kugira ngo
mushimire. 27. Yemwe abemeye! Ntimugahemukire ALLAH
(IMANA) n’Intumwa mugahemuka ku ndagizo zanyu kandi
mwe mubizi. 28. Munamenyeko mu by’ukuri imitungo yanyu
n’ abana banyu ari ibigeragezo no kuba ALLAH (IMANA)
afite ibihembo bihambaye.

29. Yemwe abemeye! Nimugandukira ALLAH
(IMANA) azabaha fur’qaan, abasibire ibicumuro byanyu
anabahanagureho ibyaha byanyu. ALLAH (IMANA) ni
Nyir’ingabire zihambaye. 30. Zirikana ubwo abahakanye
bakugambaniraga kugira ngo bagufunge cyangwa bakwice
cyangwa bakwirukane. Bakagambana ALLAH (IMANA)
akaburizamo akagambane kabo. ALLAH (IMANA) ni We
uruta ababurizamo akagambane.

31. N’iyo basomewe amagambo yacu baravuga bati: rwose
twumvise. Iyo dushaka twari kuvuga nka yo. Ibi nta kindi biri
cyo uretse imigani y’abo hambere. 32. N’ubwo bavugaga bati:
ayi IMANA (ALLAH)! Ibi niba ari byo kuri kuguturutseho
dutureho amabuye aturutse mu kirere cyangwa utuzanire
ibihano bibabaza. 33. ALLAH (IMANA) ntiyari uwo kubahana
kandi wowe ubarimo. ALLAH (IMANA) ntiyari uwo
kubahana na bo (abaislam) basaba guhanagurwaho ibyaha.
34. Ni iki bafite cyatuma ALLAH (IMANA) atabahana kandi
bo bakumira ku kugana Mas’djid AlHaraam batari n’inshuti
ze koya!? Nta nshuti ze koya uretse abaganduka ariko abenshi
muri bo ntibabizi. 35. Ugusenga kwabo ku Nzu si ikindi uretse
kuvugiriza no gukoma amashyi. Ngaho musogongere ibihano
kubera ibyo mwahakanaga.

36. Rwose abahakanye batanga imitungo yabo ngo
bakumire ku nzira ya IMANA (ALLAH). Bazayitanga
hanyuma ibabere ukwicuza maze batsindwe. Abahakanye
bazakoranyirizwa muri Djahannam. 37. Kugira ngo ALLAH
(IMANA) atandukanye umubi ku mwiza, anashyire umubi
ku wundi akabarundanya bose, akabashyira muri Djahannam.
Abo ni bo bahombye.

38. Bwira abahakanye ko nibarekeraho bazahanagurwaho
ibyaha byahise. Nibasubira mu by’ukuri imigenzo y’abo
hambere yarahise. 39. Mubarwanye kugira ngo hatabaho
ibigeragezo n’idini ryose ribe irya IMANA (ALLAH).
Nibarekeraho mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Ubona
cyane ibyo bakora. 40. Nibatera umugongo mumenyeko mu
by’ukuri ALLAH (IMANA) ari We Murinzi wanyu. Ni We
Murinzi mwiza, ni na We Mutabazi mwiza.

41. Mumenyeko icyo mwabonyeho umunyago mu by’ukuri

icya gatanu cyawo ari icya IMANA (ALLAH), Intumwa, abafitanye isano ya hafi (n’IntumwA), impfubyi, abakene n’uri ku rugendo niba mwaremeye ALLAH (IMANA) n’ibyo twamanuriye umugaragu wacu umunsi wa fur’qaan; umunsi amatsinda abiri yasakiranaga. ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.

42. Zirikana ubwo mwe mwari ku nkengero z’ikibaya hakuno na bo bari ku nkengero z’ikibaya hakurya, na Rakbu iri munsi yanyu. Iyo musezerana mwari gutandukana ku isezerano ariko byari ukugira ngo ALLAH (IMANA) asoze ikintu cyagombaga kuba kugira ngo uworama yorame abizi n’urokoka arokoke abizi. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 43. Zirikana ubwo ALLAH (IMANA) yabakweretse mu nzozi zawe ari bake. N’iyo abakwereka ari benshi mwari gucika intege mwari no gushyamirana. Ariko ALLAH (IMANA) yatanze amahoro. Mu by’ukuri We ni Umumenyi cyane w’ibiri mu bituza. 44. Zirikana ubwo yababerekaga igihe mwahanganaga mu maso yanyu ari bake akabagabanya mu maso yabo kugira ngo ALLAH (IMANA) asoze icyagombaga kuba. Kwa ALLAH (IMANA) ni ho ibintu byose bisubizwa.

45. Yemwe abemeye! Nimusakirana n’agatsiko mujye mushikama munambaze ALLAH (IMANA) kenshi kugira ngo mutsinde. 46. Mujye mwumvira ALLAH (IMANA) n’Intumwa ye ntimukajye impaka mudacika intege n’imbaraga zanyu zikayoyoka. Mujye mwihangana. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe n’ abihangana. 47. Ntimube nk’abasohotse mu ngo zabo bikuza baniyereka abantu banakumira ku nzira ya IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) ni Uhetura ibyo bakora.

48. Zirikana ubwo sha'itwaan yabatakiye ibikorwa byabo
akavuga ati: uyu munsi nta wubatsinda mu bantu rwose
jye ndabashyigikiye. Amatsinda abiri asakiranye yasubiye
inyuma yomboka aravuga ati: Mu by'ukuri jye ndi kure
yanyu, jye ndabona ibyo mutabona, jye ndatinya IMANA
(ALLAH). ALLAH (IMANA) ni Ufite ibihano bikaze.
49. Zirikana ubwo abakora Nifaaq n' abafite indwara mu
mitima yabo bavugaga bati: abo bashutswe n'idini ryabo
kandi uwiringira ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.

50. Iyo ubona ubwo Abamala'ika bakuramo roho
abahakanye babakubita mu buranga bwabo n'imigongo yabo;
ngaho musogongere ibihano bitwika. 51. Ibyo ni ukubera
ibyo mwikoreye ubwanyu no kuba ALLAH (IMANA)
atari Uhuguza abagaragu. 52. Nk'imigenzereze y'abantu ba
Fir'aun n'abababanjirije bahakanye ibitangaza bya IMANA
(ALLAH). ALLAH (IMANA) abahanira ibyaha byabo. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwimbaraga, Nyir'ibihano
bikaze. 53. Ibyo ni ukubera ko ALLAH (IMANA) atari
uhindura inema yahundagaje ku bantu keretse bahinduye
ibibarimo no kuba mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari
Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 54. Nk'imigenzereze
y'abantu ba Fir'aun n'abababanjirije bahinyuye ibitangaza
bya Nyagasani wabo tuborekesha ibyaha byabo tunaroha
abantu ba Fir'aun kandi bose bari abahuguza.

55. Mu by'ukuri inyamaswa mbi kwa Nyagasani wawe
ni abahakanye kuko bo batemera. 56. Abo wahaye isezerano
muri bo hanyuma bakica isezerano ryabo buri gihe badatinya.
57. Nubaganza mu ntambara, ujye ubatatanyisha abari inyuma
yabo, kugira ngo bibuke. 58. Rwose nutinya ubuhemu mu

bantu, ujye ubajugunyira amasezerano yabo ku mugaragaro. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda abahemu.

59. Rwose abahakanye ntibakekeko baducitse. Mu by'ukuri ntibananiranye. 60. Mubategurire ibyo mushoboye byose mu mbaraga n'ifarasi ziri ku rugerero. Mubikangishe abanzi ba ALLAH (IMANA) ari na bo banzi banyu n'abandi batari bo mutazi ALLAH (IMANA) ni We ubazi. N'icyo mutanga mu nzira ya ALLAH (IMANA) muracyuzurizwa kandi mwe mudahuguzwa. 61. Nibashaka amahoro uyabahe kandi wiringire IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ni We Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 62. Nibashaka kukuryarya mu by'ukuri ALLAH (IMANA) araguhagije. Ni We wagushyigikije ubutabazi bwe n' abemera. 63. Yahuje imitima yabo. N'iyo utanga ibiri mu isi byose ntiwari guhuza imitima yabo nyamara ALLAH (IMANA) yarayihuje. Mu by' ukuri We ni Utsinda, Ushishoza.

64. Yewe Muhanuzi! ALLAH (IMANA) araguhagije n'abagukurikiye mu bemera. 65. Yewe Muhanuzi! Shishikariza imirwano abemera; nihaba muri mwe makumyabiri bihangana bazatsinda magana abiri. Nihaba muri mwe ijana rizatsinda igihumbi mu bahakanye kubera ko ari abantu batumva. 66. Noneho ALLAH (IMANA) arabagabanyirije anaberekako muri mwe harimo intege nke. Nihaba muri mwe ijana ryihangana rizatsinda magana abiri. Nihaba muri mwe igihumbi kizatsinda ibihumbi bibiri ku bushake bwa IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) ari kumwe n'abihangana.

67. Ntibikwiye ku muhanuzi n'umwe ko yagira imbohe z'intambara keretse amaze kugira ubutegetsi buhamye mu gihugu. Murashaka ibihita by'isi kandi ALLAH (IMANA) ashaka imperuka. ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.

68. Iyo bitaba itegeko rya ALLAH (IMANA) ryabanje mwari
gufatwa n'ibihano bihambaye kubera ibyo mwakiriye.
69. Nimurye mu minyago mwabonye, ari Halaal nziza.
Mugandukire IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

70. Yewe Muhanuzi! Bwira imbohe z'intambara ziri mu
maboko yanyu uti: ALLAH (IMANA) amenyeko hari icyiza
mu mitima yanyu yabaha ibyiza kurusha ibyo mwanyazwe
akanababahanaguraho ibyaha byanyu. ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 71. Kandi
nibashaka kuguhemukira rwose bahemukiye ALLAH
(IMANA) mbere, arabashobora. ALLAH (IMANA) ni
Umumenyi cyane, Ushishoza.

72. Mu by'ukuri abemeye bagakora Hidj'rah,
bakanaharanira inzira ya ALLAH (IMANA) bakoresheje
imitungo yabo na bo ubwabo, abatanze ubuhungiro
bakanatabara; abo bamwe muri bo ni inshuti koya z'abandi
n'abemeye ntibakore Hidj'rah nta bucuti koya mubagomba
kugeza bakoze Hidj'rah. Nibabitabaza mu idini mugomba
kubatabara, uretse ku bantu mufitanye amasezerano. ALLAH
(IMANA) ni Ubona ibyo mukora. 73. N'abahakanye bamwe
muri bo ni inshuti koya z'abandi. Nimutabikora mutyo bizaba
ibigeragezo ku isi n'ubwangizi bukomeye.

74. N'abemeye bagakora Hidj'rah bakanaharanira inzira
ya ALLAH (IMANA) n' abatanze ubuhungiro bakanatabara;
abo ni bo bemera nyakuri. Bafite uguhanagurwaho ibyaha
n'amafunguro meza. 75. N'abemeye hanyuma bagakora
Hidj'rah bakanitanga hamwe namwe ; abo bari muri mwe.
N'abafitanye amasano bamwe bafite uburenganzira ku bandi

mu gitabo cya IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

Surat 9

# AT-TAUBAH

1 Uku ni ukwitarura kwa ALLAH (IMANA) n'Intumwa
ye ku bo mwahaye amasezerano mu babangikanya.
2 Nimwidegembye mu gihugu amezi ane munamenyeko
mutananira ALLAH (IMANA) no kuba mu by' ukuri
ALLAH (IMANA) azamwaza abahakanyi. 3 Iri ni itangazo
riturutse kwa ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye ku bantu bose
umunsi wa Hidjah nkuru ko ALLAH (IMANA) n'Intumwa
ye bitaruye ababangikanya. Nimwicuza ni byo byiza kuri
mwe. Nimutera umugongo mumenyeko mwe mutazananira
IMANA (ALLAH). Ha inkuru nziza abahakanye y' ibihano
bibaza. 4 Uretse abo mwasezeranyije mu babangikanya
hanyuma ntibagira icyo bagabanya (ku masezerano) yanyu,
ntibagira n'uwo bashyigikira mu kubarwanya. Mubuzurize
amasezerano yabo kugeza igihe cyabo. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) akunda abaganduka.

5 Amezi matagatifu narangira, mwice ababangikanya aho
mubasanze hose, mubakacire, mubagote munabubikire muri
buri bwubikiro. Nibicuza bagahozaho Swalaat bakanatanga
Zakaat, mubareke. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 6 Nihagira
mu babangikanya ugusaba ubuhungiro, ujye ubumuha kugira
ngo yumve amagambo ya IMANA (ALLAH). Hanyuma

umugeze aho ari butekane. Ibyo ni ukubera ko ari abantu
badafite ubumenyi.
7. Ni gute ababangikanya bagira isezerano rya ALLAH
(IMANA) n'iry'Intumwa ye!? Keretse abo mwasezeranyije
kuri Mas'jid Al-Haraam. Igihe cyose bazabatunganira ku
masezerano namwe muzabatunganire. Mu by' ukuri ALLAH
(IMANA) akunda abaganduka. 8. Ni gute!? Kandi iyo
babaganje batubahiriza muri mwe isano cyangwa isezerano!
Babagusha neza n'iminwa yabo nyamara imitima yabo
ikanga. Kandi abenshi muri bo ni ibyigomeke. 9. Baguranye
amagambo ya ALLAH (IMANA) agaciro gato banakumira ku
nzira ye. Mu by'ukuri ni bibi ibyo bakoraga. 10. Ntibubahiriza
ku mwemera isano cyangwa isezerano. Abo ni bo barengera.
11. Nibicuza bagahozaho Swalaat bakanatanga Zakaat,
bazaba babaye abavandimwe banyu mu idini. Turasobanura
amagambo ku bantu bafite ubumenyi.
12. Nibatatira indahiro zabo nyuma y'amasezerano yabo
bakanakerensa idini ryanyu, mujye murwanya abakuru
b'abahakanyi. Mu by'ukuri nta ndahiro bafite, kugira ngo
barekeraho. 13. Kuki mutarwanya abantu baciye ukubiri
n'indahiro zabo bagashaka kumenesha Intumwa kandi ari
bo babashotoye bwa mbere!? Ese murabatinya? ALLAH
(IMANA) ni We ukwiye ko mumutinya niba muri abemera.
14. Mubarwanye, ALLAH (IMANA) abahanishe amaboko
yanyu anabamwaze. Abahe kubatsinda anakize ibituza
by'abantu bemera. 15. Anakure akababaro mu mitima yabo.
ALLAH (IMANA) yakira ukwicuza k'uwo ashatse. ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
16. Cyangwa mwibwirako muzarekwa ALLAH (IMANA)
atagaragaje abaharanira inzira ye muri mwe ntibagire inshuti

abatari ALLAH (IMANA) cyangwa intumwa ye cyangwa
abemera!? ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu
byo mukora.

17. Ababangikanya ntibakwiriye gusiragira mu misigiti
ya IMANA (ALLAH), kandi bihamya ubuhakanyi. Abo
ibikorwa byabo byabaye impfabusa, kandi mu muriro
bazabamo ubuzira herezo. 18. Mu by'ukuri usiragira mu
misigiti ya ALLAH (IMANA) ni uwemera ALLAH (IMANA)
n'umunsi w'imperuka, agahozaho Swalaat, agatanga
Zakaat ntanatinye uretse IMANA (ALLAH). Abo bazaba
mu bayoboke. 19. Ese mugereranya ukwicira inyota abari
gukora Hidjah no kurinda Mas'djid Al-Haraam nk'uwemeye
ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka akanaharanira
inzira ya IMANA (ALLAH)? Ntibareshya imbere ya
IMANA (ALLAH)! ALLAH (IMANA) ntayobora abantu
bahuguza. 20. Abemeye, bagakora Hidj'rah, bagaharanira
inzira ya ALLAH (IMANA) bakoresheje imitungo yabo na
bo ubwabo, bafite urwego ruhebuje kwa IMANA (ALLAH).
Abo ni bo batsinze. 21. Nyagasani wabo arabaha inkuru nziza
y'impuhwe zimuturutseho no kwishimirwa. Bafite Djannah
zirimo inema zihoraho. 22. Bazahoramo iteka. Mu by' ukuri
ALLAH (IMANA) afite ibihembo bihambaye.

23. Yemwe abemeye! Ntimukagire ababyeyi banyu
n'abavandimwe banyu inshuti koya niba bahisemo
ubuhakanyi ku kwemera. Uzabagira inshuti koya muri mwe,
abo ni bo bahuguza. 24. Vuga uti: Niba ababyeyi banyu, abana
banyu, abavandimwe banyu, abo mwashakanye, imiryango
yanyu, imitungo mwakoreye, ibicuruzwa mutinya guhomba
kwabyo n'amacumbi mwishimira bikunzwe kuri mwe
kurusha ALLAH (IMANA) n' intumwa ye, no guharanira

inzira ye ngaho nimuturame kugeza ALLAH (IMANA)
azanye itegeko rye. ALLAH (IMANA) ntayobora abantu
b’ibyigomeke.
25. Rwose ALLAH (IMANA) yabatabaye ahantu henshi.
Mwibuke umunsi wa Huna’in igihe ubwinshi bwanyu
bwabiratishije ntibwagira icyo bubamarira, isi ibabana ntoya
n’ukuntu ari ngari hanyuma mutera umugongo muhunga.
26. Hanyuma ALLAH (IMANA) amanura ituze rye ku
Ntumwa ye no ku bemera anamanura ingabo mutabonye,
ahana abahakanye. Icyo ni cyo gihembo cy’ abahakanyi.
27. Maze ALLAH (IMANA) yakira ukwicuza nyuma
y’ibyo, k’uwo ashaka. ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 28. Yemwe abemeye! Mu
by’ukuri ababangikanya ni umwanda. Ntibazegere Mas’djid
Al-Haraam nyuma y’uyu mwaka wabo. Nimutinya ubukene
ALLAH (IMANA) azabakungahaza nabishaka. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
29. Murwanye abatemera ALLAH (IMANA) ndetse
n’umunsi w’imperuka, bataziririza ibyo ALLAH (IMANA)
n’Intumwa ye baziririje batanagendera ku idini ry’ukuri, mu
bahawe ibitabo kugeza batanze Djiz’yah ku gahato na bo
basuzuguritse. 30. Abayahudi baravuze bati: Uza’ir ni umwana
wa IMANA (ALLAH). N’Abanaswara baravuga bati: Masiih
ni umwana wa IMANA (ALLAH). Iyo ni imvugo y’iminwa
yabo. Barigana imvugo y’abahakanye mbere. ALLAH
(IMANA) yarabavumye. Ese baraganishwa he!?
31. Bagize abamenyi babo n’ abasenga babo na Masiih
mwene Mariam ibigirwamana baretse IMANA (ALLAH).
Nyamara ntibategetswe kugaragira uretse Imana imwe. Nta

wundi ukwiye kugaragirwa by'ukuri uretse Yo. Ubutagatifu
ni ubwayo ku byo babangikanya.
32. Barashaka kuzimisha urumuri rwa ALLAH (IMANA)
iminwa yabo. ALLAH (IMANA) akanga keretse asendereje
urumuri rwe n'ubwo abahakanyi baba batabishaka.
33. Ni We wohereje intumwa ye ayihaye ubuyoboke n'idini
ry'ukuri kugira ngo arisumbishe andi madini yose n'ubwo
ababangikanya batakwishima.
34. Yemwe abemeye! Mu by'ukuri abenshi mu bamenyi
b'Abayahudi n'abasenga b'Abanaswara barya imitungo
y'abantu ku mahugu, bagakumira ku nzira ya IMANA
(ALLAH). Abahunika zahabu na feza ntibabitange mu nzira
ya IMANA (ALLAH). Bahe inkuru nziza y'ibihano bibabaza.
35. Umunsi byashyuhijwe mu muriro wa Djahannam,
bikokeshwa uburanga bwabo, imbavu zabo n'imigongo
yabo. Ibi ni byo mwihunikiye. Ngaho nimusogongere ibyo
mwajyaga muhunika.
36. Mu by'ukuri umubare w'amezi kwa ALLAH (IMANA)
ni amezi cumi n'abiri mu gitabo cya ALLAH (IMANA)
ubwo yaremaga ibirere n'isi. Muri yo hari ane matagatifu.
Iryo ni ryo dini rigororotse ntimukajye muyihuguzamo.
Mujye murwanya ababangikanya bose nk'uko babarwanya
mwese. Mumenye ko ALLAH (IMANA) ari kumwe n'
abaganduka. 37. Mu by'ukuri kwigizayo amezi ni ukongera
mu buhakanyi. Biyobeshwa abahakanye babizirura umwaka
bakabiziririza undi kugira ngo bahuze n'umubare w'ibyo
ALLAH (IMANA) yaziririje. Ubwo bakaba baziruye ibyo
ALLAH (IMANA) yaziririje. Batakiwe ububi bw'ibikorwa
byabo. ALLAH (IMANA) ntayobora abantu b' abahakanyi.
38. Yemwe abemeye! Ni kuki iyo mubwiwe ngo

muhagurukane ibakwe mu nzira ya ALLAH (IMANA) mugenda biguruntege? Ese mwishimiye ubuzima bw'isi kuruta ubw'imperuka ? Ibyishimo by' ubuzima bw'isi nta cyo biri cyo ku by' imperuka uretse ikintu gito. 39. Nimudahagurukana ibakwe azabahana ibihano bibabaza anabagurane abandi bantu batari mwe. Kandi nta cyo muzamutwara. ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 40. Nimutamutabara mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yaramutabaye ubwo abahakanye bamumeneshaga ari uwa kabiri muri babiri ubwo bari mu buvumo. Igihe yabwiraga mugenzi we ati: Wigira agahinda. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe natwe. ALLAH (IMANA) amumanuraho ituze rye anamushyigikiza ingabo mutabonye. Ijambo ry'abahakanye arishyira hasi na ho ijambo rya ALLAH (IMANA) ni ryo ryo hejuru. ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Ushishoza.

41. Muhagurukane ibakwe mworoshye cyangwa muremereye munaharanire inzira ya ALLAH (IMANA) mukoresheje imitungo yanyu namwe ubwanyu. Ibyo ni byo byiza kuri mwe iyaba mwari mubizi. 42. Iyo biba inyungu za hafi n'urugendo ruringaniye bari kugukurikira. Ariko rwababereye urwa kure runavunanye. Bazarahira ALLAH (IMANA) ko iyo tubishobora twari gusohokana namwe. Bariyoreka ubwabo. Rwose ALLAH (IMANA) aziko bo ari ababeshyi.

43. ALLAH (IMANA) yarakubabariye! Kuki wabahaye uruhushya rwo gusigara utabanje kureka abavuze ukuri bakakugaragarira ukanamenya ababeshyi !? 44. Abemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka ntibagusaba uruhushya rwo kutarwana bakoresheje imitungo yabo na bo ubwabo. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w'

abaganduka. 45. Ahubwo abagusaba gusigara, ni abatemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w' imperuka. Imitima yabo yarashidikanyije kandi bo mugushidikanya kwabo barahuzagurika. 46. Iyo bashaka gusohoka bari kubitegurira ibya ngombwa by'intambara. Ariko ALLAH (IMANA) yanze ugusohoka kwabo, arabadindiza. Barabwirwa; nimwicare hamwe n'abicaye.

47. N'iyo basohokana namwe nta cyo bari kubongerera uretse ububi. Bari no kubateranya babifuriza ugusubiranamo. Muri mwe hari ababumva cyane. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w' abahuguza. 48. Rwose na mbere bashatse ibigeragezo baguhindurira ibintu kugeza ubwo ukuri kuje, ijambo rya ALLAH (IMANA) riragaragara kandi bo batabishaka.

49. No muri bo hari uvuga ati: Mpa uruhushya kandi ntungerageze. Mumenyeko mu bigeragezo ariho baguye. Mu by' ukuri Djahannam igose abahakanyi. 50. Iyo icyiza kikugezeho kirababababaza. N'iyo ikibi kikugezeho baravuga bati: Mu by'ukuri twabyirinze mbere. Bagahindukira na bo bishimye. 51. Vuga uti: Nta kibi kizatubaho uretse icyo ALLAH (IMANA) yatwandikiye. Ni We Murinzi wacu kandi Abemera nibiringire IMANA (ALLAH). 52. Vuga uti: Ese muradutega iminsi uretse iya kimwe mu byiza bibiri!? Naho twe turabatega iminsi y'uko ALLAH (IMANA) azabahanisha igihano kimuturutseho cyangwa giturutse ku maboko yacu. Ngaho nimuturame! Na twe hamwe namwe turarindiriye.

53. Vuga uti: Nimutange ku bushake cyangwa ku gahato ntimuzakiririrwa. Mu by'ukuri mwe mwari abantu b' ibyigomeke. 54. Nta cyababujije kwakiririrwa ibyo batanga uretse kuba barahakanye ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye.

Nta n'ubwo baza gukora Swalaat uretse ko baza ari abanebwe.
Nta n' ubwo batanga uretse ko batanga batabishaka.
55. Ntutangazwe n'imitungo yabo n'abana babo. Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) arashaka kubibahanisha mu buzima
bw'isi, na roho zabo zikabashingukamo ari abahakanyi.
56. Barahira izina rya ALLAH (IMANA) ko bari muri mwe
kandi batabarimo. Ahubwo bo ni abantu bafite ubwoba.
57. Iyo babona ubuhungiro cyangwa ubuvumo cyangwa
isenga bari kubigana bayabangira ingata.

58. Muri bo hari abagusebya muri Swadaqah. Iyo
bahawemo baranyurwa, baba batahawemo ubwo bakarakara.
59. Iyo banyurwa n'ibyo ALLAH (IMANA) n' Intumwa ye
babahaye, bakavuga bati: ALLAH (IMANA) araduhagije.
ALLAH (IMANA) azaduha mu ngabire ze n' intumwa
ye (izitugezeho). Rwose twe turarikiye kwa IMANA
(ALLAH). 60. Mu by'ukuri Zakaat igenewe abatindi,abakene,
abayikoranya, ab'imitima imenyerezwa, kubohora abacakara,
abaremerewe n'imyenda, inzira ya ALLAH (IMANA) n'uri
ku rugendo. Ni itegeko riturutse kwa ALLAH (IMANA)
kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

61. Muri bo hari abababaza umuhanuzi bavuga bati: We
ni gutwi (uwumva ibyo abwiwe byose). Vuga uti: Ni gutwi
kw'ibyiza kuri mwe. Yemera ALLAH (IMANA) akenemera
iby'abemera. Ni n' impuhwe ku bemeye muri mwe.
Abababaza intumwa ya ALLAH (IMANA) bafite ibihano
bikomeye. 62. Barabarahirira izina rya ALLAH (IMANA)
kugira ngo babashimishe. Nyamara niba ari abemera ALLAH
(IMANA) n'Intumwa ye ni bo bakwiye gushimishwa. 63. Ese
ntibaziko uciye ukubiri na ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye

afite umuriro wa Djahannam azabamo ubuziraherezo? Icyo
ni cyo kimwaro gihambaye.
64. Abakora Nifaaq batinyako bamanurirwa Suurat ibabwira
ibiri mu mitima yabo. Vuga uti: nimunnyege! Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) azagaragaza ibyo mutinya. 65. Nubabaza
bazavuga bati: Mu by'ukuri twe twatebyaga tunakina. Vuga
uti: Ese IMANA (ALLAH), amagambo ye n'Intumwa ye ni bo
mwakinishaga? 66. Ntimugire urwitwazo rwose mwahakanye
nyuma yo kwemera kwanyu. Nitubabarira itsinda muri mwe
tuzahana agatsiko kubera ko kari akagome.
67. Abakora Nifaaq b'abagabo n'abakora Nifaaq b'abagore
bamwe bakomoka ku bandi. Bategeka gukora ibibi bakabuza
gukora ibyiza, bagahina intoki zabo (abanyabugugu).
Bibagiwe ALLAH (IMANA) na We arabibagirwa. Mu
by'ukuri abakora Nifaaq ni bo byigomeke. 68. ALLAH
(IMANA) yasezeranyije abakora Nifaaq b'abagabo
n'abakora Nifaaq b'abagore n'abahakanyi umuriro wa
Djahannam bazabamo ubuziraherezo. Wo urabahagije kandi
ALLAH (IMANA) yarabavumye banafite ibihano bihoraho.
69. Kimwe n'abababanjirije babarushaga intege bakabarusha
imitungo n'abana, bishimisha n'umugabane wabo namwe
mwishimisha n'umugabane wanyu nk'uko abababanjirije
bishimishije n'umugabane wabo. Mwibiye mu bibi nk'uko
babyibiyemo. Abo ibikorwa byabo byabaye impfabusa ku
isi no ku mperuka. Abo ni bo bahombye. 70. Ese amakuru
y'abababanjirije mu bantu ba Nuuh, A'ad, Thamuud, abantu
ba Ibraahiim, aba Mad'yan n'ababirinduriweho imidugudu
ntiyabagezeho? Intumwa zabo zabazaniye ibitangaza.
ALLAH (IMANA) ntiyari uwo kubahuguza nyamara bo ni
bo ubwabo bihuguzaga.

71. Abemera n’ abemerakazi, bamwe n’ inshuti koya
z’ abandi. Bategeka gukora ibyiza bakabuza gukora
ibibi, bahozaho Swalaat, bagatanga Zakaat bakanumvira
ALLAH (IMANA) n’ Intumwa ye. Abo ALLAH (IMANA)
azabaha impuhwe ze. Mu by’ ukuri ALLAH (IMANA)
ni Nyiricyubahiro, Ushishoza. 72. ALLAH (IMANA)
yasezeranyije Abemera n’abemerakazi Djannah zitembamo
imigezi bazabamo ubuziraherezo n’amazu meza muri Djannah
zihoraho. Gushimwa guturutse kwa ALLAH (IMANA) ni ko
gusumba byose. Uko ni ko gutsinda guhambaye.

73. Yewe Muhanuzi! Rwanya abahakanyi n’abakora Nifaaq
unabakarire. Ubuhungiro bwabo ni Djahannam kandi ni ryo
garukiro ribi. 74. Bararahira izina rya ALLAH (IMANA) ko
nta cyo bavuze nyamara baravuze ijambo ry’ubuhakanyi
banahakana nyuma y’ubuislaam bwabo, bifuza icyo
batashoboye kugeraho. Nta kindi cyatumye basebya uretse
kuba ALLAH (IMANA) yarabakungahaje mu ngabire ze
n’intumwa ye ikazibagezaho. Nibicuza bizaba byiza kuri bo.
Nibatera umugongo ALLAH (IMANA) azabahana ibihano
bibabaza ku isi no ku mperuka. Kandi ntibafite ku isi umurinzi
cyangwa umutabazi.

75. Muri bo hari abasezeranyije IMANA (ALLAH);
Naduha mu ngabire ze rwose tuzatanga Swadaqah tunabe mu
batunganya. 76. Abahaye mu ngabire ze bazigiriye ubugugu
bahindukira na bo birengagiza. 77. Abaha ingaruka za Nifaaq
mu mitima yabo kugeza umunsi bazahurira na We; kubera
ko bishe isezerano bahaye ALLAH (IMANA) no kubera
ibyo babeshyaga. 78. Ese ntibamenyeko ALLAH (IMANA)
azi ibanga ryabo n’ ibiganiro byabo byo mu ibanga kandi ko
ALLAH (IMANA) ari Umumenyi cyane w’ibitagaragara!?

79. Abasebya abakorerabushake mu bemera kuri
Swadaqah n'abatagira icyo babona uretse igiturutse ku
murava wabo bakabannyega, ALLAH (IMANA) yabasubije
ukunnyega kwabo kandi bafite ibihano bibabaza. 80. Basabire
guhanagurwaho ibyaha cyangwa ntubibasabire. N'ubwo
wabasabira guhanagurwaho ibyaha ubugira mirongo irindwi;
ALLAH (IMANA) ntazabahanaguraho ibyaha. Ibyo ni
uko bahakanye ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye. ALLAH
(IMANA) ntayobora abantu b'ibyigomeke.

81 Abasigaye bishimiye kwicara baciye ukubiri n'Intumwa
ya IMANA (ALLAH), banga kurwana mu nzira ya ALLAH
(IMANA) bakoresheje imitungo yabo na bo ubwabo.
Baravuga bati: ntimujye ku rugamba mu bushyuhe. Vuga
uti: umuriro wa Djahannam ni wo ukarishye mu bushyuhe
kurushaho. Iyaba bari bafite ubwenge. 82 Nibaseke gake barire
kenshi. Ni igihembo ku byo bakoraga. 83 ALLAH (IMANA)
nakugarura ku gatsiko muri bo bakagusaba gusohokana ku
rugamba uzavuge uti: ntabwo muzasohokana nanjye ku
rugamba na rimwe. Nta n' ubwo muzarwanya umwanzi turi
kumwe. Mu by'ukuri mwe mwishimiye kwicara ubwa mbere,
nimwicarane n' abasigara. 84 Ntuzasabire na rimwe umwe
muri bo yapfuye ntuzanahagarare ku mva ye. Mu by'ukuri
bo bahakanye ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye, bapfa ari
ibyigomeke.

85. Ntuzatangazwe n'imitungo yabo n'abana babo. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) arashaka kubibahanisha ku isi
na roho zabo zikabashingukamo ari abahakanyi. 86. N'iyo
Suurat imanuwe itegeka ngo: nimwemere ALLAH (IMANA)
munarwane muri kumwe n'Intumwa ye, abakungu muri bo
bagusaba gusigara bavuga bati: Tureke tugumane n'abicaye.

87. Bishimiye kugumana n'abagore basigaye mu ngo. Imitima
yabo irapfundikirwa bo ntibumva. 88. Na ho Intumwa
n'abemeye bari kumwe na yo, barwanye bakoresheje
imitungo yabo na bo ubwabo. Abo bafite ibyiza byinshi, abo
ni na bo bakiranutse. 89. ALLAH (IMANA) yabateguriye
Djannah zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo. Uko
ni ko gutsinda guhambaye.

90. Abatanga urwitwazo muri ba A'araab baraje kugira
ngo bemererwe kutajya ku rugamba. Ababeshye ALLAH
(IMANA) n' Intumwa ye baricara. Abahakanye muri
bo bazagerwaho n'ibihano bibabaza. 91. Nta kibi ku
banyantegenke cyangwa ku barwayi cyangwa ku badafite
icyo batanga iyo batanze inama kubera ALLAH (IMANA)
n'Intumwa ye. Nta buryo bwo kugaya abagiraneza. ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
92. Cyangwa no ku baza bakugana ngo ubaheke ukavuga
uti: Simfite icyo mbahekaho. Bagahindukira amaso yabo
yarengewe n'amarira kubera agahinda ko kutabona icyo
batanga. 93. Mu by'ukuri uburyo bwo kugawa buri ku
bagusaba gusigara kandi ari abakire. Bishimiye kugumana
n' abagore basigaye. ALLAH (IMANA) apfundikira imitima
yabo. Bo nta cyo bazi.

94. Bazababwira impamvu (basigaye), nimubagarukaho.
Vuga : Mwivuga impamvu. Ntituzibemerera. ALLAH
(IMANA) yatubwiye amakuru yanyu. Kandi ALLAH
(IMANA) n' Intumwa ye bazareba ibikorwa byanyu.
Hanyuma muzasubizwa ku Mumenyi w' ibigaragara n'
ibyihishe, abatekerereze ibyo mwakoraga. 95. Bazabarahirira
ku izina rya ALLAH (IMANA) nimubasubiraho, kugira ngo
mubihorere. Ngaho nimubirengagize, mu by' ukuri bo ni

umwanda. Ubuhungiro bwabo ni Djahannam. Ni igihembo
ku byo bakoraga. 96. Barabarahirira kugira ngo mubishimire.
Nimubishimira, mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ntiyishimira
abantu b' ibyigomeke.
97. Ba A'araab ni bo barusha abandi ubuhakanyi na Nifaaq
ni na bo barusha abandi kutamenya imbibi z' ibyo ALLAH
(IMANA) yamanuriye Intumwa ye. ALLAH (IMANA)
ni Umumenyi cyane, Ushishoza. 98. Muri ba A'araab hari
ababonako ibyo batanga ari igihombo, bakabatega iminsi.
Iminsi mibi nibe kuri bo. ALLAH (IMANA) ni Uwumva
cyane, Umumenyi cyane.
99. No muri ba A'araab hari abemera ALLAH (IMANA)
n' umunsi w' imperuka. Ibyo batanze bakabigira ibibegereza
kwa ALLAH (IMANA) no gusabirwa n' Intumwa.
Mumenyeko mu by' ukuri ibyo ari ukwiyegereza kwabo.
ALLAH (IMANA) azabinjiza mu mpuhwe ze. Mu by' ukuri,
ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi.
100 Ababaye abambere mu bakoze Hidj'rah n'ababakurikiye
mu neza, ALLAH (IMANA) yarabishimiye, na bo
baramwishimira. Yabateguriye Djannah zitembamo imigezi.
Bazahoramo iteka ryose. Uko ni ugutsinda guhambaye.
101 Muri ba A'araab babakikije harimo abakora Nifaaq no mu
bantu ba Madiinah hari abatsimbaraye kuri Nifaaq. Ntubazi,
ariko Twe turabazi. Tuzabahana ubugira kabiri hanyuma
bazasubizwe mu bihano bihambaye.
102. Hari n' abandi bemeye ibyaha byabo, bavanze ibikorwa
byiza n' ibindi bibi. ALLAH (IMANA) azakira ukwicuza
kwabo. Mu by' ukuri, ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 103. Fata mu mitungo

yabo Zakaat uyibasukuze unayibezeshe, ndetse unabasabire. Mu by' ukuri, ugusaba kwawe ni ituze kuri bo. ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 104. Ese ntibaziko mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ari We wakira ukwicuza ku bagaragu be, akakira Zakaat kandi ko ALLAH (IMANA) ari We Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi!? 105. Vuga : Nimukore. IMANA (ALLAH), Intumwa ye n'abemera bazareba ibikorwa byanyu. Kandi muzagarurwa ku Mumenyi w'ibyihishe n'ibigaragara akazabatekerereza ibyo mwakoraga. 106. N' abandi bazarindirizwa itegeko rya IMANA (ALLAH). Yabahana, yakwemera ukwicuza kwabo ! ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

107. Hari abubatse umusigiti bagambiriye ikibi, ubuhakanyi, gutandukanya abemera no gutegereza abarwanyaga ALLAH (IMANA) n' Intumwa ye mbere. Rwose bazarahira ngo nta kindi twashatse uretse ineza. ALLAH (IMANA) arahamyako mu by' ukuri ari ababeshyi. 108. Ntuzawukoreremo Swalaat na rimwe ! Ahubwo umusigiti wubatswe umunsi wa mbere, ushingiye ku kuganduka, ni wo ukwiye gukoreramo Swalaat. Urimo abantu bakunda kwisukura kandi ALLAH (IMANA) akunda abisukura. 109. Ese uwubakiye inyubako ye ku gutinya ALLAH (IMANA) no gushaka ishimwe rye, ni we mwiza ? Cyangwa uwubakiye inyubako ye ku nkombe yasadutse yenda kugwa ikamuridukana, imugusha muri Djahannam ? ALLAH (IMANA) ntayobora abantu bahuguza. 110. Inyubako yabo bubatse iracyari ugushidikanya mu mitima yabo kugeza ubwo imitima yabo icikaguritse. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

111. Mu by'ukuri, ALLAH (IMANA) yaguze n'abemera imitima yabo n' imitungo yabo, y'uko bo bafite Djannah.

Barwana mu nzira ya ALLAH (IMANA) bakica bakanicwa.
Ni isezerano ry'ukuri yiyemeje muri Ta'uraat, In'jiil na
Qur'aan. Ni nde wakuzuza isezerano rye kurusha IMANA
(ALLAH)? Nimwishimire ubucuruzi bwanyu mwakoranye
na We. Uko ni ko gutsinda guhambaye. 112. Ni abicuza,
abagaragira, abashimira, abakeragutabara, abunama,
abubama, abategeka gukora ibyiza, ababuza gukora ibibi
n' abarinda imbibi za IMANA (ALLAH). Ha inkuru nziza
abemera.
113. Ntibikwiye k'umuhanuzi n'abemeye gusabira
ababangikanya guhanagurwaho ibyaha, n' ubwo baba
bafitanye isano, nyuma y'uko bagaragarijweko ari abo
muri Djahiim. 114. Ntikwari ugusabira guhanagurwaho
ibyaha Ibraahiim asabira se, uretseko ryari isezerano yari
yaramusezeranyije. Amaze kugaragarirwako ari umwanzi
wa IMANA (ALLAH), yaramwitaruye. Mu by' ukuri
Ibraahiim ni uw'impuhwe cyane. umwitonzi. 115. ALLAH
(IMANA) ntiyayobya abantu nyuma y'uko abayobora,
keretse abanje kubasobanurira ibyo birinda. Mu by' ukuri,
ALLAH (IMANA) ni Umumeyi cyane wa buri kintu.
116. Mu by'ukuri, ALLAH (IMANA) afite ubwami bw'ibirere
n' isi. Atanga ubuzima n' urupfu. Nta wundi mufiteho
umurinzi cyangwa umutabazi utari IMANA (ALLAH).
117. Rwose ALLAH (IMANA) yakiriye ukwicuza
k'Umuhanuzi, abakoze Hidj'rah n'aba Answaar
bamukurikiye mu gihe gikomeye, nyuma y' uko imitima y'
itsinda muri bo yari hafi kudohoka ku kuri. Hanyuma yakira
ukwicuza kwabo. Mu by' ukuri We ni Nyirimpuhwe cyane,
Nyirimbabazi. 118. No kuri batatu basibijwe. Kugeza ubwo
isi ibabanye ntoya kandi ari ngari, n'imitima yabo ikababana

mito; bamenyako nta ho guhungira IMANA (ALLAH), uretse kuri We. Hanyuma yakira ukwicuza kwabo kugira ngo bicuze. Mu by' ukuri, ALLAH (IMANA) ni We Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi.

119. Yemwe abemeye! Mugandukire ALLAH (IMANA) kandi mujye mubana n' abanyakuri. 120. Ntibikwiye ku b'i Madiinah n'ababakikije muri ba A'araab gusiba urugamba baciye ukubiri n' intumwa ya IMANA (ALLAH), cyangwa kurutisha ubuzima bwabo ubwayo. Ibyo ni ukubera ko inyota, umunaniro cyangwa inzara bitabageraho mu nzira ya IMANA (ALLAH), cyangwa ngo bakandagire ahantu harakaza abahakanyi cyangwa ngo batsinde umwanzi, uretse ko babyandikirwaho igikorwa gitunganye. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ntaburizamo ibihembo by' abagiraneza.
121. Nta n'ubwo batanga igitangwa gito cyangwa kinini, ntibanambukiranya ikibaya usibye ko babyandikirwa, kugira ngo ALLAH (IMANA) abahembe ibyiza by' ibyo bakoraga.

122. Ntibikwiyeko abemera bahagurukana ibakwe bose. Iyaba habagaho abantu muri buri tsinda hakavamo bamwe bakaba abamenyi mu idini; bazaburire abantu babo igihe babagarukiye, wenda bakwirinda.

123. Yemwe abemeye! Nimurwanye ababegereye mu bahakanyi, bababonemo ubukana. Mumenyeko ALLAH (IMANA) ari kumwe n'abaganduka. 124. N' iyo hari Suurat yamanuwe, muri bo hari uvuga: Ni nde muri mwe iyi yongereye ukwemera ? Nyamara abemeye ibongereye ukwemera na bo bishima. 125. Naho abafite indwara mu mitima yabo ibongereye umwanda ku mwanda wabo bapfa ari abahakanyi. 126. Ese ntibabonako bageragezwa buri mwaka rimwe cyangwa kabiri, hanyuma ntibicuze cyangwa

ngo bibuke? [127.] N' iyo Suurat imanuwe, bamwe bareba abandi babazanya: Ese hari ubareba? Hanyuma bakagenda. ALLAH (IMANA) yahinduye imitima yabo kubera ko ari abantu batumva.

[128.] Rwose intumwa yabagezeho ibakomokamo. Iremererwa n' ububabare bwanyu, ibitayeho, kandi n' inyampuhwe nyinshi, inyambabazi ku bemera. [129.] Nibahindukira uvuge: ALLAH (IMANA) arampagije. Nta yindi mana uretse We. Ni We niringiye ni na We Nyagasani wa A'arshi ihambaye.

## Surat 10

# YUUNUS

Kw'izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] *Alif Laam Raa.*

Izo ni ayah z'igitabo gisobetse ubushishozi. [2] Ese ni igitangaza ku bantu kuba twarahishuriye umuntu muri bo ngo: burira abantu unahe inkuru nziza abemeye ko bari imbere mu kuri. Imbere ya Nyagasani wabo!? Abahakanyi baravuze bati: mu by' ukuri uyu ni umurozi ugaragara.

[3] Mu by' ukuri Nyagasani wanyu ni ALLAH (IMANA) waremye ibirere n'isi mu bihe bitandatu hanyuma aganza kuri A'arsh. Agenga ibintu. Nta muvugizi keretse nyuma y'uruhushya rwe. Uwo ni We ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu, mumugaragire. Ese ntimwibuka!? [4] Iwe ni ho garukiro ryanyu mwese. Ni isezerano rya ALLAH (IMANA) ry'ukuri. Ni We utangira ukurema hanyuma akazanagusubiramo kugira ngo azahembe abemeye bakanakora ibitunganye mu

butabera. Naho abahakanye bazagira ibinyobwa byatuye
n’ibihano bibabaza kubera ko bahakanaga.
5. Ni We wagize izuba umucyo n’ukwezi urumuri
akugenera ibyiciro kugira ngo mumenye umubare w’imyaka
no kubara. ALLAH (IMANA) ntiyaremye ibyo uretse mu
kuri. Asesengura amagambo ku bantu bafite ubumenyi.
6. Mu by’ ukuri mu runyuranyurane rw’ijoro n’amanywa
n’ibyo ALLAH (IMANA) yaremye mu birere n’isi, harimo
ibimenyetso ku bantu baganduka. 7. Mu by’ukuri abatizera
guhura natwe bakishimira ubuzima bw’isi bakanabugiraho
ituze ni indangare ku magambo yacu. 8. Abo ubuhungiro
bwabo ni umuriro kubera ibyo bakoraga. 9. Mu by’ukuri
abemeye bakanakora ibitunganye Nyagasani wabo
azabayobora kubera ukwemera kwabo. Imigezi izatemba
munsi yabo muri Djannah zuje inema. 10. Ugusaba kwabo muri
yo : Sub’haanaka Imana (ALLAH)umma no kuramukanya
kwabo muriyo ni Salaam. Umusozo wo gusaba kwabo ni
Al’Hamdu li LLah rabbil aalamiina.
11. Iyo ALLAH (IMANA) yihutishiriza abantu ikibi
uko basaba kwihutishirizwa icyiza, igihe cyabo cyari
kurangizwa. Tukareka abatizera guhura natwe mu buyobe
bwabo barindagira. 12. Iyo umuntu agezweho n’ikibi adusaba
aryamye cyangwa yicaye cyangwa ahagaze. Twamukuraho
ikibi cye akigira nk’ aho atigeze adusaba kumukuraho ikibi
cyamugezeho. Uko ni ko abarengera batakiwe ibyo bakoraga.
13. Rwose tworetse imiryango y’ibihe byari imbere yanyu
ubwo yahuguzaga nyamara intumwa zabo zarabazaniye
ibitangaza ariko ntibemeye. Uko ni ko duhemba abantu
b’abagome. 14. Maze tubagira abasigire nyuma yabo kugira
ngo tubereke uko mukora.

15. N'iyo basomewe amagambo yacu asobanutse
abatizera guhura natwe baravuga bati: tuzanire Qur'aan
itari iyi cyangwa uyihindure. Vuga uti: ntibikwiye kuri jye
ko nyihindura binturutseho. Nta cyo nkurikira uretse ibyo
mpishurirwa. Mu by'ukuri jye ndatinya ninigomeka kuri
Nyagasani wanjye ibihano by'umunsi uhambaye. 16. Vuga
uti: iyo ALLAH (IMANA) abishaka sinari kuyibasomera
nta n'ubwo yari kuyibamenyesha. Mu by' ukuri nabaye muri
mwe igihe mbere yayo. Ese nta bwenge mufite? 17. Ni nde
uhuguza kurusha uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma
cyangwa agahinyura amagambo ye? Mu by' ukuri abagome
ntibakiranuka.

18. Bagaragira ibitari ALLAH (IMANA) bitagira icyo
bibatwara cyangwa icyo bibamarira. Baravuga bati: aba
ni abavugizi bacu kwa IMANA (ALLAH). Vuga uti:
ese murabwira ALLAH (IMANA) ibyo atazi mu birere
cyangwa mu isi!? Ubutagatifu ni ubwe kandi arenze ibyo
bamubangikanya. 19. Abantu nta kundi bariho uretse kuba
ummah imwe baza gutandukana. Iyo ritaba ijambo rituruka
kwa Nyagasani wawe ryabanje bari gucirwa imanza mu byo
batandukanamo.

20. Baravuga bati: iyaba yamanurirwaga igitangaza
giturutse kwa Nyagasani we! Vuga uti: Mu by'ukuri ibyihishe
ni ibya IMANA (ALLAH). Ngaho nimuturame, nanjye
hamwe namwe ndi mu bategereje. 21. N'iyo dusogongeje
abantu impuhwe nyuma y'ingorane zabagezeho, bakerensa
amagambo yacu. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni Uwihutisha
cyane ibihano. Mu by'ukuri intumwa zacu zandika ibyo uko
mukerensa.

22. Ni We ubagenza imusozi no mu nyanja, mwaba muri

mu bwato bubatwaye n'umuyaga utuje. Bamara kuwishimira,
bugakubitwa n'inkubi y'umuyaga, umuhengeri ukabageraho
uturutse impande zose, bakabonako bagoswe ubwo bagasaba
ALLAH (IMANA) bamuhariye idini ngo: nuturokora ibi
rwose turaba mu bashimira. 23. Abarokoye, bahita bangiza
mu isi nta kuri. Yemwe Bantu! Mu by'ukuri ukwangiza
kwanyu nimwe kugaruka. Ibyo ni ibyishimo by'isi hanyuma
iwacu ni ryo garukiro ryanyu kugira ngo tubatekerereze ibyo
mwakoraga.

24. Mu by'ukuri ubuzima bw'isi ni nk'amazi twamanuye
mu kirere akivanga n'ibimera by'isi mu byo abantu barya
n'amatungo maze isi yamara kuberwa ikanitaka, abayituye
bakibwirako bayigenga; itegeko ryacu rikayigeraho nijoro
cyangwa ku manywa, tukayigira iyasaruwe nk'aho itagize
icyo imara ejo. Uko ni ko dusesengura amagambo ku bantu
batekereza.

25. ALLAH (IMANA) ahamagarira inzu y'amahoro,
akanayobora uwo ashatse ku nzira igororotse. 26. Abagize
neza bazahabwa ibyiza ndetse n'akarusho. Umukungugu no
gusuzugurwa ntibizatwikira uburanga bwabo. Abo nibo ba
nyiri Djannah bazabamo ubuziraherezo. 27. Naho abakoze
ibicumuro; igihembo cy'igicumuro ni nka cyo. Bazatwikirwa
no gusuzugurwa. Ntabwo bafite uzabarinda IMANA
(ALLAH). Ni nk'aho uburanga bwabo bwatwikiriwe
n'icuraburindi ry'ijoro. Abo ni ba nyir'umuriro bazawubamo
ubuzira herezo.

28. Umunsi tuzabakoranya bose maze nyuma tukabwira
ababangikanyije tuti: mugume aho mwe n'ibigirwamana
byanyu. Turabatandukanya. Ibigirwamana byabo biravuga
biti: si twe mwajyaga mugaragira! 29. ALLAH (IMANA)

arahagije kuba umuhamya hagati yacu namwe. Mu by’ukuri
ntitwari tuzi ukugaragira kwanyu. 30. Aho, buri muntu
azamenya ibyo yakoze mbere. Bazasubizwa kwa ALLAH
(IMANA) Umurinzi wabo w’ukuri. Ibyo bahimbaga bizabura.
31. Vuga uti: ni nde ubafungurira ibivuye mu kirere no
mu isi cyangwa ni nde utegeka ukumva n’ukubona? Ni nde
ukura ikizima mu gipfu akanakura igipfu mu kizima? Ni na
nde ugenga ibintu? Bazavuga bati: ni IMANA (ALLAH).
Vuga uti: ese mwatinye? 32. Uwo ni We ALLAH (IMANA)
Nyagasani wanyu w’ukuri. N’iki kitari ukuri uretse ubuyobe!?
Ese muraganishwa he? 33. Uko ni ko ijambo rya Nyagasani
wawe ryahamye ku bigometse; ko batazemera.
34. Vuga uti: ese mu bigirwamana byanyu hari igitangira
ukurema nyuma kikagusubiramo? Vuga uti: ni ALLAH
(IMANA) atangira ukurema hanyuma akagusubiramo. Ese
muraganishwa he? 35. Vuga uti: mu bigirwamana byanyu hari
ikiyobora ku kuri? Vuga uti: ni ALLAH (IMANA) uyobora ku
kuri. Ese uyobora ku kuri si We ukwiye gukurikirwa cyangwa
ni utayobora keretse ayobowe? Ni gute mwe mukiranura?
36. Abenshi muri bo nta cyo bakurikira uretse gukekeranya.
Rwose ugukekeranya nta cyo kumara ku kuri. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi ku byo mukora.
37. Iyi Qur’aan si iyo guhimbwa uretseko yaturutse kwa
ALLAH (IMANA) ahubwo iremeza ibiyiri imbere ni
n’isesengura ry’igitabo nta gushidikanya kuyirimo; ituruka
kuri Nyagasani w’ibiremwa byose. 38. Cyangwa baravuga
ngo yarayihimbye! Vuga uti: ngaho nimuzane Suurat nka
yo munahamagare uwo mushoboye wese utari ALLAH
(IMANA) niba muri abanyakuri. 39. Ahubwo bahinyuye
ibyo batari bahetuje ubumenyi n’ibisobanuro byayo

bitarabageraho. Uko ni ko ababababanjirije bahinyuye. Reba
uko iherezo ry'abahuguza ryari rimeze.
40. Muri bo hari abayemera no muri bo hari abatayemera.
Nyagasani wawe ni We uzi cyane abangizi. 41. Nibaguhinyura
uvuge uti: mfite ibikorwa byanjye na mwe mufite ibyanyu.
Mwe mwitaruye ibyo nkora, nanjye nitaruye ibyo mukora.
42. Muri bo hari abakumviriza. Ese wowe wakumvisha
ibipfamatwi n'ubwo byaba bidafite ubwenge? 43. Muri bo
hari abagukanurira. Ese wowe wayobora impumyi n' ubwo
zaba zitabona? 44. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) nta cyo
ahuguza abantu ahubwo abantu ni bo bihuguza ubwabo.
45. Umunsi yabakoranyije bazaba nk'aho batabayeho
uretse isaha imwe y'amanywa, bazamenyana. Rwose
abahakanye guhura na ALLAH (IMANA) barahombye kan
ntibari abayoboka. 46. N'iyo twakwereka bimwe mu byo
tubasezeranya cyangwa tukakuzuriza igihe cyawe; iwacu ni
ho garukiro ryabo kandi ALLAH (IMANA) ni Umuhamya
w'ibyo bakora.
47. Buri ummah ifite intumwa. Ubwo intumwa yayo izaza
bakiranurwa mu butabera kandi badahuguzwa.
48. Baravuga bati: iri sezerano rizasohozwa ryari niba
muri abanyakuri? 49. Vuga uti: nta cyo nakwigezaho ku
bwanjye cyaba cyiza cyangwa kibi uretse icyo ALLAH
(IMANA) ashatse. Buri ummah ifite igihe. Igihe cyayo iyo
cyageze, ntikerererezwa igihe gito cyangwa ngo yihutishwe.
50. Vuga uti: nimumbwire ibihano bye bibagezeho nijoro
cyangwa ku manywa; abagome barabyihutishiriza iki!?
51. Ese hanyuma bibaguyeho, mukabyemera!? Ese ubu noneho
kandi mwarajyaga mubyihutisha!? 52. Hanyuma abahuguje

barabwirwa ngo: nimusogongere ibihano bihoraho. Ese hari
ibyo muhemberwa uretse ibyo mwakoraga!?
53. Barakubaza bati: ese yo ni ukuri? Vuga uti: yee!
Ndahiye izina rya Nyagasani wanjye ko ari ukuri. Kandi
mwe ntimunaniranye. 54. Iyo umuntu wese wahuguje agira
ibyo mu isi byose yari kubyicunguza. Bazahisha ukwicuza
igihe bazabona ibihano kandi bazakiranurwa mu butabera
bo badahuguzwa. 55. Mumenyeko mu by'ukuri ibyo mu
birere n'isi ari ibya IMANA (ALLAH). Mumenyeko rwose
isezerano rya ALLAH (IMANA) ari ukuri nyamara abenshi
muri bo ntibabizi. 56. Ni We utanga ubuzima akanabwambura
kandi iwe ni ho muzasubizwa.
57. Yemwe bantu! Rwose mwagezweho n'inyigisho
ziturutse kwa Nyagasani wanyu, n'umuti w'ibiri mu
bituza, ubuyobozi n'impuhwe ku bemera. 58. Vuga uti: ku
bw'ingabire za ALLAH (IMANA) n'impuhwe ze ibyo
abe ari byo bishimira kuko ari byo byiza kurusha ibyo
bakoranya. 59. Vuga uti: Ntimubona ibyo ALLAH (IMANA)
yabamanuriye mu mafunguro mukagira bimwe muri byo
Haraam na Halaal!? Vuga uti: ese ALLAH (IMANA) ni We
wabibemereye cyangwa murahimbira ALLAH (IMANA) !?
60. Ni iki abahimbira ALLAH (IMANA) ibinyoma bazakeka
ku munsi w'imperuka? Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Nyir'ingabire ku bantu nyamara abenshi muri bo ntibashima.
61. Uburyo waba urimo ubwo ari bwo bwose n'uburyo
usomamo Qur'aan n'igikorwa icyo aricyo cyose mwakora
tuba duhari igihe mugicengeramo. Nta cyihisha Nyagasani
wawe n'ubwo cyagira uburemere bwa Dharrah mu isi
cyangwa mu kirere cyangwa agato kuri yo cyangwa ikinini,
uretse ko kiba kiri mu gitabo kigaragara. 62. Mumenyeko

inshuti koya za ALLAH (IMANA) nta bwoba zizagira nta n'agahinda. 63. Abemeye bakanaganduka. 64. Bafite inkuru nziza mu buzima bw'isi no ku mperuka. Nta guhindura amagambo ya IMANA (ALLAH). Uko ni ko gutsinda guhambaye. 65. Amagambo yabo ntagutere agahinda. Mu by'ukuri icyubahiro cyose ni icya IMANA (ALLAH). Ni We Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 66. Mumenyeko mu by' ukuri, abari mu birere n'abari mu isi ari aba IMANA (ALLAH). Abasaba ibigirwamana baretse ALLAH (IMANA) ntacyo bakurikira uretse gukekeranya. Bo nta kindi bakora uretse kubeshya. 67. Ni we wabashyiriyeho ijoro kugira ngo murigiremo ituze n'amanywa urumuri. Mu by'ukuri muri ibyo harimo ibimenyetso ku bantu bumva.

68. Baravuze bati: ALLAH (IMANA) yihaye umwana! Ubutagatifu ni ubwe. Ni We Mukungu. Afite ibyo mu birere n'ibyo mu isi. Ibi nta kimenyetso mubifitiye. Ese muravuga kuri ALLAH (IMANA) ibyo mutazi? 69. Vuga uti: Mu by'ukuri abahimbira ALLAH (IMANA) ibinyoma ntibazakiranuka. 70. Ni ibyishimo ku isi. Hanyuma iwacu ni ho garukiro ryabo maze tubasogongeze ibihano bikomeye kubera ibyo bahakanaga.

71. Basomere inkuru ya Nuuh ubwo yabwiraga abantu be ati: Yemwe bantu banjye! Niba ukubaho kwanjye no kubibutsa kwanjye amagambo ya ALLAH (IMANA) kwarabaremereye. Niringiye IMANA (ALLAH). Muhuze imigambi yanyu n'ibigirwamana byanyu maze imigambi yanyu ntibe rwihishwa hanyuma mumfatire ibyemezo ntimundindirize. 72. Nimuhindukira, nta gihembo mbasabye. Igihembo cyanjye kiri kwa IMANA (ALLAH). Kandi nategetswe kuba mu bicisha bugufi. 73. Baramuhinyura

tumurokorana n'abari kumwe na we mu nkuge tubagira
abasigire. Turoha abahinyuye amagambo yacu. Itegereze uko
iherezo ry'ababuriwe ryari rimeze.

74. Hanyuma twohereza nyuma ye intumwa ku bantu bazo
zibazanira ibitangaza, ntibaba abo kwemera ibyo bahakanye
mbere. Uko ni ko dupfundikira imitima y'abarengera.

75. Maze twohereza nyuma yabo Muusa na Haaruun bitwaje
ibitangaza byacu kwa Fir'aun n'abambari be. Barikuza baba
abantu b'abagome. 76. Ukuri kubagezeho kuduturutseho
baravuga bati: mu by'ukuri ubu ni uburozi bugaragara.
77. Muusa aravuga ati: ese muravuga ku kuri ubwo kubagezeho
ngo ubu ni uburozi? Nyamara abarozi ntibatsinda. 78. Baravuga
bati: ese uje kuturangaza ku byo twasanzeho abakurambere
bacu kugira ngo mugire icyubahiro mu gihugu? Twe kuri
mwe ntituri abemera.

79. Fir'aun aravuga ati: nimunzanire buri murozi
w'umumenyi cyane. 80. Abarozi baje Muusa arababwira ati:
nimunage ibyo mwe munaga. 81. Banaze, Muusa aravuga ati:
ibyo mwazanye ni uburozi. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
arabiburizamo rwose ALLAH (IMANA) ntatunganya
igikorwa cy' abangizi. 82. ALLAH (IMANA) amagambo ye
ayahamisha ukuri n'ubwo abagome babyanga.

83. Ntawemeye Muusa uretse urubyaro mu bantu be
kubera gutinya Fir'aun n'abambari be ko babagerageza.
Mu by'ukuri Fir'aun ni uwikuza ku isi kandi we ari no
mu bangizi. 84. Muusa aravuga ati: yemwe bantu banjye!
Niba mwaremeye ALLAH (IMANA) nimumwiringire
niba muri abacishabugufi. 85. Baravuga bati: ALLAH
(IMANA) wenyine ni We twiringiye. Ayi Nyagasani wacu!

Ntutugire ikigeragezo cy’abantu bahuguza. 86. Unadukize ku
bw’impuhwe zawe abantu b’abahakanyi.
87. Duhishurira Muusa n’umuvandimwe we : Nimuhe
abantu banyu amazu mu Misiri, mugire inzu zanyu aho
gukorera Swalaat, munahozeho Swalaat. Ha inkuru nziza
abemera.
88. Muusa aravuga ati: ayi Nyagasani wacu! Mu by’ukuri
wahaye Fir’aun n’abambari be imitako n’imitungo mu
buzima bw’isi. Ayi Nyagasani wacu! Bayobya ku nzira yawe.
Ayi Nyagasani wacu! Oreka imitungo yabo unafunge imitima
yabo, ntibazemere keretse babonye ibihano bibabaza.
89. Aravuga ati: Ugusaba kwanyu kwasubijwe!
Nimukomeze inzira igororotse. Ntimuzakurikire na rimwe
inzira y’abadafite ubumenyi.
90. Twambutsa abana ba Israa’iil inyanja Fir’aun n’ingabo
ze babakurikira birata babishe, kugeza ubwo agezweho no
kurohama. Aravuga ati: Nemeyeko nta yindi mana uretse iyo
abana ba Israa’iil bemeye kandi jye ndi mu bicisha bugufi.
91 Ese ubu (nibwo wemeye) kandi warigometse mbere
ukaba mu bangizi !? 92. Uyu munsi turarohora umurambo
wawe kugira ngo ubere abazaza nyuma yawe ikimenyetso!
Mu by’ukuri abenshi mu bantu ni indangare ku bimenyetso
byacu.
93. Rwose twatuje abana ba Israa’iil ubuturo bwiza tubaha mu
mafunguro ameza. Ntibatandukanye kugeza ubwo ubumenyi
bubagereyeho. Mu by’ukuri Nyagasani wawe azabakiranura
ku munsi w’imperuka mu byo batandukanagaho.
94 Niba ushidikanya ku byo twakumanuriye baza abasomye
ibitabo mbere yawe. Rwose wagazweho n’ukuri guturutse
kwa Nyagasani wawe. Ntube na rimwe mu bashidikanya.

95 Ntube na rimwe mu bahinyuye amagambo ya ALLAH
(IMANA) ukaba mu bahomba.
96. Mu by'ukuri abahamwe n'ijambo rya Nyagasani wawe
ntibemera. 97. N'ubwo buri gitangaza cyabageraho kugeza
ubwo babonye ibihano bibababaza. 98. Niba hari umudugudu
wemeye ukagirirwa akamaro no kwemera kwawo ni abantu
ba Yuunus ubwo bemeraga, twabakuyeho ibihano bimwaje
mu buzima bw'isi, turabanezeza kugeza igihe cyabo.
99. Iyo Nyagasani wawe abishaka abari ku isi bose hamwe
bari kwemera. Ese wowe urahatira abantu ko baba abemera?
100. Umuntu ntiyari uwo kwemera keretse ku bushake bwa
IMANA (ALLAH). Agena ibihano ku batagira ubwenge.
101. Vuga uti: nimwitegereze ni ibiki biri mu birere n'isi?
Ibitangaza n'ibiburira ntibigira akamaro ku bantu batemera.
102. Ese hari icyo bategereje, uretse iminsi nk'iy'abahise
mbere yabo? Vuga uti: nimuturame mu by'ukuri jye hamwe
namwe ndi mu bategereza. 103. Hanyuma turokora intumwa
zacu n'abemeye. Uko ni ko twiyemeje kurokora abemera.
104. Vuga uti: yemwe bantu! Niba mushidikanya ku
idini ryanjye singaragira ibyo mugaragira bitari ALLAH
(IMANA) ahubwo ngaragira ALLAH (IMANA) ubaha
gupfa. Kandi nategetswe kuba mu bemera. 105. Unerekeze
uburanga bwawe ku idini uri Haniifa, ntube na rimwe mu
babangikanya. 106. Ntusabe ibitari ALLAH (IMANA)
bitagira icyo bikumarira cyangwa bigutwara. Nubikora
mu by'ukuri wowe uraba uri mu bahuguza. 107. ALLAH
(IMANA) akugejejeho ingorane ntawazigukuraho uretse
We anagushakiye icyiza ntawasubizayo ingabire ze. Azigeza
kuwo ashaka mu bagaragu be. We ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi.

[108.] Vuga uti: Yemwe bantu! Rwose ukuri guturutse kwa Nyagasani wanyu kwabagezeho. Uwayobotse yayobotse ku neza ye n'uwayobye yayobye ku nabi ye kandi jye si ndi ubashinzwe. [109.] Ukurikize ibyo uhishurirwa, kandi wihangane kugeza ubwo ALLAH (IMANA) akiranuye. Ni We uruta abakiranura.

Surat 11

# HUUD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] *Alif Laam Raa.*

Iki ni igitabo, ayah zacyo zasobetswe mu bushishozi hanyuma zirasesengurwa, giturutse k'Ushishoza, Umumenyi w'ibyihishe. [2] Kugira ngo mutagira icyo mugaragira uretse IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri jye kuri mwe ndi umuburizi uturutse kuri We unatanga inkuru nziza. [3] No kugira ngo musabe Nyagasani wanyu ko abahanaguraho ibyaha kandi mumwicuzeho. Abahe ibyishimo byiza kugeza igihe kizwi anahe buri nyir'ingabire ingabire ze. Nimuhindukira, rwose jye ndatinyako kuri mwe ibihano by'umunsi ukomeye. [4] Kwa ALLAH (IMANA) ni ho garukiro ryanyu. We ni Ushobora cyane buri kintu.

[5] Mumenyeko mu by'ukuri bo bahina ibituza byabo kugira ngo bamwihishe. Mumenyeko igihe bitwikira imyenda yabo amenya ibyo bahishe n'ibyo bagaragaza. Mu by'ukuri We ni Umumenyi cyane w' ibiri mu bituza. [6] Nta nyamaswa igenda ku isi uretse ko amafunguro yayo ari kuri ALLAH (IMANA)

azi ubuturo bwayo n'ububiko bwayo. Byose biri mu gitabo
gisobanutse.
7. Ni na We waremye ibirere n'isi mu bihe bitandatu.
A'arsh ye yari ku mazi, kugira ngo abagerageze hagaragare
muri mwe urusha abandi ibikorwa byiza. Nuvuga uti: mu
by'ukuri mwebwe muzazurwa nyuma y'urupfu, rwose
abahakanye bazavuga bati: ibi nta cyo biri cyo uretse ko ari
uburozi bugaragara. 8. Nidutinza igihano kuri bo kugeza igihe
kibazwe, rwose bazavuga bati: ni iki kikibujije? Mumenyeko
umunsi kizabageraho kitazabamururwaho kandi bazagotwa
n'ibyo bakerensaga.
9. Iyo dusogongeje umuntu impuhwe ziduturutseho
hanyuma tukazimukuraho mu by'ukuri we aba uwiheba
cyane, umuhakanyi cyane. 10. Iyo tumusogongeje inema
nyuma y'ingorane zamugezeho rwose aravuga ati: ibibi
bimvuyeho. Mu by'ukuri we aba uwishima cyane, umwirasi
cyane. 11. Uretse abihanganye bakanakora ibitunganye abo
bafite uguhanagurwaho ibyaha n'igihembo gihambaye.
12. Wenda wowe hari ubwo wareka bimwe mu byo
uhishurirwa kuberako igituza cyawe kiremererwa n'uko
bavuga ngo: iyo aza kumanurirwa ubukungu cyangwa
Mala'ika akazana na we. Mu by'ukuri wowe uri umuburizi.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Uwiringirwa kuri buri kintu.
13. Cyangwa baravuga bati: yarayihimbye. Vuga uti: ngaho
nimuzane Suurat icumi nka yo z'impimbano muniyambaze
abo mushoboye batari ALLAH (IMANA) niba muri
abanyakuri. 14. Nibatabasubiza mumenye ko yamanuwe ku
bumenyi bwa IMANA (ALLAH), ko kandi nta yindi mana
uretse We. Ese mwe muri abicishabugufi?
15. Uzaba ashaka ubuzima bw' isi n'umutako wayo

tuzabuzuriza ibikorwa byabo muri yo kandi bo muri yo ntibazagabanyirizwa. 16. Abo nta cyo bazaba bafite ku mperuka uretse umuriro. Ibyo bayikozemo byarangiritse kandi ibyo bakoraga ni impfabusa.

17. Uwaba ari ku kuri guturutse kwa Nyagasani we gusomwa n'umuhamya umuturutseho na mbere ye hari igitabo cya Muusa ari ubuyobozi n'impuhwe; abo ni bo bayemera. Naho abayihakana bari mu dutsiko umuriro ni ryo sezerano ryabo. Ntube mu gushidikanya kuri yo. Mu by'ukuri yo ni ukuri guturutse kwa Nyagasani wawe. Nyamara abenshi mu bantu ntibemera.

18. Ni nde wahuguza kurusha uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma!? Abo bazamurikirwa Nyagasani wabo maze abahamya bavuge bati: aba ni bo babeshyeye Nyagasani wabo. Mumenyeko umuvumo wa ALLAH (IMANA) uri ku bahuguza. 19. Abakumira ku nzira ya ALLAH (IMANA) bagashakako yagorama kandi bo ku mperuka ni bo bahakanyi. 20. Abo ntabwo bari bananiranye ku isi nta n'ubwo bari bafite abarinzi uretse IMANA (ALLAH). Bazatuburirwa ibihano. Ntibashoboraga kumva nta n' ubwo babonaga. 21. Abo ni bo bahombye ubwabo maze ibyo bahimbaga birabura. 22. Ntagushidikanyako mu by'ukuri bo ku mperuka ari bo ba nyir'igihombo cyane.

23. Mu by'ukuri abemeye bagakora ibitunganye bakanibombarika batuje kwa Nyagasani wabo. Abo ni bo ba nyiri Djannah. Bo bazabamo ubuziraherezo. 24. Urugero rw'amatsinda abiri ni nk'impumyi n'igipfamatwi n'ubona n'uwumva. Ese ayo matsinda arareshya? Ese ntimwibuka?

25. Mu by'ukuri twohereje Nuuh ku bantu be (aravugA) ati: Mu by'ukuri jye kuri mwe ndi umuburizi ugaragara.

[26.] Ko mutagira uwo mugaragira uretse IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri jye ndatinyako muzagira ibihano by'umunsi ubabaza. [27.] Ibikomerezwa mu bahakanye mu bantu be biravuga biti: ntacyo tukubonamo usibye kuba umuntu nka twe nta n'ubwo tubona abagukurikiye usibye ko bo ari abantu basuzuguritse muri twe badatekereza nta n'ubwo tubonako hari icyo muturushije ahubwo dukekako muri ababeshyi.

[28.] Aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimumbwire! Mbaye ndi ku kuri guturutse kwa Nyagasani wanjye akaba yarampaye impuhwe ziturutse iwe mukabihishwa; ese twabibahatira kandi mwe mutabishaka!? [29.] Yemwe bantu banjye! Nta mutungo mbibasabira. Nta handi hari igihembo cyanjye uretse kwa ALLAH (IMANA) nta n'ubwo jye ndi uwirukana abemeye. Mu by'ukuri bo bazahura na Nyagasani wabo ahubwo jye ndabonako muri abantu bajijwa. [30.] Yemwe bantu banjye! Ni nde wankiza ALLAH (IMANA) ndamutse mbirukanye!? Ese ntimutekereza? [31.] Simbabwirako mfite ibigega bya ALLAH (IMANA) nta n'ubwo nzi ibitagaragara sinavugako ndi Mala'ika nta n'ubwo nabwira abo amaso yanyu asuzugura ko ALLAH (IMANA) atazabaha ibyiza. ALLAH (IMANA) ni We uzi cyane ibiri mu mitima yabo. Mu by'ukuri jye (mbigize ntyo) ubwo naba ndi mu bahuguza.

[32.] Baravuga bati: yewe Nuuh! Rwose watugishije impaka, uzitugisha ubugira kenshi ngaho tuzanire ibyo udusezeranya niba uri mu banyakuri. [33.] Aravuga ati: Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We wenyine uzabibazanira nabishaka. Nta n'ubwo mwe muri abananiranye. [34.] Nta n'ubwo inama zanjye zabagirira akamaro nshatse kubagira inama niba ALLAH (IMANA) ashaka kubayobya. Ni We Nyagasani wanyu kandi iwe ni ho muzasubizwa.

35. Cyangwa baravuga ko yayihimbye (Qur'aan)!? Vuga
uti: niba narayihimbye icyaha cyanjye kiri kuri jye. Jye
nitaruye ibyo mucumura.
36. Nuuh yarahishuriwe ngo: nta wuzemera mu bantu
bawe usibye abamaze kwemera, ntubababazwe n'ibyo bakora.
37. Ukore inkuge ku bugenzuzi bwacu n'ibyo tuguhishurira
kandi ntuntakambire ku bahuguje. Mu by'ukuri bo ni
abarohama. 38. Akora inkuge, buri uko ibikomerezwa mu
bantu be byamucagaho byaramunnyegaga. Aravuga ati:
uko mutunnyega natwe tuzabannyega nk'uko munnyega.
39. Muzanamenya uzagerwaho n'ibihano bimusuzuguza
akanagubwaho n'ibihano bihoraho.
40. Kugeza ubwo itegeko ryacu ryazaga itanura rigatogota
tukavuga tuti: urizamo muri buri kiremwa gabo na gore.
Yoreka uretse abatanzwe n'itegeko hamwe n'uwemeye
kandi ntabemeranye na we usibye bake. 41. Aravuga ati:
Mwuriremo ku izina rya ALLAH (IMANA) mu kugenda
kwayo no guhagarara kwayo. Mu by'ukuri Nyagasani wanjye
ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 42. Nayo
ibajyanye mu muhengeri umeze nk'imisozi Nuuh ahamagara
umuhungu we wari ahitaruye ati: yewe mwana wanjye! Urira
hamwe na twe, ntube hamwe n' abahakanyi. 43. (UmwanA)
Aravuga ati: Ndahungira ku musozi undinde amazi. Aravuga
ati: nta murinzi n'umwe uyu munsi ku itegeko rya ALLAH
(IMANA) usibye uwo yagiriye impuhwe. Umuhengeri
urabatandukanya ubwo aba mu barohamye. 44. Haravugwa:
yewe si! Mira amazi yawe! Na we kirere! Hagarika. Amazi
arakamywa. Itegeko rirasohozwa. (Inkuge) ihagarara ku
musozi wa Djuudiy. Haravugwa: Ukurimbuka ni kube ku
bantu bahuguza.

45. Nuuh ahamagara Nyagasani we ati: ayi Nyagasani!
Mu by'ukuri umuhungu wanjye ari mu muryango wanjye.
Kandi rwose isezerano ryawe ni ukuri. Ni nawe Mukiranuzi
usumba abandi. 46. Aravuga ati: yewe Nuuh! Mu by'ukuri
we nta bwo ari mu muryango wawe. Rwose ibikorwa bye
ntibitunganye. Ntubaze ibyo udafitiye ubumenyi. Mu by'
ukuri jye ndakuburirako utaba mu njiji. 47. Aravuga ati: ayi
Nyagasani wanjye ! Nikinze kuri wowe kuba nasaba ibyo
ntafitiye ubumenyi. Nutampanaguraho ibyaha ngo unangirire
impuhwe nzaba mu banyagihombo.
48. Haravugwa: yewe Nuuh! Ururuka ku bw'amahoro
aduturutseho n'imigisha ikubeho no ku ummah ziri kumwe
nawe. Hari na ummah tuzanezeza maze zikagerwaho n'
ibihano bibabaza biduturutseho. 49. Izo ni inkuru z'ibyihishe
tuguhishurira, ntiwari uzizi wowe cyangwa abantu bawe
mbere y'iyi (Qur'aan). Ihangane mu by'ukuri iherezo (ryizA)
ni iry'abaganduka.
50. Twohereje kuri ba A'ad umuvandimwe wabo Huud
aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimugaragire ALLAH
(IMANA) nta yindi mana mufite itari We. Mwe nta kindi muri
cyo uretse abahimba. 51. Yemwe bantu banjye! Simbibasabira
igihembo nta handi igihembo cyanjye kiri uretse ku wampanze.
Ese nta bwenge mufite? 52. Yemwe bantu banjye! Nimusabe
Nyagasani wanyu kubahanaguraho ibyaha munamwicuzeho
abohereze ikirere kireta, abongerere imbaraga ku mbaraga
zanyu, ntimuhindukire muri abagome.
53. Baravuga ati: Yewe Huud! Nta bimenyetso utuzaniye
nta n'ubwo twe turi abareka imana zacu kubera ijambo ryawe,
kandi twe ntituri abakwemera. 54. Nta cyo tuvuga uretse ko
zimwe mu mana zacu zaguteye ikibi. Aravuga ati: Mu by'ukuri

jye ntanzeho umuhamya ALLAH (IMANA) munahamyeko
rwose jye nitaruye ibyo mubangikanya. 55. Bitari We. Ngaho
nimungambanire mwese kandi ntimundindirize. 56. Mu
by'ukuri jye niringiye ALLAH (IMANA) Nyagasani wanjye
akaba na Nyagasani wanyu. Nta nyamaswa igenda uretse ko
We afashe uruhanga rwayo. Rwose Nyagasani wanjye ari ku
nzira igororotse

57. Nibahindukira rwose nabagejejeho ibyo noherezanyijwe
na byo kuri mwe. Nyagasani wanjye azabasimbuza abantu
batari mwe kandi nta cyo muzamutwara. Mu by'ukuri
Nyagasani wanjye kuri buri kintu ni Umurinzi. 58. Ubwo
itegeko ryacu ryazaga twarokoye Huud n'abemeye hamwe
na we ku bw'impuhwe ziduturutseho. Twabarokoye ibihano
bikomeye. 59. Ngabo ba A'ad bahakanye ibimenyetso bya
Nyagasani wabo, bigomeka ku ntumwa ze banakurikira
itegeko rya buri munyagitugu, utsimbarara. 60. Bakurikijwe
muri ino si umuvumo ndetse no ku munsi w'imperuka.
Mumenyeko rwose ba Aad bahakanye Nyagasani wabo
munamenyeko kujya kure no korama biri kuri ba Aad abantu
ba Huud.

61. Twohereje kuri ba Thamuud umuvandimwe wabo
Swaalih aravuga ati: Yemwe bantu banjye! Nimugaragire
ALLAH (IMANA) nta yindi mana mufite itari We. Ni We
wabaremye abakuye mu gitaka anakibatuzaho. Nimumusabe
guhanagurwaho ibyaha kandi mumwicuzeho mu by'ukuri
Nyagasani wanjye ni Urihafi, Usubiza. 62. Baravuga bati:
yewe Swaalih! Mbere y'ibi rwose wari amizero muri
twe. Ese uratubuza kugaragira ibyo abakurambere bacu
bagaragiraga? Mu by'ukuri twe turi mu gushidikanya guteye
amakenga ku byo uduhamagarira. 63. Aravuga ati: yemwe

bantu banjye! Nimumbwire! Niba ndi ku kuri guturutse kwa Nyagasani wanjye akaba yarampaye impuhwe zimuturuteho, ni nde wantabara ibihano bya ALLAH (IMANA) ndamutse mwigometseho !? Nta cyo munyongerera uretse igihombo.

64. Yemwe bantu banjye! Ngiyi ingamiya y'imbyeyi ya ALLAH (IMANA) ni igitangaza kuri mwe. Nimuyireke irishe ku butaka bwa ALLAH (IMANA) ntimunagire ikibi muyikorerera, mukazafatwa n' ibihano biri hafi.
65. Barayisogota. Aravuga ati: mwidegembye mu ngo zanyu iminsi itatu. Iryo ni isezerano ridahinyuzwa. 66. Ubwo itegeko ryacu ryazaga twarokoye Swaalih n'abemeye hamwe na we ku bw'impuhwe ziduturutseho tunabakiza ikimwaro cy'uwo munsi. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We Uwimbaraga, Utsinda. 67. Urusaku rukubita abahuguje. Bwakeye ari abapfu bapfukamye mu ngo zabo. 68. Nk'aho batazibayemo. Mumenyeko mu by'ukuri ba Thamuud bahakanye Nyagasani wabo munamenyeko kujya kure no korama biri kuri ba Thamuud.

69. Rwose intumwa zacu zazaniye Ibraahiim inkuru nziza ziravuga ziti: salaam. Aravuga ati: salaam. Ntiyatinda aba azanye ikimasa cyokeje. 70. Ubwo yabonaga amaboko yabo atakigeraho yarabaketse arabishisha. Baravuga bati: Witinya. Mu by'ukuri twe twatumwe ku bantu ba Luutw.
71. Umugore we yari ahagaze araseka. Tumuha inkuru nziza yo kubyara Is'haaq na nyuma ya Is'haaq Ya'aquub.
72. Aravuga ati: mbega! Ese nabyara kandi ndi umukecuru n'uyu mugabo wanjye ari umukambwe!? Mu by'ukuri iki ni ikintu gitangaje! 73. Baravuga bati: Ese uratangarira itegeko rya IMANA (ALLAH)? Impuhwe za ALLAH (IMANA)

n’imigisha ye nibibe kuri mwe bantu b’iyi nzu. Mu by’ ukuri
We ni Ushimwa cyane, Uwicyubahiro.
74. Ubwo ubwoba bwari bumaze gushira kuri Ibraahiim
n’inkuru nziza yamugezeho, yatugishije impaka ku
bantu ba Luutw. 75. Mu by’ukuri Ibraahiim ni umwitonzi,
umunyampuhwe unagarukira cyane Nyagasani we.
76. Yewe Ibraahiim! Ibyo bireke. Mu by’ukuri itegeko rya
Nyagasani wawe ryaje. Rwose ibihano bidasubizwa inyuma
birabageraho.
77. Ubwo intumwa zacu zageraga kwa Luutw yababajwe
no kuza kwazo agira n’ agahinda aravuga ati: uyu ni umunsi
mubi cyane. 78. Abantu be bamusanga birukanka kandi mbere
barakoraga ibicumuro. Aravuga ati: yemwe bantu banjye!
Ngaba abakobwa banjye (mubasabe mbababashyingire) ni bo
babakwiye. Nimutinye ALLAH (IMANA) ntimunankoze
isoni mu bashyitsi banjye. Ese muri mwe nta muntu w’
umunyabwenge? 79. Baravuga bati: Rwose uziko nta
burenganzira dufite ku bakobwa bawe. Mu by’ukuri uzi ibyo
dushaka.
80. Aravuga ati: iyaba nabagiragaho imbaraga cyangwa
ngahungira ku nkingi ikomeye. 81. Baravuga bati: yewe
Luutw! Mu by’ukuri twe turi intumwa za Nyagasani wawe,
ntibakugeraho. Ugende n’umuryango wawe mu gice cy’ijoro
ntihagire uhindukira n’umwe muri mwe, uretse umugore
wawe mu by’ukuri we aragerwaho n’ibiri bubagereho. Rwose
isezerano ryabo ni mu gitondo, ese igitondo ntikiri hafi?
82. Itegeko ryacu rije twarayibirinduye (imidugudu) hejuru
tuhashyira hasi tunayinyagiza amabuye akomeye y’urufaya.
83. Afite ibimenyetso kwa Nyagasani wawe. Ntabwo ku
bahuguza yari kure.

84. Twoherereje kwa ba Mad'yan umuvandimwe wabo Shua'ib aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimugaragire ALLAH (IMANA) nta yindi mana mufite itari We. Ntimukagabanye ibipimo n'iminzani. Mu by'ukuri jye ndabona mumeze neza kandi jye ndabatinyira ibihano by'umunsi ugota. 85. Yemwe bantu banjye! Nimwuzuze ibipimo n'iminzani mu kuri. Ntimwambure abantu ibintu byabo kandi ntimugashishikare ku isi mwangiza. 86. Ibisigaye bya ALLAH (IMANA) ni byo byiza kuri mwe niba muri abemera. Kandi jye kuri mwe sindi umurinzi.

87. Baravuga bati: yewe Shua'ib! Ese Swalaat zawe zigutegekako tureka ibyo ababyeyi bacu bagaragiraga cyangwa ko dukora icyo dushaka mu mitungo yacu? Mu by'ukuri wowe uri umwitonzi cyane, umunyabwenge!

88. Aravuga ati: Yemwe bantu banjye! Nimumbwire niba ndi ku kuri guturutse kwa Nyagasani wanjye yaranampaye amafunguro meza aturutse iwe. Sinshaka gukora ibyo mbabuza. Nta cyo nshaka uretse gutunganya uko nshoboye. Nta we nkesha gutunganirwa kwanjye uretse IMANA (ALLAH). Ni We niringiye kandi iwe ni ho ngaruka nicuza.
89. Yemwe bantu banjye! Urwango mumfitiye ntiruzatume mugerwaho n' ibihano nk'ibyageze ku bantu ba Nuuh cyangwa abantu ba Huud cyangwa abantu ba Swaalih. Kandi abantu ba Luutw ntibari kure yanyu. 90. Munasabe Nyagasani wanyu guhanagurwaho ibyaha maze mumwicuzeho. Mu by' ukuri Nyagasani wanjye ni Nyirimbabazi, Ukunda cyane.

91. Baravuga bati: yewe Shua'ib! Ntidusobanukirwa ibyinshi mu byo uvuga. Mu by'ukuri twe turakubona muri twe uri umunyantegenke. Iyo bitaba umuryango wawe twari kugutera amabuye kandi wowe kuri twe nturi

umunyacyubahiro. 92. Aravuga ati: yemwe bantu banjye!
Umuryango wanjye ku bwanyu ni wo urusha icyubahiro
ALLAH (IMANA) mwaranamushyize inyuma y' imigongo
yanyu? Mu by' ukuri Nyagasani wanjye ni Uhetura ibyo
mukora. 93. Yemwe bantu banjye! Nimukore ku buryo
bwanyu nanjye ndi ukora. Muzamenya uzagerwaho n'ibihano
bimumwaza n'umubeshyi. Murindire! Mu by' ukuri jye
hamwe namwe ndi urindira.

94. Ubwo itegeko ryacu ryazaga twarokoye Shua'ib
n'abemeye hamwe na we ku bw'impuhwe ziduturutseho.
Maze urusaku rukubita abahuguje. Bwakeye ari abapfu
bapfukamye mu mazu yabo. 95. Nk'aho batayabayemo.
Mumenyeko mu by'ukuri kujya kure no korama biri ku ba
Mad'yan nk' uko ba Thamuud bagiye kure bakorama.

96. Mu by'ukuri twohereje Muusa n'ibitangaza byacu n'
ibimenyetso bigaragara. 97. Kwa Fir'aun n'ibikomerezwa bye
bikurikira itegeko rya Fir'aun kandi ibikorwa bya Fir'aun
nta bwenge! 98. Azarangaza imbere abantu be ku munsi
w'imperuka abashore mu muriro kandi ni bwo bushokero
bubi bushokwa. 99. Bakurikijwe hano umuvumo no ku munsi
w'imperuka. Kandi ni yo mpano mbi itangwa.

100. Izo ni inkuru z'imidugudu turazigutekerereza; muri
yo hari igihagaze n'iyarimbuwe. 101. Ntabwo twabahuguje
ahubwo ni bo bihuguje. Ibigirwamana byabo bitari ALLAH
(IMANA) basabaga ntacyo byabamariye na kimwe
ubwo itegeko rya Nyagasani wawe ryazaga. Nta n'icyo
byabongereye uretse igihombo.

102 Uko ni ko guhana kwa Nyagasani wawe iyo yahannye
imidugudu mu gihe ihuguza. Mu by'ukuri ibihano bye
birababaza, birakomeye. 103 Mu by'ukuri muri ibyo harimo

isomo k'utinya ibihano by'imperuka. Uwo ni umunsi abantu bazakoranyirizwaho uwo ni n'umunsi uzahamywa na buri wese. [104] Ntituwurindiriza uretse ku gihe ntarengwa. [105] Umunsi uzaza nta muntu uzavuga uretse ku ruhushya rwe. Muri bo hazaba uwagowe n' uwahiriwe.

[106.] Abagowe bazajya mu muriro. Bazaba barimo bahagira. [107.] Bazabamo igihe ibirere n'isi bizaba bikiriho uretse icyo Nyagasani wawe yashatse. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni ukora icyo ashaka. [108.] Naho abahiriwe bazajya muri Djannah bagumemo igihe ibirere n' isi bizaba bikiriho uretse icyo Nyagasani wawe yashaka. Impano itagabanywa. [109.] Ntube mu gushidikanya ku byo abo bagaragira. Ntacyo bagaragira uretse nk'ibyo abakurambere babo bagaragiraga mbere. Mu by'ukuri Twe tuzabuzuriza umugabane wabo ntagikuweho.

[110.] Mu by'ukuri twahaye Muusa igitabo gitandukanwaho. Iyo ritaba ijambo ryabanje riturutse kwa Nyagasani wawe bari gukiranurwa. Mu by'ukuri bo bari mu kugishidikanyaho biteye amakenga. [111.] Mu by'ukuri bose Nyagasani wawe azabuzuriza ibikorwa byabo. Rwose We ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo bakora.

[112.] Tungana wowe n'abicujije muri kumwe nk'uko wabitegetswe. Ntimwigomeke mu by'ukuri We ni Ubona ibyo mukora. [113.] Ntukabogamire ku bahuguje mutazafatwa n'umuriro kandi mudafite abatabazi batari IMANA (ALLAH). Nyuma ntimuzatabarwe. [114.] Uhozeho Swalaat mu nkengero ebyiri z'amanywa n'agace k'ijoro. Mu by'ukuri ibyiza bikuraho ibicumuro. Iryo ni isomo ku bibuka. [115.] Wihangane! Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntaburizamo ibihembo by' abagiraneza.

[116.] Mu bakurambere b'imbere yanyu hari abanyabwenge

bacye twabarokoyemo babuza ubwangizi ku isi. Naho
abahuguje bakurikiye umudendezo bahawe baba abagome.
117. Nyagasani wawe ntiyari uwo koreka imidugudu mu
guhuguza kandi abayituye ari abatunganya.
118. Iyo Nyagasani wawe ashaka, abantu yari kubagira
ummah imwe. Ariko bazakomeza batandukane. 119. Uretse
abo Nyagasani wawe yahaye impuhwe ze. Icyo ni cyo
yabaremeye. Ijambo rya Nyagasani wawe ryarahamye; mu
by'ukuri nzuzuza Djahannam amadjinn n'abantu, byose.
120. Rwose twagutekerereje mu nkuru z'intumwa ibyo
dukomeresha umutima wawe. No muri iyi (Suurat) ukuri
kwakugezeho, isomo n'urwibutso ku bemera. 121. Bwira
abatemera uti: Nimukore ku buryo bwanyu mu by'ukuri
twe turi abakora. 122. Munaturame! mu by'ukuri twe turi
abategereza. 123. Ibitagaragara by' iberere n' isi ni ibya
ALLAH (IMANA) iwe ni ho buri kintu kizagarurwa.
Mugaragire unamwiringire. Nyagasani wawe si indangare ku
byo mukora.

## Surat 12

# YUUSUF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Raa.*

Izo ni Ayah z'igitabo gisobanutse. 2 Mu by'ukuri Twe
twayimanuye ari Qur'aan mu Cyarabu kugira ngo
mugire ubwenge. 3 Twe tugutekerereza inkuru nziza kuba

twaguhishuriye iyi Qur'aan n' ubwo mbere yayo wari mu
badafite ubumenyi.

4 Zirikana ubwo Yuusuf yabwiraga se ati: Dawe! Mu
by'ukuri jye narose inyenyeri cumi n'imwe, izuba n'ukwezi.
Nabibonye binyubamira. 5 Aravuga ati: Mwana wanjye!
Nturotorere inzozi zawe abavandimwe bawe batagucurira
umugambi mubi. Mu by'ukuri Sha'itwaan ni umwanzi
ugaragara w'umuntu. 6 Uko ni ko Nyagasani wawe
azaguhitamo, azakwigisha gusobanura inzozi anagusendereze
inema ze no ku muryango wa Ya'aquub nk'uko yazisendereje
abakurambere bawe mbere Ibraahiim na Is'haaq. Mu by'ukuri
Nyagasani wawe ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

7. Mu by'ukuri muri Yuusuf n' abavandimwe be, hari
amasomo ku babaza. 8. Zirikana ubwo bavugaga bati: Rwose
Yuusuf na murumuna we bakunzwe kwa data kuturusha kandi
twe turi itsinda. Mu by'ukuri data ari mu buyobe bugaragara.
9. Nimwice Yuusuf cyangwa mumute ishyanga kugira ngo
uburanga bwa so bubagarukire mukaba nyuma ye abantu b'
intungane. 10. Umwe muri bo aravuga ati: ntimwice Yuusuf!
Ahubwo mumunage mu ndiba y'iriba. Bamwe mu bagenzi
bazamutoragura niba muri abakora.

11. Baravuga bati: Dawe! Kuki utatwizera kuri Yuusuf
kandi mu by'ukuri twe turi abamugira inama? 12. Mwohereze
hamwe natwe ejo azidagadure anakine. Mu by'ukuri twe turi
mu bamurinda. 13. Aravuga ati: mu by'ukuri jye ndaterwa
agahinda n'uko mwamujyana kandi ndatinyako ikirura
cyamurya namwe mumurangaranye. 14. Baravuga bati: mu
by'ukuri ikirura kimuriye kandi turi itsinda rwose twaba turi
mu bahombye.

15. Bamujyanye bahuriza hamwe ko bamushyira mu ndiba

y’iriba. Turamuhishurira tuti: rwose uzababwira iki gikorwa
cyabo bo batabizi. 16. Basanga se mu kabwibwi barira.
17. Baravuga ati: Dawe! Mu by’ukuri twe twagiye dusiganwa
dusiga Yuusuf ku bintu byacu ikirura kiramurya. Kandi wowe
nturi uwo kutwizera n’ iyo twaba abanyakuri. 18. Bazana
ikanzu ye iriho amaraso yo kubeshya. Aravuga ati: ahubwo
imitima yanyu yabatakiye ikintu. Igikwiye ni ukwihangana
kwiza. Kandi ALLAH (IMANA) ni We Uwifashishwa ku
byo muvuga.

19. Haza abagenzi bohereza umuvomyi wabo amanura
indobo ye aravuga ati: Mbega inkuru nziza! Dore umuhungu!
Bamugira igicuruzwa mu ibanga. Kandi ALLAH (IMANA)
ni Umumenyi cyane w’ ibyo bakora. 20. Bamugurisha ku
giciro gito; Dir’ham mbarwa nta n’ubwo bari bamukeneye.

21. Uwamuguze mu Misiri abwira umugore we ati:
Tunganya neza icumbi rye wenda yazatugirira akamaro
cyangwa tukamugira umwana. Uko ni ko twatekanyije
Yuusuf mu gihugu no kugira ngo tuzamwigishe gusobanura
inzozi. ALLAH (IMANA) ni Unesha ku itegeko rye nyamara
abenshi mu bantu ntibabizi. 22. Ageze mu bukwerere bwe
twamuhaye ubushishozi n’ ubumenyi. Uko ni ko duhemba
abagiraneza.

23. Umugore yari abereye mu rugo amusaba urukundo,
adadira imiryango aravuga ati: ngwino ndi uwawe! Aravuga
ati: Nikinze kuri IMANA (ALLAH). Mu by’ukuri we
(umugabo wawe) ni umutware wanjye yanyakiriye neza.
Rwose abahuguza ntibakiranuka. 24. Rwose yaramwifuje iyo
atabona ibimenyetso simusiga bya Nyagasani we, na we yari
kumwifuza. Ibyo byari ukugira ngo tumurinde igicumuro
n’ikibi. Mu by’ukuri we ari mu bagaragu bacu b’indobanure.

25. Batanguranwa ku muryango. Atabura ikanzu (ya
Yuusuf) inyuma. Basanga umugabo we ku muryango.
Aravuga ati: ni ikihe gihano cy'ushaka k'uwawe igicumuro
uretse gufungwa cyangwa igihano kibabaza ? 26. Aravuga
ati: Ni we wanshatseho urukundo ntabishaka. Umuhamya
mu muryango w'umugore ahamya avuga ati: niba ikanzu
ye yatabuwe imbere umugore araba yavuze ukuri. We
araba ari mu babeshyi. 27. Niba ikanzu ye yatabuwe inyuma
umugore araba abeshya. Naho we araba ari mu banyakuri.
28. Umugabo we abonye ikanzu ye yatabuwe inyuma aravuga
ati: mu by'ukuri ibi ni mu butiriganya bwanyu bagore!
Rwose ubutiriganya bwanyu burahambaye. 29. Yuusuf! Ibi
byirengagize. Na we mugore! Usabe guhanagurwaho icyaha
cyawe. Mu by'ukuri wowe wari mu bakosheje.

30. Abagore bo mu mujyi baravuga bati: Umugore
w'umutware arashaka urukundo ku mugaragu we
atabishaka! Rwose yamugeze mu gicumbi cy'urukundo.
Mu by' ukuri twe turamubona mu buyobe bugaragara.
31. Yumvise ubugambanyi bwabo, yarabatumiye abategurira
ubwegamo. Aha buri umwe muri bo umushyo aravuga ati:
ngaho sohoka! Bamubonye baramukuza batemagura intoki
zabo baravuga bati: ubutungane ni ubwa IMANA (ALLAH)!
Uyu si umuntu, uyu si ikindi uretse Mala'ika Mutagatifu.
32. Aravuga ati: uwo ni we watumye mungaya!? Rwose
namushatseho urukundo atabishaka, arabyirinda! Nadakora
ibyo mutegeka rwose arafungwa azanaba mu basuzuguritse.
33. Aravuga ati: Nyagasani wanjye! Gereza ni yo nziza kuri jye
kurusha ibyo bampamagarira. Kandi nutankiza akagambane
kabo nzababogamiraho mbe mu njiji. 34. Nyagasani we yakira

ugusaba kwe anamukiza akagambane kabo. Mu by'ukuri we
ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
35. Hanyuma basanga bamaze kubona ibimenyetso (by'uko
ari umwere) bazamufunga kugeza igihe kitazwi. 36. Abasore
babiri binjirana na we muri gereza. Umwe muri bo aravuga
ati: mu by'ukuri narose nenga inzoga. Undi aravuga ati: mu
by'ukuri jye narose nikoreye umugati, inyoni ziwuryaho.
Zidusobanurire (inzozi) mu by'ukuri twe turabona uri mu
bagiraneza.
37. Aravuga ati: ibiryo mugaburirwa ntibibageraho uretse
ko ndaba nazibasobanuriye, mbere y'uko bibageraho. Ibyo
ni mu byo Nyagasani wanjye yanyigishije. Mu by'ukuri
jye naretse inzira y'abantu batemera ALLAH (IMANA)
kandi bo ku mperuka bakaba ari abahakanyi. 38. Nakurikiye
idini ry'ababyeyi banjye Ibraahiim, Is'haaq na Yaaquub.
Ntibikwiye kuri twe ko tubangikanya ALLAH (IMANA)
n' icyo ari cyo cyose. Ibyo ni mungabire za ALLAH
(IMANA) kuri twe no ku bantu bose nyamara abantu benshi
ntibashimira. 39. Yemwe bagenzi banjye bo muri gereza! Ese
ibigirwamana byinshi bitandukanye ni byo byiza ? Cyangwa
ALLAH (IMANA) Umwe, Uganza!? 40. Ibyo mugaragira
bitari We nta cyo biri cyo uretse amazina mwabihimbye
mwe n'abakurambere banyu. ALLAH (IMANA) ntabwo
yigeze ayamanurana ibimenyetso. Yategetseko mudakwiye
kugira icyo mugaragira uretse We wenyine. Iryo ni ryo dini
rigororotse nyamara abantu benshi ntibabizi.
41. Yemwe bagenzi banjye bo muri gereza! Umwe muri mwe
azasukira umutware we inzoga, na ho undi azabambwa maze
inyoni zirye umutwe we. Ibyo mwasobanuzaga birarangiye.
42. Abwira uwo yumvagako azahonoka muri bombi ati:

uzamvuganire kwa shobuja. Sha'itwaan amwibagiza
kwibutsa shebuja. Aba muri gereza imyaka runaka.
43. Umwami aravuga ati: Mu by'ukuri jye narose mbona
inka ndwi zishishe ziribwa n'inka ndwi z'imigata. N'imisogwe
irindwi mibisi n'indi yumye. Yemwe bikomerezwa!
Nimunsobanurire inzozi zanjye niba musobanura inzozi.
44. Baravuga bati: urwo ni uruvange rw'inzozi kandi
twe ntituri abamenyi bo gusobanura inzozi z'uruvange.
45. Uwarokotse muri bo yibutse nyuma y'igihe aravuga ati:
Jye ndababwira ibisobanuro byazo nimuntume.
46. Yuusuf! Yewe munyakuri! Dusobanurire inka ndwi
zishishe ziribwa n'indwi z'imigata n'imisogwe irindwi
mibisi n'indi yumye, kugira ngo nsubire ku bantu. Wenda
basobanukirwa. 47. Aravuga ati: muzahinga imyaka irindwi
ikurikirana. Ibyo muzasarura muzabirekere mu misogwe
yabyo keretse bike mu byo murya. 48. Maze hazaza nyuma
yayo irindwi y'amapfa izarya ibyo mwayibikiye uretse bike
mu byo muhunika. 49. Maze nyuma yayo hazaza umwaka
abantu bazamanurirwamo imvura no muri wo bazenga.
50. Umwami aravuga ati: nimumunzanire! Intumwa
imugezeho aravuga ati: subira kwa shobuja umubaze uti:
Bite by'abagore bitemaguye intoki? Mu by'ukuri Nyagasani
wanjye ni Umumenyi cyane w'ubutiriganya bwabo.
51. Aravuga ati: ni iyihe mpamvu ikomeye yabateye gusaba
Yuusuf urukundo we atabishaka? Baravuga bati: ubutungane
ni ubwa IMANA (ALLAH)! Nta gicumuro twamumenyeho.
Umugore w'umutware aravuga ati: ubu ukuri kuragaragaye,
ni jye wamusabye urukundo we atabishaka mu by'ukuri we
ari mu banyakuri.
52. Ibyo ni ukugira ngo amenyeko jye ntamuhemukiye

rwihishwa no kuba ALLAH (IMANA) atayobora ubutiriganya
bw'abahemu. 53 Nta bwo niyeza. Mu by'ukuri umutimanama
ni utegeka cyane ibibi uretse k'uwo Nyagasani wanjye
yahaye impuhwe ze. Rwose Nyagasani wanjye ni Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

54. Umwami aravuga ati: Mumunzanire mwiharire!
Amuganirije aravuga ati: mu by'ukuri wowe uyu munsi
kuri twe uri utekanye, uwizewe. 55. Aravuga ati: Nshinga
ibigega by'igihugu. Mu by'ukuri jye ndi umurinzi w'
umumenyi cyane. 56. Uko ni ko twubahishije Yuusuf
mu gihugu, agituramo aho ashaka. Duha impuhwe zacu
uwo dushaka ntitunaburizamo ibihembo by'abagiraneza
57. Kandi rwose igihembo cy'imperuka ni cyo cyiza ku
bemeye bakanagandukaga.

58. Abavandimwe ba Yuusuf baraza binjira iwe arabamenya
naho bo bamuyobewe. 59. Amaze kubategurira imitwaro yabo
aravuga ati: Muzanzanire umuvandimwe wanyu kuri so. Ese
ntimubonako jye nuzuza ibipimo nkaba ndi n' imbonera mu
bakira abashyitsi? 60. Nimutamunzanira nta bipimo muzabona
iwanjye ntimuzananyegere. 61. Baravuga bati: tuzinginga se
tumumusabe kandi rwose twe tuzabikora.

62. Abwira abagaragu be ati: Mushyire ibicuruzwa byabo
mu mitwaro yabo kugira ngo bazabimenye nibasubira iwabo.
Wenda bazagaruka. 63. Bagarutse kwa se baravuze bati: Dawe!
Twahakaniwe kuzapimirwa. Twoherezanye na murumuna
wacu kugira ngo dupimirwe kandi rwose twe tuzamurinda.
64. Aravuga ati: Ese namubizeraho nte uretse ko ari nk'uko
nabizeye kuri mukuru we mbere? ALLAH (IMANA) ni We
mbonera mu barinzi ni na We Munyembabazi cyane kuruta
abanyembabazi.

65. Bahambuye imitwaro yabo basanze basubijwe ibicuruzwa byabo baravuga bati: Dawe! Ni iki kindi twashaka? Ngibi ibicuruzwa byacu twabisubijwe! Turasakira imiryango yacu, turinde umuvandimwe wacu turanongera igipimo cy'ingamiya. Uko ni ugupima koroheje. 66. Aravuga ati: Ntabwo mwohereza hamwe namwe keretse nimumpa isezerano rikomeye rituruka kwa IMANA (ALLAH); ko rwose muzamunzanira keretse mugoswe. Bamuhaye isezerano ryabo rikomeye aravuga ati: ALLAH (IMANA) ku byo tuvuga ni Umuhamya.

67. Aravuga ati: bana banjye! Ntimuzinjirire mu muryango umwe, muzinjirire mu miryango itandukanye. Nta kintu na kimwe nabamarira ku byo ALLAH (IMANA) yagennye. Nta tegeko uretse irya IMANA (ALLAH). Ni We niringiye. Kandi abiringira nibamwiringire. 68. Binjiye nk'uko se yari yabategetse. Kandi nta n'icyo yari kubamarira ku byagenwe na IMANA (ALLAH), uretse icyifuzo cyari mu mutima wa Ya'aquub yasohoje. Mu by' ukuri we ni nyir'ubumenyi ku byo twamwigishije ariko abantu benshi ntibabizi.

69. Binjiye kwa Yuusuf yacumbikiye murumuna we aravuga ati: Mu by'ukuri ni jye mukuru wawe. Ntuterwe agahinda n'ibyo bakoraga. 70. Amaze kubategurira imitwaro yabo ashyira igikombe mu mutwaro wa murumuna we maze umuhamagazi aratangaza; yemwe bagenzi! Mu by'ukuri mwe muri abajura! 71. Barahindukira baravuga bati: murabura iki? 72. Baravuga bati: turabura igikombe cy'umwami. Uri bukizane arahembwa umutwaro w'ingamiya. Kandi jye ndi ubyishingira. 73. Baravuga bati: TA- LLAHI; rwose muzi y'uko tutaje kwangiza mu gihugu, ntituri n'abajura. 74. Baravuga bati: igihano cye kiraba ikihe niba muri

ababeshyi? 75. Baravuga ati: igihano cye! Uwo kiri busangwe
mu mutwaro we, igihano cye ni ukugirwa umucakara. Uko
ni ko duhana abahuguza. 76. Ahera ku mitwaro yabo mbere
y’umutwaro wa murumuna we. Hanyuma agisohora mu
mutwaro wa murumuna we. Uko ni ko twakoreye umugambi
Yuusuf. Ntiyari kugumana murumuna we ku itegeko
ry’umwami keretse ALLAH (IMANA) abishatse. Tuzamura
mu ntera uwo dushatse kandi hejuru ya buri ufite ubumenyi
hari umumenyi kurushaho.

77. Baravuga bati: Niba yibye na mukuru we yaribye mbere!
Yuusuf arigira ibanga mu mutima we ntiyaribagaragariza
aravuga ati: ni mwe muri ahabi kurusha! Kandi ALLAH
(IMANA) ni We uzi cyane ibyo muvuga. 78. Baravuga bati:
yewe Mutware! Mu by’ukuri we afite se w’umusaza rukukuri.
Fata umwe muri twe mu cyimbo cye rwose twe turakubona mu
bagiraneza. 79. Aravuga ati: nikinze kuri ALLAH (IMANA)
ko ntawe twafata uretse uwo twasanganye umutungo wacu.
Mu by’ukuri twe ubwo twaba turi mu bahuguza.

80. Bamaze kumwihebaho baritaruye bongorerana.
Mukuru wabo aravuga ati: Ese ntimuziko so yabafasheho
isezerano rikomeye rya ALLAH (IMANA) kandi na mbere
mwarahemukiye Yuusuf !? Simva mu gihugu keretse Data
anyemereye cyangwa ALLAH (IMANA) akancira urubanza.
Ni We Mbonera mu bacamanza. 81. Nimusubire kwa so
muvuge muti: Dawe! Mu by’ukuri umwana wawe yibye
kandi ntiduhamya uretse ibyo twamenye. Nta n’ubwo turi
abamenyi b’ ibitagaragara. 82. Ubaze umudugudu twari turimo
n’abagenzi twahuriyemo. Mu by’ukuri twe turi abanyakuri.

83. Aravuga ati: ahubwo imitima yanyu yabatakiye
ikintu. Igikwiye ni ukwihangana kwiza. ALLAH (IMANA)

azabanzanira bose. Mu by'ukuri We ni Umumenyi cyane,
Ushishoza. 84. Abatera umugongo aravuga ati: mbega agahinda
kanjye kuri Yuusuf!? Amaso ye arahuma kubera agahinda
kandi we ari ushenguka. 85. Baravuga bati: TA-LLAHI!
Uzakomeza kwibuka Yuusuf kugeza ubwo ushegeshwe
n'agahinda cyangwa ukaba mu bapfuye. 86. Aravuga ati: mu
by'ukuri jye ndatura akababaro kanjye n' agahinda ALLAH
(IMANA) kandi nzi ibyo mutazi bituruka kwa IMANA
(ALLAH). 87. Bana banjye! Nimugende mushakishe Yuusuf
na murumuna we. Ntimwihebe ku mpuhwe za IMANA
(ALLAH). Mu by' ukuri nta wiheba ku mpuhwe za ALLAH
(IMANA) uretse abantu b'abahakanyi.

88. Binjiye iwe (kwa Yuusuf) baravuga bati: yewe
Mutware! Ubukene bwaratwibasiye twe n'abacu. Kandi
twazanye ibicuruzwa bivanze. Twuzurize ibipimo unatugirire
ineza mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ahemba abagiraneza.
89. Aravuga ati: ese muzi ibyo mwakoreye Yuusuf na
murumuna we ubwo mwari injiji? 90. Baravuga bati: ese ni
wowe Yuusuf? Aravuga ati: ni jye Yuusuf n'uyu ni murumuna
wanjye. Rwose ALLAH (IMANA) yatugiriye neza.
Uganduka akanihangana, mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ntaburizamo ibihembo by'abagiraneza.

91. Baravuga bati: TA-LLAHI ! Rwose ALLAH (IMANA)
yarakuturutishije. Kandi twari mu bakosheje. 92. Aravuga
ati: nta mugayo kuri mwe none. ALLAH (IMANA)
abahanagureho ibyaha ni na We Munyembabazi cyane kuruta
abanyembabazi. 93. Mujyane ikanzu yanjye iyi, muyinage
mu buranga bwa data yongere abone. Kandi munzanire
imiryango yanyu yose.

94. Abagenzi basohotse mu gihugu, se yaravuze bati:

mu by’ukuri jye ndumva impumuro ya Yuusuf, nimutayita
ay’iza bukuru. 95. Baravuga bati: TA-LLAHI ! Mu by’ukuri
wowe uracyari mu kwibeshya kwawe kwa kera. 96. Utanga
inkuru nziza aje ayinaga mu buranga bwe arongera arabona
aravuga ati: sinababwiye ko mu by’ukuri nzi kuri ALLAH
(IMANA) ibyo mutazi!? 97. Baravuga bati: Dawe! Dusabire
guhanagurwaho ibyaha byacu. Mu by’ukuri twe twari
abanyamakosa. 98. Aravuga ati: ndi busabe Nyagasani wanjye
kubahanaguraho ibyaha. Mu by’ukuri ni We Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

99. Binjiye kwa Yuusuf yakiriye ababyeyi be aravuga ati:
mwinjire Misiri ALLAH (IMANA) abishatse mutekanye.
100. Azamura ababyeyi be ku ntebe y’ubwami, baramwubamira.
Aravuga ati: Dawe! Iki ni cyo gisobanuro cy’inzozi zanjye za
mbere. Rwose Nyagasani wanjye yazigize ukuri! Yanangiriye
neza ubwo yankuraga muri gereza akanabazana abakuye mu
cyaro nyuma y’uko sha’itwaan anteranyije n’abavandimwe
banjye. Rwose Nyagasani wanjye ni Ugenzabuhoro icyo
ashaka. Mu by’ukuri We ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

101. Nyagasani wanjye! Wampaye ku bwami, unyigisha
bimwe mu gusobanura inzozi. Muhanzi w’ibirere n’ isi! Ni
wowe Murinzi wanjye ku isi n’ imperuka, uzanyuzurize igihe
cyanjye ndi uwicisha bugufi unampuze n’intungane.

102. Ayo ni amwe mu makuru yihishe tuguhishurira. Ntiwari
kumwe na bo ubwo bahuzaga igitekerezo cyabo bagambana.
103. N’ubwo wabishaka cyane, abantu benshi nta bwo ari
abo kwemera. 104. Ntuyibasabira (Qur’aan) ibihembo, yo nta
kindi iri cyo uretse kuba urwibutso ku bantu.

105. Ni ibimenyetso bingahe mu birere no ku isi bacaho
kandi bo batabyitayeho!? 106. Abenshi muri bo ntibemera

ALLAH (IMANA) uretse ko baba banabangikanya. 107. Ese baratekanye kuba batagerwaho n'igihano cya ALLAH (IMANA) kibatwikiriye cyangwa bakagerwaho n'imperuka gitumo batabizi!? 108. Vuga uti: iyi ni yo nzira yanjye, mpamagarira kugana ALLAH (IMANA) nshingiye ku bumenyi buhamye jye n'abankurikiye. Ubutagatifu ni ubwa ALLAH (IMANA) kandi jye sindi mu babangikanya.

109 Ntitwohereje mbere yawe uretse abagabo duhishurira mu bantu bo mu midugudu. Ese ntibagenze ku isi ngo bitegereze uko iherezo ry' abababanjirije ryabaye? Kandi rwose inzu y'imperuka ni nziza ku bagandutse. Ese nta bwenge mufite? 110 Kugeza ubwo intumwa zihebye zikanakekako zabeshywe, inkunga yacu izigeraho. Harokorwa abo dushaka kandi igihano cyacu ntigikumirwa ku bantu b'abagome.

111. Mu by'ukuri mu nkuru zabo harimo isomo ku banyabwenge. Ntiyari (Qur'aan) inkuru ihimbwa ahubwo ni gihamya cy'ibiyiri imbere, ibisobanuro bya buri kintu, ubuyobozi n' impuhwe ku bantu bemera.

## Surat 13

## RA'AD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim Raa.*

Izo ni ayah z'igitabo wamanuriwe ziturutse kwa Nyagasani wawe ari ukuri. Ariko abantu benshi ntibemera. 2 ALLAH (IMANA) ni We wazamuye ibirere nta nkingi mubona hanyuma aganza kuri A'arsh, yoroshya izuba n' ukwezi buri

kimwe kigenda ku gihe kizwi. Agenga ku bushobozi bwe
iby'ibiremwa anasobanura ibimenyetso kugira ngo mwemere
mudashidikanya uguhura na Nyagasani wanyu. 3 Ni na We
warambuye isi ayishyiramo imisozi n'imigezi. No muri buri
mbuto azishyiramo gabo na gore, atwikiriza ijoro amanywa.
Mu by' ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu batekereza.
4 No ku butaka hari ibice byegeranye, n'ubusitani bw'
imizabibu n'ibihingwa n'imitende ibisa n'ibidasa, bisukirwa
amazi amwe, ariko turutisha bimwe ibindi mu buryohe. Mu
by' ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu bafite ubwenge.
5. Nutangara, igitangaje ni imvugo yabo: Ese niduhinduka
itaka? Ese twe tuzaba mu iremwa rishya? Abo ni abahakanye
Nyagasani wabo kandi abo ni ababoshywe n'iminyururu
mu majosi yabo. Abo ni abo mu muriro. Bazawubamo
ubuziraherezo.
6. Baragusaba kwihutisha ikibi mbere y'icyiza kandi
harahise ibisa na byo mbere yabo. Mu by' ukuri Nyagasani
wawe ni Nyir'uguhanagura ibyaha by'abantu k'uguhuguza
kwabo. Kandi rwose Nyagasani wawe ni Nyir'ibihano
bikaze.
7. Abahakanye baravuga bati: iyo aza kumanurirwa
ikimenyetso giturutse kwa Nyagasani we! Mu by'ukuri
wowe uri umuburizi kandi buri bantu bagira umuyobozi.
8. ALLAH (IMANA) azi icyo buri mugore atwite
n'ivamo idashyitse n'isagiza. Buri kintu iwe cyaragenwe.
9. Uzi ibyihishe n'ibigaragara, Umukuru, Usumbabyose.
10. Barangana muri mwe uhisha imvugo n'uyigaragaza,
uwihisha mu ijoro n'ugaragara ku manywa.
11. Afite Abamala'ika basimburana imbere ye n'inyuma
ye bamurinda ku bw'itegeko rya IMANA (ALLAH). Mu

by’ukuri ALLAH (IMANA) ntahindura ibiri ku bantu keretse bahinduye ibibarimo. ALLAH (IMANA) iyo ashakiye abantu ikibi nta wukibuza. Nta bwo bafite undi mutegetsi utari We.

12. Ni We ubereka imirabyo mugatinya mukanizera akanakora ibicu biremereye. 13. Inkuba isingiza (IMANA (ALLAH)) mu ishimwe rye ryuzuye; n’Abamala’ika kubera kumutinya. Yohereza ibishashi by’inkuba akabihanisha uwo ashaka mu gihe bo bajya impaka kuri ALLAH (IMANA) kandi We ni Nyiribihano bikomeye.

14. Uguhamagara k’ukuri ni ukumuganishaho naho abiyambaza ibindi bitari We, ntacyo bibasubiza na kimwe usibye ko bameze nk’urambuye ikiganza cye ku mazi kugira ngo agere ku munwa we kandi yo atahagera. Ubusabe bw’abahakanyi nta cyo buri cyo usibye ubuyobe.

15. Ibiri mu birere, mu isi n’ibicu byabyo byubamira ALLAH (IMANA) ku bushake no ku gahato mu gitondo na nimugoroba. 16. Vuga uti: ni nde Nyagasani w’ibirere n’isi? Vuga uti: ni IMANA (ALLAH). Vuga uti: ese mwaba mwaragize abatari We abarinzi ntacyo bakwimarira ubwabo cyaba cyiza cyangwa kibi!? Vuga uti: ese impumyi n’ubona barangana? Cyangwa se umwijima n’urumuri birangana? Cyangwa bageneye ALLAH (IMANA) ibigirwamana byaremye nko kurema kwe ibyaremwe birabayobera!? Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni Umuremyi wa buri kintu cyose ni na We Umwe, Uganza.

17. Yamanuye amazi mu kirere, ibibaya bitembamo amazi y’ingano yabyo maze umuvu w’amazi utembana urufuro. No mu byo bacana ku muriro bashaka imitako cyangwa ibikoresho hari urufuro nkarwo. Uko ni ko ALLAH (IMANA) atanga urugero rw’ukuri n’ ikinyoma. Urufuro ruhita ruba

impfabusa naho ibifite akamaro bikaguma mu butaka. Uko ni
ko ALLAH (IMANA) atanga ingero.
18. Abitabiriye Nyagasani wabo bazahabwa ibyiza. Naho
abataramwitabiriye, iyo bagira ibyo mu isi byose n'ibindi
nka byo bari kubyicunguza. Abo bazagira ibarura ribi
n'ubuhungiro bwabo ni Djahannam. Kandi ni yo saso mbi.
19. Ese uzi ko ibyo wamanuriwe biturutse kwa Nyagasani
wawe ari ukuri ni nk'impumyi? Mu by'ukuri hibuka
abanyabwenge. 20. Abuzuza isezerano rya ALLAH (IMANA)
ntibanice isezerano rikomeye. 21. Ni abunga ibyo ALLAH
(IMANA) yategetseko byungwa bagatinya Nyagasani wabo
bakanatinya ibarura ribi. 22. Ni n'abihanganye bashakisha
uburanga bwa Nyagasani wabo bagahozaho Swalaat
bakanatanga mu byo twabafunguriye mu ibanga no ku
mugaragaro kandi bagakuzaho icyiza ikibi. Abo bafite
inzu y'iherezo ryiza. 23. Djannah zihoraho bazazinjiramo
n'abatunganye mu babyeyi babo, abo bashakanye n'urubyaro
rwabo. Abamala'ika binjira iwabo banyuze muri buri
muryango. 24. Salaamun alaikum kubera ibyo mwihanganiye.
Mwishimire inzu y'iherezo ryiza.
25. Naho abica isezerano rya ALLAH (IMANA) nyuma
yo kurikomeza bagaca ibyo ALLAH (IMANA) yategetseko
byungwa bakanangiza ku isi. Abo bafite umuvumo kandi
bafite inzu mbi. 26. ALLAH (IMANA) ni We ukwiza
amafunguro ku bo ashaka akanagera. Bishimiye ubuzima
bw'isi nyamara ubuzima bw'isi ku mperuka ntacyo buri cyo
uretse ibyishimo by'akanya gato.
27. Abahakanye baravuga bati: iyaba yamanurirwaga
igitangaza giturutse kwa Nyagasani we! Vuga uti: mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ayobya uwo ashaka akanayobora

iwe abicushije. 28. Abemeye, imitima yabo igatuza ku bwo
gusingiza IMANA (ALLAH). Mumenyeko mu gusingiza
ALLAH (IMANA) imitima ituza. 29. N'abemeye bagakora
ibitunganye. Umunezero ni uwabo n' igarukiro ryiza.

30. Uko ni ko twakohereje muri ummah hari harahise
mbere yayo izindi ummah kugira ngo ubasomere ibyo
twaguhishuriye nyamara bo bahakana Nyirimpuhwe. Vuga
uti: We ni Nyagasani wanjye nta yindi mana uretse We. Ni
We niringiye kandi kuri We ni ho nicuza.

31. Iyo imisozi igendeshwa na Qur'aan cyangwa isi
igasatagurwa na yo cyangwa abapfu bakavugishwa na yo
(nabwo ntibari kwemerA). Ahubwo itegeko ryose ni irya
ALLAH (IMANA) we nyine. Ese abemeye ntibiheba ko iyo
ALLAH (IMANA) abishaka yari kuyobora abantu bose!?
Abahakanye kubera ibyo bakoze bahora bagerwaho n'ikibi
gitera igihunga cyangwa kikaza hafi y'ingo zabo kugeza
ubwo isezerano rya ALLAH (IMANA) rizaza. Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ntaca ukubiri n'isezerano. 32. Rwose
n'intumwa zariho mbere ya we zarannyezwe maze ndindiriza
abahakanye nyuma ndabacakira. Ni gute igihano cyanjye
cyari kimeze!?

33. Ese ugenzura icyo buri wese akora (ni kimwe
n'ibigirwamanA) !? Bashyiriyeho ALLAH (IMANA)
abafasha! Vuga uti: ngaho nimubavuge! Cyangwa se
muramubwira ibyo atazi ku isi cyangwa ijambo rireretse!?
Ahubwo abahakanye batakiwe uburiganya bwabo bakumirwa
ku nzira y'ukuri. Kandi uwo ALLAH (IMANA) ayobeje
ntagira umuyobozi. 34. Bafite ibihano mu buzima bw'isi
nyamara ibihano by'imperuka ni byo bibabaza kurushaho;
nta n'ubwo bafite uzabarinda IMANA (ALLAH).

35. Urugero rwa Djannah yasezeranijwe abaganduka
(ni nk'ubusitan) butembamo imigezi, amafunguro yabwo
ahoraho n'igicucu cyabwo. Iryo ni ryo herezo ry'abagandutse
naho iherezo ry'abahakanye ni umuriro.

36. Abo twahaye ibitabo bishimira ibyo twakumanuriye
naho mu dutsiko hari abahakana bimwe muri byo. Vuga
uti: mu by'ukuri icyo nategetswe ni ukugaragira ALLAH
(IMANA) no kutamubangikanya. Iwe ni ho mpamagarira
kandi iwe ni ho garukiro ryanjye. 37. Uko ni ko twayimanuye
isobanuye mu cyarabu. Kandi ni ukurikira irari ryabo nyuma
y'uko ubumenyi bukugeraho ntuzagira umutabazi cyangwa
umurinzi ukurinda IMANA (ALLAH). 38. Rwose twohereje
intumwa mbere yawe tuzigenera abagore n'urubyaro.
Kandi nta ntumwa yazana igitangaza keretse ku bushake
bwa IMANA (ALLAH). Buri gihe kiranditse. 39. ALLAH
(IMANA) asiba ibyo ashatse akanasigaza ibyo ashatse. Ni
We ufite igitabo gihatse ibindi.

40. N'iyo rwose twakwereka bimwe mu byo tubasezeranya
cyangwa tukakuzuriza igihe cyawe, mu by'ukuri inshingano
yawe ni ugusohoza ubutumwa naho iyacu ni ukubarura.
41. Ese ntibabonako mu by'ukuri tuza tugabanya isi mu
mpande zayo!? ALLAH (IMANA) arategeka ntawe
uvuguruza itegeko rye. Kandi We ni Uwihutisha ibarura.
42. Rwose ababayeho mbere yabo baragambanye nyamara
ALLAH (IMANA) ni We ufite ukuburizamo ubugambanyi
bwose. Azi icyo buri muntu akora. Kandi abahakanyi
bazamenya ufite inzu y'iherezo ryiza.

43. Abahakanyi baravuga bati: ntabwo uri intumwa! Vuga
uti: ALLAH (IMANA) arahagije kuba umuhamya hagati
yanjye namwe n'abafite ubumenyi bw'igitabo.

Surat 14

# IBRAAHIIM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Alif Laam Raa.

Iki ni igitabo twakumanuriye kugira ngo ukure abantu mu
mwijima ubaganishe ku rumuri ku bushake bwa Nyagasani
wabo. Uberekeze ku nzira y'Utsinda, Ushimwa cyane.
2. ALLAH (IMANA) We ufite ibyo mu kirere n'ibyo mu
isi. Korama kuva ku bihano bikomeye kuri ku bahakanyi.
3. Abarutisha ubuzima bw'isi imperuka bagakumira ku nzira
ya ALLAH (IMANA) bashakako igorama, abo bari mu
buyobe bwa kure.
4. Ntitwohereje intumwa uretse mu rurimi rw'abantu bayo
kugira ngo ibasobanurire. ALLAH (IMANA) akayobya uwo
ashaka akanayobora uwo ashaka. Ni We Utsinda, Ushishoza.
5. Rwose twohereje Muusa n'ibitangaza byacu; kura
abantu bawe mu mwijima ubaganishe ku rumuri unabibutse
ingabire za IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri muri ibyo hari
ibimenyetso kuri buri uwihangana cyane, ushimira cyane.
6. Zirikana ubwo Muusa yabwiraga abantu be ati:
Nimwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe ubwo
yabakizaga abantu ba Fir'aun babasogongezaga ibihano bibi
bakanababaga abahungu banyu bakarekera ubuzima abakobwa
banyu. Kandi muri ibyo hari ibigeragezo bihambaye
bituruka kwa Nyagasani wanyu. 7. Zirikana ubwo Nyagasani
wanyu yatangazaga ku mugaragaro; nimushimira rwose
nzabongerera. Naho nimuhakana mu by'ukuri ibihano

byanjye birakomeye. 8. Muusa aravuga ati: Nimuhakana
mwe n'abari ku isi bose mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Umukungu, Ushimwa cyane.
9. Ese inkuru z'abababanjirije ntizabagezeho nk'abantu
ba Nuuh, A'ad, Thamuud n'abaje nyuma y'abo!? Nta
wubazi uretse IMANA (ALLAH). Intumwa zabo zabazaniye
ibimenyetso simusiga bashyira amaboko yabo ku minwa
yabo baravuga bati: mu by'ukuri twe duhakanye ibyo
mwatumanywe na byo kandi rwose twe turi mu gushidikanya
guteye amakenga ku byo muduhamagarira.
10. Intumwa zabo zaravuze ziti: ese hari ugushidikanya kuri
ALLAH (IMANA) wahanze ibirere n'isi? Arabahamagara
ngo abahanagureho ibyaha byanyu anabarindirize igihe
ntarengwa. Baravuga bati: mwe ntacyo muri cyo uretse kuba
abantu nkatwe. Murashaka kudukumira ku byo abakurambere
bacu bagaragiraga? Ngaho nimutuzanire ibimenyetso
bigaragara.
11. Intumwa zabo zirababwira ziti: twe ntacyo turi cyo uretse
kuba abantu nka mwe ariko ALLAH (IMANA) aha ingabire
ze uwo ashaka mu bagaragu be. Kandi ntitwari gushobora
kubazanira ibimenyetso keretse ku bushake bwa IMANA
(ALLAH). Abemera nibiringire IMANA (ALLAH). 12. Ni
gute tutakwiringira ALLAH (IMANA) kandi yaratuyoboye
inzira zacu? Rwose tuzihanganira ibyo mudutotezaho. Ngaho
abiringira nibiringire IMANA (ALLAH).
13. Abahakanyi babwira intumwa zabo bati: rwose
turabamenesha mu gihugu cyacu cyangwa mugaruke mu idini
ryacu. Nyagasani wabo arabahishurira; mu by'ukuri tuzoreka
abahuguza. 14. Rwose tuzanabatuza mu gihugu nyuma yabo.

Ibyo ni iby’abatinya icyubahiro cyanjye bakanatinya ibihano
byanjye.
15. Baratabaje maze hamwara buri munyagitugu,
utsimbarara. 16. Nyuma ye hari Djahannam, kandi
azanyweshwa amazi y’amashyira. 17. Azayamira yangira ari
hafi kutayaryoherwa, urupfu rumusanga ruturutse impande
zose kandi we atari uwo gupfa. N’inyuma ye hazaba hari
ibihano bikaze.
18. Urugero rw’abahakanye Nyagasani wabo; ibikorwa
byabo ni nk’ivu ryakubiswe cyane n’umuyaga ku munsi
w’umuyaga mwinshi. Nta na kimwe bashobora gufata mu
byo bakoze. Uko ni ko kuyoba kwa kure. 19. Ese ntubonako
ALLAH (IMANA) yaremye ibirere n’isi mu kuri? Ashatse
yabakuraho akazana ibiremwa bishya. 20. Kandi ibyo kwa
ALLAH (IMANA) si ibinaniranye.
21. Bose bagaragarira IMANA (ALLAH). Abanyantegenke
babwira abikuzaga bati: mu by’ukuri twe twari ababakurikira,
ese mwe hari icyo mwatumarira ku bihano bya ALLAH
(IMANA) ? Baravuga bati: iyo ALLAH (IMANA) atuyobora
twari kubayobora. Ni kimwe kuri twe twagira ubwoba
cyangwa twakwihangana. Nta buhungiro dufite.
22. Urubanza rumaze gucibwa sha’itwaan yaravuze iti:
mu by’ukuri ALLAH (IMANA) yabasezeranyije isezerano
ry’ukuri. Na ho jye narabasezeranyije nica isezerano.
Nta bubasha nari mbafiteho uretse ko nabahamagaye
mukanyitaba. Ntimumvebe ahubwo mwigaye. Jye sindi
ubatabara namwe ntimuri abo kuntabara. Mu by’ukuri jye
mpakanye ibyo mwambangikanyije na byo mbere. Rwose
abahuguza bafite ibihano bibabaza.
23. Abemeye ALLAH (IMANA) bakanakora ibitunganye

bazinjizwa muri Djannah zitembamo imigezi. Bazazibamo
ubuziraherezo ku bushake bwa Nyagasani wabo. Indamutso
yabo muri zo ni salaam.
24. Ese ntubona uko ALLAH (IMANA) yatanze urugero
; ijambo ryiza ni nk'igiti cyiza imizi yacyo irashikamye,
amashami yacyo ari mu kirere. 25. Gitanga imbuto zacyo buri
gihe ku bushake bwa Nyagasani wacyo. ALLAH (IMANA)
aha abantu ingero kugira ngo bibuke. 26. N'urugero rw'ijambo
ribi ni nk'igiti kibi. Cyaranduwe hejuru y' ubutaka, nta
gutekana gifite.
27. ALLAH (IMANA) akomeresha abemeye ijambo
rishyitse mu buzima bw'isi no ku mperuka. ALLAH
(IMANA) ayobya abahuguza. Kandi ALLAH (IMANA)
akora icyo ashaka.
28. Ese ntubona abahinduye inema za ALLAH (IMANA)
ubuhakanyi bakanashyira abantu babo mu nzu yo
koroma!? 29. Djahannam bazayijyamo. Ni cyo cyicaro kibi.
30. Bashyiriyeho ALLAH (IMANA) ibigirwamana kugira
ngo bayobye ku nzira ye. Vuga uti: Nimwishime gato mu
by'ukuri igarukiro ryanyu ni mu muriro.
31. Bwira abagaragu banjye bemeye bahozeho Swalaat
banatange mu byo twabafunguriye mu ibanga no
kumugaragaro; mbere y'uko haza umunsi utarimo ubucuruzi
cyangwa ubucuti.
32. ALLAH (IMANA) ni We waremye ibirere n'isi,
amanura amazi ayakuye mu kirere, ayameresha imbuto
ngo zibe amafunguro yanyu, aborohereza amato kugira
ngo agendere mu nyanja ku itegeko rye anaborohereza
imigezi. 33. Yaborohereje izuba n'ukwezi bihora bizenguruka
anaborohereza ijoro n'amanywa. 34. Yabahaye ibyo

mwamusabye byose. Kandi nimubarura inema za ALLAH
(IMANA) ntimuzazihetura. Mu by’ukuri umuntu ni uhuguza
cyane, umuhakanyi cyane.
35. Zirikana ubwo Ibraahiim yavugaga ati: ayi Nyagasani
wanjye ! Ha iki gihugu umutekano unandinde jye n’abana
banjye kugaragira amashusho. 36. Ayi Nyagasani wanjye! Mu
by’ukuri yo yayobeje abantu benshi. Uzankurikira, uwo ni
uwanjye. Naho uzanyigomekaho mu by’ukuri uri Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
37. Ayi Nyagasani wacu! Mu by’ukuri jye natuje urubyaro
rwanjye mu kibaya kidafite ibimera, ku nzu yawe ntagatifu.
Ayi Nyagasani wacu! Kugira ngo bahozeho Swalaat. Shyira
mu mitima y’abantu kubakunda unabafungurire imbuto
kugira ngo bashimire.
38. Nyagasani wacu! Mu by’ukuri Wowe uzi ibyo duhisha
n’ibyo tugaragaza. Kandi nta kintu na kimwe cyihishe
ALLAH (IMANA) mu isi cyangwa mu kirere. 39. Ishimwe
n’ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) We wangabiye
nkuze Ismaa’iil na Is’haaq. Mu by’ukuri Nyagasani wanjye
ni Uwumva cyane ugusaba. 40. Ayi Nyagasani wanjye! Ngira
uhozaho Swalaat, no mu rubyaro rwanjye. Ayi Nyagasani
wacu ! Unakire ugusaba kwanjye. 41. Ayi Nyagasani wacu!
Mpanaguraho ibyaha byanjye n’iby’ababyeyi banjye bombi
n’abemera, umunsi ibarura ryatangiye.
42. Ntukeke na rimwe ko ALLAH (IMANA) ari indangare
ku byo abahuguza bakora. Mu by’ukuri arabarindiriza
umunsi amaso azakanura. 43. Bihuta bararamye, badahumbya
n’imitima yabo yabaye ibishushungwe. 44. Burira abantu
umunsi ibihano bizabageraho, abahuguje bakavuga bati:
ayi Nyagasani wacu! Turindirize igihe cya hafi twitabe

uguhamagara kwawe tunakurikire intumwa. Ese ntimwari
mwararahiye mbere ko mutazavaho? 45. Mugatura mu
mazu y'abihuguje, mugaragarirwa n'uko twabagize, tubaha
n'ingero? 46. Rwose bagambanye ubugambanyi bwabo.
Ariko kwa ALLAH (IMANA) ni ho ubugambanyi bwabo
buburizwamo n'iyo ubwo bugambanyi bwabo bwashoboraga
gutuma imisozi irimbuka.

47. Ntuzakeke na rimwe ko ALLAH (IMANA) azica
isezerano rye ku ntumwa ze. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ni Utsinda, Nyir' uguhora. 48. Umunsi isi yahinduwe indi si
kimwe n'ibirere. Bakagaragarira ALLAH (IMANA) Umwe,
Uganza. 49. Uzabona abagome uwo munsi, bari ku ngoyi
baboshye. 50. Imyambaro yabo izaba ikoze muri godoro.
Umuriro uzatwikira uburanga bwabo. 51. Kugira ngo ALLAH
(IMANA) ahembere buri muntu ibyo yakoze. Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ni Ubanguka mu ibarura. 52. Iri ni itangazo
ku bantu nibariburirishwe, nibanamenyeko mu by'ukuri We
ari Imana imwe. Kandi abanyabwenge babonereho isomo.

## Surat 15

# AL-HIDJ'R

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Raa.*

Izo ni ayah z'igitabo ni na Qur'aan igaragara. 2 Hari igihe
abahakanyi bazifuza; iyo baza kuba abaislaam. 3 Bareke barye
binezeze, barangazwe n'icyizere; hari ubwo bazamenya.

[4] Nta mudugudu tworetse uretse ko uba ufite igihe kizwi.
[5] Nta ummah isiga igihe cyayo cyangwa ngo igitinze.
[6] Baravuga bati: yewe uwamanuriwe urwibutso! Mu
by'ukuri wowe uri umusazi. [7] Ese watuzaniye Abamala'ika
niba uri mu banyakuri? [8] Ntitumanura Abamala'ika keretse
ku kuri. Icyo gihe ntibarindirizwa.
[9.] Mu by'ukuri Twe twamanuye urwibutso kandi rwose ni
na Twe barinzi barwo.
[10.] Mu by'ukuri twohereje intumwa mbere yawe mu
matsinda y'abariho mbere. [11.] Nta ntumwa yabageragaho
uretse ko bayinnyegaga. [12.] Ni uko tubyinjiza mu
mitima y'abagome. [13.] Ntibayemera (Qur'aan). Ingero
z'abakurambere zarahise. [14.] Iyo tubakingurira imiryango mu
kirere bagakomeza bazamukamo. [15.] Bari kuvuga bati: mu
by'ukuri amaso yacu yarasindishijwe ahubwo twe turi abantu
barozwe.
[16.] Rwose twashyize mu kirere amayira y'inyenyeri
n'imibumbe tuyitakira abareba. [17.] Tunakirinda buri
Sha'itwaan waciwe. [18.] Uretse ko iyo hagize (Shaitwaan)
wumvirije akurikizwa ibishashi bigaragara.
[19.] N'isi twarayirambuye tuyishyiraho imisozi tunayezamo
buri kintu mu rugero. [20.] Tubashyiriramo ibibabeshaho n'ibyo
mudashobora guha amafunguro.
[21.] Nta kintu na kimwe uretse ko dufite ibigega byacyo
kandi ntitukimanura uretse ku rugero ruzwi. [22.] Twohereza
imiyaga ibangurira, tukamanura amazi aturutse mu kirere,
tukayabasukira. Nyamara mwe ntimuri abayahunika.
[23.] Mu by'ukuri ni Twe dutanga ubuzima tukanabutwara
kandi ni Twe abazungura. [24.] Rwose tuzi ababayeho mbere
muri mwe kandi rwose tuzi n'abazabaho nyuma. [25.] Mu

by’ukuri Nyagasani wawe ni We uzabakoranya. Rwose ni We
Ushishoza, Umumenyi cyane.

26. Mu by’ukuri twaremye umuntu mu itaka ryumye;
mu ibumba ry’umukara rihindagurika. 27. N’amadjinn
twayaremye mbere mu muriro ufite samuum.

28. Zirikana ubwo Nyagasani wawe yabwiraga Abamala’ika
ati: mu by’ukuri Jye ndarema umuntu mu itaka ryumye; mu
ibumba ry’ umukara rihindagurika. 29. Nimara kumutunganya
nkamuhuhamo roho yanjye, mwiture hasi mumwubamira.
30. Abamala’ika bose hamwe barubama. 31. Uretse Ibliis wanze
kuba hamwe n’abubama. 32. Aravuga ati: yewe Ibliis! Kuki
udashaka kuba hamwe n’abubama? 33. Aravuga ati: ntabwo
ndi uwo kubamira umuntu waremye mu gitaka cyumye; mu
ibumba ry’umukara rihindagurika!

34. Aravuga ati: Ngaho buvemo (ubusitani)! Mu by’ukuri
wowe ubaye igicibwa. 35. Kandi mu by’ukuri umuvumo uri
kuri wowe kugeza ku munsi wo guhembwa. 36. Aravuga ati:
Nyagasani wanjye! Ndindiriza kugeza ku munsi bazazurwa.
37. Aravuga ati: uri mu bazarindirizwa. 38. Kugeza ku munsi
w’igihe kizwi.

39. Aravuga ati: Nyagasani wanjye! Kubera y’uko
wanyobeje, rwose nzabatakira mu isi nanabayobye bose.
40. Uretse abagaragu bawe muri bo b’indobanure.

41. Aravuga ati: iyi ni inzira kuri Jye igororotse. 42. Mu
by’ukuri abagaragu banjye! Nta bubasha ubafiteho uretse
abazagukurikira mu bayobye. 43. Mu by’ ukuri Djahannam
niyo sezerano ryabo bose. 44. Ifite imiryango irindwi. Buri
muryango ufite umugabane muri bo wagabanyijwe.

45. Mu by’ukuri abaganduka bazaba bari muri
Djannah n’amasoko atemba. 46. Nimuzinjire mu mahoro

mutekanye. 47. Dukura ibyari mu bituza byabo mu nzika.
Ni abavandimwe bari ku bitanda berekeranye. 48. Muri yo,
umunaniro ntuzabageraho kandi bo ntibazayisohorwamo.
49. Bwira abagaragu banjye ko mu by'ukuri Jye ndi Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 50. No kuba ibihano
byanjye ari byo bihano bibabaza.

51. Unabatekerereze iby'abashyitsi ba Ibraahiim.
52. Ubwo binjiraga iwe bakavuga bati: Salaam. Aravuga ati:
mu by'ukuri twe turabishishe. 53. Baravuga bati: ntutinye!
Mu by'ukuri twe turaguha inkuru nziza y'umuhungu
w'umumenyi cyane. 54. Aravuga ati: ese murampa inkuru
nziza ngeze mu za bukuru? Ni ibiki mumpaho inkuru nziza?
55. Baravuga bati: tuguhaye inkuru nziza mu kuri, ntube mu
biheba. 56. Aravuga ati: nta wiheba ku mpuhwe za Nyagasani
we uretse abayobye!

57. Aravuga ati: ni ikihe kibazo cyanyu yemwe ntumwa?
58. Baravuga bati: mu by'ukuri twe twatumwe ku bantu
b'abagome. 59. Uretse umuryango wa Luutw. Mu by'ukuri
twe turabarokora bose. 60. Uretse umugore we twagennye ko
aba mu barimburwa.

61. Ubwo Intumwa zageraga ku muryango wa Luutw.
62. Yaravuze ati: mu by'ukuri mwe muri abantu batazwi.
63. Baravuga bati: ahubwo tukuzaniye ibyo bashidikanyagaho.
64. Tunakuzaniye ukuri rwose twe turi abanyakuri.
65. Ujyane abantu bawe mu gice cy'ijoro ubajye inyuma.
Ntihagire uhindukira muri mwe mujye aho mutegetswe.
66. Tumuhishurira iryo jambo ko kurimburwa kwabo kuri
bube bakesha.

67. Abantu bo mu mujyi baza bishimye! 68. Aravuga ati:
mu by'ukuri aba ni abashyitsi banjye, ntimunkoze isoni!

69. Mutinye ALLAH (IMANA) mwe kumwaza. 70. Baravuga
bati: Ese ntitwakubujije kwakira abantu? 71. Aravuga ati:
Ngaba abakobwa banjye niba muri abarongora!
72. Ndahiye ubuzima bwawe! Mu gihe bo bari mu buyobe
bwabo barindagira. 73. Urusaku rubakubita izuba rirasa.
74. Turawubirandura, tubanyagiza amabuye y'umuriro.
75. Mu by'ukuri muri ibyo hari amasomo ku bashishoza.
76. Mu by'ukuri uri ku nzira nyabagendwa. 77. Mu by'ukuri
muri ibyo hari isomo ku bemera.
78. Nubwo abanye A'ikah bari abahuguza. 79. Turabahana.
Mu by'ukuri yombi (imigi) yari ku nzira igaragara.
80. Rwose abanya Hidj'ri bahinyuye intumwa. 81. Twabazaniye
ibitangaza byacu barabyirengagiza. 82. Bajyaga babaza
amazu mu misozi batekanye. 83. Urusaku rubakubita bakesha.
84. Ibyo bakoraga ntacyo byabamariye.
85. Ntitwaremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo uretse
mu kuri. Rwose imperuka izaza. Renzaho ukurenzaho kwiza.
86. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We Muremyi cyane,
Umumenyi cyane.
87. Rwose twaguhaye ayah ndwi zisomwa kenshi na
Qur'aan ihebuje. 88. Ntuzarebeshe amaso yawe wifuza ibyo
twashimishije bamwe muri bo by'igihe gito. Ntibazagutere
agahinda. Wicishe bugufi ku bemera. 89. Unavuge uti:
mu by'ukuri jye ndi umuburizi ugaragara. 90. Nk'uko
twamanuriye abacitsemo ibice. 91. Babandi bagize Qur'aan
ibice. 92. Ndahiye izina rya Nyagasani wawe ko bose
tuzababaza. 93. Ku byo bakoraga.
94. Atura ibyo utegetswe wirengagize ababangikanya.
95. Mu by'ukuri turaguhagije ku bannyega. 96. Abashyira
hamwe na ALLAH (IMANA) indi mana, bazamenya.

97. Rwose tuziko ubabazwa n'ibyo bavuga. 98. Tagatifuza
ishimwe rya Nyagasani wawe unabe mu bubama. 99. Ugaragire
Nyagasani wawe kugeza ukuri kukugezeho (urupfu).

Surat 16

# AN'NAHL

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Itegeko rya ALLAH (IMANA) ryaraje. Ntimuryihutishe.
Ubutagatifu ni ubwe kandi arenze ibyo bamubangikanya.
2 Amanura Abamala'ika bazanye ibyahishuwe ku itegeko rye
ku bo ashaka mu bagaragu be; nimuburire ko nta yindi mana
uretse Jye, nimungandukire. 3 Yaremye ibirere n'isi mu kuri.
Arenze ibyo bamubangikanya.

4 Yeremye umuntu mu ntanga maze we aba umunyempaka
cyane ugaragara. 5 N'amatungo yarayaremye; muyafitemo
ibisusurutsa, izindi nyungu no muri yo mukuramo ibiribwa.
6 Munayabonamo ubwiza muyacyura nimugoroba n'igihe
muyahura mu gitondo. 7 Yikorera imitwaro yanyu iremereye
ajya mu bihugu mutari gushobora kugeramo keretse ku mvune
cyane. Mu by'ukuri Nyagasani wanyu ni Nyirimpuhwe cyane,
Nyirimbabazi. 8 N'ifarasi, ibihongwe n'indogobe kugira ngo
mubigendereho ni n'umutako. Arema n'ibyo mutazi.

9. ALLAH (IMANA) ni We werekana inzira igororotse.
Hari n'izigoramye. Iyo ashaka yari kubayobora mwese.

10. Ni We wabamanuriye amazi mu kirere. Mufitemo
ikinyobwa cyanyu no muri yo hari ameza ibimera muragiramo.
11. Ayameresha ibimera, imizeti, imitende, imizabibu na buri

mbuto. Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu
batekereza.
12. Yaborohereje ijoro, amanywa, izuba n'ukwezi.
N'inyenyeri zorohejwe ku bw'itegeko rye. Mu by'ukuri muri
ibyo hari ibimenyetso ku bantu b'abanyabwenge. 13. N'ibyo
yabaremeye mu isi bifite amabara atandukanye. Mu by'ukuri
muri ibyo hari ikimenyetso ku bantu bazirikana.
14. Ni na We worohereje inyanja kugira ngo muyiryemo
inyama nziza munakuremo imitako mwambara. Ubona
amato ayibeyura kugira ngo mushakishe ingabire ze. Wenda
mwashimira.
15. Yashyize ku isi imisozi ishimangiye kugira ngo
itabahungabanya, imigezi n'inzira kugira ngo muyoboke.
16. N'ibimenyetso. Bifashishije inyenyeri bo barayoboka.
17. Ese urema ni kimwe n'utarema? Ese ntimwibuka!?
18. N'ubwo mwabarura inema za ALLAH (IMANA)
ntimwazihetura. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 19. ALLAH (IMANA)
azi ibyo muhisha n'ibyo mugaragaza.
20. N'abasaba ibitari ALLAH (IMANA) ntacyo birema
ahubwo byo biraremwa. 21. Ni ibipfu nta buzima bifite.
Ntibinazi igihe bizazuririrwa. 22. Imana yanyu ni Imana imwe.
Abatemera imperuka imitima yabo irahakana kandi bo
ni abikuza. 23. Ni ukuri rwose ALLAH (IMANA) azi ibyo
bahisha n'ibyo bagaragaza. Mu by'ukuri ntakunda abikuza.
24. N'iyo babwiwe bati: ni iki Nyagasani wanyu yamanuye?
Baravuga bati: ni imigani y'abo hambere. 25. Kugira ngo
bazikorere ibicumuro byabo byuzuye ku munsi w'imperuka
n'ibicumuro by'abo bayobeje nta bumenyi. Mumenyeko
ibyo bikoreye ari bibi.

26. Mu by'ukuri abambere yabo baragambanye ALLAH (IMANA) asenya inyubako yabo ahereye mu misingi. Igisenge kibagwa hejuru ibihano bibageraho mu buryo batazi.
27. Hanyuma ku munsi w'imperuka azabamwaza anavuge ati: ibyo mwambangikanyaga na byo mutoteza (intumwa n' abemerA) biri hehe? Abahawe ubumenyi bazavuga bati: ikimwaro hamwe n'ikibi none biri ku bahakanyi.

28. Abo Abamala'ika bakuramo roho barihuguje bakemera gutsindwa bavuga; nta kibi twakoraga! Oya! Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane ku byo mwakoraga.
29. Ngaho nimwinjire mu miryango ya Djahannam muzabamo ubuziraherezo. Ubwo ni ubuturo bubi bw' abikuza.

30. Abagandutse barabwiwe bati: N'iki Nyagasani wanyu yamanuye? Baravuga bati: Ibyiza. Abagiraneza muri iyi si bafite icyiza. Ariko inzu y'imperuka ni yo iruta. Kandi ni yo nzu nziza y'abaganduka!
31. Djannah zihoraho bazazinjira zitembamo imigezi. Bazaba bafitemo ibyo bashaka byose. Uko ni ko ALLAH (IMANA) ahemba abaganduka.
32. Abo Abamala'ika basohororamo roho zabo ari beza babwirwa bati: Salaamun alaikum! Ngaho nimwinjire Djannah kubera ibyo mwakoraga.

33. Ese hari icyo bategereje kindi uretse kugerwaho n'Abamala'ika cyangwa itegeko rya Nyagasani wawe? Uko ni ko abababanjirije bakoze. Nyamara ALLAH (IMANA) ntiyababahuguje ahubwo bo barihuguje.
34. Bagerwaho n'ibibi by'ibyo bakoze banagotwa n'ingaruka z'ibyo bannyegaga.

35. Ababangikanyije baravuze bati: iyo ALLAH (IMANA) abishaka ntitwari kugaragira ikintu icyo ari cyo cyose kitari We, twe cyangwa abakurambere bacu. Nta n'ikintu twari kuziririza bidaturutse kuri We. Uko ni ko abababanjirije

bakoze. Ese hari iyindi nshingano y'intumwa uretse gusohoza
ubutumwa bugaragara?
36. Rwose twohereje muri buri ummah intumwa :
Nimugaragire ALLAH (IMANA) mwirinde Twaaghuut.
Muri yo hari abo ALLAH (IMANA) yayoboye no muri
yo hari abahamwe n'ubuyobe. Ngaho nimutambagire mu
isi mwitegereze uko iherezo ry'abahinyura ryari rimeze.
37. N'ubwo washaka cyane ukuyoboka kwabo mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ntayobora uyobya. kandi nta batabazi
bafite.
38. Barahiye izina rya ALLAH (IMANA) indahiro ikomeye
ko ALLAH (IMANA) atazazura abapfu. Yego! Ni isezerano
kuri We ry'ukuri ariko abantu benshi ntibabizi. 39. Kugira
ngo azabasobanurire ibyo batandukanagaho no kugira ngo
abahakanye bazamenyeko bari ababeshyi. 40. Mu by'ukuri
ijambo ryacu ku kintu iyo twagishatse, ni uko tukibwira tuti:
ba! Kikaba.
41. Abakoze Hidj'rah mu nzira ya ALLAH (IMANA)
nyuma y'uko bahuguzwa tuzabatuza ku isi neza. Kandi
igihembo cy'imperuka ni cyo gihebuje iyaba bari babizi.
42. Abihanganye bakaba baniringira Nyagasani wa bo.
43. Nta bo twatumye mbere yawe uretse abagabo
twahishuriraga. Ngaho nimubaze ba nyir'ubumenyi niba
mutabufite. 44. Ni ibimenyetso simusiga n'ibitabo. Nawe
twakumanuriye urwibutso kugira ngo usobanurire abantu
ibyo bamanuriwe kugira ngo batekereze.
45. Ese abacuze imigambi mibisha bizeye umutekano
w'uko ALLAH (IMANA) atabarigitisha mu butaka cyangwa
ko batagerwaho n'igihano mu buryo batazi!? 46. Cyangwa ko
atabacakira bari mu kugenda kwabo!? Kandi ntibananiranye.

47. Cyangwa ko atabacakira bari ku bwoba!? Mu by'ukuri
Nyagasani wanyu ni Nyirimpuhwe cyane, Nyirimbabazi.
48. Ese ntibabona ibintu byose ALLAH (IMANA) yaremye,
ibicucu bya byo bibogamira iburyo n'ibumoso byubamira
ALLAH (IMANA) binicisha bugufi. 49. Ibiri mu birere n'isi
bigenda n'Abamala'ika byubamira ALLAH (IMANA) Kandi
byo ntibyikuza. 50. Bitinya Nyagasani wabyo uri hejuru yabyo
kandi bikora ibyo byategetswe.
51. ALLAH (IMANA) aravuga ati: ntimuzagire imana
ebyiri. Mu by'ukuri We ni Imana imwe. Ngaho abe ari Jye
mutinya. 52. Ni We ufite ibiri mu birere n'isi ni na We ufite
ukugaragirwa guhamye. Ese utari ALLAH (IMANA) ni We
mutinya!?
53. Inema mufite zose zituruka kwa IMANA (ALLAH).
Hanyuma mwagerwaho n' amakuba iwe akaba ari ho
mwirukira. 54. Hanyuma yabakuraho amagorwa ubwo
agatsiko muri mwe kakabangikanya Nyagasani wako.
55. Kugira ngo bahakane ibyo twabahaye. Ngaho nimwinezeze
gake muzamenya. 56. Bageneye ibyo batazi umugabane
mu byo twabahayeho amafunguro. TA-LLAHI! Rwose
muzabazwa ku byo mwahimbaga.
57. Bagenera ALLAH (IMANA) abakobwa ubutagatifu
ni ubwe bo bakagira ibyo bifuza. 58. Iyo umwe muri bo
ahawe inkuru y'ivuka ry'umukobwa uburanga bwe buhora
bwijimye anafite umujinya w'umuranduranzuzi. 59. Akihisha
abantu kubera inkuru mbi yagejejweho. Ese amugumane
ku gisebo cyangwa amutabe mu gitaka? Mumenyeko ibyo
bategeka ari bibi. 60. Abatemera imperuka bafite urugero rubi.
ALLAH (IMANA) ni We ufite urugero rw'ikirenga. Kandi ni
We Nyiricyubahiro, Ushishoza.

61. Iyo ALLAH (IMANA) akacira abantu kubera guhuguza kwabo ntiyari gusiga ikigenda ku isi na kimwe. Ariko arabarindiriza igihe kizwi. Igihe cyabo nikigera ntibazakererwa isaha cyangwa ngo baze mbere yayo.

62. Bageneye ALLAH (IMANA) ibyo banga, indimi zabo zisingiza ikinyoma ko bafite imperuka nziza. Ni ukuri bo bafite umuriro kandi bo bazawihutishirizwa.

63. TA-LLAHI! Twohereje intumwa kuri ummah za mbere yawe, sha'itwaan azitakira ibikorwa byazo. Ni we nshuti koya yazo uyu munsi kandi zizagira ibihano bibabaza.
64. Ntitwakumanuriye igitabo uretse kugira ngo ubasobanurire ibyo batandukanyeho. Ni n'ubuyobozi n' impuhwe ku bantu bemera.

65. ALLAH (IMANA) yamanuye amazi ayakuye mu kirere ayahesha isi ubuzima nyuma yo gupfa kwayo. Mu by'ukuri muri ibyo hari ikimenyetso ku bantu bumva.

66. Mu by'ukuri mufite mu matungo isomo. Tubasomya kuri bimwe mu byo mu nda zayo biva hagati y'amayezi n'amaraso; amata y'umuhama anyura abanywi.
67. No mu mbuto z'imitende n'imizabibu mukoramo ibisindisha n'amafunguro meza. Mu by' ukuri muri icyo hari ikimenyetso ku bantu bafite ubwenge.

68. Nyagasani wawe yahishuriye inzuki; ubaka mu misozi amazu, mu biti no mu byo bubaka.
69. Maze urye mu bimera byose, unyure mu nzira za Nyagasani wawe zorohejwe. Mu nda yarwo hava ikinyobwa gitandukanye mu mabara kirimo umuti w'abantu. Mu by'ukuri muri cyo hari ikimenyetso ku bantu batekereza.

70. ALLAH (IMANA) yarabaremye nyuma abambura ubuzima. Muri mwe hari usubizwa ku myaka isuzuguritse

akagera aho atamenya ikintu nyuma y’ubumenyi. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushobora cyane.

71. ALLAH (IMANA) yarutishije bamwe muri mwe abandi mu mafunguro. Abarutishijwe abandi ntibagarura amafunguro yabo ku bacakara babo kugira ngo bareshye. Ese inema za ALLAH (IMANA) ni zo bahakana!?

72. ALLAH (IMANA) yabaremeye abagore ababakomoyeho. Abaremera mu bagore banyu abana n’abuzukuru anabafungurira mu byiza. Ese ibinyoma ni byo bemera maze inema za ALLAH (IMANA) bo bakazihakana ? 73. Bagaragira ibitari ALLAH (IMANA) bidafite icyo bibahakiye mu mafunguro, mu birere cyangwa ku isi. Nta n’ubwo bibishobora. 74. Mwiha ALLAH (IMANA) ingero. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) afite ubumenyi kandi mwe ntabwo mufite.

75 ALLAH (IMANA) yatanze urugero rw’umucakara uhatswe udafite icyo ashoboye n’uwo twahaye amafunguro meza aduturutseho, we ayatangamo mu ibanga no ku mugaragaro. Ese bameze kimwe? Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) ahubwo abenshi muri bo nta bumenyi.

76. ALLAH (IMANA) yanatanze urugero rw’abantu babiri. Umwe muri bo ni ntavuga, ntacyo ashoboye; we ni umutwaro kuri shebuja. Aho amutumye hose nta cyiza azana. Ese we ameze kimwe n’utegeka ubutabera ari no ku nzira igororotse!?

77. ALLAH (IMANA) afite ibyihishe byo mu kirere n’isi. Ikibazo cy’imperuka nta cyo kiri cyo uretse ko ari nko

guhumbya kw'amaso cyangwa kuri hafi kurushaho. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.
78 ALLAH (IMANA) yabakuye mu nda za ba nyoko nta
cyo muzi. Abaha ukumva, Ukubona n'imitima kugira ngo
mushimire.
79. Ese ntibabona ko inyoni zoroherejwe kuba mu mwuka
w'ikirere? Nta wundi uzifata uretse IMANA (ALLAH).
Mu by'ukuri muri icyo hari ibimenyetso ku bantu bemera.
80. ALLAH (IMANA) yabagiriye amazu yanyu ubuturo,
mu mpu z'amatungo abakoreramo amazu mworoherwa
kuyatwara umunsi w'ingendo zanyu, n'umunsi wo gutura
kwanyu. No mu bwoya bw' intama, ubw' ingamiya,
ubw'ihene n' ubw'inka (yabakoreyemo) ibikoresho byo mu
ngo n' imitako by' igihe gito.
81. ALLAH (IMANA) yabashyiriye mu byo yaremye
ibicucu, abashyirira mu misozi amayira, abakorera
imyambaro ibarinda ubushyuhe n'imyambaro ibarinda mu
ntambara zanyu. Uko ni ko abasendereza inema ze kugira
ngo mube abaislam. 82. Nibatera umugongo mu by'ukuri
inshingano yawe ni ugusohoza ubutumwa bugaragara.
83. Bazi inema za ALLAH (IMANA) hanyuma bakazihakana
kandi abenshi muri bo ni abahakanyi.
84. Zirikana umunsi tuzazura muri buri ummah umuhamya
hanyuma abahakanyi ntibazemererwa gusaba imbabazi. Nta
n'ubwo bo bazemererwa ukwinginga kwabo. 85. N'igihe
abahuguza bazabona ibihano ntabwo bazagabanyirizwa nta
n'ubwo bazarindirizwa.
86. Ababangikanyije nibabona ibigirwamana byabo
bazavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Biriya ni ibigirwamana
byacu twasabaga mu kigwi cyawe. Bizabaterera ijambo

ngo: mu by’ukuri mwe muri ababeshyi. 87. Uwo munsi bazemera gutsindwa imbere ya IMANA (ALLAH). Kandi ibyo bahimbaga bizabura. 88. Abahakanye bakanakumira ku nzira ya IMANA (ALLAH), twabongereye ibihano hejuru y’ ibihano kubera ko bangizaga.

89. Zirikana umunsi tuzazura muri buri ummah umuhamya kuri yo uyikomokamo. Nawe tukakuzana uri umuhamya kuri aba. Twakumanuriye igitabo gisobanura buri kintu, ari n’ubuyobozi, impuhwe n’inkuru nziza ku baislaam.

90. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ategeka gukora ubutabera, kugira ineza no guha ab’isano. Abuza gukora ibikozasoni, ibibi no kurenganya. Arababurira kugira ngo mwibuke.

91. Mwuzuze isezerano rya ALLAH (IMANA) iyo mwasezeranye. Ntimugatatire indahiro nyuma yo kuzemeza kandi mwaragize ALLAH (IMANA) umuhamya kuri mwe. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) azi ibyo mukora. 92. Ntimuzabe nka wa mugore wahambuye umutako we akawugira ubushwangi nyuma yo kuwukomeza. Mukagira indahiro zanyu uburiganya hagati yanyu kugira ngo habeho ummah nini kurusha indi. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) arabibageragerasha. Rwose tuzabasobanurira ku munsi w’imperuka ibyo mwatandukanagaho.

93. Iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubagira ummah imwe. Ariko ayobya uwo ashaka akanayobora uwo ashaka. Rwose muzabazwa ibyo mwakoraga.

94. Ntimuzagire indahiro zanyu uburiganya hagati yanyu; ikirenge kikanyerera nyuma y’ uko cyari gishikamye, mugasogongera ikibi kubera ibyo mwakumiriye ku nzira ya IMANA (ALLAH). Kandi mufite ibihano bihambaye.

95. Ntimuzagurane isezerano rya ALLAH (IMANA) ikiguzi
gito. Mu by'ukuri ibiri kwa ALLAH (IMANA) ni byo byiza
kuri mwe iyaba mwari mubizi.
96. Ibyo mutunze birashira. Naho ibiri kwa ALLAH
(IMANA) bihoraho. Rwose tuzahemba abihanganye
ibihembo byabo by'ibyiza bakoraga. 97. Ukora ibyiza yaba
gabo cyangwa gore ari umwemera, rwose tuzamubeshaho
ubuzima bwiza. Kandi tuzabahemba ibihembo byabo kubera
ibyiza bakoraga.
98. Nujya gusoma Qur'aan ujye wikinga kuri ALLAH
(IMANA) akurinde sha'itwaan wavumwe. 99. Mu by'ukuri
we nta bushobozi afite ku bemeye biringira Nyagasani wabo.
100. Mu by'ukuri ubushobozi bwe abugira ku bamukunda
babandi bamubangikanya.
101. N'iyo duhinduye ayah mu mwanya w'indi ayah kandi
ALLAH (IMANA) azi cyane ibyo amanura baravuga bati: mu
by'ukuri wowe uri umubeshyi. Abenshi muri bo nta bumenyi
bafite. 102. Vuga uti: Ruuhul-Qudus ni we wayimanuye
ayikuye kwa Nyagasani wawe mu kuri kugira ngo akomeze
abemeye. Ni n'ubuyobozi n'inkuru nziza ku baislam.
103. Rwose tuziko bavuga bati: Mu by'ukuri yigishwa
n'umuntu. Ururimi rw'uwo bamwitirira (ko amwigishA) si
icyarabu kandi iyi ni mu rurimi rw'icyarabu rusobanutse.
104. Mu by'ukuri abatemera amagambo ya ALLAH (IMANA);
ALLAH (IMANA) ntabayobora. Bafite ibihano bibabaza.
105. Mu by'ukuri abahimba ikinyoma ni abatemera amagambo
ya IMANA (ALLAH). Abo ni bo babeshyi.
106. Ntawe uhakana ALLAH (IMANA) nyuma yo
kwemera kwe uretse ubihatiwe, nyamara umutima we utuje
ku kwemera. Ahubwo uwagurira igituza cye ubuhakanyi,

bafite uburakari buturutse kwa ALLAH (IMANA) banafite ibihano bihambaye. 107. Ibyo ni uko barutishije urukundo rw'ubuzima bw'isi ubw'imperuka. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntayobora abantu b'abahakanyi. 108. Abo ni bo ALLAH (IMANA) yapfundikiye ku mitima yabo, amatwi yabo n'amaso yabo. Abo ni bo ndangare. 109. Ni ukuri abo ku mperuka ni bo bazaba abahombye.

110. Hanyuma rwose Nyagasani wawe ku bakoze Hidj'rah nyuma yo kugeragezwa maze bagaharanira inzira ya ALLAH (IMANA) bakanihangana, mu by'ukuri Nyagasani wawe nyuma y'ibyo ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 111. Zirikana umunsi buri muntu azaza yiburanira, buri muntu akuzurizwa ibyo yakoze kandi bo badahuguzwa.

112. ALLAH (IMANA) yatanze urugero; umudugudu wari utekanye, utuje. Amafunguro yawo awugeraho mu mudendezo aturutse buri hantu maze uhakana inema za IMANA (ALLAH). ALLAH (IMANA) awusogongeza umwambaro w'amapfa n'ubwoba kubera ibyo bakoraga. 113. Rwose intumwa ibakomokamo yabagezeho barayihinyura. Ibihano birababafata bo ari abahuguza.

114. Ngaho nimurye mu byo ALLAH (IMANA) yabafunguriye ari halaal nziza munashimire inema za ALLAH (IMANA) niba ari We wenyine mugaragira. 115. Mu by'ukuri yabaziririje; ibyipfushije, amaraso, inyama y'ingurube n'ibyabagiwe ibindi bitari IMANA (ALLAH). Uzasumbirizwa atabishaka atanarengera mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

116. Ntimuzavuge ku bisingizwa n'indimi zanyu ibinyoma

; iki ni halaal n' iki ni haraam, kugira ngo muhimbire ALLAH
(IMANA) ikinyoma. Mu by'ukuri abahimbira ALLAH
(IMANA) ikinyoma ntibazakiranuka. 117. Ni umunezero
muke banafite ibihano bibabaza.
118. No ku babaye Abayahudi twaziririje ibyo
twagutekerereje mbere. Ntitwabahuguje ahubwo ni bo
bihuguzaga. 119. Hanyuma rwose Nyagasani wawe ku bakoze
ikibi ku bujiji maze bakicuza, nyuma y'ibyo bakanatunganya
mu by'ukuri Nyagasani wawe nyuma y'ibyo ni Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
120. Mu by'ukuri Ibraahiim yari ummah, uwibombarika
kwa IMANA (ALLAH), Haniifa nta n'ubwo yari mu
babangikanya. 121. Ushima inema ze. Yaramutoranyije
anamuyobora inzira igororotse. 122. Twamuhaye ibyiza
ku isi. Mu by'ukuri we ku mperuka azaba mu ntungane.
123. Hanyuma tuguhishurira; gukurikira idini rya Ibraahiim
Haniifa. Ntiyari mu babangikanya.
124. Rwose isabato yagizwe ikigeragezo ku
bayitandukanyeho. Mu by'ukuri Nyagasani wawe
azabakiranura ku munsi w'izuka mu byo batandukanagaho.
125. Hamagarira inzira ya Nyagasani wawe mu bushishozi
n'inyigisho nziza. Unabagishe impaka ukoresheje inzira
irusha izindi ubwiza. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We uzi
cyane abayobye ku nzira ye ni na We uzi cyane abayobotse.
126. Nimuhana, mujye muhana nk'uko mwahugujwe. Ariko
nimwihangana ni byo byiza ku bihangana. 127. Ihangane.
Ukwihangana kwawe ugufashwamo na IMANA (ALLAH).
Ntubagirire agahinda ntunabe mu kababaro kubera ibyo
bagambana. 128. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe
n'abagandutse n'abagiraneza.

Surat 17

# IS’RAA’U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubutagatifu ni ubw’uwajyanye umugaragu We nijoro
amukuye kuri Mas’djid al Haraam, amuganisha kuri Mas’djid
al Aq’swaa yo twahundagaje imigisha impande zayo kugira
ngo tumwereke bimwe mu bitangaza byacu. Mu by’ukuri We
ni Uwumva cyane, Ubona cyane.

2 Twahaye Muusa igitabo, tukigira ubuyoboke ku bana ba
Israa’iil kugira ngo mutazishyiriraho undi wiringirwa utari
Jye. 3 Yemwe abakomoka ku rubyaro rw’abo twahekanye na
Nuuh! Mu by’ukuri we yari umugaragu ushimira cyane.

4. Twabwiye abana ba Israa’iil mu gitabo; muzangiza
mu gihugu ubugira kabiri. Kandi muzikuza ukwikuza
guhambaye. 5. Ubwo isezerano ryo kwangiza kwa mbere
ryazaga, twaboherereje abagaragu bacu b’ibihangange
bajagata hagati mu mazu yanyu. Ryari isezerano ryagombaga
gusohora. 6. Hanyuma tubaha kubiganzura, tubongerera
imitungo n’urubyaro tunabagira benshi kubaruta.

7. Nimugira neza, muzaba mwigiriye neza nimunagira
nabi muzaba mwigiriye nabi. Isezerano ryo kwangiza kwa
kabiri niriza, bazabasuzuguza baninjire mu musigiti nk’uko
bawinjiyemo ku nshuro ya mbere. Kandi bazarimbura aho
bageze ukurimbura guhambaye. 8. Hari ubwo Nyagasani
wanyu yabagirira impuhwe. Nimusubira tuzasubira.
Djahannam twayigize gereza y’abahakanyi.

9. Mu by’ukuri iyi Qur’aan iyobora ku nzira irusha izindi
kugororoka. Inaha inkuru nziza abemera bakora ibitunganye

ko bo mu by'ukuri bafite ibihembo bihebuje. 10. Kandi ko
abatemera imperuka mu by'ukuri twabateguriye ibihano
bibabaza.
11. Umuntu asaba ikibi nk'uko asaba icyiza. Kandi umuntu
ni uwihuta cyane. 12. Ijoro n'amanywa twabigize ibimenyetso
bibiri. Duhanagura ikimenyetso cy'ijoro (dukuraho umucyo)
ikimenyetso cy'amanywa tukigira umucyo kugira ngo
mushakishe ingabire ziturutse kwa Nyagasani wanyu
munamenye kubara imyaka n'imibare. Kandi buri kintu
twagisesenguye neza.
13. Buri muntu twashyize imirimo ye mu ijosi rye. Kandi
ku munsi w'izuka tuzamusohorera igitabo azakira gifunguye.
14. Soma igitabo cyawe! Urihagije uyu munsi kwibera
umubaruzi. 15. Uzayoboka azaba yiyobokeye n'uzayoba
azaba yiyobeye. Nta muntu uzikorera umutwaro w'undi.
Kandi ntitwari abo guhana keretse tumaze kohereza intumwa.
16. Iyo dushatse kworeka umudugudu, dutegeka abaherwe
bawo (kumvirA) bakawigomekamo. Ubwo ugahamwa
n'ijambo tukawurimbura ukurimbura kwa cyane. 17. Ni
bingahe mu bisekuru bya nyuma ya Nuuh tworetse!?
Birahagije ko Nyagasani wawe ari Umumenyi w'ibyihishe,
Ubona cyane ibyaha by'abagaragu be.
18. Uzashaka isi, tuzamwihutishiriza muri yo ibyo dushaka
k'uwo dushaka. Hanyuma tuzamugenera Djahannam
azinjiramo asuzuguritse, yirukanywe mu mpuhwe za IMANA
(ALLAH). 19. N'uzashaka imperuka, akayikorera uko
bikwiye ari n'umwemera ; abo umuhate wabo uzashimwa.
20. Bose duha bariya na bariya mu mpano za Nyagasani
wawe. Kandi impano za Nyagasani wawe ntizikumirwa.

21. Reba uko turutisha bamwe ku bandi. Imperuka ni yo
isumbije mu ntera ikaba inasumbije mu ngabire.
22. Ntuzashyire hamwe na ALLAH (IMANA) indi mana
ukaba ugawa, utereranywe. 23. Nyagasani wawe yategetse ko
mutagomba kugira icyo mugaragira uretse We no kugirira
neza ababyeyi. Niba umwe muri bo cyangwa bombi bageze
mu zabukuru, ntuzababwire ngo Uffin! Ntuzanabakankamire
kandi ujye ubabwira ijambo ryiza. 24. Unabicisheho bugufi
kubera impuhwe unavuge uti: ayi Nyagasani wanjye! Bahe
impuhwe zawe nk’uko bandeze ndi muto. 25. Nyagasani
wanyu ni uzi cyane ibiri mu mitima yanyu. Niba muri
abatunganya mu by’ukuri We ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha by’abicuza cyane.
26. Ujye uha uwo mufitanye isano uburenganzira bwe,
umukene n’uwashiriwe ari ku rugendo kandi ntukajye waya.
27. Mu by’ukuri abaya ni abavandimwe ba za sha’itwaan.
Kandi sha’itwaan ni umuhakanyi cyane kuri Nyagasani we.
28. Ni ubatera umugongo ushaka impuhwe za Nyagasani
wawe wizeye, ujye ubabwira ijambo ryoroheje.
29. Ntuzashyire akaboko kawe ku ijosi ryawe ugahambiriye
ntuzanakarambure kose ukaba ugawa ushiriwe. 30. Mu
by’ukuri Nyagasani wawe atuburira amafunguro uwo ashaka,
akanatubiriza. Rwose We ni Umumenyi w’ibyihishe, Ubona
cyane abagaragu be.
31. Ntimukice abana banyu kubera gutinya ubukene. Twe
turabafungurira hamwe namwe. Mu by’ukuri kubica ni icyaha
gikomeye. 32. Ntimukegere ubusambanyi. Mu by’ukuri bwo
ni urukozasoni n’inzira mbi.
33. Ntimukice umuntu ALLAH (IMANA) yaziririje uretse
mu kuri. N’uzicwa ahugujwe, twahaye umuhagarariye

ububasha. Ntazakabye mu kwica. Mu by'ukuri we ni utabawe.
34. Ntimukegere umutungo w'imfubyi uretse mu nzira nziza
kugeza igeze k' ubukure. Mujye mwuzuza isezerano. Mu
by'ukuri isezerano rizabazwa. 35. Mujye mwuzuza ibigerwa
nimugera, munapimishe iminzani igororotse. Ibyo ni byo
byiza ni na yo maherezo meza.

36. Ntugakurikire ibyo udafitiye ubumenyi. Mu by'ukuri
ukumva, ukubona n'umutima; ibyo byose uzabibazwa.
37. Ntukagendere ku isi wibona. Mu by'ukuri wowe
ntuzapfumura isi. Nta n'ubwo uzagera ku burebure
bw'imisozi. 38. Ibyo byose ububi bwabyo bwangwa kwa
Nyagasani wawe.

39. Ibyo ni bimwe mu byo Nyagasani wawe aguhishuriye mu
bushishozi. Ntuzashyire hamwe na ALLAH (IMANA) indi
mana, ukajugunywa muri Djahannam ugawe, wirukanywe
mu mpuhwe za IMANA (ALLAH).

40. Ese Nyagasani wanyu yabeguriye abahungu maze
mu Bamala'ika yigiriramo abakobwa!? Mu by'ukuri mwe
muravuga ijambo rihambaye. 41. Rwose twarasesenguye
muri ino Qur'aan kugira ngo bibuke ariko ntacyo ibongerera
uretse guhunga. 42. Vuga uti: Iyo hamwe na We haba izindi
mana nk'uko babivuga; ubwo zari gushaka inzira izigeza kwa
Nyiri Aar'sh. 43. Ubutagatifu ni ubwe arenze ibyo bavuga
ukurenga guhambaye. 44. Ibirere birindwi n'isi n'ibibirimo
biramusingiza. Nta kintu na kimwe usibye ko gisingiza
ishimwe n'ikuzo bye byuzuye ariko ntimusobanukirwa
ugusingiza kwabyo. Mu by'ukuri We ni Umwitonzi, Uhebuje
mu guhanagura ibyaha.

45. Iyo usoma Qur'aan dushyira hagati yawe n'abatemera
imperuka urusika rushyitse. 46. Twashyize ku mitima yabo

ibipfundikizo kugira ngo batayisobanukirwa no mu matwi yabo ibihato. N'iyo uvuze Nyagasani wawe Wenyine muri Qur'aan bahindukira ku migongo yabo bahunga.

47. Twe tuzi cyane igituma bumviriza ubwo bakumviriza n'igihe baba bongorera. Ubwo abahuguza bavuga bati: ntawe mukurikira uretse umugabo warozwe. 48. Reba uburyo baguhaye ingero bakayoba, ntibashobora kubona inzira.

49. Baravuga bati: ese nitumara kuba amagufwa n'ubuvungukira; ese twe tuzazurwa turi ibiremwa bishya!? 50. Vuga uti: nimube amabuye cyangwa ibyuma! 51. Cyangwa ikiremwa mu byo mubona ko ari kinini mu bituza byanyu. Bazavuga bati: ni nde uzatugarura? Vuga uti: Uwabahanze ubwa mbere. Bazacisha amarenga imitwe yabo banavuge bati: Bizaba ryari? Vuga uti: bishobora kuba hafi. 52. Zirikana ubwo azabahamagara mukitabana ishimwe n'ikuzo byuzuye, muzamenyako mutabayeho uretse igihe gito.

53. Bwira abagaragu banjye: Bajye bavuga ijambo risumba andi ubwiza. Mu by'ukuri sha'itwaan arabateranya. Rwose sha'itwaan ni umwanzi ugaragara w'umuntu.

54. Nyagasani wanyu ni We ubazi cyane. Ashaka yabaha impuhwe ze cyangwa yashaka akabahana. Kandi ntitwabakoherejeho ngo ubabere umurinzi. 55. Nyagasani wawe ni We uzi cyane ibiri mu birere n'isi. Rwose twasumbishije abahanuzi bamwe ku bandi. Daa'uud twamuhaye Zabuur.

56. Vuga uti: nimuhamagare ibyo mwahimbye bitari We. Nta bushobozi bifite bwo kubakuraho ikibi cyangwa kugihindura. 57. Ibyo basaba ubwabyo bishakisha inzira irusha izindi ubugufi ibiganisha kwa Nyagasani wabyo, byizera impuhwe ze bikanatinya ibihano bye. Mu by'ukuri ibihano

bya Nyagasani wawe ni ibyo kwirindwa. 58. Nta mudugudu
n'umwe uretse ko twe tuzaworeka mbere y'umunsi w'izuka
cyangwa tukazawuhana ibihano bikaze. Ibyo biranditse mu
gitabo.
59. Nta cyatubujije kohereza ibitangaza uretse ko aba mbere
babihinyuye. Twahaye ba Thamuud ingamiya igaragara
barayihinyura. Kandi ntitwohereza ibitangaza keretse
tugambiriye gukanga.
60. Zirikana Ubwo twakubwiye tuti: Mu by'ukuri Nyagasani
wawe yahetuye abantu. Ntitwagize inzozi twakweretse
n'igiti cyavumwe muri Qur'aan uretse kuba ikigeragezo ku
bantu. Turabatera ubwoba ariko ntacyo bibongerera uretse
kwigomeka gukomeye.
61. Zirikana ubwo twabwiraga Abamala'ika tuti:
nimwubamire Aadam. Barubama uretse Ibliis wavuze ati:
Ese nubamire uwo uremye mu ibumba!? 62. Aravuga ati:
ntureba uyu wubahishije kundusha? Nundindiriza kugeza
ku munsi w'izuka, rwose nzabatanika nyobye urubyaro rwe
uretse bake.
63. Aravuga ati: Genda uzagukurikira muri bo mu by'ukuri
Djahannam ni igihembo cyanyu; igihembo cyuzuye.
64. Uzagire abapfayongo abo ushoboye muri bo ukoresheje
ijwi ryawe, maze ubatere n'ingabo zawe zigendera ku ifarasi
n'izigenza amaguru ufatanye nabo mu mitungo n'abana
unabasezeranye. Kandi ntacyo Sha'itwan abasezeranya uretse
ibishuko. 65. Mu by'ukuri abagaragu banjye nta bushobozi
uzabagiraho. Nyagasani wawe arahagije kuba uwiringirwa.
66. Nyagasani wanyu We ubagendeshereza amato mu
nyanja kugira ngo mushakishe mu ngabire ze. Mu by'ukuri
We kuri mwe, ni Nyirimbabazi. 67. Iyo ingorane zibagezeho

muri mu nyanja ibyo musaba byose birabura uretse We. Yamara kubarokora abagejeje imusozi mugatera umugongo. Umuntu ni umuhakanyi cyane.

68. Ese mwizeye umutekano w'uko atabarigitisha uruhande rw'imusozi cyangwa akabohererereza umuyaga urimo amabuye maze ntimwibonere umurinzi!? 69. Cyangwa mwizeye umutekano w'uko atabasubizamo ubwa kabiri, akabohererereza inkubi y'umuyaga akabarohamya kubera ibyo mwahakanye kandi nyuma ntimwibonere kuri Twe ukurikirana?

70. Rwose twubahishije bene Aadam tubatwara imusozi no mu nyanja tunabafungurira mu byiza, maze tubarutisha cyane ibyinshi mu byo twaremye.

71. Zirikana umunsi tuzahamagara abantu bose bayobowe n'umuyobozi wabo. Uzahabwa igitabo cye mu kuboko kw'iburyo, abo bazasoma ibitabo byabo nta n'akarandaryi bazahuguzwa. 72. Uzaba kuri iyi si ari impumyi, no ku mperuka we azaba ari impumyi, anarushijeho kuyoba inzira.

73. Bari hafi kukugerageza ku byo twaguhishuriye kugira ngo uduhimbire ibitari byo. Ubwo rwose bari kukugira inshuti magara. 74. Iyo tutagukomeza rwose wari hafi kubabogamiraho akantu gato. 75. Ubwo twari kugusogongeza ibihano byikubye ku isi n'ibihano byikubye igihe cy'urupfu. Hanyuma ntiwari kwibonera kuri Twe umutabazi.

76 Bari hafi kugushyiraho iterabwoba mu gihugu kugira ngo bakikwirukanemo. Ubwo ntibari kubaho nyuma yawe uretse igihe gito. 77 Ni umugenzo w'abo twohereje mbere yawe mu ntumwa zacu. Kandi ntuzabonera imigenzo yacu uguhinduka.

78. Hozaho Swalaat mu gihe izuba ryerekeye iburengerazuba

kugeza mu mwijima w'ijoro. Unasome Qur'aan mu museke.
Mu by'ukuri Qur'aan yo mu museke iba ishengerewe. 79. Na
nijoro ujye uyikoresha Tahadjud ari inyongera yawe kugira
ngo Nyagasani wawe azakuzurire mu mwanya ushimwa.
80. Uvuge uti: ayi Nyagasani wanjye! Nyinjiza ukwinjiza
kwiza, unsohore ugusohora kwiza unampe ubushobozi
bushyigikiwe buguturutseho. 81. Unavuge uti: Ukuri kuraje
ikinyoma kirayoyotse. Mu by'ukuri ikinyoma ni icyo
kuyoyoka.
82. Tumanura muri Qur'aan ibiri umuti n'impuhwe ku
bemera. Nyamara ntacyo yongerera abahuguza uretse
igihombo.
83. Iyo duhaye inema zacu umuntu atera umugongo
akishyira kure. Naho ikibi cyamugeraho akaba uwiheba
cyane. 84. Vuga uti: buri wese akora ku buryo bwe. Cyakora
Nyagasani wanyu ni We uzi cyane uwayobotse inzira.
85. Barakubaza kuri roho. Vuga uti: roho ituruka ku itegeko
rya ALLAH (IMANA) kandi ntimwahawe mu bumenyi
uretse buke.
86. Iyo dushaka twari gutwara ibyo twaguhishuriye
hanyuma ntiwibonere kuri twe uwiringirwa. 87. Uretse
impuhwe za Nyagasani wawe. Mu by'ukuri ingabire ze
kuri wowe ni nyinshi. 88. Vuga uti: N'iyo abantu n'amadjinn
bishyira hamwe ngo bazane igisa n'iyi Qur'aan, ntibakizana
n'ubwo bamwe ku bandi baba bashyigikiranye.
89. Rwose twasesenguriye abantu muri iyi Qur'aan buri
rugero. Nyamara abenshi mu bantu banga byose uretse
ubuhakanyi. 90. Baravuga bati: ntituzakwemera keretse
uduturikirije isoko mu butaka. 91. Cyangwa ugire umurima
w'imitende n'imizabibu, unaturitse cyane imigezi hagati

yawo. 92. Cyangwa udutureho ikirere nk'uko wabyigambye ibice bice, cyangwa uzane ALLAH (IMANA) n' Abamala'ika imbona nkubone. 93. Cyangwa ugire inzu itatse cyangwa uzamuke ujye mu kirere. Na bwo ntituzemera izamuka ryawe keretse utumanuriye igitabo tukagisoma. Vuga uti: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wanjye! Ese hari icyo ndi cyo uretse kuba umuntu n'intumwa!?

94. Ntacyabujije abantu kwemera ubwo ubuyobozi bwabageragaho, uretse ukuvuga kwabo bati: Ese ALLAH (IMANA) yohereje umuntu ngo abe intumwa? 95. Vuga uti: Iyo mu isi haba Abamala'ika bagenda batuje, twari kubamanurira mu kirere Mala'ika w'intumwa. 96. Vuga uti: ALLAH (IMANA) arahagije kuba Umuhamya hagati yanjye namwe. Mu by'ukuri We ku bagaragu be ni Umumenyi w'ibyihishe, Ubona cyane.

97. Uwo ALLAH (IMANA) yayoboye ni we muyoboke n'uwo yayobeje ntuzamubonera abarinzi batari We. Tuzabazura k'umunsi w'imperuka bacuramye ari impumyi, ibiragi, n'ibipfamatwi. Ubuturo bwabo ni Djahannam. Buri uko icubye tubongerera Sa'iir. 98. Icyo ni igihembo cyabo kuberako bahakanye amagambo yacu bakavuga bati: ese nituba amagufwa n'ubuvungukira; ese tuzazurwa turi ibiremwa bishya!?

99. Ese ntibabonyeko ALLAH (IMANA) waremye ibirere n'isi ari ushobora kurema nka bo!? Yabahaye igihe kidashidikanywaho, abahuguza banga byose uretse ubuhakanyi. 100. Vuga uti: Iyo mwe muba muhatse ibigega by'impuhwe za Nyagasani wanjye ubwo mwari kugundira mutinya gutanga. Kandi umuntu ni umunyabugugu cyane.

101. Rwose twahaye Muusa ibitangaza icyenda bisobanutse.

Baza abana ba Israa'iil ubwo yabageragaho Fir'aun
akamubwira ati: mu by' ukuri yewe Muusa! Jye ndagukeka
ko warozwe. 102. Aravuga ati: rwose uziko ntawamanuye ibi
uretse Nyagasani w'ibirere n'isi ari ubuhamya bugaragara.
Mu by'ukuri yewe Fir'aun! Ndagukeka ko woramye.
103. Ashaka kubaca mu gihugu, turamurohamya n'abari
kumwe na we bose. 104. Tubwira abana ba Israa'iil nyuma
ye tuti: muture mu gihugu, isezerano ry'imperuka niriza
tuzabazana muvangitiranye.
105. Mu kuri twarayimanuye kandi mu kuri iramanuka.
Ntitwakohereje uretse kugira ngo ube utanga inkuru nziza
n'uburira. 106. Qur'aan twayimanuye urusorongo kugira ngo
uyisomere abantu buhoro buhoro kandi twayimanuye mu
byiciro.
107. Vuga uti: nimuyemere cyangwa ntimuyemere! Mu
by'ukuri abahawe ubumenyi mbere yayo, iyo bayisomewe
bitura ku twananwa twabo bubamye. 108. Bavuga bati:
ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wacu. Rwose isezerano rya
Nyagasani wacu rirasohojwe. 109. Bitura ku twananwa twabo
barira ikabongerera kwibombarika.
110. Vuga uti: Muhamagare ALLAH (IMANA) cyangwa
muhamagare RAHMAAN. Iryo ari ryo ryose mwahamagara
afite amazina meza. Ntusakuze muri Swalaat yawe kandi
ntunayigire bucece. Ushakishe hagati aho inzira. 111. Vuga
uti: Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA)
utaragize umwana, utaranagize uwo bafatanyije mu bwami,
utaranagize umurinzi kubera intege nke unamukuze cyane
ikuzo rikwiye.

Surat 18

# AL- KAH'F

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA)
wamanuriye umugaragu we igitabo ntiyagishyiramo
ukugorama. 2 Kigororotse. Kugira ngo aburire ibihano
bikomeye bituruka iwe anahe inkuru nziza abemera bakora
ibitunganye, ko bafite ibihembo byiza. 3 Bazabamo iteka.
4 Anaburire abavuze ko ALLAH (IMANA) yihaye umwana.
5 Nta bumenyi babifiteho ndetse n'abakurambere babo.
Mbega ijambo rikomeye risohoka mu minwa yabo! Nta cyo
bavuga uretse ikinyoma.

6 Urenda kwiyicisha akababaro kubera ugutera kwabo
umugongo, niba batemeye iyi nkuru. 7 Mu by'ukuri Twe
ibiri ku isi twabigize umutako wayo kugira ngo tubagerageze
tunerekane urusha abandi ibikorwa byiza. 8 Kandi mu
by'ukuri Twe, ibiyiriho tuzabigira ubutaka bugundutse.

9. Ese urakekako abantu bo mu buvumo n'urubaho
banditseho ari igitangaza mu bimenyetso byacu!?
10. Zirikana ubwo abasore bahungiraga mu buvumo bakavuga
bati: ayi Nyagasani wacu! Duhe impuhwe ziguturutseho
unadutegurire mu bintu byacu ubuyoboke. 11. Tubasinziriza
mu buvumo imyaka myinshi. 12. Hanyuma turabakangura
kugira ngo twerekane; ni irihe mu matsinda abiri ryamenya
kurusha irindi igihe bamazemo.

13. Twe turagutekerereza inkuru yabo mu kuri. Rwose bo
ni abasore bemeye Nyagasani wabo tubongerera ukuyoboka.
14. Dukomeza imitima yabo ubwo bahagurukaga bakavuga

bati: Nyagasani wacu ni Nyagasani w'ibirere n'isi. Ntituzasaba indi mana itari We. Twaba rwose tuvuze amateshwa. 15. Abo bantu bacu bishyiriyeho izindi mana zitari We. Iyaba zabazaniraga ibimenyetso bigaragara! Ni nde uhuguza kurusha uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma!?

16. Nimubitarura n'ibyo bagaragira bitari ALLAH (IMANA) muhungire mu buvumo, Nyagasani wanyu abahundagazeho impuhwe ze anabategurire ibibafasha mu byanyu.

17. Ubona izuba iyo rirashe ribogamira iburyo bw'ubuvumo bwabo. Ryaba rirenga rikabasiga kure ahagana ibumoso. Na bo bari rwagati muri bwo. Ibyo ni mu bitangaza bya IMANA (ALLAH). Uwo ALLAH (IMANA) yayoboye ni we uba ayobotse n'uwo ALLAH (IMANA) yayobeje ntuzamubonera umurinzi uyobora.

18. Wabakekako bari maso kandi basinziriye. Turabahindukiza iburyo n'ibumoso n'imbwa yabo irambuye amaboko yayo ku bwinjiriro. Ubarebye wahindukira ubahunga wanahiye ubwoba kubera bo.

19. Uko ni ko twabakanguye kugira ngo babazanye hagati yabo. Uwavuze muri bo aravuga ati: mumaze igihe kingana iki? Baravuga bati: tumaze umunsi cyangwa igice cy' umunsi. Baravuga bati: Nyagasani wanyu ni We uzi igihe mumaze. Nimwohereze umwe muri mwe n'iki giceri cyanyu cya Feza mu mujyi, arebe ibiryo byiza kurusha ibindi maze abazaniremo amafunguro. Anitonde ntatume hari ubamenya n'umwe. 20. Mu by'ukuri bo nibabatahura bazababatera amabuye cyangwa babasubize mu idini ryabo kandi ubwo ntimuzakiranuka na rimwe.

21. Uko ni ko twabatahuje kugira ngo bamenyeko isezerano

rya ALLAH (IMANA) ari ukuri, kandi ko imperuka nta kuyishidikanyaho. Ubwo bajyaga impaka hagati yabo ku kibazo cyabo hari abavuga bati: nimububakeho inyubako. Nyagasani wabo ni We uzi ibyabo kurusha abandi. Abaganjije abandi baravuga bati: rwose tuzabubakaho umusigiti.

22. (Bamwe) Bazavuga bati: ni batatu, imbwa yabo ikaba iya kane. (Abandi) bazavuga bati: ni batanu imbwa yabo ikaba iya gatandatu. Ari ugukekeranya ku bitagaragara. (Hari) n'abazavuga bati: ni barindwi imbwa yabo ikaba iya munani. Vuga uti: Nyagasani wanjye ni We uzi umubare wabo kurusha abandi. Ntawe ubazi uretse bake. Ntukabajyeho impaka uretse impaka zigaragara. Kandi ntuzagire n'umwe ubaza kuri bo. 23. Ntukavuge ku kintu icyo ari cyo cyose uti: rwose jye iki nzagikora ejo. 24. Keretse ALLAH (IMANA) ashatse. Ujye wibuka Nyagasani wawe niwibagirwa unavuge uti: wenda Nyagasani wanjye yanyobora kugira ngo mbe hafi kuyoboka kuri iki.

25. Babaye mu buvumo bwabo imyaka magana atatu bongererwaho icyenda. 26. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni We uzi igihe bamazemo kurusha abandi. Afite ubumenyi bw'ibyihishe mu birere n'isi. Mbega Ubona cyane! Mbega Uwumva cyane! Nta wundi bafiteho umurinzi utari we kandi nta n'umwe yifashisha mu butegetsi bwe.

27. Soma ibyo uhishurirwa byo mu gitabo cya Nyagasani wawe. Ntawahindura amagambo ye kandi nta handi hatari iwe uzabona ubuhungiro. 28. Wihangane hamwe n'abasaba Nyagasani wabo mu gitondo na nimugoroba bashaka uburanga bwe. Amaso yawe ntabarenge ushaka imitako y'ubuzima bw'isi. Ntukumvire uwo twazindaje umutima

we ku rwibutso rwacu agakurikira irari rye, ibye bikaba ari
ubuyobe bukomeye.
29. Vuga uti: ukuri ni uguturutse kwa Nyagasani wanyu.
Ushaka azemere n'ushaka azahakane! Mu by'ukuri Twe
twateguriye abahuguza umuriro, inkuta zawo zirabagose.
N'iyo basabye icyo kunywa bahabwa amazi yatuye
nk'umuringa yotsa uburanga. Nicyo kinyobwa kibi ni nabwo
buruhukiro bubi!
30. Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye rwose
Twe ntituburizamo ibihembo by'uwatunganyije ibikorwa.
31. Abo bafite Djannah zihoraho, imigezi iratemba hagati yabo.
Bazambikwamo imiringa. Bazambara imyenda y'icyatsi ya
Sun'dus na Is'tibraq. Muri yo bazaba begamye ku bitanda
bitatse. Ibyo ni ibihembo byiza bukaba n'uburuhukiro bwiza.
32. Bahe urugero rw'abagabo babiri twahaye umwe muri
bo imirima ibiri y'imizabibu tuyizengurutsa imitende hagati
ya yo dushyiramo ibimera. 33. Iyo mirima yombi yatanze
ibiribwa byayo ntiyagira icyo ihuguzamo. Duturitsa hagati
yayo umugezi. 34. Yari afite imbuto. Abwira mugenzi we
amuganiriza ati: Jye nkurusha umutungo nkanakurusha
abantu. 35. Yinjira mu murima we na we yihuguza aravuga ati:
sinkeka na rimwe ko ibi bizashira! 36. Sinakeka ko imperuka
izaza! Kandi ninasubizwa kwa Nyagasani wanjye nzasanga
ibiwuruta, ariho garukiro.
37. Mugenzi we amubwira amuganirira ati: ese urahakana
uwakuremye mu gitaka hanyuma mu ntanga maze
akagutunganyamo umugabo? 38. Ahubwo We ni IMANA
(ALLAH), Nyagasani wanjye kandi simbangikanya Nyagasani
wanjye n'uwo ari we wese. 39. Iyaba winjiraga mu murima
wawe ukavuga uti: Ni ibyo ALLAH (IMANA) yashatse nta

ntege uretse izishyigikiwe na IMANA (ALLAH). N'ubwo
ubona jye ndi hasi yawe mu mutungo n'abana. 40. Nyagasani
wanjye yampa ibiruta umurima wawe, akawoherereza
icyorezo giturutse mu kirere ugahinduka igitaka kinyerera.
41. Cyangwa amazi yawo akarigita ntuzashobore kuyashaka.

42. Imbuto ze ziragotwa bucya ahindura ibiganza bye kubera
ibyo yawutanzeho, nawo waguye ku gisenge cyawo avuga:
Iyaba jye ntabangikanyaga Nyagasani wanjye n'uwo ari we
wese! 43. Aho nta tsinda yabonye ryari kumutabara ibihano
bya ALLAH (IMANA) kandi na we ntiyari kwitabara. 44. Aho
ubutabazi nyabwo ni ubwa IMANA (ALLAH), Uwukuri. Ni
We mwiza wo guhemba kandi ni We mwiza wo guhana.

45. Bahe urugero rw'ubuzima bw'isi; ni nk'amazi
twamanuye tuyakura mu kirere, ibimera by'isi bikivanga
nayo, nyuma bikumagara bitumurwa n'umuyaga. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Uwishoboza buri kintu. 46. Umutungo
n'abana ni imitako y'ubuzima bw'isi. Naho ibikorwa byiza
bisigara ni ibihembo byiza n'amizero meza kwa Nyagasani
wawe.

47. Umunsi tuzagendesha imisozi ukabona isi irambuye,
tukabakoranya ntitugire n'umwe muri bo dusiga.
48. Bazamurikirwa Nyagasani wawe bari ku murongo. Rwose
mutuziye nk'uko twabaremye inshuro ya mbere, ahubwo
mwigambagako tutazabashyiriraho umunsi w'isezerano.

49. Ibitabo bizaramburwa maze ubone abagome batewe
ubwoba n'ibikubiyemo bavuga bati: mbega ukorama kwacu!
Ibi bitabo bimeze bite? Ntibireka igito cyangwa ikinini
keretse bikibaruye!? Bazasanga ibyo bakoze bihari kandi
Nyagasani wawe nta n'umwe ahuguza.

50. Zirikana ubwo twabwiraga Abamala'ika tuti:

nimwubamire Aadam. Barubama uretse Ibliis. Yari mu
madjinn yigomeka ku itegeko rya Nyagasani we. Ese
mumugira we n’urubyaro rwe inshuti koya mute mundetse
kandi bo ari abanzi banyu!? Ingurane y’abahuguza ni mbi.
51. Ntabwo naberetse iremwa ry’ibirere n’isi, ndetse
n’iremwa ryabo. Kandi sindi uwo kugira abayobye abafasha.
52. Umunsi azavuga ati: ngaho nimuhamagare abo
mwabeshyagako ari abafasha banjye. Bazabahamagara
nyamara ntibazabitaba. Tuzashyira hagati yabo urworekero.
53. Abagome bazabona umuriro bamenyeko ari abo
kuwugwamo kandi ntibazawubonera ubuhungiro.
54. Rwose twasesenguriye abantu muri iyi Qur’aan buri
rugero ariko umuntu arusha impaka buri kintu. 55. Nta
cyabujije abantu kwemera no gusaba Nyagasani wabo
guhanagurwaho ibyaha ubwo ubuyoboke bwabageragaho,
uretse gutegerezako inzira y’abo hambere ibageraho cyangwa
ibihano bikabageraho imbona nkubone.
56. Ntitwohereza intumwa keretse kuba abavuga inkuru
nziza n’ababurira. Naho abahakanye bajya impaka
z’ikinyoma kugira ngo baburizemo ukuri. Bagira amagambo
yanjye n’ibyo baburiwe umukino. 57. Ninde uhuguza
kurusha uwibukijwe amagambo ya Nyagasani we, akayatera
umugongo akanibagirwa ibyo yashyize imbere!? Mu
by’ukuri Twe twashyize ku mitima yabo ibipfundikizo kugira
ngo batayisobanukirwa no mu matwi yabo ibihato. N’ubwo
wabahamagara ntibazayoboka na rimwe.
58. Nyagasani wawe ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Uwimpuhwe. Iyo abaryoza ibyo bakora yari kubihutishiriza
ibihano. Ariko bafite isezerano batazabonera ubuhungiro.

59. Iyo midugudu twarayoretse ubwo yahuguzaga kandi twashyizeho isezerano ry’iyorekwa ryayo.

60. Zirikana ubwo Muusa yabwiraga umuhungu we ati: sinzarekeraho kugenda keretse ngeze ku ihuriro ry’inyanja ebyiri cyangwa nkagenda imyaka n’imyaniko. 61. Bageze ku ihuriro ryazo bibagiwe ifi yabo, ifata inzira yayo mu nyanja inyuze munsi. 62. Bamaze kwambukiranya abwira umuhungu we ati: tuzanire amafunguro yacu ya ku manywa. Rwose twahuye n’umunaniro muri uru rugendo rwacu.

63. Aravuga ati: Urabona ubwo twaruhukiraga ku rutare, mu by’ukuri jye nibagiwe ya fi. Kandi ntawayinyibagije kuyibuka uretse Sha’itwaan. Ifata inzira yayo mu nyanja itangaje. 64. Aravuga ati: Aho niho twashakaga. Bakurikira ibirenge byabo, ikirenge ku kindi. 65. Basanga umugaragu mu bagaragu bacu twahaye impuhwe ziduturutseho tunamwigisha ubumenyi budukomakaho.

66. Muusa aramubwira ati: Ese ngukurikire kugira ngo unyigishe ubuyoboke mu byo wigishijwe? 67. Aravuga ati: Mu by’ukuri wowe ntuzashobora kunyihanganira! 68. Ni gute wakwihanganira ibyo utigeze umenya!? 69. Aravuga ati: Uransanga in’sha’a ALLAH (IMANA) ndi uwihangana kandi sinzigomeka ku itegeko ryawe. 70. Aravuga ati: nunkurikira ntugire icyo umbaza kugeza ubwo ngize icyo nkikubwiraho.

71. Baragenda kugeza ubwo buriye ubwato akabupfumura. Aravuga ati: urabupfumuye kugira ngo burohe ababurimo!? Rwose ukoze ikintu kibi cyane. 72. Aravuga ati: ese sinavuzeko utazashobora kunyihanganira!? 73. Aravuga ati: ntundyoze ibyo nibagiwe kandi ntunshyireho amananiza. 74. Baragenda kugeza ubwo bahuye n’umuhungu akamwica. Aravuga ati:

wishe umuntu w'intungane nta we yishe!? Rwose ukoze
ikintu kibi cyane!
75. Aravuga ati: ese sinakubwiyeko utazashobora
kunyihanganira!? 76. Aravuga ati: Ningira icyo nkubaza
nyuma y'ibi ntukomezanye nanjye. Rwose ugeze aho ugira
impamvu kuri jye. 77. Baragenda kugeza ubwo bageze ku
banyamudugudu. Bafunguza abawutuye banga kubakira.
Bawusangamo urukuta rwenda guhirima ararugorora.
Aravuga ati: Iyo ushaka wari kubyakira igihembo.
78. Aramubwira ati: uku ni ko gutandukana hagati yanjye
na we. Ndakubwira ibisobanuro by'ibyo utashoboye
kwihanganira.
79. Ubwato bwari ubw'abakene bakora mu nyanja, nshaka
kubushyiraho inenge kuko inyuma yabo hari umwami
wafataga buri bwato ku ngufu.
80. Naho umuhungu, ababyeyi be bari abemera dutinyako
yabahatira kwigomeka no guhakana. 81. Dushakako
Nyagasani wabo amubaguranira umwiza kumurusha, uri hafi
ku mpuhwe.
82 Naho urukuta, rwari urw' abahungu babiri b' imfubyi mu
mujyi. Munsi yarwo hari umutungo wabo ubitswe kandi se
yari intungane, Nyagasani wawe ashaka ko bagera ku bukure
bwabo bagakuramo umutungo wabo, ari impuhwe ziturutse
kwa Nyagasani wawe. Sinabikoze ku bushake bwanjye. Ibyo
ni ibisobanuro by'ibyo utashoboye kwihanganira.
83. Barakubaza kuri Dhul Qarnain. Vuga uti: nzabasomera
inkuru ye muri Qur'aan. 84. Rwose twamuhaye ubushobozi
ku isi tunamuha inzira kuri buri kintu.
85. Maze akurikira inzira. 86. Kugeza ubwo yageze
iburengerazuba akabona rirengera mu isoko y'icyondo

gishyushye ahasanga abantu. Turavuga tuti: yewe Dhul
Qar’nain! Ubahane cyangwa ubagirire neza. 87. Aravuga
ati: naho uzahuguza tuzamuhana hanyuma agarurwe kwa
Nyagasani we amuhane igihano gihambaye. 88. Naho uzemera
akanakora ibikorwa bitunganye, afite ibihembo byiza kandi
tuzamuha amabwiriza yacu yoroshye.

89. Maze akurikira inzira. 90. Kugeza ubwo yageze
iburasirazuba asanga rirasira ku bantu tutahaye aho
kuryikinga. 91. Uko ni ko twahetuje ubumenyi ibye byose.

92. Maze akurikira inzira. 93. Kugeza ubwo yageze hagati
y’imisozi ibiri asanga inyuma yayo abantu batari bari hafi
yo gusobanukirwa imvugo. 94. Baravuga bati: yewe Dhul
Qar’nain! Mu by’ukuri Ya’adjuudja na Ma’adjuudja ni
abangizi mu gihugu. Ese tukugenere umusoro kugira ngo
ushyire hagati yacu na bo urukuta?

95. Aravuga ati: ibyo Nyagasani wanjye yanshobojemo ni
byo byiza. Nimumfashishe imbaraga nshyire hagati yanyu
na bo urukura. 96. Nimunzanire ibice by’ibyuma. Amaze
kubiringaniza hagati y’imisozi ibiri aravuga ati: muvugute.
Amaze kubigira umuriro aravuga ati: nimunzanire nsukeho
umushongi w’umuringa. 97. Ntibashobora kururenga
ntibanashobora kurupfumura. 98. Aravuga ati: izi ni impuhwe
za Nyagasani wanjye. Isezerano rya Nyagasani wanjye
niriza azarugira ubushwangi. Kandi isezerano rya Nyagasani
wanjye ni ukuri.

99. Tuzasiga uwo munsi bamwe muri bo banyuranamo
uruvunganzoka maze hahuhwe mu mpanda nyuma
tubarundanye cyane. 100. Uwo munsi tuzamurika Djahannam
ku bahakanyi ku mugaragaro. 101. Babandi ku maso yabo

hari igikingirizo kibabuza kunyibuka kandi ntibashoboraga kumva.

102. Ese abahakanyi barakekako bagira abagaragu banjye inshuti koya bandetse!? Mu by'ukuri Twe twateguriye Djahannam kuba ari ubushyitsi ku bahakanyi.

103. Vuga uti: ese tubabwire abahombye kurusha abandi mu bikorwa? 104. Ni babandi umuhate wabo mu buzima bw'isi wabaye impfabusa kandi bo bakeka y'uko batunganya ibikorwa. 105. Abo ni abahakanye amagambo ya Nyagasani wabo no guhura na We, ibikorwa byabo bigapfa ubusa. Nta gaciro tuzabaha ku munsi w'imperuka. 106. Ku bw'ibyo Djahannam ni cyo gihembo cyabo kubera ibyo bahakanye bakanagira amagambo yanjye n'intumwa zanjye ibikinisho.

107. Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye ishyikiro ryabo ni Djannah za Fir'dau's. 108. Bazabamo ubuzira herezo. Ntibazifuza guhindurirwa.

109. Vuga uti: iyo inyanja ziba wino y'amagambo ya Nyagasani wanjye, inyanja zari gukama mbere y' uko amagambo ya Nyagasani wanjye ashira n'ubwo twazana izindi nkazo zunganira.

110. Vuga uti: Mu by'ukuri jye ndi umuntu nka mwe. Mpishurirwa y' uko Imana yanyu ari Imana imwe. Uwizera kuzahura na Nyagasani we, nakore ibikorwa bitunganye, kandi ntabangikanye mu kugaragira Nyagasani we n' uwo ari we wese.

Surat 19

# MARIAM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Kaaf Haa Yaa A'in Swaad.*

2 Uru ni urwibutso rw'impuhwe za Nyagasani wawe
ku mugaragu we Zakariyyaa. 3 Ubwo yahamagaraga
Nyagasani we, uguhamagara kwa bucece. 4 Aravuga ati: ayi
Nyagagasani wanjye! Mu by'ukuri jye amagufwa muri jye
yaranengekaye n'umutwe wanjye wuzuye imvi. Sinigeze
ndohoka mu kugusaba kwanjye. 5 Mu by'ukuri jye nagize
ubwoba bw'ubuyobozi nyuma yanjye kandi umugore
wanjye ni urubereri. Mpa umuzungura mwiza uguturutseho.
6 Anzungure anazungure umuryango wa Ya'aquub. Nyagasani
wanjye! Unamugire uwishimirwa.

7 Yewe Zakariyyaa! Mu by'ukuri Twe tuguhaye inkuru
nziza yo kubyara umuhungu izina rye ni Yah'yaa. Ntabwo
twigeze tumushyiriraho bazina mbere. 8 Aravuga ati: ayi
Nyagasani wanjye! Ni gute nabona umuhungu kandi umugore
wanjye ari urubereri na njye rwose narageze mu za bukuru za
nyuma?

9. Aravuga ati: uko ni ko Nyagasani wawe avuze; icyo kuri
Jye kiroroshye kandi nakuremye mbere nta n'icyo wari cyo.
10. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Mpa ikimenyetso.
Aravuga ati: ikimenyetso cyawe ni uko utazavugisha abantu
amajoro atatu yuzuye nta muze. 11. Asohoka muri Mih'raab
agana ku bantu be abacira amarenga; musingize mu gitondo
na nimugoroba.

12. Yewe Yah’yaa! Fata igitabo n’imbaraga. Twanamuhaye
ubushishozi ari muto. 13. N’impuhwe ziduturutseho
n’ubuziranenge. Kandi yari uganduka. 14. No kubaha
ababyeyi be bombi kandi ntiyari umunyagitugu, uwigomeka.
15. Amahoro ni abe kuri we; umunsi yavutse, umunsi azapfa
n’umunsi azazurirwaho ari muzima.

16. Vuga na none mu gitabo (inkuru yA) Mariam, ubwo
yitaruraga abantu be akajya ahantu hagana iburasirazuba.
17. Ashyira hagati ye nabo urusika. Tumwohererereza Ruuh
wacu amwigaragariza mu ishusho y’umuntu wuzuye.
18. Aravuga ati: mu by’ukuri jye nkwikinze kuri Nyirimpuhwe,
niba uri utinya. 19. Aravuga ati: mu by’ukuri jye ndi intumwa
ya Nyagasani wawe kugira ngo nguhe (inkuru) y’umuhungu
w’umuziranenge. 20. Aravuga ati: ni gute nagira umuhungu
kandi nta muntu wigeze ankoraho, ntarigeze mba n’indaya?
21. Aravuga ati: uko ni ko Nyagasani wawe avuze; icyo kuri
Jye kiroroshye. Tuzamugira igitangaza ku bantu n’impuhwe
ziduturutseho. Kandi ni itegeko ryarangiye.

22. Aramutwita, amwitarurana ahantu ha kure. 23. Ibise
bimujyana ku gihimba cy’umutende. Aravuga ati: mbega
ububababare bwanjye! Iyo mpfa mbere y’ibi nkaba ukwibagirwa
kwibagiranye.

24. Amuhamagarira munsi yacyo; ntugire agahinda!
Rwose Nyagasani wawe yashyize munsi yawe umugezi.
25. Unanyeganyeze wiyegereza igihimba cy’umutende,
ukumanurire itende zihishije. 26. Urye unanywe wishime.
Rwose nugira uwo ubona mu bantu uvuge uti: mu by’ukuri
jye nagiriye Nyirimpuhwe nadh’r yo gusiba, uyu munsi
simvugisha umuntu.

27. Amuzanira abantu be amuteruye baravuga bati: yewe

Mariam! Rwose wakoze amahano. 28. Yewe mushiki wa Haaruun! So ntiyari umuntu mubi na nyoko ntiyari indaya.

29. Amutunga urutoki (amwerekanA). Baravuga bati: twavugisha dute uruhinja rukiri mu kiriri!? 30. Aravuga ati: mu by'ukuri jye ndi umugaragu wa IMANA (ALLAH), yampaye igitabo anangira umuhanuzi. 31. Angira uw'imigisha aho ndi hose anantegeka gukora Swalaat no gutanga Zakaat igihe cyose nzaba nkiri muzima. 32. No kumvira mama, ntiyanangize umunyagitugu, umunyabyaha. 33. Amahoro ni abe kuri jye umunsi navutseho, umunsi nzapfiraho n'umunsi nzazurwa ndi muzima.

34. Uwo ni Isa mwene Mariam, ijambo ry'ukuri ryo bashidikanyaho. 35. ALLAH (IMANA) si uwo kwiha umwana. Ubutagatifu ni ubwe. Iyo yategetse ikintu mu by' ukuri arakibwira: Ba! Kikaba.

36. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani wanyu nimumugaragire. Iyi ni yo nzira igororotse. 37. Hanyuma amatsinda atandukana hagati yayo. Ibihano bikomeye ku munsi w'iteraniro rihambaye bizaba ku bahakanye. 38. Mbega kumva cyane kwabo no kubona cyane umunsi bazatugeraho! Ariko abahuguza, uwo munsi bazaba mu buyobe bugaragara.

39. Baburire umunsi w'agahinda ubwo itegeko rizaba risohojwe bo bari mu burangare. Kandi bo ntibemera. 40. Mu by'ukuri Twe tuzazungura isi n'ibiyirimo kandi iwacu ni ho bazagarurwa.

41. Vuga na none mu gitabo (inkuru yA) Ibraahiim. Mu by'ukuri we yari umunyakuri cyane, umuhanuzi. 42. Ubwo yabwiraga se ati: Dawe! Kuki ugaragira ibitumva cyangwa ibitareba cyangwa ibidafite icyo bikumariye!? 43. Dawe!

Mu by’ukuri jye nagezweho na bumwe mu bumenyi
butakugezeho. Nkurikira ntuyobe inzira igororotse. 44. Dawe!
Wigaragira sha’itwaan kuko sha’itwaan ari icyigomeke kuri
Nyirimpuhwe. 45. Dawe! Mu by’ukuri jye mfite ubwoba
bw’uko uzafatwa n’ibihano bya Nyirimpuhwe ukaba inshuti
koya ya sha’itwaan.

46. Aravuga ati: wowe Ibraahiim! Ese wanze imana
zanjye? Nutarekeraho mu by’ukuri ndagutera amabuye kandi
unyimuke igihe kirekire. 47. Aravuga ati: Amahoro ni abe
kuri wowe. Nzagusabira Nyagasani wanjye kuguhanaguraho
ibyaha. Mu by’ukuri We kuri jye ni Uwimpuhwe cyane.
48. Ndabitaruye n’ibyo musaba bitari IMANA (ALLAH),
ndanasaba Nyagasani wanjye. Wenda mu gusaba Nyagasani
wanjye sinzaba uburizwamo.

49. Amaze kubitarura n’ibyo bagaragiraga bitari IMANA
(ALLAH), twamugabiye Is’haaq na Ya’aquub, kandi bose
tubagira abahanuzi. 50. Tubagabira mu mpuhwe zacu tunabaha
kuvugwa neza by’ikirenga.

51. Vuga na none mu gitabo (inkuru yA) Muusa. Mu
by’ukuri we yari intore kandi yari intumwa, umuhanuzi.
52. Twamuhamagaye ku ruhande rw’iburyo bwa Twuur,
tumwiyegereza tumwongorera. 53. Tumugabira mu mpuhwe
zacu umuvandimwe we Haaruun ari umuhanuzi.

54. Vuga na none mu gitabo (inkuru yA) Ismaa’iil. Mu
by’ukuri we yari umunyakuri ku isezerano kandi yari
intumwa, umuhanuzi. 55. Yategekaga abantu be gukora
Swalaat no gutanga Zakaat kandi kwa Nyagasani we
yari uwishimiwe. 56. Vuga na none mu gitabo (inkuru yA)
Idriis. Mu by’ukuri we yari umunyakuri cyane, umuhanuzi.
57. Twanamuzamuye mu rwego rw’ikirenga.

[58.] Abo ni abo ALLAH (IMANA) yahundagajeho inema ze mu bahanuzi bakomoka mu rubyaro rwa Aadam no mu bo twahekanye na Nuuh no mu rubyaro rwa Ibraahiim na Israa'iil no mu bo twayoboye tukanatoranya. Iyo basomewe amagambo ya Nyirimpuhwe, bitura hasi bubamye banarira.

[59.] Nyuma yabo basimburwa n'abasigire batakaje Swalaat bakurikira irari. Bazahura n'ibibi. [60.] Uretse abicujije, bakemera bakanakora ibitunganye abo bazinjira muri Djannah nta n'icyo bahuguzwa.

[61.] Djannah zihoraho, Nyirimpuhwe yasezeranyije abagaragu be mu byihishe. Mu by'ukuri isezerano rye rirasohora. [62.] Ntibazumvamo amahomvu; ahubwo amahoro. Kandi bafitemo amafunguro yabo mu gitondo na nimugoroba. [63.] Iyo ni yo Djannah tuzaraga bamwe mu bagaragu bacu bagandukaga.

[64.] Ntitumanuka keretse ku itegeko rya Nyagasani wawe. Ibiri imbere yacu, inyuma yacu no hagati yabyo ni ibye. Kandi Nyagasani wawe ntiyibagirwa. [65.] Nyagasani w'ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo; mugaragire unashikame ku kumugaragira. Ese waba uzi bazina we!?

[66.] Umuntu aravuga ati: ese nindamuka mpfuye nzazurwa ndi muzima!? [67.] Ese umuntu ntiyibukako mbere twamuremye kandi nta cyo yari cyo!? [68.] Ndahiye Nyagasani wawe! Rwose tuzabakoranya na za Sha'itwaan. Hanyuma rwose tuzabazana ku mpande za Djahannam bapfukamye.

[69] Nyuma rwose tuzahubuza muri buri gatsiko abarusha abandi kwigomeka kuri Nyirimpuhwe. [70] Nyuma rwose ni Twe tuzi cyane abakwiriye kurusha abandi kuyijyamo. [71] Nta n'umwe muri mwe utazayinyuraho. Kuri Nyagasani wawe ni

ihame ntakuka. 72 Hanyuma tuzarokora abagandutse tureke
abahuguzaga (bayigwemo) bapfukamye.
73. N'iyo basomewe amagambo yacu asobanutse
abahakanye babwira abemera bati: ni irihe tsinda rirusha
irindi urwego rikanarirusha icyicaro cyiza ? 74. Ni n'ibisekuru
bingahe tworetse mbere yabo; byo byabarushaga ibikoresho
byo mu rugo byiza bibereye!?
75. Vuga uti: Uri mu buyobe, Nyirimpuhwe namurindirize
cyane, kugeza ubwo bazabona ibyo basezeranyijwe, byaba
ibihano cyangwa imperuka. Bazamenya ufite umwanya mubi
cyane n'ufite ingabo z'inyantege nke cyane.
76. ALLAH (IMANA) yongerera abayobotse ubuyoboke.
Naho ibisigaye bitunganye ni byo bifite ibihembo byiza kwa
Nyagasani wawe n'igarukiro ryiza.
77. Ese wabonye uwahakanye amagambo yacu akavuga
ati: Rwose nzahabwa umutungo n'abana!? 78. Ese yamenye
ibyihishe cyangwa yagiranye isezerano na Nyirimpuhwe!?
79. Oya! Tuzandika ibyo avuga maze tumwongerere ibihano
byikubye. 80. Tuzanazungura ibyo avuga kandi azatuzira ari
gatozi. 81. Bishyiriyeho imana zitari ALLAH (IMANA) ngo
zibabere abarengezi. 82. Oya! Bazahakana igaragira ryabo
banababere abanzi.
83. Ese ntubonako rwose Twe twohereza za sha'itwaan
ku bahakanyi, zibashishikariza cyane (ubuhakanyi)!?
84. Wibihutira. Mu by'ukuri Twe turababarira iminsi mbarwa.
85. Umunsi tuzakoranya abaganduka kwa Nyirimpuhwe ari
abashyitsi b'imena. 86. Tugashorera abagome tubaganisha
kuri Djahannam bashotse. 87. Ntibazagira ubushobozi
bw'ubuvugizi keretse uwagize isezerano kwa Nyirimpuhwe.
88. Baravuga bati: Nyirimpuhwe yihaye umwana. 89. Rwose

mukoze amahano! 90. Ibirere birenda gusandara kubera ibyo,
n'isi igasatagurika n'imisozi ikaranduka isatagurika. 91. Kuba
baritiriye Nyirimpuhwe umwana. 92. Kandi bidakwiriyeko
Nyirimpuhwe agira umwana. 93. Ibiri mu birere n'isi
byose nta kindi bizakora uretse kugana Nyirimpuhwe ari
ibigaragira. 94. Rwose yabahetuje ubumenyi aranababarura
nyabyo. 95. Kandi bose bazamugana k'umunsi w'izuka umwe
umwe. 96. Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye,
Nyirimpuhwe azabakunda.

97. Mu by'ukuri twayoroheje ku rurimi rwawe kugira ngo
uyiheshe inkuru nziza abaganduka unayiburirishe abantu
batsimbarara ku buhakanyi. 98. Ni ibisekuru bingahe tworetse
mbere yabo!? Ese hari n'umwe muri bo ubona cyangwa
wumva yongorera!?

## Surat 20

# TWAAHAA

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Twaahaa.*

2 Nta bwo twakumanuriye Qur'aan ngo ugorwe. 3 Uretse
kuba urwibutso k'utinya. 4 Imanutse iturutse ku waremye isi
n'ibirere bihanitse. 5 Nyirimpuhwe uganje kuri Aar'sh. 6 Ibyo
mu birere n'ibyo mu isi n'ibyo hagati yabyo ndetse n'ibiri
munsi y'ubutaka ni ibye.

7 N'ubwo warangurura ijwi mu by'ukuri We azi ibanga
n'ibyihishe cyane. 8 IMANA (ALLAH). Nta yindi mana
uretse We. Afite amazina meza.

9. Ese inkuru ya Muusa yakugezeho? 10. Ubwo yabonaga
umuriro akabwira ab'iwe ati: Mugume aha! Mu by'ukuri
jye ndabutswe umuriro. Hari ubwo nabazaniraho igishirira,
cyangwa ngasanga ku muriro ubuyoboke.
11. Awugezeho arahamagarwa; yewe Muusa! 12. Mu
by'ukuri Jye ndi Nyagasani wawe, ambura inkweto
zawe. Rwose uri mu kibaya gitagatifu Twuwaa. 13. Jye
nagutoranyije tega amatwi ibihishurwa. 14. Mu by'ukuri Jye
ndi ALLAH (IMANA) nta yindi mana uretse Jye. Ngaragira!
Uhozeho Swalaat unyibuka. 15. Mu by'ukuri imperuka izaza,
ndayihisha kugira ngo buri muntu azahemberwe ibyo akora.
16. Rwose utayemera agakurikira irari rye, ntazayigukumireho
maze ukorama.
17. Ese icyo ni iki kiri mu ndyo yawe yewe Muusa?
18. Aravuga ati: iyi ni inkoni yanjye nishingikiriza,
nkayihushurisha ibibabi by'intama zanjye. Kandi nyifitemo
indi mimaro. 19. Aravuga ati: yinage yewe Muusa!
20. Arayinaga, ubwo ihita iba inzoka igenda. 21. Aravuga ati:
yifate! Witinya turayisubiza mu buryo bwayo bwa mbere.
22. Ushyire ukuboko kwawe mu kwaha kwawe, kurasohoka
kwererana nta muze ari ikindi gitangaza. 23. Kugira ngo
tukwereke bimwe mu bitangaza byacu bihambaye. 24. Jya
kwa Fir'aun. Mu by'ukuri we yarigometse.
25. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Nyagurira igituza
cyanjye. 26. Unyorohereze inshingano zanjye. 27. Unapfundure
ipfundo riri ku rurimi rwanjye. 28. Kugira ngo basobanukirwe
ijambo ryanjye. 29. Unshyiriteho umufasha wo mu muryango
wanjye. 30. Haaruun, umuvandimwe wanjye. 31. Mukomereshe
imbaraga zanjye. 32. Unamumfashishe mu nshingano zanjye.
33. Kugira ngo tugusingize cyane. 34. Tunakwambaze cyane.

35. Mu by'ukuri wowe uri utubona cyane. 36. Aravuga ati: rwose uhawe ibyo usabye yewe Muusa!

37. Rwose n'ubundi twaguhaye inema zacu. 38. Ubwo twahishuriraga nyoko ibihishurwa (tuvugA) : 39. Mushyire mu isanduku uyite mu mugezi, umunage ku nkombe. Umwanzi wanjye ari na we mwanzi we amwakire. Naguhaye urukundo rwanjye kugira ngo urerwe nkurinze. 40. Ubwo mushiki wawe yagendaga akavuga ati: ese mbereke uwamurera? Tugusubiza kwa nyoko kugira ngo yishime ntakomeze kugira agahinda. Wica umuntu tugukiza akababaro, tuguha n'ibigeragezo byinshi. Uba mu bantu ba Mad'yan imyaka. Nyuma yewe Muusa uza ku igeno.

41. Nkwihitiramo k'ubwanjye. 42. Genda wowe n'umuvandimwe wawe n'ibitangaza byanjye, ntimuzadohoke ku kunsingiza. 43. Mujye kwa Fir'aun mu by'ukuri we yarigometse. 44. Mumubwire ijambo ryoroshye wenda yakwibuka cyangwa agatinya.

45. Baravuga bati: ayi Nyagasani wacu! Mu by'ukuri twe turatinya ko yatwihutishiriza igihano cyangwa akarengera mu kutugirira nabi. 46. Aravuga ati: ntimutinye! Mu by'ukuri Jye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona. 47. Mumugereho maze muvuge muti: mu by'ukuri twe turi intumwa za Nyagasani wawe. Ohereza hamwe natwe bene Israa'iil ntunabatoteze. Mu by'ukuri twakuzaniye igitangaza giturutse kwa Nyagasani wawe. Amahoro abe ku wakurikiye ubuyoboke. 48. Mu by'ukuri twe twahishuriwe ko ibihano bizaba ku wahinyuye akanatera umugongo.

49. Aravuga ati: ese ni nde Nyagasani wanyu yewe Muusa!? 50. Aravuga ati: Nyagasani wacu ni uwahaye buri kintu indemo yacyo maze akayobora. 51. Aravuga ati: ese ni bite

by'ibisekuru bya mbere? 52. Aravuga ati: ubumenyi bwabyo
buri kwa Nyagasani wanjye mu gitabo. Nyagasani wanjye
ntakosa nta nubwo yibagirwa.

53. Uwabashyiriyeho isi nk'isaso, akayicamo inzira,
akamanura amazi mu kirere maze akayameresha ibibiri mu
bimera bitandukanye. 54. Murye munaragire amatungo yanyu.
Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku banyabwenge.
55. Twabaremye tubakomoye muri yo no muri yo niho
tubasubiza kandi tuzayibakuramo indi nshuro.

56. Rwose twamweretse ibitangaza byacu byose
arabihinyura arananangira. 57. Aravuga ati: ese watuziye
kugira ngo udukurishe uburozi bwawe mu gihugu cyacu
yewe Muusa!? 58. Rwose turakuzanira uburozi bumeze
nkabwo. Shyira hagati yacu nawe isezerano tutazica, twe
cyangwa wowe ahantu hazwi.

59. Aravuga ati: isezerano ryanyu ni ku munsi w'umurimbo
kandi hazakoranywe abantu ku gasusuruko. 60. Fir'aun atera
umugongo maze akoranya abarozi hanyuma araza. 61. Muusa
arababwira ati: ukorama kube kuri mwe! Ntimuhimbire
ALLAH (IMANA) ikinyoma, akabarimbuza igihano kandi
rwose abahimbye baramwaye.

62. Bajya impaka hagati yabo ku kibazo cyabo, bahisha
ukongorerana. 63. Baravuga bati: aba nta kindi bari cyo
uretse kuba abarozi. Barashaka kubakura mu gihugu
cyanyu n'uburozi bwabo, bagasibanganya inzira yanyu
y'intangarugero. 64. Nimuhuze imigambi yanyu maze muze
ku murongo. Rwose aratsinda uyu munsi uri hejuru.

65. Baravuga bati: yewe Muusa! Wanaga cyangwa twe
tukaba aba mbere banaga! 66. Aravuga ati: ahubwo nimunage!
Ubwo imigozi yabo n'inkoni zabo bimugaragarira kubera

uburozi bwabo ko bigenda. 67. Muusa yiyumvamo ubwoba.
68. Turavuga tuti: witinya! Mu by’ukuri ni wowe wo hejuru.
69. Naga ikiri mu ndyo yawe kimiragure ibyo bakoze! Mu
by’ukuri ibyo bakoze ni imigambi ya kirozi kandi umurozi
ntatsinda uko aje kose. 70. Abarozi bitura hasi bubama bavuga
bati: twemeye Nyagasani wa Haaruun na Muusa.

71. Aravuga ati: ese mumwemeye mbere y’uko
mbibemerera!? Mu by’ukuri we ni umukuru wanyu
wabigishije uburozi. Rwose ndabacagagura amaboko
yanyu n’amaguru yanyu imbusane nababambe ku bihimba
by’imitende, rwose muranamenya ufite muri twe ibihano
bikomeye cyane kandi bihoraho.

72. Baravuga bati: ntitukurutisha ibitangaza bitugezeho,
turahiye Uwaduhanze! Ca urubanza iby’uca! Mu by’ukuri
uca urubanza rw’ubu buzima bw’isi. 73. Mu by’ukuri twe
twemeye Nyagasani wacu kugira ngo aduhanagureho
amakosa yacu n’ ibyo waduhatiye by’uburozi. Kandi ALLAH
(IMANA) ni We mwiza Uhoraho.

74. Mu by’ukuri usanze Nyagasani we ari n’umugome afite
Djahannam ntabwo azapfa muri yo nta n’ubuzima azagira.
75. N’uzamusanga ari umwemera yaranakoze ibitunganye,
abo bafite inzego zo hejuru. 76. Djannah zihoraho zitembamo
imigezi, bazazibamo ubuziraherezo. Icyo ni cyo gihembo
cy’uwiyejeje.

77. Rwose twahishuriye Muusa; jyana nijoro abagaragu
banjye ubacire inzira yumutse mu nyanja udatinya
gushyikirwa utanafite ubwoba. 78. Fir’aun abakurikirana
n’ingabo ze barengerwa n’inyanja. Mbega uko barengewe!
79. Fir’aun yayobeje abantu be, ntiyabayoboye.

80. Yemwe bana ba Israa’iil! Rwose twabakijije umwanzi

wanyu tubasezeranya uruhande rw'iburyo bwa Twuur
tunabamanurira Manna na Sal'wa. 81. Murye mu byiza
twabafunguriye, ntimubyigomekemo, uburakari bwanjye
bukazabageraho. Ugezweho n'uburakari bwanjye aba
yoramye. 82. Kandi mu by'ukuri Jye ndi Uhanagura ibyaha
cyane k'uwicujije, akemera akanakora ibitunganye maze
akayoboka.
83. Ni iki cyakwihutishije uva ku bantu bawe yewe
Muusa? 84. Aravuga ati: bo ngabo barankurikira. Nihuse
nkugana Nyagasani wanjye kugira ngo ushime. 85. Aravuga
ati: mu by'ukuri Twe twagerageje abantu bawe nyuma yawe,
Saamiriyyu arabayobya.
86. Muusa agaruka ku bantu be arakaye, ababaye. Aravuga
ati: bantu banjye! Ese Nyagasani wanyu ntiyabahaye
isezerano ryiza !? Ese igihe cy'isezerano cyababanye
kirekire? Cyangwa mwashatse ko uburakari bwa Nyagasani
wanyu bubageraho muca ukubiri n'isezerano ryanjye!?.
87. Baravuga bati: ntitwaciye ukubiri n'isezerano ryawe ku
bushake bwacu, ariko twe twikorejwe uburemere bw'imitako
y'abantu turayinaga. Uko ni ko Saamiriyyu yabigenje.
88. Ababumbira ishusho y'ikimasa ifite ukwabira, baravuga
bati: iyi ni yo mana yanyu n'imana ya Muusa ariko yaribagiwe.
89. Ese ntibabona ko itabasubiza ijambo cyangwa ngo igire
ubushobozi bwo kugira icyo ibatwara cyangwa ibamarira.
90. Rwose Haaruun yababwiye mbere ati: yemwe
bantu banjye! Mu by'ukuri mwayigeragereshejwe. Mu
by'ukuri Nyagasani wanyu ni Nyirimpuhwe, nimunkurikire
munumvire itegeko ryanjye. 91. Baravuga bati: ntitureka
gukomeza kuyisenga kugeza ubwo Muusa atugarukira.
92. Aravuga ati: yewe Haaruun! Ni iki cyakubujije ubwo

wabonaga bayobye? 93. Kutankurikira? Ese wigometse ku itegeko ryanjye!? 94. Aravuga ati: mwana wa mama! Wikurura ubwanwa bwanjye cyangwa umutwe wanjye. Mu by'ukuri jye natinye y'uko wavuga uti: watandukanyije abana ba Israa'il ntiwubahiriza ijambo ryanjye!

95. Aravuga ati: byakugendekeye bite yewe Saamiriyyu? 96. Aravuga ati: nabonye ibyo batabonye, mfata igitaka mu nzira y'intumwa ndakinaga. Uko ni ko umutima wanjye wantakiye. 97. Aravuga ati: Genda, mu buzima uzahora uvuga uti: Ntunkoreho! Kandi ufite isezerano utazarenga. Witegereze imana yawe yo wahoraga usenga. Rwose turayitwikagura maze tuyitumurire mu nyanja ari ivu. 98. Mu by'ukuri Imana yanyu ni ALLAH (IMANA) nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse We. Buri kintu yagihetuje ubumenyi.

99. Uko ni ko tugutekerereza inkuru z'ababanje kandi twaguhaye urwibutso ruduturutseho. 100. Uzarutera umugongo mu by'ukuri ku munsi w'izuka azikorera umutwaro w' ibyaha. 101. Bazabamo ubuziraherezo kandi uzaba ari wo mutwaro mubi kuri bo ku munsi w'izuka. 102. Umunsi impanda izahuhwamo, uwo munsi tuzakoranya abagome bafite amaso y'ubururu. 103. Bongorerana hagati yabo; nta gihe mwabayeho uretse iminsi cumi gusa. 104. Ni Twe tuzi cyane ibyo bavuga. Ubwo ubarusha ubwenge azavuga ati: nta gihe mwabayeho uretse umunsi umwe.

105. Barakubaza ibyerekeye imisozi, vuga uti: Nyagasani wawe azayiritura ukuriturwa kwa cyane. 106. Ayisige ari ubutaka bugundutse, buringaniye. 107. Ntuzabubonaho kugorama cyangwa umurambi. 108. Uwo munsi bazakurikira

umuhamagazi udafite kugorama. Amajwi azaca bugufi imbere
ya Nyirimpuhwe. Ntuzaba wumva keretse ukongorera.
109. Uwo munsi ubuvugizi nta cyo buzamara uretse
k'uwo Nyirimpuhwe yemereye akanamuha ijambo. 110. Azi
ibiri imbere yabo n'inyuma yabo kandi bo ntibamuhetuza
ubumenyi. 111. Uburanga buzaca bugufi imbere y'Uhoraho,
Uwigize. Naho Uwahuguje azamwara. 112. Ukora
ibitunganye ari n'umwemera ntazatinya guhuguzwa cyangwa
kwamburwa.
113. Uko ni ko twayimanuye ari Qur'aan mu Cyarabu,
dusesenguramo ibiburira kugira ngo baganduke cyangwa
ibahe isomo. 114. Ari hejuru ALLAH (IMANA) Umwami,
Ukuri. Ntukihutishe Qur'aan, mbere y'uko kuyiguhishurira
birangira. Kandi ujye uvuga uti: ayi Nyagasani wanjye!
Nyongerera ubumenyi.
115. Rwose twahaye isezerano Aadam mbere aribagirwa,
duhamyako adafite ukwihangana guhamye. 116. Zirikana
ubwo twabwiraga Abamala'ika tuti: mwubamire Aadam!
Bakubama uretse Ibliis wanze. 117. Turavuga tuti: yewe
Aadam! Mu by'ukuri uyu ni umwanzi wawe wowe n'uw'
umugore wawe. Ntazabakure mu busitani mukagorwa.
118. Mu by'ukuri ufitemo ukudasonza n'ukutambara
ubusa. 119. Kandi ufitemo ukutanyoterwa no kuticwa n'izuba.
120. sha'itwaan aramushuka aravuga ati: yewe Aadam! Ese
nkurangire igiti cy'ubuzima buhoraho n'ubwami budashira?.
121. Bakiryaho ubwambure bwabo burabigaragariza batangira
kwikingiriza ibibabi byo mu busitani. Aadam yigomeka
kuri Nyagasani we arayoba. 122. Hanyuma Nyagasani we
aramutoranya yakira ukwicuza kwe aranamuyobora.
123. Aravuga ati: mumanuke muvemo mwese bamwe ku

bandi muri abanzi. Rwose ubuyobozi bwanjye nibubageraho, uzakurikira ubuyobozi bwanjye ntazayoba ntazanagorwa. 124. Naho uzatera umugongo urwibutso rwanjye, mu by'ukuri afite ubuzima bw'inzitane no ku munsi w'izuka tuzamuzura ari impumyi. 125. Azavuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Kuki unzuye ndi impumyi kandi ku isi narabonaga? 126. Azavuga ati: uko ni ko ibimenyetso byacu byakugeragaho ukabyibagirwa. Uko ni ko uyu munsi wibagirana. 127. Uko ni ko duhemba uwarengereye ntiyemere ibimenyetso bya Nyagasani we. Kandi ibihano by'imperuka ni byo bikomeye cyane bikanahoraho.

128 Ese ntibagaragarirwa n'uko tworetse ibisekuru byinshi mbere yabo, bakaba bagenda mu ngo zabyo!? Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso kuri ba nyir'ubwenge. 129 Iyo bitaba ijambo rya Nyagasani wawe ryabanje n'igihe kizwi, ibihano byabo byari kuba ihame. 130 Ihanganire ibyo bavuga. Utagatifuze ishimwe n'ikuzo bya Nyagasani wawe mbere y'uko izuba rirasa na mbere y'uko rirenga. No mu bihe by'ijoro utagatifuze, n' imitwe y'amanywa kugira ngo ushimwe.

131. Rwose ntuzarambure amaso yawe mu byo twashimishijemo ingeri muri bo. Ni umutako w'ubuzima bw'isi kugira ngo tubageragezemo. Kandi ifunguro rya Nyagasani wawe ni ryo ryiza ni na ryo rihoraho. 132. Tegeka abawe Swalaat unayihanganire. Ntitugusaba amafunguro ahubwo ni Twe tugufungurira. Kandi iherezo ryiza ni irya ba nyir'ukuganduka.

133. Baravuze bati: iyo atuzanira igitangaza giturutse kwa Nyagasani we! Ese ibitangaza bivugwa mu bitabo bya mbere ntibyabagezeho!? 134. Iyo tuborekesha ibihano

mbere yayo bari kuvuga bati: ayi Nyagasani wacu! Iyaba
watwohererezaga intumwa, tugakurikira amagambo yawe
mbere y'uko dusuzugurika tukanamwara. 135. Vuga uti:
buri wese arategereje. Ngaho nimuturame, muzamenya ba
nyir'inzira igorotse n'abayobotse.

## Surat 21

# AL AN'BIYAA'U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibarura ry'abantu riregereje nabo bari mu burangare bateye
umugongo. 2 Urwibutso rushya ruturutse kwa Nyagasani
wabo ntirubageraho usibye y'uko barwumva nabo bakina.
3 Imitima yabo irarangaye. Abahuguje bahishe ukongorera;
ese uyu hari ikindi ari cyo uretse kuba ari umuntu nkamwe!?
Ese muremera uburozi kandi mureba!? 4 Aravuga ati:
Nyagasani wanjye azi ibivugwa mu kirere n'isi kandi ni We
Uwumva cyane, Umumenyi cyane.

5 Ahubwo baravuze bati: ni inzozi z'uruvangitirane,
ahubwo yarayihimbye, ahubwo we ni umusizi! Ngaho
natuzanire igitangaza nk'uko abambere boherejwe. 6 Nta
mudugudu wemeye mbere yabo mu yo tworetse. Ese ni bo
bakwemera!?

7. Ntitwohereje mbere yawe uretse abagabo twahishuriraga.
Nimubaze ba nyir'ubumenyi niba mudafite ubumenyi.
8. Ntabwo twabagize imibiri batarya ibiryo kandi ntibari
abahoraho. 9. Hanyuma tubuzuriza isezerano, turabarokora
n'abo dushaka tunoreka abarengera cyane.

10. Rwose twabamanuriye igitabo kirimo urwibutso

rwanyu. Ese nta bwenge mufite!? 11. Ni imidugudu ingahe
yahuguzaga twajanjaguye, tukarema nyuma yayo abandi
bantu!? 12. Babonye ibihano byacu birukanse babihunga.
13. Mwikwiruka! Nimugaruke ku byo mwadegembejwemo
n’ingo zanyu kugira ngo mubazwe. 14. Baravuga bati: mbega
ukorama kwacu! Mu by’ukuri twe twari abahuguza. 15. Uko
kwakomeje kuba ukuganya kwabo, kugeza ubwo tubagize
nk’umurima wasaruwe, bumye.

16. Ntabwo twaremye ikirere n’isi n’ibiri hagati yabyo
dukina. 17. Iyo dushaka kwiha umukino twari kuwiha ku
bwacu, iyo tuba ababikora. 18. Ahubwo tunaga ukuri ku
kinyoma kukagisenya ubwo cyo kikavaho. Mufite ibihano
bikomeye ku byo muvuga.

19. Afite abari mu birere n’isi. N’abari iwe ntibikuza ku
kumugaragira nta n’ubwo bananirwa. 20. Basingiza nijoro
n’amanywa. Ntibarambirwa.

21. Cyangwa bishyiriyeho imana zikomoka ku isi zo zikaba
zizura!? 22. Iyo habamo izindi mana zitari ALLAH (IMANA)
byari kwangirika. Ubutagatifu ni ubwa ALLAH (IMANA)
Nyagasani wa Aar’sh ku byo bavuga. 23. Ntabazwa ibyo
akora, naho bo barabazwa.

24. Cyangwa bishyiriye ho imana zitari We? Vuga uti:
nimuzane ibimenyetso byanyu simusiga. Uru ni urwibutso
ku bari kumwe nanjye n’urwibutso ku bariho mbere yanjye.
Ahubwo abenshi muri bo ntibazi ukuri, bo barirengagiza.
25. Ntitwohereje mbere yawe intumwa uretse ko
twayihishuriraga ko mu by’ukuri nta yindi mana uretse Jye,
nimungaragire.

26. Baravuze bati: Nyirimpuhwe yihaye umwana.
Ubutagatifu ni ubwe! Ahubwo ni abagaragu bubashywe.

27. Ntibamutanga ijambo ahubwo bo bakorera ku itegeko rye.
28. Azi ibiri imbere yabo n'inyuma yabo. Ntibanavuganira
uretse uwo yishimiye kandi bo mu kumutinya bari menge.
29. N'unavuga muri bo ati: jye ndi imana itari We! Uwo
tuzamuhemba Djahannam. Kandi uko ni ko duhemba
abahuguza.

30. Ese abahakanye ntibabonako ibirere n'isi byari ikimane
tukabitandukanya!? Kandi ko buri kinyabuzima twakiremye
mu mazi! Ese ntibemera!?

31. Hanyuma dushyira mu isi imisozi ishimangiye kugira
ngo itabahungabanya, dushyiramo imyanya ngo ibabere
inzira kugira ngo bayoboke. 32. N'ikirere twakigize igisenge
kirinzwe. Nyamara bo barirengagiza ibitangaza byacyo.
33. Ni We waremye ijoro, amanywa, izuba n'ukwezi; byose
bizenguruka bigenda mu myanya yabyo byihuta.

34. Kandi nta muntu twahaye mbere yawe uguhoraho. Ese
nupfa ni bo bazahoraho!? 35. Buri muntu azasogongera ku
rupfu. Tubageragegeresha ibibi n'ibyiza. Kandi iwacu ni ho
muzagarurwa.

36. Iyo abahakanye bakubonye, nta kindi bakugira uretse
unnyegwa. Ese uyu ni we uvuga imana zanyu!? Kandi bo
bahakana kuvuga Nyirimpuhwe.

37. Umuntu yaremwe ari uwihuta. Nzabereka ibimenyetso
byanjye, mwinyihutisha. 38. Baravuga bati: ni ryari isezerano
rizasohora niba muri abanyakuri!? 39. Iyaba abahakanye
bamenyaga igihe bazaba batabuza umuriro kugera ku buranga
bwabo cyangwa ku migongo yabo kandi bo badatabarwa!
40. Ahubwo uzabageraho ubatunguye ubagwe gitumo.
Ntibazashobora kuwusubizayo cyangwa ngo barindirizwe.
41. Rwose intumwa zariho mbere yawe zarannyezwe.

Abazinnyeze bagerwaho n’ingaruka z’ibyo bannyegaga. 42. Vuga uti: Ni nde ubarinda Nyirimpuhwe ijoro n’amanywa? Ahubwo bo ni abirengagiza ukwibuka Nyagasani wabo. 43. Cyangwa bafite imana zitari Twe zibarinda!? Ntizishobora kwirinda ubwazo, nta n’ubwo zaturindwa.

44. Ahubwo twahaye umunezero aba n’abakurambere babo kugeza ubwo ubuzima bubabana burebure. Ese ntibabonako tuza tugabanya isi mu nkengero zayo? Ese ni bo abatsinda? 45. Vuga uti: mu by’ukuri jye ndababuririsha ibihishurwa. Nyamara ibipfamatwi ntibyumva uguhamagarwa, iyo biburiwe. 46. Iyo bafashwe n’akayaga k’ibihano bya Nyagasani wawe, baravuga bati: mbega ukorama kwacu! Mu by’ukuri twe twari abahuguza!

47. Tuzashyira iminzani y’ukuri ku munsi w’izuka. Nta wuzagira icyo ahuguzwa, n’ ubwo yaba ari uburemere bw’impeke ya Khar’dal tuzabuzana. Kandi turahagije kuba ababarura.

48. Rwose twahaye Muusa na Haaruun Fur’qaan; urumuri n’urwibutso ku baganduka. 49. Abatinya Nyagasani wabo batamubona kandi bo ku mperuka ni menge. 50. N’uru ni urwibutso rwuje imigisha twamanuye. Ese mwe muraruhakana!?

51. Ni ukuri twahaye Ibraahiim kuyoboka kwe kuva mbere kandi kuri we twari abamenyi. 52. Zirikana ubwo yabwiraga umubyeyi we n’abantu be ati: ibi ni ibishushanyo nyabaki mwe mwitangira? 53. Baravuga bati: twasanze abakurambere bacu babigaragira. 54. Aravuga ati: mu by’ukuri mwe n’abakurambere banyu mwari mu buyobe bugaragara.

55. Baravuga bati: ese utuzaniye ukuri? Cyangwa wowe uri mu bakina!? 56. Aravuga ati: ahubwo Nyagasani wanyu

ni Nyagasani w'ibirere n'isi We wabihanze, nanjye kuri
ibyo ndi mu bahamya. 57. TA-LLAHI! Rwose ndagirira nabi
ibishushanyo byanyu, nyuma y'aho mubiterera umugongo.
58. Abihindura ibisate usibye ikinini muri byo wenda bo
bakigarukira.

59. Baravuga bati: ni nde wakoreye ibi imana zacu!? Mu
byukuri we ari mu bahuguza. 60. Baravuga bati: twumvise
umuhungu abivugaho, witwa Ibraahiim. 61. Baravuga
bati: mumuzane imbere y'abantu kugira ngo babihamye.
62. Baravuga bati: ese ni wowe wakoreye imana zacu ibi ngibi
yewe Ibraahiim!? 63. Aravuga ati: ahubwo byakozwe n'iki
kinini muri byo! Mukibaze niba bivuga

64. Bisubiraho baravuga bati: Mu by'ukuri mwe ni mwe
abahuguza. 65. Hanyuma bubika imitwe yabo (baravugA) ;
uzi neza ko ibi bitavuga! 66. Aravuga ati: ese muragaragira
ibitari IMANA (ALLAH), ibitabagirira akamaro cyangwa
ngo bibagirire nabi!? 67. Uffin kuri mwe no ku byo musenga
muretse IMANA (ALLAH). Ese nta bwenge mufite!?

68. Baravuga bati: mumutwike murengere imana zanyu
niba muri abakora. 69. Turavuga tuti: yewe muriro! Ba
ubukonje n'amahoro kuri Ibraahiim. 70. Bamushakiye ikibi
tubagira abanyagihombo cyane.

71. Turamurokora na Luutw tubajyana mu gihugu
twashyiriyemo ibiremwa imigisha. 72. Tumugabira Is'haaq
na Ya'aquub ari inyongera. Bose twabagize intungane.
73. Tubagira abayobozi bayobora ku bw'itegeko ryacu,
tubahishurira gukora ibyiza, guhozaho Swalaat no gutanga
Zakaat. Kandi bari abatugaragira.

74. Na Luutw twamuhaye ubushishozi n'ubumenyi
tunamurokora mu mudugudu wakoraga ibibi. Mu by'ukuri bo

bari ba nyir’ikibi, ibyigomeke. 75. Tumwinjiza mu mpuhwe
zacu. Mu by’ukuri we ari mu ntungane.

76. Na Nuuh ubwo yasabaga mbere; twakira ubusabe bwe.
Hanyuma tumurokorana n’abantu be mu nzitane zihambaye.
77. Tumukiza abantu bahinyuye ibimenyetso byacu. Mu
by’ukuri bo bari ba nyir’ ikibi, tuboreka bose.

78. Na Daawuud na Sula’imaan ubwo bakiranuraga ku
murima igihe ihene z’abantu zawonagamo. Kandi ku mikirize
yabo twari abahamya. 79. Tuyumvisha Sula’imaan. Kandi
bombi twabahaye ubushishozi n’ubumenyi. Tworohereza
Daawuud imisozi n’inyoni bisingizanyana na we. Kandi turi
abakora. 80. Twamwigishije kubacurira ingabo kugira ngo
zibarinde ikibi cyanyu. Ese mwe muri abashimira!?

81. Na Sula’imaan twamworohereje inkubi y’umuyaga
ugenda ku itegeko rye, ugana mu gihugu twashyizemo
imigisha. Kandi kuri buri kintu turi abamenyi. 82. No muri za
sha’itwaan (twamworohereje) izimwibirira, zigakora n’indi
mirimo itari iyo. Kandi kuri zo turi abarinzi.

83. Na Ayyuub ubwo yasabaga Nyagasani we; mu by’ukuri
jye nagezweho n’amagorwa kandi ni wowe Nyirimpuhwe
cyane kurusha abagira impuhwe bose. 84. Twakira ubusabe
bwe, tumukiza ibibi byari bimuriho. Tunamuzanira abantu be
hamwe n’abandi bangana na bo, ari impuhwe ziduturutseho
n’urwibutso ku bagaragira.

85. Na Is’maa’iil na Idriis na Dhul Kif’li, bose bari mu
bihangana. 86. Tubinjiza mu mpuhwe zacu. Mu by’ukuri bo
bari mu ntungane.

87. Na Dhu Nnuun (Yuunus) ubwo yagendaga arakaye
akekako tutamuhana. Asaba ari mu mwijima; nta yindi mana
uretse Wowe. Ubutagatifu ni ubwawe. Mu by’ukuri jye nari

mu bahuguza. 88. Twakira ubusabe bwe tumukiza ingorane
n'akababaro. Uko ni ko turokora abemera.
89. Zirikana Zakariyyaa ubwo yasabaga Nyagasani we;
ayi Nyagasani wanjye! Ntunsige ndi nyakamwe. Ni wowe
umwiza w'abazungura. 90. Twemera ubusabe bwe tumugabira
Yah'yaa tunamutunganyiriza umugore we. Mu by'ukuri bo
bihutaga mu gukora ibyiza, bakanadusaba bifuza banatinya.
Kandi kuri Twe bari abibombarika.
91. Unazirikane uwarinze ubwambure bwe maze
tukamuhuhamo roho yacu, tukamugira we n'umwana we
igitangaza ku biremwa.
92. Mu by'ukuri iyi ummah yanyu ni ummah imwe. Nanjye
ndi Nyagasani wanyu nimungaragire. 93. Bacikamo ibice mu
idini ryabo. Bose ni abazagaruka iwacu. 94. Ukora ibitunganye
kandi we ari umwemera nta cyaburizamo umwete we. Kandi
mu by'ukuri Twe turabimwandikira.
95 Kandi ni ikizira ku mudugudu tworetse ko wo rwose
uzagaruka. 96 Kugeza ubwo Ya'adjuudj na Ma'adjuudj
bafunguwe maze bo bakagenda banyanyagira muri buri nzira.
97 Isezerano ry'ukuri niryegereza ubwo amaso y'abahakanye
azaturumbuka (bavuge); Mbega ukorama kwacu! Mu
by'ukuri twari mu burangare kuri ibi, na ko twari abahuguza!
98. Mu by'ukuri mwe n'ibyo mugaragira bitari ALLAH
(IMANA) muri ibicanwa bya Djahannam; yo mwe muzashoka.
99. Ibi ngibi iyo biba imana ntabwo byari kuyishoka, ariko
byose biyirimo ubuziraherezo. 100. Bafitemo umuborogo
kandi bo muri yo ntibazumva. 101. Mu by'ukuri ababanjirijwe
n'ibyiza biduturukaho; abo bazashyirwa kure yayo.
102. Ntibazumva ubuhuha bwayo kandi bo mu byo imitima yabo
yifuza bazabamo ubuziraherezo. 103. Ntibazaterwa agahinda

n'ibikanganye bikomeye. Bazasanganirwa n' Abamala'ika
(bababwirA) ; uyu ni umunsi wanyu mwasezeranywaga.
104. Zirikana umunsi tuzazinga ikirere nk'uko ikizingo
cy'ibyanditswe kizingwa. Nk'uko twatangiye irema rya
mbere tuzarisubiramo. Ni isezerano twiyemeje. Mu by'ukuri
Twe tuzabikora. 105. Rwose twanditse muri Zabuur nyuma
y'urwibutso, ko isi abagaragu bacu b'intungane ari bo
bayizungura. 106. Mu by'ukuri muri iyi harimo itangazo ku
bantu bagaragira.
107. Ntitwakohereje keretse kuba impuhwe ku biremwa
byose. 108. Vuga uti: Mu by'ukuri mpishuririrwa ko rwose
Imana yanyu ari Imana imwe. Ese mwe muri abaislam!?
109. Nibatera umugongo uzavuge uti: ndababurira ku buryo
bungana. Kandi sinzi niba ibyo musezeranywa biri hafi
cyangwa kure. 110. Mu by'ukuri We azi imvugo yatuye azi
n'ibyo muhisha. 111. Nta n'ubwo nzi ko wenda ibyo ari
ibigeragezo kuri mwe ari n'umunezero w'akanya gato.
112. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Kiranura mu kuri.
Kandi Nyagasani wacu ni Nyirimpuhwe, Uwitabazwa ku byo
muvuga.

Surat 22

# AL HADJ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yemwe bantu! Nimutinye Nyagasani wanyu! Mu by'ukuri
umutingito w'imperuka ni ikintu gihambaye. 2 Umunsi
muzawubona, buri uwonsa azazindara kuwo yonsaga, na
buri utwite azakuramo inda ye. Uzabona abantu ari abasinzi

kandi bo atari abasinzi. Ariko ibihano bya ALLAH (IMANA)
birakomeye. 3 Mu bantu hari abajya impaka kuri ALLAH
(IMANA) nta bumenyi, bagakurikira buri sha'itwaan
wigometse. 4 Yandikiweko uzamugira inshuti koya, mu
by'ukuri we azamuyobya. Azanamuyobora amuganisha ku
bihano bya Sa'iir.
5 Yemwe bantu! Niba muri mu gushidikanya ku izurwa,
mu by'ukuri Twe twabaremye tubakuye mu gitaka, hanyuma
mu ntanga, hanyuma mu rusoro rw'amaraso, hanyuma mu
kinyamanyama kigaragaza ishusho n'ikitayigaragaza kugira
ngo tubasobanurire. Dutekanisha muri nyababyeyi ibyo
dushaka kugeza ku gihe kizwi. Hanyuma tukabasohora muri
impinja, kugira ngo muzagere ku bukure bwanyu. Muri mwe
hari abuzurizwa igihe no muri mwe kandi hari abasubizwa mu
buzima busuzuguritse bakagera aho batagira icyo bamenya
barigeze ubumenyi. Ubona isi yumagaye twayimanuraho
amazi igatigita ikarumbuka ikanamera buri mbuto nziza.
6 Ibyo ni uko ALLAH (IMANA) ari We kuri, n'uko We azura
abapfuye ni n'uko We ari Ushobora cyane buri kintu. 7 Ni
n'uko rwose imperuka izaza nta shiti ni n'uko kandi mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) azazura abari mu mva.
8. Mu bantu hari ujya impaka kuri ALLAH (IMANA) nta
bumenyi cyangwa ubuyoboke cyangwa igitabo kimurika.
9. Anaga ijosi! Kugira ngo ayobye ku nzira ya IMANA
(ALLAH). Ku isi afite ikimwaro kandi ku munsi w'izuka
tuzamusogongeza ibihano by'umuriro utwika. 10. Ibyo ni
ukubera ibyo wikoreye kandi mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
si Uhuguza abagaragu.
11. Mu bantu hari ugaragira ALLAH (IMANA) areretse.
Iyo icyiza kimugezeho akugumaho. N'iyo agezweho

n'ikigeragezo arahindukira. Yahombye isi n'imperuka. Icyo
ni cyo gihombo kigaragara.
12. Asaba aretse ALLAH (IMANA) ibitagira icyo
byamutwara cyangwa ibitagira icyo byamumarira. Uko ni ko
kuyoba kwa kure. 13. Asaba uwo ububi bwe buri hafi kurusha
akamaro ke. Ni umurinzi mubi ni n'inshuti mbi. 14. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) yinjiza abemeye bakanakora
ibitunganye muri Djannah zitembamo imigezi. Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) akora ibyo ashaka.
15. Ukekako ALLAH (IMANA) atazamutabara ku isi
no ku munsi w'imperuka, narambure umugozi ku gisenge
maze awuce hanyuma arebeko ubutiriganya bwe bukuraho
ikimurakaza. 16. Uko ni ko twayimanuye ari ayah zisobanutse
kandi ko ALLAH (IMANA) ayobora uwo ashaka.
17. Mu by'ukuri abemeye, ababaye Abayahudi, aba
Swaabi'i, Abanaswara, ba Madjuus n'ababangikanyije;
rwose ALLAH (IMANA) azabakiranura ku munsi w'izuka.
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umuhamya kuri buri
kintu.
18. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) bimwubamira ibyo
mu birere, ibyo mu isi, izuba, ukwezi, inyenyeri, imisozi, ibiti,
inyamaswa n'abenshi mu bantu!? N'abantu benshi bahamwe
n'ibihano kandi uwo ALLAH (IMANA) yasuzuguje ntafite
uwamwubahisha. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) akora
ibyo ashaka.
19. Aya ni amatsinda abiri ajya imunanu; yagiye impaka
kuri Nyagasani wayo. Abahakanye bazakatirwa imyenda
y'umuriro. Ku mitwe yabo hazasukwa amazi yatuye.
20. Azayengeshwa ibiri mu nda zabo n'imibiri.
21. Bazahondeshwa inyundo z'ibyuma. 22. Uko bashatse

kuwuvamo kubera ububabare, basubizwamo. Ngaho nimusogongere ibihano bitwika.

23. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) azinjiza abemeye bakanakora ibitunganye muri Djannah zitembamo imigezi. Bazatakirwamo ingoro za zahabu na Lu'ulu'u. Kandi imyambaro yabo muri zo ni Hariir.
24. Bazayoborwa ku ijambo ryiza kandi bazayoborwa ku inzira ishimwa cyane.

25. Mu by'ukuri abahakanye bagakumira ku nzira ya ALLAH (IMANA) na Mas'djid Al-Haraam, twagiriye abantu baba abayituriye n'abayigenderera. Kandi uzashaka kuyikoreramo ikibi mu guhuguza, tuzamusogongeza ku bihano bibabaza.

26. Zirikana ubwo twerekaga Ibraahiim umwanya w'inzu. Ntugire icyo umbangikanya nacyo, unasukurire inzu yanjye abazenguruka, abahagarara n'abunama bubama.

27. Utangarize abantu Hidjah; bazakugana bagenda ku maguru no kuri buri ngamiya zananuwe n'urugendo, ziza ziturutse muri buri nzira ya kure.
28. Kugira ngo babone inyungu zabo banavuge izina rya ALLAH (IMANA) mu minsi izwi ku byo yabafunguriye mu nyamaswa z'amatungo. Nimuyaryeho munagaburire uri mu magorwa w'umutindi.
29. Hanyuma bikize ico ryabo, buzuze Nadh'r zabo banazenguruke inzu ya kera.

30. Ni ibyo! Uwubahirije imbibi za ALLAH (IMANA) ni byo byiza kuri we kwa Nyagasani we. Mwaziruriwe amatungo uretse ibyo musomerwa. Nimwirinde umwanda w' ibigirwamana munirinde ijambo ry'ikinyoma.

31. Muri Hunafaa ku bwa ALLAH (IMANA) mutari abamubangikanya. Ubangikanya ALLAH (IMANA) ni

nka ho ahanutse mu kirere inyoni zikamuyabuza cyangwa umuyaga ukamunaga kure.

32. Ni ibyo! Uwubahirije imigenzo ya ALLAH (IMANA) mu by'ukuri byo ni mu kuganduka kw'imitima. 33. Mufitemo inyungu kugeza igihe kizwi. Maze umwanya wayo wa nyuma ni ku nzu ya kera.

34. Buri ummah twayihaye imigenzo kugira ngo ivuge izina rya ALLAH (IMANA) ku byo yayifunguriye mu nyamaswa z'amatungo. Imana yanyu ni Imana imwe abe ari Yo mwiyegurira. Ha inkuru nziza abicisha bugufi. 35. Babandi iyo ALLAH (IMANA) avuzwe, imitima yabo ikangarana, n'abihanganira ibyababayeho, abahozaho Swalaat bakanatanga mu byo twabafunguriye.

36. N'ingamiya twazibashyiriyeho mu migenzo ya ALLAH (IMANA) muzifitemo ibyiza. Mujye muzivugiraho izina rya ALLAH (IMANA) zihagaze ziziritse n'izinagwa hasi. Mujye muziryaho munagaburire unyurwa n'usaba. Uko ni ko twaziborohereje kugira ngo mushimire. 37. Inyama zazo n'amaraso yazo ntibigera kwa ALLAH (IMANA) ahubwo agerwaho no kuganduka kwanyu. Uko ni ko yaziborohereje kugira ngo mukuze ALLAH (IMANA) ku byo yabayoboyeho. Ha inkuru nziza abagiraneza.

38. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) arinda abemeye. Kandi ALLAH (IMANA) ntakunda buri muhemu, umuhakanyi. 39. Abarwanywa bahawe uburenganzira kubera ko bo bahugujwe. Kandi mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane kubatabara. 40. Babandi basohowe mu ngo zabo nta kuri usibye ko bavuga bati: Nyagasani wacu ni IMANA (ALLAH). Iyo ALLAH (IMANA) adashyiraho abantu kurwana n'abandi; amashapeli, insengero, za

sinagogi, n'imisigiti ivugirwamo izina rya ALLAH (IMANA) cyane byari gusenywa. Rwose ALLAH (IMANA) azatabara abamurengera. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwimbaraga, Utsinda.

41. Babandi iyo tubatekanyije ku isi, bahozaho Swalaat bagatanga Zakaat, bagategeka ibyiza, bakanabuza ibibi. Kandi ALLAH (IMANA) ni We ufite iherezo rya buri kintu.

42. Nibaguhinyura mu by'ukuri abantu ba Nuuh, ba
A'ad, ba Thamuud bahinyuye mbere yabo. 43. N'abantu ba
Ibraahiim n'abantu ba Luutw. 44. N' Abamad'yan, na Muusa
yarahinyuwe. Ndindiriza abahakanyi hanyuma ndabakacira ! Ni gute cyari kimeze igihano cyanjye!?

45. Ni imidugudu ingahe tworetse na yo ihuguza ibisenge byayo bikaba byarayiguyeho!? N'iriba ryaretswe n'ingoro
zikomeye!? 46. Ese ntibagenda ku isi ngo bagire imitima batekerereresha cyangwa amatwi bumvisha? Kuko atari amaso ahuma ahubwo hahuma imitima iri mu bituza.

47 Barakwihutisha ngo uzane ibihano. ALLAH (IMANA) ntazanyuranya n'isezerano rye. Mu by'ukuri umunsi umwe kwa Nyagasani wawe ni nk'imyaka igihumbi mu yo mubara.
48 Ni imidugudu ingahe narindirije kandi yo ihuguza hanyuma nkayikacira!? Kandi iwanjye ni ho garukiro.

49. Vuga uti: yemwe bantu! Mu by'ukuri jye kuri mwe
ndi uburira ugaragara. 50. Abemeye bakanakora ibitunganye
bafite uguhanagurwaho ibyaha n'amafunguro meza. 51. Naho
abihase bananiza amagambo yacu, abo ni ba nyiri Djahiim.

52. Ntitwohereje mbere yawe intumwa cyangwa umuhanuzi uretse ko iyo yifuzaga, sha'itwaan yashyiraga mu cyifuzo cye igishuko. ALLAH (IMANA) agahanagura ibyo sha'itwaan yashyizemo hanyuma ALLAH (IMANA) akanoza ayah ze.

Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza. 53. Kugira ngo ibyo sha'itwaan azana abigire ikigeragezo ku bafite indwara mu mitima yabo n'ab'imitima ikomeye. Mu by'ukuri abahuguza bari mu rwango rwa kure. 54. No kugira ngo abahawe ubumenyi bamenyeko ari ukuri guturuka kwa Nyagasani wawe; bakakwemera imitima yabo ikakwicishaho bugufi. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uyobora abemeye inzira igororotse.

55. Abahakanye baracyari mu kugushidikanyaho, kugeza ubwo imperuka izabagwaho gitumo cyangwa bakagerwaho n'ibihano by'umunsi ugumbahaye. 56. Ubwami bw'ukuri bw'uwo munsi ni ubwa ALLAH (IMANA) azabakiranura. Maze abemeye bagakora ibitunganye bazinjira muri Djannah zuje inema. 57. Naho abahakanye bagahinyura ibimenyetso byacu; abo bazagira ibihano bisuzuguza.

58. Abakoze Hidj'rah mu nzira ya ALLAH (IMANA) nyuma bakicwa cyangwa bagapfa, rwose ALLAH (IMANA) azabaha amafunguro meza. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We Urusha abatanga amafunguro. 59. Rwose azabinjiza mu bwinjiriro bishimira. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Umwitonzi.

60. Ni ibyo! Uhannye nk'uko yahugujwe hanyuma akarenganywa, ALLAH (IMANA) rwose azamutabara. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ubabarira cyane, Uhebuje mu guhanagura ibyaha.

61. Ibyo ni uko ALLAH (IMANA) yinjiza ijoro mu manywa akaninjiza amanywa mu ijoro mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Ubona cyane. 62. Ibyo ni uko ALLAH (IMANA) ari We Kuri. Naho icyo basaba kitari We

ni cyo kinyoma kandi ko ALLAH (IMANA) ari Uwikirenga,
Umukuru.

63. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) yamanuye amazi mu
kirere isi igahinduka icyatsi? Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ni Ugenzabuhoro, Umumenyi w'ibyihishe. 64. Afite ibyo mu
birere n' ibyo mu isi. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni We
Mukungu, Ushimwa cyane.

65. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) yaborohereje ibiri
mu isi n' amato agenda mu nyanja ku itegeko rye akanafata
ikirere ngo kitagwa ku isi kugeza igihe azabishakira? Mu by'
ukuri ALLAH (IMANA) ku bantu ni Nyirimpuhwe cyane,
Nyirimbabazi. 66. Ni na We wabahaye ubuzima hanyuma
akabubambura maze akazabubasubiza. Mu by'ukuri umuntu
ni umuhakanyi cyane.

67. Buri ummah twayihaye imigenzo ikurikira. Rwose
ntibazakugishe impaka kuri iryo hame. Hamagarira kugana
Nyagasani wawe! Mu by'ukuri wowe uri ku buyoboke
bugororotse. 68. Nibakugisha impaka uvuge uti: ALLAH
(IMANA) ni We uzi cyane ibyo mukora. 69. ALLAH
(IMANA) azabakiranura ku munsi w'izuka mu byo
mwatandukanagaho. 70. Ese ntuziko ALLAH (IMANA) azi
ibiri mu kirere n'isi!? Mu by'ukuri ibyo biri mu gitabo. Mu
by'ukuri ibyo kuri ALLAH (IMANA) biroroshye.

71. Bagaragira ibitari ALLAH (IMANA) atamanuriye
ibimenyetso simusiga n'ibyo badafitiye ubumenyi. Kandi
abahuguza ntibafite umutabazi. 72. Iyo basomewe amagambo
yacu asobanutse, ubona mu buranga bw'abahakanye
uguhakana, benda gusumira ababasomera amagambo yacu!
Vuga: Ese mbabwire ibibi birusha ibyo? Umuriro ALLAH

(IMANA) yasezeranyije abahakanye. Kandi ni ryo garukiro
ribi.
73 Yemwe bantu! Urugero rwatanzwe nimurwumve!
Mu by'ukuri ibyo musaba bitari IMANA (ALLAH),
ntibizarema isazi n'ubwo byayiteraniraho. Isazi ibishikuje
ikintu ntibyashobora kuyigikiza. Usaba n'usabwa bose n'
abanyantegenke! 74 Ntibubashye ALLAH (IMANA) ukuri
kw'ikigereranyo cye. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uwimbaraga, Utsinda.
75. ALLAH (IMANA) atoranya intumwa mu Bamala'ika
no mu bantu. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva
cyane, Ubona cyane. 76. Azi ibiri imbere yabo n' inyuma yabo.
Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho ibintu bizasubizwa.
77. Yemwe abemeye! Nimwuname, mwubame, mugaragire
Nyagasani wanyu munakore ibyiza kugira ngo murokoke.
78. Muharanire inzira ya ALLAH (IMANA) ukuri ko
kuyiharanira. Ni We wabatoranyije ntiyanabashyirira mu
idini uburemere. Idini ry'umukurambere wanyu Ibraahiim. Ni
We wabise aba'islam mbere, no muri iyi kugira ngo Intumwa
ibabere umuhamya na mwe mube abahamya ku bantu.
Ngaho nimuhozeho Swalaat, mutange Zakaat munafatane
urunana kuri IMANA (ALLAH). Ni We Murinzi wanyu. Ni
We Murinzi mwiza ni na We mutabazi mwiza.

Surat 23

# AL MU’UMINNUN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mu by’ukuri abemera barakiranutse. 2 Babandi muri
Swalaat zabo bibombarika. 3 Na babandi ku bidafite akamaro
babyirengagiza. 4 Na babandi bo Zakaat zabo bazitanga.
5 Na babandi bo ubwambure bwabo baburinda. 6 Uretse ku
bagore babo cyangwa abacakara babo mu by’ukuri bo aho
ntibabigayirwa. 7 Abashakira mu batari abo, ni bo barengera.
8 Na babandi bo ku ndagizo zabo n’isezerano ryabo
babyubahiriza. 9 Na babandi bo Swalaat zabo bazihozaho.
10 Abo ni bo abazungura. 11 Abazazungura Fir’daus bo
bazabamo ubuziraherezo.

12 Rwose twaremye umuntu tumukuye mu kamanyu
k’ibumba. 13 Maze tumugira intanga mu cyicaro gitekanye.
14 Hanyuma intanga tuyiremamo urusoro rw’amaraso, urusoro
rw’amaraso tururemamo ikinyamanyama, ikinyamanyama
tukiremamo amagufa, amagufa tuyambika inyama nyuma
tumukuramo ikindi kiremwa. Ubutagatifu ni ubwa IMANA
(ALLAH), Usumba abaremyi. 15 Maze mu by’ukuri mwe
nyuma y’aho muzapfa. 16 Maze mu by’ukuri mwe ku munsi
w’izuka muzazurwa.

17. Rwose twaremye hejuru yanyu ibihekane birindwi
kandi mu kubirema ntitwari indangare. 18. Twamanuye amazi
mu kirere mu rugero tuyatuza mu butaka, kandi mu by’ukuri
Twe turi abashobora kuyatwara. 19. Tuyaberashereza imirima
y’imitende n’imizabibu, mufitemo imbuto nyinshi no muri
yo muvanamo ibyo murya. 20. N’igiti cyera i Twuur muri

Sa'inaa, cyera amavuta n'umufa ku baryi. 21. Mu by'ukuri mufite isomo mu matungo. Tubasomya ku biva mu nda zayo kandi muyafitemo inyungu nyinshi, no muri yo muvanamo ibyo murya. 22. No kuri yo, no ku mato murahekwa.

23. Rwose twohereje Nuuh ku bantu be aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimugaragire ALLAH (IMANA) nta yindi mana mufite itari We. Ese ntimuganduka!? 24. Ibikomerezwa byahakanye mu bantu be biravuga biti: uyu nta cyo ari cyo usibye ko ari umuntu nkatwe arashaka kubikuzaho. Iyo ALLAH (IMANA) ashaka yari kumanura Mala'ika. Ntabwo twigeze twumva ibi mu bakurambere bacu! 25. We nta cyo ari cyo uretse kuba umugabo ufite ibisazi. Nimumurindirize kugeza igihe kigufi.

26. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Ntabara ku byo bampinyuyeho. 27. Turamuhishurira; kora inkuge tureba n'ubuyobozi bwacu. Itegeko ryacu niriza iziko rikavamo amazi abira, uzinjizemo muri buri ngeri bibiri bibiri, n'abantu bawe uretse uwatanzwe n'ijambo muri bo. Kandi ntugire icyo umbwira ku bahuguje. Mu by'ukuri bo ni abo kurohama.

28. Numara gutuza wowe n'abo muri kumwe mu nkuge, uzavuge uti: ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) wadukijije abantu bahuguza. 29. Uzanavuge uti: ayi Nyagasani wanjye! Ntuza ugutura kuje imigisha ni wowe mwiza kurusha abatuza. 30. Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso. Kandi Twe twari abagerageza.

31. Maze tuzana nyuma yabo ikindi gisekuru.
32. Tuboherezamo intumwa ibakomokamo (iti) mugaragire ALLAH (IMANA) nta yindi mana mufite itari We. Ese ntimuganduka!? 33. Ibikomerezwa mu bantu be byahakanye bigahinyura guhura n'imperuka twaranabihaye

umwidegembyo mu buzima bw’isi, biravuga biti: uyu ntacyo
ari cyo uretse ko ari umuntu nka mwe, arya mu byo murya
akanywa mu byo munywa. 34. Kandi nimwumvira umuntu
nka mwe mu by’ukuri mwe muraba mu bahombye.

35. Ese arabasezeranya y’uko nimupfa mukaba igitaka
n’amagufa ko muzazurwa!? 36. Birikure, birikure ibyo
musezeranywa. 37. Nta kindi buri cyo uretse ko ari ubuzima
bwacu bwo ku isi turapfa tukabaho. Kandi twe ntabwo
tuzazurwa. 38. Ntacyo we ari cyo uretse umugabo uhimbira
ALLAH (IMANA) ikinyoma. Kandi twe ntituri abamwemera.

39. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Ntabara ku byo
bampinyuyeho. 40. Aravuga ati: rwose mu kanya gato baraba
abicuza. 41. Urusaku rurabesa mu kuri, tubagira ubushingwe.
Ibihano nibibe ku bantu bahuguza.

42. Maze tuzana nyuma y’abo ibindi bisekuru. 43. Nta
ummah itanga igihe cyayo cyangwa ngo ikirenze. 44. Maze
twohereza intumwa zacu zikurikirana. Uko intumwa iziye
ummah yayo yarayihinyuraga. Dukurikiza bamwe abandi,
tubagira imigani. Ibihano nibibe ku bantu batemera.

45. Hanyuma twohereza Muusa n’umuvandimwe we
Haaruun n’ibitangaza byacu n’ibimenyetso bigaragara.
46. Kwa Fir’aun n’ ibikomerezwa bye, barikuza bigira abantu
bo hejuru. 47. Baravuga bati: ese twemere abantu babiri nka
twe kandi abantu babo ari abacakara bacu!? 48. Barabahinyura
maze baba mu boretswe. 49. Rwose twahaye Muusa igitabo
kugira ngo bayoboke.

50. Twagize mwene Mariam na nyina igitangaza, tubatuza
ku murambi ufite umutekano n’amazi agaragara.

51. Yemwe ntumwa! Nimurye mu byiza kandi mukore
ibitunganye. Mu by’ukuri Jye ku byo mukora ndi Umumenyi

cyane. 52. Mu by'ukuri iyi ummah wanyu, ni ummah imwe.
Nanjye ndi Nyagasani wanyu, nimungandukire.

53. Bacagagura ijambo ryabo hagati yabo mo ibice. Buri
tsinda ryishimiye ibyo rifite. 54. Barekere mu burangare
bwabo kugeza igihe kigufi. 55. Ese barakekako imitungo
n'abana tubongerera. 56. Tuba tubihutishiriza ibyiza!?
Ahubwo ntibasobanukirwa.

57. Mu by'ukuri abitwararika mu gutinya Nyagasani
wabo. 58. Ni n'abemera ibimenyetso bya Nyagasani wabo.
59. Abatabangikanya Nyagasani wabo. 60. Ni n'abatanga ibyo
batanze imitima yabo ikangaranye ko kwa Nyagasani wabo
ariho bazagaruka. 61. Abo bihutira gukora ibyiza, kandi ni na
bo bari imbere muri byo. 62. Ntidutegeka umuntu kugira icyo
akora uretse ikiri mu bushobozi bwe. Dufite n'igitabo kivuga
ukuri kandi bo ntibahuguzwa.

63. Ahubwo imitima yabo yarenzwe n'iyi (Qur'aan). Bafite
n'ibindi bikorwa bitari ibyo, bo bakora. 64. Kugeza ubwo
dukacirishije ibihano abanyamurengwe muri bo. Ubwo
bakavuza induru batabaza. 65. Mwivuza induru mutabaza
kuri uyu munsi. Mu by'ukuri ntimutabarwa kuri Twe.
66. Rwose mwasomerwaga amagambo yanjye mukajya
mwiruka ikijyanyuma. 67. Muyikuzaho, mutaramye
muyatuka.

68. Ese ntibasesengura ijambo!? Cyangwa ni uko
bagezweho n'ibitarageze ku bakurambere babo ba kera!?
69. Cyangwa ntibamenye intumwa yabo, bo bakaba
bayihakana!? 70. Cyangwa baravuga bati: afite ibisazi.
Ahubwo yabazaniye ukuri kandi abenshi muri bo banga ukuri.
71. Iyo ukuri guhuza n'irari ryabo, ibirere n'isi n'ibibirimo

byari kwangirika. Ahubwo twabazaniye urwibutso rwabo, bo
batera umugongo urwibutso rwabo.

72. Cyangwa ubasaba umusoro? Ifunguro rya Nyagasani
wawe ni ryo ryiza, kandi ni We mwiza mu batanga
amafunguro. 73. Mu by'ukuri wowe urabahamagarira kugana
inzira igororotse. 74. Rwose abatemera imperuka baratana
kuri iyo nzira.

75. N'iyo tubagirira impuhwe tukabavaniraho amagorwa
barimo bari gutsimbarara ku bwigomeke bwabo barindagira.
76. Twabakacirishije ibihano, ntibakwicisha bugufi kuri
Nyagasani wabo. Nta n'ubwo basaba bibombarika.
77. Kugeza ubwo tuzabafungurira umuryango w'ibihano
bikaze, ubwo bazabibamo bihebye.

78. Ni We wabashyiriyeho ukumva, ukubona n'imitima. Ni
gake mushimira. 79. Ni We wabakwije ku isi, kandi iwe ni
ho muzakoranyirizwa. 80. Ni We utanga ubuzima ni na We
ubutwara. Gutandukanya ijoro n'amanywa ni ibye. Ese nta
bwenge mufite?

81. Ahubwo bavuze nk'iby'abo hambere bavuze.
82. Baravuze bati: ese nidupfa tukaba igitaka n'amagufa
koko twe tuzazurwa!? 83. Rwose ibyo twe n'abakurambere
bacu twabisezeranyijwe mbere. Ibi nta kindi biri cyo uretse
imigani y'abo hambere!

84. Vuga uti: isi n'ibiyirimo ni ibya nde niba mufite
ubumenyi? 85. Bazavuga bati: ni ibya IMANA (ALLAH).
Vuga uti: ese ntimuzirikana!? 86. Vuga uti: ni nde Nyagasani
w'ibirere birindwi ni na nde Nyagasani wa A'arsh ihambaye?
87. Bazavuga bati: ni ibya IMANA (ALLAH). Vuga uti: ese
ntimutinya!? 88. Vuga uti: ni nde ufite ubwami bwa buri
kintu mu kuboko kwe, akaba arinda atarindwa niba mufite

ubumenyi? 89. Bazavuga bati: ni ibya IMANA (ALLAH).
Vuga uti: ni gute murindagizwa!?
90. Ahubwo twabazaniye ukuri. Rwose bo barabeshya.
91. ALLAH (IMANA) ntiyishyiriyeho umwana nta n’indi
mana iri kumwe na We. Ubwo buri mana yari kujyana ibyo
yaremye kandi zimwe zari kwikuza ku zindi. Ubutagatifu ni
ubwa ALLAH (IMANA) ku byo bavuga. 92. Ni Umumenyi
w’ibyihishe n’ibigaragara, arenze kure ibyo bamubangikanya.
93. Vuga uti: ayi Nyagasani wanjye! Rwose nibiba
ngombwa ko unyereka ibyo basezeranywa. 94. Ayi Nyagasani
wanjye! Ntuzanshyire mu bantu bahuguza. 95. Kandi rwose
Twe dushobora kukwereka ibyo tubasezeranya.
96. Ikibi gikuzeho icyiza, Twe tuzi cyane ibyo bavuga.
97. Vuga uti: ayi Nyagasani wanjye! Nkwikinzeho undinde
ibishuko bya za sha’itwaan. 98. Nanakwikinzeho Nyagasani
wanjye; undinde ntizimpangeho.
99. Kugeza ubwo umwe muri bo agerwaho n’urupfu
akavuga ati: Nyagasani wanjye nimungarure. 100. Kugira
ngo nkore ibikorwa bitunganye mu byo nasize. Oya! Mu
by’ukuri iryo ni ijambo we azavuga. Inyuma yabo hari
urusika kugeza umunsi bazazurwa. 101. Impanda nivuzwa, nta
masano azarangwa hagati yabo kuri uwo munsi nta n’ubwo
bazabazanya. 102. Abo iminzani yabo izaremera; abo ni bo
bazakiranuka. 103. Naho abo iminzani yabo izoroha; abo ni
bo bihombeye. Bazaba muri Djahannam ubuziraherezo.
104. Umuriro uzashiririza uburanga bwabo, na bo muri wo
bashinyitse.
105. Ese ntimwasomerwaga amagambo yanjye mukajya
muyahinyura!? 106. Baravuga bati: Nyagasani wacu! Ububi
bwacu bwaratuganjije tuba abantu b’abayobe. 107. Ayi

Nyagasani wacu! Dukuremo nidusubira mu by'ukuri twe tuzaba abahuguza. [108.] Aravuga ati: Ngaho nimuzibiremo kandi ntimunamvugishe! [109.] Mu by'ukuri itsinda mu bagaragu banjye ryaravugaga riti: ayi Nyagasani wacu! Turemeye, ngaho duhanagureho ibyaha byacu, utugirire impuhwe kandi ni wowe Urusha abanyampuhwe. [110.] Mubagira urunnyego kugeza ubwo babibagije kunyibuka, kandi mwabaga mubaseka. [111.] Mu by' ukuri none mbahembye kubera ko bihanganye rwose bo ni bo batsinze.

[112.] Aravuga ati: ese mwabaye ku isi imyaka ingahe? [113.] Baravuga ati: Twabayeyo umunsi cyangwa igice cy'umunsi. Baza abazi kubara! [114.] Aravuga ati: nta gihe mwamazeyo uretse igihe gito. Iyaba rwose mwari mubizi.

[115.] Ese murakekako twabaremye dukina no kuba rwose mutazagarurwa iwacu!? [116.] ALLAH (IMANA) Umwami w'ukuri arabirenze. Nta yindi mana iri ho uretse We. Nyagasani wa A'arsh yubahitse. [117.] Usaba ALLAH (IMANA) amubangikanya n'indi mana adafitiye ibimenyetso simusiga, mu by'ukuri ibarura rye riri kwa Nyagasani we. Rwose abahakanyi ntibazakiranuka. [118.] Vuga uti: ayi Nyagasani wanjye! Hanagura ibyaha unagire impuhwe. Ni wowe uruta abagira impuhwe.

## Surat 24

# AN'NUUR

Ku zina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] (Iyi) suurat twarayimanuye, tuyishyiramo amategeko tunayimanuramo ayah zisobanutse kugira ngo mwibuke.

[2] Umusambanyikazi n’umusambanyi buri umwe muri bo
mujye mumukubita imitsiburo ijana. Impuhwe ntizibafate
kuri bo mu idini rya ALLAH (IMANA) niba koko mwemera
ALLAH (IMANA) n’umunsi w’imperuka. Habe hari itsinda
ry’abemera mu gihe cyo guhanwa kwabo. [3] Umusambanyi
ntasambanya uretse umusambanyikazi cyangwa ubangikanya.
N’umusambanyikazi ntasambanywa keretse n’umusambanyi
cyangwa n’ubangikanya. Kandi ibyo byaziririjwe ku bemera.

[4] Abahimbira abagore biyubashye maze ntibazane
abahamya bane, mujye mubakubita imitsiburo mirongo
inani. Kandi ntimuzongere kwemera ubuhamya bwabo na
rimwe. Abo ni bo byigomeke. [5] Keretse abicujije nyuma
y’ibyo bagatunganya. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

[6.] N’abashinja abagore babo ubusambanyi badafite
abahamya uretse bo ubwabo; ubuhamya bw’umwe muri bo
ni indahiro enye mu izina rya ALLAH (IMANA) ko we ari
mu bavuga ukuri. [7.] Iya gatanu ni uko umuvumo wa ALLAH
(IMANA) uba kuri we, niba ari mu babeshya. [8.] Akurwaho
igihano (umugore) no kurahira indahiro enye mu izina rya
ALLAH (IMANA) ko mu by’ukuri we (umugabo) ari mu
babeshya. [9.] Iya gatanu ko uburakari bwa ALLAH (IMANA)
buba kuri we (umugore) niba (umugabo) ari mu banyakuri.
[10.] Iyo bitaba ingabire za ALLAH (IMANA) kuri mwe
n’impuhwe ze no kuba ALLAH (IMANA) ari Uwakira cyane
ukwicuza, Ushishoza.

[11.] Mu by’ukuri abazanye ikinyoma ni agatsiko muri mwe.
Ntimukekeko ari bibi kuri mwe ahubwo ni byiza kuri mwe.
Buri muntu muri bo azahanirwa icyaha yakoze. Naho uwagize
uruhare runini rwacyo muri bo afite ibihano bihambaye.

12. Iyaba igihe mwacyumvaga abemera n'abemerakazi
barikekeye icyiza bakavuga bati: iki ni ikinyoma kigaragara.
13. Iyaba bakizaniraga abahamya bane. Ubwo batazanye
abahamya, abo rero kwa Nyagasani wabo ni bo babeshyi.
14. Iyo zitaba ingabire za ALLAH (IMANA) kuri mwe
n' impuhwe ze ku isi no ku mperuka, mwari kugerwaho
n'ibihano bihambaye kubera ibyo mwijanditsemo. 15. Ubwo
mwabyakirizaga indimi zanyu mukanavugisha iminwa
yanyu ibyo mudafitiye ubumenyi, mukekako byoroshye
kandi kwa ALLAH (IMANA) bihambaye. 16. Iyaba igihe
mwabyumvaga mwaravuze muti: ntidukwiriye kuvuga
ibi, ubutagatifu ni ubwawe, uku ni uguhimba guhambaye.
17. ALLAH (IMANA) arababurira, ntimuzongere na
rimwe gukora ibimeze nkabyo niba muri abemera nyakuri.
18. ALLAH (IMANA) arabasobanurira amagambo. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
19. Mu by'ukuri abakunda ko ikibi gisakara mu bemera,
bafite ibihano bibabaza hano ku isi no ku mperuka. ALLAH
(IMANA) ni We ufite ubumenyi na ho mwe nta bumenyi
mufite. 20. Iyo bitaba ingabire za ALLAH (IMANA) kuri
mwe n'impuhwe ze no kuba rwose ALLAH (IMANA) ari
Nyirimpuhwe cyane, Nyirimbabazi.
21. Yemwe abemeye! Ntimugakurikire inzira za sha'itwaan.
N'ukurikira inzira za shai'twaan mu by'ukuri we ategeka
ibikozasoni n'ibibi. Iyo bitaba ingabire za ALLAH (IMANA)
kuri mwe n'impuhwe ze nta n'umwe muri mwe wari kurokoka
bibaho. Ariko ALLAH (IMANA) arokora uwo ashaka. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
22. Ba nyir'ingabire n'ubukire muri mwe ntibakarahire
kudaha abo bafitanye isano, abakene n'abakoze Hidj'rah

mu nzira ya IMANA (ALLAH). Nibababarire banarenzeho. Ese ntimukundako ALLAH (IMANA) abahanaguraho ibyaha byanyu! Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

23. Mu by'ukuri abahimbira abagore biyubashye b'abaziranenge b'abemera. Baravumwe ku isi no ku mperuka kandi bafite ibihano bihambaye. 24. Umunsi indimi zabo, amaboko yabo n'amaguru yabo bizabashinja kubera ibyo bakoraga. 25. Uwo munsi ALLAH (IMANA) azabasendererereza ibihembo byabo by'ukuri bazanamenyako ALLAH (IMANA) ari We Kuri kugaragara.

26. Ababi mu bagore bakwiranye n'ababi mu bagabo. N'ababi mu bagabo bakwiranye n'ababi mu bagore. Abeza mu bagore bakwiranye n'abeza mu bagabo. N'abeza mu bagabo bakwiranye n'abeza mu bagore. Abo bakijijwe ibyo bavuga. Bafite uguhanagurwaho ibyaha n'ifunguro ryiza.

27. Yemwe abemeye! Ntimukinjire mu mazu atari amazu yanyu keretse muvunyishije mukanasuhuza ba nyirayo. Ibyo ni byo byiza kuri mwe kugira ngo mwibuke. 28. Nimutagira uwo muhasanga, ntimukayinjiremo keretse muhawe uruhushya. Kandi nimubwirwa ngo musubireyo, muzasubireyo. Ibyo ni byo byiza kuri mwe. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w'ibyo mukora. 29. Nta cyaha kuri mwe kwinjira mu mazu adatuwe arimo inyungu zanyu. ALLAH (IMANA) azi ibyo mugaragaza n'ibyo muhisha.

30. Bwira abemera bubike amaso yabo banarinde ubwambure bwabo. Ibyo ni byo byiza kuri bo mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo bakora.

31. Bwira abemerakazi bubike amaso yabo banarinde

ubwambure bwabo. Ntibakagaragaze imitako yabo uretse
iyagaragaye muri yo. Bajye bamanura ibitambaro byabo ku
bituza byabo. Ntibakerekane imitako yabo uretse ku bagabo
babo cyangwa ba se cyangwa ba sebukwe cyangwa abahungu
babo cyangwa abana b'abagabo babo cyangwa basaza babo
cyangwa abisengeneza babo cyangwa abana ba bakuru na
barumuna babo cyangwa abagore bagenzi babo cyangwa
abacakara babo cyangwa abakozi b'abagabo badafite
ingufu za kigabo cyangwa abana batari basobanukirwa
iby'ubwambure bw'abagore. Ntibagakubite hasi ibirenge
byabo kugira ngo ibyihishe mu mitako yabo bimenyekane.
Nimwicuze kwa Nyagasani wanyu mwese yemwe abemera,
kugira ngo mukiranuke!
32. Mujye mushyingira ingaragu muri mwe n'abatunganye
mu bagaragu banyu n'abaja. Ni baba ari abatindi nyakujya,
ALLAH (IMANA) azabakiza mu ngabire. ALLAH
(IMANA) ni Ukwiriye hose, Umumenyi cyane. 33. Abadafite
ubushobozi bwo gushaka, nibifate kugeza ubwo ALLAH
(IMANA) abahaye mu ngabire ze. N'abashaka isezerano
ryo kwibohora mu bacakara banyu, mujye muribaha niba
mubabonamo ibyiza, mubahe mu mutungo wa ALLAH
(IMANA) yabahaye. Ntimugahatire abakobwa banyu
uburaya mugamije kubona ibihita by'ubuzima bw'isi niba
bashaka kwiyubaha. N'uzabibahatira, mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) nyuma y'iryo hatira ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi. 34. Rwose twabamanuriye ayah
zisobanuye n'ingero z'abahise mbere yanyu n' inyigisho ku
baganduka.
35. ALLAH (IMANA) ni Urumuri rw'ibirere n'isi.
Urugero rw'urumuri rwe ni nk'umwenge uri mu rukuta

udasohoka urimo itara. Iryo tara riri mu kirahuri. Icyo kirahure kimeze nk’inyenyeri irabagirana. Ricanye mu giti cyuje imigisha cy’umuzeti. Si icy’iburasirazuba cyangwa icy’iburengerazuba. Amavuta yacyo yenda kumurika n’ubwo umuriro uba utari wayageraho. Urumuri ku rumuri. ALLAH (IMANA) ayobora ku rumuri rwe uwo ashaka. ALLAH (IMANA) aha abantu ingero kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane kuri buri kintu.

36. Mu mazu ALLAH (IMANA) yategetse ko yubakwa izina rye rikambarizwamo, bamusingirizamo mu gitondo na nimugoroba. 37. Abantu batarangazwa n’ubucuruzi cyangwa kugura ku kwambaza IMANA (ALLAH), guhozaho Swalaat no gutanga Zakaat. Batinya umunsi imitima n’amaso bizahinduka. 38. Kugira ngo ALLAH (IMANA) abahembere ibyiza bakoze anabongerere mu ngabire ze. ALLAH (IMANA) aha amafunguro uwo ashaka nta kubara.

39. Abahakanye ibikorwa byabo ni nk’ibirorirori biri ku murambararo. Ufite inyota akeka ko ari amazi, yabigeraho agasanga ntayo ahubwo akahasanga ALLAH (IMANA) akamwuzuriza ibarura rye. ALLAH (IMANA) ni Uwihutisha ibarura. 40. Cyangwa nk’umwijima wo mu nyanja ndende ibujyakuzimu, itwikiriwe n’umuhengeri hejuru yawo hari igicu cy’imvura. Ni umwijima ugeretse hejuru y’undi, iyo asohoye ukuboko kwe ntibimworohera kukubona. Uwo ALLAH (IMANA) atahaye urumuri, nta rumuri aba afite.

41. Ese ntubonako ibiri mu birere n’isi n’inyoni zirambuye amababa yazo byambaza IMANA (ALLAH)!? Buri kimwe rwose kizi uburyo bwo gukora Swalaat kwacyo no kwambaza kwacyo. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane

w'ibyo bikora. 42. Ubwami bw'ibirere n'isi ni ubwa IMANA (ALLAH). Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho garukiro.

43. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) asunika ibicu nyuma akabikomatanya maze akabirundanya akabigira ibihekanye ukabona imvura imanuka mu myanya yabyo!? Anavana mu misozi iri mu kirere urubura, akarubabarisha uwo ashatse akanarukiza uwo ashatse. Urumuri rw'umurabyo wacyo rwenda guhumya amaso. 44. ALLAH (IMANA) ahinduranya ijoro n'amanywa. Mu by' ukuri muri ibyo hari isomo kuri ba nyir'ukubona.

45. ALLAH (IMANA) yaremye mu mazi buri ikigenda. Muri byo hari ibikururinda, no muri byo hari ibigendera ku maguru abiri, no muri byo hari n'ibigendera kuri ane. ALLAH (IMANA) arema icyo ashaka. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 46. Rwose twamanuye ayah zisobanuye. Kandi ALLAH (IMANA) ayobora uwo ashaka ku nzira igororotse.

47. Baravuga bati: twemeye ALLAH (IMANA) n'intumwa kandi twarumviye, maze agatsiko muri bo nyuma y'ibyo kagatera umugongo. Abo si abemera. 48. Iyo bahamagawe kwa ALLAH (IMANA) n'intumwa ye ngo babakiranure, ubwo agatsiko muri bo karahindukira. 49. Iyo ari bo bafite ukuri bamugana bicisha bugufi. 50. Ese mu mitima yabo hari indwara cyangwa barashidikanya cyangwa baratinya ko ALLAH (IMANA) n'intumwa ye babahuguza!? Ahubwo abo ni bo bahuguza.

51. Mu by'ukuri imvugo y'abemeye iyo bahamagariwe kugana ALLAH (IMANA) n'intumwa ye ngo babakiranure ni ukuvuga bati: turumvise kandi turumviye. Abo ni bo bakiranutse. 52. N'uwumvira ALLAH (IMANA) n'intumwa

ye agatinya ALLAH (IMANA) akanamugandukira, abo ni bo batsinda.

53. Barahiye izina rya ALLAH (IMANA) indahiro zabo zikomeye ko rwose nubategeka bazasohoka (bajye kuri djihaad). Vuga uti: mwirahira. Ukumvira kwanyu kurazwi. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora. 54. Vuga uti: nimwumvire ALLAH (IMANA) munumvire intumwa. Nibahindukira mu by'ukuri yo izabazwa ibyo yashinzwe na mwe muzabazwa ibyo mwashinzwe. Ariko nimuyumvira muzaba muyobotse. Kandi nta kindi intumwa ishinzwe uretse gusohoza ubutumwa bugaragara.

55. ALLAH (IMANA) yasezeranyije abemera muri mwe bakanakora ibitunganye ko rwose azabagira abazungura b'isi, nk'uko yabigiriye abababanjirije. Rwose azatekanya idini ryabo yabashimiye. Kandi rwose ubwoba bwabo azabuhinduramo ituze. Bangaragira batambangikanya n'icyo ari cyo cyose. Kandi uzahakana nyuma y'ibyo, abo ni bo byigomeke.

56. Muhozeho Swalaat, mutange Zakaat, munumvire intumwa kugira ngo mugiririrwe impuhwe. 57. Ntuzakeke na rimwe ko abahakanye bananiranye ku isi. Ubuhungiro bwabo ni umuriro kandi ni ryo tahukiro ribi.

58. Yemwe abemeye! Abacakara banyu n'abataraca akenge muri mwe bajye bavunyisha mu bihe bitatu: mbere ya Swalaat yo mu rukerera, igihe mwiyambura ku gicamunsi na nyuma ya Swalaat ya nijoro. Ni ibihe byanyu bitatu byo kwiyambura. Nta cyaha kuri mwe cyangwa kuri bo nyuma yabyo, bamwe muri mwe banyuranyuranamo n'abandi. Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira amagambo.

Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
59. Abana muri mwe nibagera igihe cyo guca akenge, nibasabe uruhushya nk'uko ababababanjirije barusabaga. Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira amagambo ye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
60. N'abagore bakuze batagifite icyizere cyo kurongorwa, nta cyaha bafite ko bakwambura imyitero yabo batagaragaza imitako, baniyubashye ni byo byaba byiza kuri bo. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.

61. Nta cyaha ku mpumyi nta n'icyaha k'ucumbagira nta n'icyaha ku murwayi cyangwa kuri mwe kurya mu ngo zanyu cyangwa ingo za ba so cyangwa ingo za ba nyoko cyangwa ingo z'abavandimwe banyu cyangwa ingo za bashiki banyu cyangwa ingo za ba so wanyu cyangwa ingo za ba nyogosenge cyangwa ingo za ba nyokorume cyangwa mu ngo za ba nyoko wanyu cyangwa abo mufite imfunguzo zabo cyangwa inshuti zanyu. Nta cyaha mufite kuba mwarira hamwe cyangwa mutandukanye. Nimwinjira mu mazu mujye musuhuzanya indamutso nziza ituruka kwa ALLAH (IMANA) yuje imigisha. Uko ni ko ALLAH (IMANA) abasobanurira amagambo kugira ngo mugire ubwenge.

62. Rwose abemera b'ukuri, ni babandi bemeye ALLAH (IMANA) n'intumwa ye. Iyo bari kumwe na yo ku kintu kibahuza ntibagenda keretse bayisabye uruhushya. Mu by'ukuri abagusaba uruhushya, abo ni bo bemera ALLAH (IMANA) n'intumwa ye. Nibagusaba uruhushya kubera zimwe mu mpamvu zabo, ujye uruha uwo ushatse muri bo unabasabire ALLAH (IMANA) kubahanaguraho ibyaha. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

[63.] Ntimukagire uguhamagara intumwa hagati yanyu nko guhamagarana kwa bamwe muri mwe. Rwose ALLAH (IMANA) azi abomboka muri mwe bikinganaho. Abaca ukubiri n’itegeko rye, nibirindeko bagwiririrwa n’ikigeragezo cyangwa bakagerwaho n’ibihano bibabaza.
[64.] Munamenyeko mu by’ukuri ibiri mu birere n’isi ari ibya ALLAH (IMANA) kandi azi neza ibyo muri ho. Umunsi basubijwe iwe azababwira ibyo bakoraga. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

Surat 25

# AL FUR’QAN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Ubutagatifu ni ubw’ Uwamanuye Fur’qaan k’ umugaragu we kugira ngo abere ibiremwa umuburizi.
[2] Ufite ubwami bw’ibirere n’isi. Ntiyagize umwana ntiyanagira umufasha mu bwami. Yaremye buri kintu agiha ikigero kigikwiriye.
[3] Bishyiriyeho ibigirwamana bitari We. Nta cyo birema ahubwo byo biraremwa. Nta bubasha bifite bwo kugira icyo byitwara cyangwa byimarira. Nta n’ubwo bifite ububasha ku rupfu cyangwa ku buzima cyangwa izuka.

[4] Abahakanye baravuga bati: iki si ikindi uretse ikinyoma yahimbye n’abandi bantu babimufashamo. Bakoze ubuhemu no guhimba.
[5] Baranavuze bati: ni inkuru z’abohambere yandukuye. Zo arazibwirwa mu gitondo na nimugoroba.
[6] Vuga uti: yamanuwe n’ uzi ibanga ryo mu birere n’isi. Mu by’ukuri We ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

[7.] Baravuze bati: iyi ni intumwa ki irya ibiryo ikanagenda mu masoko? Iyaba yamanurirwaga Mala'ika akaba Umuburizi hamwe nayo! [8.] Cyangwa ikamanurirwa ubutunzi cyangwa ikagira umurima iryamo!? Abahuguje baravuga bati: ntawe mukurikira uretse umugabo warozwe! [9.] Reba uko baguhaye ingero bakayoba, ntibashobora kubona inzira.

[10.] Ubutagatifu ni ubw'uzaguha ibyiza kurusha ibyo nabishaka; Djannah zitembamo imigezi akazanaguha ingoro. [11.] Nyamara bahinyuye imperuka. Kandi twateguriye uhinyura imperuka Sa'iir. [12.] Iyo ibaboneye ahantu ha kure, bumva umujinya wayo no guhinda kwayo. [13.] Nibajugunywamo ari ahantu hafunganye baboshye, iyo ngiyo bazahamagara ukorama. [14.] Ntimuhamagare uyu munsi ukorama kumwe ahubwo muhamagare ukorama kwinshi. [15.] Vuga uti: ese ibyo ni byo byiza!? Cyangwa Djannah ihoraho yasezeranyijwe abaganduka!? Ni igihembo kuri bo n'itahukiro. [16.] Bafitemo ibyo bashaka iteka ni isezerano kuri Nyagasani wawe rihamye.

[17.] Umunsi yabakoranyije n'ibyo bagaragira bitari ALLAH (IMANA) akavuga ati: ese ni mwe mwayobeje bariya!? Cyangwa nibo bayobye inzira!? [18.] Baravuga bati: Ubutagatifu ni ubwawe!? Ntibyari bikwiriye ko twishyiriraho inshuti koya zitari wowe. Ahubwo warabadegembesheje n'abakurambere babo kugeza ubwo bibagiwe urwibutso baba abantu borekwa. [19.] Rwose babahinyuye ku byo muvuga. Ntimushobora kwikuraho ibihano cyangwa kwitabara. N' uhuguza muri mwe tuzamusogongeza ibihano bihambaye.

[20.] Ntitwohereje mbere yawe intumwa uretse ko rwose zaryaga ibiryo zikanagenda mu masoko. Tugira bamwe

muri mwe ibigeragezo ku bandi. Ese muzihangana!? Kandi
Nyagasani wawe ni Ubona cyane.

21. Abatizera guhura na Twe baravuze bati: iyaba
twamanurirwaga Abamala’ika cyangwa tukabona Nyagasani
wacu. Rwose barikujije ubwabo baranarengera ukurengera
gukabije! 22. Umunsi bazabona Abamala’ika; nta nkuru
nziza uwo munsi ku bagome. Bazavuga (Abamala’ikA) bati:
murakumiriwe cyane ( kujya muri Djannah). 23. Twafashe
ibikorwa bakoze tubigira umukungugu utumuka. 24. Abo
muri Djannah kuri uwo munsi bazaba bafite icyicaro cyiza
n’ahantu hahebuje ho kuruhukira.

25. Zirikana umunsi ikirere kizaturikamo ibicu,
Abamala’ika bakamanurwa urwunge. 26. Ubwami nyabwo
uwo munsi buzaba ari ubwa Nyirimpuhwe. Uwo munsi ku
bahakanyi uzaba ukomeye. 27. Zirikana umunsi uwahuguje
azaruma intoki ze avuga ati: iyo mbimenya ngafata inzira
imwe n’intumwa! 28. Mbega ukorama kwanjye! Iyo ntagira
kanaka inshuti magara! 29. Rwose yanyobeje ku rwibutso
rumaze kungeraho. Kandi sha’itwaan ni utererana umuntu.
30. Intumwa iravuga iti: ayi Nyagasani wanjye! Rwose
abantu banjye bagize Qur’aan icyatereranywe. 31. Uko ni ko
twashyiriyeho buri muhanuzi umwanzi mu bagome. Kandi
Nyagasani wawe arahagije kuba Uyobora kandi Utabara.

32. Abahakanye baravuze bati: Iyaba yamanurirwaga
Qur’aan imbumbe. Ibyo ni ukugira ngo tuyikomereshe
umutima wawe. Twaranayikurikiranyije nta gushidikanya.
33. Ntibakuzanira urugero, uretse ko tukuzanira ukuri
n’ibisobanuro birushijeho kuba byiza. 34. Abazakoranyirizwa
kuri Djahannam bakururwa bubitse imitwe; abo ni bo bazaba

bari ahantu habi kurusha ahandi no ku nzira irusha izindi
kuyoba.
35. Rwose twahaye Muusa igitabo tumushyira hamwe
n'umuvandimwe we Haaruun ari umufasha. 36. Turavuga
tuti: nimujye ku bantu bahinyuye amagambo yacu maze
tukabarimbura ukurimbura guhambaye. 37. Abantu ba Nuuh
ubwo bahinyuzaga intumwa, twarabarohamishije tubagira
ikimenyetso ku bantu kandi twateguriye abahuguza ibihano
bibaza. 38. Aba A'ad, aba Thamuud, abanya Rass[1] n'ibisekuru
hagati aho byinshi. 39. Bose twabahaye ingero. Kandi bose
twarabarimbuye ukurimbura guhambaye. 40. Rwose bageze
ku mudugudu wamanuriwe imvura mbi. Ese ntibawubonaga?
Ahubwo ntibizeraga ukuzuka.
41. Iyo bakubonye nta kindi bakubonamo uretse ikinnyego,
ese uyu ni we ALLAH (IMANA) yatumye kuba intumwa!?
42. Yari hafi kutuyobya ku mana zacu iyo tutazihagararaho!
Bazamenya ubwo bazabona ibihano, ni nde wayobye inzira
kurusha abandi?
43. Ese ntubona ugira irari rye imana ye? Ese wowe
wamubera umurinzi? 44. Cyangwa urakeka ko abenshi muri
bo bumva cyangwa bafite ubwenge? Bo ntacyo bari cyo
uretse kuba nk'amatungo. Ahubwo ni bo barushije kuyoba
inzira.
45. Ese ntubona Nyagasani wawe uko yarambuye igicucu?
Iyo ashaka yari kukigumisha hamwe. Ahubwo izuba turigira
ikimenyetso cyacyo. 46. Hanyuma tukigarura iwacu buhoro
buhoro. 47. Ni We wabagiriye ijoro umwambaro, ibitotsi
ikiruhuko n'amanywa ayagira igihe cy'akazi. 48. Ni We
wohereza imiyaga ifite inkuru nziza mbere y'impuhwe ze.
Kandi twamanuye mu kirere amazi asukuye. 49. Kugira

ngo tuyazuze ubutaka bwapfuye tunayanyweshe mu byo
twaremye; amatungo n'abantu benshi.
50. Rwose twayasaranganyije hagati yabo kugira ngo
batekereze. Nyamara abantu benshi baranze bahitamo
uguhakana. 51. Iyo dushaka twari kohereza muri buri
mudugudu umuburizi. 52. Ntukumvire abahakanyi.
Uyibarwanyishe ukurwana guhambaye.
53. Ni We wahuje inyanja ebyiri; iyi ni urubogobogo
n'iyi ni urwunyunyu rukaze. Ashyira hagati yazo urusika
n'urukuta rukumira. 54. Ni We waremye umuntu mu mazi,
amugira ibisanira na bamwana. Kandi Nyagasani wawe ni
We Ushobora cyane.
55. Bagaragira ibitari ALLAH (IMANA) bitagize icyo
bibamarira nta n'icyo bibatwara. Kandi umuhakanyi kuri
Nyagasani we ni ufasha mu kwigomeka. 56. Ntitwakohereje
uretse kuba utanga inkuru nziza n'uburira. 57. Vuga uti:
ntabwo mbibasabira ibihembo. Uretse ushaka kugana inzira
imugeza kwa Nyagasani we.
58. Iringire Uhoraho, Udapfa. Umwambaze mu bisingizo
bye. Kandi arahagije kuba ari Umumenyi w'ibyihishe mu
byaha by' abagaragu be. 59. We waremye ibirere n'isi n'ibiri
hagati yabyo mu bihe bitandatu. Hanyuma aganza kuri A'arsh.
Ni Nyirimpuhwe. Mubaze umuhanga. 60. N'iyo babwiwe ngo
nimwubamire Nyirimpuhwe baravuga bati: Nyirimpuhwe
ni iki? Ese turubamira icyo udutegetse!? Bikabongerera
uguhunga.
61. Ubutagatifu ni ubw'uwashyize mu kirere imitamenwa
anashyira mu kirere urumuri n'ukwezi kumurika. 62. Ni
We wasimburanyije ijoro n'amanywa k'ushaka gutekereza
cyangwa ushaka gushima.

63. Abagaragu ba Nyirimpuhwe ni abagenda ku isi
biyoroheje. Kandi injiji zabavugisha bakavuga bati: Amahoro!
64. Abarara bubama banahagarara kubera Nyagasani wabo.
65. Abavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Tuvanireho igihano
cya Djahannam, mu by'ukuri igihano cyayo ni igihoraho.
66. Mu by'ukuri yo ni urugo n'ubuturo bubi. 67. Babandi
iyo batanze; ntibasesagura ntibanagundira. Bakaba
bagororotse hagati aho. 68. Abadasaba ALLAH (IMANA)
bamubangikanyije n'izindi mana, ntibanice ubuzima ALLAH
(IMANA) yaziririje uretse mu kuri, ntibanasambane. Ukora
ibyo azahura n'ibihano. 69. Azatuburirwa ibihano ku munsi
w'izuka, abibemo ubuziraherezo asuzuguritse. 70. Uretse
uwicujije akemera akanakora ibikorwa bitunganye. Abo,
ALLAH (IMANA) ibibi byabo azabihinduramo ibyiza.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi. 71. N'uwicujije akanakora ibitunganye, mu
by'ukuri we aba yicujije kuri ALLAH (IMANA) ukwicuza
kwemewe.

72. Ni abadatanga ubuhamya bw'ikinyoma. Kandi iyo
banyuze ku bidafite akamaro, babinyuraho biyubashye.
73. Ni babandi iyo bibukijwe amagambo ya Nyagasani wabo,
batayitwaraho nk'ibipfamatwi n'impumyi. 74. Abavuga bati:
ayi Nyagasani wacu! Duhe mu bo twashakanye n'urubyaro
rwacu ibidushimisha, unatugire ku baganduka intangarugero.

75. Abo bazahembwa igorofa kubera ukwihangana.
Bazakirizwamo indamutso ya Salaam. 76. Bazabamo
ubuziraherezo. Ibyo ni byo rugo n'ubuturo bwiza. 77. Vuga
uti: Nyagasani wanjye ntiyari kubitaho iyo bitaba ugusaba
kwanyu. Rwose mwarahinyuye. Rero ibihano bizaba
ibihoraho.

Surat 26

# ASH-SHU’ARAA’U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Twaa Siin Miim.*

2 Izo ni Ayah z’igitabo kigaragara. 3 Hari ubwo wakwiyicisha
agahinda batabaye abemera. 4 Dushatse twabamanurira mu
kirere igitangaza, amajosi yabo agahora acyibombaritseho.
5 Ukwibutsa gushya guturutse kwa Nyirimpuhwe
ntikubageraho uretse ko bakwirengagiza. 6 Rwose
barahinyuye, nyamara amakuru y’ibyo bannyegaga
azabageraho.
7 Ese ntibareba isi!? Ni bingahe muri buri bwoko bwiza
twamejejemo!? 8 Mu by’ukuri muri ibyo hari igitangaza,
nyamara abenshi muri bo ntibemera. 9 Mu by’ukuri Nyagasani
wawe, ni We Utsinda, Nyirimbabazi.
10. Zirikana ubwo Nyagasani wawe yahamagaye Muusa;
jya ku bantu bahuguza. 11. Abantu ba Fir’aun. Ese ntibatinya!?
12. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Mu by’ukuri jye
ndatinyako bampinyura. 13. Igituza cyanjye kirafunganye
kandi ururimi rwanjye ntirubanguka. Tuma kuri Haaruun.
14. Kandi mbafiteho icyaha, nkaba ntinya ko banyica.
15. Aravuga ati: Oya! Nimujyane ibitangaza byacu. Mu
by’ukuri Twe turi kumwe namwe, turumva. 16. Mujye kwa
Fir’aun mumubwire muti: mu by’ukuri twe turi intumwa za
Nyagasani w’ibiremwa. 17. Ngo turekurire abana ba Israa’iil.
18. Aravuga ati: ese ntitwakureze muri twe uri uruhinja,

ukabana natwe ubuzima bwawe imyaka? 19. Ugakora igikorwa
cyawe wakoze, nawe uri mu bahakana ineza twakugiriye!?
20. Aravuga ati: Nagikoze ubwo nanjye nari mu bayobye.
21. Ndabahunga ubwo nabatinye. Nyagasani wanjye ampa
ubushishozi, anshyira no mu ntumwa. 22. Ese iyo nema
urayincyurira kandi waragize abana ba Israa'iil abacakara?
23. Fir'aun aravuga ati: ese ni nde Nyagasani w'ibiremwa ?
24. Aravuga ati: ni Nyagasani w'ibirere n'isi n'ibiri hagati
yabyo, niba muri abemera mudashidikanya. 25. Abwira
abamukikije ati: Aho ntimwumva!? 26. Aravuga ati: ni
Nyagasani wanyu ni na we Nyagasani w'abakurambere
banyu ba mbere. 27. Aravuga ati: mu by'ukuri intumwa yanyu
yaboherereje ni umusazi. 28. Aravuga ati: ni Nyagasani
w'Uburasirazuba n'Uburengerazuba n'ibiri hagati yabyo,
niba mufite ubwenge. 29. Aravuga ati: niwishyiriraho indi
mana itari jye, rwose ndagushyira mu mfungwa. 30. Aravuga
ati: ese n'iyo nakuzanira ikintu kigaragara? 31. Aravuga ati:
kizane niba uri mu banyakuri. 32. Anaga inkoni ye ubwo iba
inzoka igaragara. 33. Asohora ukuboko kwe. Ubwo kurererana
ku bareba. 34. Abwira ibikomerezwa bimukikije ati: mu
by'ukuri uyu ni umurozi w'umumenyi cyane. 35. Arashaka
kubakuza uburozi bwe mu gihugu cyanyu. Murabivugaho
iki?

36. Baravuga ati: Murindirize we n'umuvandimwe we
maze utume mu mijyi abakoranya. 37. Bakuzanire buri murozi
uhambaye w'umumenyi cyane. 38. Abarozi bakoranyirizwa
ku isaha y'umunsi uzwi. 39. Abantu barabwirwa bati: ese
mwakoranye? 40. Wenda turakurikira abarozi niba ari bo
batsinda. 41. Abarozi baje babwira Fir'aun bati: ese turabona

igihembo nituba ari twe abatsinda? 42. Aravuga ati: yego!
Kandi ubwo mwe rwose muraba mu byegera.

43. Muusa arababwira ati: nimunage ibyo mwe munaga!
44. Banaga imigozi yabo n’inkoni zabo baravuga bati: ku
bw’icyubahiro cya Fir’aun rwose twe ni twe dutsinda.
45. Muusa anaga inkoni ye. Ubwo yo imira bunguri ibyo
bahimbaga. 46. Abarozi bitura hasi bubamye. 47 Baravuga
bati: twemeye Nyagasani w’ibiremwa. 48 Nyagasani wa
Muusa na Haaruun.

49. Aravuga ati: ese mumwemeye mbere y’uko mbaha
uruhushya!? Mu by’ukuri ni we mukuru wanyu wabigishije
uburozi. Muri bumenye! Rwose ndabacagagura amaboko
n’amaguru yanyu imbusane, maze mbabambe mwese.
50. Baravuga bati: nta kibi! Mu by’ukuri twe dusubiye kwa
Nyagasani wacu. 51. Mu by’ukuri twe turifuzako Nyagasani
wacu aduhanaguraho ibyaha byacu kubera ko tubaye
abambere mu bemera.

52. Duhishurira Muusa; jyana nijoro abagaragu banjye!
Mu by’ukuri murakurikirwa. 53. Fir’aun yohereza mu mijyi
abakoranya. 54. Rwose bariya ni agatsiko gato. 55. Kandi
bo rwose baturakaje. 56. Kandi rwose twese turi menge.
57. Tubasohora mu busitani n’amasoko. 58. N’ubutunzi
n’ubuturo bwiza. 59. Uko ni ko twabizunguje abana ba
Israa’iil.

60. Babakurikira mu rukerera. 61. Amatsinda abiri
arebanye, abantu ba Muusa baravuga bati: mu by’ukuri twe
turafashwe! 62. Aravuga ati: oya! Mu by’ukuri Nyagasani
wanjye ari kumwe nanjye, aranyobora. 63. Duhishurira
Muusa; Kubitisha inkoni yawe inyanja! Icikamo inzira, buri
gice kimera nk’umusozi, uhambaye. 64. Ubwo twegereza

hafi aho, abandi. 65. Turokora Muusa n'abari kumwe na we bose. 66. Hanyuma tworeka abandi. 67. Mu by'ukuri muri ibyo hari igitangaza. Nyamara abenshi muri bo ntibemera. 68. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We Utsinda, Nyirimbabazi.

69. Basomere inkuru ya Ibraahiim. 70. Ubwo yabwiraga se n'abantu be ati: ese mugaragira iki? 71. Baravuga bati: tugaragira amashusho, tugahora tuyasenga. 72. Aravuga ati: ese iyo muyasaba arabumva? 73. Cyangwa hari icyo abamarira cyangwa abatwara? 74. Baravuga bati: ahubwo twasanze abakurambere bacu ari uko babikora.

75. Aravuga ati: ese ntimubona ibyo mugaragira? 76. Mwebwe n'abakurambere banyu ba kera? 77. Mu by'ukuri byo ni abanzi banjye, uretse Nyagasani w' ibiremwa. 78. Uwandemye akaba ari We unyobora. 79. Ari na We ungaburira akananywesha. 80. N'iyo ndwaye ni We unkiza. 81. Ni na We uzanyambura ubuzima hanyuma akazabunsubiza. 82. Uwo nifuzako yazampanaguraho ibyaha byanjye ku munsi wo kwishyura.

83. Ayi Nyagasani wanjye! Mpa ubushishozi, unampuze n'intungane. 84. Unanshyiriretho kuvugwa neza mu bazaza nyuma. 85. Unshyire no mu bazazungura Djannah zuje inema. 86. Unahanagureho ibyaha data kuko ari mu bayobye. 87. Ntuzankoze isoni ku munsi bazazurwa. 88. Umunsi imitungo n'abana bitazagira icyo bimara. 89. Uretse uzagana Nyagasani n'umutima wera.

90. Djannah izegerezwa abaganduka. 91. Naho Djahiim igaragarizwe abayobye. 92. Bazabwirwa bati: Biri hehe ibyo mwagaragiraga 93. Bitari IMANA (ALLAH)!? Ese birabatabara cyangwa byo biritabara? 94. Bijugunywajugunywamo byo n'abayobye. 95. N'ingabo za Ibliis zose. 96. Bazavuga bo

bayirimo batongana. 97. TA-IMANA (ALLAH)I ! Twari
mu buyobe bugaragara. 98. Ubwo twabagereranyaga na
Nyagasani w'ibiremwa. 99. Kandi ntawatuyobeje uretse
abagome. 100. None nta bavugizi dufite. 101. Cyangwa inshuti
magara. 102. Iyaba twagiraga ukugaruka tukaba mu bemera.
103. Mu by'ukuri muri ibyo hari igitangaza. Nyamara abenshi
muri bo ntibemera. 104. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We
Utsinda, Nyirimbabazi.

105. Abantu ba Nuuh bahinyuye intumwa. 106. Ubwo
umuvandimwe wabo Nuuh yababwiraga ati: ese ntimwatinya?
107. Mu by'ukuri jye kuri mwe ndi intumwa yizerwa.
108. Nimugandukire ALLAH (IMANA) munanyumvire.
109. Ntabwo mbibasabira igihembo kuko ibihembo byanjye
biri kwa Nyagasani w' ibiremwa. 110. Nimugandukire ALLAH
(IMANA) munanyumvire. 111. Baravuga bati: ese tukwemere
kandi warakurikiwe n'abasuzuguritse? 112. Aravuga ati: nta
bumenyi mfite ku byo bakora ! 113. Ibarura ryabo nta wundi
rireba usibye Nyagasani wanjye. Iyaba mwari mubizi !
114. Kandi jye ntabwo ndi uwirukana abemera. 115. Nta kindi
ndi cyo uretse umuburizi ugaragara.

116. Baravuga bati: yewe Nuuh! Nutarekera aho rwose
uraba mu baterwa amabuye. 117. Aravuga ati: ayi Nyagasani
wanjye! Rwose abantu banjye bampinyuye. 118. Nkiranura
rwose nabo ku mugaragaro. Undokore n'abo ndi kumwe
nabo mu bemera. 119. Turamurokora n'abari kumwe nawe mu
nkuge yikoreye. 120. Maze turohamya nyuma yaho abasigaye.
121. Mu by'ukuri muri ibyo hari igitangaza. Nyamara abenshi
muri bo ntibemera. 122. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni
Utsinda, Nyirimbabazi.

123. Ba A'ad bahinyuye intumwa. 124. Ubwo umuvandimwe

wabo Huud yababwiraga ati: ese ntimwatinya?
125. Mu by’ukuri jye kuri mwe ndi intumwa yizerwa.
126. Nimugandukire ALLAH (IMANA) munanyumvire.
127. Ntabwo mbisabira igihembo, kuko ibihembo byanjye
biri kwa Nyagasani w’ibiremwa. 128. Ese mwubaka buri
ahirengeye ikimenyetso mukina? 129. Mukiyubakira ingoro
z’imitamenwa nk’aho muzabaho iteka! 130. N’iyo mugabye
igitero mukigaba muri abanyagitugu. 131. Nimugandukire
ALLAH (IMANA) munanyumvire. 132. Mugandukire
uwabahaye ibyo muzi. 133. Yabahaye amatungo n’urubyaro.
134. Imirima n’amasoko. 135. Mu by’ukuri jye ndatinya kuri
mwe ibihano by’umunsi uhambaye.

136. Baravuga bati: ni kimwe kuri twe, waburira cyangwa
se ntube mu baburizi! 137. Ibi si ikindi uretse imigenzo
y’abohambere. 138. Kandi twe ntituri mu bazahanwa.
139. Baramuhinyura turaboreka. Mu by’ukuri muri ibyo hari
igitangaza. Nyamara abenshi muri bo ntibemera. 140. Mu
by’ukuri Nyagasani wawe ni We Utsinda, Nyirimbabazi.

141. Ba Thamuud bahinyuye intumwa. 142. Ubwo
umuvandimwe wabo Swaaleh yababwiraga: Ese ntimwatinya?
143. Mu by’ukuri jye kuri mwe ndi intumwa yizerwa.
144. Mugandukire ALLAH (IMANA) kandi munyumvire.
145. Ntabwo mbibasabira igihembo kuko ibihembo byanjye biri
kwa Nyagasani w’ibiremwa. 146. Ese murarekwa mu by’aha,
mutekanye? 147. Mu busitani n’amasoko. 148. N’ibihingwa
n’imitende bifite imigondoro yoroshye. 149. Mwubaka
mu misozi amazu atangaje!? 150. Mugandukire ALLAH
(IMANA) kandi munyumvire. 151. Ntimwumvire amategeko
y’ abononnyi. 152. Abangiza ku isi kandi badatunganya.

153. Baravuga bati: mu by’ukuri wowe uri mu barozwe.

154. Wowe nta kindi uri cyo uretse umuntu nka twe. Zana
ikimenyetso niba uri mu bavuga ukuri! 155. Aravuga
ati: iyi ngamiya ifite igihe cyo gushoka namwe mufite
icyanyu cyo kunywa k’umunsi uzwi. 156. Ntimuzayigirire
nabi mukazagerwaho n’ibihano by’umunsi uhambaye.
157. Barayica, bucya bicuza. 158. Bagerwaho n’ibihano. Mu
by’ukuri muri ibyo hari igitangaza. Nyamara abenshi muri bo
ntibemera. 159. Mu by’ukuri Nyagasani wawe ni We Utsinda,
Nyirimbabazi.

160. Abantu ba Luutw bahinyuye intumwa.
161. Ubwo umuvandimwe wabo Luutw yababwiraga ati:
Ese ntimwatinya? 162. Mu by’ukuri jye kuri mwe ndi
intumwa yizerwa. 163. Nimugandukire ALLAH (IMANA)
munanyumvire. 164. Ntabwo mbibasabira igihembo kuko
ibihembo byanjye biri kwa Nyagasani w’ibiremwa. 165. Ese
murarongora igitsina gabo mu biremwa? 166. Mukareka ibyo
Nyagasani wanyu yabaremeye mu bagore banyu!? Ahubwo
mwe muri abantu barengera.

167. Baravuga bati: yewe Luutw! Rwose nutarekera aho
uzaba mu bicibwa! 168. Aravuga ati: mu by’ukuri ndi mu
binubira igikorwa cyanyu. 169. Ayi Nyagasani wanjye!
Nkiza jye n’abanjye ibyo bakora. 170. Turamurokora n’abe
bose. 171. Uretse umukecuru wari mu borekwa. 172. Maze
turimbura abasigaye. 173. Tubamanurira imvura; iba imvura
mbi ku baburiwe. 174. Mu by’ukuri muri ibyo hari igitangaza,
nyamara abenshi muri bo ntibemera. 175. Mu by’ukuri
Nyagasani wawe ni We Utsinda, Nyirimbabazi.

176. Abantu ba A’ikah bahinyuye intumwa. 177. Ubwo
Shu’aib yababwiraga ati: ese ntimwatinya? 178. Mu by’ukuri
jye kuri mwe ndi intumwa yizerwa. 179. Nimugandukire

ALLAH (IMANA) munanyumvire. 180. Nta bwo mbibasabira
ibihembo kuko ibihembo byanjye biri kwa Nyagasani
w'ibiremwa. 181. Nimwuzuze ibipimo ntimube mu bahombya.
182. Mupimishe iminzani iringaniye. 183. Ntimukagabanyirize
abantu ibyabo ntimukanakwire ku isi muri abangiza.
184. Mutinye uwabaremye mwe n'ibisekuru byo hambere.

185. Baravuga bati: mu by'ukuri wowe uri mu barozwe
bikabije. 186. Ntacyo uri cyo uretse kuba umuntu nkatwe,
kandi tunakekako uri mu babeshyi. 187. Ngaho dutureho
ikimanyu cy'ikirere niba uri mu banyakuri! 188. Aravuga
ati: Nyagasani wanjye ni We uzi cyane ibyo mukora.
189. Baramuhinyura. Bafatwa n'ibihano by'umunsi w'igicucu.
Mu by'ukuri byo byari ibihano by'umunsi uhambaye. 190. Mu
by'ukuri muri ibyo hari igitangaza, nyamara abenshi muri bo
ntibari abemera. 191. Rwose Nyagasani wawe ni we Utsinda,
Nyirimbabazi.

192. Mu by'ukuri yo (Qur'aan) ni icyamanuwe na Nyagasani
w'ibiremwa. 193. Ruuh wizerwa ni we wayimanukanye.
194. Ku mutima wawe kugira ngo ube mu baburira. 195. Mu
rurimi rw'Icyarabu gisobanutse. 196. Mu by'ukuri yo yavuzwe
mu bitabo byo hambere. 197. Ese ntibibabera ikimenyetso
kuba abamenyi b'abana ba Israa'iil bayizi!?

198. Iyo tuyimanura kuri bamwe mu batari Abarabu.
199. Akayibasomera, ntibari kuba abayemera. 200. Uko ni ko
twayinjije mu mitima y'abagome. 201. Ntibazayemera keretse
babonye ibihano bibabaza. 202. Bikabageraho bibatunguye na
bo batabizi. 203. Bakavuga bati: ese twe twarindirizwa?

204. Ese ibihano byacu ni byo bihutisha? 205. Mbwira!
Turamutse tubashimishije imyaka. 206. Hanyuma bakagerwaho
n'ibyo basezeranywaga. 207. Ibyo banezezwagamo ntacyo

byazabamarira. [208.] Ntitworetse umudugudu uretse ko wari ufite ababurizi. [209.] Ari ukwibutsa kandi ntitwari abahuguza. [210.] Ntabwo sha'itwaan ari zo zayimanukanye. [211.] Ntizibikwiriye, ntizanabishobora! [212.] Mu by'ukuri zo zakumiriwe k'ukumviriza.

[213.] Ntuzasabe ALLAH (IMANA) umubangikanya n'ikigirwamana ukaba mu bahanwa. [214.] Burira umuryango wawe wa hafi. [215.] Wicishe bugufi ku bagukurikiye mu bemera. [216.] Nibakwigomekaho uvuge uti: mu by'ukuri jye nitaruye ibyo mukora. [217.] Wiringire Utsinda, Nyirimbabazi. [218.] Ukureba iyo ukora Swalaat. [219.] N'ibikorwa byawe mu bubama. [220.] Mu by'ukuri We ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.

[221.] Ese mbabwire abo sha'itwaan zimanukiraho? [222.] Zimanukira kuri buri muhimbyi cyane, umunyabyaha cyane. [223.] Zitega amatwi ariko inyinshi muri zo ni imbeshyi. [224.] Abasizi bakurikirwa n'abayobye. [225.] Ese ntubonako bo muri buri kibaya barindagira? [226.] No kuba bavuga ibyo badakora? [227.] Uretse abemeye bagakora ibitunganye, bakambaza ALLAH (IMANA) kenshi bagatabara nyuma y'uko bahuguzwa. Abahuguje bazamenya igarukiro bazagarukamo.

Surat 27

# AN'NAM'LU

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Twaa-Siin;*

izo ni ayah za Qur'aan n'igitabo kigaragara. 2 Ni ubuyoboke
n'inkuru nziza ku bemera. 3 Abahozaho Swalaat bakanatanga
Zakaat. Kandi bo imperuka bakayemera badashidikanya.
4 Mu by'ukuri abatemera imperuka twabatakiye ibikorwa
byabo, bo bakaba barindagira. 5 Abo ni bo bafite ibihano bibi
kandi bo ku mperuka ni bo bazahomba cyane. 6 Mu by'ukuri
wowe wigishwa Qur'aan iturutse k'Ushishoza, Umumenyi
cyane.

7 Zirikana ubwo Muusa yabwiraga abantu be ati: mu
by'ukuri jye ndabutswe umuriro, ndabazanira inkuru cyangwa
mbazanire igishirira cyaka kugira ngo mwote. 8 Awugezeho
arahamagarwa; yuje umugisha uri mu muriro n'abari
impande zawo (bahawe umugishA). Kandi ubutagatifu ni
ubwa ALLAH (IMANA) Nyagasani w'ibiremwa.

9. Yewe Muusa! Mu by'ukuri ni Jye ALLAH (IMANA)
Nyiricyubahiro, Ushishoza. 10. Naga inkoni yawe! Ayibonye
inyeganyega nk'inzoka yihuta, ahindukira yiruka ntiyagaruka
inyuma. Yewe Muusa! Witinya! Mu by'ukuri Jye iwanjye
intumwa ntizitinya. 11. Uretse uwahuguje akagurana
icyiza ikibi. Mu by'ukuri Jye ndi Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi. 12. Injiza ikiganza cyawe mu kwaha
kwawe, kirasohoka cyererana nta muze. Ni mu bitangaza
icyenda, ujye kwa Fir'aun n'abantu be. Mu by'ukuri bo

ni abantu b'ibyigomeke. 13. Ibitangaza byacu bibagezeho
ku mugaragaro baravuga bati: ubu ni uburozi bugaragara.
14. Barabihakana ari uguhuguza no kwikuza ariko imitima
yabo ibyemeza. Reba uko iherezo ry'abangizi ryari rimeze!

15. Rwose twahaye Daawuud na Sula'imaan ubumenyi
baravuga bati: ishimwe n'ikuzo ni ibya ALLAH (IMANA)
We waturutishije benshi mu bagaragu be b'abemera.
16. Sula'imaan yazunguye Daawuud aravuga ati: yemwe
bantu! Twigishijwe imvugo z'inyoni kandi duhabwa muri
buri kintu. Mu by'ukuri izi ni zo ngabire zigaragara.

17. Sula'imaan yakoranyirijwe ingabo ze mu madjinn no
mu bantu no mu nyoni, zirakwirakwizwa impande zose.
18. Kugeza ubwo bageraga mu kibaya cy'inshishi, agashishi
karavuga kati: mwa nshishi mwe! Nimwinjire mu buturo
bwanyu, Sula'imaan n'ingabo ze batabaribata na bo batabizi.
19. Amwenyura aseka kubera ijambo ryako aravuga ati:
ayi Nyagasani wanjye! Nshoboza gushimira inema zawe
wangabiye jye n'ababyeyi banjye, no gukora ibitunganye
ushima. Kandi unyinjize ku bw' impuhwe zawe mu bagaragu
bawe beza.

20. Ashakisha mu nyoni aravuga ati: ko ntabona Samusure?
Cyangwa iri mu zidahari? 21. Mu by'ukuri ndayihana
ibihano bikaze cyangwa rwose nyibage cyangwa inzanire
ibisobanuro bigaragara. 22. Imara igihe gito iravuga iti:
namenye ibyo utigeze umenya kandi nkaba nje nkugana
mvuye i Saba'i nkuzaniye inkuru y'impamo. 23. Mu by'ukuri
nasanze umugore abategeka. Kandi yahawe muri buri
kintu, afite n'intebe y'ubwami ihambaye. 24. Namusanze
we n'abantu be bubamira izuba baretse IMANA (ALLAH).
Kandi Sha'itwaan yabatakiye ibikorwa byabo inabakumira

ku nzira, bo ntibayoboka. 25. Kuba batubamira ALLAH
(IMANA) usohora icyihishe mu kirere no ku isi. Kandi azi
ibyo muhisha n’ibyo mugaragaza. 26. IMANA (ALLAH), nta
yindi mana ibaho uretse We, Nyagasani wa A’arsh ihambaye.
27. Aravuga (Sulai’maan) ati: turareba! Uvugishije ukuri
cyangwa uri mu babeshya! 28. Jyana uru rwandiko rwanjye
urubanagire. Nurangiza ubibete maze urebe icyo basubiza.
29. Aravuga ati: yemwe bikomerezwa! Mu by’ukuri jye nahawe
urwandiko rukomeye. 30. Mu by’ukuri rwo ruvuye kwa
Sula’imaan. Kandi rwose rwo ruragira: Ku izina rya ALLAH
(IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. 31. Ntimunyikuzeho!
Munsange muri abicishije bugufi. 32. Aravuga ati: yemwe
bikomerezwa! Nimungire inama muri iki kibazo cyanjye.
Ntabwo ndi uwo kwemeza ikintu mutabanje kungira inama.
33. Baravuga bati: twebwe turi abantu b’imbaraga b’inkazi.
Itegeko ni iryawe. Reba icyo utegeka. 34. Aravuga ati: mu
by’ukuri abami iyo bageze mu mudugudu barawangiza.
Bakagira abanyacyubahiro bawo abasuzuguritse. Uko niko
bakora. 35. Ahubwo jyewe rwose ndabohererereza impano
maze ntegereze icyo abatumwe bagarukana.
36. Ageze kwa Sula’imaan; aravuga ati: Muranyohererereza
umutungo kandi ibyo ALLAH (IMANA) yampaye ari byiza
kurusha ibyo yabahaye!? Ahubwo mwe mushimishwa
n’impano muhawe! 37. Subira iwabo turabohererereza ingabo
badafitiye ubushobozi. Kandi rwose turawubasohoramo
bicishije bugufi kandi bo basuzuguritse.
38. Aravuga ati: yemwe bikomerezwa! Ni nde muri mwe
wanzanira intebe ye y’ubwami mbere y’uko baza bangana
bicishije bugufi!? 39. Kabuhariwe mu madjinn aravuga ati:
jyewe ndayikuzanira mbere y’uko uhaguruka mu cyicaro

cyawe. Kandi jyewe kuri ibyo ndi uwimbaraga wizerwa. 40. Ufite ubumenyi mu gitabo aravuga ati: jyewe ndayikuzanira mbere y'uko uhumbya! Ayibonye iteretse iwe aravuga ati: izi ni mu ngabire za Nyagasani wanjye kugira ngo angerageze, ese ndashimira cyangwa ndahakana!? Ushimira aba ashimira kubwe kandi n'uhakana; mu by'ukuri Nyagasani wanjye ni Umukungu, Ugabura.

41. Aravuga ati: nimuyoberanye intebe ye y'ubwami kugira ngo turebe; ese arayimenya cyangwa araba mu badasobanukirwa? 42. Aje arabazwa ati: ni uku intebe yawe y'ubwami imeze? Aravuga ati: ni nk'aho yo ari yo. Twahawe ubumenyi mbere ye kandi twari abicishabugufi. 43. Ibyo yagaragiraga bitari ALLAH (IMANA) byaramukumiriye. Mu by'ukuri we yari mu bantu b'abahakanyi. 44. Arabwirwa ati: injira mu ngoro! Ayibonye akekako ari amazi ahishura imirundi ye. Aravuga ati: mu by'ukuri ni ingoro itatse ibirahuri! Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Jye narihuguje! Nicishije bugufi hamwe na Sula'imaan kuri ALLAH (IMANA) Nyagasani w'ibiremwa.

45. Rwose twohereje kwa ba Thamuud umuvandimwe wabo Swaaleh ngo: Mugaragire IMANA (ALLAH), ubwo baba amatsinda abiri ashyamiranye. 46. Aravuga ati: bantu banjye! Kuki mwihutisha ikibi mbere y'icyiza? Iyaba mwasabaga ALLAH (IMANA) kubahanaguraho ibyaha kugira ngo mugirirwe impuhwe. 47. Baravuga bati: tukubonamo wowe n'abo muri kumwe abateramwaku. Aravuga ati: nyamara ibyago byanyu biri kwa IMANA (ALLAH). Ahubwo mwe muri abantu bageragezwa.

48. Mu mujyi hari mo agatsiko k'abagabo icyenda bangiza ku isi kandi badatunganya. 49. Baravuga bati: murahizanye

ku izina rya ALLAH (IMANA) ko tumwubikira n'abantu be (tumwice) nijoro, maze rwose tuzabwira umuhagararizi we tuti: ntitwabonye icyoretse umuryango we kandi rwose turi abavugisha ukuri. 50. Bacuze imigambi mibi! Tuyiburizamo bo batabizi. 51. Reba iherezo ry'imigambi yabo mibi. Ni uko Twe twabarimbuye n'abantu babo bose. 52. Ngizo ingo zabo ni amatongo kubera ibyo bahuguje! Mu by'ukuri muri ibyo hari igitangaza ku bantu bafite ubumenyi. 53. Turokora abemeye kandi bari abaganduka.

54. Zirikana Luutw ubwo yabwiraga abantu be ati: Ese murakora igikozasoni kandi na mwe mubona? 55. Ese koko mwe murarikira abagabo mukabarongora muretse abagore!? Ahubwo mwe muri abantu b'injiji! 56. Nticyari igisubizo cy'abantu be uretse kuvuga bati: mumeneshe abantu ba Luutw mu mudugudu wanyu. Mu by'ukuri bo ni abantu bigira intungane. 57. Tumurokora we n'abe uretse umugore we twamugeneyeko aba mu borekwa. 58. Tubamanurira imvura, ni yo mvura mbi ku baburiwe. 59. Vuga uti: ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH), amahoro ni abe ku bagaragu be yatoranyije. Ese ALLAH (IMANA) ni We mwiza cyangwa ibyo babangikanya?

60. Ese uwaremye ibirere n'isi, akabamanurira amazi mu kirere, tukayameresha imirima itoshye, ntimwashoboraga kweza ibiti byayo, ese hari indi mana hamwe na IMANA (ALLAH)!? Ahubwo bo ni abantu bagereranya (ALLAH (IMANA) n'ibigirwamanA) ! 61. Ese ni nde wagize isi ubuturo, ayishyiramo imigezi, ayiha imisozi, akanashyira hagati y'inyanja ebyiri urusika? Ese hari indi mana hamwe na IMANA (ALLAH)!? Ahubwo abenshi muri bo nta bumenyi bafite!

62. Ese ni nde usubiza uri mu byago iyo amusabye agakuraho
ikibi, akanabagira abasigire b'isi? Ese hari indi mana hamwe
na IMANA (ALLAH)!? Ni gake mutekereza! 63. Ese ni nde
ubayobora mu mwijima w'imusozi n'inyanja? Ni na nde
ubohererereza imiyaga ari inkuru nziza mbere y'impuhwe ze?
Ese hari indi mana hamwe na IMANA (ALLAH)!? ALLAH
(IMANA) arenze ibyo bamubangikanya! 64. Ese ni nde
utangira irema akanarisubiramo !? Ni nde ubaha amafunguro
aturutse mu kirere n'isi? Ese hari indi mana hamwe na
ALLAH (IMANA) !? Vuga uti: ngaho nimuzane ibimenyetso
byanyu simusiga niba muri abanyakuri.

65. Vuga uti: abari mu birere n'isi, ntibazi ibitagaragara
uretse IMANA (ALLAH). Nta n'ubwo bazi umunsi
bazazurirwaho. 66. Ahubwo ubumenyi bwabo ku mperuka
bwaravangitiranye. Ahubwo bo bari mu kuyishidikanyaho.
Ahubwo bo kuri yo ni impumyi. 67. Abahakanye baravuga
bati: ese nituba igitaka n'abakurambere bacu? Ese twe
tuzazurwa? 68. Rwose twasezeranyijwe iki mbere twe
n'abakurambere bacu. Iki nta kindi uretse kuba inkuru z'abo
hambere. 69. Vuga uti: nimutambagire ku isi maze murebe
uko ingaruka ku bagome zari zimeze.

70. Ntuzabagiririre agahinda ntuzanagire impungenge ku
byo bagambana. 71. Baravuga bati: ese iri sezerano rizaba
ryari niba muri abanyakuri !? 72. Vuga uti: bimwe mu byo
mwihutisha byaba biri hafi yanyu. 73. Mu by'ukuri Nyagasani
wawe ni Nyiringabire ku bantu. Ariko abenshi muri bo
ntibashimira. 74. Mu by'ukuri Nyagasani wawe azi ibyo
ibituza byabo bihishe n' ibyo bagaragaza. 75. Nta kitagaragara
mu kirere no mu isi, uretse ko kiri mu gitabo kigaragara.

76. Mu by'ukuri iyi Qur'aan iratekerereza abana ba Israa'iil

ibyinshi mu byo bo batandukanaho. 77. Kandi yo rwose, ni
ubuyoboke n'impuhwe ku bemera. 78. Mu by'ukuri Nyagasani
wawe azabakiranuza itegeko rye. Kandi we ni Utsinda,
Umumenyi cyane. 79. Ngaho iringire IMANA (ALLAH)!
Rwose uri ku kuri kugaragara. 80. Mu by'ukuri wowe
ntiwumvisha abapfu nta n'ubwo wumvisha ibipfamatwi
uguhamagara iyo byahindukiye, byateye umugongo. 81. Nta
n' ubwo wowe uri uyobora impumyi mu buyobe bwazo.
Ntawe wumvisha uretse abemera amagambo yacu kandi bo
ari abaislam.

82. Igeno ryacu niribageraho, tuzabasohorera inyamaswa
iturutse mu isi ibabwira ko mu by'ukuri abantu ntibemeraga
ibimenyetso byacu (bya IMANA (ALLAH)) badashidikanya.
83. Zirikana umunsi tuzakoranya muri buri ummah itsinda
mu bahakana amagambo yacu ubwo bo bazaba bahindwa.
84. Kugeza ubwo baje akavuga ati: Ese mwahinyuye
ibimenyetso byanjye mutahetuzaga ubumenyi? Cyangwa n'iki
mwakoraga? 85. Igeno ryacu rizababaho kubera ko bahuguje.
Bo ntibazaba bavuga. 86. Ese ntibabonako twaremye ijoro
kugira ngo bariruhukemo n'amanywa tukayagira umucyo?
Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu bemera.

87. Zirikana umunsi impanda izahuhwamo, ibiri mu birere
no mu isi bigakangarana uretse uwo ALLAH (IMANA)
ashatse. Kandi bose bazamugana bicishije bugufi. 88. Uzabona
imisozi ukeke ko ihagaze kandi igenda yihuta nk'ibicu. Ibyo
ni ibikorwa bya ALLAH (IMANA) We watunganyije buri
kintu. Mu by'ukuri We ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo
mukora. 89. Uzazana icyiza, azabona icyiza kikiruta. Kandi
bo k' ubwoba bw' uwo munsi bazaba batekanye. 90. Naho

uzazana ikibi, uburanga bwabo buzacurikirwa mu muriro:
Ese murahembwa uretse ibyo mwakoraga?
91. Mu by'ukuri jye nategetswe kugaragira Nyagasani
w'uyu mujyi wawutagatifuje. Buri kintu ni icye. Kandi
nategetswe kuba mu baislam. 92. No gusoma Qur'aan.
Uzayoboka mu by'ukuri azaba yiyobokeye. N'uzayoba
uvuge uti: mu by'ukuri jye ndi mu baburira. 93. Uvuge
uti: Ishimwe n'Ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA)
azabereka ibimenyetso bye mubimenye. Kandi Nyagasani
wawe si indangare ku byo mukora.

Surat 28

# AL QASWAS

Ku Izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Twaa Siin Miim*

2 Izo ni ayah z'igitabo kigaragara. 3 Turagusomera inkuru ya
Muusa na Fir'aun mu kuri ku bantu bemera. 4 Mu by'ukuri
Fir'aun yarikujije mu gihugu ba nyiracyo abacamo ibice,
akandamiza itsinda muri bo, abaga abahungu babo akareka
abagore babo. Rwose we yari mu bangiza. 5 Turashaka
guha ingabire zacu abakandamijwe mu gihugu. Tubagire
abayobozi, tunabagire abazungura. 6 Tubahe ububasha mu
gihugu tunereke Fir'aun na Haamaan n'ingabo zabo muri bo,
ibyo bishishaga.
7 Duhishurira nyina wa Muusa; mwonse! Numugirira
ubwoba umunage mu mugezi. Ntutinye ntunagire agahinda.
Mu by'ukuri Twe tuzamukugarurira tunamushyire mu

ntumwa. 8 Abantu ba Fir’aun baramutoragura. Nyamara
azababera umwanzi n’akaga! Mu by’ukuri Fir’aun na
Haamaan n’ingabo zabo baribeshye. 9 Umugore wa Fir’aun
aravuga ati: ni ibyishimo byanjye nawe! Ntimumwice!
Yazatugirira akamaro cyangwa tukamugira umwana. Nabo
batabizi.
10. Umutima wa nyina wa Muusa wabaye ihwehwe, yari
hafi kumwerekana iyo tudakomeza umutima we kugira ngo
abe mu bemera. 11. Abwira mushiki we ati: mukurikire!
Amurebera kure na bo batabizi. 12. Tubanza kumuzirirriza
abonsa mbere, aravuga ati: ese mbarangire abantu bo
mu muryango bamubarerera kandi bamugira n’inama?
13. Tumusubiza kwa nyina kugira ngo yishime, ntagire
agahinda anamenyeko isezerano rya ALLAH (IMANA)
ari ukuri. Ariko abantu benshi ntibabizi. 14. Ageze ku
myaka y’ubukure akanakomera, twamuhaye ubushishozi
n’ubumenyi. Uko ni ko duhemba abagira neza.
15. Yinjira mu mujyi ubwo abawutuye bari baruhutse.
Asangamo abagabo babiri batongana, umwe akomoka mu
bantu be, undi akomoka mu banzi be. Ukomoka mu bantu
be aramwitabaza k’ukomoka mu banzi be. Muusa amukubita
igipfunsi aramwica. Aravuga ati: iki ni mu bikorwa bya
sha’itwaan rwose we ni umwanzi uyobya, ugaragara.
16. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Mu by’ukuri jyewe
nihuguje! Mpanagurira ibyaha byanjye; arabimuhanagurira.
Mu by’ukuri We ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi. 17. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Ku
bw’inema wampaye, sinzaba na rimwe ushyigikira abagome.
18. Bucya ari mu mujyi afite ubwoba, akenga. Ubwo wa
wundi wamwitabaje ejo avuza induru amwitabaza. Muusa

aramubwira ati: mu by’ukuri wowe uri umuyobe ugaragara.
19. Ashatse gukubita umwanzi wabo bombi aravuga ati: yewe
Muusa! Urashaka kunyica nk’uko wishe umuntu ejo? Nta
kindi ushaka uretse kuba icyigomeke mu gihugu. Nta n’ubwo
ushaka kuba mu batunganya. 20. Haza umugabo aturutse mu
nkengero z’umujyi yihuta, aravuga: Yewe Muusa! Rwose
ibikomerezwa birakujyaho inama kugira ngo bikwice.
Hunga! Mu by’ukuri jye kuri wowe ndi mu bakugira inama.
21. Awusohokamo afite ubwoba akenga kenga. Aravuga: Ayi
Nyagasani wanjye! Nkiza abantu bahuguza.

22. Yerekeye ahagana Mad’yan aravuga ati: wenda
Nyagasani wanjye aranyobora inzira igororotse. 23. Ageze
ku mazi ya Mad’yan yahasanze Ummah ivoma, asanga
hirya yayo abagore babiri barundanya ihene zabo aravuga
ati: mufite ibibazo ki? Baravuga bati: ntidushobora gushora
keretse abashumba bakutse, kandi data ni umusaza ukuze.
24. Arabavomera nyuma ajya mu gicucu aravuga ati: ayi
Nyagasani wanjye! Rwose jye ndi ukeneye cyane ibyiza
wampa. 25. Umwe muri bo aza afite isoni amusanga, aravuga
ati: mu by’ukuri data araguhamagara aguhe igihembo cy’uko
watuvomeye. Amugezeho amubarira inkuru. Aramubwira
ati: ntutinye! Uhonotse abantu bahuguza. 26. Umwe muri
bo aravuga ati: Dawe! Muhe akazi. Kuko ni umwiza waba
uhaye akazi uwimbaraga, uwizerwa. 27. Aravuga ati: rwose
jye ndashaka kugushyingira umwe mu bakobwa banjye aba.
Ukazankorera imyaka umunani. Niwuzuza icumi bizaba ari
ubushake bwawe. Sinshaka kukuvuna, uransanga ALLAH
(IMANA) abishatse mu batunganya. 28. Aravuga ati: ibyo ni
hagati yanjye na we. Kimwe muri ibyo bihe nincyuzuza, nta

kundenganya. Kandi ALLAH (IMANA) ku byo tuvuga ni
Umuhamya.
29. Muusa amaze kuzuza igihe, ajyana n’abantu be
arabukwa ku mpande za Twuur umuriro. Abwira abantu be
ati: nimugume aha rwose jye ndabutswe umuriro, wenda
nawubazaniraho amakuru cyangwa igishirira cy’umuriro,
kugira ngo mwote. 30. Awugezeho ahamagarirwa ku
nkengero z’iburyo bw’ikibaya ku butaka butagatifu ku
ruhande rw’igiti; yewe Muusa! Mu by’ukuri Jye ndi
ALLAH (IMANA) Nyagasani w’ibiremwa. 31. Unage inkoni
yawe! Abonye inyeganyega imeze nk’inzoka, yihuta atera
umugongo yiruka ntiyahindukira; yewe Muusa! Hindukira
ntutinye. Rwose wowe uri mu batekanye. 32. Shyira ukuboko
kwawe mu kwaha kwawe. Kurasohoka kubengerana nta
muze. Unashyire ukuboko kwawe ku gituza cyawe, bikumare
ubwoba. Ibyo byombi ni ibimenyetso bigaragara biturutse
kwa Nyagasani wawe. Bijyane kwa Fir‘aun n’ibyegera bye.
Rwose bo n’abantu b’ibyigomeke.
33. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Rwose jye
nabishemo umuntu, nkaba ntinyako banyica. 34. Umuvandiwe
wanjye Haaruun ni we undusha ururimi rwatura. Mwohereze
hamwe nanjye ari unshyigikira anyemera. Jye ndatinyako
bampinyura. 35. Aravuga ati: turagushyigikiza umuvandimwe
wawe tunabahe ububasha bw’ibitangaza byacu. Ntibazabashe
kubageraho. Mwe n’abazabakurikira muri abatsinda.
36. Muusa abazaniye ibitangaza byacu bigaragara
baravuga bati: ibi si ikindi uretse uburozi bw’ubuhimbano.
Ibi ntitwigeze tubyumva mu bakurambere bacu bo hambere!
37. Muusa aravuga ati: Nyagasani wanjye ni We uzi cyane
uwazanye ubuyoboke bumuturutseho, n’uzagira iherezo

ryiza ry'imperuka. Rwose abahuguza ntibakiranuka.
38. Fir'aun aravuga ati: yemwe bikomerezwa! Nta yindi mana
itari jye nabamenyeye. Ntwikira yewe Haamaan amatafari,
unyubakire umunara wenda nabona Imana ya Muusa, uretse
ko rwose jye mukeka mu babeshyi.

39. Arikuza we n'ingabo ze mu gihugu nta kuri. Bakeka
rwose ko bo batazagarurwa iwacu. 40. Turamukacira
we n'ingabo ze tubajugunya mu nyanja. Reba uko
ingaruka z'abahuguza zari zimeze. 41. Tubagira abayobozi
bahamagarira kugana ku muriro. No ku munsi w'imperuka
ntibazatabarwa. 42. Tubakurikiza muri iy'isi umuvumo. No
ku munsi w'imperuka bazaba mu bazinutswe. 43. Rwose
twahaye Muusa igitabo nyuma yo koreka ibisekuru byo
hambere, ari urumuri ku bantu, ubuyoboke n'impuhwe,
kugira ngo bibuke.

44. Ntabwo wari ku ruhande rw'iburengerazuba ubwo
twahaga Muusa amategeko nta n'ubwo wari mu bari bahari.
45. Ahubwo twaremye ibisekuru, ubuzima bubibana burebure.
Nta n'ubwo wari utuye mu bantu ba Mad'yan ubasomera
amagambo yacu. Ariko Twe twari abatuma. 46. Nta n' ubwo
wari ku mpande za Twuur, ubwo twahamagaraga ariko
ni impuhwe ziturutse kwa Nyagasani wawe, kugira ngo
uburire abantu batigeze bagerwaho n'umuburizi mbere
yawe wenda batekereza. 47. Iyo bitaba ko ibyago bibageraho
kubera ibyo bakoze bakavuga bati: ayi Nyagasani wacu!
Iyaba watwohererezaga intumwa, tugakurikira amagambo
yawe tukaba mu bemera. 48. Ubwo ukuri kwabageragaho
kuduturutseho, baravuze bati: iyaba yahabwaga nk'ibyo
Muusa yahawe? Ese ntibahakanye ibyo Muusa yahawe

mbere? Baravuga bati: ni uburozi bubiri bwashyigikiranye.
Baravuga bati: rwose twe byose turi ababihakana.

49. Vuga uti: ngaho nimuzane igitabo giturutse kwa
ALLAH (IMANA) kibirusha kuyobora, ngikurikire niba
muri abanyakuri. 50. Nibatagusubiza, umenyeko nta kindi
bakurikira uretse irari ryabo. Ese ni nde wayobye kurusha
uwakurikiye irari rye nta buyobozi buturutse kwa IMANA
(ALLAH)? Rwose ALLAH (IMANA) ntayobora abahuguza.
51. Rwose twabakurikiranyirije n'ijambo kugira ngo
batekereze.

52. Abo twahaye igitabo mbere ye bo barayemera. 53. Iyo
bayisomewe baravuga bati: turayemeye. Rwose ni ukuri
guturutse kwa Nyagasani wacu rwose twari abicisha bugufi
mbere yayo. 54. Abo bazahabwa ibihembo byabo kabiri
kuberako bihanganye, bakuzaho ikibi icyiza kandi bagatanga
mu byo twabafunguriye. 55. Iyo bumvise amangambure
bayatera umugongo bakavuga bati: dufite ibikorwa byacu na
mwe mukagira ibyanyu. Amahoro ni abe kuri mwe. Nta cyo
dushaka ku njiji. 56. Rwose wowe ntuyobora uwo ukunze.
Ahubwo ALLAH (IMANA) ayobora uwo ashaka. Ni We uzi
cyane abayoboka.

57. Baravuga bati: nidukurikira ubuyoboke hamwe na we,
tuzashimutwa mu gihugu cyacu! Ese ntitwabatekanyirije
Haram ifite amahoro, isarurirwa ibimera bya buri bwoko
ari amafunguro aduturutseho!? Nyamara abenshi muri bo
ntibabizi.

58. Ni imidugudu ingahe tworetse yigometse kubera
imibereho myiza yari ifite? Ngubwo ubuturo bwabo;
ntibwatuwe nyuma yabo uretse gake. Kandi ni Twe twari
abazungura. 59. Nyagasani wawe ntiyari uwo koreka

imidugudu, keretse yohereje mu mirwa yayo intumwa
ziyisomera amagambo yacu. Kandi ntitwari abo koreka
imidugudu, keretse abayituye ari abahuguza.
60. Icyo muhawe mu bintu kiba ari ibyishimo by'ubuzima
bw'isi n'umutako wayo. Naho ibiri kwa ALLAH (IMANA) ni
byo birusha ubwiza kandi bihoraho. Ese nta bwenge mufite!?
61. Ese uwo twasezeranyije isezerano ryiza akaba azarisanga,
ni kimwe n'uwo twashimishije n'ibyishimo by'ubuzima
bw'isi maze ku munsi w'izuka akaba mu bagaragazwa?
62. Zirikana umunsi azabahamagara akavuga ati: abo
mwahimbagako ari abafasha banjye bari he!? 63. Abahamwe
n'ijambo bazavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Bariya
twayobeje, twabayobeje nk'uko twayobye. Turabihakanye
imbere yawe! Si twe rwose bagaragiraga.
64. Barabwirwa bati: ngaho nimuhamagare ibigirwamana
byanyu! Barabihamagara ntibyabitaba. Babona ibihano.
Bifuza kuba bari barayobotse. 65. Zirikana umunsi
azabahamagara akavuga ati: ni iki mwashubije intumwa!?
66. Amakuru uwo munsi azabihisha kandi bo ntibazabazanya.
67. Uzaba yaricujije, akemera akanakora ibitunganye azaba
mu bazarokoka.
68. Nyagasani wawe arema ibyo ashaka akanahitamo. Nta
mahitamo bafite. Ubutagatifu ni ubwa IMANA (ALLAH),
arenze ibyo bamubangikanya. 69. Nyagasani wawe azi ibyo
ibituza byabo bihishe n'ibyo bagaragaza. 70. Ni We ALLAH
(IMANA) nta yindi mana uretse We. Afite ishimwe n'ikuzo
byuzuye ku ntangiriro no ku mperuka. Afite n' itegeko, kandi
iwe ni ho muzagaruka.
71. Vuga uti: nimumbwire! Iyo ALLAH (IMANA) abagirira
ijoro guhoraho kugeza ku munsi w'izuka, ni nde mana itari

ALLAH (IMANA) yabazanira urumuri? Ese ntimwumva?
72. Vuga uti: nimumbwire! Iyo ALLAH (IMANA) abagirira
amanywa guhoraho kugeza ku munsi w'izuka ni nde mana
itari ALLAH (IMANA) yabazanira ijoro muruhukamo? Ese
ntimubona? 73. Mu mpuhwe ze ni uko yabaremeye ijoro
n'amanywa, kugira ngo muruhukiremo munashakishemo
ingabire ze. Wenda mwashimira.
74. Zirikana umunsi azabahamagara akavuga ati: abo
mwahimbagako ari abafasha banjye bari he!? 75. Tuzakura
muri buri ummah umuhamya tuvuge tuti: ngaho nimuzane
ibimenyetso byanyu simusiga. Ubwo bazamenya ko ukuri ari
ukwa IMANA (ALLAH). Maze ibyo bahimbaga bizabura.
76 Mu by'ukuri Qaaruun yari mu bantu ba Muusa,
abikuzaho. Twari twaramuhaye mu bigega ku buryo
imfunguzo zabyo zaremereraga imbaga y'abantu bafite
imbaraga. Ubwo abantu be bamubwiraga bati: Ntiwikuze.
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda abikuza. 77 Shaka
mu byo ALLAH (IMANA) yaguhaye inzu y'imperuka.
Ntiwibagirwe umugabane wawe mu isi unagire neza nk'uko
ALLAH (IMANA) yayikugiriye. Kandi ntushake ubwangizi
ku isi. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda abangizi.
78. Aravuga ati: Rwose nabihawe bikomotse k'ubumenyi
bwanjye! Ese ntiyamenyeko ALLAH (IMANA) yoretse
mbere ye ibisekuru byamurushaga imbaraga no kurundanya
imitungo!? Kandi abagome ntibazabazwa ku byaha byabo!
79. Yigaragaza imbere y'abantu be mu mitako ye. Abashaka
ubuzima bw'isi baravuga bati: iyaba twagiraga nk'ibyo
Qaaruun yahawe. Mu by'ukuri we ni umunyamahirwe
ahambaye. 80. Naho abahawe ubumenyi baravuga bati:
ukorama ni kube kuri mwe! Ibihembo bya ALLAH (IMANA)

ni byo byiza k'uwemeye akanatunganya ibikorwa. Kandi
ntibihabwa uretse abihangana.
81. Tumurigitisha we n'inzu ye mu butaka. Ntihaba
agatsiko kamutabara kuri IMANA (ALLAH), kandi ntiyari
mu batabarwa. 82. Bucya abifuzaga umwanya we ejo
bavuga bati: burya bwose! ALLAH (IMANA) aramburira
amafunguro ku bo ashaka mu bagaragu be akanagera! Iyo
ALLAH (IMANA) atatubabarira yari kuturigitisha. Burya
bwose! Abahakanyi ntibakiranuka.
83. Iyo nzu y'imperuka tuzayiha abadashaka ukwikuza ku
isi cyangwa ukwangiza. Iherezo ryiza ni iry'abaganduka.
84. Uzaza afite icyiza azahembwa ikikiruta. Naho uzaza afite
ikibi; abakoze ibibi ntibazahembwa uretse ibyo bakoraga.
85. Mu by'ukuri uwakumanuriye Qur'aan azagusubiza mu
gihugu cy'isezerano. Vuga uti: Nyagasani wanjye ni We uzi
cyane uwazanye ubuyoboke n'uri mu buyobe bugaragara.
86. Ntabwo wari wizeyeko uzamanurirwa igitabo uretse ko
ari impuhwe za Nyagasani wawe. Ntuzabe rwose ushyigikira
abahakanyi. 87. Rwose ntibazagukumire ku magambo
ya ALLAH (IMANA) nyuma y'uko akumanuririrwa.
Unahamagarire kugana Nyagasani wawe. Kandi rwose
ntuzabe mu babangikanya. 88. Ntuzasabe ALLAH (IMANA)
umubangikanya n'indi mana. Nta yindi mana uretse We.
Buri kintu kizapfa uretse We, afite ubutegetsi kandi iwe niho
muzagarurwa.

Surat 29

# AL A’ANKABUUT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim*

2 Ese abantu batekerezako bazarekwa bakavuga bati:
twaremeye kandi bo batageragezwa!? 3 Rwose twagerageje
abari ho mbere yabo. ALLAH (IMANA) rwose azerekana
abavuze ukuri anerekane abahakanyi. 4 Cyangwa abakora
ibibi batekerezako baducika!? Ibyo batekereza ni bibi.
5 Uwaba yizera guhura na ALLAH (IMANA) mu by’ukuri
igihe ntarengwa ALLAH (IMANA) yagennye kizaza. Kandi
ni We Uwumva cyane, Umumenyi cyane. 6 Uzaharanira ukuri
azaba abyigiriye ubwe. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uwihagije (Udakeneye) ibiremwa. 7 Abemeye bakanakora
ibitunganye, rwose tuzabahanaguraho ibyaha byabo
tunabahembere ibyiza bakoraga.

8 Twategetse umuntu kugirira neza ababyebyi be.
Nibaguhatira kumbangikanya n’ibyo udafitiye ubumenyi
ntuzabumvire. Iwanjye niho garukiro ryanyu, nkazababwira
ibyo mwakoraga. 9 Abemeye bagakora ibitunganye,
tubashyira mu ntungane.

10. Mu bantu hari abavuga bati: twemeye IMANA
(ALLAH)! Batotezwa mu nzira ya ALLAH (IMANA)
bagafata ibigeragezo by’abantu nk’ibihano bya IMANA
(ALLAH). Ugutabara kwa Nyagasani wawe kwaza
bakavuga bati: rwose twe twari kumwe na mwe. Ese ALLAH
(IMANA) si We uzi cyane ibiri mu bituza by’ibiremwa!?

11. Rwose ALLAH (IMANA) azerekana abemeye. Kandi
rwose ALLAH (IMANA) azerekana abakora Nifaaq.
12. Abahakanye babwiye abemeye bati: nimukurikire
inzira yacu, tuzikorera ibyaha byanyu. Kandi bo ntacyo
bazikorera mu byaha byabo. Mu by’ukuri bo ni ababeshyi.
13. Mu by’ukuri bazikorera ibyaha byabo n’ibindi byaha
hamwe n’ibyaha byabo. Kandi ku munsi w’izuka bazabazwa
ibyo bahimbaga.
14. Rwose twohereje Nuuh ku bantu be ababamo imyaka
igihumbi ukuyeho mirongo itanu. Umwuzure urabagota nabo
bahuguza. 15. Tumurokorana n’abari mu nkuge, maze tuyigira
ikimenyetso ku biremwa.
16. Na Ibraahiim ubwo yabwiraga abantu be ati:
nimugaragire ALLAH (IMANA) munamugandukire. Ibyo ni
byo byiza kuri mwe, niba mufite ubumenyi. 17. Mu by’ukuri
ibyo mugaragira bitari ALLAH (IMANA) ni ibigirwamana
kandi murahimba ikinyoma. Mu by’ukuri ibyo mugaragira
bitari ALLAH (IMANA) sibyo bibagenera amafunguro.
Nimushakishe amafunguro kwa IMANA (ALLAH),
mumugaragire, munamushimire. Iwe ni ho muzagarurwa.
18. Nimuhinyura, rwose ummah zariho mbere yanyu
zarahinyuye. Intumwa ntacyo ishinzwe uretse gusohoza
ubutumwa bugaragara.
19. Ese ntibabona uko ALLAH (IMANA) atangira
ukurema hanyuma akagusubiramo!? Mu by’ukuri ibyo kwa
ALLAH (IMANA) biroroshye. 20. Vuga uti: nimutambagire
ku isi murebe uko yatangiye ukurema. Hanyuma ALLAH
(IMANA) azazura atanga ubundi buzima. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 21. Ahana
uwo ashaka akanagirira impuhwe uwo ashaka. Kandi iwe ni ho

muzagarurwa. 22. Mwe ntabwo mwananirana ku isi cyangwa
mu kirere. Nta n'ubwo mufite umurinzi cyangwa umutabazi
utari IMANA (ALLAH). 23. Abahakanye amagambo ya
ALLAH (IMANA) no guhura na We, abo barihebye ku
mpuhwe zanjye. Kandi abo bafite ibihano bibabaza.

24. Igisubizo cy'abantu be nticyari ikindi uretse kuvuga
bati: mumwice cyangwa mumutwike! ALLAH (IMANA)
amuhonora umuriro. Rwose muri ibyo hari ibitangaza ku
bantu bemera. 25. Aravuga ati: Mu by'ukuri ibyo bigirwamana
mwishyiriyeho muretse IMANA (ALLAH), urukundo ruri
hagati yanyu ni urw'ubuzima bw'isi. Nyamara umunsi
w'izuka bamwe muri mwe bazihakana abandi banavumane.
Ubuhungiro bwanyu buzaba umuriro kandi nta batabazi
muzagira. 26. Luutw aramwemera. Aravuga ati: mu by'ukuri
jye mpungiye kwa Nyagasani wanjye. Rwose We ni Utsinda,
Ushishoza. 27. Tumuha Is'haaq na Ya'aquub. Dushyira mu
rubyaro rwe ubuhanuzi n'ibitabo tunamuha ibihembo bye ku
isi. Kandi rwose we ku mperuka azaba mu ntungane.

28. Na Luutw ubwo yabwiraga abantu be ati: rwose mwe
murakora igicumuro mutatanzweho n'umwe mu biremwa.
29. Ese mwe rwose murongora abagabo, mugategera abantu
ku nzira mugamije ubugizi bwa nabi mukanakorera mu nteko
yanyu ikibi! Igisubizo cy'abantu be nticyari ikindi uretse
kuvuga bati: ngaho tuzanire ibihano bya ALLAH (IMANA)
niba uri mu banyakuri. 30. Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye!
Ntabara ku bantu b'abangizi.

31. Zirikana ubwo intumwa zacu zazaniraga Ibraahiim
inkuru nziza ziravuga ziti: mu by'ukuri twe turoreka abatuye
uyu mudugudu. Rwose abawutuye ni abahuguza. 32. Aravuga
ati: mu by'ukuri harimo Luutw. Baravuga bati: ni twe tuzi

cyane abawurimo. Turamurokora n'abe uretse umugore we uri
mu borekwa. 33. Intumwa zacu zigeze kwa Luutw yazigiriye
agahinda aranazibabarira ziravuga ziti: ntutinye ntunagire
agahinda! Rwose twe turakurokora n'abawe uretse umugore
wawe uri mu borekwa. 34. Mu by'ukuri twe turamanurira
abatuye uyu mudugudu igihano giturutse mu kirere kubera
ko bigomekaga. 35. Rwose twasizemo ikimenyetso kigaragara
ku bantu bafite ubwenge.

36. I Mad'yan twabohererereje umuvandimwe wabo
Shu'aib arababwira ati: yemwe bantu banjye! Nimugaragire
ALLAH (IMANA) mwizere umunsi w'imperuka kandi
ntimushishikare ku isi muri abangiza. 37. Baramuhinyura
ubwo bakubitwa n'umutigito, bucya bari mu ngo zabo
bapfukamye bapfuye.

38. Ba A'ad na ba Thamuud rwose uko boretswe mu buturo
bwabo byarabagaragariye. Sha'itwaan yabatakiye ibikorwa
byabo abakumira ku nzira y'ukuri. Nyamara bari bakwiriye
kuba abanyabwenge.

39. Na Qaaruun, Fir'aun na Haamaan; rwose Muusa
yabazaniye ibisobanuro, bikuza mu gihugu kandi ntibari abo
kwizibukira. 40. Buri wese twamuhaniye ibyaha bye. Hari
abo twoherereje umuyaga urimo amabuye, hari abakubiswe
n'urusaku, hari abo twarigitishije mu butaka hari n'abo
twarohamishije. Kandi ALLAH (IMANA) ntiyari ubahuguza
ariko bo ubwabo barihuguje.

41. Urugero rw'abishyiriraho abarinzi batari
ALLAH (IMANA) ni nk'urugero rw'igitagangurirwa
cyiyubakiye inzu. Rwose inzu irusha izindi koroha ni inzu
y'igitagangurirwa. Iyaba bari babizi. 42. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) azi ibyo basaba mu bintu bamuretse. Kandi We ni

Utsinda, Ushishoza. 43. Izo ngero turaziha abantu nyamara ntabazumva uretse abamenyi. 44. ALLAH (IMANA) yaremye ibirere n’isi mu kuri. Rwose muri ibyo hari ikimenyetso ku bemera.

45. Soma ibyo uhishurirwa mu gitabo unahozeho Swalaat. Mu by’ukuri Swalaat ibuza ibicumuro n’ibibi. Kwibuka ALLAH (IMANA) ni byo biruta kandi ALLAH (IMANA) azi ibyo mukora.

46. Ntimukagishe impaka ba nyir’igitabo uretse mu buryo bwiza keretse abahuguje muri bo. Muvuge muti: twemeye ibyo twamanuriwe mukanabimanuririrwa. Imana yacu ari yo Mana yanyu ni imwe. Ariko twe kuri yo turi abicishabugufi.

47. Uko ni ko twakumanuriye igitabo (Qur’aan). Abo twahaye igitabo barayemera. No muri abo hari abayemera. Ntabanga amagambo yacu uretse abahakanyi. 48. Ntabwo wasomaga mbere yayo igitabo nta n’ubwo wacyandikishaga indyo yawe. Ubwo abahinyura bari gushidikanya. 49. Ahubwo yo ni ayah zisobanutse ziri mu bituza by’abahawe ubumenyi. Kandi ntawanga amagambo yacu uretse abahuguza.

50. Baravuga bati: iyaba yamanuririrwaga ibitangaza biturutse kwa Nyagasani we. Vuga uti: mu by’ukuri ibitangaza biri kwa IMANA (ALLAH). Rwose jye nta cyo ndi cyo uretse umuburizi ugaragara. 51. Ese ntibibahagije kuba twarakumanuriye igitabo basomerwa!? Mu by’ukuri muri byo hari impuhwe n’urwibutso ku bantu bemera. 52. Vuga uti: ALLAH (IMANA) arahagije kuba umuhamya hagati yanjye namwe. Azi ibiri mu birere n’isi. Naho abemeye ikinyoma bagahakana IMANA (ALLAH), abo ni bo bahombye.

53. Barakwihutisha ngo ubazanire ibihano. Iyo kitaba igihe cyagenwe, ibihano byari kubageraho. Kandi rwose

bizabageraho bibatunguye nabo batabizi. 54. Barakwihutisha ngo ubazanire ibihano nyamara rwose Djahannam igose abahakanyi. 55. Zirikana umunsi ibihano bizabatwikira hejuru yabo no munsi y'ibirenge byabo akavuga ati: ngaho nimusogongere ibyo mwakoraga.

56. Yemwe bagaragu banjye mwemeye! Rwose isi yanjye ni ngari. Ngaho abe ari Jye Jyenyine mugaragira. 57. Buri muntu azasogongera ku rupfu, hanyuma iwacu ni ho muzagarurwa. 58. Abemeye bakanakora ibitunganye rwose tuzabatuza mu magorofa muri Djannah itembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo. Ni igihembo cyiza ku bakora. 59. Babandi bihanganye kandi bakiringira Nyagasani wabo. 60. Ni zingahe mu nyamaswa zidashobora kwishakira amafunguro yazo!? ALLAH (IMANA) akazifungurira hamwe na mwe! Kandi We ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.

61. N'ubabaza uti: ninde waremye ibirere n'isi akanoroshya izuba n'ukwezi? Rwose bazavuga bati: ni IMANA (ALLAH). Ni gute rero bateshwa inzira. 62. ALLAH (IMANA) yagurira amafunguro uwo ashatse mu bagaragu be akanamugerera. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu. 63. N'ubabaza uti: ninde wamanuye amazi mu kirere akayahesha ubuzima isi nyuma y'urupfu rwayo ? Rwose bazavuga bati: ni IMANA (ALLAH). Vuga uti: ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH). Nyamara abenshi muri bo nta bwenge bafite.

64. Ubu buzima bw'isi si ikindi uretse ibidafite umumaro n'umukino. Mu by'ukuri inzu y'imperuka ni yo buzima nyabwo iyo baba babizi. 65. Iyo bagiye mu bwato, basaba ALLAH (IMANA) bamuhariye idini. Yabahonora abagejeje

imusozi ubwo bo bakabangikanya. 66. Nibahakane ibyo twabahaye banishimishe akanya gato! Bazamenya.

67. Ese ntibabona ko twashyizeho Haram itekanye kandi ku mpande zabo abantu bashimutwa!? Ese bemera ikinyoma bagahakana inema za ALLAH (IMANA) ? 68. Ninde uhuguza kurusha uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma cyangwa agahinyura ukuri kwamugeze ho? Ese muri Djahannam si ho buturo bw'abahakanyi!? 69. Abaduharaniye rwose tuzabayobora inzira yacu. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ari kumwe n'abagiraneza.

## Surat 30

# AR'RUUM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim.*

2 Abaroma baratsinzwe. 3 Mu gihugu cya hafi. Nabo nyuma yo gutsindwa kwabo bazatsinda. 4 Mu myaka mike! Itegeko ni irya ALLAH (IMANA) mbere na nyuma. Kandi uwo munsi Abemera bazishimira. 5 Inkunga ya IMANA (ALLAH). Atabara uwo ashaka. Kandi We ni Utsinda, Nyirimbabazi. 6 Ni isezerano rya IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ntanyuranya n'isezerano rye. Ariko abantu benshi ntibabizi. 7 Bazi ibigaragara by'ubuzima bw'isi. Ariko bo ku mperuka ni indangare.

8 Ese ntibatekereza mu mitima yabo ko ALLAH (IMANA) ataremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo uretse mu kuri n'igihe ntarengwa!? Mu by'ukuri abenshi mu bantu

ni abahakana guhura na Nyagasani wabo. 9 Ese ntibari
bagenda ku isi ngo barebe uko iherezo ry’abari imbere
yabo ryari rimeze!? Babarushaga imbaraga, barimye isi
kubarusha baranayubaka kurusha uko bayubatse. Intumwa
zabo zibazanira ibitangaza. ALLAH (IMANA) ntabwo
yari uwo kubahuguza. Ahubwo bo ubwabo barihuguzaga.
10 Maze iherezo ry’abagize nabi riba ibihano bikomeye cyane.
Kubera ko bahinyuye ibitangaza bya ALLAH (IMANA)
kandi ko babaga babinnyega.

11. ALLAH (IMANA) ni We utangira ukurema ni na We
ugusubiramo kandi iwe niho muzagarurwa. 12. Umunsi
imperuka yabaye abagome bazamanjiririrwa. 13. Ntibazagira
mu bigirwamana byabo abavugizi. Kandi bazaba abahakana
ibigirwamana byabo. 14. Umunsi imperuka yabaye uwo
munsi bazatandukana. 15. Abemeye bakanakora ibitunganye,
bo bazaba mu busitani bishimye. 16. Naho abahakanye
bagahinyura amagambo yacu no guhura n’imperuka, abo
bazazanwa ku bihano. 17. Ngaho nimutagatifuze ALLAH
(IMANA) uko mugorobeje n’uko mukesheje. 18. Afite
ishimwe n’ikuzo byuzuye mu birere n’isi n’ijoro n’igihe muri
mu manywa.

19. Akura ikizima mu gipfu akanakura igipfu mu kizima.
Agaha isi ubuzima nyuma yo gupfa kwayo. Uko ni ko
muzazurwa. 20. Mu bimenyetso bye ni uko yabaremye mu
gitaka maze mukaba abantu bororoka. 21. Mu bimenyetso bye
ni uko yabaremeye abagore banyu ababakomoyemo, kugira
ngo mubone ituze kuri bo. Ashyira urukundo n’impuhwe
hagati yanyu. Mu by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku
bantu batekereza.

22. No mu bimenyetso bye ni ukurema ibirere n’isi no

gutandukana kw’indimi zanyu n’amabara yanyu. Mu
by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku biremwa 23. Mu
bimenyetso bye ni ugusinzira kwanyu nijoro no ku manywa
no gushakisha kwanyu mu ngabire ze. Mu by’ukuri muri ibyo
hari ibimenyetso ku bantu bumva. 24. No mu bimenyetso bye,
abereka umurabyo mukagira ubwoba n’icyizere akanamanura
amazi mu kirere, akayahesha ubuzima isi nyuma yo gupfa
kwayo. Mu by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu
bafite ubwenge.

25. No mu bimenyetso bye ni uko ikirere n’isi biriho ku
bw’itegeko rye. Hanyuma nabahamagara uguhamagara ko
kuva mu butaka, ubwo mwe muzavamo. 26. Ibyo mu birere
n’isi ni ibye. Byose bimwicishaho bugufi. 27. Ni We utangira
ukurema nyuma akagusubiramo. Kandi biroroshye kuri
We. Afite urugero rw’ikirenga mu birere n’isi. Kandi ni We
Nyiricyubahiro, Ushishoza.

28. Yabahaye urugero kuri mwe ubwanyu. Ese mwaba
mufite ubufatanye n’abacakara banyu mu byo twabafunguriye
mukaba mubiringaniyemo. Mukaba mubatinya nk’uko
mutinyana ubwanyu? Uko ni ko dusesengurira amagambo
abantu bafite ubwenge. 29. Ahubwo abahuguje bakurikiye
irari ryabo nta bumenyi. Ninde wayobora uwo ALLAH
(IMANA) yayobeje!? Kandi nta batabazi bafite.

30. Harira uburanga bwawe idini Haniifa; umwimerere
wa ALLAH (IMANA) yahangiyeho abantu. Ntaguhindura
ukurema kwa IMANA (ALLAH). Iryo ni ryo dini rigororotse
nyamara abantu benshi ntibabizi. 31. Mumwicuzeho.
Mumugandukire munahozeho Swalaat. Kandi ntimube mu
babangikanya. 32. Muri babandi batandukanyije idini ryabo
bakaba udutsiko. Buri tsinda ryishimiye ibyo rifite.

[33.] N’iyo abantu bafashwe n’ikibi bahamagara Nyagasani wabo bamwicujijeho. Maze yabasogongeza impuhwe zimuturutseho, agatsiko muri bo kakabangikanya Nyagasani wabo. [34.] Ngaho nibahakane ibyo twabahaye. Ngaho nimwishimishe akanya gato. Nyamara muzamenya! [35.] Cyangwa twabamanuriye ibimenyetso simusiga, akaba ari byo bivuga ibyo bamubangikanya.

[36.] Iyo dusogongeje abantu impuhwe barazishimira. Naho ingorane zabageraho kubera ibyo bakoze, ubwo bo bakiheba. [37.] Ese ntibabonako ALLAH (IMANA) yagurira ifunguro uwo ashaka akanagera!? Mu by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu bemera. [38.] Ngaho ha umuvandimwe ukuri kwe, umukene, n’uri k’urugendo. Ibyo ni byo byiza ku bashaka ibihembo bya IMANA (ALLAH). Abo ni bo bazakiranuka. [39.] Ibyo mutanze muri Riba kugira ngo bitubuke mu mitungo y’abantu, ntibyiyongera imbere ya IMANA (ALLAH). Naho ibyo mutanze muri Zakaat mushaka ibihembo bya IMANA (ALLAH), abo ni bo batuburirwa.

[40.] ALLAH (IMANA) ni We wabaremye maze arabafungurira, nyuma abambura ubuzima, maze abasubiza ubuzima. Ese mu bigirwamana byanyu hari igikora kimwe muri ibyo? Ubutagatifu ni ubwe. Kandi arenze ibyo bamubangikanya. [41.] Ubwangizi bwagaragaye imusozi no mu nyanja kubera ibyo abantu bakora, bituma basogongezwa bimwe mu byo bakora ngo bagaruke. [42.] Vuga uti: nimutambagire ku isi murebe ingaruka z’abari imbere uko zari zimeze. Abenshi muri bo bari ababangikanya.

[43.] Harira uburanga bwawe idini rigororotse mbere y’uko haza umunsi uturutse kwa ALLAH (IMANA) udasubizwa inyuma. Uwo munsi bazatandukana. [44.] Uzahakana

ubuhakanyi bwe buzamugaruka. Naho uzakora ibitunganye,.
Abo ni abiteganyiriza. 45. Kugira ngo ahembe mu ngabire ze
abemeye bagakora ibitunganye. Mu by'ukuri We ntakunda
abahakanyi.
46. Mu bimenyetso bye ni ukohereza imiyaga itanga
inkuru nziza no kugira ngo abasogongeze ku mpuhwe ze
no kugira ngo amato agendere ku itegeko rye. No kugira
ngo mushakishe ingabire ze, wenda mwashimira. 47. Rwose
twohereje mbere yawe intumwa ku bantu bazo zibazanira
ibitangaza. Maze duhana abigometse. Kandi byari inshingano
kuri Twe gutabara abemera.
48. ALLAH (IMANA) ni We wohereza imiyaga
ikanyanyagiza ibicu, akabikwiza mu kirere uko ashaka maze
akabigira ibice bice, ukabona imvura ibisohokamo. Iyo
ayihaye abo ashaka mu bagaragu be, ubwo bo barishima.
49. N'ubwo mbere y'uko bayimanurirwa, mbere yayo bari
bihebye. 50. Reba ibimenyetso by'impuhwe za IMANA
(ALLAH)! Uko yahaye isi ubuzima nyuma yo gupfa kwayo.
Mu by'ukuri uwo ni uha ubuzima abapfuye. Kandi We ni
Ushobora cyane buri kintu. 51. N'iyo twakohereza umuyaga
(wangizA) , bakabona (ibihingwA) ari umuhondo, baguma
nyuma yawo bahakana. 52. Rwose wowe ntiwumvisha
abapfu nta n'ubwo wumvisha ibipfamatwi uguhamagara
iyo byahindukiye biteye umugongo. 53. Nta n'ubwo wowe
uri uyobora impumyi mu buyobe bwazo. Ntawe wumvisha
uretse abemera amagambo yacu, bo ni abicishabugufi.
54. ALLAH (IMANA) ni We wabaremye muri abanyantege
nke. Nyuma y'intege nke abaha imbaraga. Nyuma y'imbaraga
abaha intege nke n'ubusaza. Arema uko ashaka. Kandi We ni
Umumenyi cyane, Ushobora cyane. 55. Umunsi imperuka yaje

abagome bazarahirako batabayeho uretse akanya gato. Uko
ni ko bateshwaga inzira. 56. Abahawe ubumenyi no kwemera
bazavuga bati: rwose mwabayeho mu gitabo cya ALLAH
(IMANA) kugeza ku munsi w'izuka. Nguyu umunsi w'izuka
ariko ntimwari mubizi. 57. Uwo munsi impamvu z'abahuguje
nta cyo zizabamarira. Nta n'ubwo bo bazingingwa.

58. Rwose twahaye abantu buri ngero muri ino Qur'aan.
N' ubwo wabazanira igitangaza rwose abahakanye bazavuga
bati: ntacyo muri cyo uretse ababeshyi. 59. Uko ni ko ALLAH
(IMANA) apfundikira imitima y'abadafite ubumenyi.
60. Ihangane! Rwose isezerano rya ALLAH (IMANA) ni
ukuri. Abafite ugushidikanya ntibagutere ubwoba.

Surat 31

# LU'QMAAN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim*

2 Izo ni ayah z'igitabo cyuje ubushishozi. 3 Ni ubuyoboke
n'impuhwe ku bagiraneza. 4 Babandi bahozaho Swalaat
bakanatanga Zakaat, kandi bakemera badashidikanya
imperuka. 5 Abo bari ku buyobozi bwa Nyagasani wabo. Abo
ni bo bazakiranuka.

6 Mu bantu hari ugura ibidafite akamaro mu magambo
kugira ngo ayobye ku nzira ya ALLAH (IMANA) nta
bumenyi akanabigira urunnyego. Abo bafite ibihano
bisuzuguza. 7 Iyo asomewe amagambo yacu atera umugongo
yikuza nk'aho atayumvise, nk'aho mu matwi ye harimo

ibihato. Muhe inkuru nziza y'ibihano bibabaza. [8] Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye bafite Djannah zuje inema.
[9] Bazababamo ubuziraherezo. Ni isezerano rya ALLAH (IMANA) mu kuri. Kandi ni We Nyiricyubahiro, Ushishoza.

[10.] Yaremye ibirere nta nkingi mubona, ashimangira mu isi imisozi kugira ngo itabahungabanya. Akwizamo buri nyamaswa. Twamanuye amazi mu kirere, tumezamo muri buri bwoko bwiza. [11.] Ibi ni ibiremwa bya IMANA (ALLAH). Ngaho nimunyereke ibyo ibitari We byaremye! Ahubwo abahuguza bari mu buyobe bugaragara.

[12.] Rwose twahaye Luq'maan ubushishozi, ngo: Shimira IMANA (ALLAH). N'ushimiye, mu by'ukuri aba ashimiye ku bwe. N'uhakanye rwose ALLAH (IMANA) ni Umukungu, Ushimwa cyane. [13.] Zirikana ubwo Luq'maan yabwiraga umwana we amugira inama ati: mwana wanjye! ntukabangikanye IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri kubangikanya ni uguhuguza guhambaye.

[14.] Twategetse umuntu kugirira (inezA) ababyeyi be. Nyina yamutwitanye intege nke (asanganywe) intege nke no kumucutsa mu myaka ibiri. Nshimira unashimire ababyeyi bawe iwanjye ni ho garukiro. [15.] Nibaguhatira kumbangikanya n'ibyo udafitiye ubumenyi ntuzabumvire. Ariko uzabane nabo ku isi ku neza. Ukurikire inzira y'uwanyicujijeho, maze iwanjye niho garukiro ryanyu nkazababwira ibyo mwakoraga.

[16.] Yewe mwana wanjye! Mu by'ukuri n'ubwo uburemere bw'impeke ya Khar'dal yaba iri mu rutare cyangwa mu birere cyangwa ikuzimu, ALLAH (IMANA) azayizana. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Ugenza buhoro, Umumenyi w' ibyihishe. [17.] Yewe mwana wanjye ! Hozaho

Swalaat, utegeke gukora ibyiza, ubuze ibibi unihanganire ibikubayeho. Rwose ibyo biri mu bikomeye mu mategeko. [18.] Ntuzahindurire abantu itama ryawe wiyemera. Ntukagende ku isi wimaringa. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ntakunda uwimaringa yiyemera. [19.] Ujye uringaniza mu kugenda kwawe, unagabanye ijwi ryawe. Mu by’ukuri ijwi rirusha ayandi ububi, ni ijwi ry’indogobe.

[20.] Ese ntimubonako ALLAH (IMANA) yaborohereje ibiri mu birere n’ibiri mu isi, akabasenderezaho inema ze izigaragara n’izihishe!? Mu bantu hari abajya impaka kuri ALLAH (IMANA) nta bumenyi cyangwa ubuyoboke cyangwa igitabo kimurika. [21.] Iyo babwiwe bati: nimukurikire ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye baravuga bati: ahubwo turakurikira ibyo twasanzeho abakurambere bacu. Ese n’ubwo sha’itwaan yaba abahamagarira ibihano bya Sa’iir!?

[22.] Uweguriye uburanga bwe ALLAH (IMANA) ari n’umugiraneza rwose aba afashe ku mugozi uboshye ukomeye. Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ho hari iherezo ry’ ibintu [23.] N’uwahakanye, ntuzaterwe agahinda no guhakana kwe! Iwacu niho garukiro ryabo tukazababwira ibyo bakoze. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane w’ibiri mu bituza. [24.] Turabashimisha gake maze tuzabashikanuze tubajyana mu bihano bikomeye.

[25.] N’iyo ubabajije uti: ninde waremye ibirere n’isi? Baravuga bati: ni IMANA (ALLAH). Vuga uti: ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH). Ahubwo abenshi muri bo nta bumenyi bafite. [26.] Ibyo mu birere n’isi ni ibya IMANA (ALLAH). Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni We Mukungu, Ushimwa cyane. [27.] N’iyo ibiti biri mu isi byose byaba amakaramu n’inyanja zikunganirwa n’izindi nyanja

ndwi bikandikishwa amagambo ya IMANA (ALLAH), amagambo ya ALLAH (IMANA) ntiyashira. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyiricyubahiro, Ushishoza.

28. Ukuremwa kwanyu no kuzurwa kwanyu byoroshye nko kubikorera umuntu umwe. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Ubona cyane. 29. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) yinjiza ijoro mu manywa, akinjiza amanywa mu ijoro, akoroshya izuba n'ukwezi, byose bigendera ku gihe ntarengwa no kuba ALLAH (IMANA) ari Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora? 30. Ibyo ni uko ALLAH (IMANA) ari We kuri no kuba ibyo basaba bitari We ari ibinyoma no kuba ALLAH (IMANA) ari We Uwikirenga, Umukuru.

31. Ese ntubonako amato agenda mu nyanja ku bw'inema za ALLAH (IMANA) kugira ngo abereke ibimenyetso bye!? Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso kuri buri uwihangana cyane, ushimira cyane. 32. Iyo umuhengeri ubatwikiriye nk'igicucu, basaba ALLAH (IMANA) bamweguriye idini. Yabarokorera imusozi hakabamo abashimira (bidahagije). Kandi ntawe uhakana amagambo yacu uretse buri muhemu, umuhakanyi cyane.

33. Yemwe bantu! mugandukire Nyagasani wanyu munatinye umunsi umubyeyi atazagira icyo amarira umwana we, cyangwa umwana we kugira icyo yamarira umubyeyi we. Rwose isezerano rya ALLAH (IMANA) ni ukuri. Ubuzima bw'isi ntibubashuke. Umushukanyi ntabashuke abakura ku nzira ya IMANA (ALLAH). 34. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) afite ubumenyi bw'imperuka, amanura imvura, azi ibiri muri nyababyeyi. Umuntu ntamenya icyo azakora ejo kandi umuntu ntamenya igihugu azapfiramo. Mu by'ukuri

ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Umumenyi w’
ibyihishe.

Surat 32

# SADJ’DAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Alif Laam Miim*.

2 Uku ni ukumanurwa kw’igitabo kitarimo ugushidikanya
giturutse kwa Nyagasani w’ibiremwa. 3 Cyangwa baravuga
ngo yarayihimbye? Ahubwo cyo ni ukuri. Cyaturutse
kwa Nyagasani wawe. Kugira ngo ukiburirishe abantu
batagezweho n’umuburizi mbere yawe, kugira ngo bayoboke.
4 ALLAH (IMANA) ni We waremye ibirere n’isi n’ibiri
hagati yabyo mu bihe bitandatu maze aganza kuri A’arsh.
Nta wundi murinzi cyangwa umuvugizi mufite utari We. Ese
ntimwibuka!? 5 Areberera ikintu cyose giturutse mu kirere
kigana ku isi. Maze kikazamuka iwe mu munsi ikigero cyawo
ni imyaka igihumbi mu yo mubara. 6 Uwo ni Umumenyi
w’ibitagaragara n’ibigaragara, Utsinda, Nyirimbabazi. 7 We
watunganyije buri kintu yaremye. Yatangiye kurema umuntu
mu ibumba. 8 Hanyuma agira ukororoka kwe agukomora
k’urubyaro ruva mu mazi asuzuguritse. 9 Hanyuma
aramuringaniza amuhuhamo roho ye. Abaha ukumva,
ukubona n’imitima. Ni gake mushimira.
10. Baravuze bati: ese nituburira mu gitaka? Ese ubwo
twe tuzaba mu biremwa bishyashya? Ahubwo bo ni
abahakana uguhura na Nyagasani wabo. 11. Vuga uti:

Mala’ika w’urupfu we wabashinzwe abakuramo roho
zanyu hanyuma kwa Nyagasani wanyu niho muzagarurwa.
12. Iyaba wabonaga ubwo abagome bazaba bubitse imitwe
yabo imbere ya Nyagasani wabo; ayi Nyagasani wacu!
Turabonye turanumvise. Tugarure dukore ibitunganye. Mu
by’ukuri twe turi abemera tudashidikanya. 13. Iyo dushaka
rwose twari guha buri muntu ubuyoboke bwe. Ariko ijambo
rinturutseho ryarahamye ko rwose nzuzuza Djahannam mu
madjinn n’abantu biri hamwe. 14. Ngaho nimusogongere
kubera kwibagirwa guhura n’uyu munsi wanyu mu by’ukuri
Twe twabibagiwe. Nimusogongere ibihano bihoraho kubera
ibyo mwakoraga. 15. Mu by’ukuri abemera amagambo
yacu ni babandi iyo bayibukijwe bitura hasi bubama
bagatagatifuza ishimwe n’ikuzo bya Nyagasani wabo, na bo
batikuza. 16. Imbavu zabo zitarura uburyamo bwabo, basaba
Nyagasani wabo batinya banifuza. Kandi batanga mu byo
twabafunguriye. 17. Nta muntu uzi ibishimisha bahishiwe ari
ibihembo by’ibyo bakoraga.

18. Ese uwemera ni kimwe n’uwigomeka!? Ntibangana!
19. Abemeye bagakora ibitunganye bazagira ubwakiriro
bwa Djannah, ari ubushyitsi kubera ibyo bakoraga. 20. Naho
abigometse ubwakiriro bwabo ni umuriro. Uko bashatse
kuwuvamo bawusubizwamo bakabwirwa bati: ngaho
nimusogongere ibihano by’umuriro mwajyaga muhinyura!
21. Rwose tuzabasogongeza ku bihano byoroheje biri hasi
y’ibihano bikomeye, wenda bagaruka. 22. Ni nde urusha
guhuguza uwibutswa amagambo ya Nyagasani we maze
akayatera umugongo!? Mu by’ukuri Twe tuzahana abagome.

23. Rwose twahaye Muusa igitabo. Ntushidikanye
kuzahura nawe. Twakigize ubuyoboke ku bana ba Israa’iil.

24. Twashyize muri bo abayobozi bayobora ku bw’itegeko
ryacu, ubwo bihanganaga bakanemera badashidikanya
amagambo yacu. 25. Mu by’ukuri Nyagasani wawe ni We
uzabakiranura ku munsi w’izuka mu byo batandukanagaho.
26. Ese ntibasobanukirwa!? Ni bingahe tworetse mbere
yabo mu bisekuru kandi bagenda mu buturo bwabyo!? Mu
by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso. Ese ntibumva!?
27. Ese ntibabonako dusunika amazi ku gihugu cyumagaye
tukayeresha ibimera; amatungo yabo na bo ubwabo baryamo!?
Ese ntibabona!? 28. Baravuga bati: uku gutsinda kuzaba ryari
niba muri abanyakuri!? 29. Vuga uti: umunsi wo gutsinda;
abahakanye, ukwemera kwabo ntacyo kuzabamarira nta
n’ubwo bazarindirizwa. 30. Birengagize unategereze. Mu
by’ukuri bo baraturamye.

Surat 33

# AL AH’ZAAB

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe Muhanuzi! Gandukira ALLAH (IMANA) kandi
ntiwumvire abahakanyi n’abakora Nifaaq. Mu by’ ukuri
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyene, ushishoza.
2 Kurikira ibyo uhishurirwa bituruka kwa Nyagasani wawe.
Mu by’ ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w’ ibyihishe
mu byo mukora. 3 Wiringire IMANA (ALLAH). Kandi
ALLAH (IMANA) arahagije kuba Uwiringirwa.
4 ALLAH (IMANA) ntiyashyiriye umuntu imitima
ibiri mu nda ye. Nta n’ubwo yagize abagore banyu
mukorera Dhwihaar ba nyoko. Ntiyanagize abana mwareze

mukabiyitirira abana banyu. Iyo ni imvugo yanyu muvugisha iminwa yanyu. ALLAH (IMANA) ni We uvuga ukuri, ni na We uyobora inzira. [5] Mubitirire ba se ni byo bigororotse kwa IMANA (ALLAH). Niba mutazi ba se ubwo ni abavandimwe banyu mu idini n'inshuti zanyu. Nta cyaha mufite mu byo mwakoshejemo keretse ibyo imitima yanyu yagambiriye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

[6.] Umuhanuzi ni we ufite uburenganzira ku bemera kurusha ubwo bifiteho. N'abagore be ni ba nyina wabo. N'ab'ibisanira bamwe ku bandi bafite uburenganzira bwo kuzungurana bishingiye ku gitabo cya IMANA (ALLAH), kurusha abemera n'abakoze Hidj'rah. Keretse mukoreye ineza inshuti koya zanyu. Ibyo biranditse mu gitabo.

[7.] Zirikana ubwo twafataga ku bahanuzi isezerano ryabo rikomeye no kuri wowe no kuri Nuuh, Ibraahiim, Muusa, na Isa mwene Mariam. Twabafasheho isezerano rikomeye cyane. [8.] Kugira ngo azabaze abanyakuri ukuri kwabo. Kandi yateguriye abahakanyi ibihano bibabaza.

[9.] Yemwe abemeye! Nimwibuke inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe ubwo ingabo zabateraga, tukazohererereza umuyaga n'ingabo mutabonye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo mukora. [10.] Ubwo babateraga baturutse ruguru yanyu no hepfo yanyu. Ubwo amaso yari yaturumbutse, imitima ikagera mu mihogo, mugakekera ALLAH (IMANA) ugukekeranya kunyuranye. [11.] Iyo, abemera barageragejwe baranatigiswa ugutigiswa gukomeye.

[12.] Zirikana ubwo abakora Nifaaq n'abafite indwara mu mitima yabo bavugaga bati: Ntacyo ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye badusezeranyije uretse ibinyoma. [13.] N'igihe

agatsiko muri bo kavuze kati: yemwe bantu ba Yath’rib! Nta
mutekano mufite! Nimutahe. Agatsiko muri bo kagasaba
umuhanuzi uruhushya kavuga kati: rwose ingo zacu
zirarangaye kandi zitarangaye. Nta kindi bashakaga uretse
guhunga. 14. N’iyo baterwa mu mpande zayo zose maze
bagasabwa ikigeragezo bari kucyitabira. Ntibari kuyigumamo
uretse akanya gato. 15. Rwose bari barasezeranyije ALLAH
(IMANA) mbere, ko batazahunga urugamba. Kandi
isezerano rya ALLAH (IMANA) bazaribazwa. 16. Vuga uti:
uguhunga ntacyo kwabamarira mubaye muhunze urupfu
cyangwa ukwicwa. Erega ubwo ntimwashimishwa uretse
gato! 17. Vuga uti: uyu ni nde wabarinda ALLAH (IMANA)
niba abashakiye ikibi cyangwa abashakiye impuhwe!? Nta
n’ubwo bakwibonera umurinzi cyangwa umutabazi utari
IMANA (ALLAH).

18. Rwose ALLAH (IMANA) azi ababangamira urugamba
muri mwe n’ababwira bene wabo bati: nimudusange! Kandi
ntibajya ku rugamba uretse gake. 19. Ni abanyabugugu kuri
mwe. Iyo haje intambara ubabona bakureba amaso yabo
akanaguzwa nk’utwikiriwe n’urupfu. Ubwoba bwashira
bakabavuga n’indimi zityaye. Ni abanyabugugu k’umutungo!
Abo ntibemeye. ALLAH (IMANA) aburizamo ibikorwa
byabo. Kandi ibyo kwa ALLAH (IMANA) biroroshye.
20. Barakekako udutsiko tutari twagenda! Nyamara udutsiko
twateye, bakwifuzako baba muri ba A’araab babaririza
amakuru yanyu. Kandi n’iyo baba kumwe na mwe ntibarwana
uretse gake.

21. Rwose mufite urugero rwiza rwo gukurikira ku Ntumwa
ya IMANA (ALLAH). Ibyo ni k’uwizera ALLAH (IMANA)
n’umunsi w’imperuka, akanibuka ALLAH (IMANA) kenshi.

22. Ubwo abemera babonaga udutsiko baravuze bati: ibi ni
byo ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye badusezeranyije.
Kandi ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye bavuze ukuri. Nta
cyo byabongereye uretse ukwemera no kwibombarika.
23. Mu bemera hari abantu basohoje ibyo basezeranyijeho
IMANA (ALLAH). Muri bo, hari uwarangije igihe cye no
muri bo hari ugitegereje. Kandi bo ntibahinduye na mba.
24. Kugira ngo ALLAH (IMANA) ahembe abanyakuri kubera
ukuri kwabo anahane abakora Nifaaq nabishaka cyangwa
yakire ukwicuza kwabo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

25. ALLAH (IMANA) asubiza inyuma abahakanye
n'umujinya wabo nta cyiza babonye. ALLAH (IMANA)
Arinda abemera imirwano. Kandi ALLAH (IMANA)
ni Uwimbaraga, Utsinda. 26. Akura ababashyigikiye mu
bahawe igitabo mu birindiro byabo, atera ubwoba mu mitima
yabo. Mwica agatsiko muri bo akandi mukagira imfungwa
z'intambara. 27. Abaha kuzungura ubutaka bwabo, amazu
yabo, imitungo yabo n'ubutaka mutigeze mukandagiraho.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu.

28. Yewe muhanuzi! Bwira abagore bawe uti: niba mushaka
ubuzima bw'isi n'imitako yayo, nimuze mbashimishe maze
mbahe Twalaaq ku neza. 29. Kandi niba mushaka IMANA
(ALLAH), intumwa ye n'inzu y'imperuka. Mu byukuri
ALLAH (IMANA) yateguriye abagiraneza muri mwe
ibihembo bihambaye. 30. Yemwe bagore b'Umuhanuzi! Muri
mwe uzakora ikibi kigaragara, azakubirwa ibihano kabiri.
Kandi ibyo kwa ALLAH (IMANA) biroroshye.

31. Uzibombarika muri mwe kuri IMANA (ALLAH),
agakora ibitunganye tuzamuha ibihembo bye inshuro ebyiri

kandi twamuteguriye amafunguro meza. 32. Yemwe bagore
b'Umuhanuzi! Ntimumeze nk'undi wese mu bagore. Niba
muganduka ntimukoroshye imvugo ufite indwara mu mutima
we akaba yakwifuza. Kandi mujye muvuga ijambo ryiza.

33. Mugume mu ngo zanyu ntimwitake ukwitaka kwa
djaahiliyyah ya mbere. Muhozeho Swalaat, mutange
Zakaat munumvire ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) arashaka kubakuraho umwanda
yemwe bantu bo mu nzu y'Intumwa anabasukure rwose.
34. Muzirikane ibisomerwa mu ngo zanyu mu magambo ya
ALLAH (IMANA) n'ubushishozi. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Ugenza buhoro, Umumenyi w'ibyihishe.

35. Mu by'ukuri abaislaam n'abaislamukazi, abemera
n'abemerakazi, abibombarika n'abibombarika mu bagore,
abanyakuri n'abanyakuri mu bagore, abihangana n'abihangana
mu bagore; abicisha bugufi n'abicisha bugufi mu bagore,
abatanga Swadaqah n'abatanga Swadaqah mu bagore,
abasiba n'abasiba mu bagore, abarinda ubwambure bwabo
n'abarinda ubwambure bwabo mu bagore, abibuka ALLAH
(IMANA) kenshi n'abibuka ALLAH (IMANA) kenshi mu
bagore; ALLAH (IMANA) yabateguriye uguhanagurwaho
ibyaha n'ibihembo bihambaye. 36. Ntibikwiye k'umwemera
cyangwa umwemerakazi iyo ALLAH (IMANA) n'Intumwa
ye baciye iteka, ko bagira amahitamo mu byabo. Uzigomeka
kuri ALLAH (IMANA) n'intumwa ye rwose azaba ayobye
ukuyoba kugaragara.

37. Zirikana ubwo wabwiraga uwo ALLAH (IMANA)
yahundagajeho inema ukanamugirira neza uti: Gumana
umugore wawe unatinye IMANA (ALLAH). Uhisha muri
wowe ibyo ALLAH (IMANA) azagaragaza unatinya abantu

kandi ALLAH (IMANA) ari We ukwiriye kuba watinya; ubwo Zaid amaze kumuha Twalaaq, twaramugushyingiye kugira ngo bitaba ikizira ku bemera kurongora abagore b'abana biyitirira iyo bamaze kubaha Twalaaq. Itegeko rya ALLAH (IMANA) rigomba kubahirizwa. [38.] Nta mugayo k'Umuhanuzi mu byo ALLAH (IMANA) yamutegetse. Uwo ni umugenzo wa ALLAH (IMANA) ku bahise mbere. Kandi itegeko rya ALLAH (IMANA) ni ihame rihamye. [39.] Abasohoza ubutumwa bwa ALLAH (IMANA) bakanamutinya ntibagire undi wese batinya uretse IMANA (ALLAH). Kandi birahagije kuba ALLAH (IMANA) ari Umubaruzi. [40.] Muhammad ntabwo ari se w'umwe muri mwe. Ariko ni intumwa ya ALLAH (IMANA) akaba n'umusozo w'abahanuzi. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

[41.] Yemwe abemeye! Nimwibuke ALLAH (IMANA) ukwibuka kwinshi. [42.] Munamusingize igitondo n'igicamunsi. [43.] Ni We ubagirira impuhwe n'Abamala'ika be bakazibasabira kugira ngo abakure mu mwijima abaganisha ku rumuri. Kandi ni Nyirimbabazi ku bemera. [44.] Indamutso yabo umunsi bazahura na We ni Salaam. Kandi yabateganyirije ibihembo byiza.

[45.] Yewe Muhanuzi! Mu by'ukuri Twe twakohereje uri umuhamya, utanga inkuru nziza n'uburira. [46.] Unahamagarira kuyoboka ALLAH (IMANA) k'ubushake bwe, uri n'itara rimurika. [47.] Kandi utange inkuru nziza ku bemera ko bafite ingabire zihambaye ziturutse kwa IMANA (ALLAH). [48.] Ntiwumvire abahakanyi n'abakora Nifaaq ntiwite ku nabi yabo kandi wiringire IMANA (ALLAH). Birahagije kuba ALLAH (IMANA) ari Uwiringirwa.

49. Yemwe abemeye! Nimurongora abemerakazi hanyuma
mukabaha Twalaaq mbere y’uko mugirana imibonano,
nta Iddah muzababarira. Mubashimishe munabasezerere
ugusezerera kwiza.
50. Yewe Muhanuzi! Mu by’ukuri Twe twakuziruriye
abagore bawe wahaye inkwano zabo, abacakarakazi mu
bo ALLAH (IMANA) yaguhayeho iminyago, abakobwa
ba so wanyu, abakobwa ba ba nyogosenge, abakobwa ba
nyokorome, abakobwa ba ba nyoko wanyu bakoranye Hidj’rah
na we. N’ umugore w’umwemerakazi iyo yihaye Umuhanuzi,
Umuhanuzi ashatse kumurongora; ni umwihariko wawe
ntibireba abemera. Tuzi ibyo twabategetse ku bagore babo
n’abacakarakazi babo kugira ngo bitazakubera umugayo.
Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi.
51. Urindiriza uwo ushaka muri bo, ukanacumbikira uwo
ushaka. Nta mugayo kuri wowe mu gutumira uwo warindirije.
Ibyo byegereye kunyurwa kwabo ntibagire agahinda.
Banishimire ibyo wabahaye bose. ALLAH (IMANA) azi ibiri
mu mitima yanyu. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane, Umwitonzi. 52. Ntuziruriwe abagore nyuma y’aho
cyangwa kubagurana abandi bagore, n’ubwo washimishwa
n’ubwiza bwabo. Keretse abacakarakazi bawe. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Umugenzuzi wa buri kintu.
53. Yemwe abemeye! Ntimukinjire mu ngo z’Umuhanuzi
keretse mwatumiwe ku ifunguro, mudategereje ugushya
kwaryo. Ariko nimutumirwa mujye mwinjira. Nimumara
gufungura mujye mugenda mudakujije ibiganiro. Mu
by’ukuri ibyo byababazaga Umuhanuzi akabagirira isoni.
Kandi ALLAH (IMANA) ntagira isoni ku kuri. Nimugira

icyo mubasaba mujye mukibasabira inyuma y'urusika. Ibyo ni byo byereye imitima yanyu n'imitima yabo. Kandi ntibikwiriye kuri mwe kubabaza intumwa ya ALLAH (IMANA) cyangwa ko murongora abagore bayo nyuma yayo na rimwe. Mu by'ukuri ibyo ni igicumuro gihambaye kwa IMANA (ALLAH). 54. Mwagira icyo mugaragaza cyangwa mukagihisha; mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

55. Nta mugayo kuri bo ku birebana na ba se, abahungu babo, basaza babo, abahungu ba basaza babo, abahungu b'abavandimwe babo (bakuru babo cyangwa barumuna babo), abagore nka bo cyangwa abacakara babo. Nimugandukire ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umuhamya kuri buri kintu.

56. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) aha impuhwe ze Umuhanuzi n'Abamala'ika bakazimusabira. Yemwe abemeye! Nimumusabire impuhwe munamusabire rwose amahoro. 57. Rwose abatoteza ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye, ALLAH (IMANA) yarabavumye ku isi no ku mperuka anabategurira ibihano bisuzuguza. 58. N'abatoteza abemera n'abemerakazi nta cyo bakoze rwose baba bikoreye ikinyoma cyeruye n'igicumuro kigaragara.

59. Yewe Muhanuzi! Bwira abagore bawe, abakobwa bawe n'abagore b' abemera bikwizeho imyenda yabo minini. Ibyo ni byo byegereye gutuma bamenyekana ntibatotezwe. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. 60. Abakora Nifaaq, abafite indwara mu mitima yabo n'abakwirakwiza ibihuha muri Madiinah nibatarekera aho, rwose tuzagushishikariza kubatera. Maze ntibazaturanemo nawe uretse igihe gito. 61. Ni ibivume.

Aho basanzwe hose nibafatwe kandi bicwe nabi. 62. Uwo ni
umugenzo wa ALLAH (IMANA) ku bahise mbere. Kandi
ntuzabonera umugenzo wa ALLAH (IMANA) ikiwuhindura.

63. Abantu barakubaza ku mperuka. Vuga uti: mu by’ukuri
ubumenyi bwayo buri kwa IMANA (ALLAH). Wabwirwa
n’iki? Wenda imperuka iri hafi. 64. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) yavumye abahakanyi anabategurira Sa’iir.
65. Bazayibamo ubuziraherezo. Ntibazabona umurinzi
cyangwa umutabazi. 66. Umunsi uburanga bwabo
buzahindagurwa mu muriro, bavuga bati: iyaba twarumviye
ALLAH (IMANA) twaranumviye Intumwa! 67. Bazanavuga
bati: ayi Nyagasani wacu! Twe twumviye abatware bacu
n’abakuru bacu, batuyobya inzira. 68. Ayi Nyagasani wacu!
Bahe ibihano byikubye kabiri unabavume umuvumo
uhambaye.

69. Yemwe abemeye! Ntimukamere nka babandi batoteje
Muusa, ALLAH (IMANA) akamwezaho ibyo bavugaga.
Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni umunyacyubahiro
70. Yemwe abemeye ! Nimugandukire ALLAH (IMANA)
kandi muvuge ijambo rihwitse. 71. Abatunganyirize ibikorwa
byanyu anabahanagureho ibyaha byanyu. N’uwumvira
ALLAH (IMANA) n’intumwa ye, rwose azatsinda ugutsinda
guhambaye.

72. Mu by’ukuri Twe twamurikiye ibirere, isi n’imisozi
inshingano byanga kuyikorera biranayitinya. Umuntu
arayikorera. Rwose we ni uhuguza cyane, injiji cyane.
73. Kugira ngo ALLAH (IMANA) azahane abakoze
Nifaaq n’abakoze Nifaaq b’abagore, ababangikanya
n’ababangikanya b’abagore. ALLAH (IMANA) anakire

ukwicuza kw'abemera n'abemerakazi. Kandi ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

## Surat 34

# SABA'U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) We
ufite ibyo mu birere n'ibyo mu isi. Kandi afite ishimwe
n'ikuzo byuzuye ku mperuka. Ni We Ushishoza, Umumenyi
w'ibyihishe. 2 Azi ibyinjira mu butaka n'ibisohokamo
n'ibimanuka mu kirere n'ibikizamukamo. Kandi ni We
Nyirimbabazi, Uhebuje mu guhanagura ibyaha.
3 Abahakanye baravuze bati: imperuka ntizatugeraho. Vuga
uti: yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye Umumenyi
w'ibyihishe, rwose izabageraho. Ikigero cya dharrah mu
birere cyangwa mu isi ntikimwihisha, cyangwa igito kuri
icyo cyangwa ikinini uretse ko biri mu gitabo kigaragara.
4 Kugira ngo ahembe abemeye bakanakora ibitunganye.
Abo bafite uguhanagurwaho ibyaha n'amafunguro meza.
5 Naho abashishikariye kunaniza mu magambo yacu abo
bafite ibihano bikomeye, bibabaza. 6 Abahawe ubumenyi
babona ko ibyo wamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe
ariko kuri, kandi ko biyobora ku nzira y'Utsinda, Ushimwa
cyane.
7. Abahakanye baravuze bati: ese tubereke umuntu
ubabwira ko nimucagagurwa ugucagagurwa kose, rwose ko
muzaremwa bushya!? 8. Ese yahimbiye ALLAH (IMANA)
ikinyoma? Cyangwa afite ibisazi? Ahubwo abatemera

imperuka bari mu bihano n'ubuyobe bwa kure. [9.] Ese ntibabona ikirere n'isi biri imbere yabo n'inyuma? Tubishatse twabarigitisha mu butaka cyangwa tukabaturaho igisate giturutse mu kirere. Mu by'ukuri muri ibyo hari ikimenyetso kuri buri mugaragu ugaruka.

[10.] Mu by'ukuri twahaye Daawuud ingabire ziduturutseho. Yemwe misozi n'inyoni! Nimusingize hamwe na we. Twanamworohereje ubutare. [11.] Cura neza ingabo unaringanize ibyungo by'umunyururu munakore ibitunganye. Mu by'ukuri ku byo mukora ndi Ubona cyane.

[12.] Naho Sula'imaan twamworohereje umuyaga. Ukugenda kwawo mu gitondo bingana (n'urugendo) rw'ukwezi no kugaruka kwawo ni mugoroba bingana (n'urugendo) rw'ukwezi. Twanamushongeshereje isoko y'umuringa. Twamworohereje mu madjinn akorera imbere ye ku itegeko rya Nyagasani we. N' iriciye ukubiri muri yo n'itegeko ryacu, tuzarisogongereza ku bihano bya Sa'iir. [13.] Amukorera ibyo ashaka; Mih'raab, amashusho, amasiniya magari nk'ibizenga n'inkono zishimangiye. Yemwe bantu ba Daawuud! Mukore mushimira. Kandi ni bake mu bagaragu banjye, abashimira.

[14.] Ubwo twamugeneraga urupfu, ntacyayeretse urupfu rwe, uretse agasimba ko mu butaka kariye inkoni ye. Aguye, amadjinn asobanukirwa ko iyo aza kuba azi ibyihishe ntaba yaragumye mu bihano bisuzuguza.

[15.] Mu by'ukuri ba Saba'i bari bafite ikimenyetso mu buturo bwabo. Ubusitani bubiri, iburyo n'ibumoso. Nimurye mu mafunguro ya Nyagasani wanyu munamushimire. Umujyi mwiza na Nyagasani Uhebuje mu guhanagura ibyaha! [16.] Batera umugongo. Tubohererereza umwuzure usenya urugomero. Tunabaguranira imirima yabo; imirima

ibiri ifite imbuto zirura, Athli na Sidr nkeya. 17. Ibyo nibyo
twabahembye kubera ko bahakanye. Ese hari abo duhana
uretse abahakanyi!?
18. Dushyira hagati yabo n’imidugudu twahaye umugisha,
imidugudu igaragara. Tuyigeramo ingendo. Muyigendemo
amajoro n’amanywa mutekanye. 19. Baravuga bati: ayi
Nyagasani wacu! Ingendo zacu zigire ndende! Barihuguza
ubwabo. Tubagira inkuru turanabacagagura ugucagagura
kose. Mu by’ukuri muri ibyo hari ibimenyetso kuri buri
uwihangana cyane, ushimira cyane.
20. Mu by’ukuri Ibliis yahamije ugukeka kwe kuri bo.
Baramukurikira uretse itsinda mu bemera. 21. Ntabwo yari
abafiteho ubushobozi uretse kugira ngo twerekane uwemera
imperuka n’uyishidikanyaho. Nyagasani wawe kuri buri
kintu ni Umurinzi.
22. Vuga uti: Nimuhamagare abo muhimba muretse IMANA
(ALLAH). Ntibatunze ikingana n’uburemere bwa dharrah mu
birere cyangwa mu isi. Nta n’ubwo banabifitemo ubufatanye.
Nta n’ ubwo afite muri bo umufasha. 23. Nta buvugizi kuri we
usibye uwabiherewe uruhushya kugeza ubwo bazakurwaho
ubwoba ku mitima yabo. Bazavuga (Abamala’ikA) bati: ni
iki Nyagasani wanyu yavuze? Bazavuga bati: ni ukuri kandi
ni We Uwikirenga, Umukuru.
24. Vuga uti: ni nde ubaha amafunguro aturutse mu kirere
no ku butaka? Vuga uti: ni IMANA (ALLAH)! Kandi mu
by’ukuri twe cyangwa mwe turi ku buyoboke cyangwa
ku buyobe bugaragara. 25. Vuga uti: ntimubazwa ku byo
twacumuye natwe ntitubazwa ku byo mukora. 26. Vuga uti:
azadukoranya Nyagasani wacu maze adukiranure mu kuri.
Kandi We ni Umukiranuzi, Umumenyi cyane. 27. Vuga uti:

Nimunyereke abo mwamubangikanyije ari abafasha. Oya!
Ahubwo We ni IMANA (ALLAH), Utsinda, Ushishoza.

28. Ntitwakohereje uretse kuba utanga inkuru nziza
n'uburira ku bantu bose. Ariko abenshi mu bantu ntibabizi.
29. Baravuga bati: iri sezerano rizaba ryari niba muri
abanyakuri!? 30. Vuga uti: mufite isezerano ry'umunsi
mutazakererwaho isaha cyangwa ngo muryihutisheho isaha.

31. Abahakanye bazavuga bati: ntituzemera iyi Qur'aan
cyangwa ibyayibanjirije. Iyaba wabonaga abahuguje
bahagaritswe kwa Nyagasani wabo basubizanya amagambo;
abanyantegenke babwira abikujije bati: iyo mutaza kuba
mwe rwose twari kuba abemera. 32. Abikujije babwira
abanyantegenke bati: ese nitwe twababakumiriye ku kuyoboka
nyuma y'uko kubageraho? Ahubwo mwari abagome.
33. Abanyantegenke babwira abikujije bati: ahubwo wari
umugambi w'ijoro n'amanywa ubwo mwadutegekaga
guhakana ALLAH (IMANA) no kumushyiriraho
ibigirwamana. Bahisha ukwicuza ubwo babonaga ibihano.
Dushyira iminyururu mu majosi y'abahakanye. Ese hari ibyo
bahemberwa uretse ibyo bakoraga!?

34. Ntabwo twohereje mu mudugudu umuburizi uretse
ko abaherwe bawo bavugaga bati: mu by'ukuri twe turi
abahakana ibyo mwoherezanyijwe na byo. 35. Baravuga
bati: nitwe tubarusha umutungo n'abana nta n'ubwo twe
turi abahanwa. 36. Vuga uti: mu by'ukuri Nyagasani wanjye
yagurira amafunguro uwo ashaka akanagera. Ariko abantu
benshi ntibabizi. 37. Si umutungo wanyu cyangwa abana
banyu bibazana hafi yacu ahubwo abemeye bagakora
ibitunganye, abo bafite ibihembo byikubye kenshi kubera
ibyo bakoraga. Kandi bo mu magorofa bazaba batekanye.

38. N’abashishikara babangamira ayah zacu, abo bazazanwa
mu bihano. 39. Vuga uti: mu by’ukuri Nyagasani wanjye
yagurira amafunguro uwo ashatse mu bagaragu be
akanamugerera. N’icyo mutanze we arakibashumbusha. Ni
We urusha abatanga amafunguro.

40. Zirikana umunsi azabakoranya bose maze akabwira
Abamala’ika ati: ese aba ni mwe bagaragiraga!? 41. Baravuga
bati: ubutagatifu ni ubwawe! Ni wowe Murinzi wacu si bo.
Ahubwo bagaragiraga amadjinn abenshi muri bo kuri yo, ni
abemera. 42 Uyu munsi bamwe ntibafite icyagirira abandi
akamaro cyangwa icyabagirira nabi. Tuzabwira abahuguje
tuti: musogongere ibihano by’umuriro mwahakanaga.

43. Iyo basomewe ayah zacu zisobanutse baravuga bati:
Uyu ntacyo ari cyo usibye umuntu ushaka kubakumira ku
byo ababyeyi banyu bagaragiraga. Baranavuga bati: iki si
ikindi uretse ikinyoma cy’igihimbano. Abahakanye baravuze
ubwo ukuri kwabageragaho bati: iki si ikindi uretse uburozi
bugaragara. 44. Ntabwo twabahaye ibitabo basoma kandi nti
twanabohererereje mbere yawe umuburizi. 45. Abababanjirije
barahinyuye nta n’ubwo bageze ku cyacumi cy’ibyo
twabahaye bahinyura intumwa zanjye. Ni gute igihano
cyanjye cyari kimeze ?

46. Vuga uti: rwose ndabagira inama imwe ; ko mwahaguruka
kubera ALLAH (IMANA) babiri babiri, n’umwe umwe
hanyuma mutekereze. Mugenzi wanyu nta bisazi afite. We
ntacyo ari cyo uretse umuburizi kuri mwe mbere y’ibihano
bikaze. 47. Vuga uti: icyo mbasabye mu gihembo kiba ari
icyanyu. Igihembo cyanjye nta handi kiri uretse kwa IMANA
(ALLAH). Kandi We kuri buri kintu ni Umuhamya.

48. Vuga uti: mu by’ukuri Nyagasani wanjye yohereza

ukuri. Ni Umumenyi w'ibitagaragara. 49. Vuga uti: ukuri kwaraje kandi ikinyoma ntikigira icyo gitangiza ntikinagira icyo gisubiranya. 50. Vuga uti: ninyoba nzaba nyobye ku bwanjye. Ariko ninyoboka ni ukubera ibyo Nyagasani wanjye ampishurira. Mu by'ukuri We ni Uwumva cyane, Uri hafi.

51. Iyaba wabonaga bagize ubwoba ntagucika, bacakiririwe ahantu ha hafi. 52. Bazavuga bati: twaramwemeye, ni gute bakwakira ukwemera kandi bari ahantu ha kure!? 53. Kandi rwose baramuhakanye mbere, bagakekeranya ku byihishe bahereye ahantu ha kure. 54. Bazitirwa hagati yabo n'ibyo bifuzaga nk'uko byakorewe abari bameze nkabo mbere. Mu by'ukuri bo bari mu gushidikanya guteye amakenga.

Surat 35

# FAATWIR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH), umuhanzi w'ibirere n'isi, wagize Abamalaika intumwa ba nyir'amababa abiri abiri, atatu atatu n'ane ane. Yongera mu kurema ibyo ashaka. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) kuri buri kintu ni Ushoboye cyane. 2 Ibyo ALLAH (IMANA) ahaye abantu mu mpuhwe ntawe wabibuza. N'ibyo afashe ntawe wabirekura nyuma ye. Kandi ni We Utsinda, Ushishoza.

3 Yemwe bantu! Muzirikane inema za ALLAH (IMANA) kuri mwe. Ese hari umuremyi wundi utari ALLAH (IMANA) ubafungurira ibiturutse mu birere n'isi? Nta yindi mana uretse We. Ni gute muteshwa inzira? 4 Nibaguhinyura mu by'ukuri

intumwa zakubanjirije zarahinyuwe. Kandi kwa ALLAH
(IMANA) niho ibintu bigarurwa.

5. Yemwe bantu! Mu by'ukuri isezerano rya ALLAH
(IMANA) ni ukuri. Ntimurangazwe n'ubuzima bw'isi. Kandi
rwose umushukanyi ntabateshe IMANA (ALLAH). 6. Rwose
sha'itwaan kuri mwe ni umwanzi. Nimumugire umwanzi.
Mu kuri ahamagarira abambari be kuba muri ba nyiri Sa'iir.
7. Abahakanye bafite ibihano bikaze. Naho abemeye bagakora
ibitunganye, bafite uguhanagurwaho ibyaha n'ibihembo
bihebuje.

8. Ese uwatakiwe ibikorwa bye bibi akabibonako ari
ibyiza!? Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ayobya uwo ashaka
akanayobora uwo ashaka. Umutima wawe ntugire agahinda
kubera bo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane w'ibyo bakora.

9. ALLAH (IMANA) ni We wohereza imiyaga
ikanyanyagiza ibicu, tukabyohereza ku gihugu cyapfuye,
tukayizuza ubutaka nyuma yo gupfa kwabwo. No kuzuka
ni nk'uko. 10. Ushaka icyubahiro, icyubahiro cyose ni icya
IMANA (ALLAH). Ijambo ryiza rizamuka iwe. N'ibikorwa
bitunganye arabizamura. Na ho abacura imigambi mibi
bafite ibihano bikaze. Imigambi yabo yo ni impfabusa.
11. ALLAH (IMANA) yabaremye mu gitaka, hanyuma mu
ntanga, hanyuma abagira gabo na gore. Nta mugore utwita
cyangwa ngo abyare uretse ku bumenyi bwe. Ntawe uramba
mu baramba nta n'ubaho igihe gito mu buzima bwe uretse
ko biri mu gitabo. Mu by'ukuri ibyo kwa ALLAH (IMANA)
biroroshye.

12. Inyanja ebyiri ntizihwanye: imwe ni urubogobogo
ruryohereye yoroshye kunyobwa, indi ni urwunyunyu rukaze.

Kandi muri buri imwe muryamo inyama y'umwimerere munakuramo imitako mwambara. Ubona amato muri zo agenda atema amazi kugira ngo mushakishe mu ngabire ze, no kugira ngo mushimire. 13. Yinjiza ijoro mu manywa akaninjiza amanywa mu ijoro. Yoroheje izuba n'ukwezi buri kimwe kigendera ku gihe kizwi. Uwo ni We ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu ufite ubwami nyabwo. Naho abo musaba batari We ntibatunze habe na Qitw'miir. 14. Iyo mubasabye ntibumva ubusabe bwanyu banumvise ntibababasubiza. Kandi ku munsi w'izuka bazahakana ukubangikanya kwanyu. Ntawe wakubwira nk'Umumenyi w'ibyihishe!

15. Yemwe bantu! Mwe muri abatindi kwa IMANA (ALLAH). Kandi ALLAH (IMANA) ni We Mukungu, Ushimwa cyane. 16. Abishatse yabakuraho, akazana ibiremwa bishya. 17. Kandi ibyo kuri IMANA (ALLAH), si ibinaniranye. 18. Ntawe wikorera ibyaha by'undi. N'iyo uremerewe n'ibyaha yatabaza ngo akizwe uwo mutwaro nta kintu na kimwe bamwikorerera n'ubwo yaba uw'isano. Mu by'ukuri uburira abatinya Nyagasani wabo batamubona bakanahozaho Swalaat. N'uwiyejeje mu by'ukuri aba yiyejeje kubwe. Kandi kwa ALLAH (IMANA) ni ryo garukiro.

19. Impumyi ntihwanye n'ubona. 20. Cyangwa umwijima n'urumuri. 21. Cyangwa igicucu n'ubushyuhe. 22. Nta n'ubwo abazima bahwanye n'abapfu. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yumvisha uwo ashaka. Wowe nturi uwumvisha abari mu mva. 23. Ntacyo uri cyo uretse umuburizi. 24. Rwose Twe twakohereje mu kuri. Uri uvuga inkuru nziza n'umuburizi. Kandi nta ummah yabayeho uretse ko yabayemo umuburizi. 25. Nibaguhinyura rwose abari imbere yabo barahinyuye nyamara Intumwa zabo zarabazaniye ibitangaza, inyandiko

n’ibitabo bimurika. 26. Maze nkacira abahakanye. Ibihano
byanjye byari bimeze bite!?
27. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) yamanuye mu kirere
amazi tukayameresha imbuto zitandukanye mu mabara yazo?
No mu misozi harimo amayira yera n’atukura, afite amabara
atandukanye n’ay’umukara cyane. 28. Mu bantu, inyamaswa
n’amatungo na byo bitandukanye mu mabara yabyo. Mu
by’ukuri abatinya ALLAH (IMANA) mu bagaragu be ni
abamenyi. Rwose ALLAH (IMANA) ni Utsinda, Uhebuje
mu guhanagura ibyaha.
29. Mu by’ukuri abasoma igitabo cya IMANA (ALLAH),
bagahozaho Swalaat bakanatanga mu byo twabafunguriye
mu ibanga no ku mugaragaro, bizera ubucuruzi butazahomba.
30. Kugira ngo abuzurize ibihembo byabo anabongerere mu
ngabire ze. Mu by’ukuri We ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Ushima cyane. 31. Ibyo twaguhishuriye mu gitabo ni
ko kuri. Biremeza ibiri imbere yabyo. Mu by’ukuri ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi w’ibyihishe by’abagaragu be,
Ubona cyane.
32. Maze turaga igitabo abo twatoranyije mu bagaragu
bacu. Muri bo hari uwihuguza, muri bo hari uringaniye no
muri bo hari uri imbere mu byiza ku bushake bwa IMANA
(ALLAH). Izo ni zo ngabire zihambaye. 33. Djannah
zihoraho bazazinjiramo. Bazatakwamo ibikomo bya zahabu
na Lu’ulu’u. N’imyambaro yabo muri zo izaba ari Hariir.
34. Bazavuga bati: Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya IMANA
(ALLAH), We watumaze agahinda. Mu by’ukuri Nyagasani
wacu ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Ushima cyane.
35. We wadutuje mu nzu ihoraho ku bw’ingabire ze. Umuruho
ntuzadufatiramo nta n’ubwo tuzagiramo umunaniro.

[36.] Naho abahakanye bafite umuriro wa Djahannam. Ntibarangizwa ngo bapfe nta n'ubwo bagabanyirizwa ibihano byawo. Uko ni ko duhemba buri muhakanyi.
[37.] Bo bazaba baborogeramo; ayi Nyagasani wacu! Dusohore dukore ibitunganye bitari ibyo twakoraga. Ese ntitwabahaye ubuzima uwakibutse yakwibukiramo n'umuburizi akaba yarabagezeho!? Ngaho nimusogongere. Abahuguza nta mutabazi bafite.

[38.] Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu birere n'isi. Rwose We ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza. [39.] Ni We wabagize abasigire ku isi. Uzahakana ubuhakanyi bwe buzamugaruka. Kandi abahakanyi nta kindi ubuhakanyi bwabo bubongerera imbere ya Nyagasani wabo uretse uburakari. Kandi abahakanyi nta kindi ubuhakanyi bwabo bubongerera uretse igihombo.

[40.] Vuga uti: ese ntimubona ibigirwamana byanyu musaba muretse IMANA (ALLAH)? Nimunyereke icyo byaremye mu isi cyangwa bifite ubufatanye mu birere? Cyangwa twabahaye igitabo bakaba bakizobereyemo? Ahubwo abahuguza nta kindi bisezeranya ubwabo k'ubwabo uretse ibishuko. [41.] Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) afashe ibirere n'isi kugira ngo bidahungabana. Binaramutse bihungabanye nta n'umwe wabifata nyuma ye. Rwose ni Umwitonzi, Uhebuje mu guhanagura ibyaha.

[42.] Barahiye ku izina rya ALLAH (IMANA) indahiro yabo ikomeye; rwose nitugerwaho n'umuburizi tuzarusha ubuyoboke ummah izo ari zo zose. Umuburizi abagezeho ntacyo byabongereye uretse guhunga. [43.] Ari ukwikuza ku isi n'ubugambanyi bubi. Kandi ingaruka z'ubugambanyi bubi nta wundi zigarukira uretse nyirabwo. Ese hari icyo bategereje

uretse imigenzo y'abo hambere? Ntuzabonera imigenzo ya
ALLAH (IMANA) ingurane, nta n'ubwo uzabonera imigenzo
ya ALLAH (IMANA) uguhinduka. 44. Ese ntibari bagenda ku
isi ngo barebe uko iherezo ry'abari imbere yabo ryari rimeze
ari bo babarushaga imbaraga!? Kandi ALLAH (IMANA) nta
cyamunanira mu birere cyangwa ku isi. Mu by'ukuri we ni
Umumenyi cyane, Ushobora cyane.
45. Iyo ALLAH (IMANA) ahanira abantu ibyo bakora
nta n'inyamaswa yasiga ku mugongo wayo (isi). Ariko
abarindirije igihe kizwi. Igihe cyabo nikiza, mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) ni Ubona cyane abagaragu be.

## Surat 36

# YAASIIN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Yaasiin*.

2 Ndahiye Qur'aan yuje ubushishozi. 3 Mu by'ukuri wowe
uri mu ntumwa. 4 Ku nzira igororotse. 5 Imanurwa n'Utsinda,
Nyirimbabazi. 6 Kugira ngo uburire abantu ababyeyi babo
batigeze baburirwa, bo ni indangare.
7 Rwose ijambo ryahamye kuri benshi muri bo, bo
ntibemera. 8 Mu by'ukuri Twe twashyize mu majosi yabo
iminyururu igeze ku twananwa, bo bararamye bahumirije.
9 Twashyize imbere yabo inzitizi n'inyuma ya bo inzitizi,
turabatwikira bo ntibabona. 10 Ni kimwe kuri bo wababurira
cyangwa ntubaburire ntibazemera. 11 Mu by'ukuri uburira
ukurikira urwibutso akanatinya Nyirimpuhwe atamubona.

Muhe inkuru nziza yo guhanagurwaho ibyaha n'ibihembo
byiza.

12. Rwose Twe ni Twe tuzura abapfuye tukanandika ibyo
bakoze n'ibimenyetso byabo. Kandi buri kintu twakibaruye
byimazeyo mu gitabo gisobanura.

13. Bahe urugero rw'abantu b'umudugudu ubwo
intumwa zabageragaho. 14. Ubwo twabohererezaga ebyiri
bakazihinyura. Tuzishyigikiza iya gatatu. Ziravuga: Mu
by'ukuri twe twoherejwe kuri mwe. 15. Baravuga bati: mwe
ntacyo muri cyo uretse kuba abantu nkatwe. Nta n'ikintu
Nyirimpuhwe yamanuye, mwe nta cyo mukora uretse ko
mubeshya. 16. Ziravuga ziti: Nyagasani wacu azi ko rwose
twe turi intumwa kuri mwe. 17. Nta nshingano dufite uretse
gusohoza ubutumwa busobanutse. 18. Baravuga bati: mu
by'ukuri turabona mudutera umwaku. Nimutarekera aho
rwose tuzabatera amabuye n'ibihano bibabaza bizabageraho
biduturutseho. 19. Ziravuga ziti: umwaku wanyu uri kumwe
namwe!? Ese ni uko mwibukijwe? Ahubwo mwe muri abantu
barengera.

20. Haza umuntu aturutse mu nkengero z'umujyi
yihuta aravuga ati: bantu banjye! Nimukurikire intumwa.
21. Nimukurikire abatabasaba ibihembo kandi bo ni
abayobotse.

22. Ni kuki ntagaragira Uwampanze kandi iwe ariho
muzasubizwa? 23. Ese nishyirireho ibigirwamana muretse?
Nyirimpuhwe anshakiye ikibi ubuvugizi bwabyo nta cyo
bwamarira nta n'ubwo byandokora. 24. Mu by'ukuri jye ubwo
naba ndi mu buyobe bugaragara. 25. Mu by'ukuri jye nemeye
Nyagasani wanyu nimunyumve. 26. Arabwirwa ati: injira
muri Djannah. Aravuga ati: iyaba abantu banjye bamenyaga!

27. Uko Nyagasani wanjye yampanaguyeho ibyaha
akananshyira mu bubahitse!
28. Ntabwo twamanuriye abantu be nyuma ye ingabo
ziturutse mu kirere. Nta n'ubwo twari abo kuzimanura.
29. Ntacyabaye uretse urusaku rumwe ubwo bose baba
barazimye. 30. Mbega akababaro ku bagaragu. Nta ntumwa
yabageragaho uretse ko bayinnyegaga. 31. Ese ntibabona,
ni bingahe mu bisekuru byari mbere yabo tworetse
bitabagarukira? 32. Rwose bose iwacu ni ho bazazanwa.
33. Ikimenyetso kuri bo ni igihugu cyapfuye tukakizura
tukacyezamo impeke, muri zo hakaba izo barya.
34. Tugishyiramo imirima y'imitende n'imizabibu,
duturitsamo amasoko. 35. Kugira ngo barye mu bimera
byayo n'ibyakozwe n'amaboko yabo. Ese ntibashima?
36. Ubutagatifu ni ubw'Uwaremye gabo na gore muri byose;
mu byezwa ku isi, muri bo no mu byo batazi.
37. Ikimenyetso kuri bo ni ijoro; turibamburaho amanywa
ubwo bakaba mu mwijima. 38. Izuba rigendera mu mwanya
waryo. Uko ni ukugera k'Utsinda, Umumenyi cyane.
39. Ukwezi twakugereye ibyiciro, kugeza ubwo kugarutse
nk'ishami ry'umutende rishaje. 40. Ari izuba ntirishobora
kugera ku kwezi cyangwa ngo ijoro ritange amanywa. Kandi
byose biri mu myanya yabyo byogoga.
41. Ikimenyetso cyabo ni uko Twe twahetse urubyaro rwabo
mu bwato bwikoreye. 42. Tubaremera ibisa nabwo mu byo
burira. 43. Tubishatse twaboreka, ubwo nta mutabazi babona
nta n'ubwo bo barokorwa. 44. Uretse impuhwe ziduturutseho
n'ibyishimo kugeza ku gihe ntarengwa.
45. N'iyo babwiwe bati: nimutinye ibiri imbere yanyu
n'inyuma yanyu kugira ngo mugirirwe impuhwe.

46. Nta kimenyetso mu bimenyetso bya Nyagasani wabo
cyabageragaho uretse ko bagiteraga umugongo. 47. N'iyo
babwiwe bati: nimutange mu byo ALLAH (IMANA)
yabafunguriye. Abahakanye babwira abemera bati:
ese tugaburire uwo iyo ALLAH (IMANA) ashaka yari
kumugaburira? Nta handi mwe muri uretse mu buyobe
bugaragara.

48. Baravuga bati: ese iri sezerano rizaba ryari niba muri
abanyakuri? 49. Ntacyo bategereje uretse urusaku rumwe
ruzabakacira na bo bari mu mpaka. 50. Ntibashobora kubona
umwanya wo kuraga cyangwa ngo basubire ku babo.
51. Impanda izahuhwamo maze bo basohoke mu mva bihutira
kwa Nyagasani wabo. 52. Bazavuga bati: mbega ukorama
kwacu! Ninde utuzuye mu buryamo bwacu? Ibi ni byo
Nyirimpuhwe yasezeranyije kandi intumwa zavuze ukuri.
53. Nta kizaba uretse urusaku rumwe ubwo bo bose babe
bazanywe iwacu.

54. Uyu munsi ntacyo umuntu ari buhuguzwe nta n'ubwo
muhembwa uretse ibyo mwakoraga. 55. Mu by'ukuri abo muri
Djannah kuri uwo munsi bazaba bahuze, bishimye. 56. Bo
n'abo bashakanye bazaba bari mu gicucu ku buriri begamye.
57. Bafitemo imbuto kandi bazaba bafitemo ibyo bifuza.
58. (BazabwirwA) Salaam, ari ijambo riturutse kwa Nyagasani,
Nyirimbabazi.

59. Ngaho yemwe bagome! Nimwivangure none. 60. Ese
yemwe bana ba Aadam! Sinabategetse ko mutazagaragira
sha'twaan? Mu by'ukuri we kuri mwe ni umwanzi ugaragara.
61. Ko mugomba kungaragira. Iyo ni yo nzira igororotse.
62. Rwose we yayobeje muri mwe ibiremwa byinshi. Ese nta
bwenge mwagiraga!? 63. Ngiyi Djahannam mwasezeranywaga.

64. Nimuyinjire none, kubera ko mwahakanaga. 65. Uyu munsi
turaziba iminwa yabo, amaboko yabo atuvugishe n'amaguru
yabo ahamye ibyo bakoraga.
66. N'iyo dushaka twari gukuraho amaso yabo
bagatanguranwa ku nzira, ni gute babona? 67. N'iyo dushaka
twari kubahindurira aho bari, ntibashobore kugenda kandi
ntibagaruke. 68. N'uwo duhaye kuramba, tumusubiza inyuma
mu ndemo. Ese nta bwenge bafite? 69. Ntabwo twamwigishije
ibisigo nta n'ubwo bimukwiriye. Yo si ikindi uretse urwibutso
na Qur'aan isobanuye. 70. Kugira ngo aburire umuzima.
Ijambo rihame ku bahakanyi.
71. Ese ntibabona ko Twe twabaremeye mu byo
amaboko yacu yakoze, amatungo bo bakaba bayatunze?
72. Turayaborohereza muri yo hari ayo bagendaho no muri
yo hari ayo barya. 73. Banayafitemo inyungu n'ibyo kunywa.
Ese ntibashimira? 74. Bishyiriyeho ibigirwamana baretse
IMANA (ALLAH), kugira ngo batabarwe. 75. Ntibishobora
kubatabara. Ahubwo byo kuri bo ni ingabo zizanwa
kubarwanya. 76. Ntuterwe agahinda n'amagambo yabo. Mu
by'ukuri Twe tuzi ibyo bahisha n'ibyo bagaragaza.
77. Ese umuntu ntabonako Twe twamuremye mu ntanga!?
Ubwo we akaba umunyempaka ugaragara. 78. Yaduhaye
urugero yibagirwa ukuremwa kwe aravuga ati: ninde
wazura aya magufa kandi yo ari ubuvungukira? 79. Vuga uti:
uzayazura ni uwayaremye ku nshuro ya mbere. Kandi We ni
Umumenyi cyane wa buri kiremwa. 80. Uwabashyiriye mu giti
cy'icyatsi (kitumye) umuriro. Ubwo mwe mukaba mugicana.
81. Ese uwaremye ibirere n'isi ntashoboye kurema ibindi
nka byo? Yego! Ni We Muremyi cyane, Umumenyi cyane.
82. Mu by'ukuri itegeko rye iyo yashatse ikintu ni ukukibwira:

Ba! Kikaba. [83.] Ubutagatifu ni Ubw' ufite mu kuboko kwe ubwami bwa buri kintu. Kandi iwe ni ho muzagarurwa.

Surat 37

# AS-SWAFAAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Ndahiye Abamala'ika batonda imirongo nyabyo.
[2] N'abasunika nyabyo ibicu. [3] N'abasoma bibutsa. [4] Mu
by'ukuri Imana yanyu ni imwe. [5] Nyagasani w'ibirere n'isi
n'ibiri hagati ya byo ni na Nyagasani w'Uburasirazuba.

[6] Mu by'ukuri Twe twatakishije ikirere cy'isi imitako
y'inyenyeri. [7] No gukumira buri sha'itwaan wigometse.
[8] Ntizishobora kumviriza ibikomerezwa byo mu kirere, kandi
ziterwa mu mpande zose. [9] Zirukanwa. Kandi zifite ibihano
bihoraho. [10] Keretse iyibye gatoya, zigakurikizwa ikibatsi
kimurika.

[11.] Basobanuze! Ese ni bo bakomeye mu irema
cyangwa ibyo twaremye. Mu by'ukuri twabaremye mu
ibumba ryoroshye. [12.] Ahubwo uratangara, bo bannyega.
[13.] N'iyo bibukijwe ntibibuka. [14.] N'iyo babonye ibitangaza
barannyega. [15.] Bakavuga bati: iki si ikindi uretse uburozi
bugaragara. [16.] Ese nidupfa tugahinduka igitaka n'amagufa
koko twe tuzazurwa? [17.] Cyangwa abakurambere bacu ba
mbere? [18.] Vuga uti: yego! Kandi mwe musuzuguritse.

[19.] Mu by'ukuri yo izaba impanda imwe ubwo bagahita
babona. [20.] Bazavuga uti: mbega ukorama kwacu! Uyu munsi
ni umunsi w'ibihembo. [21.] Uyu ni umunsi wo gukiranura
mwahinyuraga. [22.] Mukoranye abahuguje n'abambari

babo n'ibyo bagaragiraga. 23. Bitari IMANA (ALLAH),
mubayobore inzira ibaganisha kuri Djahiim. 24. Mubahagarike
mu by'ukuri bo ni ababazwa. 25. Ni kuki mudatabarana!?
26. Ahubwo bo uyu munsi ni abitanze batsinzwe.
27. Bamwe bazahindukirira abandi babazanya.
28. Bavuge bati: mu by'ukuri mwe mwatugeragaho muduhata.
29. Baravuga bati: ahubwo ntimwari abemera. 30. Nta bushobozi
twari tubafiteho. Ahubwo mwari abantu barengera. 31. Ijambo
rya Nyagasani wacu riraduhama. Mu by'ukuri twese turi
abasogongera. 32. Twarabayoboje. Mu by'ukuri twe twari
abayobye. 33. Mu by'ukuri uwo munsi bo bazaba bafatanyije
ibihano. 34. Rwose Twe uko ni ko tugenzereza abagome.
35. Mu by'ukuri bo iyo babwirwaga ko nta yindi mana
ikwiye kugaragirwa uretse ALLAH (IMANA) barikuzaga.
36. Bakavuga bati: ese koko twe tureke imana zacu kubera
umusizi w'umusazi!? 37. Ahubwo yazanye ukuri anahamya
intumwa. 38. Mu by'ukuri mwe muri abasogongera ibihano
bibabaza. 39. Ntacyo muhemberwa uretse ibyo mwakoraga.
40. Uretse abagaragu ba ALLAH (IMANA) bejejwe.
41. Abo bafite amafunguro azwi. 42. Imbuto. Kandi bo ni
abazimanirwa. 43. Muri Djannah zuje inema. 44. Ku buriri
bateganye. 45. Bazengurutswamo ibirahuri by'ikinyobwa
gitemba. 46. Cyererana, kiryohera abanywi. 47. Nta
kiyobyabwenge kirimo nta n'ubwo kibasindisha. 48. Bafitemo
abagore biyubashye bafite amaso manini. 49. Bameze nka
Lu'ulu'u ipfunyitse.
50. Bazahindukirana ubwabo k'ubwabo babazanya.
51. Uvuga muri bo azavuga ati: rwose jye nari mfite inshuti.
52. Yaravugaga ati: ese rwose wowe uri mu bemera? 53. Ese
ubwo nidupfa tukaba igitaka n'amagufa, ese rwose tuzabazwa?

54. Aravuga ati: ese mwe murareba? 55. Aritegereza amubona
rwagati muri Djahiim. 56. Aravuga ati: TA-LLAHI! Wari
hafi kunyoreka. 57. Iyo zitaba inema za Nyagasani wanjye
nari kuba mu bazanywe. 58. Ese twe ntabwo turi abo gupfa!?
59. Uretse urupfu rwacu rwa mbere. Kandi twe ntituri mu
bazahanwa!? 60. Mu by'ukuri uku ni ko gutsinda guhambaye.
61. Kubera nk'ibi, abakora nibakore.

62. Ese iryo ni ryo zimano riruta, cyangwa igiti cya
Zaqquum. 63. Rwose twakigize ikigeragezo ku bahuguza.
64. Cyo ni igiti gisohoka mu ndiba ya Djahiim. 65. Imbuto
zacyo zimeze nk'imitwe ya za sha'itwaan. 66. Rwose bo
bazaziryaho bazanazuzuza inda. 67. Maze mu by'ukuri bo
bazarenzaho uruvange rw'amazi yatuye. 68. Hanyuma rwose
igarukiro ryabo rizaba ari kuri Djahiim. 69. Rwose bo basanze
abakurambere babo barayobye. 70. Bo bakaba bagera ikirenge
mu cyabo bihuta. 71. Rwose abenshi mu ba mbere bayobye
mbere yabo. 72. Rwose twaboherejemo ababurizi. 73. Itegereze
uko iherezo ry'ababuriwe ryari rimeze. 74. Uretse abagaragu
ba ALLAH (IMANA) bejejwe.

75. Mu by'ukuri Nuuh yaraduhamagaye. Ni Twe beza
bitaba. 76. Tumurokora we nabe mu nsanganya zihambaye.
77. Tugira urubyaro rwe kuba ari rwo rusigara. 78. Tumusigira
izina ryiza mu ba nyuma. 79. Amahoro ni abe kuri Nuuh mu
biremwa. 80. Mu by'ukuri uko ni ko duhemba abagira neza.
81. Rwose we ari mu bagaragu bacu bemera. 82. Nyuma
turohamya abandi. 83. Rwose mu bantu be hari Ibraahiim.
84. Ubwo yaganaga Nyagasani we n'umutima wera.
85. Zirikana ubwo yabwiraga se n'abantu be ati: mugaragira
iki? 86. Ese ibihimbano by'ibigirwamana muretse ALLAH

(IMANA) ni byo mushaka? 87. Mutekereza iki kuri Nyagasani
w'ibiremwa?
88. Yitegereza mu nyenyeri. 89. Aravuga ati: rwose
jye ndarwaye. 90. Bahindukira bamutera umugongo.
91. Yinyabya ku bigirwamana byabo aravuga ati: ese ntimurya?
92. Kuki mutavuga? 93. Arabyerekera abikubitisha indyo.
94. Bamugarukira bihuta. 95. Aravuga ati: ese mugaragira
ibyo mubaza? 96. Kandi ALLAH (IMANA) yarabaremye
n'ibyo mukora. 97. Baravuga bati: nimumwubakire inyubako
mumunage mu muriro ugurumana. 98. Bashaka kumukorera
akagambane tubagira abo hasi. 99. Aravuga ati: rwose
jye ngannye kwa Nyagasani wanjye azanyobora. 100. Ayi
Nyagasani wanjye! Mpa mbe mu ntungane. 101. Tumuha
inkuru nziza y'umuhungu witonda.
102. Amaze kugera aho bagendana aravuga ati: yewe
mwana wanjye! Rwose jye nabonye mu nzozi nkubaga
urabivugaho iki? Aravuga ati: Dawe! Kora icyo utegekwa,
uransanga ALLAH (IMANA) nabishaka mu bihangana.
103. Bamaze kumvira, akamwubika. 104. Turamuhamagara;
yewe Ibraahiim! 105. Rwose wakabije inzozi. Mu by'ukuri
uko ni ko Twe duhemba abagiraneza. 106. Rwose iki
nicyo kigeragezo kigaragara. 107. Tumucunguza igitambo
gihambaye. 108. Tumusigira izina ryiza mu ba nyuma.
109. Amahoro ni abe kuri Ibraahiim. 110. Uko ni ko duhemba
abagiraneza. 111. Mu by'ukuri we ari mu bagaragu bacu
bemera. 112. Tumuha inkuru nziza ya Is'haaq ari umuhanuzi
mu batunganye. 113. Tumuhundagazaho imigisha no kuri
Is'haaq. Mu rubyaro rwabo hari abagiraneza n'abihuguza mu
buryo bugaragara.
114. Mu by'ukuri twahundagaje inema kuri Muusa na

Haaruun. 115. Turabarokora n'abantu babo mu nsanganya
zihambaye. 116. Turabatabara baba ari bo batsinda. 117. Tubaha
igitabo gisobanutse. 118. Tunabayobora inzira igororotse.
119. Tubasigira izina ryiza mu ba nyuma. 120. Amahoro ni
abe kuri Muusa na Haaruun. 121. Mu by'ukuri uko ni ko Twe
duhemba abagiraneza. 122. Rwose bo bari mu bagaragu bacu
bemera.

123. Mu by'ukuri Il'yaas ari mu ntumwa. 124. Zirikana
ubwo yabwiraga abantu be ati: ese ntimuganduka?
125. Ese murasaba Ba'al mukareka Uhebuje mu baremyi?
126. ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu akaba na Nyagasani
w'abakurambere banyu bo hambere. 127. Baramuhinyura.
Rwose bo bazazanwa. 128. Uretse abagaragu ba ALLAH
(IMANA) bejejwe. 129. Tumusigira izina ryiza mu ba nyuma.
130. Amahoro ni abe kuri Il'yaasiin 131. Mu by'ukuri uko ni ko
Twe duhemba abagiraneza. 132. Rwose we ari mu bagaragu
bacu bemera.

133. Mu by'ukuri Luutw ari mu ntumwa. 134. Ubwo
twamurokoraga we n'abe bose. 135. Keretse umukecuru
mu boretswe. 136. Maze turimbura abandi. 137. Rwose mwe
mubanyuraho mu gitondo. 138. Na nijoro. Ese ntabwenge
mufite?

139. Mu by'ukuri Yuunus ari mu ntumwa. 140. Ubwo
yacikiraga mu bwato bwikoreye. 141. Atera tombora aba
mu batsindwa. 142. Ifi imumira bunguri, nawe agawa.
143. Iyo rwose we ataba mu basingiza. 144. Yari kuguma mu
nda yayo kugeza umunsi bazazurwa. 145. Tumunaga ku butaka
butera na we arwaye. 146. Tumwerezaho ikimera cy'igihaza.
147. Tumwohereza ku bantu ibihumbi ijana cyangwa barenga.
148. Baremera tubashimisha igihe gito.

149. Basobanuze! Ese Nyagasani wawe afite abakobwa,
bakagira abahungu? 150. Cyangwa twaremye Abamala'ika ari
abakobwa, bo bahari? 151. Mumenye ko rwose mu guhimba
kwabo bavuga (bati:). 152. ALLAH (IMANA) yarabyaye.
Rwose bo ni ababeshyi. 153. Ese yahisemo abakobwa
ku bahungu? 154. Ni gute mwe mukiranura? 155. Ese
ntimutekereza? 156. Cyangwa mufite ibimenyetso bigaragara?
157. Ngaho nimuzane igitabo cyanyu niba muri abanyakuri!
158. Bashyize hagati ye n'amadjinn isano. Nyamara
amadjinn aziko yo azazanwa. 159. Ubutagatifu ni ubwa
ALLAH (IMANA) ku byo bavuga. 160. Uretse abagaragu ba
ALLAH (IMANA) bejejwe. 161. Mu by'ukuri mwe n'ibyo
mugaragira. 162. Ntawe mushobora kugerageza. 163. Uretse
uzinjira muri Djahiim. 164. Nta n'umwe muri twe uretse ko
afite umwanya uzwi. 165. Mu by'ukuri twe turi abatonda
umurongo. 166. Kandi rwose ni twe dusingiza.
167. N'ubwo bwose bo bavuga (bati :). 168. Iyaba twagiraga
urwibutso rw'abo hambere. 169. Twari kuba abagaragu
ba ALLAH (IMANA) bejejwe. 170. Barayihakana kandi
bazamenya. 171. Rwose ijambo ryacu ryahawe mbere
abagaragu bacu b'intumwa. 172. Mu by'ukuri bo ni bo
batabawe. 173. Kandi mu by'ukuri ingabo zacu ni zo zitsinda.
174. Birengagize igihe gito. 175. Ubasobanurire wenda
bazasobanukirwa.
176. Ese ibihano byacu ni byo bihutisha? 177. Ubwo
bizamanuka mu mbuga zabo, kizaba ari igitondo kibi
cy'ababuriwe. 178. Birengagize igihe gito. 179. Urebe wenda
bazareba. 180. Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wawe,
Nyagasani w'icyubahiro ku byo bavuga. 181. Amahoro ni abe

ku ntumwa. 182. N'ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH
(IMANA) Nyagasani w'ibiremwa byose.

Surat 38

# SWAAD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Swaad*.

Ndahiye Qur'aan ifite urwibutso. 2 Ahubwo abahakanye bari
mu bwibone n'amacakubiri. 3 N'ibisekuru bingahe tworetse
mbere yabo, bigatabaza impitagihe?
4 Batangajwe no kugerwaho n'umuburizi ubakomokamo.
Abahakanyi bakavuga bati: uyu ni umurozi w'umubeshyi.
5 Ese yahinduye imana zose Imana imwe? Mu by'ukuri iki
ni ikintu gitangaje. 6 Ibikomerezwa muri bo bikataza bivuga;
nimugende kandi mushikame ku mana zanyu. Mu by' ukuri
uyu ni umugambi wateguwe. 7 Ibi ntitwigeze tubyumva mu
migenzo ya nyuma. Ibi si ikindi uretse ibihimbano. 8 Ese
yamanuriwe gute urwibutso muri twe? Ahubwo bo bari mu
gushidikanya ku rwibutso rwanjye. Ahubwo ntibarasogongera
ku bihano byanjye.
9. Cyangwa bafite ibigega by'impuhwe za Nyagasani
wawe Utsinda, Ugaba cyane!? 10. Cyangwa bafite ubwami
bw'ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo!? Ngaho nibazamuke
mu buryo ubwo ari bwo bwose! 11. Bo ni ingabo z' udutsiko
zizatsindwa. 12. Mbere yabo abantu ba Nuuh, ba A'ad na
Fir'aun nyir'imambo, barahinyuye. 13. Na ba Thamuud
n'abantu ba Luutw n'abi A'ikah. Abo ni udutsiko. 14. Nta na

kamwe muri two uretse ko kahinyuye intumwa. Ubwo ibihano
byanjye biba ihame. 15. Aba nta cyo bategereje uretse urusaku
rumwe rudafite guhagarara. 16. Baravuze bati: ayi Nyagasani
wacu! Twihutishirize igeno ryacu mbere y'umunsi w'ibarura.

17. Ihanganire ibyo bavuga. Wibuke umugaragu wacu
Daawuud nyir'amaboko. Mu by'ukuri we ni ugaruka.
18. Mu by'ukuri Twe twamworohereje imisozi isingizanya
nawe nimugoroba na mu gitondo. 19 N'inyoni zikoranyijwe.
Byose ni ibimugarukira. 20 Dukomeza ubwami bwe. Tumuha
ubushishozi no gusobanura imvugo.

21. Ese wagezweho n'inkuru y'abashyamiranye, ubwo
buriraga Mih'raab. 22. Ubwo binjiraga kwa Daawuud,
arabikanga. Baravuga bati: ntutinye! Turi amatsinda abiri
ashyamiranye rimwe ryarengereye irindi. Kiranura hagati
yacu mu kuri, ntubogame unatuyobore inzira igororotse.

23. Mu by'ukuri uyu muvandimwe wanjye afite inyagazi
mirongo cyenda n'icyenda, nkagira inyagazi imwe, akaba
avuga ati: yindagize, kandi aranganza mu mvugo. 24. Aravuga
ati: rwose yaraguhuguje kugusaba inyagazi yawe ngo ayongere
mu ze. Mu by'ukuri abenshi mu bafatanyije imitungo bamwe
barengera abandi, uretse abemeye bakanakora ibitunganye,
kandi bo ni bake. Daawuud amenyako twamugerageje asaba
Nyagasani we kumuhanaguraho ibyaha. Yitura hasi yubama
aranicuza. 25. Tumuhanaguraho ibyo ibyaha. Mu by'ukuri we
iwacu ni uri hafi, anafite igarukiro ryiza.

26. Yewe Daawuud! Rwose Twe twakugize umusigire ku
isi. Kiranura abantu mu kuri, ntukurikire irari, rikakuyobya
ku nzira ya IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri abayoba ku
nzira ya ALLAH (IMANA) bafite ibihano bikomeye, kubera
kwibagirwa umunsi w'ibarura.

27. Ntabwo twaremye ikirere n'isi n'ibiri hagati ya byo ku
busa. Uko ni ugukeka kw'abahakanye. Ibihano bikomeye by'
umuriro bizaba ku bahakanye. 28. Cyangwa se tugire abemeye
bagakora ibitunganye kimwe n' abononnyi ku isi!? Cyangwa
tugire abaganduka kimwe n'inkozi z'ibibi!? 29. Iki gitabo
twakikumanuriye cyuje imigisha kugira ngo bitegereze ayah
zacyo no kugira ngo abanyabwenge bibuke.

30. Daawuud tumuha Sula'imaan. Ni umugaragu mwiza.
Mu by'ukuri we ni ugaruka cyane. 31. Ubwo yamurikirwaga
nimugoroba ifarasi z'ubwoko bwiza ziruka cyane.
32. Aravuga ati: rwose nakunze ubukungu mburutisha kwibuka
Nyagasani wanjye kugeza izuba rirenze ryihisha. 33. Ngaho
nimuzingarurire! Atangira kuzitema amaguru n'amajosi.

34. Rwose twagerageje Sula'imaan, tunaga igihundugembe
ku ntebe ye hanyuma aricuza. 35. Aravuga ati: ayi Nyagasani
wanjye! Mpanaguraho ibyaha byanjye unangabire ubwami
budakwiriye undi nyuma yanjye. Mu by'ukuri ni Wowe
Ugaba cyane. 36. Tumworohereza umuyaga ugenda neza ku
itegeko rye aho ashatse. 37. Na za sha'itwaan izubaka n'izibira
zose. 38. N'izindi ziboshye ku minyururu. 39. Iyi ni impano
yacu. Tanga cyangwa ukomeze nta mubare. 40. Mu by'ukuri
we iwacu ni uri hafi, anafite igarukiro ryiza.

41. Zirikana umugaragu wacu Ayuub, ubwo yahamagaraga
Nyagasani we; mu by'ukuri jye sha'itwaan yanteye
umuruho n'ububabare. 42. Kubitisha ikirenge cyane ubutaka.
Ngubu ubwiyuhagiriro bukonje n'ikinyobwa. 43. Tumuha
umuryango we n'abandi nkawo, ari impuhwe ziduturutseho
n'urwibutso ku banyabwenge. 44. Fata umuba n'akaboko
kawe uwukubitishe kugira ngo utica indahiro. Mu by'ukuri

twamwerekanye ari uwihangana. Ni umugaragu mwiza. Mu
by'ukuri we ni ugaruka cyane.

45. Zirikana abagaragu bacu: Ibraahiim, Is'haaq na
Ya'aquub; ba nyir'amaboko n'ubushishozi. 46. Rwose Twe
twabejeje n'umuco mwiza wo kwibuka imperuka. 47. Kandi
bo iwacu bari mu batoranyijwe ari beza. 48. Zirikana Is'maa'il,
Al'Yasa'a na Dhal'kifli bose bari mu manzi.

49. Uru ni urwibutso. Mu by'ukuri abaganduka bafite
igarukiro ryiza. 50. Djannah zihoraho. Bafunguriwe imiryango
yazo. 51. Begamye muri zo banahamagarizamo imbuto nyinshi
n'ibinyobwa. 52. Bafitemo abagore biyubashye b'urungano.
53. Ibi ni byo musezeranywa by'umunsi w'ibarura. 54. Mu
by'ukuri iri ni ifunguro ryacu ridateze kuzashira.

55. Ni ibyo! Abayobye bafite igarukiro ribi.
56. Djahannam bazayinjiramo. Kandi ni isaso mbi. 57. Ngiyi
nibayisogongere. Ni amazi yatuye n'amashyira. 58. N'ibindi
nkayo by'ingeri nyinshi. 59. Aka ni agatsiko karunzwemo
hamwe namwe. Ntikahawe ikaze. Rwose ko ni ako kujya
mu muriro. 60. Baravuga bati: ahubwo mwe ntimwishimiwe,
mwe mwabituzaniye. Ni icyicaro kibi. 61. Baravuga bati:
ayi Nyagasani wacu! Uwatuzaniye ibi mwongerere ibihano
byikubye, mu muriro. 62. Baranavuga bati: ko tutabona
abantu twabaraga mu babi!? 63. Ese twabagize urunnyego
cyangwa amaso ntababona? 64. Mu by'ukuri ibyo ni ukuri;
gusubiranamo kw' abantu bo mu muriro.

65. Vuga uti: rwose jye ndi umuburizi. Nta yindi mana
uretse ALLAH (IMANA) Umwe, Uganza. 66. Nyagasani
w'ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo, Utsinda,Uhanagura
ibyaha cyane. 67. Vuga uti: iyo ni inkuru ihambaye. 68. Mwe
murayirengagiza. 69. Nta bumenyi nari mfite, ubwo ibiremwa

byo hejuru byajyaga impaka. [70.] Nta kindi mpishurirwa, uretse kuba jye ndi umubirizi ugaragara.

[71.] Zirikana ubwo Nyagasani wawe yabwiraga Abamala'ika ati: mu by'ukuri Jye ndarema umuntu mu ibumba. [72.] Nimara kumutunganya, nkamuhuhamo roho yanjye, mumugwire hasi mwubamye. [73.] Abamala'ika barubama bose hamwe. [74.] Uretse Ibliis yarikujije aba mu bahakanye. [75.] Aravuga ati: yewe Ibliis! Ni iki cyakubujije kubamira icyo naremesheje amaboko yanjye? Ese wikujije cyangwa uri mu bishyize hejuru? [76.] Aravuga ati: ni jye mwiza kumurusha. Wandemye mu muriro we umurema mu ibumba. [77.] Aravuga ati: yisohokemo! Rwose wowe uri ikivume. [78.] Kandi rwose ufite umuvumo wanjye kugeza ku munsi wo kwishyura.

[79.] Aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Ndindiriza kugeza ku munsi bazazurwa. [80.] Aravuga ati: rwose uri mu barindirizwa. [81.] Kugeza ku munsi w'igihe kizwi. [82.] Aravuga ati: Ku bw'icyubahiro cyawe rwose nzabayobya bose. [83.] Keretse abagaragu bawe muri bo bejejwe. [84.] Aravuga ati: ni ukuri kandi ukuri ni ko mvuga. [85.] Rwose nzakuzurisha wowe n'abagukurikiye muri bo bose Djahannam.

[86.] Vuga uti: simbibasabira igihembo nta n'ubwo jye ndi mu bihandagaza. [87.] Yo si ikindi uretse kuba urwibutso ku biremwa. [88.] Kandi rwose muzamenya inkuru yayo nyuma y'igihe gito.

## Surat 39

# AZ'ZUMAR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Uku ni ukumanurwa kw'igitabo giturutse kwa ALLAH
(IMANA) Utsinda, Ushishoza. 2 Rwose Twe twakumanuriye
igitabo mu kuri. Garagira ALLAH (IMANA) umwereje
idini. 3 Menyako idini ryeze ari irya IMANA (ALLAH).
Naho abishyiriyeho abarinzi baretse ALLAH (IMANA)
(bavugA) : Ntitubagaragira uretse kugira ngo batwegereze
hafi ya IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
azabakiranura mu byo batandukanagaho. Rwose ALLAH
(IMANA) ntayobora umubeshyi w'umuhakanyi.
4 Iyo ALLAH (IMANA) ashaka kwiha umwana yari
gutoranya uwo ashatse mu byo yaremye. Ubutagatifu ni ubwe.
Ni We ALLAH (IMANA) Umwe, Uganza. 5 Yaremye ibirere
n'isi mu kuri. Azengurutsa ijoro ku manywa akanazengurutsa
amanywa ku ijoro. Akanoroshya izuba n'ukwezi. Byose
biragendera ku gihe ntarengwa, mumenyeko We ari Utsinda,
Uhanagura ibyaha cyane.
6. Yabaremye abakomoye ku muntu umwe. Hanyuma
amuremamo umugore we. Abamanurira mu matungo gabo na
gore umunani. Abarema mu nda za ba nyoko ukurema nyuma
y'ukurema mu myijima itatu. Uwo ni ALLAH (IMANA)
Nyagasani wanyu afite ubwami nyabwo. Nta yindi Mana
uretse We. Ese muraganishwa he?
7. Nimuhakana mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Umukungu kuri mwe kandi ntiyishimira ubuhakanyi ku
bagaragu be. Nimunashimira arabibakirira. Nta muntu

wikorera icyaha cy’undi. Hanyuma kwa Nyagasani wanyu
ni ryo garukiro ryanyu azababwira ibyo mwakoraga. Mu
by’ukuri We ni Umumenyi cyane w’ibiri mu bituza.

8. Iyo umuntu agezweho n’ikibi, ahamagara Nyagasani
we amwicuzaho. Hanyuma yamuha inema ze, akibagirwa
ibyo yahamagariraga mbere. Agashyiriraho ALLAH
(IMANA) ibigirwamana, kugira ngo ayobye ku nzira ye.
Vuga uti: ishimishe n’ubuhakanyi bwawe gato! Rwose wowe
uri muri ba nyir’umuriro. 9. Ese uwibombarika mu bihe
by’ijoro yubama anahagarara yigengesera imperuka, anizera
impuhwe za Nyagasani we; vuga uti: ese abafite ubumenyi
n’abatabufite barangana? Mu by’ukuri abanyabwenge ni bo
bazirikana!

10. Vuga uti: yemwe bagaragu banjye bemeye!
Nimugandukire Nyagasani wanyu. Abagize neza muri ino si
bazahembwa icyiza. Kandi isi ya ALLAH (IMANA) ni ngari.
Mu by’ukuri abihangana bazuzurizwa ibihembo byabo nta
kubara.

11. Vuga uti: mu by’ukuri jye ntegetswe kugaragira
ALLAH (IMANA) mwereza idini. 12. Kandi ntegekwa kuba
uwambere mu baislaam. 13. Vuga: Mu by’ukuri jye ndatinya
ninigomeka kuri Nyagasani wanjye ibihano by’umunsi
uhambaye. 14. Vuga uti: ALLAH (IMANA) wenyine ni We
ngaragira mwereza idini ryanjye. 15. Ngaho nimugaragire
ibyo mushaka muretse We! Vuga uti: rwose abahombye ni
abazihomba n’ababo k’umunsi w’izuka. Mumenyeko icyo
ari cyo gihombo kigaragara. 16. Bafite igicucu cy’umuriro
hejuru yabo no munsi yabo igicucu. Ibyo ALLAH (IMANA)
arabitinyisha abagaragu be. Yemwe bagaragu banjye!
Nimuntinye.

17. Naho abitaruye Twaaghuut ntibayisenge bakicuza kwa
ALLAH (IMANA) bafite inkuru nziza. Ha inkuru nziza
abagaragu banjye. 18. Abumva amagambo bagakurikira
ameza kurusha abo ni bo ALLAH (IMANA) yayoboye,
kandi abo ni bo banyabwenge.
19. Ese uwahamwe n'ijambo ry'igihano! Ese wowe
warokora abari mu muriro? 20. Ariko abagandukiye Nyagasani
wabo, bafite amagorofa. Hejuru yayo hubatse andi magorofa
atembamo imigezi. Ni isezerano rya IMANA (ALLAH).
ALLAH (IMANA) ntaca ukubiri n'isezerano.
21. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) yamanuye mu
kirere amazi, akayacengeza mu butaka ari amasoko maze
akayameresha ibimera bitandukanye mu mabara yabyo,
hanyuma bikuma ukabona bibaye umuhondo, akabigira
ubushingwe? Mu by'ukuri muri ibyo hari urwibutso ku
banyabwenge. 22. Ese uwo ALLAH (IMANA) yaguriye igituza
cye Islam, we akaba ari ku rumuri ruturutse kwa Nyagasani
we!? Ibihano biri ku bafite imitima ikomeye itibuka IMANA
(ALLAH). Abo ni bo bari mu buyobe bugaragara.
23. ALLAH (IMANA) yamanuye ikiganiro cyiza kurusha
ibindi. Ari igitabo gisa, gisubirwamo. Imibiri y'abatinya
Nyagasani wabo ishishwa kubera cyo. Nyuma imibiri
yabo n'imitima yabo bikoroha bigana kwibuka IMANA
(ALLAH). Ubwo ni bwo buyobozi bwa IMANA (ALLAH),
abuyoboresha uwo ashatse. Kandi uwo ALLAH (IMANA)
yayobeje ntagira umuyobozi.
24. Ese urinda uburanga bwe ububi bw'ibihano ku
munsi w'izuka!? Abahuguza bazabwirwa bati: ngaho
nimusogongere ibyo mwakoraga. 25. Abariho mbere yabo
barahinyuye ibihano bibageraho mu buryo batasobanukiwe.

26. ALLAH (IMANA) abasogongeza ugusuzugurwa mu
buzima bw'isi. Kandi igihano cy'imperuka ni cyo gikuru.
Iyaba bari babizi.
27. Rwose twahaye abantu muri ino Qur'aan buri rugero
kugira ngo bibuke. 28. Qur'aan iri mu Cyarabu, idafite
ukugorama kugira ngo baganduke. 29. ALLAH (IMANA)
yatanze urugero rw'umuntu ufitwe n'abafatanyije batongana,
n'umuntu ufitwe n'umuntu umwe w'amahoro. Ese barangana
mu rugero? Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA
(ALLAH). Ahubwo abenshi muri bo nta bumenyi bafite.
30. Mu by'ukuri wowe uzapfa kandi na bo bazapfa.
31. Hanyuma rwose mwe k'umunsi w'izuka imbere ya
Nyagasani wanyu muzajya impaka.
32. Ninde uhuguza kurusha ubeshyera ALLAH (IMANA)
agahinyura ukuri igihe kumugezeho? Ese muri Djahannam
si ho buturo bw' abahakanyi? 33. Naho uwazanye ukuri
akanakwemera abo ni bo baganduka. 34. Bafite ibyo bashaka
kwa Nyagasani wabo. Ibyo ni ibihembo by'abagiraneza.
35. Kugira ngo ALLAH (IMANA) abahanagureho ibibi cyane
bakoze anabahembe ibihembo byabo, kubera ibyiza cyane
bakoraga.
36. Ese ALLAH (IMANA) ntahagije umugaragu we?
Baragukangisha abatari we. Nyamara uwo ALLAH (IMANA)
yayobeje ntagira umuyobora. 37. Uwo ALLAH (IMANA)
ayoboye ntafite uwamuyobya. Ese ALLAH (IMANA) si
Utsinda, Nyir'uguhora ?
38. Nubabaza uti: ninde waremye ibirere n'isi? Bazavuga
bati: rwose ni IMANA (ALLAH). Vuga uti: nimumbwire!
Ibyo musaba muretse IMANA (ALLAH), ALLAH (IMANA)
anshakiye ikibi, ese byo byakuraho ikibi yanshakiye?

Cyangwa anshakiye impuhwe, ese byo byakumira
impuhwe ze? Vuga uti: ALLAH (IMANA) arampagije.
Kuri We abiringira ni ho biringira. 39. Vuga uti: yemwe
bantu banjye! Nimukore ku buryo bwanyu mu by'ukuri
na njye ndi ukora. Hanyuma muzamenya. 40. Uzagerwaho
n'igihano kimusuzuguza, akagwirwa n'ibihano bihoraho.
41. Rwose Twe twakumanuriye igitabo kigenewe abantu mu
kuri. Uwayobotse azaba yiyobokeye. N' uwayobye azaba
yiyobeye. Kandi wowe nturi ubashinzwe.

42. ALLAH (IMANA) ni We utwara roho z'abantu iyo
bapfa n'iyo batari bapfa bari mu bitotsi byabo. Akagumana
roho y'uwo yageneye urupfu, akarekura izindi kugeza igihe
kizwi. Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu
batekereza.

43. Cyangwa bishyiriyeho abavugizi baretse IMANA
(ALLAH). Vuga uti: Ese n'ubwo baba ntacyo batunze
cyangwa batanatekereza!? 44. Vuga uti: ubuvugizi bwose ni
ubwa IMANA (ALLAH). Ubwami bw'ibirere n' isi ni ubwe.
Kandi iwe ni ho muzagarurwa. 45. Iyo havuzwe ALLAH
(IMANA) wenyine imitima y'abatemera imperuka igira
iseseme. Nyamara havugwa ibitari IMANA (ALLAH), ubwo
bakishima. 46. Vuga uti: ayi IMANA (ALLAH), Umuhanzi
w'ibirere n'isi, Umumenyi w'ibitagaragara n'ibigaragara! Ni
wowe uzakiranura abagaragu bawe mu byo batandukanagaho.
47. Iyaba abahuguje bagiraga ibiri mu isi byose n'ibindi
nkabyo bari kubyicunguza ububi bw'ibihano by'umunsi
w'izuka. Bazagaragarirwa n'ibyo batakekaga biturutse kwa
IMANA (ALLAH). 48. Bazagaragarirwa n'ibibi bakoze kandi
bazagwirwa n'ibyo bannyegaga.

49. Iyo umuntu agezweho n'ikibi, araduhamagara. Hanyuma

twamuha inema ziduturutseho, akavuga : Mu by' ukuri
nabihawe kubera ubumenyi ahubwo ni ibigeragezo ariko
abantu benshi ntibabizi. 50. Rwose abababanjirije barabivuze.
Ariko ibyo bakoraga nta cyo byababamariye. 51. Bagezweho
n'ibibi bakoze. N'abahuguje muri bo bazagerwaho n' ibibi
bakoze. Kandi bo ntibananirana. 52. Ese ntibaziko ALLAH
(IMANA) yagurira amafunguro uwo ashatse akanagera!?
Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu bemera.
53. Vuga uti: yemwe bagaragu banjye bahemukiye imitima
yabo! Ntimwihebe ku mpuhwe za IMANA (ALLAH).
Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ahanagura ibyaha byose.
Kandi ni we Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
54. Nimugaruke kwa Nyagasani wanyu munamwicisheho
bugufi mbere y'uko mugerwaho n'ibihano, hanyuma
ntimutabarwe.

55. Mukurikire ibyiza mwamanuriwe biturutse kwa
Nyagasani wanyu mbere y'uko mugerwaho gitumo
n'ibihano, kandi mwe mutabizi. 56. Atazavaho avuga ati:
mbega akaga kanjye kubera ibyo nadohotseho kwa IMANA
(ALLAH)! Kandi nari mu bannyega. 57. Cyangwa akavuga
ati: iyo ALLAH (IMANA) rwose aza kunyobora nari kuba mu
batinya. 58. Cyangwa akavuga igihe abona ibihano ati: Rwose
iyaba nagiraga ukugaruka nkaba mu bagiraneza. 59. Yego!
Rwose wagezweho na ayah zanjye urazihakana, urikuza
kandi uba mu bahakanyi. 60. No ku munsi w'izuka uzabona
ababeshyeye IMANA (ALLAH), uburanga bwabo bwijimye.
Ese muri Djahannam si ho buturo bw' abikuza!? 61. ALLAH
(IMANA) azarokora abagandutse kubera ugutsinda kwabo.
Ntibazagerwaho n' ikibi kandi bo ntibazagira agahinda.

62. ALLAH (IMANA) ni Umuremyi wa buri kintu. Kandi

ni We Uwiringirwa kuri buri kintu. 63. Ibigega by'ibirere n'isi
ni ibye. Naho abahakanye ayah za IMANA (ALLAH), abo
ni bo bahombye. 64. Vuga uti: ese ibitari ALLAH (IMANA)
ni byo muntegeka kugaragira, yemwe mwa njiji mwe!?
65. Kandi rwose twaguhishuriye n'abakubanjirije ko mu by'
ukuri nubangikanya, ibikorwa byawe bizaba impfabusa.
Kandi rwose ube mu bahombye. 66. Ahubwo garagira ALLAH
(IMANA) wenyine. Kandi ube mu bashimira.

67. Ntibahaye ALLAH (IMANA) agaciro akwiye. Isi
yose ku munsi w'izuka izaba iri mu kiganza cye, n'ibirere
bizingishijwe indyo ye. Ubutagatifu ni ubwe kandi ari
hejuru y' ibyo bamubangikanya. 68. Impanda izahuhwamo,
abari mu birere n'isi bakangarane bapfe, uretse abo ALLAH
(IMANA) azashaka. Maze ihuhwemo indi nshuro, ubwo
bose bahaguruke bareba. 69. Isi izamurikirwa n'urumuri
rwa Nyagasani wayo. Hagaragazwe ibitabo kandi hazanwe
abahanuzi n'abahamya, bacirwe urubanza mu kuri, kandi
bo ntibazahuguzwa. 70. Buri muntu azuzurizwa ibyo yakoze
kandi We ni uzi cyane ibyo bakoraga.

71. Abahakanye bazashorerwa bajyanwa kuri Djahannam
ari udutsiko, kugeza ubwo bayigeraho imiryango
yayo igakingurwa, abarinzi bayo bababwire bati: ese
ntimwagezweho n'intumwa zibaturutsemo, zibasomera ayah
za Nyagasani wanyu, zinababurira guhura n'umunsi wanyu
uyu? Bazavuga bati: yego! Ariko ijambo ry'ibihano ryabaye
ihame ku bahakanyi. 72. Babwirwe bati: nimwinjire mu
miryango ya Djahannam, muzabamo ubuziraherezo. Ubuturo
bubi ni ubw'abikuza.

73. Naho abagandukiye Nyagasani wabo bazayoborwa
kuri Djannah ari amatsinda, kugeza ubwo bazayigeraho,

imiryango ikingurwe, abarinzi bayo bababwire: Salaamun
alaikum, mwagize neza. Muyinjiremo ubuziraherezo.
74. Bavuge bati: Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya IMANA
(ALLAH), We watwuzurije isezerano rye akanaturaga
ubutaka bwa Djannah, dutura aho dushaka. Ibihembo byiza
ni iby' abakora. 75. Uzabona Abamala'ika bakikije impande
za A'arsh batagatifuza ishimwe rya Nyagasani wabo.
Bazakiranurwa mu kuri havugwe ngo: Ishimwe n'ikuzo
byuzuye ni ibya IMANA (ALLAH), Nyagasani w'ibiremwa
byose.

## Surat 40

# GHAAFIR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Uku ni ukumanuka kw'igitabo giturutse kwa IMANA
(ALLAH), Utsinda, Umumenyi cyane. 3 Uhanagura ibyaha,
Uwemera ukwicuza, Nyir'ibihano bikaze, Nyir'ingabire. Nta
yindi mana uretse We, iwe ni ho garukiro.

4 Ntawe ujya impaka kuri ayah za ALLAH (IMANA)
keretse abahakanye, ntushukwe no guhindagurika
kw'imibereho yabo ku isi. 5 Mbere ya bo abantu ba Nuuh
barahinyuye, n'udutsiko nyuma yabo. Buri ummah yashatse
kwica intumwa yayo. Bajya impaka bakoresheje ibinyoma
kugira ngo babiburishemo ukuri ndabacakira. Ese ibihano
byanjye byari bimeze bite!? 6 Uko ni ko ijambo rya Nyagasani

wawe ryabaye ihame ku bahakanyi ko bo rwose ari ba nyir'
umuriro.
7. Abahetse A'arsh n'abayikikije batagatifuza ishimwe
rya Nyagasani wabo, banamwemera bakanasabira abemeye
guhanagurwaho ibyaha. Ayi Nyagasani wacu! Wahetuje buri
kintu impuhwe n'ubumenyi, hanagurira ibyaha abicujije
bakanakurikira inzira yawe kandi ubarinde ibihano bya
Djahiim. 8. Ayi Nyagasani wacu! Unabinjize muri Djannah
zihoraho wabasezeranyije, n' abatunganye mu bakurambere
babo, abagore babo n' urubyaro rwabo. Mu by' ukuri ni wowe
Utsinda, Ushishoza. 9. Kandi ubarinde ibibi. Uwo uzarinda
ikibi kuri uwo munsi, rwose uzaba umugiriye impuhwe. Uko
ni ko gutsinda guhambaye.
10. Mu by' ukuri, abahakanye bazamenyeshwa ko rwose
uburakari bwa ALLAH (IMANA) bukomeye cyane kurusha
uburakari bwanyu ubwanyu. Ubwo mwahamagarirwaga
ukwemera mugahakana. 11. Bazavuga bati: ayi Nyagasani
wacu! Watwambuye ubuzima ubugira kabiri unatubeshaho
ubugira kabiri. Twemera ibyaha byacu, ese hari inzira yo
gusohoka ? 12. Ibyo ni ukubera ko iyo ALLAH (IMANA)
yahamagarwaga wenyine mwarahakanaga. Naho
yabangikanywa mukemera. Ugukiranura ni ukwa IMANA
(ALLAH), Uwikirenga, Umukuru.
13. Ni We ubereka ibitangaza bye akanabamanurira
amafunguro avuye mu kirere. Nyamara ntawibuka uretse
ugaruka. 14. Ngaho musabe ALLAH (IMANA) mumwezereze
idini n'ubwo abahakanyi babyanga. 15. Uzamura mu ntera,
Nyiri A'arsh ahishurira ku bw'itegeko rye uwo ashatse mu
bagaragu be kugira ngo aburire Umunsi w'ihuriro. 16. Umunsi
bo bazaba bagaragara, ntakizihisha ALLAH (IMANA) muri

bo. Ubwami ni ubwa nde uyu munsi!? Ni ubwa IMANA (ALLAH), Umwe, Uganza. [17.] Uyu munsi buri muntu arahemberwa ibyo yakoze. Nta guhuguza uyu munsi. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwihutisha ibarura.

[18.] Unababurire umunsi wegereje, ubwo imitima izaba ibageze mu mihogo buzuye ubwoba. Abahuguza ntibazagira inshuti cyangwa umuvugizi wumvirwa. [19.] Azi uburiganya bw'amaso n'ibyo imitima ihisha. [20.] ALLAH (IMANA) akiranura mu kuri. Abasaba utari We nta kintu bakiranuza. Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Ubona cyane.

[21.] Ese ntibagenda ku isi, ngo barebe uko iherezo ry' ababayeho mbere yabo ryari rimeze? Bo babarushaga imbaraga n'ibikorwa ku isi, ALLAH (IMANA) abarimbura kubera ibyaha byabo. Ntibari bafite ubarinda IMANA (ALLAH). [22.] Ibyo ni ukubera ko intumwa zabo zabazaniraga ibitangaza bagahakana. ALLAH (IMANA) araboreka. Mu by' ukuri We ni Uwimbaraga, Nyir'ibihano bikaze.

[23.] Mu by'ukuri, twohereje Muusa afite ibitangaza byacu n' ibimenyetso bigaragara. [24.] Kwa Fir'aun, Hamaan na Qaaruun, baravuga bati: ni umurozi, umubeshyi cyane! [25.] Abazaniye ukuri kuduturutseho baravuga bati: Mwice abana b'abahungu b'abemeye hamwe na we, musigire ubuzima abagore babo. Nta mugambi w'abahakanyi uretse ko uba uri mu buyobe.

[26.] Fir'aun aravuga ati: nimundeke nice Muusa, maze ahamagare Nyagasani we. Mu by'ukuri jye ndatinya ko yahindura idini ryanyu cyangwa akagaragaza ubwononnyi ku isi. [27.] Muusa aravuga ati: mu by'ukuri jye nikinze kuri

Nyagasani wanjye akaba ari na We Nyagasani wanyu,
andinde buri uwikuza utemera umunsi w'ibarura.
28. Umugabo wemera mu bantu ba Fir'aun, uhisha
ukwemera kwe aravuga ati: ese murica umuntu kubera
ko avuga ati: Nyagasani wanjye ni IMANA (ALLAH)!?
Kandi yarabazaniye ibimenyetso biturutse kwa Nyagasani
wanyu? Niba ari umubeshyi ikinyoma cye ni we kizagaruka.
Niba kandi ari umunyakuri muzagerwaho na bimwe mu
byo abasezeranya. Rwose ALLAH (IMANA) ntayobora
urengera, Umubeshyi cyane. 29. Yemwe bantu banjye! Uyu
munsi mufite ubwami, muratsinda ku isi. Ni nde wadutabara
igihano cya ALLAH (IMANA) kitugezeho? Fir'aun aravuga
ati: simbereka uretse ibyo mbona sinabayobora uretse inzira
igororotse.
30. Uwemeye aravuga ati: yemwe bantu banjye! Mu by'
ukuri jye ndatinya kuri mwe umunsi umeze nk' uw' udutsiko.
31. Nk'imigenzereze y'abantu ba Nuuh, ba A'ad, ba Thamuud
n'ababayeho nyuma yabo. Kandi nta bwo ALLAH (IMANA)
ashaka guhuguza abagaragu. 32. Yemwe bantu banjye! Mu
by'ukuri jye ndatinya kuri mwe umunsi wo guhamagarana.
33. Umunsi muzahindukira muteye umugongo mudafite
ubarinda IMANA (ALLAH). Uyobejwe na ALLAH
(IMANA) ntagira umuyobozi.
34. Mu by'ukuri Yuusuf yabagezeho mbere afite
ibitangaza. Mwagumye mu gushidikanya ku byo yabazaniye
kugeza apfuye muravuga muti: nta bwo ALLAH (IMANA)
azohereza intumwa nyuma ye. Uko ni ko ALLAH (IMANA)
ayobya urengera, ushidikanya. 35. Abajya impaka kuri ayah
za ALLAH (IMANA) badafite ikimenyetso cyabagezeho. Ni
uburakari bukomeye imbere ya ALLAH (IMANA) n'imbere

y'abemeye. Uko ni ko ALLAH (IMANA) apfundikira buri mutima w' uwikuza, icyigomeke.

36. Fir'aun aravuga ati: yewe Haamaan ! Nyubakira umunara wenda nagera mu mayira. 37. Amayira yo mu birere nkabona Imana ya Muusa kandi rwose jye ndamubonamo umubeshyi. Uko ni ko Fir'aun yatakiwe ububi bw'ibikorwa bye akumirwa ku nzira y'ukuri. Kandi ubugambanyi bwa Fir'aun si ikindi uretse igihombo.

38. Wa wundi wemeye aravuga ati: yemwe bantu banjye! Nimunkurikire mbayobore inzira yo kuyoboka. 39. Yemwe bantu banjye! Mu by'ukuri ubu buzima bw'isi ni ibyishimo by'igihe gito. Rwose imperuka ni yo nzu itekanye. 40. Uzakora ikibi ntazahembwa uretse ikingana nacyo. Naho uzakora igitunganye ari gabo cyangwa gore kandi we ari uwemera; abo bazinjira muri Djannah bafungurirwemo nta kubara. 41. Yemwe bantu banjye ! Kuki mbahamagarira kurokoka mukampamagarira umuriro? 42. Murampamagara ngo mpakane ALLAH (IMANA) nanamubangikanye n' ibyo ntafitiye ubumenyi!? Nyamara jye mbahamagarira kugana Utsinda, Uhanagura ibyaha cyane. 43. Ni ukuri rwose, ibyo mumpamagarira nta gisubizo bifite ku isi cyangwa ku mperuka. Igarukiro ryacu ni kwa IMANA (ALLAH). Kandi abarengera ni bo ba nyir'umuriro. 44. Muzibuka ibyo mbabwira. Ibyanjye mbyeguriye IMANA (ALLAH). Mu by' ukuri ALLAH (IMANA) ni Ubona cyane abagaragu.

45. ALLAH (IMANA) amurinda ibibi by'ibyo bagambiriye. Ibihano bibi bigwira abantu ba Fir'aun. 46. Umuriro barawumurikirwa mu gitondo na nimunsi. Naho umunsi imperuka yabaye(hazavugwA) : Nimwinjize abantu ba Fir'aun mu bihano bibabaza kurusha.

47. Zirikana ubwo bazaterana amagambo mu muriro.
Abanyantegenke babwira abikujije bati: mu by'ukuri twe
ni mwe twakurikiraga. Ese mwe hari icyo mwatumarira
mudukuraho umugabane w'umuriro? 48. Abikujije baravuga
bati: rwose twese tuwurimo! Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
yamaze gukiranura abagaragu. 49. Abari mu muriro bazabwira
abarinzi ba Djahannam bati: Nimudusabire Nyagasani wanyu
atugabanyirize umunsi umwe w'ibihano. 50. Baravuga bati:
ese intumwa zanyu ntizabazaniraga ibimenyetso? Baravuga
bati: Yego! Bavuge bati: ngaho nimusabe. Kandi ugusaba
kw'abahakanyi ntaho kuri, uretse mu gihombo.

51. Rwose Twe dutabara intumwa zacu n'abemeye mu
buzima bw'isi n'umunsi abahamya bazutse. 52. Umunsi
abahuguza impamvu zabo zitazabagirira akamaro. Bazaba
bafite umuvumo banafite inzu mbi. 53. Rwose twahaye
Muusa ubuyobozi tunaraga bene Israa'iil igitabo. 54. Ari
ubuyobozi n'urwibutso ku banyabwenge. 55. Ihangane mu
by'ukuri isezerano rya ALLAH (IMANA) ni ukuri unasabe
guhanagurwaho ibyaha byawe. Kandi utagatifuze ishimwe
n'ikuzo byuzuye bya Nyagasani wawe nimugoroba na mu
gitondo.

56. Rwose abajya imunanu mu magambo ya ALLAH
(IMANA) nta bimenyetso simusiga yabahaye, nta kindi
kiri mu bituza byabo uretse ukwikuza kandi badashobora
kukugeraho. Ikinge kuri IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri
We ni Uwumva cyane, Ubona cyane. 57. Rwose iremwa
ry' ibirere n' isi ni ryo rikomeye kuruta iremwa ry' abantu.
Nyamara abenshi mu bantu ntibabizi. 58. Impumyi n'ubona
ntibangana cyangwa abemeye bagakora ibitunganye n' ukora

ibibi. Ni bike ibyo mwibuka. 59. Mu by'ukuri imperuka izaza nta shiti kuri yo. Nyamara abenshi mu bantu ntibemera.

60. Nyagasani wanyu aravuga ati: munsabe ndabasubiza. Mu by'ukuri abikuza ku kungaragira bazinjira muri Djahannam basuzuguritse. 61. ALLAH (IMANA) ni We wabashyiriyeho ijoro kugira ngo muriruhukemo n'amanywa abona. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyir'ingabire ku bantu nyamara abenshi mu bantu ntibashima. 62. Uwo ni We ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu, Umuremyi wa buri kintu, nta yindi mana itari We. Ni gute muteshwa inzira? 63. Uko ni ko abahakanaga ayah za ALLAH (IMANA) bateshwaga inzira.

64. ALLAH (IMANA) yabashyiriyeho isi itekanye n'ikirere cyubatse, abaha ishusho, atunganya amashusho yanyu anabafungurira mu byiza. Uwo ni ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu. Yuje imigisha ALLAH (IMANA) Nyagasani w' ibiremwa. 65. Ni We Uhoraho, nta yindi mana uretse We. Mumusabe mumwereza idini. Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA) Nyagasani w' ibiremwa byose.

66. Vuga uti: mu by'ukuri jye nabujijwe kugaragira abo musaba muretse ALLAH (IMANA) ubwo nagerwagaho n'ibimenyetso biturutse kwa Nyagasani wanjye. Kandi nategetswe kwicisha bubugufi kuri Nyagasani w' ibiremwa. 67. Ni We wabaremye mu gitaka, hanyuma mu ntanga, hanyuma mu rusoro, hanyuma abasohora muri abana kugira ngo mugere k'ubukure bwanyu, hanyuma mukaba abasaza. No muri mwe hari uwuzurizwa igihe mbere no kugira ngo mugere ku gihe kizwi. Wenda mwagira ubwenge. 68. Ni We

utanga ubuzima akanabwambura. Iyo ategetse ikintu mu by'
ukuri arakibwira : Ba! Kikaba.
69. Ese ntureba abajya impaka kuri ayah za IMANA
(ALLAH). Ni gute bayobeshwa inzira? 70. Abahinyuye
igitabo n'ibyo twoherezanyije n' intumwa zacu, bazamenya!
71. Ubwo amapingu n'iminyururu bizaba biri mu majosi yabo
bakururwa. 72. Mu mazi yatuye hanyuma mu muriro batwikwa.
73. Maze babwirwe bati: biri hehe ibyo mwabangikanyaga.
74. Muretse ALLAH (IMANA) ? Bavuge bati: twabibuze!
Ahubwo nta n' icyo twasabaga mbere. Uko ni ko ALLAH
(IMANA) ayobya abahakanyi. 75. Ibyo ni ukubera yuko
mwishimaga ku isi bitari mu kuri no kubera yuko mwirataga.
76. Ngaho nimwinjire mu miryango ya Djahannam mubemo
ubuziraherezo. Ubuturo bw' abikuza ni bubi.
77. Ihangane! Mu by'ukuri isezerano rya ALLAH
(IMANA) ni ukuri. Rwose twakwereka bimwe mu byo
tubasezeranya cyangwa twakwuzuriza igihe cyawe. Kuri
Twe ni ho bazagarurwa.
78. Mu by'ukuri mbere yawe twohereje intumwa; muri zo
hari izo twagutekerereje no muri zo hari izo tutagutekerereje.
Ntibyari bikwiye ku ntumwa ko yazana ibitangaza uretse ku
ruhushya rwa IMANA (ALLAH). Ubwo itegeko rya ALLAH
(IMANA) rizaza hazategekeshwa ukuri. Ubwo iyo, hahombe
abanyabinyoma.
79. ALLAH (IMANA) wabashyiriyeho amatungo, kugira
ngo habemo ayo mwurira hanabemo ayo murya. 80. Kandi
muyafitemo inyungu no kugira ngo abafashe muyagerereho
ku byo mwifuza mu bituza byanyu. Kandi kuri yo no ku
mato murahekwa. 81. Abereka ibimenyetso bye, ni ibihe
bimenyetso bya ALLAH (IMANA) mwahakana?

82. Ese ntibagenze ku isi ngo barebe uko iherezo
ry'abababanjirije ryari rimeze? Babarushaga ubwinshi,
imbaraga n'ibikorwa ku isi. Ibyo bakoraga nta cyo
byabamariye. 83. Intumwa zabo zibazaniye ibimenyetso,
biratanye ibyo bari bafite mu bumenyi, bagotwa n' ibyo
bannyegaga. 84. Babonye ibihano byacu baravuze bati:
twemeye ALLAH (IMANA) wenyine kandi duhakanye ibyo
twamubangikanyaga. 85. Ukwemera kwabo nta cyo kwari
kubamarira ubwo babonaga ibihano byacu. Uwo ni wo
mugenzo wa ALLAH (IMANA) ku bahise mu bagaragu be.
Ubwo iyo, hahombye abahakanyi.

## Surat 41

# FUSSWILAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Uku ni ukumanuka guturutse kwa Nyirimpuhwe,
Nyirimbabazi. 3 Igitabo. Ayah zacyo zasesenguwe ari
Qur'aan, iri mu cyarabu ku bantu bafite ubumenyi. 4 Ari ivuga
inkuru nziza inaburira, abenshi muri bo bayitera umugongo
bo ntibumva. 5 Baravuga bati: imitima yacu iratwikiriye ku
byo uduhamagarira no mu matwi yacu hari ibihato, kandi
hagati yacu nawe hari urusika. Kora! Mu by'ukuri natwe turi
abakora.

6 Vuga uti: mu by'ukuri jye ndi umuntu nka mwe.
Mpishurirwa ko Imana yanyu ari imwe. Nimuyerekere,
muyisabe uguhanagurwaho ibyaha. Kandi ibihano bihambaye

biri ku babangikanya. [7] Abadatanga Zakaat kandi bo bakaba ari abahakana imperuka. [8] Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye bafite ibihembo bitagabanuka.

[9.] Vuga uti: ese mwe rwose murahakana uwaremye isi mu bihe bibiri, mukamushyiriraho ibigirwamana? Uwo ni We Nyagasani w'ibiremwa. [10.] Ayishyiraho imisozi hejuru yayo, ayishyiramo imigisha, anagera amafunguro yayo mu bihe bine bingana ku babaza. [11.] Hanyuma aganza ku kirere na cyo ari umwotsi. Akibwira hamwe n'isi: nimuze ku bushake cyangwa ku gahato. Biravuga : Tuje twumvira. [12.] Abirema ari ibirere birindwi mu bihe bibiri. Ahishurira muri buri kirere ibikorwa byacyo. Dutakisha ikirere cyegereye isi amatara n'uburinzi. Uko ni ukugera k' Utsinda, Umumenyi cyane.

[13.] Nibatera umugongo uvuge uti: mbaburiye umuriro w'inkuba nk'umuriro w'inkuba wagwiriye ba A'ad na ba Thamuud. [14.] Ubwo intumwa zabo zabageragaho ziturutse imbere yabo n'inyuma yabo zibabwira ziti: ntimukagire uwo mugaragira uretse IMANA (ALLAH). Baravuga bati: iyo Nyagasani wacu ashaka yari kumanura Abamala'ika, rwose twe kubyo mwatumanywe turi abahakana.

[15.] Naho ba A'ad bikujije mu gihugu nta kuri, baravuga bati: ninde uturusha imbaraga? Ese ntibabonako ALLAH (IMANA) wabaremye We abarusha imbaraga? Kandi bahakanaga ayah zacu. [16.] Tubohererereza umuyaga urimo ubuhuha mu minsi y'amakuba kugira ngo tubasogongeze ibihano by'ikimwaro mu buzima bw'isi. Kandi ibihano by'imperuka ni byo bimwaza kurusha. Na bo badatabaza. [17.] Naho ba Thamuud twarabayoboye bahitamo gukunda ubuhumyi kuruta ubuyoboke. Umuriro w' inkuba w'igihano

gisuzuguritse urabacakira kubera ibyo bakoraga. [18.] Turokora abemeye kandi bagandukaga.

[19.] Umunsi abanzi ba ALLAH (IMANA) bazarundanywa baganishwa ku muriro, baterwa sentiri. [20.] Kugeza ubwo bazawugeraho maze amatwi yabo, amaso yabo n'imibiri yabo bikabatangaho ubuhamya bw' ibyo bakoraga. [21.] Babwira imibiri yabo bati: kuki mwadutanzeho ubuhamya? Iravuga iti: ALLAH (IMANA) wavugishije buri kintu ni We watuvugishije. Ni We wabaremye ku nshuro ya mbere. Kandi iwe ni ho muzagaruka. [22.] Ntimwashoboraga guhisha ko amatwi yanyu, cyangwa amaso yanyu, cyangwa imibiri yanyu bitazabatangaho ubuhamya. Ahubwo mwaketseko ALLAH (IMANA) atazi byinshi mu byo mukora. [23.] Uko gukeka kwanyu mwakekeraga Nyagasani wanyu kuraboretse muba mu bahomba. [24.] Nibihangana umuriro ni wo buturo bwabo. Nibinginga ntibazaba mu bakiririrwa ukwinginga kwabo.

[25.] Twabashyiriyeho inshuti koya zibatakira ibiri imbere yabo n'ibiri inyuma yabo. Ijambo nk'iryahamye ummah zahise mbere yabo, mu madjinn n'abantu rirabahama. Rwose bo ni abahombye.

[26.] Abahakanye baravuze bati: ntimukumve iyi Qur'aan, muyisahindemo wenda mwatsinda. [27.] Rwose tuzasogongeza abahakanye ibihano bikomeye. Kandi rwose tuzabahembera ibibi bakoraga. [28.] Icyo ni igihembo cy'abanzi ba IMANA (ALLAH). Umuriro bawufitemo inzu ihoraho, ari igihembo cy'uko bahakanaga ibitangaza byacu.

[29.] Abahakanye bazavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Twereke abatuyobeje mu madjinn n'abantu, tubashyire munsi y'ibirenge byacu kugira ngo babe abo hasi. [30.] Mu by'ukuri

abavuze bati: Nyagasani wacu ni ALLAH (IMANA) maze
bakagororoka; Abamala'ika barabamanukira bakababwira
bati: ntimutinye ntimunagire agahinda. Nimwishimire
Djannah mwizezwaga. 31. Twe turi inshuti koya zanyu
mu buzima bw'isi n'ubw'imperuka. Kandi mufitemo
ibyo imitima yanyu yifuza munafitemo ibyo musaba.
32. Ari izimano riturutse k'Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Nyirimbabazi.

33. Ninde warusha imvugo nziza uhamagarira kugana
ALLAH (IMANA) agakora n'ibitunganye, akanavuga ati:
mu by'ukuri jye ndi mu bicisha bugufi. 34. Icyiza n'ikibi
ntibingana. Uzajye usubirisha icyiza cyane. Ubwo uwo
mufitanye urwango azaba inshuti koya, inshuti magara.
35. Ntababihabwa uretse abihangana nta n'ababihabwa uretse
ba nyir'amahirwe ahambaye. 36. Ni ugerwaho n'ibishuko bya
sha'itwaan uzikinge kuri IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ni
We Uwumva cyane, Umumenyi cyane.

37. Mu bimenyetso bye ni ijoro, amanywa, izuba n'ukwezi.
Ntimukubamire izuba cyangwa ukwezi, ahubwo mujye
mwubamira ALLAH (IMANA) wabiremye, niba ari We
wenyine mugaragira. 38. Nibikuza, abari kwa Nyagasani wawe
bamwambaza ijoro n'amanywa kandi bo ntibarambirwa.

39. No mu bimenyetso bye ni uko ubona isi yumagaye,
twayimanuraho amazi ikeguka yeza ibimera. Mu by'ukuri
uwayihaye ubuzima yaha abapfu ubuzima. Rwose ni We
Ushobora cyane buri kintu. 40. Mu by'ukuri abagoreka
amagambo yacu ntibatwihisha. Ese uzajugunywa mu muriro
ni we mwiza cyangwa uzaza atekanye ku munsi w'izuka?
Nimukore ibyo mushaka, mu by' ukuri We ni Ubona cyane
ibyo mukora.

41. Rwose abahakanye urwibutso ubwo rwabageragaho mu by' ukuri rwo ni igitabo cyubashywe. 42. Amakosa ntakigeraho yaba aturutse imbere yacyo cyangwa inyuma yacyo. Ni icyamanuwe giturutse k'Ushishoza, Ushimwa cyane. 43. Ntubwirwa uretse ibyabwiwe intumwa mbere yawe. Mu by' ukuri Nyagasani wawe ni Nyir' uguhanagura ibyaha, ni na Nyir' ibihano bibabaza.

44. Iyo tuyimanura (Qur'aan) mu rurimi rutari urw'Icyarabu, bari kuvuga bati: iyaba amagambo yayo yasesengurwaga. Ese ni Qur'aan itari iy'icyarabu isomwa n'Umwarabu!? Vuga uti: yo ku bemeye ni Ubuyoboke n'umuti. Naho abatemera mu matwi yabo hari ibihato, kandi yo kuri bo ni ubuhumyi. Abo barahamagarirwa ahantu ha kure.

45. Rwose twahaye Muusa igitabo gitandukanwaho. Iyo ritaba ijambo rya Nyagasani wawe ryaje mbere bari kuba barakiranuwe. Rwose bo bari mu gushidikanya guteye amakenga. 46. Ukora ibitunganye aba abyikoreye. N'ukora ikibi aba acyikoreye. Kandi Nyagasani wawe si Uhuguza abagaragu.

47. Iwe niho ubumenyi bw'imperuka bugaruka. Ibimera ntibisohoka mu misogwe yabyo, umugore ntatwita nta n'ubwo abyara uretse ko biba biri mu bumenyi bwe. Kandi umunsi azabahamagara; bari hehe abafasha banjye? bazavuga bati: tugutangarijeko nta n'umwe muri twe w'umuhamya.
48. Ibyo bahamagaraga mbere birabura, bamenyako badafite ubuhungiro.

49. Umuntu ntarambirwa gusaba ibyiza nyamara ikibi cyamugeraho akaba uwiheba, ucika intege. 50. N'iyo rwose tumusogongeje ku mpuhwe ziduturutseho nyuma y'ingorane zamugezeho aravuga ati: iki ni icyanjye sinkekako imperuka

izaba. Kandi ninsubizwa kwa Nyagasani wanjye rwose
iwe nzaba mfite ibyiza kurusha. Rwose tuzatekerereza
abahakanye ibyo bakoraga. Rwose tuzabasogongeza ibihano
bikomeye.
51. Iyo umuntu tumuhaye inema atera umugongo akikuza
ariko ikibi cyamugeraho akaba nyir'ugusaba kugondoza.
52. Vuga uti: nimumbwire! Niba ituruka kwa ALLAH
(IMANA) maze mukayihakana, ni nde warusha kuyoba uri
mu rwango rwa kure?
53. Tuzabereka ibimenyetso byacu mu kirere no muri
bo ubwabo kugeza ubwo ibagaragariye ko yo ari ukuri.
Ese ntibihagije Nyagasani wawe kuba We kuri buri kintu
ari Umuhamya? 54. Mumenye ko mu by'ukuri bo bari mu
gushidikanya ku guhura na Nyagasani wabo. Mumenye ko
rwose We ari Uhetuye buri kintu.

## Surat 42

# AS-SHUURAA

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.* 2 *A'in Siin Qaaf.*

3 Uko ni ko aguhishurira n'abakubanjirije. IMANA (ALLAH),
Utsinda, Ushishoza. 4 Afite ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni
We Uwikirenga, Uhambaye. 5 Ibirere birenda gusatagurika
hejuru yabyo n'Abamala'ika batagatifuza ishimwe rya
Nyagasani wabo bakanasabira guhanagurwaho ibyaha
abari mu isi. Mumenyeko mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
niwe Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

6 Abishyiriraho abarinzi bamuretse, ALLAH (IMANA) ni
Umurinzi kuri bo. Kandi wowe kuri bo, nturi ubashinzwe.
7 Uko ni ko twaguhishuriye Qur'aan iri mu Cyarabu kugira
ngo uburire Ummul-Quraa n'abari mu nkengero zayo, kandi
unaburire umunsi w'ikoraniro udashidikanywaho. Itsinda
muri Djannah n'agatsiko muri Sa'iir.
8. Iyo ALLAH (IMANA) abishaka yari kubagira ummah
imwe ariko yinjiza abo ashatse mu mpuhwe ze. Kandi
abahuguza ntibazagira umurinzi cyangwa umutabazi.
9. Cyangwa bishyiriyeho bamuretse abarinzi? ALLAH
(IMANA) ni We Murinzi ni na We utanga ubuzima ku
bapfuye. Kandi ni Ushobora cyane buri kintu. 10. Icyo
mwatandukanaho cyose itegeko ryacyo ni kwa IMANA
(ALLAH). Uwo ni ALLAH (IMANA) Nyagasani wanjye ni
We wenyine niringiye kandi iwe niho ngaruka.
11. Umuhanzi w'ibirere n'isi, yabaremeye abagore
ababakomoyemo no mu matungo ayabaremeramo gabo na
gore akabibagiriramo urubyaro rwinshi. Ntagira icyo asa na
cyo. We ni Uwumva cyane, Ubona cyane. 12. Afite imfunguzo
z'ibirere n'isi. Yagurira amafunguro uwo ashaka akanagera.
Mu by'ukuri We ni Umumenyi cyane wa buri kintu.
13. Yabashyiriyeho mu idini ibyo yaraze Nuuh n'ibyo
twaguhishuriye n'ibyo twaraze Ibraahim, Muusa na
Isa: Mutunganye idini, kandi ntimuzaritandukaneho.
Ababangikanya baremerewe n'ibyo mubahamagarira.
ALLAH (IMANA) yihitiramo uwo ashaka, kandi akayobora
iwe Uwicuza.
14. Ntibatandukanye keretse nyuma yo kugerwaho
n'ubumenyi, ari ubushyamirane hagati yabo. Iyo ritaba
ijambo ryahamye riturutse kwa Nyagasani wawe ryaje

mbere, kugeza igihe kizwi, bari gukiranurwa. Mu by'ukuri
abarazwe igitabo nyuma yabo bari mu gushidikanya kuri cyo
guteye amakenga.
15. Ibyo abe ari byo uhamagarira unagororoke nk'uko
wabitegetswe. Kandi ntukurikire irari ryabo. Uvuge:
Nemeye ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye mu gitabo, kandi
nategetswe gukoresha ubutabera hagati yanyu. ALLAH
(IMANA) ni Nyagasani wacu ni na Nyagasani wanyu. Dufite
ibikorwa byacu namwe mufite ibikorwa byanyu. Nta mpaka
hagati yacu na mwe. ALLAH (IMANA) azaduhuza namwe.
Kandi iwe ni ho garukiro. 16. Abajya impaka kuri ALLAH
(IMANA) nyuma y'uko yitabirwa, impamvu zabo kwa
Nyagasani wabo ni impfabusa. Uburakari bubariho kandi
bafite ibihano bikaze.
17. ALLAH (IMANA) wamanuye igitabo mu kuri
n'iminzani. Wabwirwa n'iki ko wenda imperuka yaba
iri hafi? 18. Abatayemera barayihutisha. Naho abemeye
bayifitiye ubwoba baziko yo ari ukuri. Mumenyeko rwose
abashidikanya ku mperuka bari mu buyobe bwa kure.
19. ALLAH (IMANA) ni Ugenzabuhoro ku bagaragu be aha
amafunguro uwo ashaka. Kandi ni We Uwimbaraga, Utsinda.
20. Ushaka ibihembo by'umunsi w'imperuka tuzamwongerera
mu bihembo bye naho ushaka ibihembo by'isi tuzabimuhamo
kandi ku munsi w'imperuka nta mugabane azagira.
21. Cyangwa se bafite abo babangikanya babashyiriraho
amategeko mu idini ALLAH (IMANA) atigeze yemera?
Iyo ritaba ijambo rihamye bari gukiranurwa hagati yabo.
Mu by'ukuri abahuguza bafite ibihano bibabaza. 22. Ubona
abahuguza bafitiye ubwoba ibyo bakoze kandi bizababaho
naho abemeye bagakora ibitunganye bazaba bari mu busitani

bwo muri Djanah. Bafite ibyo bashaka kwa Nyagasani
wabo. Izo ni zo ngabire zihambaye. 23. Ibyo ni byo ALLAH
(IMANA) aha ho inkuru nziza abagaragu be bemeye bagakora
ibitunganye. Vuga uti: simbibasabira ibihembo uretse
urukundo mu miryango. Uzakora icyiza tuzamwongerera
ibyiza muri byo. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje
mu guhanagura ibyaha, Ushima cyane.

24. Cyangwa baravuga ko yahimbiye ALLAH (IMANA)
ikinyoma!? ALLAH (IMANA) abishatse yapfundikira
umutima wawe maze ALLAH (IMANA) agahanagura
ikinyoma agashimangiza ukuri amagambo ye. Mu by'ukuri
We ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza. 25. Ni We wakira
ukwicuza kw'abagaragu be akanababarira ibicumuro kandi
azi ibyo mukora. 26. Yakira ubusabe bw'abemeye bagakora
ibitunganye akanabongerera mu ngabire ze. Naho abahakanye
bafite ibihano bikaze.

27. Iyo ALLAH (IMANA) aramburira abagaragu be
amafunguro (nta gipimo) bari kwigomeka mu isi ariko
amanura ku kigero ibyo ashaka. Mu by'ukuri We ku bagaragu
be ni Umumenyi w'ibyihishe, Ubona cyane. 28. Ni We umanura
imvura nyuma y'uko biheba akanasakaza impuhwe ze kandi
ni We Murinzi, Ushimwa cyane. 29. Mu bimenyetso bye ni
ukurema ibirere n'isi n'ibyo yakwirakwijemo mu nyamaswa
kandi We ku kubakoranya, ni abishaka ni Ushobora cyane.

30. Ibibi bibabayeho ni ukubera ibyo amaboko yanyu aba
yakoze nyamara ababarira byinshi. 31. Mwe ntimunaniranye
ku isi ntimunafite umurinzi cyangwa umutabazi utari IMANA
(ALLAH).

32. No mu bimenyetso bye ni amato manini nk'imisozi
agendera mu nyanja. 33. Ashatse yahagarika umuyaga

akaguma ahagaze hejuru yayo. Mu by'ukuri muri ibyo hari
ibimenyetso kuri buri uwihangana cyane, ushimira cyane.
34. Cyangwa akayoreka kubera ibyo bakoze nyamara
ababarira byinshi. 35. Abajya imunanu ku magambo yacu
bakamenya ko badafite ubuhungiro.

36. Ikintu muhawe kiba ari ibyishimo by'igihe gito
by'ubuzima bw'isi naho ibiri kwa ALLAH (IMANA) ni
byo byiza binagumaho kurusha, ku bemeye bakaniringira
Nyagasani wabo. 37. Abirinda ibicumuro bikomeye
n'ibikozasoni kandi iyo barakaye bo barababarira. 38. Abitabira
Nyagasani wabo, bagahozaho Swalaat bakanajya inama
ku bibazo byabo kandi bagatanga mu byo twabafunguriye.
39. Ni na babandi iyo bagezweho n'akarengane bo bitabara.
40. Igihembo cy'ikibi ni ikibi nkacyo cyakora ubabariye
akanatunganya ibihembo bye biri kwa IMANA (ALLAH).
Mu by'ukuri We ntakunda abahuguza. 41. Naho uwitabaye
nyuma yo guhuguzwa abo nta nzira yo kubahana ihari.
42. Mu by'ukuri inzira yo guhana iri ku bahuguza abantu
bakanarengera ku isi nta kuri. Abo bafite ibihano bibabaza.
43. Kandi uwihanganye akanababarira mu by'ukuri ibyo biri
mu byemezo byiza bikomeye.

44. Uwo ALLAH (IMANA) yayobeje nta murinzi afite
nyuma Ye. Uzabona abahuguza ubwo bazaba babonye ibihano
bavuga bati: ese twabona inzira yo gusubira yo? 45. Uzanabona
bawumurikirwa bibombaritse kubera gusuzugurwa bateraho
akajisho rwihishwa. Naho abemeye bakazavuga bati: rwose
abahombye by'ukuri ni abihombye bo ubwabo n'ababo ku
munsi w'izuka. Mumenye rwose ko abahuguza bazaba mu
bihano bihoraho. 46. Ntibazagira abarinzi babatabara batari

IMANA (ALLAH). N'uwo ALLAH (IMANA) yayobeje nta yindi nzira afite.

47. Nimwitabire Nyagasani wanyu mbere y'uko umunsi udasubizwa inyuma uturutse kwa ALLAH (IMANA) uza. Uwo munsi nta buhungiro muzagira nta n'ubwo muzagira ugutsemba. 48 Nibatera umugongo ntabwo twakohereje kuri bo uri umurinzi. Ntacyo ushinzwe uretse gusohoza ubutumwa. Rwose Twe iyo dusogongeje umuntu impuhwe ziduturutseho araziratana nyamara bagerwaho n'ikibi kubera ibyo bakoze rwose umuntu ni umuhakanyi cyane.

49. Ubwami bw'ibirere n'isi ni ubwa ALLAH (IMANA) wenyine. Arema ibyo ashaka, agaha uwo ashaka abakobwa akanaha uwo ashaka abahungu. 50. Cyangwa akabavangira abahungu n'abakobwa akanagira uwo ashatse urubereri. Mu by'ukuri We ni Umumenyi cyane, Ushobora cyane.

51. Ntibyaba ku muntu ko ALLAH (IMANA) amuvugisha keretse ari ukumuhishurira cyangwa inyuma y'urusika cyangwa akohereza intumwa igahishura ku bushake bwe ibyo ashaka. Mu by'ukuri We ni Uwikirenga, Ushishoza. 52. Uko ni ko twaguhishuriye ruuh ku itegeko ryacu. Ntabwo wari uzi igitabo cyangwa ukwemera Ariko twayigize urumuri tuyoboresha abo dushaka mu bagaragu bacu. Rwose wowe uyobora ku nzira igororotse. 53. Inzira ya ALLAH (IMANA) We ufite ibiri mu birere n'ibiri mu isi. Mumenye ko kwa ALLAH (IMANA) ari ho ibintu bizagaruka.

Surat 43

# ZUKH’RUF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Ndahiye igitabo gisobanura. 3 Mu by’ukuri Twe twayigize
Qur’aan mu rurimi rw’icyarabu kugira ngo mugire ubwenge.
4 Kandi yo mu by’ukuri iri iwacu mu gitabo gihatse ibindi, iri
hejuru, yuje ubushishozi.

5 Ese tubirengagize tureke kubibutsa kubera ko mwe muri
abantu barengera? 6 Ni bangahe twohereje mu bahanuzi
mu bo hambere!? 7 Nta muhanuzi wabageragaho uretse ko
bamunnyegaga. 8 Tworeka ababarushaga imbaraga kandi
harahise urugero rw’abo hambere.

9. N’iyo wababaza uti: ni nde waremye ibirere n’isi?
Rwose bavuga bati: byaremwe n’Utsinda, Umumenyi cyane.
10. Uwabashyiriyeho isi ishashe anayibashyiriramo amayira
kugira ngo muyoboke. 11. Uwamanuye amazi mu kirere
mu rugero tuyazurisha isi yapfuye. Uko ni ko muzazurwa.
12. Uwaremye gabo na gore muri byose anabashyiriraho mu
mato no mu matungo ibyo mwurira. 13. Kugira ngo mutuze
hejuru yabyo hanyuma mwibuke inema za Nyagasani wanyu
ubwo muzaba mutuje hejuru yabyo. Kandi munavuge muti:
ubutagatifu ni ubw’uwatworohereje ibi kandi ntitwari
ababishoboye. 14. Kandi twebwe rwose kwa Nyagasani wacu
niho tuzagaruka.

15. Bamugenera mu bagaragu be umugabane. Mu by’ukuri
umuntu ni umuhakanyi cyane ugaragaraga. 16. Cyangwa

yihaye mu byo arema abakobwa abaha umwihariko
w’abahungu!? 17. Iyo umwe muri bo abwiwe inkuru ku byo
yatanzeho urugero kuri Rah’maan, uburanga bwe burijima
kandi we ari umunyamujinya. 18. Ese (mugenera IMANA
(ALLAH)) ukurira mu mitako, kandi we mu ihangana
adashobora gusobanura!? 19. Bagira Abamala’ika, kandi bo
ari abagaragu ba Rah’maan abagore. Ese bari bahahagaze
baremwa!? Ubuhamya bwabo buzandikwa kandi bazabazwa.
20. Baravuga bati: iyo Rah’maan abishaka ntitwari
kubagaragira. Ibyo nta bumenyi babifitiye. Ntacyo bavuga
uretse ko babeshya. 21. Cyangwa twabazaniye igitabo mbere
yayo bo bakaba bagikomeyeho? 22. Ahubwo baravuga bati:
mu by’ukuri twe twasanze abakurambere bacu bari ku idini
kandi twe rwose turi abayoboka ibimenyetso byabo. 23. Ni uko
nguko; ntitwohereje mbere yawe mu mudugudu umuhanuzi
uretse ko abaherwe muri wo bavugaga bati: mu by’ukuri twe
twasanze abakurambere bacu bari ku idini kandi rwose twe
turakurikira ibimenyetso byabo. 24. Aravuga ati: ese n’ubwo
nabazanira ibisobanutse cyane kurusha ibyo mwasanzeho
abakurambere banyu? Baravuga bati: mu by’ukuri twe turi
abahakana ibyo mwoherezanywe nabyo. 25. Turabahana.
Ngaho reba uko iherezo ry’abahinyura ryari rimeze.
26. Zirikana ubwo Ibraahiim yabwiraga se n’abantu be
ati: mu by’ukuri jye nitaruye ibyo mugaragira. 27. Keretse
uwampanze mu by’ukuri We azanyobora. 28. Arigira ijambo
rizasigara mu bazaza nyuma ye kugira ngo bagaruke.
29. Ahubwo nanejeje abo n’ababyeyi babo kugeza ubwo
bagezweho n’ukuri n’intumwa isobanura. 30. Bagezweho
n’ukuri baravuze bati: ubu ni uburozi kandi mu by’ukuri twe
turabuhakanye.

31. Baravuga bati: iyaba iyi Qur'aan yamanurirwaga
umugabo uhambaye ukomoka muri umwe mu midugudu ibiri!
32. Ese ni bo bagena impuhwe za Nyagasani wawe!? Ni Twe
twagabanyije hagati yabo imibereho yabo mu buzima bw'isi.
Tuzamura bamwe muri bo hejuru y'abandi inzego kugira
ngo bamwe bakoreshe abandi. Kandi impuhwe za Nyagasani
wawe ziruta ibyo bakoranya. 33. Iyo abantu baza kuba ummah
imwe twari gushyira ku nzu z'abahakana Rah'maan ibisenge
bya feza n'inzego buririraho. 34. N'inzu zabo tukaziha
imiryango n'amasaso begamira. 35. N'imitako. Ibyo si ikindi
uretse ibyishimo by'igihe gito by'ubuzima bw'isi kandi
imperuka kwa Nyagasani wawe ni iy'abaganduka.

36. Uwigira impumyi ku kwibuka Rah'maan tumutegurira
sha'itwaan we akamubera inshuti. 37. Mu by'ukuri zo
zibakumira ku nzira igororotse bakibwirako bo bayoboka.
38. Kugeza ubwo atugeraho akavuga ati: iyaba hagati yanjye
nawe hari intera y'iburasirazuba kabiri! Mbega inshuti mbi!
39. Ntacyo bibamarira uyu munsi, ubwo mwahuguzaga kuba
rwose mufatanyije mu bihano!

40. Ese wowe wumvisha ibipfamatwi cyangwa ukayobora
impumyi n'uri mu buyobe bugaragara!? 41. N'ubwo
twakujyana, mu by'ukuri Twe tuzabahana. 42. Cyangwa
tukakwereka ibyo twabasezeranyije mu by'ukuri Twe
tubafiteho ubushobozi. 43. Komeza ibyo wahishuriwe mu
by'ukuri wowe uri ku nzira igororotse. 44. Mu by'ukuri yo ni
urwibutso kuri wowe no ku bantu bawe kandi muzabazwa.
45. Baza abo twohereje mbere yawe mu ntumwa zacu; ese
twashyizeho ibigirwamana bigaragirwa haretswe Rah'maan?

46. Rwose twohereje Muusa n'ibimenyetso kwa Fir'aun
n'abambari be aravuga ati: mu by'ukuri jye ndi intumwa ya

Nyagasani w'ibiremwa. 47. Abagezeho n'ibitangaza byacu ubwo bo barabiseka. 48. Ntacyo tubereka mu bitangaza uretse ko cyo kiba kiruta kigenzi cyacyo. Tubakaciza ibihano kugira ngo bagaruke. 49. Baravuga bati: yewe murozi! Dusabire Nyagasani wawe ibyo yagusezeranyije mu by'ukuri twe rwose turayoboka. 50. Tubavaniyeho ibihano ubwo bo bica isezerano.

51. Fir'aun ahamagara mu bantu be aravuga ati: bantu banjye! Ese simfite ubwami bwa Misiri n'iyi migezi itemba munsi yanjye ? Ese ntimubona ? 52. Cyangwa jye sindi mwiza kurusha uyu nguyu usuzuguritse udashobora gusobanura? 53. Iyo nibura aza kumanurirwa ibikomo bikoze muri zahabu cyangwa akaza aherekejwe n'abamala'ika. 54. Atera ubwoba abantu be baramwumvira. Mu by'ukuri bo bari abantu b'ibyigomeke. 55. Baturakaje twarabahannye, turabaroha bose. 56. Tubagira abahise n' urugero ku bazaza nyuma.

57. Mwene Mariam atanzweho urugero ubwo abantu bawe barasakabaka. 58. Baravuga bati: ese imana zacu nizo nziza cyangwa we? Ntacyo bamuguhayeho urugero uretse impaka, ahubwo ni abantu b'abanyempaka. 59. Ntacyo ari cyo uretse kuba umugaragu twahundagajeho inema tukamugira urugero ku bana ba Israa'iil. 60. Iyo tubishaka twari kugira bamwe muri mwe Abamala'ika ku isi basimburana. 61. Mu by'ukuri we ni ikimenyetso cy'imperuka ntimuzagishidikanyeho kandi munkurikire. Iyi ni inzira igororotse. 62. Rwose sha'itwaan ntazabakumire mu by'ukuri we kuri mwe ni umwanzi ugaragara.

63. Isa azanye ibimenyetso yaravuze ati: rwose mbazaniye ubuhamya no kugira ngo mbasobanurire bimwe mu byo mutandukanaho ngaho nimugandukire ALLAH (IMANA)

munanyumvire. 64. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni We
Nyagasani wanjye ni na Nyagasani wanyu nimumugandukire.
Iyi ni inzira igororotse. 65. Udutsiko tujya impaka hagati
yatwo. Ukorama kw’ibihano by’umunsi ubabaza kuri ku
bahuguje.

66. Ese hari icyo bategereje uretse imperuka kubageraho
ibatunguye na bo batumva? 67. Inshuti kuri uwo munsi zimwe
ku zindi zizaba ari abanzi keretse abaganduka. 68. Yemwe
bagaragu banjye! Nta bwoba kuri mwe none kandi mwe
ntimugira agahinda. 69. Abemeye ayah zacu kandi bakaba
abicisha bugufi. 70. Nimwinjire mwe n’abo mwashakanye,
muri Djannah mwishimye. 71. Bazazungurutswamo
amasahani n’ibikombe bya zahabu birimo ibinezeza imitima,
bigashimisha amaso. Kandi mwe muzayibamo ubuziraherezo.
72. Iyo ni Djannah mwarazwe kubera ibyo mwakoraga.
73. Muyifitemo imbuto nyinshi muryamo.

74. Mu by’ukuri abagome bari mu bihano bya Djahannam
ubuziraherezo. 75. Ntibazagabanyirizwa kandi bo muri yo
bazaba ari abihebye. 76. Ntabwo twababahuguje ahubwo bo ni
bo bahuguzaga. 77. Barahamagara; yewe Maalik! Nyagasani
wawe naturangize. Aravuga ati: mu by’ukuri mwe murabamo
iteka. 78. Rwose twabazaniye ukuri nyamara abenshi muri mwe
ukuri barakwanga. 79. Cyangwa biyemeje ikintu mu by’ukuri
Twe tukiburizamo. 80. Cyangwa bakekako Twe tutumva
ibanga ryabo n’ukongorera kwabo! Yego (turabyumva
rwose)! N’intumwa zacu ziri kumwe nabo zandika.

81. Vuga uti: niba Rah’maan yagira umwana, rwose jye ndi
uwa mbere mu bagaragira. 82. Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani
w’ibirere n‘isi, Nyagasani wa A’arsh ku byo bamwitirira.

83. Bareke bidegembye banakine kugeza ubwo bazahura
n’umunsi wabo basezeranywa.
84. Ni We Mana mu kirere ni na We Mana ku isi. We ni
Ushishoza, Umumenyi cyane. 85. Yuje imigisha ufite ubwami
bw’ibirere n’isi n’ibiri hagati yabyo kandi iwe niho hari
Ubumenyi bw’imperuka kandi iwe niho muzagarurwa.
86. Abasaba utari We nta buvugizi bafite keretse uwahamije
ukuri kandi bo barabizi. 87. Ubabajije uti: ni nde wabaremye?
Rwose bavuga bati: ni IMANA (ALLAH). Ni gute bateshwa
inzira!? 88. N’imvugo ye (Muhammad); ayi Nyagasani
wanjye! Mu by’ukuri aba ni abantu batemera. 89. Birengagize
uvuge uti: Salaam. Bazamenya.

## Surat 44

# AD’DUKHAAN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Ndahiye igitabo gisobanura. 3 Mu by’ukuri Twe
twayimanuye mu ijoro ryuje imigisha, rwose Twe turi
ababurira. 4 Muri ryo ni bwo buri kintu cya ngombwa
gisesengurwa. 5 Ni itegeko riduturutseho rwose Twe turi
abohereza. 6 Ni impuhwe ziturutse kwa Nyagasani wawe
mu by’ukuri We ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
7 Nyagasani w’ibirere n’isi n’ibiri hagati yabyo niba muri
abemera badashidikanya. 8 Nta yindi Mana uretse Yo itanga
ubuzima ikanatanga urupfu. Ni Nyagasani wanyu akaba na
Nyagasani w’abakurambere banyu ba mbere. 9 Ahubwo bo

bari mu gushidikanya bakina. 10 Tegereza umunsi ikirere
kizazana umwotsi ugaragara. 11 Utwikiriye abantu. Iki ni
igihano kibabaza. 12 Ayi Nyagasani wacu! Dukize ibihano!
Mu by'ukuri twe turi abemera. 13 Ni gute bakwibuka kandi
intumwa ibasobanurira yarabagezeho!? 14 Nyuma bamutera
umugongo baravuga bati: umwigishwa w'umusazi. 15 Rwose
Twe turakuraho ibihano gato mu by'ukuri mwe muzongera.
16 Umunsi tuzakacira ugukacira gukomeye mu by'ukuri Twe
tuzaba abahana.

17 Rwose mbere yabo twagerageje abantu ba Fir'aun.
Ubwo Intumwa yubahitse yabageragaho. 18 Igira iti: mumpe
abagaragu ba ALLAH (IMANA) mu by'ukuri jye kuri mwe
ndi intumwa yizewe. 19 Kandi ntimwikuze kuri ALLAH
(IMANA) rwose jye ndabazanira ibimenyetso bigaragara.
20 Jye nikinze kuri Nyagasani wanjye ari na We Nyagasani
wanyu, ntimuntere amabuye. 21 Nimutananyemera mumbise.

22. Ahamagara Nyagasani we; rwose aba ni abantu
b'abagome. 23. (ALLAH (IMANA) aramubwira ati:) genda
n'abagaragu banjye nijoro rwose mwe murakurikirwa.
24. Ureke inyanja ituje. Mu by'ukuri bo ni ingabo zo kurohwa.
25. Ni bingahe mu mirima basize n'amasoko. 26. N'ibihingwa
n'imyanya ikomeye. 27. N'umudendezo babagamo
banezerewe!? 28. Uko ni ko twabiraze abandi bantu. 29. Ikirere
n'isi ntibyabaririye kandi ntibari abo kurindirizwa.

30. Rwose twarokoye abana ba Israa'iil ibihano bisuzuguza.
31. Fir'aun, rwose we yari yarikujije mu barengera.
32. Rwose twabatoranyije mu biremwa dushingiye ku bumenyi.
33. Twabahaye mu bitangaza ibirimo ibigeragezo bigaragara.

34. Mu by'ukuri bariya baravuga (bati:). 35. Rwose si ikindi
uretse urupfu rwacu rwa mbere nta n'ubwo twe tuzazurwa.

36. Ngaho nimuzane abakurambere bacu ni ba muri abanyakuri.
37. Ese ni bo beza cyangwa abantu ba Tubba'i n'abari imbere
yabo? Twaraboretse! Mu by'ukuri bo bari abagome.

38. Ntitwaremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo dukina.
39. Ntitwabiremye uretse mu kuri nyamara abenshi muri bo
ntibabizi. 40. Rwose umunsi wo gukiranura ni ryo sezerano
ryabo bose. 41. Umunsi inshuti koya itazagira ikintu imarira
inshuti koya nta n'ubwo bazatabarwa. 42. Uretse abo ALLAH
(IMANA) azagirira impuhwe. Mu by'ukuri We ni Utsinda,
Nyirimbabazi.

43. Rwose igiti cya Zaqquum. 44. Ni ibiryo by'abacumura.
45. Nk'umuringa, bitogota mu nda. 46. Nko gutogota kw'amazi
yatuye. 47. Nimumufate mumusunikire rwagati muri Djahiim.
48. Maze musuke ku mutwe we ibihano by'amazi yatuye.
49. Sogongera! Mu by'ukuri wowe uri utsinda, nyir'icyubahiro.
50. Rwose iki nicyo mwashidikanyagaho.

51. Mu by'ukuri abaganduka bazaba mu mwanya utekanye.
52. Mu busitani n'amasoko. 53. Bazaba bambaye Sun'dus
na Is'tib'raq bateganye. 54. Uko ni ko tuzanabashyingira
Huurul-a'in. 55. Basabiramo buri mbuto batekanye.
56. Ntabwo bazasogongeramo urupfu uretse ko bazaheruka
rwa rupfu rwa mbere. Azanabarinda ibihano bya Djahiim.
57. Ni ingabire ziturutse kwa Nyagasani wawe. Uko ni ko
gutsinda guhambaye.

58. Rwose Twe twayorohereje ururimi rwawe kugira ngo
bibuke. 59. Tegereza! Mu by' ukuri bo baraturamye.

Surat 45

# AL-DJAATHIYAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Uku ni ukumanurwa kw'igitabo giturutse kwa ALLAH
(IMANA) Utsinda, Ushishoza. 3 Mu by'ukuri mu birere
n'isi hari ibimenyetso ku bemera. 4 No mu kuremwa
kwanyu n'inyamaswa akwirakwiza hari ibimenyetso ku
bantu bemera badashidikanya. 5 No mu kubisikana kw'ijoro
n'amanywa n'ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye mu kirere
mu mafunguro aheshesha isi ubuzima nyuma yo gupfa
kwayo no guhindagura imiyaga; ni ibimenyetso ku bantu
bafite ubwenge. 6 Ayo ni amagambo ya ALLAH (IMANA)
tugusomera mu kuri. Ese ni ikihe kiganiro nyuma ya ALLAH
(IMANA) n'amagambo ye bakwemera!?

7 Ibihano bikomeye biri kuri buri muhimbyi wa cyane,
ucumura cyane. 8 Wumva amagambo ya ALLAH (IMANA)
amusomerwa maze agatsimbarara yikuza nk'aho atayumvise.
Muhe inkuru nziza y'ibihano bibabaza. 9 N'iyo hari ikintu
amenye mu magambo yacu ayagira urunnyego. Abo bafite
ibihano bisuzuguza. 10 Inyuma yabo hari Djahannam. Ibyo
bakoze cyangwa kuba barishyiriyeho inshuti koya baretse
ALLAH (IMANA) ntacyo bizabamarira. Kandi bafite ibihano
bihambaye. 11 Ubu ni bwo buyoboke. Naho abahakanye
amagambo ya Nyagasani wabo bafite ibihano bikomeye,
bibabaza.

12. ALLAH (IMANA) ni We waborohereje inyanja kugira

ngo amato ayigenderemo ku bw'itegeko rye no kugira
ngo mushakishe mu ngabire ze no kugira ngo mushimire.
[13.] Yanaborohereje ibiri mu birere n'isi byose bimuturutseho.
Mu by'ukuri muri ibyo hari ibimenyetso ku bantu batekereza.
[14.] Bwira abemeye bababarire abatizera iminsi ya ALLAH
(IMANA) kugira ngo azahembere abantu ibyo bakoraga.
[15.] Uzakora ibitunganye azaba abyikoreye n'uzakora ibibi
azaba yihimye hanyuma kwa Nyagasani wanyu niho
muzagarurwa.
[16.] Rwose twahaye abana ba Israa'iil ibitabo, ugukiranuka
n'ubuhanuzi tunabafungurira mu byiza kandi tubarutisha
ibiremwa. [17.] Twanabahaye amategeko asobanutse.
Ntibatandukanye keretse nyuma yo kugerwaho n'ubumenyi
bitewe no kugirirana ishyari hagati yabo. Rwose
Nyagasani wawe azabakiranura ku munsi w'izuka mu byo
batandukanagaho. [18.] Hanyuma tugushyira ku murongo
w'amategeko usobanutse; wukurikire ntukurikire irari
ry'abadafite ubumenyi. [19.] Rwose bo ntacyo bakumarira
kuri IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri abahuguza bamwe ku
bandi n'inshuti koya nyamara ALLAH (IMANA) ni inshuti
koya y'abaganduka. [20.] Ibi ni urumuri ku bantu, ubuyoboke
n'impuhwe ku bantu bemera badashidikanya.
[21.] Cyangwa abijanditse mu bicumuro bakekako twabagira
nk'abemeye bakanakora ibitunganye, bakaba kimwe ubuzima
bwabo no gupfa kwabo? Ni bibi ibyo batekereza. [22.] ALLAH
(IMANA) yaremye ibirere n'isi mu kuri no kugira ngo buri
muntu azahemberwe ibyo yakoze kandi bo badahuguzwa.
[23.] Ese ntubona uwagize irari rye imana ye, ALLAH
(IMANA) akamuyobya ashingiye k'ubumenyi akaziba
amatwi ye, umutima we akanashyira ku maso ye

igipfundikizo? Ninde wamuyobora nyuma ya IMANA
(ALLAH)? Ese ntimwibuka?
24. Baravuze bati: nta kindi buri cyo uretse kuba ubuzima
bwacu bw'isi turapfa tukanabaho nta kitworeka uretse
iminsi. Ibyo nta bumenyi babifitiye nta n'icyo bakora
uretse gukekeranya. 25. Iyo basomewe amagambo yacu
asobanutse nta rwitwazo bagira uretse kuvuga: ngaho
nimuzane abakurambere bacu niba muri abanyakuri.
26. Vuga uti: ALLAH (IMANA) ni We ubaha ubuzima
nyuma akabubatwara maze akabakoranya kugeza ku munsi
w'izuka ntakuwushidikanyaho nyamara abenshi mu bantu
nta bumenyi bafite.
27. Ubwami bw'ibirere n'isi ni ubwa ALLAH (IMANA)
wenyine. Umunsi imperuka yaje uwo munsi abafudika
bazahomba. 28. Uzabona buri ummah ipfukamye. Buri ummah
ihamagarirwa kugana igitabo cyayo. None murahembwa
ibyo mwakoraga. 29. Iki ni igitabo cyacu kirabavugaho ukuri.
Mu by'ukuri Twe twandikaga ibyo mwakoraga.
30. Abemeye bakanakora ibitunganye Nyagasani wabo
azabinjiza mu mpuhwe ze. Uko ni ko gutsinda kugaragara.
31. Naho abahakanye (ALLAH (IMANA) azababaza ati:)
ese ntimwasomerwaga ayah zanjye mukikuza kandi mukaba
abantu b'abagome? 32. Iyo havuzwe ngo: rwose isezerano rya
ALLAH (IMANA) ni ukuri n'imperuka nta kuyishidikanyaho
muravuga muti: ntituzi imperuka icyo ari cyo ntakindi dukora
uretse gukekeranya kandi twe ntituri ababyemeza.
33. Ibicumuro bakoraga birabagaragarira maze ibyo
bannyegaga birabagwira. 34. Haravugwa ngo: none
turabibagirwa nk'uko mwibagiwe guhura n'uyu munsi
wanyu. Ubwakiriro bwanyu ni umuriro, kandi ntimufite

abatabazi. 35. Ibyo ni uko rwose mwe amagambo ya
ALLAH (IMANA) mwayagize urunnyego n'ubuzima bw'isi
burabashuka. Uyu munsi ntibawukurwamo kandi nta n'ubwo
basabwa kwinginga.
36. Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya ALLAH (IMANA)
wenyine Nyagasani w'ibirere akaba na Nyagasani w'isi,
Nyagasani w'ibiremwa byose. 37. Afite ukwikuza gukwiriye
mu birere n'isi kandi ni We Utsinda, Ushishoza.

Surat 46

# AL-AH'QAAF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Haa Miim.*

2 Uku ni ukumanurwa kw'igitabo giturutse kwa IMANA
(ALLAH), Utsinda, Ushishoza. 3 Ntabwo twaremye ibirere
n'isi n'ibiri hagati yabyo uretse mu kuri n'igihe cyagenwe.
Nyamara abahakanye ku byo baburiwe babitera umugongo.
4 Vuga uti: ese murabona ibyo musaba muretse IMANA
(ALLAH)? Nimunyereke ibyo byaremye ku si! Cyangwa
bifite ubufatanye mu birere! Nimunzanire igitabo cyahishuwe
mbere y'iki cyangwa ibisigisigi mu bumenyi niba muri
abanyakuri. 5 Ninde wayobye kuruta usaba ibitari ALLAH
(IMANA) bitazamusubiza kugeza ku munsi w'izuka!?
Kandi byo ku busabe bwabo birangaye. 6 Ubwo abantu
bazakoranywa bizababera abanzi binihakane ukugaragira
kwabo.
7. Iyo basomewe Ayah zacu zisobanutse, abahakanye ukuri

igihe kubagezeho baravuga bati: ubu ni uburozi bugaragara.
8. Cyangwa baravuga bati: yarayihimbye. Vuga uti: niba
narayihimbye ntacyo mwamarira kuri IMANA (ALLAH). Ni
We uzi cyane ibyo muyinengaho. Arahagije kuba Umuhamya
hagati yanjye na mwe kandi ni We Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi.
9. Vuga uti: sindi icyaduka mu ntumwa nta n'ubwo nzi ibyo
nzakorerwa cyangwa ibyo muzakorerwa. Ntacyo nkurikiye
uretse ibyo mpishurirwa. Ntacyo ndi cyo uretse umuburizi
ugaragara. 10. Vuga uti: nimumbwire! Niba ituruka kwa
ALLAH (IMANA) mukaba muyihakana; kandi umuhamya
mu bana ba Israa'il akayihamya mu imeze nkayo (Tauraat),
akemera mwe mukikuza? Mu by'ukuri ALLAH (IMANA)
ntayobora abantu bahuguza.
11. Abahakanye babwiye abemeye bati: iyo iba nziza
ntibari kuyidutanga. Ubwo itabayoboye bazavuga bati: iki ni
igihimbano cya kera.
12. Na mbere yayo hari igitabo cya Muusa kiyobora kikaba
n'impuhwe. N'iki ni igitabo gihamya (ibyakibanjirije) kiri
mu rurimi rw'icyarabu kugira ngo kiburire abihuguje no
kuba inkuru nziza ku bagiraneza. 13. Mu by'ukuri abavuze
bati: Nyagasani wacu ni ALLAH (IMANA) hanyuma
bakagororoka nta bwoba bafite nta n'ubwo bafite agahinda.
14. Abo niba Nyiri Djannah bazayibamo ubuziraherezo ari
igihembo kubera ibyo bakoraga.
15. Twategetse umuntu kugirira ineza ababyeyi be. Nyina
yamutwise ku mvune anamubyara ku mvune. Kumutwita
no kumucutsa amezi mirongo itatu. Kugeza ubwo agera
ku bukure bwe akanagera ku myaka mirongo ine akavuga
ati: ayi Nyagasani wanjye! Nshyiramo gushimira inema

zawe wampundagajeho no ku babyeyi banjye no gukora
ibitunganye wishimira unantunganyirize mu rubyaro
rwanjye. Mu by'ukuri jye nkwicujijeho kandi rwose jye
ndi mu bicisha bugufi. 16. Abo ni bo twakirira ibyiza bakoze
tukarenga ibyaha byabo, bari muri ba nyiri Djannah. Ni
isezerano ry'ukuri basezeranywaga.

17. Hari n'uwabwiye ababyeyi be ati: Uffin! Muransezeranya
ko nzazurwa kandi hari ibisekuru byahise mbere yanjye?
Nabo bitabaza IMANA (ALLAH), bamubwira (UmwanA)
bati: nyakorama! Emera! Rwose isezerano rya ALLAH
(IMANA) ni ukuri. Akavuga ati: iki si ikindi uretse kuba
imigani y' abo hambere. 18. Abo ni bo bahamwe n'ijambo
muri ummah zahise mbere yabo mu madjinn n'abantu rwose
bo ni abahombye.

19. Buri umwe afite inzego mu byo bakoze kugira ngo
azabahembere ibikorwa byabo kandi bo badahuguzwa.
20. Zirikana umunsi abahakanye bazamurikirwa umuriro
(bakabwirwa bati:) mwatakaje ibyiza byanyu mu buzima
bw'isi mubyishimishamo akanya gato. Uyu munsi
murahembwa ibihano bisuzuguritse kubera ko mwikuzaga
ku isi nta kuri no kubera ko mwigomekaga.

21. Zirikana umuvandimwe wa ba A'ad ubwo yaburiraga
abantu be bari Ah'qaaf, kandi ukuburira kwarahise mbere ye
na nyuma ye agira ati: ntimugaragire utari IMANA (ALLAH).
Mu by'ukuri jye mbafitiye ubwoba bw'uko muzabona ibihano
by'umunsi uhambaye. 22. Baravuga bati: ese uje kudukura ku
mana zacu? Ngaho tuzanire ibyo udusezeranya niba uri mu
banyakuri. 23. Aravuga ati: mu by'ukuri ubumenyi buri kwa
IMANA (ALLAH). Jye mbagezaho ibyo noherezanyijwe
nabyo kandi jye rwose ndabona muri abantu b'injiji.

24. Bakibonye ari igicu kigana ibibaya byabo baravuze bati:
iki gicu kiraduha imvura. Ahubwo cyo ni icyo mwihutishaga.
Ni umuyaga urimo ibihano bibabaza. 25. Urarimbura buri
kintu ku itegeko rya Nyagasani wawo. Bucya bo ntakiboneka
uretse amazu yabo. Uko ni ko duhemba abantu b'abagome.

26. Rwose twabahaye ibyo mwe tutabahaye; tubaha amatwi,
amaso n'imitima nyamara amatwi yabo, cyangwa amaso
yabo, cyangwa imitima yabo ntacyo byabamariye ubwo
bahakanaga ibitangaza bya ALLAH (IMANA) bakagwirirwa
n'ibyo bannyegaga. 27. Rwose tworetse imidugidu ibakikije
tunasesengura amagambo kugira ngo bagaruke. 28. Iyaba
ibigirwamana bashyizeho baretse ALLAH (IMANA) kugira
ngo bibamwegereze byababatabaraga! Ahubwo byarabuze.
Icyo ni ikinyoma cyabo ni n'ibyo bahimbaga.

29. Zirikana ubwo twakohererezaga itsinda mu madjinn
kugira ngo ryumve Qur'aan. Rihageze riravuga riti:
nimuceceke mwumve. Irangije gusomwa ryasubiye mu
miryango yaryo riburira. 30. Riravuga riti: yemwe bagenzi
bacu! rwose twumvise igitabo cyamanuwe nyuma ya Muusa
cyemeza ibiri imbere yacyo, kiyobora ku kuri no ku nzira
igororotse. 31. Yemwe bagenzi bacu! Nimwitabe uhamagarira
ALLAH (IMANA) munamwemere abahanagureho ibyaha
anabakize ibihano bihambaye. 32. Naho utitaba uhamagarira
kugana ALLAH (IMANA) ntabwo ananiranye ku isi kandi
nta bandi barinzi afite batari We. Abo bari mu buyobe
bugaragara.

33. Ese ntibabona ko ALLAH (IMANA) waremye
ibirere n'isi ntananizwe no kubirema ashobora guha
ubuzima abapfu!? Yego! Rwose We ni Ushobora cyane
buri kintu. 34. Zirikana ubwo abahakanye bazamurikirwa

umuriro(bakabwirwa bati:) ese uku si ukuri? Bavuge bati: yego! Turahiye izina rya Nyagasani wacu. Avuge ati: ngaho nimusogongere ibihano kubera ibyo mwahakanaga.

35. Ihangane nk'uko ba nyir'ubushake bukomeye mu ntumwa bihanganye. Ntunabihutishirize. Umunsi bazabona ibyo basezeranywa ni nk' aho bazaba batarabayeho uretse isaha yo ku manywa. Ni ugusohoza. Ese hari aborekwa uretse abantu b'ibyigomeke!?

Surat 47

# MUHAMMAD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Abahakanye bakanakumira ku nzira ya ALLAH (IMANA) yaburijemo ibikorwa byabo. 2 Naho abemeye bakanakora ibitunganye bakanemera ibyamanuriwe Muhammad ari na byo kuri guturuka kwa Nyagasani wabo yabahanaguyeho ibicumuro byabo anatunganya imibereho yabo. 3 Ibyo ni uko abahakanye bakurikiye ikinyoma naho abemeye bagakurikira ukuri guturuka kwa Nyagasani wabo. Uko ni ko ALLAH (IMANA) aha abantu ingero zabo.

4. Nimuhura ku rugamba n'abahakanye mujye mukubita ku bikanu nimubanesha mujye mubaboha kugeza intambara irangiye mushatse mukabarekura nyuma cyangwa bakicungura. Ibyo n'iyo ALLAH (IMANA) ashaka yari kubatsinda ariko ni ukugira ngo agerageze bamwe muri mwe ku bandi. Abishwe mu nzira ya ALLAH (IMANA) ntazaburizamo ibikorwa byabo. 5. Azabayobora anatunganye imibereho yabo. 6. Anabinjize muri Djannah yabamenyesheje.

7. Yemwe abemeye! Nimuharanira inzira ya ALLAH
(IMANA) azabatabara anakomeze ibirenge byanyu.
8. Naho abahakanye ukorekwa ni kube kuri bo azanayobya
ibikorwa byabo. 9. Ibyo ni uko banze ibyo ALLAH (IMANA)
yamanuye aburizamo ibikorwa byabo. 10. Ese ntibaragenda ku
isi ngo barebe uko iherezo ry'abari imbere yabo ryari rimeze?
ALLAH (IMANA) yarabarimbuye. Kandi abahakanyi
bazabona nkaryo. 11. Ibyo ni uko ALLAH (IMANA) ari
Umutabazi w'abemeye naho abahakanyi nta mutabazi bagira.
12. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) azinjiza abemeye
bakanakora ibitunganye Djannah zitembamo imigezi naho
abahakanye bishima by'akanya gato bakanarya nk'uko
amatungo arisha kandi umuriro ni bwo bwakiriro bwabo.
13. Ese ni imudugudu ingahe tworetse yarushaga imbaraga
umudugudu wawe wakumenesheje, bakaba nta mutabazi
bafite!?
14. Ese uri ku kuri guturutse kwa Nyagasani we ni
nk'uwatakiwe ububi bw'ibikorwa bye, bakanakurikira
irari ryabo!? 15. Urugero rwa Djannah yasezeranyijwe
abaganduka irimo: imigezi y'amazi atagaze, imigezi y'amata
atari umujago, imigezi y'ibinyobwa biryoheye abanywi
n'imigezi y'ubuki busukuye. Kandi bafitemo buri mbuto
no guhanagurwaho ibyaha guturutse kwa Nyagasani wabo.
Ese ni kimwe n'uzaba ubuziraherezo mu muriro bagahabwa
amazi yatuye agacagagura amara yabo?
16. No muri bo hari abakumviriza. Maze basohoka iwawe
bakabwira abahawe ubumenyi bati: yavuze iki mu kanya?
Abo ni bo ALLAH (IMANA) yapfundikiye imitima yabo
bakurikira irari ryabo. 17. Naho abayobotse abongerera
ubuyoboke akanabaha ukuganduka kwabo.

18. Ese hari icyo bategereje uretse imperuka kubageraho
ibaguye gitumo? Rwose ibimenyetso byayo byaraje. Ese
bazibuka bate ibagezeho? 19. Menyako nta yindi Mana uretse
ALLAH (IMANA) unasabe guhanagurwaho ibyaha byawe
n'ibyabemera n'abemerakazi kandi ALLAH (IMANA) azi
imyitwarire yanyu n'iherezo ryanyu.

20. Abemeye baravuga bati: iyaba hamanurwaga
Suurat. Cyakora iyo Suurat imanuwe isobetse ubushishozi
ikavugwamo intambara, ubona abafite indwara mu mitima
yabo bakureba indoro y'usakiwe n'urupfu. Ibyiza kuri bo.
21. Ni ukwumvira n'imvugo nziza. Iyo icyemezo gifashwe
(intambarA) bizeye ALLAH (IMANA) byaba byiza kuri bo.
22. Ese muramutse muteye umugongo ntimwakwangiza ku isi
mugaca n'imiryango yanyu? 23. Abo ni bo ALLAH (IMANA)
yavumye abagira ibipfamatwi anahumisha amaso yabo.

24. Ese ntibitegereza Qur'aan cyangwa ku mitima hari
ingufuri zayo? 25. Mu by'ukuri abahindukiye ku migongo
nyuma y'uko basobanukirwa n'ubuyoboke, sha'itwaan
yarabashutse abizeza guhoraho. 26. Ibyo ni uko babwiye
abanze ibyo ALLAH (IMANA) yamanuye bati: tuzabumvira
muri bimwe mu bintu. Kandi ALLAH (IMANA) azi ibanga
ryabo. 27. Bizagenda gute ubwo Abamala'ika bazababapfusha,
bakubita uburanga bwabo n'imigongo yabo? 28. Ibyo ni uko
bakurikiye ibirakaza ALLAH (IMANA) banga ishimwe rye.
Aburizamo ibikorwa byabo.

29. Cyangwa abafite indwara mu mitima yabo bakeka ko
ALLAH (IMANA) atazagaragaza urwango rwabo!? 30. Iyo
tubishaka twari kubakwereka ukabamenya ku bimenyetso
byabo rwose uzabamenyera ku kugobeka imvugo kandi
ALLAH (IMANA) azi ibikorwa byanyu.

31. Rwose tuzabagerageza kugeza ubwo tugaragaza
abaharanira inzira y'ukuri muri mwe n'abihangana
tunagerageze ibikorwa byanyu. 32. Mu by'ukuri abahakanye
bagakumira inzira ya ALLAH (IMANA) bakarwanya
Intumwa nyuma y'uko ubuyoboke bubagaragarira ntacyo
bazatwara IMANA (ALLAH). Kandi azaburizamo ibikorwa
byabo.

33. Yemwe abemeye! Nimwumvire ALLAH (IMANA)
munumvire Intumwa kandi ntimukangize ibikorwa byanyu.
34. Rwose abahakanye bakanakumira ku nzira ya ALLAH
(IMANA) maze bagapfa ari abahakanyi ALLAH (IMANA)
ntazabahanaguraho ibyaha byabo. 35. Ntimuzacike intege
ngo muhamagarire imishyikirano kandi ari mwe muri
hejuru. ALLAH (IMANA) ari kumwe na mwe nta n'ubwo
azabagabanyiriza ibikorwa byanyu.

36. Mu by'ukuri ubuzima bw'isi ni umukino n'ibirangaza
nimwemera mukanaganduka azabaha ibihembo byanyu kandi
ntabasaba imitungo yanyu. 37. Ayibasabye akabagondoza
mwagira ubugugu akagaragaza urwango rwanyu. 38. Ngaho
ni mwe abo muhamagarirwa gutanga mu nzira ya IMANA
(ALLAH). Muri mwe hari ababa abanyabugugu kandi ugize
ubugugu aba abwigiriye. ALLAH (IMANA) ni We Mukungu
mwebwe muri abatindi. Nimuhindukira azabagurana abantu
batari mwe kandi ntibazabe nkamwe.

Surat 48

# AL-FAT'H

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mu by'ukuri Twe rwose twaguhaye ugutsinda kugaragara.
2 Kugira ngo ALLAH (IMANA) aguhanagureho ibyabanje
mu byaha byawe n'ibizaza kandi agusenderezeho inema
ze anakuyobore inzira igororotse. 3 ALLAH (IMANA)
anagutabare ugutabarwa gukomeye.

4 Ni We wamanuye ituze mu mitima y'abemera kugira ngo
bongere ukwemera ku kwemera kwabo. ALLAH (IMANA)
afite ingabo z'ibirere n'isi kandi ALLAH (IMANA) ni
Umumenyi cyane, Ushishoza. 5 Kugira ngo yinjize abemera
n'abemerakazi muri Djannah zitemba mo imigezi bazabamo
ubuziraherezo anabahanagureho ibicumuro byabo kandi ibyo
kwa ALLAH (IMANA) ni intsinzi ihambaye. 6 Anahane
abakora Nifaaq n'abakora Nifaaq b'abagore, ababangikanya
n'ababangikanya b'abagore n'abakekera ALLAH (IMANA)
ugukeka kubi. Ukorama kubi nikubahame. Kandi ALLAH
(IMANA) yarabarakariye, arabavuma anabategurira
Djahannam, kandi ni igarukiro ribi. 7 ALLAH (IMANA) afite
ingabo z'ibirere n'isi kandi ALLAH (IMANA) ni Utsinda,
Ushishoza.

8. Mu by'ukuri Twe twakohereje uri umuhamya, uvuga
inkuru nziza n'uburira. 9. Kugira ngo mwemere ALLAH
(IMANA) n'intumwa ye mumukuze, mumwubahe,
munamusingize mu gitondo na nimugoroba. 10. Mu by'ukuri
abagukorera Ba'iah, rwose baba bayikorera IMANA
(ALLAH). Ukuboko kwa ALLAH (IMANA) kuri hejuru

y'amaboko yabo. Uzayitatira, ibibi byayo bizagaruka kuri
we. Kandi uzuzuza ibyo yasezeranyije ALLAH (IMANA)
azamuha ibihembo bihambaye.
11. Abaretse kujya ku rugamba muri ba A'araab,
bazakubwira bati: twarangajwe n'imitungo yacu n'imiryango
yacu dusabire guhanagurwaho ibyaha, baravugisha indimi
zabo ibitari mu mitima yabo vuga uti: ninde uzagira icyo
yabamarira kwa IMANA (ALLAH), ashatse kubateza ikibi
cyangwa ashatse kubagenera igifite akamaro nyamara
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo
mukora. 12. Ahubwo mwaketseko intumwa n'abemeye
batazagaruka rwose mu miryango yabo, ibyo byatatswe mu
mitima yanyu mukeka ugukeka kubi, muba abantu boramye.
13. Utemera ALLAH (IMANA) n'intumwa ye rwose Twe
twateganyirije abahakanyi Sa'iir. 14. ALLAH (IMANA) afite
ubwami bw'ibirere n'isi ahanaguraho ibyaha uwo ashaka
akanahana uwo ashaka mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
15. Abaretse kujya ku rugamba nimujya gufata
iminyago bazavuga bati: reka tubakurikire. Barashaka
kugurana amagambo ya IMANA (ALLAH). Vuga uti:
ntimuzadukurikira uko ni ko ALLAH (IMANA) yavuze
mbere. Bazavuga bati: Ahubwo muratugirira ishyari nyamara
ntibari basobanukiwe uretse gake
16. Bwira abaretse kujya ku rugamba muri ba A'araab
uti: muzahamagarirwa guhura n'abantu bafite imbaraga
cyane murwane nabo cyangwa babe abaislam. Nimwumvira
ALLAH (IMANA) azabaha ibihembo byiza kandi nimutera
umugongo nk'uko mwateye umugongo mbere, azabahana
ibihano bibabaza. 17. Nta mugayo ku mpumyi nta n'umugayo

k'uwamugaye, nta n'umugayo ku murwayi. Uzumvira
ALLAH (IMANA) n'intumwa ye azamwinjiza muri Djannah
itembamo imigezi naho uzatera umugongo azamuhana
ibihano bibabaza.

18. Rwose ALLAH (IMANA) yishimiye abemera ubwo
bagukoreraga Ba'iah munsi y'igiti. Yamenye ibiri mu
mitima yabo, abamanurira ituze anabahemba intsinzi ya hafi.
19. N'iminyago myinshi bafata. Kandi ALLAH (IMANA) ni
Utsinda, Ushishoza. 20. ALLAH (IMANA) yabasezeranyije
iminyago myinshi mufata, abihutishiriza ibi, abarinda
amaboko y'abantu kugira ngo bibe ikimenyetso ku bemera
anabayobore ku nzira igororotse. 21. N'iyindi mutashoboye,
ALLAH (IMANA) yarayigose Kandi ALLAH (IMANA) ni
Ushobora cyane buri kintu.

22. N'iyo abahakanye babarwanya bari gutera umugongo
hanyuma ntibari no kubona umurinzi cyangwa umutabazi.
23. Ni umugenzo wa ALLAH (IMANA) wahise mbere. Kandi
ntuzabonera umugenzo wa ALLAH (IMANA) ingurane.
24. Ni We wabujije amaboko yabo kuri mwe, n'amaboko yanyu
kuri bo i Makkah rwagati nyuma y' aho ababatsindishije
Kandi ALLAH (IMANA) ni Ubona ibyo mukora.

25. Abo ni bo bahakanye banakumira kuri Mas'djidil-
Haraam n'amatungo (ibitambo) biziritse binabujijwe kugera
ku mwanya wabyo. Iyo hataba abagabo bemera n'abagore
bemera mutari muzi, mwari kubaribata mutabizi, maze
mukazagerwaho n'ikibi kubera bo ari ukugira ngo ALLAH
(IMANA) yinjize mu mpuhwe ze uwo ashaka. N'iyo baza
gutandukana twari guhana abahakanye muri bo ibihano
bibabaza.

26. Ubwo abahakanye bashyiraga mu mitima yabo ivangura

ukuvangura kwa Djaahiliyyah ALLAH (IMANA) amanurira intumwa ye n'abemera ituze rimuturutseho, abahitiramo ijambo ryo kuganduka. Kandi bari barikwiye bakaba na ba nyiraryo. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi wa buri kintu.

27. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) yahamije mu kuri inzozi z'intumwa ye ko rwose muzinjira Mas'djidil-Haraam, ALLAH (IMANA) abishatse mutekanye mwogoshe imitwe yanyu munagabanyije mudatinya. Amenya ibyo mutamenye ashyiraho intsinzi ya hafi mbere y'ibyo.

28. Ni We wohereje intumwa ye n'ubuyoboke n'idini y'ukuri kugira ngo ayisumbishe andi madini yose, ALLAH (IMANA) arahagije kuba Umuhamya.

29. Muhammad ni intumwa ya IMANA (ALLAH). Abari kumwe na we barakaze ku bahakanyi ni abanyampuhwe hagati yabo. Ubabona bunamye, bubamye bashakisha ingabire ziturutse kwa ALLAH (IMANA) no kwishimirwa. Ikibaranga ni ikimenyetso cyo kubama kiri mu buranga bwabo. Urwo ni urugero rwabo muri Ta'uraat ni n'urugero rwabo muri In'jiil ni nk'ikimera cyasohoye umugondoro wacyo kirawukomeza gikomera kiringanira neza ku gihimba cyacyo gishimisha abahinzi kugira ngo abarakarishe abahakanyi. ALLAH (IMANA) yasezeranyije abemeye bakanakora ibitunganye muri bo uguhanagurwaho ibyaha n'ibihembo bihambaye.

# Surat 49

# AL HUDJURAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yemwe abemeye! Ntimukajye mugira ibyo mukora (mufata
ibyemezo) mbere ya ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye.
Mugandukire ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uwumva cyane, Umumenyi cyane.
2 Yemwe abemeye! Ntimukarangururure amajwi yanyu
muyarenza ijwi ry'Umuhanuzi. Kandi ntimukajye
mumwaturira imvugo nk'uko mwaturirana ubwanyu ku
bwanyu kugira ngo ibikorwa byanyu bitaba impfabusa na
mwe mutabizi. 3 Mu by'ukuri abagabanya amajwi yabo
aho intumwa ya ALLAH (IMANA) iri abo ni bo ALLAH
(IMANA) yejeje imitima yabo mu kuganduka bafite
uguhanagurwaho ibyaha n'ibihembo bihambaye. 4 Mu
by'ukuri abaguhamagara bari inyuma y'ibyumba abenshi
muri bo nta bwenge bafite. 5 Nyamara iyo bihangana kugeza
ubwo usohotse ubagana byari kuba byiza kuri bo. ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
6. Yemwe abemeye! Inzimuzi niramuka ibazaniye inkuru
mujye mushishoza kugira ngo mudahohotera abantu ku
bujiji, mukaramuka ku byo mwakoze muri abicuza. 7. Kandi
mumenye ko intumwa ya ALLAH (IMANA) iri muri mwe.
Iyo ibumvira mu bintu byinshi mwari kuba mu bizazane. Ariko
ALLAH (IMANA) yabakundishije ukwemera anagutaka
mu mitima yanyu. Abangisha uguhakana, ubwangizi no
kwigomeka. Abo ni bo bayobotse. 8. Izo ni ingabire ziturutse

kwa ALLAH (IMANA) ni n'inema kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

9. Amatsinda abiri mu bemera naramuka ashyamiranye
mujye muyunga. Rimwe muri yo nirirengera mujye murwanya
irirengera kugeza ubwo rigarukiye itegeko rya IMANA
(ALLAH). Nirigaruka mujye mubunga mu butabera kandi
mukoreshe ukuri. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) akunda
abakoresha ukuri. 10. Mu by'ukuri abemera ni abavandimwe.
Nimwunge abavandimwe banyu kandi mugandukire ALLAH
(IMANA) kugira ngo mugirirwe impuhwe.

11. Yemwe abemeye! Abantu ntibakannyege abandi wenda baba ari bo beza kubaruta. Cyangwa abagore ntibakannyege abandi bagore wenda baba ari bo beza kubaruta. Ntimugasebanye kandi ntimugahimbane amazina, izina ry'ubwangizi ni ribi nyuma yo kwemera. Kandi utari yicuza, abo ni bo bahuguza.

12. Yemwe abemeye! Mujye mwirinda cyane ugukeka kuko bimwe mu gukeka ari ibyaha. Ntimukagigirane kandi ntimugasebanye. Ese umwe muri mwe yakunda kurya inyama y'umuvandimwe we ari umurambo? Nimubyange mugandukire IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwakira cyane ukwicuza, Nyirimbabazi.

13. Yemwe bantu! Mu by'ukuri Twe twabaremye tubakomoye ku mugabo umwe n'umugore umwe tubagira amahanga n'amoko kugira ngo mumenyane. Rwose ubarusha icyubahiro imbere ya ALLAH (IMANA) ni ubarusha kuganduka. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane, Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora.

14. Ba A'araab baravuze bati: twaremeye! Vuga uti: ntimuremera! Ahubwo nimuvuge muti: twabaye abaislaam.

Naho ukwemera ntikwari kwinjira mu mitima yanyu. Kandi
nimwumvira ALLAH (IMANA) n'intumwa ye ntacyo
azagabanya mu bikorwa byanyu mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
15. Mu by'ukuri abemera nyabo ni abemeye ALLAH (IMANA)
n'intumwa ye nyuma ntibashidikanye bakanaharanira inzira
ya ALLAH (IMANA) batanze imitungo yabo nabo ubwabo.
Abo ni bo banyakuri.

16. Vuga uti: ese muramenyesha ALLAH (IMANA) idini
ryanyu kandi ALLAH (IMANA) azi ibiri mu birere n'ibiri
mu isi? ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri
kintu. 17. Baragucyurira y'uko babaye abaislam vuga uti:
mwincyurira ubuislam bwanyu Ahubwo ALLAH (IMANA)
ni We ukwiye kubacyurira ko yabayoboye ku kwemera niba
muri abanyakuri. 18. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) azi
ibyihishe byo mu birere n'isi. Kandi ALLAH (IMANA) ni
Ubona cyane ibyo mukora.

## Surat 50

## QAAF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Qaaf.*

Ndahiye Qur'aan Yubahitse. 2 Ahubwo batangariye ko
umuburizi ubaturutsemo yabagezeho. Abahakanyi baravuga
bati: iki ni ikintu gitangaje. 3 Ese nidupfa tukaba igitaka?
Uko kugaruka kuri kure. 4 Rwose tuzi icyo ubutaka bugenda
bubagabanyaho kandi dufite igitabo kibibitse. 5 Ahubwo

bahinyuye ukuri ubwo kwabageragaho. Bo bari mu bintu
bivanze.
6 Ese ntibareba ikirere uko twacyubatse hejuru
yabo tukanagitaka, kikaba kidafite imyenge!? 7 N'isi
twarayirambuye tuyishyiraho imisozi tunayezaho buri ngeri
z'ibimera nziza. 8 Ari isomo n'urwibutso kuri buri mugaragu
ugarukira IMANA (ALLAH). 9 Tumanura amazi yuje
imigisha mu kirere tuyeresha imirima n'impeke zisarurwa.
10 N'imitende miremire ifite amaseri ahekeranye neza.
11 Ari amafunguro ku biremwa tunayahesha ubuzima igihugu
cyapfuye. No kuzuka ni nk'uko.
12. Mbere yabo abantu ba Nuuh, abantu ba Rass n' aba
Thamuud barahinyuye. 13. Ba A'ad, Fir'aun n'abavandimwe
ba Luutw. 14. Abantu ba A'ikah n'abantu ba Tubba'i bose
bahinyuye intumwa igihano cyanjye kirahama. 15. Ese
twananijwe n'ukurema kwa mbere!? Ahubwo bo bari mu
kuvangitiranya ukurema gushya.
16. Rwose twaremye umuntu tunazi ibyo umutima we
umubwiriza kandi Twe tunamwegereye kurusha umutsi
w'ubuzima. 17. Ubwo abakira babiri bakira bicaye iburyo
n'ibumoso. 18. Ntasohora ijambo uretse ko aho ari haba hari
ugenzura n'uwo bahorana.
19. Imbanzirizarupfu izazana ukuri. Ibyo ni byo wizibukiraga.
20. Impanda ihuhwemo uwo ni wo munsi w'ibihano. 21. Buri
muntu azaza ari kumwe n'ushorera n'umuhamya. 22. Rwose
wari mu burangare kuri ibi tukuvanyeho igipfundikizo
cyawe amaso yawe none ni ibyuma. 23. Umusangirangendo
we (Mala'ika umushinzwe) aravuga ati: uyu ni we mfite
arahari. 24. Nimujugunye muri Djahannam buri muhakanyi
utsimbarara cyane. 25. Ubangamira cyane ukuri, urengera,

ushidikanya. 26. Wawundi wabangikanyije ALLAH
(IMANA) n'indi mana nimumujugunye mu bihano bikaze.
27. Mugenzi we (sha'itwaan) aravuga ati: ayi Nyagasani
wacu! Sinamuyobeje! Ahubwo we yari mu buyobe bwa
kure. 28. Aravuga ati: ntimujye impaka imbere yanjye kandi
narababuriye ibihano mbere. 29. Ijambo iwanjye ntirihindurwa
kandi Jye sindi uhuguza abagaragu.

30. Zirikana umunsi tuzabwira Djahannam tuti: ese
wuzuye? Ikavuga iti: ese hari inyongera? 31. Djannah izigizwa
hafi y'abaganduka. 32. Iyi ni yo musezeranywa buri ugarukira
ALLAH (IMANA) cyane, uzirikana. 33. Utinya Nyirimpuhwe
atamubona akaza afite umutima wicuza. 34. Nimuzinjire mu
mahoro uwo ni umunsi uhoraho. 35. Bafitemo ibyo bashaka
kandi dufite inyongera.

36. Ni ibisekuru bingahe tworetse mbere yabo byo
byabarushaga imbaraga byanacengeye mu bihugu!? Ese hari
ubuhungiro? 37. Mu by'ukuri muri ibyo hari urwibutso k'ufite
umutima cyangwa uwateze amatwi kandi we ahari.

38. Rwose twaremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo mu
bihe bitandatu kandi ntitwafatwa n'umunaniro. 39. Ihanganire
ibyo bavuga unatagatifuze ishimwe rya Nyagasani wawe
mbere y'uko izuba rirasa na mbere y'uko rirenga. 40. No mu
ijoro ujye umusingiza na nyuma yo kubama.

41. Uzumve umunsi uhamagara azahamagarira ahantu
hafi. 42. Umunsi bazumvaho urusaku mu kuri uwo ni umunsi
w'izuka. 43. Mu by'ukuri Twe dutanga ubuzima tukanabutwara
kandi iwacu niho garukiro. 44. Umunsi isi izabasadukiraho
bakavamo bihuta uko ni ugukoranya kuri Twe koroshye.

45. Twe tuzi cyane ibyo bavuga kandi wowe kuri bo nturi
umunyagitugu. Ibukisha Qur'aan utinya ibihano byanjye.

Surat 51

# AD-DHARIYYAAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye imiyaga itumura. 2 N'ibicu bitwara amazi.
3 N'amato agenda mu buryo bworoshye. 4 N'Abamala'ika
batanga ibintu. 5 Mu by'ukuri ibyo musezeranywa ni ukuri.
6 Kandi n'igihembo kizabaho. 7 Ndahiye ikirere kirimo
amayira. 8 Rwose mwe muri ku ijambo ritandukanye.
9 Ariteshwaho uwateshejwe.

10 Abanyakinyoma baravumwe. 11 Babandi bo bari mu
buherwe barangaye. 12 Barabaza igihe cy'umunsi w'igihembo.
13 Umunsi bo bazaba bari ku muriro bahanwa. 14 Ngaho
nimusogongere ibihano byanyu, iki ni cyo mwihutishaga.
15 Mu by'ukuri abaganduka bari muri Djannah n'amasoko.
16 Bakiriye ibyo bahawe na Nyagasani wabo Mu by'ukuri
mbere y'ibyo bari abagiraneza. 17 Ni gake baryamaga
mu ijoro. 18 No mu gicuku bo basabaga uguhanagurwaho
ibyaha. 19 No mu mitungo yabo hari uburenganzira k'usaba
n'uwiyumanganyije.

20. Ku isi hari ibimenyetso ku bemera badashidikanya.
21. No muri mwe ubwanyu, ese ntimubona ? 22. No mu kirere
hari amafunguro yanyu n'ibyo musezeranywa. 23. Ndahiye ku
izina rya Nyagasani w'ikirere n'isi ko byo ari ukuri nk'uko
mwe muvuga!

24. Ese wagezweho n'inkuru y'abashyitsi ba Ibraahiim
bubahitse. 25. Ubwo binjiraga iwe bakavuga bati: Salaam!
Aravuga bati: Salaam ! Bantu mutazwi. 26. Yinyabya asanga
ab'iwe azana inyana ishishe. 27. Arayibegereza aravuga ati: ese

mwariye!? 28. Ahisha ko yabatinye. Baravuga bati: witinya!?
Bamuha inkuru nziza y'umuhungu w'umumenyi cyane.
29. Umugore we aza yiyamira akubita agashyi mu buranga
bwe avuga ati: Umukecuru w'urubereri! 30. Baravuga bati:
uko ni ko Nyagasani wawe yavuze mu by'ukuri we ni
Ushishoza, Umumenyi cyane.

31. Aravuga ati: mufite kibazo ki? Yemwe ntumwa!
32. Baravuga bati: rwose twe twoherejwe ku bantu b'abagome.
33. Kugira ngo tubamanureho amabuye y'amahindure. 34. Afite
ibimenyetso bya Nyagasani wawe ari igihano ku barengera.
35. Dukuramo (mu Mudugudu w'abagome) abari bawurimo
mu bemera. 36. Ntitwasanzemo keretse urugo rumwe mu
bicisha bugufi. 37. Dusigamo ikimenyetso ku batinya ibihano
bibabaza.

38. No mu nkuru ya Muusa ubwo twamwoherezaga kwa
Fir'aun n'ibimenyetso bigaragara. 39. Atera umugongo ku
bw'imbaraga ze aravuga ati: ni umurozi cyangwa umusazi.
40. Turamufata we n'ingabo ze tubanaga mu nyanja kandi we
agayitse. 41. No mu nkuru ya ba A'ad ubwo twabohererezaga
umuyaga ugumbahaye. 42. Ntureka ikintu ugezeho uretse ko
ukigira umuyonga. 43. No mu nkuru yaba Thamuud ubwo
babwirwaga bati: nimwishime gato kugeza igihe kizwi.
44. Bigomeka ku itegeko rya Nyagasani wabo umuriro
w'inkuba ubafata nabo bareba. 45. Ntibashoboye guhaguruka
nta n'ubwo bari abo gutabarwa. 46. N'abantu ba Nuuh mbere
mu by'ukuri bo bari abantu b'ibyigomeke.

47. Ikirere twacyubakanye imbaraga. Kandi rwose Twe
turi abagura. 48. N'isi twarayishashe. Ni Twe beza bo gusiza.
49. No muri buri kintu twaremyemo gabo na gore kugira
ngo mwibuke. 50. Nimuhungire kwa ALLAH (IMANA) mu

by’ukuri jye kuri mwe ndi umuburizi ugaragara uturutse kuri
We. 51. Ntimukabangikanye ALLAH (IMANA) n’indi mana
mu by’ukuri jye kuri mwe ndi umuburizi ugaragara uturutse
kuri We.

52. Ni nk’uko abari imbere yabo ntibagezweho n’intumwa
uretse ko bavugaga bati: ni umurozi cyangwa umusazi!
53. Ese barabiraganye? Ahubwo bo ni abantu b’ibyigomeke.
54. Birengagize, wowe nta bwo uri uwo kugawa. 55. Ibutsa!
Mu by’ukuri ukwibutsa kugirira akamaro abemera.

56. Sinaremye amadjinn n’abantu uretse ko ari ukugira
ngo bingaragire. 57. Simbishakaho amafunguro sinashaka ko
bingaburira 58. Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni We Utanga
amafunguro cyane, Uwimbaraga, Ukomeye. 59. Rwose
abahuguje bafite umugabane ku bihano nk’umugabane wa
bagenzi babo. Ntibanyihutishe. 60. Ibihano bikomeye biri ku
bahakanye ku munsi wabo basezeranywaga.

## Surat 52

# AT-TWUUR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye Twuur. 2 N’igitabo cyanditse. 3 K’urupapuro
rurambuye. 4 Ndahiye inzu yubatse. 5 N’igisenge gihanitse.
6 N’inyanja igurumana. 7 Mu by’ukuri ibihano bya
Nyagasani wawe bizaba. 8 Ntibifite icya bibuza. 9 Umunsi
ikirere kizatigita ugutigita. 10 N’imisozi ikagenda ukugenda
11 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura.
12 Abinjira mu kinyoma bakina. 13 Umunsi bazasunikwa
ugusunikwa baganishwa ku muriro wa Djahannam. 14 Uyu

ni wo muriro mwajyaga muhakana. 15 Ese ubu ni uburozi
cyangwa mwe ntimureba? 16 Muwinjiremo. Mwihangane
cyangwa ntimwihangane ni kimwe kuri mwe rwose
murahembwa ibyo mwakoraga.

17 Rwose abaganduka bazaba muri Djannah n'inema.
18 Banyuzwe n'ibyo Nyagasani wabo yabahaye kandi
Nyagasani wabo yabarinze ibihano bya Djahiim.
19 Nimurye, munywe mugubwe neza kubera ibyo mwakoraga.
20 Begamye ku bitanda bitondetse kandi tuzabashyingira ba
Huurul –a'in.

21. N'abemeye, ababakomokaho bakabakurikira mu
kwemera tuzabasangisha ababakomotseho kandi ntitugire
icyo tugabanya mu bikorwa byabo. Buri muntu ku byo
yakoze azabibazwa. 22. Tuzabongerera imbuto n'inyama mu
byo bifuza. 23. Bazahanamo ikirahure nta gusinda kukirimo
nta n'igicumuro. 24. Bazazengurukwamo n'abahungu babo
bameze nka Lu'ulu'u ipfunyitse. 25. Bamwe bazahindukirira
abandi babazanya. 26. Bavuge bati: rwose twe mbere twari mu
bacu dufite impungenge. 27. ALLAH (IMANA) aratugororera
aturinda ibihano bya Samuum. 28. Rwose twe mbere
twaramusabaga mu by'ukuri ni We Uwineza, Nyirimbabazi.

29. Ibutsa! Mu by'ukuri wowe ku bw'inema za Nyagasani
wawe nturi umupfumu cyangwa umusazi. 30. Cyangwa
baravuga bati: ni umusizi reka tumutege iminsi. 31. Vuga
uti: ngaho nimuturame. Rwose jye hamwe na mwe ndi mu
bategereje. 32. Cyangwa ubwenge bwabo burabategeka ibi
cyangwa bo ni abantu b' ibyigomeke. 33. Cyangwa baravuga
ngo yarayihimbye! Ahubwo ntibemera! 34. Ngaho nibazane
ikiganiro nkayo niba ari abanyakuri.

35. Cyangwa baremwe nta kintu bakomoweho cyangwa ni

bo baremyi!? 36. Cyangwa baremye ibirere n'isi!? Ahubwo
ntibemera! 37. Cyangwa bafite ibigega bya Nyagasani
wawe!? Cyangwa ni bo bagenga!? 38. Cyangwa bafite
urwego bumviririzaho!? Ngaho uwumviriza wabo nazane
ibimenyetso simusiga! 39. Cyangwa ni We ufite abakobwa
mukagira abahungu!?

40. Cyangwa urabasaba igihembo bo bakaba baremererwa
n'ubwishyu!? 41. Cyangwa bafite ubumenyi bw'ibyihishe
bakaba bandika!? 42. Cyangwa barashaka kugambana
abahakanye ni bo bazahanirwa ubugambanyi. 43. Cyangwa
bafite imana itari IMANA (ALLAH)!? Ubutagatifu ni ubwa
ALLAH (IMANA) ku byo bamubangikanya.

44. N'iyo babona ikimanyu giturutse mu kirere kigwa
bavuga bati: ni igicu gicucitse ! 45. Bareke kugeza ubwo
bazahura n'umunsi wabo bazagushwamo igihumura.
46. Umunsi akagambane kabo katazagira icyo kabamarira nta
n' ubwo bo bazatabarwa. 47. Rwose abahuguje bafite ibindi
bihano bitari ibyo ariko abenshi muri bo ntibabizi.

48. Ihanganire ugukiranura kwa Nyagasani wawe rwose
wowe turakurinze unatagatifuze ishimwe rya Nyagasani
wawe uko ukora Swalaat. 49. No mu ijoro umwambaze
n'igihe inyenyeri ziba zirenga.

## Surat 53

# AN-NADJ'M

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye inyenyeri iyo igwa. 2 Mugenzi wanyu ntiyayobye!
Nta n'ubwo yakosheje. 3 Ntavuga ashingiye ku irari. 4 We

nta kindi avuga uretse ibihishurwa ahishurirwa. 5 Yigishwa
n'ufite imbaraga cyane. 6 Ufite ishusho nziza wigaragaje
mu ishusho ye y'ukuri. 7 Ubwo we yari mu kirere cyo
hejuru. 8 Maze aza hafi arushaho kumwegera. 9 Aba ku
rugero rw'amahembe y'umuheto cyangwa hafi kurushaho.
10 Ahishurira umugaragu wa ALLAH (IMANA) ibyo
yamuhishuriye. 11 Umutima ntiwabeshye ku byo wabonye.
12 Ese muramugisha impaka ku byo abona. 13 Yigeze no
kumubona ubundi. 14 Kuri Sidratil-Mun'tahaa. 15 Kuri yo ni
ho hari Djannah y'ubwakiriro. 16 Ubwo Sidrah yatwikirwaga
n' ibiyitwikira. 17 Amaso ntiyatannye nta n'ubwo yayobye.
18 Rwose yabonye ibihambaye mu bitangaza bya Nyagasani
we.

19 Nimumbwire Laata na Uzza! 20 Na Manaata wa
gatatu wundi. 21 Ese mufite abahungu akagira abakobwa!?
22 Iryo ryaba ari igabana ribogamye. 23 Ibyo ntacyo biri cyo
uretse amazina mwabyise mwebwe n'abakurambere banyu
ALLAH (IMANA) nta kimenyetso yabimanuriye. Ntacyo
bakurikira uretse ugukeka n'ibyo imitima irarikira Kandi mu
by'ukuri bagezweho n'ubuyoboke buturutse kwa Nyagasani
wabo. 24 Ese Umuntu yabona ibyo yifuza byose? 25 ALLAH
(IMANA) ni We ufite imperuka n'intangiriro.

26. Ni bangahe mu Bamala'ika bari mu birere, ubuvugizi
bwabo butazagira icyo bumara keretse nyuma y'aho ALLAH
(IMANA) azaha uruhushya uwo ashaka akanashima!
27. Mu by'ukuri abatemera imperuka bita Abamala'ika
inyito y'igitsina gore. 28. Nta bumenyi babifitiye nta n'icyo
bakurikira uretse ugukekeranya kandi rwose ugukeka ntacyo
kwahindura ku kuri. 29. Irengagize uwateye umugongo
urwibutso rwacu nta kindi ashaka uretse ubuzima bw'isi.

30. Iyo ni yo songa y'ubumenyi bwabo mu by'ukuri Nyagasani
wawe ni We Uzi cyane uwayobye ku nzira ye ni na We uzi
cyane uwayobotse.
31. Ibyo mu birere n'ibyo mu isi ni ibya ALLAH (IMANA)
kugira ngo ahembe abafuditse ibyo bakoze anahembe ibyiza
abagize neza. 32. Abirinda ibyaha n'ibikozasoni uretse kugwa
mu byoroshye. Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni Mugari wo
guhanagura ibyaha ni na We ubazi cyane, ubwo yabahangaga
abakuye mu gitaka n'igihe mwe mwari abana mukiri mu nda
za ba nyoko. Ntimukigire abere! Ni We Uzi cyane uganduka.
33. Ese ntubona uwateye umugongo! 34. Agatanga
bike maze akanagira ubugugu!? 35. Ese afite ubumenyi
bw'ibitagaragara akaba abona? 36. Cyangwa ntiyabwiwe ibiri
mu bitabo bya Muusa? 37. Na Ibraahim wasohoje ubutumwa?
38. Ko umunyacyaha atikorera icyaha cy'undi. 39. No kuba
umuntu atazabona uretse ibyo yakoze. 40. Kandi ko ibikorwa
bye bizabonwa. 41. Maze akabihemberwa igihembo cyuzuye.
42. No kuba kwa Nyagasani wawe ari ryo herezo. 43. No kuba
We ari We Utera guseka no kurira. 44. No kuba We yambura
ubuzima akanabutanga. 45. No kuba ari We urema ibitsina
byombi gabo na gore. 46. Mu ntanga iyo zisohowe. 47. No
kuba ari We uzarema bundi. 48. No kuba ari We ukungahaza
akanakenesha. 49. No kuba ari We Nyagasani wa Shi'ira
50. No kuba ari We woretse ba A'ad mbere. 51. Na ba
Thamuud ntiyagira uwo asiga. 52. N'abantu ba Nuuh mbere!?
Rwose nibo bari abahuguza cyane bakanayoba cyane.
53. N'imidugudu yarimbuwe arayihanantura.
54. Ibyayitwikiriye birayitwikira. 55. Ese ni izihe mu nema za
Nyagasani wawe ushidikanya ho!?
56. Uyu ni umuburizi nk'ababuruzi bo hambere.

57. Imperuka iregereje. 58. Ntifite undi utari ALLAH (IMANA)
wayigaragaza. 59. Ese muratangazwa n’iki kiganiro?
60. Mugaseka ntimurire. 61. Kandi mwe muri indangare!?
62. Nimwubamire ALLAH (IMANA) munamugaragire.

## Surat 54

# AL QAMAR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Imperuka iregereje n’ukwezi kwasadutse. 2 Iyo babonye
igitangaza batera umugongo bakanavuga bati: ni uburozi
bukomeza! 3 Barahinyura bakanakurikira irari ryabo nyamara
buri kintu gifite iherezo. 4 Rwose bagezweho n’inkuru zirimo
amasomo. 5 Ni ubushishozi buhebuje ariko ntacyo ukuburira
kubamariye. 6 Batere umugongo! Uzirikane umunsi
umuhamagazi azahamagara ku kintu giteye ubwoba. 7 Amaso
yabo areba hasi bazasohoka mu mva bameze nk’inzige
zinyanyagiye. 8 Bihuta bagana uhamagara, abahakanyi
bavuga bati: uyu ni umunsi ugoye.

9. Mbere yabo abantu ba Nuuh barahinyuye, bahinyura
umugaragu wacu baravuga bati: ni umusazi unakumiriwe.
10. Asaba Nyagasani we ngo: rwose jye ndaneshejwe,
tabara. 11. Dufungurira imiryango y’ikirere amazi yisuka
cyane. 12. Isi tuyituritsamo amasoko amazi arahura ku
bw’itegeko ryagenwe. 13. Tumuheka ku kigizwe n’imbaho
n’imisumari. 14. Kigendera ku kurinda kwacu ari igihembo
k’uwahakanyijwe. 15. Rwose twakirekeye kuba ikimenyetso,
ese hari uwibuka!? 16. Ibihano byanjye n’ububurizi byari

bimeze bite!? 17. Rwose tworoheje Qur'aan kugira ngo ibe urwibutso, ese hari uwibuka!?

18. Ba A'ad barahinyuye. Ibihano byanjye n'ububurizi byari bimeze bite!? 19. Rwose Twe twaboherereje umuyaga uvuza ubuhuha ku munsi w'amakuba akomeye. 20. Urandura abantu bakamera nk'ibihimba by'imitende biranduwe. 21. Ibihano byanjye n'ububurizi byari bimeze bite!? 22. Rwose tworoheje Qur'aan kugira ngo ibe urwibutso, ese hari uwibuka!?

23. Ba Thamuud bahinyuye ububurizi. 24. Baravuga bati: ese umuntu umwe muri twe abe ari we dukurikira? Rwose ubwo twe turaba turi mu buyobe n'ubusazi. 25. Ese ni we wahawe urwibutso muri twe? Ahubwo we ni umubeshyi cyane, uwikuza. 26. Ejo bazamenya umubeshyi, uwikuza uwo ari we. 27. Rwose Twe turabohererereza ingamiya ari ikigeragezo kuri bo. Ubitegereze unihangane. 28. Ubabwireko amazi agabanyijwe hagati yabo. Buri wese afite umunsi wo kunywa. 29. Bahamagara mugenzi wabo arayifata arayibaga. 30. Ibihano byanjye n'ububurizi byari bimeze bite!? 31. Rwose Twe twaboherereje urusaku rumwe gusa, bamera nk'ibiti by'ikiraro byacikaguritse. 32. Rwose Twe tworoheje Qur'aan kugira ngo ibe urwibutso, ese hari uwibuka!?

33. Abantu ba Luutw bahinyuye ububurizi. 34. Rwose Twe twaboherereje amabuye uretse umuryango wa Luutw, bo twabarokoye mu rukerera. 35. Ari inema ziduturutseho uko ni ko duhemba ushimira. 36. Rwose yababuriye ku ikacira ryacu, bashidikanya ku buburizi. 37. Rwose bamwinginze ku bashyitsi be, turabahumisha. Ngaho nimusogongere ibihano n'ububurizi bwanjye! 38. Rwose ibihano bikomeza byabakereyeho mu gitondo. 39. Ngaho nimusogongere

ibihano n’ububurizi byanjye. 40. Rwose tworoheje Qur’aan
kugira ngo ibe urwibutso, ese hari uwibuka!?
41. Rwose umuryango wa Fir’aun wagezweho n’ububurizi.
42. Bahinyuye ibitangaza byacu byose tubakacira ugukacira
k’Utsinda, Uwishoboza.
43. Ese abahakanyi banyu ni bo beza kurusha bariya
cyangwa mufite ukwezwa mu bitabo!? 44. Cyangwa baravuga
bati: twe twese turi abatsinda! 45. Abikoranyije bazatsindwa
banahindukire bayabangira ingata. 46. Ahubwo imperuka ni
yo sezerano ryabo kandi imperuka ni yo iteye ubwoba cyane,
inarura cyane. 47. Mu by’ukuri abagome bari mu buyobe
n’ubusazi. 48. Umunsi bazakururwa mu muriro ku buranga
bwabo (babwirwe ngo): ngaho nimusogongere igihano cya
Saqar.
49. Mu by’ukuri Twe buri kintu twakiremye ku rugero.
50. Kandi itegeko ryacu si ikindi uretse ko ari ijambo rimwe
nko guhumbya kw’amaso. 51. Rwose tworetse bagenzi banyu,
ese hari uwibuka!? 52. Kandi buri kintu bakoze kiri mu
bitabo. 53. Na buri gito n’ikinini kiranditse. 54. Mu by’ukuri
abaganduka bazaba muri Djannah n’imigezi. 55. Mu cyicaro
cy’ukuri, k’Umwami, Uwishoboza.

Surat 55

## AL RAHMAN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Nyirimpuhwe. 2 Yigishije Qur’aan. 3 Yaremye umuntu.
4 Amwigisha ububonezamvugo. 5 Izuba n’ukwezi
bigendera ku mubare. 6 Inyenyeri n’ibiti birubama.

7 N’ikirere yaragihanitse ashyiraho iminzani. 8 Kugira ngo
mutarengera mu minzani. 9 Nimutere iminzani mu kuri kandi
ntimukagabanye ku minzani.

10 Isi na yo yayishyiriyeho ibiremwa. 11 Irimo imbuto
n’imitende ifite itende zifite ibishishwa. 12 N’impeke
z’inyamisogwe n’izihumura. 13 Ni iyihe mu nema za
Nyagasani wanyu muhinyura!? 14 Yaremye umuntu
amukuye mu ibumba ry’umukara rirangira nk’idongo.
15 Arema amadjinn mu kibatsi cy’umuriro. 16 Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 17 Nyagasani
w’Uburasirazuba bubiri na Nyagasani w’Uburengerazuba
bubiri. 18 Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?
19 Yarekuye inyanja ebyiri zirahura. 20 Hagati yazo hari
urusika ntizivanga. 21 Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu
muhinyura!? 22 Muri zo havamo Lu’ulu’u na Mar’djaan.
23 Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?
24 Afite amato manini agenda mu nyanja ameze nk’imisozi. 25
Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?

26. Buri ikiyiriho (isi) kizashira. 27. Hazasigara ubutagatifu
bwa Nyagasani wawe Nyir’ikuzo n’icyubahiro. 28. Ni iyihe
mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 29. Ibiri mu birere
n’isi biramusaba. Buri munsi We aba akora. 30. Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?

31. Tuzabacira imanza yemwe Thaqalaan. 32. Ni iyihe
mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 33. Yemwe
miryango y’amadjinn n’abantu! Nimushobora kwinjira
mu duce tw’ibirere n’isi, mwinjire. Ntimushobora kwinjira
keretse ku bw’itegeko. 34. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 35. Muzohererezwa ikibatsi cy’umuriro

n'umuringa ntimuhonoke. 36. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!?

37. Ubwo ikirere kizasatagurika kikaba umutuku
nk'uruhu rutukura. 38. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 39. Uwo munsi umuntu cyangwa djinn
ntibizabazwa ibyaha byabyo. 40. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 41. Abagome bazamenyekanishwa
n'ibimenyetso byabo bazaterurwa mu bihorihori n'ibirenge.
42. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?
43. Ngiyi Djahannam abagome bahinyuraga!
44. Barayizenguruka hagati yayo no hagati y'amazi yatuye.
45. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?

46. Naho utinya guhagarara imbere ya Nyagasani we,
afite Djannah ebyiri. 47. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 48. Zifite amashami. 49. Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 50. Zirimo amasoko
abiri atemba. 51. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu
muhinyura!? 52. Zirimo muri buri mbuto ingeri ebyiri.
53. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?
54. Bazaba begamye ku buriri imbere yabwo hakoze muri
Is'tabraq n'ibimera by'izo Djannah biri hafi. 55. Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 56. Zirimo abagore
biyubashye nta muntu cyangwa djinn mbere yabyo wigeze
abakoraho. 57. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu
muhinyura!? 58. Bameze nka Yaquut na Mar'djaan. 59. Ni
iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 60. Ese hari
igihembo cy'ibyiza uretse ibyiza!? 61. Ni iyihe mu nema za
Nyagasani wanyu muhinyura!?

62. Nyuma yazo hari Djannah ebyiri. 63. Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 64. Z'icyatsi cyane.

65. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!?
66. Harimo imigezi ibiri ivubura amazi. 67. Ni iyihe mu
nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 68. Harimo imbuto,
imitende na Rummaan. 69. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 70. Harimo abagore beza bintungane.
71. Ni iyihe mu nema za Nyagasani wanyu muhinyura!? 72. Ba
Huuru bahora mu mahema. 73. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 74. Nta muntu cyangwa djinn mbere
yabyo wigeze abakoraho. 75. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 76. Bazaba begamye ku misego y'icyatsi
n'amagodora atatse neza. 77. Ni iyihe mu nema za Nyagasani
wanyu muhinyura!? 78. Izina rya Nyagasani wawe Nyir'ikuzo
n'icyubahiro ryuje imigisha.

## Surat 56

# AL-WAAQI'AH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo ikiza kizaza. 2 Ntawahinyura ukuza kwacyo.
3 Kizasuzuguza, cyubahishe. 4 Ubwo isi izatigiswa ugutigita.
5 N'imisozi igasebwa ugusya. 6 Ikaba umukungugu
unyanyagiye. 7 Mukaba ingeri eshatu.
8 Ab'iburyo. Ni bande ab'iburyo? 9 N'ab'ibumoso.
Ni bande ab'ibumoso? 10 N' abambere, ari na bo bazaba
abambere. 11 Abo ni bo bazaba abo hafi. 12 Muri Djannah
zuje inema. 13 Ni itsinda rinini mu bo hambere. 14 Ni rike mu
banyuma. 15 Bazaba bari ku bitanda bitatse. 16 Babyegamyeho
berekeranye. 17 Abana bahozwaho babazengurukamo.
18 N'ibikombe, amabirika n'ibirahuri by'ibinyobwa bitemba.

19 Ntibibatera umutwe nta n'ubwo bibasindisha. 20 N'imbuto
mu zo batoranya. 21 N'inyama z'inyoni mu zo bifuza.
22 N'aba Huurul-a'in. 23 Bameze nka Lu'ulu'u ipfunyitse. 24
Ari igihembo kubyo bakoraga. 25 Ntabwo muri yo bumva
amangambure cyangwa ibicumuro. 26 Uretse kubwirwa ngo:
salaam! Salaam!

27. Ab' iburyo. Ni bande ab'iburyo? 28. Bazaba mu biti
bya Sid'r bidafite amahwa. 29. N'intoki zitondekanyije.
30. N'igicucu kirambuye. 31. N'amazi ahora atemba.
32. N'imbuto nyinshi. 33. Ntizihundura ntizinabujijwe.
34. N'uburiri buri hejuru. 35. Rwose Twe twabaremye ukurema.
36. Tubagira amasugi. 37. Bakundwakaza, b'urungano.
38. Bagenewe ab'iburyo. 39. Ni itsinda rinini mu bo hambere.
40. Ni itsinda rinini mu bo hanyuma.

41. Ab'ibumoso. Ni bande ab'ibumoso ? 42. Bazaba bari
muri Samuum n'amazi yatuye. 43. N'igicucu cy'umwotsi
w'umukara. 44. Ntigikonje nta n'ubwo ari cyiza.
45. Rwose bo mbere y'ibyo bari abadamaraye. 46. Bajyaga
batsimbarara ku cyaha gihambaye. 47. Bajyaga banavuga
bati: ese nidupfa tugahinduka igitaka n'amagufa, ese ubwo
twe koko tuzazurwa? 48. Cyangwa abakurambere bacu bo
hambere!? 49. Vuga uti: rwose abo hambere n'abo hanyuma.
50. Bazakoranywa kugeza ku gihe cy'umunsi uzwi. 51. Maze
rwose mwe abayobye bahinyura. 52. Muzarya ku giti cya
Zaqquum. 53. Muzacyuzuza inda. 54. Mugisomeze amazi
yatuye. 55. Muzanywa nko gushoka kw'ingamiya zidashira
inyota. 56. Iryo ni ryo zimano ryabo umunsi wo kwishyurwa.

57. Ni Twe twabaremye iyaba mwemeraga. 58. Ese ntimubona
ayo musohora? 59. Ese ni mwe muyarema cyangwa ni Twe
abarema!? 60. Twe twagennye urupfu hagati yanyu. Kandi

Twe ntituri abananirwa. 61. Kuba twabahinduramo abameze
nka mwe tukabaremamo ibindi mutazi. 62. Rwose mwamenye
ukurema kwa mbere. Iyaba mwibukaga. 63. Ese ntimubona
ibyo muhinga? 64. Ese ni mwe mubyeza cyangwa ni Twe
abeza? 65. Tubishatse twabigira ubushwangi mugakomeza
kubabara. 66. Rwose twe twahombye. 67. Ahubwo twe
twaziririjwe. 68. Ese ntimubona amazi munywa? 69. Ese ni mwe
muyamanura mu bicu cyangwa ni Twe abamanura? 70. Iyo
dushaka twari kuyagira urwunyunyu iyaba mwashimiraga.
71. Ese ntimubona umuriro mucana? 72. Ese ni mwe mwaremye
igiti cyawo cyangwa ni Twe abarema!? 73. Twe twakigize
urwibutso n'umunezero ku bawukeneye. 74. Tagatifuza izina
rya Nyagasani wawe rihambaye.

75. Sindahiye imyanya y'inyenyeri. 76. Kandi rwose yo
ni indahiro, iyo mubimenya ihambaye. 77. Mu by'ukuri yo
ni Qur'aan Ntagatifu. 78. Mu gitabo kirinzwe. 79. Ntawe
ugikoraho uretse abejejwe. 80. Yamanuwe iturutse kwa
Nyagasani w'ibiremwa. 81. Ese iki kiganiro mwe ni cyo
muhinyura. 82. Mukagira amafunguro yanyu kuba mwe
muhinyura?

83. Iyo roho igeze mu muhogo. 84. Namwe icyo gihe
mukaba mureba. 85. Na Twe tuba turi hafi ye kubarusha ariko
ntimubona. 86. Iyaba mwari abatabazwa. 87. Mwayigarura
niba muri abanyakuri. 88. Ni aba ari mu bo hafi. 89. Azabona
iruhuko, impumuro na Djannah yuje inema. 90. Naho ni
aba mu ab'iburyo. 91. Amahoro ni abe kuri wowe aturutse
ku b'iburyo. 92. Naho ni aba ari mu bahinyura bayobye.
93. Izimano ryabo ni amazi yatuye. 94. No kwinjira muri
Djahiim. 95. Mu by'ukuri uku ni ko kuri kudashidikanywaho.
96. Tagatifuza izina rya Nyagasani wawe rihambaye.

Surat 57

# AL-HADIID

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibyo mu birere n’isi bisingiza IMANA (ALLAH). Kandi
ni We Utsinda, Ushishoza. 2 Ubwami bw’ibirere n’isi ni
ubwe. Ni We Utanga ubuzima akanatanga urupfu kandi
We ni Ushobora cyane buri kintu. 3 Ni We Uwambere,
Uwanyuma, Ugaragara n’Utagaragara kandi ni We Mumenyi
cyane wa buri kintu. 4 Ni We waremye ibirere n’isi mu bihe
bitandatu nyuma aganza kuri A’arsh. Azi ibyinjira mu isi
n’ibisohokamo n’ibimanuka mu kirere n’ibikizamukamo. We
ari kumwe na mwe aho muri hose kandi ALLAH (IMANA)
ni Ubona cyane ibyo mukora. 5 Ubwami bw’ ibirere n’isi ni
ubwe kandi kwa ALLAH (IMANA) ibintu ni ho bigarurwa.
6 Yinjiza ijoro mu manywa, akaninjiza amanywa mu ijoro
kandi ni We Mumenyi cyane w’ibiri mu bituza.

7 Nimwemere ALLAH (IMANA) n’intumwa ye
munatange mu byo yabagizemo abazungura. Abemeye
muri mwe bakanatanga bafite ibihembo bihebuje. 8 Ni
kuki mutakwemera ALLAH (IMANA) kandi Intumwa
ibahamagarira kwemera Nyagasani wanyu kandi yarakiriye
isezerano ryanyu rikomeye niba mwemera? 9 Ni We umanurira
umugaragu we amagambo asobanutse kugira ngo abakure mu
mwijima abaganishe ku rumuri. Rwose ALLAH (IMANA)
kuri mwe ni Nyirimpuhwe cyane, Nyirimbabazi. 10 Ni kuki
mutatanga mu nzira ya ALLAH (IMANA) kandi ukuzungura
ibirere n’isi ari ukwa ALLAH (IMANA) ? Ntibareshya muri
mwe uwatanze mbere y’intsinzi akanarwana. Abo basumbije

urwego abatanze nyuma bakanarwana, ariko bose ALLAH
(IMANA) yabasezeranyije ibyiza kandi ALLAH (IMANA)
ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo mukora.

11. Ninde uyu uguriza ALLAH (IMANA) inguzanyo nziza
ngo azayimutuburire!? Anafite ibihembo byiza. 12. Umunsi
uzabona abemera n'abemerakazi urumuri rwabo rukataza
imbere yabo n'iburyo bwabo (babwirwa ngo): Inkuru yanyu
nziza none ni Djannah zitembamo imigezi, muzabamo
ubuziraherezo. Iyo ni yo ntsinzi ihambaye. 13. Umunsi
abakora Nifaaq n'abakora Nifaaq b'abagore bazabwira
abemeye bati: nimudutegereze turahure ku rumuri rwanyu.
Babwirwe bati: nimusubire inyuma yanyu mushake urumuri.
Hagati yabo hubakwe urukuta rufite umuryango imbere
yawo hari impuhwe naho inyuma yawo hakaba ibihano.
14. Barabahamagara (bagira bati): ese ntitwari kumwe
namwe? Baravuga bati: yego! Ariko mwarigerageje mutega
iminsi muranashidikanya, icyizere kirabashuka kugeza ubwo
itegeko rya ALLAH (IMANA) rije umushukanyi abatesha
umurongo wa IMANA (ALLAH). 15. Uyu munsi nta ncungu
iri bwakirwe kuri mwe no ku bahakanye, ubwakiriro bwanyu
ni umuriro ni wo nshuti yanyu koya ni na ryo garukiro ribi.

16. Ese igihe nticyari cyagera ku bemeye ko imitima yabo
yicisha bugufi ku kwibuka ALLAH (IMANA) n'ibyamanutse
by'ukuri ntibabe nk'abahawe ibitabo mbere igihe kikababana
kirekire imitima yabo igakakara? Kandi abenshi muri bo ni
ibyigomeke. 17. Mumenyeko rwose ALLAH (IMANA) aha
isi ubuzima nyuma yo gupfa kwayo. Rwose twabasobanuriye
amagambo kugira ngo mugire ubwenge.

18. Rwose abatanze Swadaqa b'abagabo n'abatanze
Swadaqa b'abagore bakanaguriza ALLAH (IMANA)

inguzanyo nziza bazatuburirwa banafite ibihembo byiza.
19. Abemeye ALLAH (IMANA) n'intumwa ze abo ni bo banyakuri n'abahamya kwa Nyagasani wabo. Bafite ibihembo byabo n'urumuri rwabo. Naho abahakanye bakanahinyura amagambo yacu abo ni ba nyiri Djahiim.

20. Mumenyeko rwose ubuzima bw'isi ari umukino n'ibidafite akamaro, imitako, no kwiyemera hagati yanyu no kwiratana imitungo n'abana. Ni nk'imvura ibimera byayo bishimisha abahakanyi nyuma bikuma ukabibona ari umuhondo maze bikaba ubuvungukira. Kandi ku mperuka hazaba ibihano bikomeye no guhanagura ibyaha n'ishimwe biturutse kwa IMANA (ALLAH). Ubuzima bw'isi si ikindi uretse ukwishima kw'igihe gito gushuka.
21. Nimutanguranwe ku guhanagurwaho ibyaha guturutse kwa Nyagasani wanyu na Djannah; ubugari bwayo ni nk'ubugari bw'ikirere n'isi yateguriwe abemeye ALLAH (IMANA) n'intumwa ze. Izo ni ingabire za ALLAH (IMANA) aziha uwo ashaka. Kandi ALLAH (IMANA) ni Nyir' ingabire zihambaye.

22. Nta kibi kiba ku isi cyangwa muri mwe uretse ko kiri mu gitabo mbere y'uko tuyirema. Mu by'ukuri ibyo kwa ALLAH (IMANA) biroroshye.
23. Kugira ngo mutababazwa n'ibyabacitse cyangwa ngo mwiratane ibyo yabahaye. ALLAH (IMANA) ntakunda uwimaringa, wiyemera.
24. Abagira ubugugu bakanategeka abantu kugira ubugugu. Uzahindukira mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We Mukungu, Ushimwa cyane.

25. Rwose twohereje intumwa zacu n'ibitangaza, tubamanurira ibitabo n'iminzani kugira ngo abantu bakoreshe ukuri twanamanuye icyuma kirimo ububi bukomeye n'ibifitiye abantu akamaro kugira ngo ALLAH (IMANA)

yerekane abamutabara We n’intumwa ze batamubona. Mu
by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Uwimbaraga, Utsinda.
[26.] Rwose twohereje Nuuh na Ibraahiim, dushyira mu
rubyaro rwabo ubuhanuzi n’ibitabo. Muri bo hari abayobotse
ariko abenshi muri bo ni ibyigomeke. [27.] Hanyuma dukurikiza
mu bimenyetso byabo intumwa zacu; dukurikizaho Isa
mwene Mariam tumuha In’jiil tunashyira mu mitima
y’abamukurikiye impuhwe nyinshi n’imbabazi hanyuma
bihimbira kwiyegurira Imana (Ubupadiri n’ububikira
n’ibindi nka byo) tutabategetse uretse ko babikoze bashakisha
ishimwe rya ALLAH (IMANA) ariko ntibabizirikana ukuri
ko kubizirikana maze duha abemeye muri bo ibihembo byabo
ariko abenshi muri bo ni ibyigomeke.
[28.] Yemwe abemeye! Nimugandukire ALLAH (IMANA)
munemere intumwa ye! Abahe imigabane ibiri mu mpuhwe
ze, abahe urumuri mugenderaho anabahanagureho ibyaha
byanyu. ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi. [29.] Kugira ngo abahawe ibitabo
bamenyeko ntacyo bashobora mu ngabire za ALLAH
(IMANA) no kuba ingabire ziri mu kuboko kwa ALLAH
(IMANA) aziha uwo ashaka kandi ALLAH (IMANA) ni
Nyir’ingabire zihambaye.

Surat 58

# AL-MUDJAADALAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Rwose ALLAH (IMANA) yumvise imvugo y’ukugisha
impaka k’ umugabo we anaregera IMANA (ALLAH),

ALLAH (IMANA) yumva ukuganira kwanyu. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Uwumva cyane, Ubona cyane.

2 Abakorera muri mwe abagore babo Dhwihaar bo si ba
nyina. Ba nyina si abandi uretse abababyaye. Rwose bo
baravuga ikibi mu magambo n’ikinyoma. Mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) ni Ubabarira cyane, Uhebuje mu
guhanagura ibyaha. 3 Abakorera Dhwihaar abagore
babo hanyuma bagasubira ku byo bavuze; bagomba
guha ubwigenge umucakara, mbere y’uko bahura. Ibyo
murabiburirwa, ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w’
ibyihishe mu byo mukora. 4 Utamubonye agomba gusiba
amezi abiri akurikiranye mbere y’uko bahura. Utabishoboye
agomba kugaburira abakene mirongo itandatu. Ibyo ni
ukugira ngo mwemere ALLAH (IMANA) n’Intumwa ye.
Izo ni imbibi za ALLAH (IMANA) Kandi abahakanyi bafite
ibihano bibabaza.

5. Mu by’ukuri abaca ukubiri na ALLAH (IMANA)
n’Intumwa ye barasuzugujwe nk’uko abari imbere yabo
basuzugujwe. Rwose twamanuye amagambo asobanutse
kandi abahakanyi bafite ibihano bisuzuguza. 6. Umunsi
ALLAH (IMANA) azabazura bose akababwira ibyo bakoze
ALLAH (IMANA) yarabibaruye bo barabyibagirwa kandi
ALLAH (IMANA) ni Umuhamya kuri buri kintu.

7. Ese ntubonako ALLAH (IMANA) azi ibiri mu birere
n’isi? Ntihababaho ukongorerana kwa batatu uretse ko We aba
ari uwa kane wabo cyangwa ukwa batanu uretse ko We aba ari
uwa gatandatu wabo cyangwa munsi yabo cyangwa barenze
uretse ko We aba ari kumwe nabo aho bari hose hanyuma
akazababwira ku munsi w’izuka ibyo bakoraga mu by’ukuri
ALLAH (IMANA) kuri buri kintu ni Umumenyi cyane.

[8.] Ese ntubona ababujijwe kongorerana nyuma bagasubira
ku byo babujijwe, bakongorerana ibyaha n'ububisha no
kwigomeka ku Ntumwa!? Iyo baje bagusanga bagusuhuza
mu ndamutso ALLAH (IMANA) atagusuhujemo bakavuga
mu mitima yabo bati: ALLAH (IMANA) ntiyaduhana kubera
ibyo tuvuga! Djahannam irabahagije bazayinjira. Kandi ni
ryo garukiro ribi.
[9.] Yemwe abemeye! Nimwongorerana ntimukajye
mwongorerana ibyaha, ububisha, no kwigomeka ku
Ntumwa. Ahubwo mujye mwongorerana ibyiza no
kuganduka. Mugandukire ALLAH (IMANA) We, iwe
muzakoranyirizwa. [10.] Mu by'ukuri kongorera bituruka kwa
sha'itwaan kugira ngo abemera bagire agahinda kandi ntacyo
azabatwara keretse ku bushake bwa IMANA (ALLAH).
Abemera nibiringire IMANA (ALLAH).
[11.] Yemwe abemeye! Nimubwirwa ngo: mwagure ibyicaro!
Mujye mwagura kugira ngo ALLAH (IMANA) abagurire.
Nimunabwirwa ngo: muhaguruke! Mujye muhaguruka
kugira ngo ALLAH (IMANA) azamure mu ntera abemeye
muri mwe n'abahawe ubumenyi. Kandi ALLAH (IMANA)
ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo mukora.
[12.] Yemwe abemeye! Nimushaka kubonana n'Intumwa
mujye mutanga mbere yo kubonana kwanyu Swadaqah. Ibyo
ni byo byiza kuri mwe ni nabyo birushije kwera. Nimutayibona
mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We Uhebuje mu
guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi. [13.] Ese muratinya gutanga
Swadaqah mbere yo kubonana kwanyu? Ubwo mutabikoze,
ALLAH (IMANA) akaba ababababariye nimuhozeho Swalaat,
mutange Zakaat munumvire ALLAH (IMANA) n'Intumwa

ye. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu
byo mukora.
14. Ese ntimubona abakunda abantu ALLAH (IMANA)
yarakariye? Bo si abo muri mwe cyangwa muri bo banarahira
ikinyoma kandi babizi. 15. ALLAH (IMANA) yabateguriye
ibihano bikaze. Mu by'ukuri bo ibyo bakoraga ni bibi.
16. Bagize indahiro zabo ingabo bakumira ku inzira ya
IMANA (ALLAH). Bafite ibihano bisuzuguza.
17. Imitungo yabo cyangwa abana babo ntacyo bizabamarira
kwa IMANA (ALLAH). Abo ni abo mu muriro bo
bazawubamo ubuziraherezo. 18. Umunsi ALLAH (IMANA)
azabazura bose bakamurahirira nk'uko babarahirira bakeka
ko hari icyo bariho. Mumenye ko rwose bo ari ababeshyi.
19. Sha'itwaan yabagize imbata ze abibagiza kwambaza
IMANA (ALLAH). Abo ni agatsiko ka sha'itwaan. Mumenye
ko rwose agatsiko ka sha'itwaan ariko kahombye. 20. Rwose
abaca ukubiri na ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye abo bari
mu basuzuguritse. 21. ALLAH (IMANA) yaciye iteka ko:
rwose nzatsinda Jye n'intumwa zanjye. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) ni Uwimbaraga, Utsinda.
22. Ntuzasanga abantu bemera ALLAH (IMANA)
n'umunsi w'imperuka banywana n'abaciye ukubiri na
ALLAH (IMANA) n'Intumwa ye; n'ubwo baba ari ababyeyi
babo cyangwa abana babo cyangwa abavandimwe babo
cyangwa imiryango yabo. Abo ALLAH (IMANA) yanditse
mu mitima yabo ukwemera, abashyigikiza Ruuh uturutse iwe
azanabinjiza muri Djannah zitembamo imigezi bazabamo
ubuziraherezo. ALLAH (IMANA) yarabishimiye nabo
baramwishimira. Abo ni itsinda rya IMANA (ALLAH).

Mumenyeko itsinda rya ALLAH (IMANA) ari ryo
ryakiranutse.

## Surat 59

# AL-HASH'R

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n'ibiri mu isi bisingiza ALLAH (IMANA)
kandi We ni Utsinda, Ushishoza. 2 Ni We wameneshheje
abahakanye mu bahawe ibitabo mu ngo zabo ku ikoraniro
rya mbere, ntimwaketse ko basohoka. Baketse ko ibisika
byabo byabarinda ALLAH (IMANA) ibihano bya ALLAH
(IMANA) bibageraho biturutse aho batakekaga. Anaga mu
mitima yabo igihunga. Barasenyesha amazu yabo amaboko
yabo n'amaboko y'abemera. Nimukuremo isomo yemwe ba
nyir'ubwenge!
3. Iyo ALLAH (IMANA) ataza kubategeka gusohoka yari
kubahana ku isi kandi ku mperuka bafite ibihano by'umuriro.
4. Ibyo ni uko bo baciye ukubiri na ALLAH (IMANA)
n'Intumwa ye kandi uciye ukubiri na ALLAH (IMANA)
mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyir'ibihano bikomeye.
5. Ibyo mwatemye mu mitende cyangwa mukabireka
bihagaze ku bitsinsi byabyo ni ku bw'uruhushya rwa ALLAH
(IMANA) no kugira ngo asuzuguze ibyigomeke.
6. N'ibyo ALLAH (IMANA) yahayeho Intumwa
ye iminyago bibaturutseho ntabwo mwiyushye akuya
mwihuta ku mafarasi cyangwa ingamiya ariko ALLAH
(IMANA) ateza intumwa ze uwo ashaka. Kandi ALLAH
(IMANA) ni Ushobora cyane buri kintu. 7. Ibyo ALLAH

(IMANA) yahayeho intumwa ye iminyago iturutse kuri ba nyir’imidugudu ni ibya ALLAH (IMANA) n’intumwa, n’ab’isano n’Intumwa, imfubyi, abakene n’abashiriwe ku rugendo. Kugira ngo hatabaho ukwikanyiza hagati y’abakire muri mwe. Ibyo Intumwa ibazaniye mujye mubyakira n’ibyo ibabujije mubireke mugandukire IMANA (ALLAH). Mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni Nyir’ibihano bikaze.
8. N’abatindi mu bakoze Hidj’rah bameneshejwe mu ngo zabo n’imitungo yabo bashakisha ingabire ziturutse kwa ALLAH (IMANA) no kwishimirwa bakanarengera ALLAH (IMANA) n’Intumwa ye. Abo ni bo banyakuri.

9. N’abatuye igihugu mbere bagahitamo ukwemera mbere yabo, bakunda uwakoze Hidj’rah abagana ntibagira n’ishyari mu mitima yabo kubyo bahawe. Bakabirutisha n’ubwo byaba ari umwihariko wabo. Uwarinzwe kwigirira ubugugu, abo ni bo bakiranutse.
10. N’abaje nyuma yabo bakavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Duhanagureho ibyaha no ku bavandimwe bacu badutanze ukwemera, ntushyire mu mitima yacu ishyari ku bemeye, ayi Nyagasani wacu! Mu by’ukuri ni wowe Nyirimpuhwe cyane, Nyirimbabazi.

11. Ese ntubona abakora Nifaaq babwira bagenzi babo bahakanye mu bahawe ibitabo bati: nimumeneshwa tuzasohokana namwe, ntawe tuzumvira na rimwe kuri mwe. Nimuterwa rwose tuzabatabara nyamara ALLAH (IMANA) arahamyako bo ari ababeshyi.
12. Nibameneshwa ntibazasohokana nabo, nibaterwa ntibazabatabara nibanabatabara bazahindukira batera umugongo maze ntibatabarwe.

13. Rwose ni mwe mutinyitse cyane mu mitima yabo kurusha IMANA (ALLAH). Ibyo ni uko bo ari abantu

badasobanukirwa. 14. Ntibabarwanya bari hamwe keretse bari inyuma y'imidugudu yubakiye ibisika cyangwa inyuma y'inkuta. Urwango rwabo hagati yabo rurakaze. Ukeka ko bari kumwe, kandi imitima yabo itatanye ibyo ni uko bo ari abantu badafite ubwenge.

15. Ni nk'urugero rw'abari imbere yabo hafi. Basogongeye ingaruka z'ibikorwa byabo kandi bo bafite ibihano bibabaza.
16. Nk'urugero rwa sha'itwaan ubwo yabwiraga umuntu ati: hakana! Amaze guhakana aravuga(sha'itwaan) ati: mu by'ukuri jye ndakwitaruye. Rwose jye ntinya ALLAH (IMANA) Nyagasani w'ibiremwa. 17. Iherezo ryabo bombi ni uko bo bazaba mu muriro ubuziraherezo. Icyo ni cyo gihembo cy'abahuguza.

18. Yemwe abemeye! Nimugandukire ALLAH (IMANA) kandi umuntu narebe ibyo yateganyirije ejo. Kandi mugandukire ALLAH (IMANA) mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora. 19. Ntimuzabe nk'abibagiwe IMANA (ALLAH), akabaha kwiyibagirwa ubwabo. Abo ni bo byigomeke.
20. Ntibahwanye! Ba nyir'umuriro na ba nyiri Djannah. Ba nyiri Djannah ni bo batsinda.

21. Iyo tumanura iyi Qur'aan ku musozi wari kuwubona wibombaritse, usatagurika kubera gutinya IMANA (ALLAH). Izo ni ingero duha abantu kugira ngo batekereze.
22. We ni ALLAH (IMANA) nta yindi mana keretse We. Umumenyi w'iby'ihishe n'ibigaragara We ni Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. 23. We ni ALLAH (IMANA) nta yindi mana uretse We. Umwami, Umutagatifu, Amahoro, Uwishingira, Umutegetsi, Utsinda, Igihangange, Uwikuza. Ubutagatifu ni ubwa ALLAH (IMANA) ku byo bamubangikanya. 24. We ni

ALLAH (IMANA) Umuremyi, Umuhanzi, Utangishusho. Afite amazina meza ibiri mu birere n'isi biramusingiza. Kandi ni We Utsinda, Ushishoza.

Surat 60

# AL-MUM'TAHANAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yemwe abemeye ! Ntimugire abanzi banjye n'abanzi banyu
inshuti koya mubakunda kandi barahakanye ibyabagezeho
by'ukuri baranamenesheje Intumwa na mwe kuberako
mwemeye ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu, niba
musohotse ari uguharanira inzira yanjye no gushakisha
ukwishimirwa kwanjye. Muhisha urukundo mubafitiye
kandi Jye nzi ibyo muhisha n'ibyo mugaragaza. Ukora ibyo
muri mwe rwose yayobye inzira itunganye. 2 Baramutse
babatsinze, bababera ababisha bakabaramburaho amaboko
yabo n'indimi zabo ku nabi bakanifuzako mwahakana.
3 Imiryango yanyu n'abana banyu ntacyo bizabamarira. Ku
munsi w'izuka azabakiranura kandi ALLAH (IMANA) ni
Ubona ibyo mukora.

4 Mufite urugero rwiza kuri Ibraahiim n'abari kumwe na we, ubwo babwiraga abantu babo bati: mu by'ukuri twe turabitaruye n'ibyo mugaragira bitari IMANA (ALLAH), turabahakanye hagati yacu na mwe hagaragaye ububisha n'ubugome igihe cyose kugeza ubwo muzemera ALLAH (IMANA) wenyine. Uretse ijambo rya Ibraahiim abwira se ati:rwose nzagusabira uguhanagurwaho ibyaha kandi ntacyo nkumariye kwa IMANA (ALLAH). Ayi Nyagasani

wacu! Ni wowe wenyine twiringiye, iwawe ni ho tugarutse
twicuza kandi iwawe ni ho garukiro. 5 Ayi Nyagasani wacu!
Ntutugire ikigeragezo ku bahakanye unaduhanagureho
ibyaha Nyagasani wacu! Mu by'ukuri wowe ni Utsinda,
Ushishoza. 6 Rwose mubafitemo urugero rwiza ku wizeye
ALLAH (IMANA) n'umunsi wa nyuma. Ariko uzahindukira
mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We Mukungu, Ushimwa
cyane. 7 Hari ubwo ALLAH (IMANA) yashyira urukundo
hagati yanyu n'abo mufitanye urwango muri bo. ALLAH
(IMANA) ni Ushobora cyane kandi ALLAH (IMANA) ni
Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

8. ALLAH (IMANA) ntababuza kugirira ineza n'ubutabera
abatarabarwanyije mu idini ntibanabameneshe mu ngo
zanyu. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) akunda abatabera.
9. Ahubwo ALLAH (IMANA) ababuza kugira inshuti
koya ababarwanyije mu idini bakanabakura mu ngo zanyu
bakanashyigikira kubamenesha. Uzabagira inshuti koya; abo
ni bo bahuguza.

10. Yemwe abemeye! Abemerakazi nibabagana bakoze
Hidj'rah mujye mubagerageza. ALLAH (IMANA) ni We
uzi cyane ukwemera kwabo. Nimubamenya kuba abemera
ntimukabasubize ku bahakanyi bo ntibabaziruriwe cyangwa
bo (abagabo) ntibabaziruriwe. Mujye mubaha ibyo batanze.
Nta kibi kuri mwe kubarongora muramutse mubahaye
inkwano zabo. Ntimukihambire ku masezerano y'abagore
b'abahakanyi mujye musaba ibyo mwatanze na bo bajye
basaba ibyo batanze. Iryo ni itegeko rya ALLAH (IMANA)
arabakiranura. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umumenyi
cyane, Ushishoza. 11. Nihagira ababacika mu bagore banyu
bakajya mu bahakanyi, mukihimura mujye muha abo abagore

babo bagiye ibingana n'ibyo batanze. Kandi mugandukire IMANA (ALLAH), uwo mwe mwemera.

12. Yewe Muhanuzi! Abemerakazi nibakugana bagukorera Ba'iah, ko nta kintu bazabangikanya ALLAH (IMANA) cyangwa ko bataziba, cyangwa ko batazasambana, cyangwa ko batazica abana babo, cyangwa ko batazakora ibinyoma bahimbye hagati y'amaboko yabo n'amaguru yabo, kandi ko batazakwigomekaho mu byiza; ujye ubakirira Ba'iah unabasabire kwa ALLAH (IMANA) uguhanagurwaho ibyaha. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

13. Yemwe abemeye! Ntimukagire inshuti koya abantu ALLAH (IMANA) yarakariye, bihebye ku mperuka nk'uko abahakanyi bihebye ku bantu bo mu mva.

Surat 61

# AS-SWAFF

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibyo mu birere n'ibyo mu isi bisingiza ALLAH (IMANA)
kandi We ni Utsinda, Ushishoza. 2 Yemwe abemeye! Kuki
muvuga ibyo mudakora!? 3 Ni urwango rukomeye rwa
ALLAH (IMANA) kuvuga ibyo mudakora! 4 Mu by'ukuri
ALLAH (IMANA) akunda abarwana mu nzira ye bari ku
murongo nk'inyubako isobetse.
5 Zirikana ubwo Muusa yabwiraga abantu be ati: yemwe
bantu banjye! Kuki muntoteza kandi muzi rwose ko ndi
intumwa ya ALLAH (IMANA) kuri mwe? Bayobye; ALLAH

(IMANA) yayobeje imitima yabo. Kandi ALLAH (IMANA)
ntayobora abantu b'ibyigomeke.
6. Zirikana ubwo Isa mwene Mariam yavugaga ati:
yemwe bana ba Israa'iil! Mu by'ukuri jye ndi intumwa ya
ALLAH (IMANA) kuri mwe. Nemeza ibiri imbere yanjye
byo muri Ta'uraat, nanatanga inkuru nziza y'intumwa izaza
nyuma yanjye; izina ryayo ni Ahmad. Abazaniye ibitangaza,
baravuze bati: ubu ni uburozi bugaragara. 7. Ese ni nde
uhuguza kurusha uhimbira ALLAH (IMANA) ikinyoma
kandi we ahamagarwa kugana Islaam!? Kandi ALLAH
(IMANA) ntayobora abantu bahuguza. 8. Barashaka kuzimya
urumuri rwa ALLAH (IMANA) bakoresheje iminwa yabo.
Nyamara ALLAH (IMANA) azasendereza urumuri rwe
n'ubwo abahakanyi bakwanga. 9. Ni We woherezanyije
Intumwa ye ubuyobozi n'idini ry'ukuri kugira ngo arirutishe
amadini yose n'ubwo ababangikanya bababara.
10. Yemwe abemeye! Ese mbarangire ubucuruzi
buzabarokora ibihano bibababaza? 11. Mwemere ALLAH
(IMANA) n'Intumwa ye munaharanire inzira ya ALLAH
(IMANA) mukoresheje imitungo yanyu na mwe ubwanyu.
Ibyo ni byiza kuri mwe niba mubizi. 12. Azabahanaguraho
ibyaha byanyu anabinjize muri Djannah zitembamo imigezi
n'ubuturo bwiza muri Djannah zihoraho. Uko ni ko gutsinda
guhambaye. 13. Azabaha n'ibindi mukunda. Ugutabara
guturutse kwa ALLAH (IMANA) n'intsinzi ya hafi. Ha
inkuru nziza Abemera.
14. Yemwe abemeye! Nimube abatabara inzira ya
ALLAH (IMANA) nk'uko Isa mwene Mariam yabwiye ba
Hawariyyuun ati: ni bande bantabarira ku nzira ya IMANA
(ALLAH)? Ba Hawariyyuun baravuga bati: ni twe abatabara

inzira ya IMANA (ALLAH). Itsinda mu bana ba Israa’iil riremera naho agatsiko karahakana. Dushyigikira abemeye ku banzi babo bucya ari abatsinda.

## Surat 62

# AL-DJUM’AH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n’ibiri mu isi bisingiza IMANA (ALLAH),
Umwami, Umutagatifu, Utsinda, Ushishoza. 2 Ni We wohereje
mu batazi gusoma no kwandika Intumwa ibakomokamo
ibasomera amagambo ye, ibeza, ikanabigisha igitabo
n’ubushishozi n’ubwo mbere bari mu buyobe bugaragara.
3 N’abandi bazaza muri bo batari babageraho. Kandi We ni
Utsinda, Ushishoza. 4 Izo ni ingabire za ALLAH (IMANA)
aziha uwo ashaka kandi ALLAH (IMANA) ni Nyir’ingabire
zihambaye.

5 Urugero rw’abikorejwe Ta’uraat maze ntibayikoreshe ni
nk’urugero rw’indogobe yikoreye ibitabo. Ni urugero rubi
rw’abantu bahinyuye amagambo ya ALLAH (IMANA) kandi
ALLAH (IMANA) ntayobora abantu bahuguza. 6 Vuga uti:
yemwe ababaye Abayahudi! Niba mwigamba ko muri inshuti
koya za ALLAH (IMANA) kurusha abandi bantu ngaho
nimwifuze urupfu niba muri abanyakuri! 7 Nyamara rwose
ntibarwifuza na gato kubera ibyo bakoze. Kandi ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane w’abahuguza. 8 Vuga uti:
rwose urupfu muhunga ruzabageraho hanyuma mugarurwe
k’Umumenyi w’ibyihishe n’ibigaragara, ababwire ibyo
mwakoraga.

9. Yemwe abemeye! Swalaat yo kuwa gatanu nihamagarirwa
mujye mukataza mugana ugusingiza ALLAH (IMANA)
munareke ubucuruzi. Ibyo ni byo byiza kuri mwe iyaba
mwari mubizi. 10. Swalaat nirangira mujye mukwira ku isi
mushakishe mu ngabire za ALLAH (IMANA) munambaze
ALLAH (IMANA) cyane kugira ngo mukiranuke. 11. N'iyo
babonye ubucuruzi cyangwa ibidafite akamaro batandukana
babigana bakagusiga uhagaze. Vuga uti: ibiri kwa ALLAH
(IMANA) ni byo byiza kurusha ibidafite akamaro
n'iby'ubucuruzi. Kandi ALLAH (IMANA) ni We urusha
abatanga amafunguro.

## Surat 63

# AL-MUNAAFIQUUN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Iyo abakora Nifaaq bakugana baravuga bati: turemeza
imitima yacu tuvuga ko uri Intumwa ya ALLAH (IMANA)
na ALLAH (IMANA) rwose azi ko uri Intumwa ye. Kandi
ALLAH (IMANA) arahamya ko abakora Nifaaq ari
ababeshyi. 2 Indahiro zabo bazigize ingabo bakumira inzira
ya IMANA (ALLAH). Mu by'ukuri ibyo bakoraga ni bibi. 3
Ibyo ni ukubera y'uko bemeye hanyuma bagahakana, imitima
yabo igapfundikirwa bo bakaba badasobanukirwa.

4 Iyo ubabonye imibiri yabo iragushimisha. N'iyo bavuze
wumva ijambo ryabo. Bameze nk'ibiti byegetswe bakeka
buri jambo ko riba ribavuga bo ni bo babisha, birinde.
ALLAH (IMANA) yarabavumye. Ni gute bateshwa!?
5 N'iyo babwiwe bati: nimuze intumwa ya ALLAH

(IMANA) ibasabire uguhanagurwaho ibyaha bazunguza
imitwe yabo. Ukababona banga, na bo bikuza. 6 Ni kimwe
kuri bo wabasabira uguhanagurwaho ibyaha byabo cyangwa
utabibasabira ALLAH (IMANA) ntazabibahanaguraho. Mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ntayobora abantu b'ibyigomeke.
7. Bo ni bo bavuga bati: ntimugahe abari hamwe n'Intumwa
ya IMANA (ALLAH), kugeza ubwo bitandukanije nayo
nyamara ibigega by'ibirere n'isi ni ibya IMANA (ALLAH).
Ariko abakora Nifaaq ntibasobanukirwa. 8. Baravuga bati:
rwose nidusubira Madiinah uwicyubahiro cyane azamenesha
usuzuguritse cyane nyamara icyubahiro nyacyo ni icya
IMANA (ALLAH), Intumwa ye n'abemera. Ariko abakora
Nifaaq ntibabizi.
9. Yemwe abemeye! Imitungo yanyu n'abana banyu
ntibikabarangaze ku kwambaza IMANA (ALLAH). Ukora
ibyo, abo ni bo abahomba. 10. Mujye mutanga mu byo
twabafunguriye mbere y'uko urupfu rugera kuri umwe muri
mwe akavuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Iyaba wantinzaga
igihe kigufi ngatanga Sadaqah nkaba no mu batunganya.
11. Kandi ALLAH (IMANA) ntazarindiriza umuntu igihe cye
cyageze. ALLAH (IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu
byo mukora.

Surat 64

# AT-TAGHABUN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n'ibiri mu isi bitagatifuza IMANA (ALLAH).
Ubwami nyabwo ni ubwe, ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibye.

Ni We Ushobora cyane buri kintu. 2 Ni We wabaremye, hakaba
muri mwe umuhakanyi no muri mwe hakaba uwemera.
Kandi ALLAH (IMANA) ku byo mukora ni Ubona cyane.
3 Yaremye ibirere n'isi mu kuri, abaha ishusho anatunganya
ishusho yanyu. Kandi iwe ni ho garukiro. 4 Azi ibiri mu birere
n'isi. Azi ibyo muhisha n'ibyo mugaragaza kandi ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza.

5 Ese ntimwagezweho n'inkuru y'abahakanye mbere!?
Basogongeye ingaruka y'ibikorwa byabo. Kandi bo bafite
ibihano bibabaza. 6 Ibyo ni uko intumwa zabo zabazaniraga
ibimenyetso, bakavuga bati: ese abantu batuyobora?
Bagahakana bagatera umugongo. ALLAH (IMANA)
arihagije kandi ALLAH (IMANA) ni Umukungu, Ushimwa
cyane.

7. Abahakanyi baketseko batazazurwa. Vuga uti: yego!
Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye! Rwose muzazurwa
maze mubwirwe ibyo mwakoze kandi kwa ALLAH
(IMANA) ibyo biroroshye. 8. Ngaho nimwemere IMANA
(ALLAH), intumwa ye n'urumuri twamanuye. ALLAH
(IMANA) ni Umumenyi w'ibyihishe mu byo mukora.
9. Umunsi azababakoranya ku munsi w'ikoranya; uwo ni
umunsi w'igihombo. Uzemera IMANA (ALLAH), agakora
ibitunganye azamuhanaguraho ibicumuro bye anamwinjize
Djannah zitembamo imigezi azabamo ubuziraherezo. Uko ni
ko gutsinda guhambaye. 10. Naho abahakanye bakanahinyura
amagambo yacu abo ni ba nyir'umuriro, bazabamo
ubuziraherezo. Iryo ni igarukiro ribi.

11. Nta kibi kiba uretse ku bushake bwa IMANA (ALLAH).
N'uwemeye ALLAH (IMANA) ayobora umutima we. Kandi
ALLAH (IMANA) ni Umumenyi cyane wa buri kintu.

12. Nimwumvire ALLAH (IMANA) munumvire Intumwa.
Nimutera umugongo mu by'ukuri nta kindi Intumwa
yacu ishinzwe uretse ugusohoza ubutumwa kugaragara.
13. ALLAH (IMANA) nta yindi mana uretse We. Kandi
abemera nibiringire IMANA (ALLAH).

14. Yemwe abemeye! Mu by'ukuri bamwe mu bagore
banyu n'abana banyu ni abanzi banyu mujye mubirinda.
Ariko nimubabarira, mukirengagiza mukanarenzaho mu
by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura
ibyaha, Nyirimbabazi. 15. Mu by'ukuri imitungo yanyu
n'abana banyu ni ibigeragezo. Kandi ALLAH (IMANA)
afite ibihembo bihambaye. 16. Ngaho nimugandukire ALLAH
(IMANA) uko mushoboye mwumve, mwumvire munatange
ni byo byiza kuri mwe. Uzarindwa kwigirira ubugugu,
abo ni bo bakiranutse. 17. Nimuguriza ALLAH (IMANA)
inguzanyo nziza azayibatuburira anabahanagureho ibyaha
kandi ALLAH (IMANA) ni Ushima cyane, Umwitonzi.
18. Umumenyi w'ibyihishe n'ibigaragara, Utsinda, Ushishoza.

## Surat 65

# AT-TWALAAQ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe Muhanuzi! Nimuha abagore Twalaaq mujye muzibaha
mukurikije Iddah zabo kandi mujye mubara Iddah! Mutinye
ALLAH (IMANA) Nyagasani wanyu, ntimukabasohore mu
ngo zabo cyangwa ngo bo basohoke, keretse bakoze icyaha
kigaragara. Izo ni imbibi za ALLAH (IMANA) urenze
imbibi za ALLAH (IMANA) aba yihuguje. Ntiwamenya!

Wenda ALLAH (IMANA) yazana nyuma y'ibyo ikindi
kintu. 2 Nibuzuza igihe cyabo mujye mubagumana ku neza
cyangwa mutandukane ku neza. Kandi mujye mubishyiriraho
abahamya babiri b'abanyakuri muri mwe. Mujye mutanga
ubuhamya kubera IMANA (ALLAH). Ibyo birabwirizwa
uwemera ALLAH (IMANA) n'umunsi w'imperuka.
N'ugandukiye ALLAH (IMANA) amucira icyanzu.
3 Akanamuha amafunguro mu buryo atakekaga. Uwiringira
ALLAH (IMANA) We aramuhagije. Mu by'ukuri ALLAH
(IMANA) asohoza itegeko rye. Kandi ALLAH (IMANA)
yashyiriyeho buri kintu ikigero.

4 Abahebye imihango mu bagore banyu, niba mushidikanya
Iddah yabo ni amezi atatu kimwe n'abatari bajya mu mihango.
Abatwite igihe cyabo ni ukubyara. Ugandukira ALLAH
(IMANA) amworohereza ibye. 5 Iryo ni itegeko rya ALLAH
(IMANA) yabamanuriye. Ugandukira ALLAH (IMANA)
amuhanaguraho ibicumuro bye akanamutuburira ibihembo.

6. Mujye mubacumbikira aho muba ku bushobozi
bwanyu. Ntimukababababaze kugira ngo mubabuze uburyo.
Ni baba batwite mujye mubatunga kugeza ubwo babyaye.
Nibabonkereza mujye mubaha ibihembo byabo. Kandi mujye
inama ku neza. Nimunaniranwa, undi yazamwonkereza.
7. Ufite ubukire natange mu bukire bwe. N'uwagerewe
ifunguro rye natange mu byo ALLAH (IMANA) yamuhaye.
ALLAH (IMANA) ntategeka umuntu uretse icyo yamuhaye.
Nyuma y'ubukene ALLAH (IMANA) azatanga ubukire.

8. Ni imidugudu ingahe yigometse ku itegeko rya
Nyagasani wayo n'intumwa ze, tukayibarura ibarura
rikomeye tukanayihana ibihano bikaze!? 9. Isogongera
ingaruka z'ibikorwa byayo. Kandi ingaruka z'ibikorwa

byayo ni igihombo. 10. ALLAH (IMANA) yabateguriye
ibihano bikaze. Ngaho nimugandukire ALLAH (IMANA)
yemwe ba nyir'ubwenge bemeye! Rwose ALLAH (IMANA)
yabamanuriye urwibutso. 11. Intumwa ibasomera amagambo
ya ALLAH (IMANA) asobanutse kugira ngo akure abemera
n'abakoze ibitunganye mu mwijima abaganisha ku rumuri.
Uwemera ALLAH (IMANA) akanakora ibitunganye
azamwinjiza muri Djannah zitembamo imigezi bazabamo
ubuziraherezo. Rwose ALLAH (IMANA) yamutunganyirije
amafunguro.
12. ALLAH (IMANA) waremye ibirere birindwi n'isi nka
byo. Itegeko rye rimanuka muri byo kugira ngo mumenyeko
ALLAH (IMANA) ari Ushobora cyane buri kintu, no kuba
ALLAH (IMANA) rwose yarahetuje buri kintu ubumenyi.

Surat 66

# AT-TAH'RIIM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe Muhanuzi! Kuki uzririza ibyo ALLAH (IMANA)
yakuziruriye ushaka gushimwa n'abagore bawe!? ALLAH
(IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.
2 Rwose ALLAH (IMANA) yabategetse uburyo muzirura
indahiro zanyu. Kandi ALLAH (IMANA) ni Umurinzi
wanyu. Kandi We ni Umumenyi cyane, Ushishoza.
3 Ubwo Umuhanuzi yahaga ibanga umwe mu bagore
be. Arimennye ALLAH (IMANA) akabimuhishurira
yamenyesheje igice cyaryo areka ikindi. Arimubwiye
aravuga ati: Ninde wakubwiye ibi? Aravuga ati: nabibwiwe

n'Umumenyi cyane, Umumenyi w'ibyihishe 4 Nimwicuze
kuri ALLAH (IMANA) kuko imitima yanyu yateshutse. Ariko
nimumuteraniraho mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni We
Mutabazi we, Djib'riil n'intungane mu bemera. Abamala'ika
nyuma y'ibyo ni abashyigikira. 5 Aramutse abahaye Twalaaq
hari ubwo Nyagasani we yamuguranira abagore babaruta:
Abaislamukazi, abemerakazi, abibombarika, abicuza,
abagaragira, abasiba, abagore n'amasugi.
6. Yemwe abemeye! Nimwirinde mwe n'abanyu
umuriro. Ibicanwa byawo ni abantu n'amabuye. Urinzwe
n'Abamala'ika b'inkazi bakomeye ntibigomeka kuri ALLAH
(IMANA) ku byo abategetse ahubwo bakora ibyo bategetswe.
7. Yemwe abahakanye! Ntimugire icyo mwitwaza uyu munsi!
Mu by'ukuri murahembwa ibyo mwakoraga.
8. Yemwe abemeye! Nimwicuze kwa IMANA
(ALLAH), ukwicuza k'ukuri kugira ngo Nyagasani wanyu
azabahanagureho ibicumuro byanyu anabinjize muri
Djannah zitembamo imigezi umunsi ALLAH (IMANA)
atazamwaza Umuhanuzi n'abemeye hamwe na we. Urumuri
rwabo ruzaba rugendera imbere yabo n'iburyo bwabo,
bavuga bati: ayi Nyagasani wacu! Dusendereze urumuri
rwacu unaduhanagureho ibyaha byacu. Mu by'ukuri wowe
uri Ushobora cyane buri kintu.
9. Yewe Muhanuzi! Rwanya abahakanyi n'abakora Nifaaq
unabakarire. Ubuturo bwabo ni Djahannam. Kandi ni ryo
garukiro ribi. 10. ALLAH (IMANA) yatanze urugero ku
bahakanye; umugore wa Nuuh n'umugore wa Luutw. Bari
munsi y'abagaragu babiri mu bagaragu bacu b'intungane
barabahemukira. Ntibyagira icyo bibamarira kwa IMANA

(ALLAH). Barabwirwa ngo: nimwinjire mu muriro hamwe
n’abinjira.
11. ALLAH (IMANA) yanatanze urugero ku bemeye;
umugore wa Fir’aun ubwo yavugaga ati: ayi Nyagasani
wanjye! Nyubakira iwawe inzu muri Djannah unankize
Fir’aun n’ibikorwa bye. Kandi unkize abantu bahuguza.
12. Na Mariam mwene I’mraan we warinze ubwambure bwe
duhuhamo roho yacu, yemera amagambo ya Nyagasani we
n’ibitabo bye. Aba mu bibombarika.

Surat 67

## AL MULK

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yuje imigisha ufite ubwami nyabwo mu kuboko kwe.
Kandi We ni Ushobora cyane buri kintu. 2 Uwaremye
urupfu n’ubuzima kugira ngo abagerageze. Ni nde muri
mwe utunganya ibikorwa kurusha abandi? We ni Utsinda,
Uhebuje mu guhanagura ibyaha. 3 Uwaremye ibirere birindwi
bihekeranye. Ntiwabona mu kurema kwa Nyirimpuhwe
inenge. Ngaho garura amaso, ese urabona imyenge? 4 Maze
ugarure amaso ubugira kabiri, amaso akugarukire acitse
intege kandi ananiwe.
5 Rwose twatakishije amatara ikirere cyegereye isi
tuyagira ayo gutera za sha’itwaan tunazitegurira ibihano bya
Sa’iir. 6 Abahakanye Nyagasani wabo bazagira ibihano bya
Djahannam. Kandi ni igarukiro ribi. 7 Iyo bajugunywemo
bumva ifite urusaku rubi kandi ibira. 8 Irenda gucikagurika
kubera umujinya! Uko agatsiko kajugunywemo abarinzi bayo

barakabaza bati: ese umuburizi ntiyabagezeho!? 9 Baravuga
bati: yego! Rwose umuburizi yatugezeho turahinyura
turavuga tuti: ALLAH (IMANA) ntacyo yamanuye. Mwe
ntaho muri uretse mu buyobe buhambaye. 10 Baravuga bati:
iyo tuza kuba twumva cyangwa dufite ubwenge ntitwari kuba
mu bo muri Sa'iir. 11 Bemera icyaha cyabo, ukorekwa nikube
ku bantu bo muri Sa'iir.

12. Mu by'ukuri abatinya Nyagasani wabo batamubona
bafite uguhanagurwaho ibyaha n'ibihembo bihebuje.
13. Nimuhishe ijambo ryanyu cyangwa murigaragaze
mu by'ukuri We ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza.
14. Ese Uwaremye yayoberwa? Kandi ari We Ugenza buhoro,
Umumenyi w' ibyihishe?

15. Ni We waborohereje isi. Ngaho mutambagire mu
mpande zayo murye mu mafunguro ye. Kandi iwe ni ho
muzazurirwa. 16. Ese mwaratekanye ku buryo uri mu kirere
atabarigisa mu isi maze igatigita ! 17. Cyangwa mwaratekanye
ku buryo uri mu kirere atabohererereza amabuye? Muzamenya
uko ukuburira kwanjye kumeze! 18. Rwose abariho mbere
yabo barahinyuye. Ibihano byanjye byari bimeze bite?

19. Ese ntibabona inyoni hejuru yabo zirambura amababa
zinayabumba!? Nta kizifata uretse Nyirimpuhwe. Mu
by'ukuri We ni Ubona buri kintu. 20. Cyangwa uyu ni nde
murinzi wanyu ubatabara utari Nyirimpuhwe!? Abahakanyi
nta handi bari uretse mu buyobe. 21. Cyangwa uyu ni nde
wabaha amafunguro nafata amafunguro ye? Ahubwo
batsimbaraye mu kwigomeka no guhunga.

22. Ese ugenda yubitse uburanga bwe ni we uyoboka
cyangwa ugenda yemye ku nzira igororotse!? 23. Vuga uti: ni
We wabaremye abaha ukumva, ukubona n'imitima. Ni gake

mushimira. 24. Vuga uti: ni We wabasakaje ku isi kandi iwe
niho muzakoranyirizwa.

25. Baravuga bati: iri sezerano rizaba ryari niba muri
abanyakuri ? 26. Vuga uti: mu by'ukuri ubumenyi nyabwo
buri kwa IMANA (ALLAH). Rwose jye nta kindi ndi cyo
uretse umuburizi ugaragara. 27. Nibaribona riri hafi uburanga
bw'abahakanyi buzijima. Bazabwirwa ngo: ngibi ibyo
mwasabaga cyane. 28. Vuga uti: nimumbwire! ALLAH
(IMANA) anyoretse jye n'abo ndi kumwe nabo cyangwa
akatugirira impuhwe, ni nde warinda abahakanyi ibihano
bibabaza ? 29. Vuga uti: ni We Nyirimpuhwe twaramwemeye
turanamwiringira. Muzamenya uri mu buyobe bugaragara.
30. Vuga ati: nimumbwire amazi yanyu aramutse arigitiye
ikuzimu, ni nde wabazanira amazi atemba ?

## Surat 68

# AL-QALAM

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 *Nuun.*

Ndahiye ikaramu n'ibyo bandika. 2 Wowe ku bw'inema za
Nyagasani wawe, nturi umusazi. 3 Rwose ufite ibihembo
bidashira. 4 Kandi mu by'ukuri uri ku bupfura buhambaye.
5 Uzareba na bo babone. 6 Ni nde muri mwe wageragejwe?
7 Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni We uzi cyane uwayobye
ku nzira ye ni na We uzi cyane abayobotse.

8 Ntukumvire abahinyura. 9 Bifujeko wakoroha nabo
bakoroha. 10 Ntunumvire buri urahira cyane, usuzuguritse.

11 Unegura cyane, ubunza amagambo. 12 Ubuza icyiza,
urengera, umunyacyaha. 13 Uw'umutima winangiye hamwe
n'ibyo ni ikinyendaro. 14 N'ubwo yaba umunyemari
n'urubyaro. 15 Iyo asomewe ayah zacu aravuga ati: ni imigani
y'abo hambere. 16 Tuzamushyiraho ikimenyetso ku mutonzi.
17. Mu by'ukuri Twe twabagerageje nk'uko twagerageje
ba nyir'umurima ubwo barahiraga ko bawusarura mu
gitondo cya kare. 18. Batavuze In'sha'a IMANA (ALLAH).
19. Umugosi uturutse kwa Nyagasani wawe, arawugota; bo
baryamye. 20. Uhinduka nk'uwasaruwe. 21. Bahamagarana
mu gitondo. 22. Bati: Muzindukire mu murima wanyu niba
muri abasarura. 23. Bakataza bongorerana. 24. Nta mukene n'
umwe uwubinjiranamo uyu munsi. 25. Bagenda mu gitondo
bawugana biyumvamo ubushobozi. 26. Bawubonye baravuga
bati: mu by'ukuri twe twayobye! 27. Ahubwo twe twambuwe.
28. Ushyira mu gaciro muri bo aravuga ati: sinababwiye!?
Iyo muza gusingiza! 29 Baravuga bati: ugutagatifuzwa ni
ukwa Nyagasani wacu mu by'ukuri twe twari abahuguza.
30 Bamwe bahindukirira abandi bagayana. 31 Baravuga bati:
mbega ukorama kwacu! Mu by'ukuri twe twari abarengera!
32 Wenda Nyagasani wacu yadushumbusha icyiza kuwuruta
mu by'ukuri twe kwa Nyagasani wacu, turi abasaba. 33 Ni
uko ibihano bimera kandi rwose ibihano byo ku mperuka
birahambaye, iyaba bari babizi.
34. Mu by'ukuri abagandutse bafite Djannah zuje inema
kwa Nyagasani wabo. 35. Ese twagira abaislam nk'abagome?
36. Ni gute mwe mukiranura? 37. Cyangwa mufite igitabo
mwigiramo. 38. Mu by'ukuri mufitemo ibyo mutoranya.
39. Cyangwa mudufiteho indahiro zidakuka kugeza ku munsi
w'izuka, ko rwose mufite ibyo mukiranura? 40. Babaze:

ninde muri bo ubyishingiye? 41. Cyangwa bafite abafasha?
Nibazane abafasha babo niba ari abanyakuri.
42. Zirikana umunsi bazahishurwa ku mirundi
bakanahamagarirwa kubama ntibabishobore. 43. Amaso yabo
azaba afite ubwoba ugusuzugurika kubatwikiriye. Kandi
rwose barahamagarirwaga kubama ari bazima. 44. Ndekera
uhinyura iyi nkuru. Tuzabagenza buhoro mu buryo batazi.
45. Nzabaha igihe mu by'ukuri imigambi yanjye irakomeye.
46. Cyangwa urababaza igihembo bakaba baremerewe
n'ubwishyu!? 47. Cyangwa bafite ubumenyi bw'ibitagaragara
bakaba bandika!? 48. Ihanganire itegeko rya Nyagasani
wawe. Ntube nka nyir'ifi ubwo yahamagaraga afite agahinda
kenshi. 49. Iyo atagerwaho n'inema ziturutse kwa Nyagasani
we yari kujugunywa mu butayu kandi agawa. 50. Nyagasani
we amuhitamo amushyira mu ntungane. 51. Abahakanye bari
hafi kugupfumuza amaso yabo ubwo bumvaga urwibutso
baravuga bati: rwose we ni umusazi. 52. Kandi yo nta kindi
iricyo uretse kuba urwibutso ku biremwa.

Surat 69

# AL HAAQQAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ukuri kudakumirwa. 2 Ukuri kudakumirwa ni ukuhe?
3 Ni iki cyakumenyesha ukuri kudakumirwa? 4 Ba Thamuud
na A'ad bahinyuye igihonda. 5 Ba Thamuud borekeshejwe
urusaku ndengakamere. 6 Naho ba A'ad borekeshwa umuyaga
uvuza ubuhuha, ukabije. 7 Yawubohererereje amajoro arindwi
n'amanywa umunani bikurikiranye. Ukabona abantu muri

wo ari imirambo imeze nk'ibihimba by'imitende birangaye.
8 Ese urabona hari uwasigaye muri bo? 9 Fir'aun, abari imbere
ye n'ab'Imidugudu yabiranduwe bakoze ibyaha. 10 Bigomeka
ku ntumwa ya Nyagasani wabo abakacira ugukacira kurenze.
11 Mu by'ukuri Twe ubwo amazi yarengaga, twabajyanye mu
bwato. 12 Kugira ngo tubugire urwibutso kuri mwe, n'ugutwi
kumva kubyumve.

13. Ubwo impanda izahuhwamo uguhuha kumwe. 14. Isi
n'imisozi bigaterurwa bigahondanishwa, uguhonda kumwe.
15. Uwo munsi ikiza kizaza. 16. Ikirere kizasaduka, cyo
uwo munsi kizaba cyoroshye. 17. Abamala'ika bazaba bari
ku nkengero zacyo. Uwo munsi umunani bazaba bahetse
A'arsh ya Nyagasani wawe hejuru yabo. 18. Uwo munsi
muzamurikwa nta kintu cyanyu na kimwe kizihisha.

19. Uzahabwa igitabo cye mu ndyo ye azavuga ati:
nimwakire musome igitabo cyanjye. 20. Rwose jye nari
nzi ko nzahura n'ibarura ryanjye. 21. We azaba mu buzima
bushimishije. 22. Muri Djannah yo hejuru. 23. Imbuto zayo ziri
hafi. 24. Nimurye munanywe bibagere ku mutima kubera ibyo
mwakoze mu minsi yahise. 25. Naho uzahabwa igitabo cye
mu moso ye azavuga ati: iyaba ntari mpawe igitabo cyanjye!
26. Sinamenye ibarura ryanjye! 27. Iyaba urupfu rwanjyanaga
burundu. 28. Umutungo wanjye ntacyo wamariye.
29. Ubutegetsi bwanjye burabuze. 30. Mumufate mumubohe.
31. Maze mumwinjize muri Djahiim. 32. Nyuma mumuboheshe
umunyururu w'imikono mirongo irindwi. 33. Mu by'ukuri
we ntabwo yemeraga ALLAH (IMANA) Uhambaye.
34. Nta n'ubwo yabwirizaga kugaburira abakene. 35. Uyu munsi
nta nshuti afite hano. 36. Cyangwa ibiryo uretse amashyira.
37. Ntabayarya uretse abanyabyaha.

38. Ndahiye ibyo mureba. 39. N'ibyo mutareba. 40. Mu
by'ukuri yo ni ijambo (risomwA) n'Intumwa yubahitse.
41. Ntabwo yo ari ijambo ry'umusizi. Ni gake mwemera.
42. Nta n'ubwo ari ijambo ry'umupfumu. Ni gake mwibuka.
43. Imanurwa iturutse kwa Nyagasani w'ibiremwa. 44. N'iyo
aduhimbira amwe mu magambo. 45. Twari kumukacirana
imbaraga. 46. Maze tukamuca umutsi w'ubuzima. 47. Nta
n'umwe muri mwe wamurinda. 48. Mu by'ukuri yo ni
urwibutso ku baganduka. 49. Rwose Twe tuziko muri mwe
hari abahinyura. 50. Rwose yo ni agahinda ku bahakanyi.
51. Mu by'ukuri yo ni ukuri kudashidikanywaho. 52. Ngaho
singiza izina rya Nyagasani wawe Uhambaye.

Surat 70

# AL MA'ARIDJ

Ku Izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Usaba yasabye ibihano bigomba kuza. 2 Ku bahakanyi
ntibifite ubikumira. 3 Biturutse kwa ALLAH (IMANA)
Nyir'inzego. 4 Abamala'ika kimwe na Ruuh bazamuka iwe
mu munsi ufite ikigero cy'imyaka ibihumbi mirongo itanu.
5 Ihangane ukwihangana kwiza. 6 Mu by'ukuri bo babona biri
kure (ibihano). 7 Tukabona biri hafi. 8 Umunsi ikirere kizaba
nk'umuringa ushonga. 9 N'imisozi ikaba nk'ibayi. 10 Inshuti
itabaza inshuti. 11 Bazaberekwa. Umugome kubera ibihano
by'uwo munsi azifuza kwicunguza abana be. 12 Umugore
we n'umuvandimwe we. 13 N'umuryango we wamurindaga.
14 Ndetse n'abari mu isi bose kugira ngo bamukize.

15 Oya! Rwose wo uragurumana. 16 Ukuraho uruhu

rw'uburanga. 17 Uhamagara uwateye umugongo
akanahindukira. 18 Akarundanya akanahunika. 19 Mu
by'ukuri umuntu yaremanywe ukutihangana. 20 Iyo ikibi
kimugezeho ariheba cyane. 21 N'icyiza cyamugeraho
akaba umunyabugugu cyane. 22 Uretse abakora Swalaat.
23 Abahozaho Swalaat zabo. 24 Na babandi mu mitungo yabo
harimo ukuri kuzwi. 25 K'usaba n' uwiyumanganyije. 26 Na
babandi bemera umunsi w'ibihembo. 27 Babandi bo ku bihano
bya Nyagasani wabo babitinya. 28 Mu by'ukuri ibihano
bya Nyagasani wabo ntawe ubitekanaho. 29 Na babandi bo
ubwambure bwabo baburinda. 30 Uretse ku bagore babo
cyangwa abacakara babo rwose aho bo ntibagawa. 31 Naho
ushakisha inyuma y'ibyo abo nibo barengera. 32 Babandi bo
ku ndagizo n'amasezerano byabo babyubahiriza. 33 Babandi
bo ku buhamya bwabo, babutanga. 34 Babandi bo Swalaat
zabo bazihozaho. 35 Abo bari muri Djannah bakirwa.

36. Ni kuki abahakana bakugana bihuta. 37. Iburyo
n'ibumoso mu dutsiko? 38. Ese buri muntu muri bo arifuza ko
azinjizwa muri Djannah y'inema? 39. Oya! Mu by'ukuri Twe
twabaremye mu byo bazi.

40. Ndarahira Nyagasani w'Uburasirazuba bwinshi
n'Uburengerazuba bwinshi! Rwose Twe dushobora. 41. Kuba
twabagurana abeza kubarusha. Kandi Twe ntidutangwa.
42. Bihorere binjire mu binyoma banakine kugeza ubwo
bazahura n'umunsi wabo basezeranywa. 43. Umunsi
bazasohoka mu mva bihuta nk'abatanguranwa ku
mashusho y'ibigirwamana. 44. Amaso yabo yicishije
bugufi ugusuzugurika kwabatwikiriye. Uwo ni wo munsi
basezeranywaga.

Surat 71

# NUUH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mu by'ukuri Twe twohereje Nuuh ku bantu be (turamubwira
tuti): burira abantu bawe mbere y'uko ibihano bibabaza
bibageraho. 2 Aravuga ati: yemwe bantu banjye! Mu by'ukuri
jye kuri mwe ndi umuburizi ugaragara. 3 Nimugaragire
IMANA (ALLAH), mumugandukire munanyumvire.
4 Abahanagureho ibyaha byanyu anabarindirize kugeza ku
munsi uzwi. Mu by'ukuri igihe ALLAH (IMANA) yagennye
iyo kigeze ntikirindirizwa. Iyaba mwari mubizi. 5 Aravuga ati:
ayi Nyagasani wanjye! Mu by'ukuri jye nahamagaye abantu
banjye ijoro n'amanywa. 6 Uguhamagara kwanjye ntacyo
kwabongereye uretse guhunga. 7 Kandi jye uko mbahamagaye
kugira ngo ubahanagureho ibyaha byabo bashyira intoki zabo
mu matwi yabo, bakitwikira imyenda yabo, bagatsimbarara
bakanikuza cyane. 8 Hanyuma jye rwose nabahamagaye ku
mugaragaro. 9 Maze jye ndabarangururira nanababwira mu
ibanga cyane. 10 Ndavuga nti: nimusabe Nyagasani wanyu
kubahanaguraho ibyaha mu by'ukuri We ni Uhanagura
cyane ibyaha. 11 Kugira ngo abohereze ikirere kireta cyane.
12 Abongerere imitungo n'abana, abahe imirima anabahe
imigezi. 13 Kuki mudaha ALLAH (IMANA) icyubahiro!?
14 Kandi yarabaremye mu byiciro!? 15 Ese ntimubona ukuntu
ALLAH (IMANA) yaremye ibirere birindwi bigerekeranye.
16 Akabishyiramo ukwezi ari urumuri akanashyiramo izuba
ari itara!? 17 ALLAH (IMANA) yabamejeje abakuye mu
butaka, ukumeza. 18 Hanyuma azabasubiza mo anabasohore

mo ugusohora. [19] ALLAH (IMANA) yabagiriye isi isaso.
[20] Kugira ngo musaturemo imihanda migari.
[21] Nuuh aravuga ati: ayi Nyagsani wanjye ! Mu by'ukuri
bo banyigometseho, bakurikira uwo umutungo we n'abana be
bidafite icyo bimwongerera uretse igihombo. [22] Bagambanye
akagambane gahambaye cyane. [23] Baravuga bati: rwose
ntimuzareke imana zanyu. Ntimuzanareke Wadda cyangwa
Suwa'a cyangwa Yaghuuth, Ya'uuq na Nasra*. [24] Kandi rwose
bayobeje benshi, ntuzongerere abahuguza uretse ubuyobe. [25]
Kubera ibyaha byabo bararohamijwe, binjizwa mu muriro
ntibakwibonera abatabazi babarinda ALLAH (IMANA)
[26.] Nuuh aravuga ati: ayi Nyagasani wanjye! Ntusige ku
isi mu bahakanyi n'umwe. [27.] Mu by'ukuri wowe nubareka
bazayobya abagaragu bawe kandi ntibabyara uretse
abanonnyi, abahakanyi cyane. [28.] Ayi Nyagasani wanjye!
Mpanaguraho ibyaha byanjye, iby'ababyeyi banjye, uwinjiye
inzu yanjye ari uwemera, abemera n'abemerakazi. Kandi
ntugire icyo wongera abahuguza uretse ukorekwa.

Surat 72

# AL DJINN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Vuga uti: nahishuriwe ko hari itsinda mu madjinn ryumvirije
rikavuga riti: mu by'ukuri twe twumvise Qur'aan itangaje.
[2] Irayobora ku kuri. Turayemera kandi ntituzabangikanya
Nyagasani wacu icyo ari cyo cyose. [3] No kuba icyubahiro
cya Nyagasani wacu kiri hejuru ntiyihaye umugore cyangwa
umwana. [4] No kuba igicucu muri twe cyaravugaga kuri

ALLAH (IMANA) ibidahwitse. 5 No kuba twe twaraketse
ko abantu n'amadjinn batazahimbira ALLAH (IMANA)
ikinyoma. 6 No kuba abagabo mu bantu barikingaga ku
bagabo mu madjinn bakabongerera ubwoba. 7 No kuba
bo baraketse nk'uko mwaketse ko ALLAH (IMANA)
atazohereza n'umwe. 8 No kuba twe twarageze mu kirere
tugasanga cyujujwe uburinzi bukomeye n'ibishirira bitwika.
9 No kuba twe twaracyicaragamo mu myanya yo kumviriza.
Ubu uwumviriza yibonera igishirira kimutegereje. 10 No
kuba twe tutazi; ese ni ikibi gishakirwa abari ku isi cyangwa
Nyagasani wabo arabashakira icyiza? 11 No kuba muri twe
hari intungane n'abatari zo. Turi amatsinda atandukanye.
12 No kuba twe twari tuzi ko tutananira ALLAH (IMANA)
mu isi tutazanamunanira duhunga. 13 No kuba twe ubwo
twumvise ubuyoboke twarabwemeye. Kandi Uwemeye
Nyagasani we ntatinya kugabanyirizwa cyangwa guhuguzwa.
14 No kuba muri twe hari abaislaam n'abatannye nyamara
ababaye abaislaam; abo ni bo bagannye inzira igororotse.
15 Naho abatannye bazaba inkwi za Djahannam.

16 Kandi iyo bagororoka ku nzira twari kubaha amazi
menshi. 17 Kugira ngo tuyabagerageze mo. Uwirengagije
kwibuka Nyagasani we amwinjiza mu bihano byikuba. 18 No
kuba rwose imisigiti ari iya IMANA (ALLAH), ntimukagire
undi musaba hamwe na IMANA (ALLAH). 19 No kuba ubwo
umugaragu wa ALLAH (IMANA) yahagurutse amusaba,
(ama djinn) yari hafi kumwirundaho. 20 Vuga uti: mu by'ukuri
jye ndasaba Nyagasani wanjye kandi ntacyo mubangikanya
nacyo. 21 Vuga uti: mu by'ukuri jye singenga ibibi byababaho
cyangwa ibyiza byabageraho. 22 Vuga uti: mu by'ukuri jye nta
n'umwe wandinda ALLAH (IMANA) nta n' ubwo nabona

aho muhungira. 23 Uretse gusohoza ibiturutse kwa ALLAH
(IMANA) n'ubutumwa bwe. Abigomeka kuri ALLAH
(IMANA) n'intumwa ye bazagira umuriro wa Djahannam
bazabamo ubuziraherezo.
24. Kugeza ubwo bazabona ibyo basezeranywaga, nibwo
bazamenya umutabazi w'umunyantege nke n'ufite abantu
bake. 25. Vuga uti: sinzi niba ibyo musezeranywa biri hafi
cyangwa Nyagasani wanjye azabiha igihe kirekire. 26. Ni
Umumenyi w'ibyihishe kandi nta n'umwe agaragariza ibanga
rye. 27. Uretse uwo yahisemo mu ntumwa. Mu by'ukuri
We yohereza imbere n'inyuma ye abarinzi. 28. Kugira ngo
abereke ko basohoje ubutumwa bwa Nyagasani wabo, kuba
yarahetuje ibyo bafite no kuba yarabaruye byimazeyo buri
kintu.

## Surat 73

# AL-MUZAMMIL

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe uwitwikiriye ! 2 Kora Swalaat ijoro, uretse gato.
3 Icya kabiri cyaryo cyangwa ugabanyeho gato. 4 Cyangwa
wongereho unasome Qur'aan neza. 5 Mu by'ukuri Twe
tuzakumanurira ijambo riremereye.
6. Rwose Swalaat z'ijoro ni zo zirusha gukomera ni na
zo zifite imvugo isobanuye. 7. Mu by'ukuri ku manywa
ufite imirimo myinshi. 8. Ibuka izina rya Nyagasani wawe
unamwiyegurire utizigama. 9. Nyagasani w'Uburasirazuba
n'Uburengerazuba; nta yindi mana uretse We. Mugire
Uwiringirwa. 10. Ihanganire ibyo bavuga unabimuke

ukwimuka kwiza. 11. Ndeka n'abahinyura, ba nyir'inema
ubarindirize igihe gito. 12. Rwose Twe dufite amapingu na
Djahiim. 13. Ibiryo binigana n'ibihano bibabaza. 14. Umunsi
isi n'imisozi bizatigita, imisozi ikaba umusenyi woroshye.

15. Mu by'ukuri Twe twabohererereje intumwa ari umuhamya
kuri mwe nk' uko twohereje kwa Fir'aun intumwa. 16. Fir'aun
yigomeka ku ntumwa tumukacira ugukacira gukomeye.
17. Nimuhakana muzirinda mute umunsi uzagira abana
abasaza!? 18. Ikirere kizasatagurika kubera wo. Isezerano rye
rigomba gusohoza. 19. Mu by'ukuri uru ni urwibutso. Ushaka
yafata inzira imuganisha kwa Nyagasani we.

20. Mu by'ukuri Nyagasani wawe azi ko wowe hamwe n'itsinda mu bari hamwe na we mukora Swalaat hafi bibiri bya gatatu by'ijoro, icya kabiri cyaryo n'icyagatatu cyaryo. ALLAH (IMANA) ni We ugera ijoro n'amanywa. Yamenyeko mutarimarayo arababababarira. Nimujye musoma ibibangutse muri Qur'aan. Aziko muri mwe hazaba abarwayi abandi bakaba mu ngendo bashakisha mu ngabire za ALLAH (IMANA) n'abandi barwana mu nzira ya IMANA (ALLAH). Mujye musoma ibibangutse muri yo, muhozeho Swalaat, mutange Zakaat munagurize ALLAH (IMANA) inguzanyo nziza. Icyiza mwishyiriye imbere muzagisanga kwa ALLAH (IMANA) ari cyiza kurushaho ari n'igihembo gihebuje. Nimusabe ALLAH (IMANA) kubahanaguraho ibyaha. Mu by'ukuri ALLAH (IMANA) ni Uhebuje mu guhanagura ibyaha, Nyirimbabazi.

Surat 74

# AL-MUDATHIR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe Uwifubitse! 2 Haguruka uburire. 3 Nyagasani wawe
umukuze. 4 Imyenda yawe uyeze. 5 Ibigirwamana ubyimuke.
6 Ntugatange ushaka kugwiza. 7 Kandi ku bwa Nyagasani
wawe, ihangane.

8. Ubwo impanda izahuhwamo. 9. Ubwo uwo munsi
n'umunsi ukomeye. 10. Ku bahakanyi ntuzaba woroshye.
11. Ndeka n'uwo naremye wenyine. 12. Muha umutungo
utubutse. 13. N'abana bariho. 14. Nkamworohereza ubuzima
cyane. 15. Hanyuma akararikira ko nongera. 16. Oya! Mu
by'ukuri we ku magambo yacu yari uhinyura cyane.
17. Nzamunaniza n'ibihano byikuba.

18. Rwose we yaratekereje aranagereranya. 19. Avumwa
ku buryo yagereranyije. 20. Arongera avumwa ku buryo
yagereranyije. 21. Nyuma arareba. 22. Maze azinga umunya
arashinyika. 23. Nyuma atera umugongo arikuza. 24. Aravuga
ati: iyi si ikindi uretse uburozi bwigwa! 25. Iyi si ikindi uretse
ijambo ry'umuntu!

26. Nzamwinjiza muri Saqar. 27. N'iki cyakumenyesha
Saqar? 28. Ntisiga ntinareka. 29. Itwika umubiri. 30. Irinzwe
na cumi n'icyenda. 31. Ntitwagize abarinzi b'umuriro
uretse Abamala'ika ntitwanagize umubare wabo uretse
ikigeregezo ku bahakanye, kugira ngo abahawe ibitabo
bemere badashidikanya n'abemeye biyongere ukwemera no
kugira ngo abahawe ibitabo n'abemera ntibashidikanye no
kugira ngo abafite indwara mu mitima yabo n'abahakanyi

bavuge bati: ni iki ALLAH (IMANA) yashatse atanga uru
rugero? Uko ni ko ALLAH (IMANA) ayobya uwo ashaka
akanayobora uwo ashaka. Ntawe uzi ingabo za Nyagasani
wawe uretse We. Kandi yo si ikindi uretse urwibutso ku
bantu.
32. Oya! Ndahiye ukwezi. 33. N'ijoro iyo rihera.
34. N'igitondo iyo kigaragara. 35. Mu by'ukuri yo (Saqar) ni
imwe mu byago bihambaye cyane. 36. Ni ububurizi ku bantu.
37. K'ushaka muri mwe kujya imbere cyangwa gusubira
inyuma. 38. Buri muntu ni ingwate y' ibyo yakoze. 39. Uretse
ab' iburyo. 40. Bazaba muri Djannah babazanya. 41. Ku
bagome. 42. Ni iki cyabinjije muri Saqar!? 43. Bazavuga bati:
ntitwari mu bakora Swalaat. 44. Nta n'ubwo twagaburiraga
abakene. 45. Kandi twinjiranaga mu kinyoma n'abacyinjira.
46. Twanahinyuzaga umunsi w'ibihembo. 47. Kugeza
ubwo ukuri kudashidikanywa kutugezeho. 48. Ubuvugizi
bw'abavugizi ntacyo buzabamarira.
49. Ni iki gituma batera umugongo urwibutso. 50. Bameze
nk'indogobe ziruka. 51. Zihunga intare!? 52. Ahubwo buri
muntu muri bo arashaka ko ahabwa ibitabo birambuye.
53. Oya! Ahubwo ntibatinya imperuka. 54. Oya! Mu by'ukuri
yo (Qur'aan) ni urwibutso. 55. Ushatse arayibuka. 56. Kandi
ntibibuka keretse iyo ALLAH (IMANA) abishaka. Ni We
ukwiriye kugandukirwa ni na We ukwiriye guhanagura
ibyaha.

Surat 75

# AL-QIYAAMAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndarahira umunsi w'izuka. 2 Ndanarahira umutima
ugaya. 3 Ese umuntu arakeka ko tutazakoranya amagufa
ye? 4 Yego! Ahubwo dushobora gutunganya imitwe
y'intoki ze. 5 Ahubwo umuntu arashaka icyatuma akomeza
kwangiza. 6 Arabaza ati: ni ryari umunsi w'izuka? 7 Ubwo
amaso azakanaguzwa. 8 Ukwezi kugafatwa. 9 N'izuba
n'ukwezi bigakomatanywa. 10 Umuntu icyo gihe azavuga
ati: ubuhungiro buri he? 11 Oya! Nta buhungiro. 12 Kwa
Nyagasani wawe uwo munsi niho garukiro. 13 Umuntu uwo
munsi azabwirwa ibyo yakoze mbere n'ibyo yaherutse.
14 Ahubwo umuntu azaba umuhamya kuri we ubwe.
15 N'ubwo yazana urwitwazo rwe.

16. Ntuyinyeganyirize ururimi rwawe kugira ngo
uyihutishe. 17. Mu by'ukuri ni inshingano yacu kuyikoranya
no kuyisoma. 18. Nituyisoma, ujye ukurikira isomwa ryayo.
19. Kandi dufite n'inshingano yo kuyisobanura.

20. Oya! Ahubwo mukunda isi. 21. Mukareka imperuka.
22. Uburanga uwo munsi buzaba bubengerana. 23. Bureba
Nyagasani wabwo. 24. N'uburanga bundi uwo munsi buzaba
bushinyirije. 25. Buziko bukorerwa ishyano. 26. Oya! Ubwo
roho izagera mu ngoto. 27. Hakavugwa ngo: ni nde uvura.
28. Ikamenyako ari ugutandukana. 29. Umurundi ukisobeka k'
uwundi. 30. Kwa Nyagasani wawe uwo munsi niho sunikiro

31. Ntabwo yemeye nta n'ubwo yigeze akora Swalaat.
32. Ahubwo yarahinyuye atera umugongo. 33. Maze ajya mu

be yibona. 34. Ufite akaga! Ufite akaga! 35. Maze ufite akaga!
Maze ufite akaga! 36. Ese umuntu arakekako azarekwa gusa?
37. Ese ntiyari intanga y’amasohoro asohorwa!? 38. Nyuma
akaba urusoro rw’amaraso, ubwo (IMANA (ALLAH))
akarema agatunganya!? 39. Akamukomoramo ibitsina bibiri
gabo na gore. 40. Ese uwo (IMANA (ALLAH)) si ushobora
guha ubuzima abapfu!?

Surat 76

## AL IN’SAAN

Ku Izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese ntihabayeho umwanya mu gihe k’umuntu atari ikintu
kivugwa!? 2 Mu by’ukuri Twe twaremye umuntu mu ntanga
zivanze, turamugerageza tumugira uwumva ubona. 3 Mu
by’ukuri Twe twamweretse inzira, yashaka akaba ushima
yanashaka akaba uhakana.

4 Rwose Twe twateguriye abahakanyi iminyururu,
amapingu na Sa’iir. 5 Mu by’ukuri intungane zizanywera
mu kirahuri kivangiyemo impumuro y’inturusu. 6 Isoko
abagaragu ba ALLAH (IMANA) bazanywamo bayifungura
ugufungura. 7 Bubahiriza Nadh’r bakanatinya umunsi ikibi
cyawo kizaba icyorezo. 8 Bagaburira ibiryo, kandi babikunze
abakene, imfubyi n’imbohe. 9 Rwose turabagaburira kubera
gushaka ishimwe rya IMANA (ALLAH), nta gihembo
tubashakaho cyangwa gushimwa. 10 Rwose twe turatinya kuri
Nyagasani wacu umunsi uzinze umunya, ukomeye cyane.
11 ALLAH (IMANA) azabarinda ibibi by’uwo munsi
azanabaha umucyo n’ibyishimo. 12 Azabahemba kubera ko

bihanganye Djannah na Hariir. 13 Bazaba muri yo begamiye
ibitanda ntibazanaba babonamo izuba cyangwa (bumvA)
imbeho ikaze. 14 Igicucu cyayo kizaba kibegereye kandi
imbuto zayo zizaboroherezwa. 15 Bazazengurukwamo
n’ibikoresho bya feza n’ibikombe bikozwe mu birahuri.
16 Ibirahuri bya feza byagenwe neza. 17 Bazahabwamo
ikirahuri kivangiye na tangawizi. 18 Ni isoko irimo yitwa
Sal’sabiil. 19 Abana babuhozwamo bazaba babazengurukamo,
ubabonye wagira ngo ni Lu’ulu’u inyanyagijwe. 20 Nureba
hariya uzabona inema n’ubwami bihebuje. 21 Bazaba
bambaye imyenda ya Sun’dus y’icyatsi na Is’tibraq,
bazatakwa n’ibikomo bya feza. Nyagasani wabo azanabaha
ikinyobwa gisukuye. 22 Mu by’ukuri ibi ni ibihembo byanyu
kandi umuhate wanyu urashimwe.

23. Mu by’ukuri Twe twakumanuriye Qur’aan, ukumanura.
24. Ihanganire ugukiranura kwa Nyagasani wawe ntiwumvire
muri bo umunyabyaha cyangwa umuhakanyi. 25. Wibuke
izina rya Nyagasani wawe mu gitondo na nimunsi. 26. Na
nijoro umwubamire unamusingize ijoro rirerire. 27. Mu
by’ukuri bariya bakunda isi bagasiga inyuma yabo umunsi
uremereye. 28. Ni Twe twabaremye dukomeza ingingo zabo.
Kandi tubishatse twabagurana rwose abameze nka bo.
29. Mu by’ukuri uru ni urwibutso. Ushaka yafata inzira igana
kwa Nyagasani we. 30. Kandi ntimwashaka keretse ALLAH
(IMANA) yashatse mu by’ukuri ALLAH (IMANA) ni
Umumenyi cyane, Ushishoza. 31. Yinjiza uwo ashaka mu
mpuhwe ze naho abahuguza yabateguriye ibihano bibabaza.

Surat 77

# AL-MURSALAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ibitumwa bikurikirana. 2 N'imiyaga y'inkubiri.
3 Ndahiye Abamala'ika basunika ibicu. 4 N'Abamala'ika
batandukanya ukuri n'ikinyoma. 5 N'Abamala'ika bazana
ubutumwa. 6 Ari ugukuraho urwitwazo cyangwa ukuburira.
7 Mu by'ukuri ibyo musezeranywa bizaba.

8 Ubwo inyenyeri zizasibwa. 9 Ubwo ikirere kizasandazwa.
10 Ubwo imisozi izarandurwa. 11 N'ubwo intumwa zizahabwa
igihe. 12 Ni uwuhe munsi zarindirijwe!? 13 Ni umunsi
w'ikiranura. 14 Ni iki cyakumenyesha umunsi w'ikiranura?
15 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura. 16 Ese
ntitworetse abo hambere. 17 Maze tubakurikiza aba nyuma!?
18 Uko ni ko tugenza abagome. 19 Ibihano bikomeye uwo
munsi bizaba ku bahinyura.

20. Ese ntitwabaremye mu mazi asuzuguritse.
21. Tukayashyira mu gitereko gitekanye. 22. Kugeza igihe
kizwi!? 23. Tukagera kandi tukaba abagera beza. 24. Ibihano
bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura. 25. Ese ntitwagize
isi ihuriro. 26. Ry'abazima n'abapfuye. 27. Tukayishyiramo
imisozi ihanamye tukanabaha amazi anyobwa!? 28. Ibihano
bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura

29 Ngaho mujye ku byo mwahinyuraga. 30 Ngaho nimujye
mu gicucu (cy'umwotsi wa djahannam) gifite amashami atatu.
31 Nta gicucu utanga nta n'ubwo ukiza ikibatsi cy'umuriro. 32
Mu by'ukuri yo inaga ibishashi bingana n'inyubako nini. 33
Bimeze nk'ingamiya z'amagaju. 34 Ibihano bikomeye uwo

munsi bizaba ku bahinyura. 35 Uyu ni umunsi batazavuga.
36 Nta n’ubwo bazemererwa ngo batange urwitwazo.
37 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura. 38 Uyu
ni umunsi wo gukiranura, twabakoranyije n’abo hambere.
39 Niba mufite akagambane nimungambanire. 40 Ibihano
bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura.

41. Mu by’ukuri abaganduka bazaba mu gicucu n’amasoko.
42. N’imbuto mu zo bifuza. 43. Nimurye, munywe mwishimira
ibyo mwakoraga. 44. Rwose Twe uko ni ko duhemba
abagiraneza. 45. Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku
bahinyura. 46. Ngaho nimurye, mwishime gake rwose mwe
muri abagome. 47. Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku
bahinyura. 48. N’iyo babwiwe ngo: Mwuname! Ntibunama
49. Ibihano bikomeye uwo munsi, bizaba kubahinyura 50. Ese
ni ikihe kiganiro nyuma yayo bakwemera?

## Surat 78

# AN-NABA’U

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ni iki babazanyaho. 2 Ku nkuru ihambaye. 3 Yo bo
batandukanaho? 4 Oya! Bazamenya. 5 Kandi oya!
Bazamenya. 6 Ese isi ntitwayigize isaso. 7 N’imisozi
imambo. 8 Tukabarema muri ibitsina byombi. 9 Tukagira
ibitotsi byanyu ikiruhuko. 10 Tukagira ijoro umwambaro.
11 Tukagira amanywa ishakiro ry’imibereho. 12 Tukubaka
hejuru yanyu ibirere birindwi bikomeye. 13 Tukarema itara
rimurika. 14 Tukanamanura mu bicu amazi yisuka. 15 Kugira

ngo tuyereshe impeke n'ibimera. 16 N'imirima itoshye!?
17 Mu by'ukuri umunsi wo gukiranura ni igihe ntarengwa.
18 Umunsi hahushywe mu mpanda mukaza muri amatsinda.
19 Ikirere kigakingurwa kikaba imiryango 20 Imisozi ikagenzwa
ikaba ibirorirori. 21 Mu by'ukuri Djahannam irarekereje. 22 Ku
byigomeke ni igarukiro. 23 Bazayibamo imyaka n'imyaniko.
24 Ntibazasogongeramo ubukonje cyangwa ikinyobwa. 25
Uretse amazi yatuye n'amashyira. 26 Ari igihembo gikwiye.
27 Rwose bo ntibizeraga ibarura. 28 Bahinyuraga amagambo
yacu cyane. 29 Kandi buri kintu twakibaruye mu nyandiko. 30
Ngaho nimusogongere, nta kindi tubongerera usibye ibihano.
31. Mu by'ukuri abaganduka bazagira ugutsinda.
32. Ubusitani n'imizabibu. 33. N'inkumi z'urungano.
34. N'ikirahuri cyuzuye. 35. Ntibumvamo amangambure
cyangwa ikinyoma. 36. Ni igihembo giturutse kwa Nyagasani
wawe ari ingabire zuzuye. 37. Nyagasani w'ibirere n'isi
n'ibiri hagati yabyo, Nyirimpuhwe nta jambo azabaha.
38. Umunsi Ruuh n'abandi ba mala'ika bazahagarara ku
murongo batavuga keretse uwo Nyirimpuhwe yemereye
kandi akavuga ukuri. 39. Uwo ni umunsi w'ukuri ushatse
yakwiteganyiriza kwa Nyagasani we igarukiro. 40. Mu
by'ukuri Twe twababuriye ibihano byegereje. Umunsi
umuntu azabona ibyo yakoze, umuhakanyi akavuga ati:
iyaba jye nabaga igitaka.

## Surat 79

# AN NAAZ'IAAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Ndahiye Abamala'ika bashikanuza roho z'abahakanyi,
boreka. [2] N'Abamala'ika basohora roho z'abemera bitonze.
[3] N'Abamala'ika bogoga ikirere bihuta. [4] N'Abamala'ika
bihuta cyane. [5] N'Abamala'ika bashinzwe kwita ku mibereho
y'ibiremwa. [6] Umunsi isi izatigita. [7] Ugakurikirwa n'undi
mutingito. [8] Imitima uwo munsi izaba ishya ubwoba. [9]
Amaso yayo yasuzuguritse. [10] Bavuga bati: ese twe rwose
tuzasubizwa aho twari turi. [11] Nitumara kuba amagufa
ashengutse!? [12] Baravuga bati: Ubwo uko kuzaba ari
ukugaruka kw'igihombo. [13] Rwose hazaba urusaku rumwe.
[14] Ubwo babe bari ku butaka.
[15.] Ese inkuru ya Muusa yakugezeho. [16.] Ubwo Nyagasani
we yamuhamagaraga mu kibaya gitagatifu cya Twuwaa?
[17.] Jya kwa Fir'aun rwose yarigometse. [18.] Uvuge uti:
ese ntiwakwiyeza. [19.] Nkakuyobora kwa Nyagasani
wawe, ugatinya? [20.] Amwereka igitangaza gihebuje.
[21.] Arahinyura aranigomeka. [22.] Maze atera umugongo akataza.
[23.] Arakoranya, arahamagara. [24.] Avuga ati: ni jye nyagasani
wanyu w'ikirenga. [25.] ALLAH (IMANA) amukacirira icyaha
cya nyuma n'icya mbere. [26.] Mu by'ukuri muri ibyo hari
isomo ku batinya.
[27.] Ese ni mwe murusha gukomera mu irema cyangwa
ikirere? Yaracyubatse. [28.] Yazamuye umubyimba
wacyo aragitunganya. [29.] Ijoro ryacyo arigira umwijima
akesha amanywa yacyo. [30.] Isi nyuma y'ibyo arayisasa.

31. Ayisohoramo amazi yayo n'inzuri zayo. 32. N'imisozi
yarayishimangiye. 33. Kugira ngo bibe ibyishimo byanyu
n'amatungo yanyu.
34. Ubwo ishyano rihambaye rizaza. 35. Umunsi umuntu
azibuka ibyo yakoze. 36. Djahiim ikagaragarizwa ureba.
37. Naho uwigometse. 38. Agahitamo ubuzima bw'isi. 39. Mu
by'ukuri Djahiim ni bwo buturo. 40. Naho uwatinye icyubahiro
cya Nyagasani we akanabuza umutima irari. 41. Rwose
Djannah ni bwo buturo. 42. Barakubaza ku mperuka igihe
izazira. 43. Nta bumenyi ufite ngo uyivuge. 44. Kwa Nyagasani
wawe ni ho ubumenyi kuri yo bugarukira. 45. Wowe gusa
uri uburira uyitinya. 46. Umunsi bazayibona bazaba nk'aho
batabayeho uretse umugoroba cyangwa agasusuruko.

Surat 80

# ABASA

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yazinze umunya aranahindukira. 2 Ubwo impumyi
yamusangaga. 3 Ni iki cyakumenyesha? Wenda yakwiyeza!
4 Cyangwa yakwibuka. Ukwibuka kukamugirira akamaro.
5 Naho uwiratana ubukire. 6 Wowe uramwitaho. 7 Waba iki
atiyejeje? 8 Naho ukugannye akataza. 9 Kandi we atinya.
10 Wowe ukamwirengagiza. 11 Oya! Mu by'ukuri yo ni
urwibutso. 12 Ushaka arayibuka. 13 Mu nyandiko ntagatifu.
14 Zo hejuru zejejwe. 15 Ziri mu maboko y'intumwa.
16 Ntagatifu, intungane. 17 Umuntu yaravumwe. Mbega
uguhakana kwe! 18 Yamuremye mu ki? 19 Yamuremye
mu ntanga, aramugenera. 20 Maze inzira arayoroshya.

21 Nyuma amwambura ubuzima aramushyingura.
22 Kandi nashaka azamuzura. 23 Oya! Ntiyari yasohoza
ibyo yamutegetse. 24 Ngaho umuntu niyitegereze ibiryo
bye. 25 Ko Twe twasutse amazi, ugusuka. 26 Maze dusatura
isi, ugusatura. 27 Tuyezamo impeke. 28 Imizabibu n'imboga
zisoromwa zikongera zigashibuka. 29 Imizeti n'imitende. 30
Imirima y'inzitane. 31 Imbuto n'ubwatsi. 32 Kugira ngo bibe
ibyishimo byanyu n'amatungo yanyu. 33 Ubwo urusaku
ruzaza. 34 Umunsi umuntu azahunga umuvandimwe we.
35 Nyina na se. 36 Umugore we n'abana be. 37 Buri muntu muri
bo uwo munsi, azaba afite ikibazo kimuhugije. 38 Uburanga
uwo munsi buzaba bwererana. 39 Bumwenyura bwishimye.
40 N'ubundi buranga uwo munsi buzaba bufite umukungugu.
41 Burenzwe n'umwijima. 42 Abo nibo bahakanyi, abangizi.

## Surat 81

# AT-TAK'WIIR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo izuba rizazingwa. 2 Ubwo inyenyeri zizahunguka.
3 Ubwo imisozi izagenzwa. 4 Ubwo ingamiya z'imbyeyi
zizarekwa. 5 Ubwo inyamaswa zizakoranywa. 6 Ubwo inyanja
zizacanwa. 7 Ubwo imitima izahuzwa. 8 Ubwo abakobwa
bahambwe ari bazima bazabazwa. 9 Ni ikihe cyaha biciwe!? 10
Ubwo ibitabo bizaramburwa. 11 Ubwo ikirere kizarandurwa.
12 Ubwo Djahiim izenyegezwa. 13 Ubwo Djannah izigizwa
hafi. 14 Umuntu azamenya ibyo yakoze.
15. Ndahiye inyenyeri zaka. 16. Izigenda zihisha. 17.
Ndahiye ijoro iyo riguye. 18. Ndahiye igitondo iyo gikeye. 19.

Mu by'ukuri yo ni ijambo (risomwA) n'Intumwa Yubahitse.
[20.] Nyir'imbaraga kwa Nyiri A'arsh yubashywe. [21.] Yumvirwa,
aho irizewe. [22.] Mugenzi wanyu si umusazi. [23.] Rwose we
yamubonye ari mu kirere gikeye. [24.] Kandi we si ugundira
ibyihishe. [25.] Kandi yo si ijambo rya Sha'itwan wavumwe.
[26.] Ese muragana he? [27.] Yo si ikindi uretse kuba urwibutso
ku biremwa. [28.] K'ushaka muri mwe kugororoka. [29.] Kandi
ntacyo mwashaka keretse ALLAH (IMANA) Nyagasani
w'ibiremwa ashatse.

Surat 82

## AL-IN'FITWAAR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

[1] Ubwo ikirere kizasatagurika. [2] Ubwo inyenyeri zizahunguka.
[3] Ubwo inyanja zizafungurwa. [4] Ubwo imva zizabirandurwa.
[5] Umuntu azamenya ibyo yakoze mbere n'ibyo yakoze
nyuma. [6] Yewe muntu! N'iki cyagushutse kuri Nyagasani
wawe w'icyubahiro. [7] We wakuremye akagutunganya
akakuringaniza? [8] Mu ishusho yashatse araguteranya.
[9] Oya! Ahubwo murahinyura umunsi w'ibihembo. [10] Kandi
rwose mufite abagenzuzi. [11] Bubashywe, bandika. [12] Bazi
ibyo mukora. [13] Mu by'ukuri intungane zizaba mu nema.
[14] Naho rwose abangizi bazaba muri Djahiim. [15] Bazayinjira
umunsi w'ibihembo. [16] Bo ntabwo bazajya bayiburamo.
[17] Ni iki cyakumenyesha umunsi w'ibihembo? [18] Kandi ni iki
cyakumenyesha umunsi w'ibihembo? [19] Ni umunsi umuntu
atazagira icyo amarira undi. Itegeko ryose uwo munsi rizaba
irya IMANA (ALLAH).

Surat 83

# AL-MUTWAFFIFIIN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibihano bikomeye bizagira abatuzuza iminzani. 2 Babandi
iyo bapimiwe n'abantu basaba kuzurizwa. 3 Babagerera
cyangwa babapimira bakagabanya. 4 Ese abo ntibaziko
bazazurwa. 5 Ku munsi uhambaye? 6 Umunsi abantu
bazahaguruka kubera Nyagasani w'ibiremwa. 7 Oya! Mu
by'ukuri igitabo cy'abangizi kiri muri Sidjiin. 8 Ni iki
cyakumenyesha Sidjiin? 9 Ni igitabo cyanditse. 10 Ibihano
bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura. 11 Babandi
bahinyura umunsi w'ibihembo. 12 Kandi ntawe uwuhinyura
keretse buri urengera, umunyabyaha. 13 Iyo asomewe
amagambo yacu aravuga ati: ni imigani y'abo hambere.
14 Oya! Ahubwo ibyo bakoraga byatwikiriye imitima yabo.
15 Oya! Mu by'ukuri bo, uwo munsi kuri Nyagasani wabo
bazakingirizwa. 16 Maze bo bazinjira Djahiim. 17 Nyuma
havugwe ngo: iki ni cyo mwahinyuraga.

18 Oya! Mu by'ukuri igitabo cy'intungane kiri muri
Iliyyuun. 19 Ni iki cyakumenyesha Iliyyuun? 20 Ni igitabo
cyanditse. 21 Abamala'ika begereye ALLAH (IMANA)
baragihamya. 22 Mu by' ukuri intungane ziri mu nema.
23 Ziri ku bitanda byiza zireba. 24 Ubona mu buranga bwazo
ibyishimo by' inema. 25 Zizahabwa ikinyobwa gipfutse.
26 Icya nyuma cyacyo ni Mis'qi. Muri byo abarushanwa
nibarushanwe. 27 Kivangiwe na Tas'niim. 28 Ni isoko
inyobwaho n' abegereye (IMANA (ALLAH)). 29 Mu
by'ukuri abagome bajyaga baseka abemera. 30 Babanyuraho

bakabaryanira inzara. 31 Basubira ku babo bagataha bishimye.
32 Bababona bakavuga bati: mu by’ukuri bariya ni abayobye.
33 Kandi batarabatumweho nk’abagenzuzi. 34 Uyu munsi
abemeye baraseka abahakanyi. 35 Bari ku bitanda byiza
bareba. 36 Ese abahakanyi barahemberwa ibyo bakoraga?

Surat 84

# AL-INSH’QAAQ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo ikirere kizasandara. 2 Kikumvira Nyagasani wacyo
kibikwiye. 3 Ubwo isi izaramburwa. 4 Ikanaga ibiyirimo
igasigara nsa. 5 Ikumvira Nyagasani wayo inabikwiriye.
6 Yewe muntu! Mu by’ukuri wowe uri umunyebakwe ugana
kwa Nyagasani wawe kandi uzamusanga. 7 Uzahabwa
igitabo cye mu ndyo ye. 8 Azabarurirwa ibarura ryoroshye.
9 Azasubira mu be yishimye. 10 Naho uzahererwa igitabo
cye inyuma y’umugongo we. 11 Azahamagara ukorama.
12 Yinjire Sa’iir. 13 Mu by’ukuri we yari mu be yishimye.
14 Mu by’ukuri we yaketse ko atazagaruka. 15 Yego! Mu
by’ukuri Nyagasani we aramubona. 16 Ndahiye igicu gitukura
mu burengerazuba. 17 N’ijoro n’ibyo ritwikira. 18 N’ukwezi
iyo kuzuye. 19 Rwose muzurira urwego ku rundi. 20 Ni kuki
batemera. 21 Banasomerwa Qur’aan ntibubame? 22 Ahubwo
abahakanye barahinyura. 23 Kandi ALLAH (IMANA) ni
We uzi cyane ibyo bahisha. 24 Bahe inkuru nziza y’ibihano
bibaza. 25 Uretse abemeye bakanakora ibitunganye bafite
ibihembo bidashira.

Surat 85

# AL-BURUUDJ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ikirere nyir'amazu y'inyenyeri. 2 N'umunsi
w'isezerano. 3 N'utanga ubuhamya n'ubutangwaho.
4 Baravumwe ba nyir'imyobo. 5 Umuriro ugurumana.
6 Ubwo bo bari bawicaye impande. 7 Kandi bo ku byo bakorera
abemera ari abahamya. 8 Ntacyo babahoye uretse kuba
bemera ALLAH (IMANA) Utsinda, Ushimwa cyane. 9 Ni
We ufite ubwami bw'ibirere n'isi. Kandi ALLAH (IMANA)
kuri buri kintu ni Umuhamya. 10 Mu by'ukuri abagerageje
abemera n'abemerakazi maze ntibicuze, bafite ibihano bya
Djahannam banafite ibihano bitwika. 11 Mu by'ukuri abemeye
bakanakora ibitunganye bafite Djannah zitembamo imigezi.
Uko ni ko gutsinda guhebuje. 12 Mu by'ukuri ugukacira kwa
Nyagasani wawe kurakomeye. 13 Rwose ni We utangira
akanasubira. 14 Ni na We Uhebuje mu guhanagura ibyaha,
Ukunda cyane. 15 Nyiri A'arsh, Uwicyubahiro. 16 Ukora ibyo
ashatse. 17 Ese inkuru y'ingabo yakugezeho? 18 Fir'aun na
ba Thamuud. 19 Ahubwo abahakanye bari mu guhinyura.
20 Kandi ALLAH (IMANA) inyuma yabo abagose.
21 Ahubwo yo ni Qur'aan Ntagatifu. 22 Ku rubaho rurinzwe.

Surat 86

# AT-TWAARIQ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ikirere n'ibigaragara nijoro. 2 Ni iki
cyakumenyesha ikigaragara nijoro. 3 Ni inyenyeri imurika.
4 Rwose buri muntu afite umugenzuzi. 5 Umuntu niyitegereze
icyo yaremwemo. 6 Yaremwe mu mazi ataruka. 7 Ava hagati
y'imigongo n' ibituza. 8 Mu by'ukuri We ni Ushobora
kumugarurura. 9 Umunsi amabanga azahishurwa. 10 Nta
mbaraga azaba afite cyangwa umutabazi. 11 Ndahiye ikirere
nyir'ukugarura. 12 N'isi nyir'ugusaduka. 13 Mu by'ukuri
yo ni ijambo rikemura. 14 Ntabwo ari ijambo ry'umukino.
15 Mu by'ukuri bo bakora akagambane. 16 Nkaburizamo
akagambane kabo. 17 Ha igihe abahakanyi ubarindirize gato.

Surat 87

# AL- A'ALA

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi

1 Singiza izina rya Nyagasani wawe w'Ikirenga. 2 Uwaremye
agatunganya. 3 Uwagennye akanayobora. 4 Uwejeje ubwatsi.
5 Akabugira ibisigazwa by'umukara. 6 Tuzagusomesha
ntuzibagirwa. 7 Keretse ibyo ALLAH (IMANA) ashaka.
Mu by'ukuri We azi ibigaragara n'ibyihishe. 8 Tukorohereza
kugera ku cyoroshye. 9 Ngaho ibutsa niba ukwibutsa kwagira
akamaro. 10 Utinya ni we uzibuka. 11 Naho umwangizi
wa cyane azarwitarura. 12 Wawundi uzinjira mu muriro

uhambaye. 13 Hanyuma ntapfiremo ntanakire. 14 Mu by'ukuri
uwiyejeje yarahonotse. 15 Akambaza izina rya Nyagasani
we akanakora Swalaat. 16 Ahubwo mukunda cyane ubuzima
bw'isi. 17 Kandi imperuka ari yo nziza kuruta. Ari na yo
izagumaho. 18 Mu by'ukuri ibi biri mu nyandiko zo hambere.
19 Inyandiko za Ibraahiim na Muusa.

Surat 88

## AL-GHAASHIYAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese inkuru y'igitwikira yakugezeho!? 2 Uburanga uwo
munsi buzaba busuzuguritse. 3 Bukora bunaniwe. 4 Buzinjira
umuriro ushyushye. 5 Buzahabwa ikinyobwa cy'isoko
igaze. 6 Nta biryo bufite uretse amahwa. 7 Ntibibyibushya
nta n'ubwo bimara inzara. 8 N'uburanga uwo munsi buzaba
bukeye. 9 Bwishimiye ibikorwa byabwo. 10 Muri Djannah
yo hejuru. 11 Ntibuzumvamo amahomvu. 12 Harimo isoko
itemba. 13 Harimo ibitanda byo hejuru. 14 N'ibikombe
biteretse. 15 N'imisego ishashe. 16 N'amasaso arambuye.
17 Ese ntibitegereza ingamiya uko yaremwe? 18 N'uko
ikirere cyahanitswe? 19 N'imisozi uko yashimangiwe?
20 N'isi uko yarambuwe? 21 Ngaho ibutsa mu by'ukuri
wowe uri uwibutsa. 22 Nta bwo kuri bo uri umunyagitugu.
23 Uretse utera umugongo akanahakana. 24 ALLAH (IMANA)
akazamuhanisha ibihano bihambaye. 25 Mu by'ukuri iwacu ni
ho garukiro ryabo. 26 Kandi ibarura ryabo ni kuri Twe.

Surat 89

# AL-FADJ'R

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye umuseke. 2 N'amajoro cumi. 3 N'ikitari
igiharwe n'igiharwe. 4 N'ijoro ubwo rihita. 5 Ese muri
byo ntiharimo indahiro nyayo k'ufite ubwenge!? 6 Ese
ntureba uko Nyagasani wawe yagize ba A'ad. 7 Aba Irama
ba nyir'inyubako ndende. 8 Bo, hatigeze haremwa nka
bo mu bihugu. 9 Na ba Thamuud babazaga urutare, mu
bibaya. 10 Na Fir'aun nyir'imambo!? 11 Babandi bigometse
mu bihugu. 12 Bagakabyamo ubwangizi. 13 Nyagasani
wawe akabasukaho ibihano bibabaza. 14 Mu by'ukuri
Nyagasani wawe ni Ugenzura. 15 Iyo umuntu Nyagasani
we amugerageje akamuhundagazaho inema aravuga ati:
Nyagasani wanjye yanyubahishije. 16 Naho iyo amugerageje
akamugerera amafunguro ye aravuga ati: Nyagasani wanjye
yansuzuguje. 17 Oya! Ahubwo ntimugirira neza imfubyi. 18
Nta n'ubwo mukangurira kugaburira abakene. 19 Murya
imirage mumaraho. 20 Mugakunda umutungo urukundo
rukabije. 21 Oya! Ubwo isi izahondwa cyane. 22 Itegeko
rya Nyagasani wawe n'Abamala'ika bikaza ku mirongo.
23 Uwo munsi Djahannam izazanwa. Icyo gihe umuntu
azibuka. Ni hehe yakura ukwibuka? 24 Azavuga ati: iyaba
jye nari narazigamiye ubuzima bwanjye! 25 Nta n'umwe
uzahanisha ibihano nk'ibye. 26 Uwo munsi nta n' umwe
uzabohesha ingoyi nk' iye. 27 Yewe roho ituje! 28 Garuka
kwa Nyagasani wawe wishimye wishimiwe. 29 Winjire mu
bagaragu banjye. 30 Kandi winjire muri Djannah yanjye.

Surat 90

# AL-BALAD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye uyu mujyi. 2 Nawe utuye uyu mujyi.
3 N’umubyeyi n’uwo yabyaye. 4 Rwose twaremye umuntu
mu muruho. 5 Ese arakekako nta n’umwe uzamushobora?
6 Aravuga ati: nakoresheje umutungo mwinshi. 7 Ese arakeka
ko nta n’umwe wamubonye? 8 Ese ntitwamuhaye amaso
abiri? 9 Ururimi n’iminwa ibiri. 10 Tukanamwereka inzira
ebyiri. 11 Ariko ntashaka kurenga imbogamizi. 12 Ni iki
cyakumenyesha imbogamizi? 13 Ukubohora umucakara.
14 Cyangwa ukugaburira k’umunsi w’amapfa. 15 Imfubyi y’
isano. 16 Cyangwa umukene uri mu kaga. 17 Maze abe mu
bemeye babwirizanya ukwihangana bakanabwirizanya
kugirirana impuhwe. 18 Abo ni ab’iburyo. 19 Naho abahakanye
amagambo yacu bo ni ab’ibumoso. 20 Bagenewe umuriro
upfundikiye.

Surat 91

# A-SHAM’S

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye izuba n’urumuri rwaryo. 2 N’ukwezi ubwo
kurikurikira. 3 N’amanywa ubwo arigaragaza. 4 N’ijoro
ubwo riritwikira. 5 Ndahiye ikirere n’uwacyubatse.
6 N’isi n’uwayishashe. 7 Na roho n’uwayitunganyije.
8 Akayihishurira ububi bwayo n’ubwiza bwayo. 9 Rwose

uzayeza azahonoka. 10 Kandi azamwara uwayipfukiranye.
11 Ba Thamuud barahinyuye kubera kwigomeka kwabo.
12 Ubwo ubarusha ububi yahagurukanaga ibakwe. 13 Intumwa
ya ALLAH (IMANA) ikababwira iti: nimureke ingamiya ya
ALLAH (IMANA) no gushoka kwayo. 14 Baramuhinyura
barayibaga, Nyagasani wabo arabarandura ku bw'ibyaha
byabo araringaniza. 15 Kandi ntatinya ingaruka zabyo.

Surat 92

## AL-LAIL

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ijoro ubwo ritwikira. 2 Ndahiye amanywa iyo
yigaragaje. 3 Ndahiye uwaremye gabo na gore. 4 Mu by'ukuri
ibikorwa byanyu biranyuranye. 5 Utanga akanaganduka.
6 Akanemera icyiza. 7 Tuzamworohereza inzira y' ibyiza.
8 Naho uzaba umunyabugugu akikuza. 9 Agahinyura icyiza.
10 Tuzamworohereza inzira y'ibibi. 11 Kandi umutungo we
ntacyo uzamumarira nagwa mu muriro. 12 Mu by'ukuri ni
inshingano zacu kuyobora. 13 Kandi iby'imperuka n'iby'isi
ni ibyacu. 14 Mbaburiye kwirinda umuriro ugurumana.
15 Ntawe uwujyamo keretse umubi cyane. 16 Wahinyuye
akanahindukira. 17 Uganduka cyane azawurindwa. 18 Utanga
umutungo we yiyeza. 19 Ntararikira kwiturwa n'uwo yagiriye
neza. 20 Uretse gushakisha ishimwe rya Nyagasani we w'
Ikirenga. 21 Kandi azishima.

Surat 93

## A-DHWUHAA

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye agasusuruko. 2 Ndahiye ijoro ubwo ryijima.
3 Nyagasani wawe ntiyakwanze nta n'ubwo yakuretse.
4 Kandi imperuka ni yo nziza kuri wowe kurusha isi.
5 Nyagasani wawe azaguha wishime. 6 Ese ntiyagusanze uri
imfubyi akaguha ubuhungiro? 7 Akagusanga utazi inzira
akakuyobora? 8 Akagusanga uri umukene akagukiza? 9 Imfubyi
ntukayikandamize. 10 Naho usaba ntukamukankamire. 11
Kandi inema za Nyagasani wawe uzigaragaze.

Surat 94

## A-SHAR'H

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese ntitwakwaguriye igituza cyawe. 2 Tukagutura
umutwaro wawe. 3 Wari uremereye umugongo wawe.
4 Tukakuzamurira kuvugwa kwawe!? 5 Mu by'ukuri ahari
ingorane haba n'icyiza. 6 Mu by'ukuri ahari ingorane haba
n'icyiza. 7 Nuhuguka ujye ushishikara. 8 Kandi wiyegurire
Nyagasani wawe.

## Surat 95

# AT-TIIN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye umutini n'umuzeti. 2 Ndahiye Twuur Sainaa'i.
3 Ndahiye uyu mujyi utekanye. 4 Rwose umuntu twamuremye
mu kimero cyiza. 5 Hanyuma tumusubiza kuba uwo hasi
cyane mubo hasi. 6 Uretse abemeye bakanakora ibitunganye;
bo bafite ibihembo bidashira. 7 Ni iki nyuma y'ibyo cyatuma
uhinyura umunsi w'ibihembo? 8 Ese ALLAH (IMANA) si
We Urusha ubushishozi abacamanza bose?

## Surat 96

# AL 'ALAQ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Soma ku izina rya Nyagasani wawe waremye.
2 Yaremye umuntu mu rusoro. 3 Soma! Nyagasani wawe
ni Umunyacyubahiro cyane. 4 We wigishije akoresheje
ikaramu. 5 Yigishije umuntu ibyo atari azi. 6 Oya! Mu
by'ukuri umuntu arigomeka. 7 Kuba yibonako akize. 8 Mu
by'ukuri kwa Nyagasani wawe niho garukiro. 9 Ese ntubona
ubuza. 10 Umugaragu iyo akora Swalaat? 11 Ese ntubona iyo
ari ku buyoboke? 12 Cyangwa ategeka kuganduka? 13 Ese
ntubona iyo ahinyura akanahindukira? 14 Ese ntiyamenyeko
ALLAH (IMANA) abona? 15 Oya! Natarekera aho
tuzamukurura uruhanga rwe. 16 Uruhanga rubeshya, rufudika.
17 Nahamagare itorero rye. 18 Tuzahamagara abarinzi

b’umuriro b’inkazi. 19 Oya! Ntumwumvire. Wubame
uniyegereze IMANA (ALLAH).

Surat 97

## AL-QADAR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mu by’ukuri Twe twayimanuye mu ijoro ry’igeno. 2 Ni
iki cyakumenyesha ijoro ry’igeno? 3 Ijoro ry’igeno riruta
amezi igihumbi! 4 Abamala’ika na Ruuh barimanukanamo
k’ubw’ubushake bwa Nyagasani wawe buri tegeko. 5 Ryo ni
amahoro kugeza ubwo umuseke utambitse.

Surat 98

## AL-BAYYINAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Abahakanye muri ba nyir’ibitabo n’ababangikanya, si abo
kureka ubuhakanyi kugeza gihamya igaragara ibagezeho.
2 Intumwa iturutse kwa ALLAH (IMANA) isoma inyandiko
zejejwe. 3 Zirimo amategeko aboneye. 4 Abahawe ibitabo
ntibatandukanye uretse nyuma y’uko bagerwaho na gihamya
igaragara. 5 Kandi ntacyo bategetswe keretse kugaragira
ALLAH (IMANA) bamwereza idini ari ba Hunafaa
bagahozaho Swalaat bakanatanga Zakaat. Iryo ni ryo dini
riboneye. 6 Mu by’ukuri abahakanye muri ba nyir’ibitabo
n’ababangikanya bazaba mu muriro wa Djahannam
ubuziraherezo. Abo ni bo babi mu biremwa. 7 Mu by’ukuri

abemeye bakanakora ibitunganye; abo ni bo beza mu
biremwa. 8 Ibihembo byabo kwa Nyagasani wabo ni Djannah
zihoraho zitembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo.
ALLAH (IMANA) yarabishimiye nabo baramwishimira.
Ibyo ni iby’ utinya Nyagasani we.

Surat 99

## AZ- ZAL’ZALAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo isi izatigiswa, umutingito wayo. 2 Isi igasohora
ibiyiremereye. 3 Umuntu akavuga ati: ese yabaye ite? 4 Uwo
munsi izavuga inkuru zayo. 5 Kubera ko Nyagasani wawe
yayihishuriye. 6 Uwo munsi bazagaruka batatanye kugira ngo
berekwe ibikorwa byabo. 7 Uwakoze uburemere bwa dharrah
bw’ibyiza azabubona. 8 N’uwakoze uburemere bwa dharrah
bw’ikibi azabubona.

Surat 100

## AL’ADIYAAT

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ifarasi ziruka. 2 Ndahiye n’izikubita ibinono
bigatarutsa ibishashi. 3 Ndahiye n’izitera mu rukerera.
4 Zigatumura umukungugu. 5 Zikajya hagati y’ingabo
z’umwanzi. 6 Mu by’ukuri umuntu ni intashima kuri
Nyagasani we. 7 Kandi we kuri ibyo ni umuhamya. 8 No mu
gukunda umutungo arakaze. 9 Ese ntazi ubwo ibiri mu mva

bizanyanyagizwa!? 10 Ibyo mu bituza bikagaragazwa. 11 Mu
by'ukuri Nyagasani wabo kuri bo uwo munsi ni Umumenyi
w'ibyihishe.

## Surat 101

# AL- QAARI'AH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Igihonda. 2 Igihonda ni iki? 3 Ni iki cyakumenyesha
igihonda? 4 Umunsi abantu bazamera nk' ibinyugunyugu
binyanyagijwe. 5 Imisozi ikamera nk'ibayi ritumuwe. 6 Uwo
iminzani ye izaremera. 7 Azaba ari mu buzima bushimishije.
8 Naho uwo iminzani ye izoroha. 9 Nyina azaba ari Haawiyah
10 N'iki cyayikumenyesha? 11 Ni umuriro ushyushe.

## Surat 102

# AT-TAKAATHUR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mwarangajwe no kurundanya iby'isi. 2 Kugeza ubwo musuye
amarimbi. 3 Oya! Muzamenya. 4 Kandi oya! Muzamenya. 5
Oya! Iyo mumenya ubumenyi budashidikanywa. 6 Rwose
muzabona Djahiim. 7 Maze rwose muzayibonesha ijisho
ridashidikanya. 8 Hanyuma rwose kuri uwo munsi muzabazwa
ku nema.

Surat 103

## AL-AS’R

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye igihe. 2 Mu by’ukuri umuntu ari mu gihombo.
3 Uretse abemeye bagakora ibitunganye bakagirana inama
mu kuri bakanagirana inama mu kwihangana.

Surat 104

## AL-HUMAZAH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibihano bikomeye biri kuri buri unegura cyane, usebanya mu
marenga. 2 Uwarundanyije imitungo akanayibara. 3 Arakeka
ko umutungo we uzamuhozaho. 4 Oya! Azajugunywa
muri Hutwamah. 5 Ni iki cyakumenyesha Hutwamah? 6 Ni
umuriro wa ALLAH (IMANA) ucanye. 7 Ugera ku mitima.
8 Mu by’ukuri wo bawupfundikiwemo. 9 Mu mpombo ndende.

Surat 105

## AL-FIIL

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese ntiwabonye uko Nyagasani wawe yagize ba nyir’ inzovu?
2 Ese akagambane kabo ntiyakaburijemo? 3 Abohereza
inyoni uruhuri. 4 Zibatera amabuye y’amahindure. 5 Abagira
nk’ubwatsi bwarishijwe.

Surat 106

## QURAISH

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Kubera akamenyero k'aba Quraish. 2 Akamenyero kabo
k'ingendo z'igihe cy'ubukonje n'icy'impeshyi. 3 Ngaho
nibagaragire Nyagasani w'iyi nzu. 4 Uwabagaburiye abakiza
inzara anabatekanya abamara ubwoba.

Surat 107

## AL-MAA'UUN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese ntubona uhinyura umunsi w'ibihembo? 2 Uwo ni
uhutaza imfubyi. 3 Ntanashishikarize kugaburira abakene. 4
Ibihano bikomeye biri ku bakora Swalaat. 5 Babandi bo kuri
Swalaat zabo barangara. 6 Babandi bo biyerekana. 7 Bakimana
n'ibikoresho byo mu rugo.

Surat 108

## AL-KA'UTHAR

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mu by'ukuri Twe twaguhaye ibyiza byinshi. 2 Kora Swalaat
ku bwa Nyagasani wawe unatambe. 3 Rwose ugutuka ni we
ncike.

Surat 109

## AL-KAAFIRUUN

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: yemwe bahakanyi! 2 Singaragira ibyo mugaragira.
3 Cyangwa mwe ntimuri abagaragira uwo ngaragira.
4 Cyangwa jye sindi ugaragira ibyo mwagaragiye.
5 Cyangwa mwe ntimuri abagaragira uwo ngaragira. 6 Mufite
idini ryanyu, nanjye mfite iryanjye dini.

Surat 110

## AN-NAS'R

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo ugutabara kwa ALLAH (IMANA) kuzaza n'intsinzi.
2 Ukabona abantu binjira mu idini rya ALLAH (IMANA)
ari amatsinda. 3 Uzatagatifuze ishimwe rya Nyagasani
wawe umusabe kuguhanaguraho ibyaha. Mu by'ukuri We ni Uwakira ukwicuza cyane.

Surat 111

## AL-MASAD

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Amaboko ya Abulahab yaroramye na we arorama.
2 Umutungo we ntacyo wamumariye n'ibyo yakoze.

3 Azinjira mu muriro w'ikibatsi. 4 N'umugore we wikorera
inkwi. 5 Mu ijosi rye hazaba umugozi w'umurunga.

Surat 112

## AL-IKH'LAASW

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: We ni IMANA (ALLAH), Umwe Rukumbi
2 IMANA (ALLAH), Uwishingikirizwa. 3 Ntiyabyaye,
ntiyanabyawe. 4 Nta na kimwe kimeze nka We.

Surat 113

## AL- FALAQ

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: nikinze kuri Nyagasani w'igitondo. 2 Andinde ikibi
cy'ibyo yaremye. 3 Anandinde ikibi cy'ijoro ryijimye iyo
rigwa. 4 Anandinde ikibi cy'abagore bahuha mu mapfundo.
5 Anandinde ikibi cy'umunyeshyari iyo agize ishyari.

# Surat 114

## AN-NAAS

Ku izina rya ALLAH (IMANA) Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: nikinze kuri Nyagasani w'abantu. 2 Umwami
w'abantu. 3 Imana y'abantu. 4 Andinde ububi bw' utera
urungabangabo wihisha. 5 Utera urungabangabo mu bituza
by'abantu. 6 Mu madjinn no mu bantu.

QURAN, ni igitabo gitanga inkuru nziza n'ububurizi ku kiremwa muntu, igashimangira kugaragariza umuntu ukuri kwaba uko kwizera ndetse n'imitekerereze

Buri gitabo kigira intego n'intego za Quran ni ukugirango umuntu asobanukirwe umugambi w'Imana wo kurema. Ibyo akaba, ari ugusobanurira umuntu ni kuki Imana yaremye iyi Isi; ni iyihe mpamvu yatumye Imana ishyira umuntu ku Isi; ni iki umuntu asabwa mbere y'uko yitaba Imana, kandi ni iki kimutegereje nyuma yo kuva kuri iyi Isi. Intego ya Quran ni ukugirango umuntu abeho ariko azi neza ukuri kuri ibi, bityo iyobore umuntu mu rugendo rwe rwo muri ubu buzima kugeza mu buzima bwa nyuma y'urupfu.

Ingingo zibanze za Quran ni ukwiyeza, kwiyegereza Imana, amahoro no kuganduka. Quran ikoresha imvugo nyinshi, tawassum, tadabbur na tafakkur aribyo bisobanura kwiga isomo ukaritekerezaho ukanitegereza ibimenyetso by'Imana bizungurutse hose ku Isi. Quran ikaba yaragiye isobanurwa hazirikanwa izi ngingo zibanze.

Buy

ISBN 978-93-91969-61-5

9 789391 969615

www.goodwordquran.com www.cpsglobal.org